

BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA I  
KIBEHO KU ITARIKI YA 15/05/1989 - KIBEHO (RWANDA).

Ahubwo nari nagize ubwoba ko mutari buze vuba kubera ko nabonaga hari abandi mushobora kuganira. Ariko Maman, urishimye, ibyo unsaba kuri uyu muni byose ndabiguha, icyampa ngo nipfire uyu muni koko. N'undi wese ubyifuza wumva akeye kugira ngo twese utwezee abantu bose bari i Kibeho n'abadahari. Mbese uko mwabimbwiye kare niko mbibona. Mwambwiye ko uko muje ariko mwongera kuza mwishimye. Oya kuri 20/3 nari mbabaye cyane, cyane ku buryo nari mfite n'intege nkeya ntari nzi ko nshobora kumera nk'uku meze. Ariko byose uko mubishaka bibaho.

*INDIRIMBO : Bikira Mariya, Mubyeyi...*

Mfite ibyishimo byinshi cyane kandi nta kindi nashobora kugira ngo umuntu uwo ari we wese ukunda Imana ayisange, abe kumwe nawe, abe mu maboko yawe, ndetse umwishyirire mu bituza byawe, umwiyegeke kuko aba ari umwana wawe ugukunda rwose. Mbese uyu muni ndabona udahuje n'iyindi muni yose twaganiriye. Ubundi mwazaga kuri anniversaire nkabona murishimye, ariko uyu muni mwarushije. Usibye ko nyjewe, ibyishimo byanjye bindenga, bindenga nkumva noneho n'amarira araje.

*INDIRIMBO: .....*

Ubu rwose, Mariya, uje kutugaragariza ibyishimo, umutima wee, uraberewe, wakereye abana be, umutima we urererana nk'isimbi, imitima yacu yuzuye ibyishimo. Mariya ubengerana ikuzo, ubengerana ikuzo n'icyubahiro. Oya akenshi na kenshi, uko udukunda siko tugukunda. Ikindi kandi, uko bivugwa si ko bikorwa. Oya, mbese buri muntu wese uko akora ikintu n'uko akivuga, si ko agukurikiza, ahubwo usanga buri muntu ku giti cye yivugira ibye n'undi akivugira ibye. Ugasanga hariho n'igihe ushobora gukurikirana ikintu, ukakivana hasi ukakigeza hejuru, ariko ku munota wa nyuma kikakunanira ntabwo tubizirikana rero ngo twibuke ko ari za ntege nke za muntu, ahubwo ugasanga ko abantu bose batabyumva. Oya kenshi na kenshi usanga ko umuntu ashaka gukora igikorwa cyiza, ariko ugasanga hari ikindi gice kimuhishe. Cya gice kimuhishe nicyo gituma ashaka ko yakora ukwiza. None rero niyo mpamvu tutabyumva cyangwa se ukumva utabishaka. Ntabwo rero ari ukuba umuntu atabishaka koko ni sekibi iza ikagana umuntu, za ntege nkeya zigatuma umuntu akora icyo yanze. Maze rwa rukundo rwawe rwatikira agakora icyo ushaka.

*INDIRIMBO: Ndakuramutsa Mariya...*

Oya, akenshi na kenshi buri muntu wese yibaza kimwe n’undi ariko umuti wabyo ntabwo uba umwe. Urubaza wabwira mugenzi wawe akagusobanurira uko bitari wabaza undi nawe akagusobanurira uko bitari. Hakabaho n’uza akongera kubyo utamubwiye akabisobanura uko atabyumvise, akabifata uko bitari akabibwira nuko atabyumvise akenshi na kenshi akiyongereraho. Niyo mpamvu nabasezeraniye ko nta na rimwe nzigera nongera ku cyo mumbwiye cyangwa ngo nkigabanureho. Nkabasaba kuko ntawigira kugira ngo mbese igihe muzabona nongereye ku byo mumbwiye cyangwa nkabigabanuraho muzansezereho nimubona mbikoranye ukwikuza, nimubona mbikoranye kugira ngo mbese ab’iyi si banshime. Muzansezereho, sinzongere no kubabona mu maso, kandi muzanshe mu bana banyu, ariko kandi ndongera nkabasaba, nibiza ntabishaka, ntazi iyo bivuye kuko umuntu agira intege nkeya, muzambabarire muce inkoni izamba kuko umuntu ari umuntu. Ntimuzabikore uko mbishaka ahubwo muzabikore uko mushaka.

Oya, byose biba uko Imana ishaka kandi n’Imana nayo ikagira uruhare igwizamo abe bese, igashyikiriza ibyo ishaka, ikabibagabira uko bikwiye, ntacyo bashatse kiri ngombwa kuko Imana itanga ibiri ngombwa, kandi namwe mukadusabira, mukadutakambira aho turi hose.

*INDIRIMBO:*

*Sugi yasamanywe isuku, wowe Nyiringoma ntagatifu, yagororeye ingoro, Tumurate, tumushime we Mariya.*

*Sugi yasamanywe isuku wowe Nyiringoma ntagatifu yagororeye ingoro, Tumurate tumushime we Mariya.*

Urishimye cyane ku buryo nari ntarabibona. Ariko se maman, aho uwo mwaganiraga, aho sinaba nakurangaje ntimuganire. Oya, ntabwo ari ukugucaca, ahubwo ni ukugira ngo mbimenye nsheceke gato muganire, kuko nanjye, naturutse iwacu mbona muganira n’undi muntu, usibye ko ntababonaga. None rero ndagira ngo mbabaze niba hari uwo mwaganiraga. Mbese ibibazo mfite ni byinshi. None se tuvuge hariho nk’abaza bakavuga nk’ibintu byinshi, tukabona koko muvugana, ukabona cyangwa se bari kumwe n’undi muntu, mbese twese iyo tubareba, tubona bimwe, hari ibindi se biri ku mpande tubona bisa namwe?

Ngo ntimuzagire na rimwe mwibeshya ko umuntu aba yiyohereje, iyo atambona aba abona ikindi kintu, niyo mpamvu buri muntu wese aba afite imbaraga cyangwa se aba areba ku buryo butandukanye. Niyo mpamvu mu gukurikirana ibyanjye, muzapfukama mugahara amavi, mugasenga mushishikaye, mugasaba kugira ngo musobanukirwe, kugira ngo mubone ukuri kuko ntawe ubona ubusa, n’utambona abona ikindi n’unduzi nawe akaba ambona. Gusa byose ni ugusenga, ugasaba ubushishozi, kuko iyo umuntu

adasfite ubushishozi nta na kimwe amenya. Ariko maman, munsubije icyo, hari ikindi mwabindikiranije. Nababajije niba uwo mwaganiraga, mwasezeranyeho ko iwacu mu kinyarwanda iyo umuntu aganira n'undi, arabanza akareka bakaganira, bakaza kuganira nyuma. Nanjye nagira ngo mbese, mbe nisigariye mu ndabo zanyu, ndebe ukuntu zimeze yenda muganire n'uwo mwaganiraga, none ko ntigeze mbona mumugariza, aho ntimwamutereranye.

Mbese twebwe hari ibitu ... uko munsobanuriye ntabwo mbyumvise. Nuko buri muntu wese iyo tuje tuza tuvuga izina ryanyu, ntawe uza atavuga B. Mariya cyangwa ngo avuge Yezu. Wabwirwa n'iki se uwo udatumye? Umva shitani ntabwo ibwiriza umuntu gusenga. Twe ni uko tubizi, tuzi ko shitani izirana no gusenga kandi ntawe uraza avuga ibya shitani. Byose biza ari ukuririmba indirimbo zawe, byose ari mwebwe nta na kimwe cyongereyeho twabitandukanya dute se? Twese ntawe uvuga shitani, tuvuga izina ryanyu. Niho hakwiye isengesho, none se kuki hariho igihe bishobora kutugabanyiriza ukwemera, tukagira n'intege nkeya. Harimo abashaka ikuzo. Gute? Tuzababwirwa n'uko rimwe na rimwe bagenda bananirwa. Bate se? Natwe turananirwa, dushobora no kwirubana.

Bigenda bigaragara nuko tudafite amaso yo kureba, ubu se ko mbona buri gihe tugenda dukanuye ntawituye hasi! Tureba hehe? Hari amaso y'umubiri, hari n'ay'umutima. Hari amatwi y'umubiri hari n'ay'umutima. Hari ibitekerezo bireba iby'isi n'ibigereranya iby'Imana. Ntimugapfe guhubuka. Ariko se Maman, ubu urabona mbese, abenshi bari i Kibeho bavuga ko mwabigaragarije, ni benshi, turi benshi cyane, hariho mbese abo mwasezeyeho, mbese twabwirwa n'iki, mbese buri muntu wese niko yibaza yenda nanjye ndabyibaza. Hari n'igihe nshobora kuvuga nti ariko koko buriya ni Bikira Mariya mbona, ubwo se koko yavuye mu ijuru aje kunyigaragariza, koko aza ku isi h'abanyabyaha kubigaragariza.

None se ko Yezu yavuze ko azagaruka rimwe gusa, kuki yagarutse ku isi? Ngo nta gihe ataje, ngo nta n'igihe atigaragaje, haba mu bitekerezo, haba mu bitotsi, haba ku mugaragaro. Ndetse ibyinshi nibyo mwabonye nibyo mubona, ngo ikimubabaza nuko harimo abazaduhokaho cyangwa hakabaho abazahamya ibinyoma ntibahamye iby'ukuri, iby'ukuri babiciye inyuma. Ngo nimugerageze mutere imbere, ngo mwisubira inyuma ngo nimumusabe ngo arapfukamye aratakamba, ngo nimumuhereze byose abihereze hamwe. Ngo ni umubyeyi ugira impuhwe, ngo nuko abo azigabira batamwumva. Ariko ngo ntazabe Nyamwisiga ngo yisange, kandi ntimuzabe babura mwaje, ngo abivuze kenshi. Oya, ariko indabo mwahinze ni nyinshi we, uwatwiheraho nkeya natwe

tukihingira. Ndabona zitohereye ari nziza, umenya nta n'invura yageze iwanyu.

Bana nkunda, ntimugatangarire ibyo mwumva cyangwa mubona, mumenye ko aho umukristu wese aciye n'umwanzi amuca impande, ko aho umwiza aciye hakurikiraho umubi, umuvuga uko atari ngo nyamara ntimukagire izo ntege nkeya ngo mwinube cyangwa se mwumve ko Imana itabashaka.

*INDIRIMBO: Dutete twifitiye Umubyeyi.*

Ariko Maman, kuki wowe utabyina, abantu bazajya bakubyinira gusa ariko ubu ndi i Kibeho ntabwo nabikora. Twebwe impamvu tubishobora nuko tubyirirwamo, wowe wabona uwo mwanya, reka ufite akazi kenshi Maman, kenshi cyane. Naho twe se ko turi inkundarubyino. Ariko uyu muni murishimye, njye naho nabereye, yego n'ubundi mwishimaga, ariko nkabona harimo n'akantu minkinze. Naho ubu mwanyeruriye mwese wese. Ngaho nimubyine ndebe. Twebwe iyo tubyina tugira dutya, mbese umuntu akabona ko mufite imbaraga. Mbese wabyina boshye umuntu wishwe n'inzara. Mbese iyo umuntu abyina agaragaza mu mubyimba ko abyina koko, ariko ubyinira ku mutima boshya umuntu urigunga.

N'imbyino ivuye ku mutima y'Imana umuntu aba arimo gusenga. Yego biba ari ugusenga, ariko twebwe iyo tubyina, turabaragurika. Ntabwo nabishobora kubyina mbyiniye ku mutima. Njye sinabishobora singiye kubeshya. Njye iyo mbyina ukuguru ndagukubita koko. Ariko njye sinabyina gutyo ngo nzabishobore. Ariko nzabigerageza. Ntacyo muzashaka ngo kinanire. Ariko se Maman, ndabona wasetse watembye, ushimishijwe n'iki? Ibyo dukora ni byinshi kuri iyi si kandi binyuranyije. None se igihe mwirirwa mubibonera bikwiye kubasetsa koko! Ahubwo muzaseka mugere aho mubure n'igihe. Se wanshubije i Kibeho nkareba.

Ariko ubwo uribuka mutangira kunyigaragariza bwa mbere, natashye nshidikanya, ubwoba bwanyishe, nagera imuhira babivuga ngashaka kwiruka nti buriya rwose ni ibintu natekereje, cyangwa se nuko nasenze cyane, cyangwa se nuko numvaga babivuga. Mbese nabaye nka Thomas, nagiye kwemera bingoye. Yego sinabitekerejeho cyane, ariko naravugaga nti umuntu w'umugore umeze kuriya, nkumva mbese simbyumva, natekereza ko mwambwiye ngo ni Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga n'abanyabyaha, aje kwiyunga n'abanyabyaha se akora iki kibi, nkumva mbese birandenze. Ariko ku muni wa kabiri mugarutse, mumbwiye gusenga amasengesho ntazi, numva binteye ubwoba. Ariko ubungubu maze kumenya ukuri, maze kumenya uwo uri we.

Maze kumenya ko ngomba kugukorera, nashaka ngapfira muri wowe nkumva ko ntagomba gukorera ishimwe ry'abantu. Ariko Maman, uziko Papa kuri makumyabiri, yambwiye ngo ntihazagire umuntu wo muri komisiyo n'umwe ukubaza ndavuga nti se umunsi bambajije nzatinyuka mvuge ngo iki, nzababwira ko bambujije. Nti buriya bazavuga ngo ni agasuzuguro cyangwa se aranga kubitubwira, cyangwa se ntanabyibuka. Nawe agiye kubimbwira ibintu yambwiye ni ibintu nakubwira turi twenyine naho ubundi ntabwo nabivamo. Naragerageje reka da umutwe ugiye kumeneka, ntabwo mbyumva, nta n'ubwo mbishyira mu mutwe ngo bijyemo, kubera yarambwiye ngo igihe nzabishakira byose nzabishyiramo. Ndamubwira nti ese ubu nabishyira mu mutwe igihe cyose nkabishobora ko yambwiye ngo igihe azashakira nicyo azambwirira. Nkavuga nti se aho ntashaka kunsezeraho akaba agira ngo nsigare ntekereza ibyo ngibyo. Agiye kumbwira ngo oya witekereza ibyo ngo icyangombwa si icyo ni ibyo nkubwiye. None se nzabigenza nte kubera ko Papa mutinya, nta kintu njya mubaza na kimwe. Ariko mwebwe kubera ko mbishyikiraho, nagira ngo mbatume.

Uzamubwire ko byananiye, kubifata mu mutwe byarananiye byose koko. Hari imigani anshira ntansobanurire, hari n'iyi aca ntayirangize, hari uwo yaduciriye ntiyawurangiza na gatoya. Usibye ko njye nari nywuzi. Arambwira ngo nabawuzi bazawubwire abandi, ngo ariko kuwusobanura ngo ntawawusobanura. Avuga ngo umunyabintu yirutse n'ibimusiga, yihisha ibimubona, aho arekera aho, urumva ko habura ikintu. Makumyabiri ijya kugera aubwoba bwanyishe, nananutse nkavuga nti noneho aranyica, ari mwebwe numva rwose umutima wanjye ukeye, nkavuga nti ibyo ari byo byose Umubyeyi, nti buriya azagira impuhwe za kibyeyi, nako abagabo mbona mbese, mbese ndabatinya. Mbese mwebwe mwishyikirwaho vuba.

Ariko Maman, kubera iki mwazengurutse indabo zose mukazirangiza? Ni nyinshi cyane n'ubundi. Nizere ko mutambwira kureba indabo zanyu ngasanga mwigendeye. Ese ubwo nabigenza gute koko, nahera iwanyu, nataha se, nabigenza nte. Abantu b'iwanyu bagomba kuba bagira amahane. Uzi ukuntu nabonye bica Yezu, yanyeretse ukuntu bamukubita, nanjye nkajya kumva, nkumva barankubise weee. Mbese uko byagenze ibara umupfu. Narahababariye numva ngiye gupfa. Ariko ejobundi, ejobundi nta kintu yangize. Nta n'ubwo nigeze nitura hasi hubwo. Nizere rero ko ntasanga mwigendeye. Ariko ni nyinshi we, ni nziza gusa. Uzi ko n'indabo zanyu, zakeye nk'izirimo Roho Mutagatifu koko. Buriya rero, buriya wasanga n'abantu b'i Kibeho ari ko bameze. Twiriwe twadabagiye, twabyinnye nyine buri muntu wese ari mubye burya ntiwahoze uduseka. N'abakecuru n'abasaza n'inkumi n'abasore, twari twapfuye muri roho mutagatifu. Ese kuki mutadutumira ngo natwe twiyizire iwanyu?

Ngo muramenye ntimukamuhimbire kandi muzagerageze, ntimukongereho ku cyo mwumvise, kuko cya gihe uzongeraho uzabura n'ibyo wari ufite. Ngo muramenye ntimukazindurwe n'ubusa. Ngo cya gihe wababaye, waje n'amaguru n'uwaje n'imodoka muba mureshya, n'ubwo uba wababaye ariko uba umurushije byinshi wahuye nabyo mu nzira, yaba inzara, kwaba gusonza, ariko iyo utabituye Imana byose bigupfira ubusa. Ngo nyamara ntimukinube, n'abaza nabo bataje n'amaguru mujye mutura Imana ikibazanye mukigomwa ibyo mwagombaga kwikorera byo kuri iyi si, mukemera kuza hafi yanjye, mujye mumenya ko igihe muhabwa byinshi, mujye mwibuka igihe Jean Baptista yigishaga, baramusuzuguye kugeza igihe bamucirirye umutwe.

Ntimuzinubire ibitutsi kuko nanjye ibyo bantuka, no kungaya no kunsebya ntabyinubira, ahubwo biranshimisha nkabiyegereza. Namwe ntimukabyinubire kuko uri uw'Imana wese azahura n'ibitotezo, akageragezwa, agahakanirwa ibintu biri byo, ndetse bakamucira n'urubanza rw'ibyo batazi. Ntanga uko nshaka, nkabiha abo nshaka ariko mwebwe mukabibona uko bitari. Mwimenyera ndahari, mwimpimbira ndivugira, mwinyongerera kandi mfite byinshi byo kubabwira, aho mushyira ibyongerewe haba habuze byinshi ibyagombaga kuhajya bya ngombwa. Waba ukize cyangwa ukennye mwese muzansaba, hariho igihe rero muzansaba ntari bubahe kuko muzasanga narangije kugaba. Muramenye bana banjye ntimuzasubire inyuma. Ndabasaba kandi mbabwira ko icyo muzansaba cyose muzakibona, nimugisaba mu rukundo, nimugisaba mu kwemera, nimwitagatifuza. Muhumure nzatakamba, bazaca inkoni izamba, bababarire. Ariko Maman, igihe cyose tunganira usanga haboneka ibintu byose bimeze gutya, nta gihe twari twaganira turi twenyine ngo mbese twaganirire koko.

Ako se gatatu ku kimenyetso cy'umugaraba, avuga ati nyakira Nyagasani kuko umutwaro wanjye undemereye, nsukira Nyagasani kuko ndumiranye, nyuhagira Nyagasani kuko mfite umwanda, nyambika Mana nziza kuko nambaye ubusa, mbabarira Mwami kuko naracumuye, akira, akira ibyo ntunze byose, ndakwihaye Nyagasani.

Mwana wanjye ruhuka kuko urananiwe (fausse voyante). Ruhuka mwana wanjye urananiwe, ndi kumwe nawe. Ibyo mwifuje byose nibyo nakoze, mba nishimiye yuko twaganira tukitetera, ariko ibintu byose biriya mumbwiye ngo kora biriya, kandi ntimwigeze mumbwira ngo ntange umugisha, ubwo se mumbwiye gutanga amazi, kandi ntabwo mwigeze mumbwira ngo tanga umugisha cyangwa ngo mumpe n'amazi cyangwa ngo nurwo ruhushya murumpe. Ni ukubera iki se mumbwira ngo kora biriya bintu, byari ngombwa, mwari mwabiteguye se cyangwa se mwabibonaga buri gihe? Nyir'amaso yerekwa bike ibindi akirebera. None se utweretse iki ko ntacyo tubonye?

Muzarebe mukanure, muhumbye amaso mutekereze, musubize inyuma, icyo ubona cyagushimisha, numara kubona icy'ukuri uzavuga uti ibyo nabonye ni byinshi, nyamara ibyo nkoze ni bikeya. Ngo nyamara mujye mwirinda gusebya abandi. Ngo kenshi na kenshi nibyo mufite, ngo murasebanya, mugaya abo mutazi mutabona, mukamuvuga uko mutamuzi. Muvuge icyo muzi mubonye, ukivuge uko wakibonye, ntuzumve icyo kanaka akubwira kuko utaba uzi icyo atekereza, utaba uzi n'icyo afite ku mutima, ahubwo ko byose, iyo asebeje mugenzi we biba byapfuye. Murumve ba twatsi tutarenga amano, murumve mwebwe bikingi bitegeranye bitagira aho bihurira, murumve namwe nkombe z'uruzi. Murumve bisiga biguruka, murumve kanyamanza katumwe, murumve kandi namwe abaheze mu gihirahiro, murumve nyombya, murumve bisiga namwe mwa ntashya mwe.

Uko mbivuze niko mbizi, nta bisobanuro mfite, nyamara uzashaka azasobanukirwa kuko urumuri rubereyeho kumurika, umwijima ukijima, uwamurikiwe ntacyo atamenya.

Muririnde guhamya icyo mutabonye, muririnde no gusebya icyo mutahagazeho, icyo utazi ujye ukireka, ukibaze nibakikubwira nabi, uzasenge uzakimenya. Nubona utakimenye, uzampereze, nzaguhereza icy'ukuri.

Mbese ko muhagaze muneganeza, aho ha mbere muzabishobora? Mbese ko mukebuka mureba inyuma, nimukebuka mureba imbere aho muzashobora kubona? Aho ko mutagaguza ejo ntumuzifuzaga guca inzira mwacyiyemo ngo mutoragure ibyo mwahabonye mugasanga byanduruwe!

Mbese ko musabwa ntimutange murumva ko mutazasabiriza ntawe uri bubaha? Muribuke wa mukungu na wa munyabibembe, uwasabye undi ni inde?

Si mwe nabwiraga ni umugani niciriye, muranyumve neza. Inyamaswa yaratoranijwe kuko yatumwe igatumika, nyamara hari n'abayizira, murayirenganya. Mbese ko musiba inzira ejo muzaca he? Mwizisibanganya, aho inzira yaharuwe ni mu mutima, nimuwusukure muzawucamo buri gihe. Nuwusiba se aho ntuzagotwa, nutaka se uzatabarwa na nde?

Mbese ko mwirebesha imirari mufite amaso mazima, umunsi muzabona ibintu byose ari umwijima, nta cy'ukuri kigaragara, nta rumuri mubona, aho ntumuzahamagara ntawe uri bubumve.

Muribaze mwebwe abaterwa buri gihe, mujye muvuga muti Nyagasani kuki udutererana ngwino hano iwacu, ngwino muri njye nta kizatuma mudatabarwa. Nyamara nimuturama mugaceceka, muzatakaza byinshi kuri roho. Simvuga guterwa aho mu ngo zanyu, ni uguterwa mu mitima. Ubu ntihabuze abatitira, ntihabuze abakonje, ntihabuze abarwaye n'abashonje, simvuze abasonzeye

ibyo kurya n'abafite inyota y'ibyo kunywa ni abasonzeye Imana, abafite inyota y'Imana, nyamara kuvuga ngo nyagasani akira ibyanjye bikabananira.

Erega ndi umubyeyi mwinyihunza kuko ndabashaka.

*INDIRIMBO: Mubyeyi wita ku mpabe kebu .....*

Bana banjye nimutete kuko naje kubatetsha. Nimunsabe kuko naje ngo munsabe. Nimwakire kuko ndabahereza, mwigira ubwoba, mwitinya kunsanga nimubanguke. Ari abafite ibyo mwibaza mu mitima yanyu mwese ndabaruzi ariko nimubihereze, nimubiture kuko nta kindi mwabona mwatura Imana atari ukuyitura ibitekerezo byanyu, nta cyiza mwabona kuri iyi si, ariko nyamara Imana igira impuhwe, ntimukayitinye. Ngo ntawe uburana n'umuhamba, ntawe ujya inama n'uyigisha, nta wegura kandi nawe atemba.

Nyamara mubishatse byose mwabimenya, mukanabikora. Twaje tubasobanurira tuzaza tubabwira mu migani. Nyamara ibisobanuro twatanze kera birasobanurwa n'iyi migani. Byose bishyira bimwe bikava hamwe. Ari umwana na nyina ntibatandukana, ari igihe cyose baba bari kumwe, niyo mpamvu nkomeza gutakamba kuko uri umubyeyi aca inkoni izamba. Ndayibuka. Mbese uko yayinyigishije ibyo byose birimo. Ubwo se ntiyaguherekeje ?

*INDIRIMBO : Yezu ni inzira, Umwami ni n'Urukundo....*

Ariko se Maman, uri gusetswa n'iki koko noneho umenya ushaje ! Abantu bashaje babona ibyo abana bakora bagaseka. Urasetswa n'iki ? Wambwiye nanjye ngaseka. Ariko se kubera iki buriya Papa atabaherekeje ? Muzi ko atabakunda cyane ! Aho mwazajya mujya hose nazajya mbakurikira njyewe. Ariko Maman, hari igihe mwigeze kunshimisha murakabya neza neza, numva nshatse no gusara.

Maze abantu batazi iyo bijya, batazi mbese icyo mushaka, bahimba ibyabo. Numva noneho ibyishimo birushijeho kuba byinshi. Ariko uzi nk'abana bangana na njye, uzi ukuntu babakunda ! Byagera mu bakecuru no mu basaza, mukitamba mwenyine gusa. Usibye ko yego hariho na benshi babasebya, abahinduye amadini, mbese hariho byinshi cyane biyobya abantu. Ariko rero tugereraniye n'ababakunda usanga twaratwawe, twaragiye, ni benshi cyane. Abihaye Imana, abandi basanzwe, ugasanga buri muntu wese ari mu Mana ye.

Mfite byinshi, ariko nabuze aho mpera, kubera ko ibyo mfite ari byinshi cyane, sinabona n'aho mbikwiza, ahubwo umutima uraturika mu kanya. Kubera ko ibyishimo birandenga nkabura icyo mvuga. Ariko Maman, ndongera kuguhereza abantu bose bari i Kibeho, n'abanyeshuri bawe, mbese abantu bose bari i Kibeho n'abandi bose bari mu Rwanda rwacu, ndetse n'abatuye isi,



ngo bose ugende ubahobereee, ubagwizeho roho mutagatifu w’Imana, kugira ngo bazahore iteka bari impande zawe, bahore bumva icyo ushaka, no kugira ngo abanyeshuri bose, uzabahe icyo bifuza cyane cyane bakuru bacu uzabageze ku cyo bifuza, uzabageze ku cyo bagusaba, ndagusabye ngo ntuzababaze abana bawe mawe.

Ariko wasetse icyambwira ikintu useka! Ariko njye ko nta bitwenge mfite, urasetswa n’iki? Maman urashaje pe! Ariko se kuki unyegereye cyane? Uwampa ngo ngufateho rimwe gutya gusa, nimba nahita mpfa! Yewee... nahita nguruka ako kanya.

Ubu se birashoboka! Guhera muri mirongo inani na kabiri tunganira kugeza muri mirongo inani n’icyenda, nkaba, mbese ibyo navuga, ntibyahwana n’ibyo nkora. Ndi umunyabyaha, ndi umunyanteye nkeya. Nakora iki se, washaka uzankoreshe icyo ushaka, ariko ikintu mbasaba, muzampe gupfa urupfu rubi.

Nababara, nababazwa, natotezwa ariko nzapfe urupfu ku buryo abantu bose bazanyanga, bakantererana nkamenya ko Yezu yababaye kubera ibyaha byacu.

Yego simvuga ngo nzapfe nanduranyije, ariko nimpfa nzapfe urupfu rubabaje. Na Papa narabimusezeranije. Ku buryo nzabanza nkababara kugira ngo nshobore gufasha Yezu gukiza isi nk’uko yabimbwiye. Ubu se nta kintu kijya kimbabaza, n’iyo ikintu kimbabaje numva nta n’icyo kimbwiye. Ubu wowe wumva byagenda bite?

Habaho igihe ntekereza, natekereza ukuntu Papa yanyeretse bamukubita, bamwambura ikanzu bakamwambika akantu kadashyitse, byose arabinyereka, anyereka inzira y’umusaraba yose, uko bamukubise nkumva nanjye barankubise, uko bashyizemo ikizingo cy’amahwa nkumva nanjye, icyo gihe namaze iminsi nk’itatu ntaryama ngo nsinzire. Nkishikura nkagira ngo mbese ndacyari kuri uwo muni. Ugasanga binteye ubwoba, umugongo umara igihe numva undya kandi nta kintu bantwaye. Nkawe se bakubise umusumari ameze gutya ku musaraba, hari icyaha yakozel! Ariko njye navutse ku cyaha cya Adamu ngeze hanze nkora ibirengeje. None se (urupfu) ubwo urumva urupfu nkwiye ari uruhe! Gusa ndabibasabye, uzagumye umunyinyingire kuko yansabye kumufasha gukiza isi, nzamufashe mu rupfu nyure mu nzira nk’iyo yacyiyemo. Igihe cyose abantu bazantoteza nzabyishimire. Kugira ngo uzajye umpa gukunda abarwayi nk’uko cyane cyane numva mbishaka.

*INDIRIMBO: Duhere abarwayi kwihangana.*

Nimba ukuntu nari nishimye uyu muni nari kuzabihorana, ngahora iteka nkeye we nkabakorera koko. Byankundira bite. Arega kubakorera biratugora. Mbese ikintu kitugora kuri iyi si, abantu twese, usanga mbese nk’umuntu ukunda Bikira Mariya, ukunda Yezu, yahura n’umusebya bagatongana hafi yo

kurwana, hagati aho uracumura. Ubu se urumva wakwitwararika ute? Yewe simbizi, mwebwe mujye muduha izo mbaraga kuko njyewe iyo umuntu atangiye kuzana ibyongibyo nta kintu musubiza. Rwose turagerageza tugapfukama tugasenga, ujya kumva ukumva nk'ikintu kirakubwiye ngo ariko warekera aho igihe wahereye turananirwa. Waba ufite intege nkeya ugahaguruka ukigendera isengesho utarirangije nkuko ryagombaga.

Igihe cyose tujye turata Imana, dusinzirane nayo umwanzi atazabona aho adufatira. Habaho n'igihe umuntu abona ishusho mbese umuntu akababona neza nk'uko umuntu abona mugenzi we ku manywa bakanuye barebana, yanamuvugisha akamuvugisha cyangwa se ukabona ari ishusho wajya kuyifata bikakunanira ubwo byagenda gute? Umuntu aba ari byo yatekereje, aba ari byo arose se bimumarira akahe kamaro. Hari ukurota by'ukuri, hari n'ibyo umuntu yishyiramo yasinzira akabibona.

Ariko se Maman, ubushize mwigeze kunyereka ibintu byinshi, usibye ko abantu bambajije nkicecekerera, uko mwambujije kubivuga, ntabwo nabivuze. Ibyo mwanyeretse byose narabizirikanye, ariko hari ikintu mutanyeretse, murambwira ngo muzakinyereka ubutaha. Mwari mwambwiye ko muzanyereka intoki zanyu mugaba inema gutya, ariko ntabwo mwigeze mubinyereka, narategereje ko mwakwibwiriza ndaheba. Oya, si ukwishyuzza, ariko nabyo bishobora kubaho. Ese uko umwana asaba nyina ibiryo mu gitondo, saa sita na nijoro, nyina abura kumugaburira. Nzabivuga, abazambaza bose nzababwira. None se kuki mwereka umuntu imbere gusa ntimuhindukire ngo abone n'inyuma? Naho twebwe mutubona impande zose. Muhindukiye nkareba hose, niho ntabivuga. Yego sinzahora mu bwana ariko ko mbafite nabuzwa n'iki kubuhoramo. Twese se ntituri abana banyu?

Umuteto wavuyeho, hasigaye uburushyi. Nyamara tuzateta ye! Niyo nabona hano kino gice cyonyine. Oya ntabwo ari ukubahenda ubwenge, ubu se ndabubarusha? Ntacyo bitwaye, ariko nzabivuga. Nzavuga ibyo mwambwiye byose, n'ibyo mwanyeretse byose. Ngo ntawe ubika k'umusahura, ni inde ugusahura se? Nari ngize ngo ni njye. Ariko nzabivuga, ngo mwarabinyeretse ibi n'ibi ngo mwarabinyeretse, mbivuge byose. Nari nzi ko wambonye, nari nacyenyeye niteye, nari nabaye umugore mwiza nyine. Ariko byari binshimishije, wumva ko namwe byabashimisha.

Abantu bose bari bari i Kibeho bari babukereye. Ubanza uko bari bameze, ari ko na roho zabo zari zimeze.

*INDIRIMBO : Dore igitego tubateze mu bantu, umuziranenge, umubyeyi...*

Kubera iki ari njye mujya mubwira ngo mbabyinire? Umwana ateta kuri nyina ntacyo. Mbese nk'uko munsabye kubabikira ibanga, nzaribika n'umutima

wanjye wose, ariko muzamfashe, sinzagire intege nke za muntu, sinzibeshye cyangwa ngo nshukwe, nzahore iteka ndizirikana nkuko mumbwiye ko ari ibanga rizamfasha igihe cyose nzaba ndi njyenyine kugeza mu maherezo y'ubuzima bwanjye bwose.

Muvuge ibyo mushaka, umuja wanyu arumva. Murakoze Maman, muzampe kubika ibanga ryanyu, nk'uko umuntu umutima umubamo, ntagire n'umwe uwubona, uzampe kubizirikana sinzacikwe, cyangwa ngo nizere ibyatsi kandi hari umuriro wo kubitwika. Sinzagire uwo nizera ngo arambikira, nzabike muri njye rwagati.

*INDIRIMBO: Mubyeyi wita ku mpabe.....*

Ariko Maman i Kibeho nahasize abantu benshi, bagufitiye inyota mbese wayibamaze. Ndabagutuye bese, n'ishuri ryawe ndarigutuye n'abana baririmo bese, ndetse n'abariyobora. Nguheweje abihaye Imana bese, nguheweje n'abashaka kuyiyegurira. Nguheweje abashakanye n'abashaka gushakana, nguheweje abangavu, abana, abasaza n'abakecuru cyane cyane wiyakirire abababaye, abarwaye bese uboroherewe, bakwizere kandi bumve ko na Yezu yababaye cyane, nguheweje imfungwa zose ngo zirangize ibihano byazo, zibuka ko Yezu yababaye.

Bana banjye igihe cyose nzaba ndi kumwe namwe, ntimukagire intimba ngo ibaheremo, mujye mubintura byose.

Ariko se ziriya ndabo ni nyinshi cyane usibye ko bidakabije. Ntabwo ari nyinshi, ariko nizere mu kujya kuzivomerera muza kumfasha. Ibirangaza ni ibiki? Ibibarangaza ntibibura. None se ko turi kuganira, ubonye ndangaye. Uvugira muri njye ariko ubwira abandi. Abandi ni ban de Maman? Nari nzi ko ari njye njyenyine ubwira. None se ari nta wundi nkorera atari mwebwe. Kuri iyi si hari byinshi, hari ibirangaza, hari ibinyura amaso n'amatwi, hari n'ibindi wumva ari mu gicuku. Hari n'ibyica ibindi kugira ngo bitaboneka uko biri.

*INDIRIMBO : Tukuyoboke Mariya, maze uhimbazwe n'abana bawe...*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi n'ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Cyane cyane kumva ko buri muntu wese areshya n'undi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu n'imbere yawe, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

(Bikira Mariya ahaye Valentina amavuta matagatifu). Ubushize mwarayampaye abantu baravuga ngo ni aya sulfo, abandi baravuga ngo ni abanyakigali bayampaye, abandi baravuga ngo sinzi ibintu nashyizeho, ndabyicecekerako kuko nari nzi ukuntu byagenze. Mumbwiye gutanga umugisha, murambwira ngo

nshyire ikiganza hejuru ntange umugabo. Ubwo se bishaka kuvuga iki ? Nta kintu cyibereyemo. Kubera iki se bigenze kuriya ? Nta kuzo rero nshobora gushaka kuri iyi si kuko uwo umuntu akorera aramuzi. Ndishimye cyane. Nyir'amaso yerekwa bike ubundi akirebera. Najya mpita nkandagira, naho ubundi nanje nshumbika.

Uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Isengesho ryo kwicuza ibyaha.

Ndi umuja wa Nyagasani, ibyo avuze byose bijye binkorerwaho, kandi ndi umunyanteye nkeya nkaba n'umunyabyaha. Niba mubishaka munyuhagize urukundo rwanyu, maze mumpye icyo mobona nkeneye atari icyo mbasabye ku buhate bwanjye. Ariko nizere ko muri bumfashe kuko ndumva naniwe.

Uwari ufite igitekerezo cyo kumva ko nari guhinyuza, ngakora kugira ngo utemera yemerere aho, nicyo kibinteye.

Uwari ufite igitekerezo cyo kuvuga ngo kuki atagarutse muhari, mubibona, nacyivanemo kuko ntanga uko nshaka, ngakora uko nshaka, na biriya birahagije kuri buri muntu ku giti cye, uko abitekereza kuko n'ibyagaragariye benshi, bitemewe. Murakoze. Nshimiye nde ? Ubu se ko mvuze ngo murakoze, ngo se uwo ni inde ? Izina rirarushya. N'ubundi koko nibyo, reka tujye kuvomerera indabo zanyu, njye kugera igihe ntahira namwe mugataha, ko mbona se mutaha mukansiga. Ariko mwazaretse rimwe tukijyanira koko. Mbega ukuntu nakishima !

Céline na Carine : Mureke abana bansange, muzasenge kandi mukomeze mutere imbere. Mushakashake Imana nk'uko mubishaka, muyikunde kandi murusheho kuyikundisha n'abandi. Nimureke abana banyegere.

Françoise : uramenye abana banjye uzabaragire, roho zabo uzazibazwa, kandi uzashakashake, ukomeze usabe uzahabwa. Uranderere kuko narakureresheje. Mureke abana banyegere.

Mwana wanjye uzakomeze umurimo wasezeraniye imbere y'uruhanga rw'umwana wanjye, kandi uramenye ko nongeye kubigusubiriramo ko uzabazwa byinshi mu byabereye i Kibeho, ntuzabere cyangwa ngo ubabarire, ntuzumve amagambo y'abandi, uzakoreshe ukuri kwawe, uhereye ku byo wabonye wumvise, wakurikiranye nta magambo aciye impande. Nutunganya ibyo, ugushaka kw'Imana kose kuzaba kuzuye. Imana nisingizwe mu ijuru, mu nsi abitonda bose bahorane amahoro.

Nk'uko wansezeraniye, nanjye ndagusezeraniye ko nkubereye umubyeyi. Imana nisingizwe mu ijuru, mu nsi abitonda bose bahorane amahoro.

Ukorera Yezu, umufasha akagusiga mu kigwi cye, none yaherewe ku musaraba avuze ko afite inyota, bamuhaye indurwe isharira, kuko yari atatse afite inyota, iki ni ikimenyetso cyo kwicisha bugufi, dushushanya inzira Yezu yanyuzemo. N'ibyo wibazaga byose nabishubije. Abwirwa benshi akumva bene yo.

Sœur : kandi igihe cyose nzaba ndi kumwe na we, abo muri kumwe akenshi ujye ubereka inzira y'Imana uyibatoze kandi ukomeze ujye imbere kandi uramenye uzakomere ku isezerano wasezeraniye imbere y'uruhanga rw'umwana wanjye.

Padiri : Mwana wanjye uzakore umurimo wasezeraniye imbere y'uruhanga rw'umwana wanjye, kandi uramenye ko nongeye kubigusubiriramo ko uzabazwa byinshi mu byabereye i Kibeho. Ntuzabere cyangwa ngo ubabarire, ntuzumve amagambo y'abandi, uzakorehse ukuri kwawe uhereye ku byo wabonye, wumvise, wakurikiranye, nta magambo aciye iruhande. Nutunganya ibyo, ugushaka kw'Imana kose kuzaba kuzuye. Imana nisingizwe mu ijuru, mu nsi abitonda bahorane amahoro.

Ukaza ukurikiye ubukire bw'Imana, maze ubukire bw'isi ba ubugabanyije, nguhaye icyubahiro cya Nyagasani, nguhaye ubusabane ku Mana, kandi umenye ko uzahora iteka wambaza umwami wawe nk'uko watinyutse gusiga ibyawe washoboraga kuba urimo muri iki gihe ukaza kwiteranya hamwe nanjye, nguhaye urukundo rw'ububyeyi.

Uzakomeze utsinde kandi uzajye wibuka ijamba rya mbere nakubwiye, uraryibuka se ubwa mbere uhura na njye ! Utsinde ugere ku cyo ushaka, ku cyo wiyemeje, maze ibyo watumye byose uzagenda ubona ibisubizo byabyo.

Mwana wanjye, urankunda ariko na sekibi ikangenda iruhande, humura, igihe cyose ujye uhora wizeye uzakira.

Femme : ufate ibyo uzi, ariko ntuzibagirwe ibanga ryawe n'umwana wanjye, kandi ibyo uzumva byose bizaba ari amagambo.

Modeste : Mwana wanjye, igihe cyose uzasenga nzaba nkumva, nubwo uri hirya y'aho washoboraga kubona umubiri w'umwana wanjye nzaguhaza kuri roho kubera isengesho ryawe rizaba rikorwa nurivugana umutima ukeye.

Damascène : Mwana wanjye wowe wemeye kuvunika, ukirengagiza ibyo ufite, ukemera kubabara, ukaza n'amaguru, wirengagije ibyo wari ufite byashobora kukugeza aho washoboraga kugera, nguhaye icyubahiro cya Nyagasani, nguhaye ubushishozi, kandi n'abo wasize uzasanga amahoro. Ndetse n'uwo

mwungutse uzamusanga amahoro kandi byose n'iyi wasanga atari byiza uzabyakire. Umugore wawe yararuhutse none na we ibiri ku mutima wawe biruhutse.

Eliyezari: wowe wemeye kugira ngo uze ungana, ububabare bwose wahuye nabwo mu nzira ubwirengagize, umenye ko usanga Imana wese ababara. Ubushishozi, ukwicisha bugufi n'icyubahiro cya Nyagasani.

Imana nisingizwe mu ijuru, mu nsi abitonda bahorane amahoro.

Umugande: uzakomeze utere imbere mu nzira ingana, nzagufasha, jya unsanga mwana wanjye nunyiyambaza.

Nizere ko maze kuvomerera indabo, ngiye kukubwira ubutumwa bwose bw'abantu bantumye kandi nkizera ko mushobora no kumpa ibisubizo, niba mubishaka. Ubwo se ni ukubera iki noneho ntabubabwira none aha ? Ni ah'ubutaha ? Ubwo se abantu bari bantumye nzabasubiza ngo iki ? Nzababwira ko iyo umuntu asaba ntiyiha. Iyo umuntu asaba ntiyihe, ko adahereza, ahubwo ategereza. Adahereza, kuko umuntu utiha adahereza. Nizere ko muzampa kubizirikana, icyo gihe muzashakira nkazaba nkibyibuka, cyangwa se buri muntu wese mukajya mumuha igisubizo cye nk'uko abishaka. Gusa ndabereka abarwaye bose bari kuri iyi si, abababaye, indushyi, abakene n'abafite ibindi bibazo bose bihariye kugira ngo bose muboroherenze umutwaro, babagane bizere ko bari kumwe namwe igihe cyose.

Ndaguhereza n'abantu bose baje i Kibeho kugira ngo bose bagereyo amahoro, batahe amahoro nta ngorane bahuye nazo, n'ababona n'ababona nazo bashobore kwihangana bashushanye igihe Yezu yababaye. Ariko ndagusaba ngo bose ubarinde icyabahungabanya, bagere imuhira amahoro bajyane amahoro, basohore ubuhoro, basange amahoro kandi barusheho gutangaza ibiri ukuri, ibitari ukuri ubibakinge. Ubarinde kongera no kugira ngo bavuge ibyoatabonye, batumvise batanasobanukiwe kugira ngo batakugerekeraho. Ubiragirire ari abana ubatoze inzira y'Imana, ari abakuru nabo ubahe gukomera. Ndabagutuye bose Mubyeyi mwiza, ndakwihereje nanjye ubwanjye umfashe, ujye uhora umpagazeho igihe cyose, urebe ibyo nkora, ibibi ubinkize ungabire ibyiza byawe. Urakoze.

Ubu se koko muragenda none aha kandi nari nkibakumbuye tumaranye iminota itatu gusa koko ! Nari ngeze aho mbakumbuye cyane, cyane koko. Oya, ahantu hose umuntu ari akora ugushakakw'Imana. Ikibi ni ugutinya kogeza ijambo ry'Imana, ariko iyo udatinye byose bitunganira Imana kuko uyobora benshi ; ukayoborwa na benshi. Sibyo se Mama?

Ku izina ry'Imana data na mwana na roho mutagatifu.

Ngwino roho mutagatifu...

Ndakuramutsa Mariya... (2)

Isengesho ryo gusabira abatwanga

Isengesho ryo gusabira abarwayi

Mana ituma byose bigirira

Mariya utasanywe icyaha....

Ku izina ry'Imana data na mwana na roho mutagatifu.

Uramuke Mama.

BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA I  
KIBEHO KU ITARIKI YA 15/5/1991 - KIBEHO (RWANDA)

Icyitonderwa: ahanditse VAL. mujye musoma VALENTINE.

Naho ahanditse B.M. musome BIKIRA MARIYA.

VAL. : atera indirimbo : Turakuramutsa, Mubyeyi w’Imana, Bikira Mariya...

« Muvuge ibyo mushaka mbateze amatwi kandi uko mubizi ntaho mbakinze ! Mbanje kubasaba imbabazi kuko kugira ngo umuntu avugane namwe bikomeye. Ntabwo nari mbikwiriye ariko kubera impuhwe zanyu n’urukundo rwanyu rwinshi mwemera kuza kubera umunyabyaha wiyizi, intamenyekana zanyu kugira ngo mungeze ho icyo mushaka. Nteze yombi Mubyeyi uko mumpa ndakira.

Ndagusabye rwose ngo tunganire nawe no kugira ngo tugire ibyo twakira mutwifuzza ho kugira ngo mubanze mutubabarire ibyaha byacu uko mutuzi twese na buri muntu wese ndetse n’utabyifuzza nawe umushyire mo uwo mutima.

*Atera amasengesho akurikira :*

- Ngwino Roho Mutagatifu
- Mana yanjye ndemera ko uri hano undeba
- Isengesho ryo kwicuza ibyaha

B.M. : “Bana banjye ndabasuhuza kandi mbifuriza umusi mwiza. Nkuko nabasezeranije ko ntazabasiga nk’imfubyi, ntazabatererana nimuza mungana, ni yo mpamvu nongeye kugaruka kuri uyu muni kugira ngo mbe hamwe namwe. Ndababwiza ukuri ko uyu muni nishimye koko, mbitewe n’uko uyu muni ari bwo nigaragarije ho umwana wanjye nkunda kandi namwe mbakunda.”

VAL.: “Karamel!”

B.M. : “Bana banjye ntimukarangazwe na byinshi mubona kandi mushoboye kwisobanurira! Ni yo mpamvu kuri uyu muni nshaka kubasobanurira bimwe muri ibyo, kugira ngo hatzagira igihe munyitwaza ngo sinabasobanuriye cyangwa se ngo nta cyo mwashoboye kumenya. Ubushize umwana wanjye yarababwiye ngo abahaye ingabire, ngo ariko ku bayishaka.

Kuki mutasesenguye iryo jambo ngo "ku bayishaka"? Yashakaga kubabwira ko buri muntu wese azishaka, ariko kugira ngo azakire azikoreshe bikamunanira. Ni yo mpamvu rero ngiye kubasobanurira byinshi cyanga se bikeya, icya ngombwa ni uri bushobore kubyakira cyangwa ni uri bushobore



kubyumva mu rurimi ndi buvuge cyangwa se mu marenga ndi buce. Ntimundenganye kuko mbaciriye amarenga, ni uko narushye cyane! Naruhijwe namwe. Murandemereza. Ariko bana banjye, biranshimisha kuko umwana utaremereje umubyeyi, umubyeyi ntamenya ko yabyaye.”

VAL.: “Karame!

*INDIRIMBO: Hasingizwa...*

Ntabwo ari cyane kubera ko... biranshimishije cyane kandi nta bwo dushimishwa n’iby’isi, ahubwo dushimishwa n’iby’ahakwiye.”

B.M.: “Bana banjye, ubushize baraberetse, ababona murabona. Utarabonye na we yabonye ibindi bitari ibyo. Ni yo mpamvu buri gihe nzajya mbereka ko iyo mba mpari mbereka. Ni yo mpamvu nzajya mbereka ko iyo nje mbereka mumenya ko mpari.

Utabonye, nyiri amaso yerekwa bike ibindi akirebera. Naberetse inyenyeri y’urumuri kugira ngo murebe.

Bana banjye rero aho ndi, ni yo mpamvu n’ubushize nabigenjeje ntyo. Kandi bakavuga ngo aho umubembe ari ntibabara gatanu. Kandi nababwiye kera ko utambona aba agira ikindi abona. Muti ese: "Icyo aba abona ni igiki?"

Hari abibaza muti: "Ni shitani". Abandi ngo: "Ni ibyo bigira". Abandi ngo: "Ni abatekamutwe". Erega bana banjye buri muntu wese ni umurwayi. Hari ho abashaka kwigaragaza uko batari. Hari ho abashaka ishema ry’isi. Hari ho abashaka kugira ngo bayobokwe na benshi. Nyamara kuyobokwa na benshi nta bwo... Icyo nshaka ni ukumvira umwana wanjye, nanjye mukanyumvira. Ni yo mpamvu rero mberetse iriya nyenyeri. Uwayibonye yayibonye kandi mwihangane! Bana banjye ndababwiza ukuri ko murangaye, kandi urangaye nta na rimwe aba ari kumwe nanjye, kuko ntambona, kuko ntari kumwe na we n’umwana wanjye bakaba batari kumwe.”

VAL.: “Karame!”

B.M.: “Mwana wanjye urananiwe ruhuka!”

VAL.: “Oya, nta bwo mbizi... Ese ko nabonye amfata ni uwa he?”

B.M.: “Bana banjye nagiraga ngo mbereke ndangize ibyo nari maze kubabwira. Uwo turi kumwe nta bwo afata ikindi ataruzi, atari jyewe. Yego naje hano i Kibeho, naje nishimye kandi n’ubu ndacyishimye, ndanakomeza no kwishima.”

VAL.: “Ngo nubwo ari iyo mutareba, n'aho muri arahari. Ngo nta bwo rero uwo bari kumwe yabona igiti ngo agifate acyishyngikirize. Ngo rero yarabasobanuriye ni uko mutabizi.

*Yabwiraga umwana witwa Françoise wari kuri "podium" wasaga n'ubonekerwa ariko nta muntu uzzi uwo bavugana. Valentina agashaka kumwana kuri "podium", Françoise na we agafata igiti gishinze aho akagikomeza. Ni ibyo yacaga ho amarenga. Valentina afata uwo mwana aramumanura aranga amurusha ingufu aragaruka.*

B.M.: “Bana banjye inkingi ni jyewe nta bwo ari igiti. Nizere ko mwarebye mutazongera kuvuga ngo mukeneye gusobanuzza.”

VAL.: “Ariko afite ingufu ntiwareba! Nari mfuye da! Ariko se mama, kubera iki igihe cyose mumpa itariki mukampa n'ibigeragezo? Nanjye naragowe! Oya nta bwo ari ukwinuba. Buri gihe nta wundi? Ubwo se ni ukubera iki? None se niba mwarampaye ubutumwa bwo kwirukana shitani, umuntu aba shitani ate?

Aba shitani ayobya abantu afata ibiti? Ubwo se shitani igira amaboko ko ari umwuka?

B.M.: “Bana banjye uwashidikanyaga wese narore kuko nari maze kubibasezeranya ko ndi bubasobanurire. Nyiri amaso yerekwa bike ibindi akirebera. Abari ho batekereza amazi banyoye, muhumure rwose nta cyo mwabaye. Ntabwo shitani iba mu mazi ahubwo iba mu muntu. Uruse umuntu aramusabira kugira ngo ashobore gukira icyo kintu. Mwitgereze izuba, bana banjye, kugira ngo mushobore kureba!”

*INDIRIMBO:*

*Izuba rirasiye hano i Kibeho rimurikire u Rwanda rugire amahoro.*

*R/ Dore umubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo Umwami wacu.*

B.M.: “Iryo zuba mberetse hari mo Ukarisitiya, hakaba mo ubururu n'umweru.

Bana banjye, nshatse kubashimisha kuri uyu muni kugira ngo namwe mbamare intimba, abandi mbakize inkovu z'ahasaritswe n'abiyita ko bambona kandi batambona. Mwongere mwitegereze neza mutazabaririza cyangwa se mugatungurwa!”

*INDIRIMBO:*

*Hahirwa abarya umubiri wawe*

*Hahirwa abanywa amaraso yawe*

*Akabatungira robo uko bukeye.*

*R/ Tuje kwegera ameza yawe*

*Tuje gubabwa umubiri wawe*

*Tuje gubabwa Isakramentu ryawe.*

VAL.: “Mama, urakoze! Erega imitima yacu yarasaritswe, yaranduye nako kuko ibyo mbonye nta bwo bishoboka! Kuri uyu muni nta bwo numva icyo ndi cyo. Yego mukinyiyereka nabwo nari meze nk’uyu muni... Mbese ndi kumva nishimye cyane. Mumbabariye mwambabaza ho gato cyangwa mukangabanyiriza, kuko ni ho nashobora kubabwira byinshi cyane no kwakira neza ibyo mungeza ho.

N’uko ntari i Kibeho ngo mbereke na bo barebe. Ariko nizeye ko na bo uri bubereke ukabashimisha. Erega ni abana b’Imana ndabakunda! Ntihakagire icyo umpa na bo utabahaye ho! Kuko icyo nifuzwa n’abandi baba bacyifuza. Hum...

Yego nta bwo twemezwa n’ibitangaza, ariko rero burya... nako ntawakwirirwa avuga menshi. Ubwo se ubwira uwumva aravunika? Hum...

B.M.: “Bana banjye, mutege amatwi nkuko nabigennye mbirangize! Mwahawe ingabire nyinshi, nizeye ko muzazakira cyangwa mwazakiriye mukazikoresha.”

VAL.: “Hum... Nta bwo mbizi. Oya nabonaga abantu benshi bitura hasi; abicara mu byondo ngo bari kukureba kandi wabavugisha bakakuvugisha. Nuko numva aravuze ngo nibamureke ajye kuri "podium". Ese haba iki kiruta icy’ahandi? Uzi kugira ngo abantu bose bakurebe! Yewe data we! Ese mwagiye mudusanga no hasi ko nta cyo bitwaye? Abantu bose baba bakureba... Ukumva uramwaye. Hum...

B.M.: “Bana banjye, benshi bavuga ibyo ntababwiye, bigerekerera ho bakampimbira. Nta bwo ikinyoma cyanga gushibuka kuko gishibuka nyira cyo akihibereye.”

VAL.: “Karama! Oya...”

B.M.: “Nababwiye kenshi ko ntakoza isoni, sinshobora no kubikora. Ariko muramenye nyabuna! Nimutitonda muzagwa kandi hagwe abakomeye ku isengesho.”

VAL.: “Huu... Oya. Ubwo se umuntu yakomera ku isengesho akagwa ate? Ubwo uzi impamvu. Yee!”

B.M.: “Bana banjye, abarira nibaceceke! Mwineshwa n’umwanzi ngo abacure umwuka abatware intege, kandi naraje kugira ngo mbarwanyirize icyo kintu!

Ntimukagihe inzira ngo mucyimike kandi nje ntagishaka! Mwansabye ko mfite, mwansanze ko mfite aho mbashyira.”

*Abwira wa mwana Françoise ibikurikira:*

Mwana wanjye ruhuka! Mwana wanjye vuga uti:

- "Ndakuramutsa Mawe Mubyeyi wanjye!"

- "Ndagukunda n’umutima wanjye wose!"

- "Nishyize mu biganza byawe!"

- "Nduhura ndananiwe!"

Ndakuruhura mwana wanjye. Ngaho mbwira usubire mu byo nkubwiye!”

VAL.: "Karamel!"

B.M.: “Wigira ubwoba humura nzagutabara!”

VAL.: *Atera indirimbo:*

*Ndakuramutsa Mariya wuje inema,*

*Abagore bose wabarushije umugisha,*

*Uba isugi n’umubyeyi Mariya,*

*Mwamikazi w’Ijuru n’isi Mariya,*

*Uri mwiza uzira inenge Mariya,*

*Tugukunde urabikwiye Mariya.*

Ahwi! Karamel!

Ariko mama, murankunda koko ndabyemeye! Nta bwo mbyemejwe n’ibyo munyeretse cyangwa mumbwira, nemejwe n’urukundo mwampaye, mujye murunkomereza! Ariko se ko mumbwira ko ubutumwa mwampaye ari ubwo kwirukana amashitani... Yewe, simbizi... HUUU! Oya nta bwo ari cyane. Ni uko n’ab’i Kibeho ntabaruzi na bo barishimye! Keretse bariya bari kubabazwa n’umwanzi. Na bo bongerere ukwihangana! Twabura iki tugufite se? Ahubwo ni uko tugira ubwoba ko... Yewe ntawabona icyo avuga! Oya nta bwo ari ubwoba.

Papa ntiyagize atya ati: "Cyangwa, cyangwa..." Nuko nkajya kumva ati: "Hasigaye umunsi umwe!" Agahinda karanyica we! Ariko ndyuma ho ndicecekerera. Nari kugira nte se? HUU... Oya nta cyo bitwaye.

B.M.: “Bana banjye mwaturutse imihanda yose, muntege amatwi mbabwire! Utumva arebe ku munwa wanjye! Nkuko umwana wanjye yababwiye ngo nimurebe murambona, nje ndababwiye ngo nimuntege amatwi!

Kuri uyu munsu ndabihereje n’umutima wanjye wose nkuko nabibabwiye, kandi... (*Yageze aba abantu bakoma amashyi.*) Oya nimuntege amatwi ndangize icyo nshaka kubabwira! Ndabihereje n’umutima wanjye wose. Nimufungure imitima yanyu! Nimungirire inyota n’inzara! Rwose ndabihaye mbaramburiye ho ibiganza byanjye.”

VAL.: “Karamel!”

*INDIRIMBO:*

*R/ Dore inyange yera de!*

*Dore ikirezi kiboneye*

*Umubyeyi usumba abandi, Mariya nyina wa Jambo.*

*Mariya mwiza uraturengera*

*Abana bawe turakwiyamba*

*Ujye udutsindira umwanzi Sekibi.*

VAL.: “Murakoze Mama! Oya nta bwo nakwanga gukora icyo ushaka.”

B.M.: “Bana banjye mwigira impumu, mwigira ubwoba kuko nta na rimwe nzaza mbatunguye! Uzatungurwa ni uzaba utari uwanjye. Nta bwo nzi umunsi n’igihe, n’umwana wanjye ntazi umunsi n’igihe. Ariko uko natumwe ni uko. Ndumva nshohoje ubutumwa.”

VAL.: “Oya, nta bwo... Gutungurwa gute se?”

B.M.: “Bana banjye nimuhumure nta bwo nzabatungura, kuko uzatungurwa azaba atari uwanjye! Nta bwo nzi umunsi n’igihe, n’umwana wanjye ntazi umunsi n’igihe, ni uko natumwe. Ntimugakuke umutima mbabereye maso, ababaca intege nimubihorere! Gusa mujye muvuga muti: "Nyagasani umwe", kuko Kiliziya na yo ari imwe, n’ukwemera kukaba kumwe, byose bikabumbirwa mu Butatu Butagatifu. Aho sinsobanuye ariko nanjye ni uko mbizi. Uwumva arumva.

Bana banjye kuva igihe nabasuriye, sinigize nza mbabwira ngo iki kirashoboka. Narababwiye nti: “Nzaza ku itariki 15 cyangwa se kuri 20. Iyo mvuze kuri 20, ndaza. Nta bwo nsiba kuko nanjye mba mbakumbuye.”

VAL.: “Hum... Erega ndwaye amaso. Mwandike binini mbirebe!”

B.M.: “Isaha ntegetse n’umunsi n’itariki ni wo nzira ho. Nta bwo nasiba ngo mbakoze isoni. Ni yo mpamvu nazindutse. Ni yo mpamvu mberetse rero yuko aho ndi n’umwanzi aba ahari. Ni yo mpamvu nababwiye ngo: "Mujye muhora iteka mwiteguye kuko umwanzi abagenda hafi!" Buri gihe abarya

isata burenge, ashaka ko mumukurikira kuko abona mwaranyobotse muri benshi, abona ko naje kubakiza.”

**Val.:** “Hum...”

**B.M.:** “Nimuhumure icyo nabarazwe ho nzacyuzuzaza!”

*INDIRIMBO:*

*Mubyeyi wita ku mpabe,*

*Kebuka uru Rwanda turi mo!*

*Hari benshi batakuze,*

*Ubabe na bo kukumenya!*

*R/ Ibisiza n'imisozi...*

**B.M.:** “Bana banjye, kuko mwaturutse impande zose muje mungana, ni yo mpamvu nanjye ntari bubababaze kandi sinzanabikora. Nanjye ndongeye ndabatumye nti: "Mugende mubwirire abo mwasize ibyo mwabonye by'ukuri nta cyo mwongereye ho cyangwa ngo mugabanure ho!"

Iyo umuntu avuze icyo yumvise, yabonye n'amaso ye cyangwa se n'umutima we arakivuga agasiba kongera cyangwa kugira icyo agabanura ho ku byo navuze kuko buri gihe ndabyanga.”

**Val.:** “Nanjye uzabindinde! Karame!”

**B.M.:** “Bana banjye ndabinginze rwose mumbabarire ntimugashake ikuzo ry'iyi si!

Muti: "Turishaka dute?" Hari benshi bavugaga ngo baranduzi kandi batandeba bakangerekera ho byinshi cyane. Nkababara nkabura uko ngira, kuko ibyaye kibi irakirigata. Sinabatererana kandi sinshobora no kubavugaga nabi kuko ari abana banjye, kuko ikigoryi kiba icy'umubyeyi akakigoragora. Nizeye ko bitabatangaza kubera ko namwe hari mo ababyaye bafite abana bose badahujije imico. Mugereranye nanjye rero ni uko ndi ho mbareba!”

**VAL.:** “Ngo buri wese avuge icyo ashaka kuko uyu muni yaje yakira buri kintu. Ngo asabe, yigorore kandi ababarire. Ngo arababwiza ukuri ko utazababarira mugenzi we ngo arenze ho ibyo abona kandi azi, na we atazamusaba ngo amubabarire. Ngo n'uzakugirira nabi uzarenze ho, umwereke ko ibyo bintu utabizi. Ngo nabona akugirira nabi azabikurinda cyangwa azakuburira agucire amarenga.”

*INDIRIMBO:*

*Murumve twana twanjye nabaraze urukundo*

“Ngo bana be, nta bwo yashakaga kubaririmbira iyo ndirimbo, yashakaga kubabwira amagambo akubiye mo ibyo ababwiye.”

Val.: “Murakoze! Hum... Oya. Hum...”

Abenshi mbese baje bishimye, ahubwo niba wanyugaza mo n’akantu nibura gato kangana gutya, ariko ukabiyereka Mama! Baragukunda ariko iyo nkubona nnyenyine... Baragukunda erega! Uzi ukuntu Papa yatwiyeretse, yee... Kandi ari mu gisibo ra! Naryumye ho. Nta bwo warebye? Ba uretse nzakwereka! Hii... Aratwiyereka wese, arongera atwereka... Yewe, ntawabivuga mbese!

Yatwiyeretse ari mukuru, atwiyereka ari umwana, n’ibindi byinshi utamenya. Na we rero babonye ho nk’akantu ka... Oya nta bwo ari ibitangaza, ariko... Ariko Mama, uzi kugira ngo umwana avugane n’umubyeyi ari mu cyumba yakinze, umwana ari inyuma y’urugi! Ngaho nawe wishyire mu kigwi cyacu wumve! Ariko iyo umureba na we akakureba yishima kurusha ho. Oya nta bwo ari ukuguhenda ubwenge, ahubwo ndakubwira mbese ko nanjye njya mbikora. None se ubwo wowe urumva ari byo? Nyamara bakubonye bakwishima! Ukabereka nk’igihande kimwe gusa.

*INDIRIMBO:*

*Tukuririmbe uri Imana koko, uri Imana...*

Karame! icyo munyifuzaga ho cyose nzagikora, kandi n’icyo muzashaka cyose, nikiba kinakomeye nzihangana ngerangeze kuko nizeye ko muzamfasha. Ariko nta cyo nzavugaga ngo sinagishobora ntakigerageje. Hum! Ndabyemeye rwose.

B.M.: “Bana banjye nimusenge n’umutima wanyu wose, nimupfukame muhare amavi musabire igihugu cyanyu! Ndakibona kandi ibiba mo ndabizi. Ariko mumenye ko intambara ikomeye ari iya roho. Kuko burya iy’umubiri iroroshye. Ikorwa n’abantu ariko roho ntiziboneka. Nimurwane iyo muyitsinde, ibindi bizaza! Nimusabe cyane musabire abavandimwe banyu bataye, musabire n’abajegajega! Ndashaka kuvuga abakristu batuzuye.”

Val.: “Hum!”

B.M.: “Bana banjye, nongeye kubaha ingabire y’ubushishozi. Ni incuro nyinshi nazitanze nta bwo ari ukuvuga ngo ni iy’ubushishozi, ni iy’ubushishozi. Oya, ndashaka gutsindagira iryo jambo ngo “ndayibahaye” kuko nyibahaye koko. Kugira ngo hatazagira uwongera kuvuga ngo: "Mana yanjye uzampe ingabire yo gushishoza!" Ahubwo mujye muyikoresha! Muramenye ntimuyicishe inzara kandi ishonje! Yee! Muzashishoze,

nimumara gushishoza, muzasabe imbaraga! Nimumara gusaba imbaraga, muzabona urumuri.”

Val.: “Murakoze! Ahwi! Nta bwo ari cyane. Hum!”

B.M.: “Ibyo mbibabwiye kenshi, mbibabwiye kenshi kugira ngo nongere mbinginge koko, mwokagira Imana mwe! Bana banjye ndabakunda kandi ndabakunda.”

Val. : “Hum... Oya.”

B.M.: “Kuri uyu muni, ndashaka kugira ngo mbanezereze. Kuko nta kundi nagira, ubuze uko agira agwa neza. Ariko nkabingira ngo ntimugapfe kwiruka ku byirutse ngo muguruke n’ibiguruka! Mujye mubanza mushishoze! Murebe inzira muca niba ari ya nzira yaguye! Inzira yanjye kugira ngo uzayigere ho iraruhije. Ariko iyindi iyo ije iza yaguye ku buryo icyo ushaka cyose ukibona.

Val.: "Hum! Ni koko. Ariko Mama, ko nababonaga imbere yanjye mukaba mugiyeye kure cyane? Ndi kubona muri hejuru cyane ku buryo noneho mbona ntari kuhareba neza. Urakoze! Hum! Ashwi! Ariko Mama, umurima wanyu ni munini cyane koko! Kugira ngo nzawushobore ni intambara. Ndawuzengurutse ndaruha. Oya, nta bwo ari cyane."

B.M.: "Ubushize narababwiye ku itariki ya 15/8/1990, nababwiye gushishoza no gusenga ku mutima. Yego mwarabikoze, ariko mwarushije ho kwiruka kuri byinshi. Yego nta bwo ari uguhera kuri icyo gihe, ariko nyuma y’icyo gihe habaye byinshi.”

Val.: “Karame! Oya!”

B.M. : “Ntihazagire ubabwira: "Ni ejo cyangwa ejobundi". Nibababwirira muzabite mu gutwi mwicecekere!”

Val.: “Karame. Ni ukuvuga iki? Ejo cyangwa ejobundi? Ni ukubera iki? Karame! Hum! Oya, nta bwo ari cyane. Buriya iyo umuntu afite ugushishoza arakubona.”

B.M.: “Bana banjye nta gihe nigeze mvuga ngo: "Ndaje, ndagiye".”

Val.: “"Ndaje, ndagiye" ni ukubera iki?”

B.M.: “Ndaje, ndagiye sintinda. N’ubushize umwana wanjye yabisubiye mo kuri 20/3[/1991].”



Val.: “Ndaje ndagiye sintinda? Ni ubwa mbere ayo magambo nyumva, ndi kumva ntayumva. Ashatse kuvuga kubeshya! Ubwo se wabeshya "Ndaje ndagiye"?”

Ubwo se nzagenda, nzagenda ni iki? Hum! Ntuvuga menshi urisaziye? Haal! Noneho bajye bakwita Mukecuru! Oya niganiriraga. Hii! Oya. Hum.”

B.M.: “Bana banjye, nababwiye kenshi kandi nababwiye byinshi. Nabahaye kenshi, muramenye, ntimuzinube cyagwa ngo mucike intege, kandi mujye muhora musaba kuko usaba atarambirwa!

Uyu mureba namutoye nshaka kumukoresha icyo nshaka cyose. Azi byinshi mutazi, si ukubirarira ho, ahubwo uko mbivuze ni ko biri. Arababara, aratotezwa, ariko akabyemera. Si ku bwe ni ku bwanjye. Ntashobora kwinuba kuko biriya ari imishinga, hazaza n’ibyuzuzwa.”

Val.: “Karama! Hum!”

B.M.: “Nongeye kumubwira ko nzamubabaza. Nkamubabaza nkongera nkamubabaza. Namutoye nzi icyo mushakira. Ntabwo mvuga ko azababazwa n’ibyo azahura na byo ku giti cye. Bizaturuka kuri mwe. Kuri bariya no ku bandi ndetse n’ibyanjye. Kandi nzi neza ko azihangana. Hagowe uzantotereza... Nako ndekeye aho.”

Val.: “Mama, ndabyemeye n’umutima wanjye wose. Uzampe kubyakira rwose ndabyemeye!”

B.M.: “Ngo hari ababyeyi babyara abana bakababazwa no kutababona. Njyewe abanjye ndabakoresha.”

Val.: “Hum!”

B.M.: “Abanjye ndabakoresha.”

B.M.: “Azasure abarwayi, azumve umusanze uwo ari we wese, ntihakagire n’umwe asubiza inyuma! Uzamwifuza wese azamutege ugutwi amwumve kuko ntagira iyo aba, ntagira iyo ataha, ariko agira iyo avuka! Simvuze ngo arazerera, cyangwa se ngo aba hejuru nk’ikirere. Ndashaka kubabwira ko namutoye ngira ngo ankorere ako kazi. Nanjye ni uko singira iyo mba n’iyo ntuye ariko ngira iyo mvuka. Uko mbivuze ni ko nzabikora.”

Val.: “Murakoze! Ashwi!! Ariko se Mama, buri gihe ko kenshi mumbwira kwiyegereza abarwayi, mukambwira gufasha abakene, hari umukene ufasha undi? Nzabaha iki? Ubu se nzagenda mbarebe mu maso? Abarwayi se ko abarwayi ari benshi bose nabarwaza nkabashobora cyangwa nkabasura nkabashobora? Hum! Icyamba mbere ni urukundo n’umushyikirano muri bose?”

Bose ba nde? Ko ngomba gusura abarwayi nkabihanganisha? Muzabimfashe mo! Kandi mumpe n'iyoy mpano yo kugira ngo mbishobore!”

B.M.: “Nongeye kubasubirira mo ko ubutumwa bwe ari ukubabara kugira ngo afashe umwana wanjye gukiza iyi isi. Ikindi cya kabiri ko ari ugufasha abatishoboye. Cyane cyane akiyegegeranya n’abarwaye indwara zose nta we atinya nta we anena.

Nkaba naramuhaye ubutumwa bwo gukiza amashitani igihe azaba ari kumwe nanjye, cyangwa se igihe nzabishakira kumubwira icyo azabikora ho n’uko azabigenza.”

Mwumve neza mutabitwara uko bitari!

Simvuze ngo azakiza. Nta bwo ari ugukiza. Ni bwo butumwa bwe. Ubwo abafite ingabire yo gushishoza barabizi. Muramenye ntimukabe abemeragato! Ngo mwemere mu mwanya, muhakana. Muje mubanza mushishoze mwemere icyo mwabonye! Icyo mutabonye mucyicecekere mucyihorere! Nta we uzabatuka cyangwa ngo abatonganye ko mutabonye cyangwa mutemera.”

Val.: “Hii.”

*INDIRIMBO:*

*Twese intama z’Imana tukuganyye dutakamba*

*Turagutabaza Roho Mutagatifu*

*Uwo Ummwami Yezu yasezeranije abe.*

*Dube ingabire zawe!*

“Karame. Ubwo se... Hiii! Ashwi!!! Hiii!!!”

B.M.: “Bana banjye nongeye kubasubiririra mo, mwirangara, mwireba ibitabafitiye akamaro, ahubwo nimurenze ho isengesho! Ibindi byose birashira.”

*Hari abasore bari bituye hasi basenya uruzitiro rwo hakurya ya "podium", birangaza abantu.*

Val.: “Hii! Oya. Ashwii!”

Karame! Oya. Iwanyu se ko ari harehare cyane, hakaba na kure cyane! Hari ho igihe ntekereza ngasanga ntazasubira iwacu. Nagira Imana nkabona ngeze yo. Ariko nyine! Aha! Hari abantu Nyagasani! Hari abasirikari bafite imbunda! Yewe! Njyewe nari nitinyiye. Hii! Oya. Ntabwo bagira amahane. Ni inshuti zacu. Oya. Ni uko nagiraga ngo mbaganirire museke. Hii! *(Na we araseka.)*

Ashwi! Ubu hashize iminota cumi yonyine. Hum! Reka yenda... Iyo mumara... Reka... Nizere ko twigumanira... Ubundi twajya he? Buri gihe uba utureba? Ahubwo twebwe ntitukureba. Ariko se... Ubwo hari ibyo ntumva, nako nta bwo nabona uko mbivuga. Hum! None se abo barwayi mumbwira no gufasha aba ari kubona buri muntu wese singire uwo nirengagiza, n'urwaye indwara z'amako yose...

N'uwo tuzahurira mu nzira? Cyangwa n'abo nzasanga aho barwariye? icyo nzabona nzakire icyo. Ariko Mama, koko! Ewe! Uzi ukuntu mwigeze kunjyana ahantu, cyakora cyo byarambabaje. Munjyana ahantu, igihe natwazaga wa muntu wari urwaye. Nuko rero ndamuherekeza. Muranjyana mungeza iwabo mpamara hari ukwezi, ngaruka ntahazi. Tekereza kugira ngo ujye ahantu ugaruke umeze nk'ikiwerewere. Numvise bimbabaje. None sel! Oya. Yaraje arambwira ngo nimutwaze. Mbanza kwanga kubera ko nari kumwe n'abandi ngira ngo batansiga. Ati: "Nyamara ni wowe Imana yanyeretse ko untwaza!" Nti: "Karabaye ahubwo ndakomerewe!" Nuko ubwo nari ngiye gusenga. Gusenga ubwo biba birapfuye. Abandi burira imodoka mbareba nshatse n'itaha ndayibura. Nuko umukecuru aragenda. Ese ibyo byose uri kubinsubiza mo ntubizi? Nta bwo ubyibuka? Yee, nuko umukecuru aragiye, umukecuru wawundi wari ushaje cyane, utagira intoki n'amaguru, umwe wari wirwariye hamwe bagira ngo ntibabara gatanu. Nuko. Noneho ubwongubwo ntegereza imodoka ndayibura. Nkareba ahantu nderekeza nkumva ndashobewe. Namwe mugiyeye kunyicira murambwira ngo nimukurikire ngo mpaka mbonye ahantu agiye. Ubu se wowe wakurikira umuntu utazi iwabo? Nuko murambwira ngo ni mposhi tugende. Turagenda tumusanga hahandi yari yicaye. Nuko ndiremeka ndamutwaza. Turagenda tugera iwabo. Uzi ukuntu navuye yo ngiye gupfa? Yuuu! Imyenda yaracitse! Ahubwo uwankubise amaso yarumiwe. Yewe ni uko nta wari unzi! Bari bataramenya. Naho ubungubu, n'aho nakwiba umenya banjisha pe! Bapfa kuvuga uwibye gusa! Ni uko hari ho n'abanyitiranya n'abandi bakagenda bari gu... Nako twicecekere!

Hii! Nuko turagenda tugera iwabo. None se uragira ngo nzongere ndare hamwe nararaga, amaguru ari mu muryango nta kindi ndaye ho nta cyo niyoroshe? Nta bwo nabyemera rwose niba ari ibyo. Uzi gupfa ureba! Imbeho! Gupfa. Ariko narihanganye. Naragerageje. Nuko. Ubwo igihe cyo gutaha sinari nkizi. Ngeze yo n'uwo dusanze yo dusanga ni kimwe n'uwo. Hum! Nti: "Kabaye noneho urupfu rwanjye rwageze!" Hii! Burya narabitekerezaga.

Ahubwo iyo mbona inzira nari kwiyirukira. Nuko nyoberwa iyo mva n'iyonyi njya ariko ndihangana. Uzambwire nkwereke n'ikanzu nari nambaye,

ntiwayinywera ho amazi. Naje hano hose hacitse. Yewe! Ntiwareba nyine!  
Nuko ariko ndihangana. Nta wari... Ninde wabimenye se? Ishwi!

Nuko mu kugaruka uraza urambwira ngo tugende. Ndatoroma ndagenda.  
Ngeze nanone aho nari namutwarije murigendera. Ese koko aho hantu...  
Ikintu cyambabaje rero ni uko ntasubiye kumenya aho ari ho ngo nongere  
njye kubasura. Nuko murambwira ngo barapfuye. Haa!

Uzi kugira ngo ufashe umuntu... Narababaye kuko ntazi n'izina rye. Ishwi  
da! Yararimbwiye ariko sinariyibukaga. Nitekererezaga ibindi numva ngiye  
kuzapfa. Nari naravuze nti: "Ubanza bari barabuze urupfu runyica!"

None rero niba ari nk'aho hantu ushaka kunjyana umbwire ukuri! Niba ari  
abantu tuzahura nkiremeka, reka da nta bwo nakwemerera!

Heee! HUU... Wowe ni inkuru ubwirwa. Hum! Yewe! Hora ceceka! Ariko  
nta cyo bitwaye nzabikora. Hii! Ko mumbwira, ubu se wafasha umuntu...  
Nawe... Yewe! Nta mupfu ubura umupfunya koko! Buriya nzareba. Buriya  
nta kidashoboka. Ubu se nzajya nirirwa ngenda marishe igihugu amaguru  
njya kureba abarwayi n'abo turi buhurire mu nzira?

Hii! Hum! Ubu se nzabafasha gute? Ubu se wagenda ugasanga umuntu mu  
nzu umwe ukamubwira ngo: "Kiriya kintu uri mo kwiruka inyuma nta bwo  
ari cyo"?

Birabe atari ibinyabingi, niba ari ibiki byose sinanabizi sindanabibona! Oya?  
Nari ngize ngo ni byo uri mo kumbwira ngo nzagende... Ego Mana, uranteye  
da! Nta n'ibyo navuga n'iyi mba nabibwira. Ugira ngo... Ewe... Reka da!  
Ishwi! Icyakora cyo niba ari ibindi mumbwira ho nzabikora.

Ubu nabwira umuntu ngo jyana Nyabingi, niba ari Nyabingi niba ari iki?  
Naba mbizi he? Ntabwo ari byo? Noneho nteze amatwi nimumbwire!

Wasanga umuntu iwe ukamubwira ngo: "Warataye, biriya wiruka ho si byo"?  
Ngaho rero Mama! Kandi, ehe! Hagira unkubita urushyi? Hii! Ariko nta cyo  
nakwicecekerera. Burya... Hii! Igisebe kibi ni icyo kuri roho, icyo ku mutima  
kiruma. Hii! Nzabikora. Hehe? Ba nde? Ryari? Hii! Ariko nzajya mpita  
nigendera. Ubu se nzabikora nte? Ngira inama! Hii. Mu ibanga. Inte se? Ubu  
se nava mu rugo ngo ngiye aha... Haa... Ngaho mbwira! Umuntu yaba abaye  
ikirara. Reba! Ukabyuka, ugakaraba nuko... Ibikurikira ubwo urabyumva...  
Nuko rero ukagenda! Hii.

Nzabikora ndabyemeye. Abandi uzabibwirira mu ibanga ryawe? Uzabiyereka  
se? Ufite uko uzabigenza. Na byo ni byiza. Karame! Hehe? Hii... Erega  
noneho ndi kumva ugiye kumbunza imisozi singire iyo nshinga amaguru!  
Aho ntushaka kugira ngo nzapfe vuba mubone uko mwigendera? Wasanga

narabarambiye mukaba mubonye aho mundoha! Aho ni he? Haa!! Ntubona ko nawe usetse! Nari nategereje ko mwaseka nari nahebye da!

Hum!! Oya nta cyo bitwaye nimumbwire! Umunsi nugera muzambwira njye yo? Kugira nte? Ahum!! Ye Nyagasani we! Ubwo ariko urabizi wowe. Abantu b'iki gihe ubabona ute? Ni ba Rwicaruhoze.

Ni ukugira ngo bizamere... Yego Mana yanjye! Haa... Wowe nta bwo uzi da! Umuntu ararenza ho agahirika. Huu... Ese aho hantu umbwira nta... Mwambwiye aho ari ho. Ubu se... Ubu noneho ndikumva ngiye kuba kazerera. Ahum! Nagiye kera k'ubusa, uramenye sinzabe nka wawundi na babandi na bariya n'aba!

Nta bwo mbishaka ni ukuri pe! Nakwemera nkitahira pe! Ishwi! Hee. Wowe hanze aha! Ego mama! Ariko nta cyo bitwaye. Hii... Ndabyemeye byose rwose.

Muzambwira igihe? Aho hantu rero burya bituma ngira ubwoba nkarara meze nabi cyane rwose. Nkibaza nti: "Ese aho hantu ni he?" Uramenye ntumuzandohe nk'aho mwandoshye cya gihe! Hum... Hum! Ubwo se ubundi ko n'ububabare mwampaye butari bunyoroheye, nabuze igihe nakwishima nk'abandi! Ndababara ariko ngaseka... Ahubwo muzasanga urwasaya rwatanyutse. Ariko naba nishimye!

Ashwi da! Sinshobora kwishima ngo umunsi urangire. Ntibishoboka. Ariko ndababara ibiri nkumva ndayihiritse pe! Umuntu akambaza ati: "Bite?" Nti: "Ni byiza cyane rwose. Ubungubu biri kugenda neza." Kandi nipfiriye! Nkumva sinshaka kuvugana n'umuntu. Hum... Hari ho igihe numva ntashaka kuvuga.

Nabwo ibyo ndabibasabye mubintsindire rwose bive ho! Njye ndivugira kuko iyo ntavuganye n'umuntu ahita abibona. Hakaba igihe numva nshaka guceceka, hakaba n'igihe ntekereza, ahari umenya ntekereza n'ibyo nakoze ndi uruhinja. Nkajya kure wee!! Ngatekereza uwangiriye neza, uwangiriye nabi. Umva nawe ahantu mba ngeze koko! Ubu se... Ndakumva. Ewe mba natagangaye nagiyeye! Ibyo simbishaka rwose. Uzi kugira ngo utekereze uwakugiriye nabi ko ari bibi. Kandi waramubabariye. Nyumvira nawe! (*Araseka*). Ubwo se ni ukubabarira cyangwa ni ukubeshya? Reka da! Ibyo simbishaka, njye nibera nk'uku meze. Ishwi!

Cyakora cyo na wa muntu, hum... Sinabona uko mushimira. Ahubwo ndamu... Hoo! Dore ni aba... (*Yerekana kane (4) ku ntoki*). Ariko nyine, ndakubwiye ngo uzabahe ibyo wari kuzampa byose! Ndabibemereye. Rwose uzabibahe njye uzampe udusigaye! Hii... Na Mama, hii... Umva, ubu se

namwibagirwa hanyuma... Umva ra! Uzabahe rwose ndakwinginze Mama! Bagukunda bate se!

Reka tuve muri ibyo byo gusetsa, twiganirire ibindi mwaje kumbwira kuko ari byinshi! Ubwo nagiraga ngo tube twiganirira ese ubundi nzateta ryari? Igihe mba narabereye aho njyenyine! Uzi igihe gishize? Imyaka ijana!

Hii! Ariko se Mama, mwaraye mungize ibiki? Nategereje nuko muraza iminota ibiri ntihagira ikintu mumbwira. Hii. Reka da! Ryamenye nde se? Ntibishoboka!”

B.M.: “Bana banjye, nababwiye kenshi. icyo nababwiye nta kindi kirenze ho, gusa ndabasaba ngo mukorere ku isengesho! Mugire Rozari inkingi yanyu y’igisenge cyanyu! Muyikenyerere ho mwumve yuko ari yo ntwaro ikomeye nta kindi kizabafasha! Ibindi byose muba mushaka sinzi iyo mubikura. Rozari, isengesho mbere na mbere, urukundo. Nyamara mujye mwibuka ko isengesho rikomeye ari irikubiye mu rukundo! Ni ryo nshaka.”

Val.: “Ahuu! Oya. Nta bwo ari cyane. Erega numva nishakira ko twakwigumanira! Ariko Mama, nizeye ko... Ubwo sinjya kureba ngasanga mwagiye?”

Yewe data we! Nataha nte? Twihere n’utuzi two kwinywera! Hii! Inyota iba yanyiyiciye njyewe rero! Ahwii! Nizeye ko murampa n’umwanya wo kugira ngo mbabwire abantu bose bantumye, ibyifuzo byabo. Kandi nizeye n’uko murampa n’ibisubizo n’iby’abantumye kuri 20/3[1991].

Uzi ukuntu Papa namubwiye akansubiza? Ye data we!! Yarambwiye ngo: “Mujye mugenda mujye guteta kuri Nyoko njye nta mwanya mfite!” (*Arakaye.*) Ndavuga nti: "Ririya jambo iyo nicecekerana n’ubundi!" Kandi ubwo yarakaye amaze kuvuga ngo arishimye, atwereka ibintu byiza. Nuko rero kubera nyine za mpamvu... Nari ngiye kwirukanka mbura iyo njya. Ngo: "Muzajye muteta kuri Nyoko njyewe nta mwanya mfite!" Ariko ntuzamubwire atazanyica noneho! Hii! Ndamukunda ariko ndamutinye. Uzi umuntu ugusubiza gutyo wowe wasubira ukagira ikindi umubwira? N’uzajya antuma nzajya nikiriza ariko mbibabwire ninumire. Hii... Murakoze!”

B.M.: “Bana banjye, nta cyo muvuga ntakibonye. Nta n’icyo mwifuzaga ntabona. Ari abatumye, ari n’ababuze uko batuma, rwose ni jye mubwira ndabumva. Ndabinginze nimumbwire muri kano kanya, abatashoboye kubona uko batuma! N’ababonye uko batuma ngiye kubasubiza.”

Val.: “Karame! Hii! Ashwi!”

B.M.: “Bana banjye, mbahaye umwanya uhagije. Utatumye nambwire kuko ndi bumusubize, n’uwatumye na we ntakarambirwe, nawe ndibumusubize n’abatumye kera. Ngaho ni mu...”

Val.: “Hum!”

B.M.: “Ngaho nimwiyibagize ibibabangamiye! Maze mumbwire mbateze amatwi!”

Val.: “Urakoze Mama!

*INDIRIMBO:*

*Undinde unkomeze Mariya...*

Ubu se ndavomerera indabyo zanyu nta n’iminota itanu irangiye tunganiriye? Turaganira ndangije?”

B.M.: “Bana banjye, mbasabye kwitonda mukamenya icyabazanye. Kuko sinshaka ko muzaba “Baburamwaje” cyangwa ngo njye mbe “Nyamwisiganisange”. Mbibabwiye inshuro nyinshi cyane ubwo nizeye ko uwumva yumva.”

Val.: “Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihanganirana no kwicisha bugufi, kumva ko ndi umunyabyaha, kumva ko nta cyo ndi cyo, kumva ko wantoye uko ubishaka, ndinda kwikuza, ndinda kwirengagiza buri muntu wese, mpa kwiyegeranya n’uje ansanga, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani! (2\*)

*INDIRIMBO:*

*Ndakuramutsa Mariya wuzuye Inema*

*Abagore bose wabarushije umugisha*

*Uba isugi n’Umubyeyi Mariya*

*R/ Mwamikazi w’ijuru n’isi...*

*Uri mwiza uzira inenge Mariya*

Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga...

*INDIRIMBO:*

*Robo yanjye (2\*)*

*Singiza Nyagasani.*

Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga... (2\*)

Icyakora muraba mumfashije [ishapure] mbanze nywe ku mazi kubera ko mfite inyota, nanavomerere indabyo zanyu, hanyuma ndaza muyimpe. None se ko... Hii! Ahubwo nari nayihaye umuntu ngo ayimfashe. Yewe abantu b’iki

gihe na bo ntiwamenya ukuntu bameze! Nuko arayinsubiza... Murakoze!  
Twebwe intambara yarateye hanyuma namwe murahinga!

*Akora ikimenyetso cy'umusaraba hanyuma avuga isengesho ryo kurya. Nyuma ati:  
Amazi se barayarya, cyangwa muraza kumpa ibindi byo kurya?*

*Hakurikira ho gutanga umugisha. Afata amazi mu gacuma akaraba intoki.*

Njyewe nkunda kwirira da! Hii! Oya. Simbeshya, ubu se wajya kunywa amazi  
ugasenga? Njye ndinumira da! (*Anywa amazi*).

B.M.: “Ndabakunda, ndabakunda. Nongeye kubibasubirira mo kandi  
nzabakunda. Ndagira ngo mbabwire ko kunywesha urushyi nta gasuzuguro  
kari mo, ahubwo mba mbibutsa urukundo ruturuka ku mwana wanjye.  
Bishaka gushushanya ukuntu bamwuhaye ibintu bishariye. Ni ukwicisha  
bugufi rero bishaka kubabwira.”

Val.: “Murakoze!”

*Atera amazi... Atanga n'ubutumwa ku bo yeretswe na B.M.:*

1. Umugabo uvuye muri Zaire.
2. Burugumesitiri wa Mubuga.
3. Umusirikare Lt. Iradukunda Jean Baptiste.
4. Umubikira Mama Anna.
5. Undi muntu wo muri Zayire.
6. Umuntu wa gatatu wo muri Zayire.
7. Françoise.
8. Kurazikubone Joseph.

*Nyuma y'ibyo, Valentina ahama kuri "podium", hanyuma aza kwitsamura. Bikira  
Mariya aramubwira ngo: "Urakire!" Valentina arikiriza ngo: "Twese!"*

B.M.: “Bana banjye, tumaze umwanya munini cyane, mfite akazi kenshi ubu  
ndatashye.”

Val.: “Ariko se Mama, muzagaruka ryari? Kuri 15 z'ukwa munani? Saa ngahe?  
Saa kumi n'igice? Nzabategereza.”

B.M.: “Bana banjye, mwese mbifuriye urugendo rwiza. Mbifuriye  
ukwihangana. Mbifuriye gusanga amahoro. Mbifuriye no kujyana ayandi.”

Val.: *Atera amasengesho akurikira:*

“Ku izina ry'Imana Data...



Ngwino Roho Mutagatifu...

Ndakuramutsa Mariya...

Yezu wacu...

Hubahwe Imana Data...

Mariya utasamanywe icyaha... (3\*)

Uramuke Mama, ijoro ryiza!”

*Ibonekerwa ryarangiyeye saa mbiri z’ijoro.*

BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA

I KIBEHO KU ITARIKI YA 15/08/1991

*Ni saa kumi n'igice.*

*Kuri "Podium", Valentine yahasanzwe wa mwana yahasanzwe na none kuri 15/05/1991, ari we Françoise, Bikira Mariya yabwiraga ati: "Umbona nta kindi kintu ashobora kwishingikiriza."*

Val.: "...Ariko kubera ibyaha byacu, muri kano kanya ndagira ngo uduhe imbabazi z'ibyaha byacu kugira ngo dushobore gutinyuka no gushira ubwoba. Bwo kukubwira ibyo twifuza no kwakira ibyo ushaka."

*NDIRIMBO: Inyange yera de, Mana Data yatoye...*

B.M.: "Bana banjye, ntimukarangazwe na byinshi! Muje mushishoza! Udafite ubushishozi asabe Imana! Utabona izo mbaraga akabona byose bimusiga aje akomeza atakambe, ntagahutireho!

Simvuze ngo ni uyu n'uyu, cyangwa ngo ni uriya, ariko buri muntu afite ingabire y'ubushishozi yahawe, aje ashishoza!

Ubushize narabiyeretse ku mugaragaro, mbacira umugani wo gufata igiti...

Mwana wanjye, ntugahangayike umutima, uje uruhuka!

Bana banjye, kuri uyu muni dufatanye ibyishimo, kuko nanjye nishimye.

Ntimukabone byinshi ngo bibatangaze cyangwa se ngo bibatere gushidikanya ngo mute umurungo mwari mugezeho! Ahubwo muje mufatanye mwake ingabire y'ubushishozi bukomeye kugira ngo mushobore gutandukanya ibyo mwabonye, muzi cyangwa mubwiwe!

Bana banjye, muzi neza ko ubushize ubwo mperuka kubagenderera narababwiraga ngo mwirangazwa n'ibitabafitiye akamaro. Ndongera ndababwira ngo uwo turi kumwe nta kindi abona. Iyo mufashe nta kindi yitabaza. Iyo aguye aragwa, iyo yegutse areguka. Ariko ntabwo abona igiti kuko ari jye tuba turi kumwe. icyo gihe, uwo mwarangariraga yari yafashe igiti, kugira ngo ashobore kugira imbaraga ziruta izo yari afite. Nabasubiriragamo kugira ngo mushishoze, kuko ari we iriya muzi.

Bana banjye, muramenye ntimugashake ishema ry'isi! Muramenye ntimukagire abantu ibigirwamana! Muje mubabona ko ari bamwe namwe! Mubabone ko bose bareshya! Ntimukabone ko ari nk'aho mubonye ibintu bidasanze, kuko ari umuntu nkamwe!"

Val.: "Karamel!"

B.M.: “Ntimukumve ko gukosa biviramo abantu kigusha, ahubwo mwakwegera umuntu mukamugira inama! Ntimukitwaze ngo uriya ni kanaka, ntibyari bikwiye kubaho!

Byanshimisha muteye intambwe muri iyo ntera, kuko buri gihe nza mbagira inama.

Byanshimisha mubabariye bagenzi banyu.

Byanshimisha mwigoroye n’abo mwahemukiye, maze mukaba abavandimwe, umwe akaba mushiki w’undi na musaza w’undi.”

Val.: “Ariko se Mama, ko utuzi kurusha uko twiyizi, urumva ibyo twabishobora? Buri muntu aba yumva yishakira inyungu ku giti cye. Yego ntabwo twahakana ko tudashobora kubigerageza, ariko ni ukudutiza imbaraga. Kuko izo twiyemeranya nta n’izo..., ntacyo zitumariye. Hari igihe twibwira ko dukomeye nyamara tworoshye. Umuntu ashobora kwirarira ko afite iyo ngabire, mu kuyikoresha akayikoresha nabi. Akarutwa n’utayifite.”

B.M.: “Bana banjye, ubu muri kino gihe ndi kuza mbasubiriramo kandi mbahana. Ntimukigire ba “Nyirandabizi”, ahubwo mujye mwigira ba “Nyirandabishaka”! Ntimukabe ba “Rutumvincyuro”, kuko ari bibi cyane!”

Val.: “ (*Arirubutsa*) Jye hari igihe nishima nkumva narengewe rwose. Nk’ubu sinzi ukuntu numva meze. Ahubwo iyo mbabaye ndaseka. Ariko iyo nishimye numva ahubwo mbabaye cyane. Usibye ko umutima wanjye uba wishimye.”

*INDIRIMBO:*

*Ukujya mu ijuru bitumara agabinda,  
iyo amakuba yaje twiringira Imana.*

*Twaremewe kuzajya mu ijuru  
Niho twese tuzishima iteka.*

*Akomeza yikiriza icyo abwive.*

B.M.: “Hari nk’abo nasabye gushishoza ku byerekeye ibyo bari bazi babonaga cyangwa bumvaga. Na bo kandi bahagaritse imitima. Hari abahagaritse imitima kubera ingo zabo. Ari abaje batumvikanye n’abo babana, ari abaje... mbese bana banjye, mwese nimuruhuke!”

Val.: „Karamel!“

B.M.: „Umwana wanjye yababwiye ko muri bashiki be, akaba muri barumuna be. Si ibyo gusa. Uko yigaragarije iwanyu yaje abakunze ahitamo kubasanga. Ariko muramenye, ntazagende ngo ase n’utarahageze! Ese aho mwishimiye

ko yabasuye? None se niba mubyishimiye, kuki mushidikanya? Kuki mutarashishoza by'ukuri ngo mubone ukuri?

Bana banjye, abashinzwe gushishoza ibibera i Kibeho nabo ndabareba. Ariko igihe nikigera, igihe nzabishakira, nzabereka ukuri, mfataniye n'Umwana wanjye, kuko ari jye, nanjye nkaba we. Hanyuma mbereke ubushishozi bw'ukuri uko bukoreshwa.

Igihe nikigera, ni bwo bazashobora kureba byose, n'ibyo bahishwe bakabihishurirwa. icyo gihe bizaba birebire cyane, kuko bazagira umunsi wo kugaruka ku byabaye mbere bititawe ho. Ese aho mwaba mwibuka ibyo bintu mutazi? Nyamara ni byo byari bifite akamaro! Iyo muza kubikurikirana, uwapfuye yajyanye byinshi. Kuko yapfuye mutarabimubaza ngo abibasobanurire, ababwire n'impamvu hubatswe "IHURIRO RY'ABEMERA BOSE". Ndabasubiriramo: uwapfuye yajyanye byinshi. Murumve neza, ntabwo nshatse kubabwira ko mukora ubusa! Ndashaka kubabwira ko ibyo bintu byagombaga kumenyekana mbere y'uko apfa. Ntabwo namutereranye kuko byose nabibonaga, namubonaga kandi nari muzi. Ntihazagire abavuga ngo ari aha n'aha. Ibyo ntibibareba! Gusa ndamuzi, kandi ibyo yagombaga kuvuga ntawabimubajije isaha byagombaga kumenyerwa ho. Ariko kuri uyu munsi... ugushishoza uko bishakwa ni ho muzashobora kumenya aya magambo, impamvu n'ibyangombaga gukorwa bitakozwe.

Sintegeka, ndasaba. Nabibutsaga!

Muzansabe urumuri, munsabe imbaraga! Muzashobora kubona ukuri aho kuri, mutabwiwe, mwirebeye kandi mwiyumviye.

Ngira impuhwe nyinshi, nkazigabira abazinsabye. Nkinginga n'abadashaka kunsaba kugira ngo bansabe. Kuko burya, umubyeyi iyo umwana amunaniye arahendahenda.

Ntabwo nirengagiza ko hari abana bananira ababyeyi, hakaba n'ababyeyi bananira abana. None se, kuki mwese mutaterana inkunga ngo mufatanye? Kuki utinya so, ugatinya nyoko? Niho rero amakosa abera. Kuki se watinya umwana wawe kandi waramubyaye? Ni ibibazo ndi kubihera, nanabasaba. Ntabwo nje kubacyurira no kubategeka. Nyamara ubwo abwirwa benshi akumva bene yo.

Bana, banjye, nta na rimwe kuva igihe niyerekaniye, haba iwanyu haba n'ahandi, ntabwo nigeze ntera ubwoba. Ahubwo n'iyi nabona ikibateye ubwoba, nabarinda kububatera kugira ngo nkibarinde. Nkabihorera mukareba, mukamenya ukuntu umucunguzi wanyu yababaye, ukuntu yahangayitse ahura na byinshi, igihe yari mu murima wa Getsemani. Ariko

jye si byo mbifuriza. Nashakaga kubabwira ko ntigeze ntera ubwoba na rimwe. Sinigeze mvuga ibikojeje isoni. Sinigeze mvuga isaha n'igihe n'umunsi ngo ejo hazaba iki cyangwa ejo bundi hazaba iki. Niba ibyo hari aho mwabyumvise, muzashishoze mwumve, muzasanga barambeshyeye. Ariko ndabababariye.

Val.: “Karame! Ariko se Mama, yego nkeneye kumva ibyo mumbwiye, ariko mfite ubwoba. Hari ho nk'igihe nicara nkavuga nti: ko musigaye muza mutubwira ibintu bya kera. Nkumva... ahaa! Ko Papa yambwiye ngo: cyangwa se, ngo yenda, hanyuma arambwira ngo ubungubu hasigaje kuza rimwe gusa! Ngaho mbwira, ubu se mwaba munsize he? Ahubwo muzahite mumbwira nitahire iwacu!”

*Yikiriza gatatu ariko nta wumva icyo bamubwiye... Ntacyo bitwaye... Oya.*

B.M.: “Bana banjye,”

Val.: “*(Arabaza)* Hi? Ntabwo mbibona neza.

B.M.: “Bana banjye, ntabwo nirengagije ko mufite imitima ihagaze mwese, bitewe n'ibyabereye iwanyu, ari ho iwacu, ari na ho iwanjye. Twarababayeye twese. Ariko se iyo tubabajwe n'ibyo byose, dusubiza amaso inyuma tukumva ko imitima yacu isukuye? None se ko tugira ubwoba bw'ibibera iwacu, kuki tutagira n'ubwuzu bwo kwakira uje iwacu? None rero bana nkunda, ibiba byose jye ndabireba. Ariko burya intambara ikomeye ni iya roho, kuko ibindi bikorwa n'abantu. Ni ubwa kabiri mbibasubiriramo.

Nta na rimwe naje mbakura umutima, mbabwira itariki y'itambara. Nta munsi nari nzi, ntawo navuze, ntawe nabibwiye, nta n'igihe nabona cyo kujya mvuga ibyo, kuko n'ibifite akamaro mbivuga ntibyakirwe. Ibyo ni iby'abashaka ishema ryo ku isi. Bagashaka icyubahiro badakwiye, bashaka abari hejuru bajya kubasobanurira aho bigeze.

Ntawe nakojeje isoni ngo atunze ibi n'ibi. Icyo mbashaka ho ni urukundo n'umutima wo kwigomwa no kwihana no kubabarirana.

Uzababwira ngo namutumye ejo hazaba iki ku bantu aba n'aba, ntabwo nzaba namutumye azaba yigerekera.

Ubu baracyabivuga, baracyabikora bitwaje izina ryanjye n'iry'umwana wanjye.

Ariko mumenye ko ntigeze mbabara ngo mbatarerane. Kuri 20/03[/1991] narabiberetse, nongera kubibasubiriramo kuri 15/05[/1991].

Bana banjye muramenye ! Uwo nashakaga ko ansubiza yaranshubije kandi naranyuzwe. N'ibimuhangayikishije byose ndabibona.

Mbese iyo mushatse guhangayikisha bagenzi banyu, mubagereka ho imitwaro, mushaka kubicisha no kubakoresha ibyo batazi, mugira ngo icyo gihe ntimuba mwongera ibibera iwanyu ?

Muranyumve neza, muzamvugire ibyo navuze ! Bana banjye, ibyabereye ino byose ndabizi.

Mutege amatwi mwumve !

Muramenye ntimuzitwaze ko buri muntu wese akora icyo ashaka, ajya aho ashaka, akurikirana ibyo ashaka ngo ashake gusuzugura ushinzwe ibyo akurikiza, abona kandi ategukwa ! Muri mwese ntimubizi, ariko jye ndabizi. N’abo biba ho ndabizi n’abo byabaye ho. Ese mwebwe ko mwabonye, bibabaye ho mwabigenza mute ?

Bana banjye, mujye mukora ibyoroshye bihuje n’ibyo muzi ! Ntimugashake gukora ibiremereje imitima yanyu n’imibiri yanyu ! Ngo mushakishye kwiga ibyo mutize no gukora ibyo mutategeswe no gukoresha abandi amakosa.

Ndashaka kubwira abashinzwe kubahiriza igihugu cyabo basezeranye kutazagihemukira. Ubwo nizere ko, ntashakujye, murumva ibyo nshatse kuvuga. Ntabwo ari ngombwa, si cyo nshinzwe, nagira ngo mbabwire yuko ibyaha ari byinshi, biba ho kenshi. Kwica bikaba ari bibi. Ariko hari uhohoterwa.

Nta wantumye ho ariko nshatse kubabwira ko uwasezeraniye igihugu cyewe, wakoze icyo kintu, wabaga ino ahangaha, nta cyaha yakoze kuko yagikoreshejwe n’abandi, kandi akitabara, agatabara na bagenzi be. Nizere ko muyumva. Ntabwo nshatse kubatoza ibyaha no kwica, ndashaka kugira ngo mbabwire ko uwo muntu arengana. Yakoze akurikije ibyo ashinzwe, azi, yigishijwe, yabonye kandi agomba kubahiriza. Uwamushakaga ntiyamubonye kuko yashakaga n’abandi. Ibyo yaje yitwaje yireguje ntabwo ari byo. Ahubwo bari bagamije gukora ibibi, bakabikoresha n’abandi.”

Val.: “Ariko se ibyo bintu ni ibiki? Ba nyirabyo barabyumva? Kuki utabibabwiye ukaba ubitubwiye? Twe ntidushaka kubamenya? Ntabwo ari ngombwa? *Arikiriza...* Ndabyumva.”

B.M.: “Bana banjye, mwana wanjye, namwe n’abandi, wababajwe na byinshi kuva watangira kunyoboka utotezwa na benshi. Ibyo ugeze ho ubungubu ndabibona.

Bareke bese bahagire, batane, bashoke! Nibagera ahari inyanja itambukwa na buri wese, bazagaruka bagusaba imbabazi. Mbese uriya we arampora iki? Ese namukorera iki cyamushimisha kugira ngo ampe amahoro?

Umva igisubizo cy’icyo gitekerezo cyawe:

Ntacyo wamukorera cyamunyura, atararangiza kuzuza iby’isi ashaka. Mubabarire, musabire! Ishyire mu maboko y’uwo ukunda uteze ho amaherezo, uteze ho ubugingo! Ibindi byose bizaza kera.

Uramenye uzatunganye umurimo washinzwe wose! Ntuzikingirize ijuru nk’abandi! Maze byose uzabitege amaso, nzakubwira!”

Val.: “Ariko se uwo muntu mubwiye ibyo bintu byose, arusha iki abandi? Haa!!! Oya ntabwo ari ishyari.”

B.M.: “Bana banjye rero, muritonde mube maso, mutazagwa mu mutego wa Sekibi mukagenda mugiyeye! Ntimugahirime! Mujye mukandagira muhamye! Mugende mufashije amaguru! Mwambare mukenyere mukomeze! Murye muhage, munywe mushire inyota! Hatazagira uwitwaza ngo yabuze ibyo kurya. Iby’isi ntacyo bivuze, igikennye ni roho, kandi irashonje na yo ubwayo.

Mwese abaje hano, nongeye kubaha ingabire y’ubushishozi. Murashishoze muzi icyo mukora, mushishoza ibigaragara biri ukuri! Nubona bigusiga uzarekere aho!”

Val.: “Ndabyumva. Byose ndabibona nkabireza amaso. Na bya bindi byose mwambwiye nkabitekereza. Usibye ko ntacyo bintwara. *Arikiriza*. Karamel! Oya. Byose ni ugushaka kwanyu, kandi icyo mushaka gikorwa munsu no mu ijuru.

V.M.: “Nta na rimwe uzansanga ntahari, utabona, udashyikira, udasaba, ngo uzahabwe. Ndabarahira ukuri ko ntanga uko nshaka, ngaha uwo nshaka, n’igihe mbishakiye. Ngaha uwo nshaka, uko mbishaka n’igihe nabigennye. “

Val.: « Karamel! Ndabyumva. Ndabisoma: „*Nkuko mbishaka*” »

B.M.: „Ububasha bw’Imana buba kure y’abantu.

Ingeri z’abantu ziterana ari nyinshi, hirya y’abantu kure y’imisozi, hirya y’abo ku isi, ugushaka kwanjye kurakorwa iminsi yose, igihe cyose n’ahantu hose. Uti: Mbese icyo minsi yose izaba ho ite? Mutege amatwi bana banjye! Iyo minsi yose nshaka kubabwira ni urukundo rwa buri munsu.

Val.: “Karamel! ... Oya simbizi”.

*INDIRIMBO: Ndaje unkoresha ugushaka kwawe...*

*Abaza nk’utumvise neza!* “Hi? Oya, ntabwo mbizi. Arikiriza.. Hii. Hii. Hii. Oya”.

B.M.: “Bana banjye, mwirangara, mutege amatwi! Ntawe ubarangaje, mutege amatwi! Humva amatwi ntihumva amaso. Muzasenge n’umutima wanyu wose! Muzasabe muzahabwa!”

Val.: “Karame! Karame! Ndabyumva, ariko ibyo mwanditse ntabwo mbibona neza. Arikiriza. Igihe ubishakiye, isaha n’umunsi, n’igihe uzashaka. Karame!” *Abaza nk’utumvise neza.*

B.M.: “Reka mbareke mukore ibyo mushaka, mwumve ibyo mwumva, kuko igihe ari igihe, n’umunsi ari umunsi.”

Val.: *Yikiriza kabiri. Hanyuma atera indirimbo:*

*...Mutagatifu, watagatifuje Bikira Mariya,  
wamuhaye kubyara ari umubikira, agumana ubusugi budaseseka.*

Karame! Oya. Abaza nk’utumvise neza: Hi?

B.M.: “Bana banjye, mwihungabana, ibyo ni ibyoroshye. Ntacyo bitwaye rwose, ntabwo ari byo byatuma musakuza. Ahubwo buri muntu afate mugenzi we, nkuko abana b’urukundo babigira! Hanyuma mukore icyo mwajye gukora, musenge n’umutima wau wose! *Icyo gihe «Podium» yo hakurya yari yituye hasi, kandi iri ho abantu benshi. Bagira ubwoba barasakuza.*

Simbasabye kunyemera, simbasabye ngo mukore uko mushoboye kose ngo munyemere. Oya. Nimwemere ko Imana ibaho, musenge! Mukomeze urukundo mu mitima yanyu, byose bizaba bikubiye mu gikorwa kimwe! Murakoze!”

Val.: “Karame! Ndi kubibona. Ariko iwanyu mwahinze hanini cyane! Ariko se buriya muhahinga imyaka ingahe?”

None se ko muvuga ngo ni indabo, mwamara kwigendera mukadusiga mu bantu... Maze ugasanga wamwaye! Ngo: Wahoze uri kutwita indabo, ugenda uri kuduhonyora!

Ukumva nyine ubuze uko ugira, ukamwara ugaceceka.

Ariko buriya jyewe ngiyeye nabona ari abantu! Ese indabo zimenya ubwenge? Indabo se zirafatana? Oya. Ni uko muvuze ngo ari abana b’urukundo bafatana, ngo... mbese aho urabyumva aho ngaho. Se bafatana bate? Abantu ni bo bafatana intoki. Yaba ari umuntu urwaye bakamusindagiza. Ese ururabo iyo rurwaye ko rwuma bakaruca rukavamo kugira ngo rutanduzazizindi?

*Abaza nk’utumvise hanyuma akomeza agira ati:* Ntabwo mbizi... Arikiriza: Hii. Ariko ra, muzi amabanga menshi! Ko twese tutayazi, twabigenza dute?



*Abaza nk'utumvise neza.* Hi? Zose ndazirangiza. Oya. Hum! Ariko ni nyinshi. Uzi ko mwafashe aho abantu, hatura prefegitura nzima? Iwacu inzara yarahishe nta n'ubwo twabona aho duhagarara, ni hatoya. Iwanyu hose ni indabo. Mwarikunze. Ahubwo muzaduhe amasambu duhinge! Izo ndabo se ziruta abantu? Oya. Nabibonye. Kandi nkuko mwaraye mubimbwiye, byose ndabizi. Hum... Uzi ukuntu ari nyinshi? Hari izisumba izindi, mbese zose mwazagiye muzireshyeshya! Ubwo se wajya guca ururabo ukajyana ukuboko hejuru, ugomba guca urwo hasi. Ari izanjye nagenda ntema imitwe yo hejuru, hanyuma zikongera zigatoha neza...

Ni bwo bwenge bwanjye? Ubwo se hari ubundi nguhishe? Jyewe rwose iz'iwacu ni ko nzigenza. Kandi iyo nzitemye zihita zishibukaho nk'amashami nk'abiri. Hum? Iz'iwanyu ziva mu muzi? Zitatewe se? Ufite uko ubigenza?

Hum! Ubwo se twe ko tukiri batoya ko tutishoboye turanabizi? Mwebwe mwagiye mucucikaaa! Ni yo mpamvu zitera neza. Zimwe zikaba ndende kubera ko zitabona ifumbire ihagije! Hum? Hum. Byose ndabizi. Na zo ndazibona. Iwacu zarumye ntiwashaka yo n'urw'umuti ngo uzarubone. Ariko iz'iwanyu ziratohagiye! Ubu ninjya gutaha, umaze kugenda, ndazivutaguza nzitahane. Umenya zitanasaza vuba... Naba nononnye? Muzitungira kuzireba se? Cyangwa ni abantu! Hum? Oya? Ndabyemera uko biri. Ariko ntabwo ndigushidikanya, ariko ni ukubyemera, mbese ni ukubyemera. Uzi abantu bari bari i Kibeho! Nari nabuze ahantu nca! Nkagenda ndi kuvunda! Hii. Hari abantukaga, ngaceceka. Abandi bakamfunda ibipfunsi nkinumira. Ngo: Ariko uriya muntu uri kutwica, ngo: Twe ntituri abantu? Ngaceceka. Nari nzi ko noneho unyica. Naje niruka! Oya. Navuye mu modoka ndigendera ntibamenya, nahise ngenda ntareba inyuma ahubwo. Hum? None se ntubizi? Arega mba nayavuze! Ndaganira, nacistse "ururondogorero" (*ni gutyo yabivuze*), nkayoberwa n'ibyo mvuga iyo biva! Nkaganira ibya hehe! Uwansubiza uko nari ndi, mbese nkazajya mvuga bikeya. Oya. Najyaga mvugisha abantu ariko nkanyuza mo umunsi nkagira ikintu kindakaza. Uzi kuba ho wasamyeye utarakaye! Nkarakara yenda nk'umunsi umwe nkirirwa ntavuze! Ariko se Nyagasani haba ho abandakaza, babona ntarakaye bakandakarira. Se nabigenza gute? Koko ukampa mbese nk'icyumweru kimwe, nk'umuntu mbese wiherereye. Ngacecekaaaa! Mbese nkaba nk'umuntu utanavuga, no kuvuga bikananira. Yenda naruhuka mu mutwe nkumva mbaye muzima. Buri kanya wavuzeee, ego...! Mwebwe ni uko mwibera iwanyu erega! Hum? Ni byo byiza? Ntacyo bitwaye. Ariko njye nishakiraga ikintu cyandakaza umunsi nk'umwe nkumva ukuntu abandi baba bameze. Ko hari umuntu urakara nyine ukabona byakomeye. Hum? Njyewe ntabwo nabishobora. Mpora nyanitsee! Ahubwo uwakura rimwe hagasigara igihanga, nkazajya ngira isoni sinseke nkagihisha. Mbese igihe muzaba

mwashaje mwakutse amenyo! Nturabona, nturabona abakecuru bakuka amenyo yose, mbese ku buryo abumba umunwa ugasanga hajemo icyobo? Nabaseka da! Hum? N’abato barayakuka? Kereka abarwaye cyangwa bagize impamvu. Hum? Nagiraga ngo mbasetse dukomeze twiganirire. Ahwi!”

B.M.: „Bana banjye, uyu muni nongeye kubagaragariza urukundo rwanjye. Ndabakunda rwose nimunsabe mfite ibyo gutanga! Ariko ababinsaba barusha ho kwigiza yo ibiganza, nzabahereza nte kandi mwampunze? Rwose nimunsabe mubikuye ku mutima, kandi muzirikana neza ko uwo musaba abumva kandi abaha! Nta gituma ntazabaha. Nimwicuze, mwigorore ku bo mwahemukiye! Bana banjye, buri gihe mbahoza ku mutima. Nkuko nabahawe ho umurage. Muba kumwe nanjye, nkaba kumwe namwe. Rwose abafite ubwoba, uwakosheje wese, ndamubabariye. Ariko muzanigorore, murebe umunsi wo kumva ko uwahemutse yigorora! Ariko kuri uyu muni ndabababariye.“

Val. : „Karame.“

B.M.: „N’abatabonye uko bagera i Kibeho babyifuzaga na bo ndi kumwe na bo. Ntabwo nabatererana. Ari uwaje, ari n’utaje, bese ibyo mbaha ni bimwe.“

Val. : „Karame.“

B.M.: „N’abari bafite ubwoba, cyangwa se abibazaga uko bavuga n’ejo n’ejobundi. Nabyo byose nzabijyamo, ntakiba ntakireba.“

Val. : „Karame.“

B.M.: „Mutege amatwi iyi migani ngiye kubacira, kandi mutege amatwi koko byo gutega amatwi, kuko ntari buyisobanure!

Impinga ni ndende, abayiterera ni benshi.  
Harananirwa bake, abandi bagakomeza.  
Ikibaya ni kigufi, hajya yo abaringaniye.  
Intera ni ndende, urutare rurakomeye, kurwasa ntibishoboka.  
Ko nshaka kwinjiramo nzaca he? Ntegereje igisubizo.  
Nzatura muri urwo rutare. Ese ni urwa nde? Ni uruhe?  
Nzaruturamo nte, ntabona uko ndwinjiramo?”

Val. : « Ntabwo ndi kubisoma neza. » Arabaza. Hi?

B.M. : « Inzira ni eshatu : Ese mwebwe mwumva muzaca mu yihe? Muzaca mu nzira ndende? Ni iringaniye se? Cyangwa muzaca mu ngufiya cyane, mbere y’izo ngizo? Ese ubundi izo nzira ni izihe? »

Val. : “Karame. Ko numva ibyo ari ibibazo, imigani ni iyihe? Ibyo bibazo ko numva nta n’uwabisubiza, imigani ubwo twayikira? Twebwe ni ukuri ntacyo

twishoboreye. Nta n’ubwo wadusubiza mo ibyo utubwiye ngo tubishobore. Ese tuzajya gusobanukirwa n’ibyo tutafashe mu mutwe? Karame!”

B.M.: “Hirya y’inkombe, hari intebe. Mu ruzi hagati hari iyindi. Haje umuvumba mwinshi cyane. Hategereje kwambuka abantu bane. Bari hakurya no hakuno. Kandi bose barahurira kuri iyo ntebe bayikwirweho. Iyo ntebe se, ni iyihe? Ese abo bantu ni ba nde? Ese ubundi barambuka bajya he? Bari buhere hagati? Bazaguma aho? Bazambuka bajya hakurya? Cyangwa bazajya hakuno?”

Mfite abana bananiye. Bamwe nzabate? Abandi mbahembe? Abandi mbicaze? Abandi baryame? Ubwo se hagati aho nzakora iki? Ari abo nzata, umwana baramuta? Nzamuta he? Abo bahagaze se kuki? Bamwe bazahagarara abandi bakaryama? Kandi bose nibamara gukora icyo nshaka, nzabajyana mu rwuri. Ese urwo rwuri ni uruhe? Mwumve navuze abantu sinavuze amashyo y’inka! »

Val. : « Nanjye ubwanjye, ntacyo ndi kumva! Ndi kumva n’abaaa..., reka da!“

*INDIRIMBO:*

*Dore ndaza ntimunyumve, ndasakuriza gusakuriza,  
ndabasaba mukanyima.*

*Simbasaba itungo simbasaba, amafaranga ni umutima mwareranwe.  
Dore ni mukanguke munkorere, mukorere Data uri mu ijuru  
kuko yabantumye ho!*

B.M.: „Ibyo byose mbabwiye bikubiye aho ngaho.“

Val. : „Karame.“

B.M. : „Uzaba asonzeye ubutungane, akagirira inyota gukiza roho ye, akagirira inyota kugirana urukundo na mugenzi we, byose azabigera ho.

Nyamara urutare ni rumwe gusa. Inkombe na zo ni uko. Ibiyaga ni uko.  
Impinga ni nyinshi, ariko iya ngombwa ni imwe.  
Inzira ni nyinshi ariko iya ngombwa ni imwe.

Ubwo ndabasobanurira.

Abana ni benshi. Nta n’umwe nzata, ahubwo nzabagoragoza.  
Ibisigaye muzabishaka.“

Val. : “Ntabwo mbizi.”

B.M. : “Abari gutekereza abo hakuno no hakurya, n’intebe iri aho hagati, n’abantu bazambuka bagahurira hagati, reka mbabwire kimwe:

Iyo ntebe ni umutima. Ahasigaye muhashake!

Bana banjye, ubu ngubu nsigaye mvuga byinshi mu magambo menshi, kuko nababwiye byinshi, hakaba n'ibyapfuye ubusa. Ubushize nabaciriye amarenga nti: „Muramenye ntimuzagwe!“ Aho se koko ntimuzagwa mugushijwe n'abantu? Ntuzarebe igikorwa cya runaka na kanaka, uzarebe umutima wawe, ugishe umutima inama, hanyuma umutima wawe uwugwize mo urukundo, ukore ugushaka kwawo! None se ko mukuru wanyu na musaza wanyu bamubambye, kandi kubera abantu, byatumye atabakunda? Ese byababujije kugaruka muri bo? Bituma se atabana na bo? Nagira ngo mbabwire, ushoboye kumva arumve!”

Val. : « Karamel Ntabwo nabyibajije ho cyane. Nari mfite ubwoba nkavuga nti: Ese buriya nzageza mu kwezi kwa munani ntaravuga? ...Abandi bakankomeza ngo nzakira. Nuko Yezu arankiza. Usibye ko nari maze kunanirwa no kubabara, arambwira ngo ni mvuge, mvuze birakunda, bihera ubwo ntibyasubira. Ndicecekera ndyuma ho da! Byagenze bite? Nagiye kumva numva ndavuze. Hum... Hum... Bya bindi mukambwira ngo sinzongere kugira ikindi mbasaba kunyereka... Ngo kandi sinzagire n'uwo mbibwira. Ese ubwo mwanyeretse ukuntu mumeze... Oya ntabwo ndi kubivuga! Abantu se babyumva, indabo zirumva? Ndakubwira bikeya, ibyo wanyeretse. Kereka numbwira ibindi, ni ho ntazabivuga byose. Hum? Noneho reka mbisubire mo wumve ko nabifashe! Ni ibyo barora si ibyo bafata mu mutwe? Njyewe n'iyi ndebye mfata no mu mutwe ndi kureba. Hum? Kereka nimunyereka ikintu kimwe gusa. Mbese mugahagarara nk'uku mpagaze, mukamera gutya, nkareba n'ikintu muba mukandagiye ho, mbese... Oya.

Mbese mwambaye nk'uko mwambaye. Ariko amaboko atameze... mbese nkuko ameze gutya. Mukagira gutya, nk'umunota umwe gusa. Nkareba n'ikintu muhagaze ho. Hari abo numva ngo mwambaye inkweto, none se ko ntarazibona, mba ndi kwibariza. Nkareba mbese nkuko nanjye muri kumbona. Mbese mukanyiyereka nkuko nanjye meze gutya. Cyangwa ukagenda ukareba abantu b'i Kibeho uko bameze. Nambaye umwenda gusa. Oya. Ese ababikira ntabwo ubona uko bambara? Igishura mukakirekera ho, ariko rero mbese ku buryo navuga nti: Njyewe mubona gutya na gutya, ameze gutya mbese, ku buryo nshobora no gushushanya ukuntu mumeze nkabishobora. Ntashakisha ngo yenda nabonye aha, ahandi sinahabonye! Hum? Oya, ntabwo, ubwo se uri kumva atari byo? Oya! Ariko na byo ubishatse kubimenya na byo ni byiza! Oya, cyangwa se ukagira gutya nkareba, intoki mbese nk'uku intoki zanjye zimeze. Hum? Oya... Nzongera guseka byose nabibonye. Hum. Byose narabibonye. Hum. Ese kubera iki mwanga kunyereka? Kandi ubwo abandi mwaraberetse! Ntabwo ari ishyari.

Mba nshaka kwimenyera. Nyamara burya iyo ubajije wunguka byinshi. Hum? Oya, gutya. Hum? Oya. N'amaboko yose avuye ho. Mbese nk'uku meze, igishura kimanutse mukagishyira nka gutya, mukamera nka gutya hano nkahabona. Nk'uku meze. Oya. Ese buri gihe muza mwifashe gutyaaa... nabuze igihe mwagira gutya. Reka da, ntabwo ndabivuga! Ariko nimutambwira ndabivuga. Ningera n'i Kibeho, umuntu wese nzabona nzabimubwira atambajije: Jyewe namubonye gutya na gutya, yanyeretse aha n'aha! Oya. Umwana wese ntiyivugira ibyo ashaka ubundi! Hum. Hum? Hum! Oya. Wowe... cyangwa se mukigira nko hirya muvuye iwanyu, mukaza muri kugenda gutya, hanyuma mugahagarara. Nkamenya uko mugenda n'uko muhagarara. Murampamagara nkitaba, nareba ngasanga muhagaze gutya. Burya ndaceceka ariko mba numva nshaka kubabaza. Imyaka yose umaze, si ubwa mbere mbibabajije?

Karame! Oya. Na byo barabimbazaga ngo mbese ngo: Bikira Mariya iyo aguhamagaye, ngo aguhamagara ngo iki? Nkababwira ngo: Arampamagara ngo: "Nyiramukiza!" Nkavuga ngo: "Karame!" Ese kuki udahamagara irikristu simbatije? Hi? Iryo ni ryo ushaka? Hi? Abantu bose barabimbaza, nkabura ikintu nababwira. Bakambaza ngo: Ese Bikira Mariya asa ate? Ese wajya kubwira umuntu ngo mbona umuntu asa gutya utamubonye, mbese kukubona gutya tunganira duhagaze, biranshimisha, ariko nkubonye nk'uku meze, byanshimisha kurusha ho. Nkavuga nti: Nabonye afite intoki zireshya gutya. Oya ntabwo nabivuga. Hiii. Burya umwana aravugishwa da! Nkavuga nti: Mbese nkuko nari nsanzwe mvuga. Ntabwo nabivuga ni impamo. Ese ubwo na mama namubeshya? N'ukuntu namuhishe bya bindi byose? Hum? Oya, nagenda ngiye nko mu rugo kubasura, nti: Yewe! Nti: ibi n'ibi n'ibi. Hum.

Bya bindi wambwiye ngo singire uwo mbibwira ko twabonanye, ndacecekaaa! Bakabitahura ariko ntabivuze. Burya ukuntu mwanjyanye ahantu hoseee! ... Ariko ntacyo. Hum! Ndabyumva. Ariko se Mama, ubwo ko muri kunjyana mu bintu byinshi kandi nshaka ko munyiyereka! Oya. Ntabwo ari ukugaya ndabareba, ndashaka kureba amaguru, nkareba amano, nkareba n'intoki uko zireshya, n'ikiganza uko gisa, nkareba mbese... se kugira gutya, byananira abantu? Se jye ko mbikora bigakunda? Hum? Oya. Ibyo ntimubinyereke! Uzi ukuntu Papa yanyeretse bari kumukubita! Dore ngo ndakubitwa weee! Nyagasani! Oya. Izo nkota zo sinzishaka kuzireba. Ndashaka kureba uko mumeze mbese mwishimye nk'uko mumeze. Ntabwo nzabivuga.

Ntabwo nzongera guseka. Nzahumiriza mbireke ncecekeee, kugeza igihe muzabinyerekera! Hum. Hum? Yeee, ntacyo bitwaye! Hum? Ngaho

nimunyereke. Se mwanyeretse byose? Ariko n'ibyo ntacyo. Ahubwo ndabivuga byose! Ibyo nari nsigaje byose ko mbibonye, ndabivuga!

Nyagasani! Aha, izanjye ni ibice. Hiii. Ariko Mama, urakoze! Hasigaye ikintu kimwe gusa! Hasigaye mbese kubona mutambuka, mukaza mbese mukampamagara nkuko musanzwe mumpamagara. Buri gihe nsanga muhagaze mwifashe gutyo, mwampamagara nkitaba. Nkareba ko mwahaaava, mwanahava nkayoberwa iyo mugiyeye, nkabona muhagaze ahantu. Nshaka kumeya ikintu muba muhagaze ho! Twese ko tuba duhagaze ahantu, hasi, ugeze iwacu, wahita urwara amavunja. Ni umukungugu. None rero se, ubu se mwebwe mwahahagarara, ukuntu iwanyu haba ari heza? Uzi ukuntu haba akayaga keza? Numva utataha erega! Nshaka kumenya icyo ari cyo. Ni icyuma se? Ni igiti muba muhagaze ho? Ni ibuye se? Mbese, nshaka kugira ngo mukinyereke mumbwire n'icyo ari cyo. Njyane ibyo ni ah'ubutaha? Ariko nta cyo n'utwo turamaze! Hii! Ayi we, ntinze kuva iwanyu gusa! Kereka umuntu utarabimbaza. N'utabimbajije ndamwiyenza ho mubwire! Buretse gusa! Hii. Hum. Ntawe nzabibwira mutazanga kunyereka ibisigaye. Mba ngira ngo museke gusa. Ubwo se ni uburyarya? Ko ari byo! Ubwo se ibindi sinabiceceka hari uwo nabibwiye? Umbajije ndavuga nti: Ahebuje byose! Nkuko mwabimbwiye rwose ni ko mvuga. Nti: Ntacyo nabona namugereranya n'abo ku isi, ntasa na bo, n'aba he bese, mbese ahebuje byose! Hum, hum. Oya! Urumva nabikora? Karame! Hum. Bose nzababwira.

Ariko se Mama, nzahora ngendaaa, ewe! Ntabwo ari ukwinuba, ariko maze kumva mbese nshaka no gutaha. Kwirirwa umuntu agenda yabuze n'iyi ashinga amaguru! Umunsi umwe mukabwira umuntu ngo jya aha, akajyayo. Ejo mukabwira undi muntu ngo jya aha, akajyayo. Hamwe akahahurira n'ibintu bya "Rukokoma", mbese nawe urabyumva, ukagenda ugahangayika, Mana we! Ariko burya muri beza, ha! Ntacyo, mwatumye menya ubwenge. Yenda nari kuzaba iwacu nkaba igishoshwe. Naho ubu, incakura ziba ukwinshi! Ego Nyagasani! Ubwo se tekereza nawe, utekereze ariko, wongere utekereze, hanyuma wibaze! Hii! Abwirwa benshi akumva bene yo! Hirya y'abantu ni imisozi erega! Ariko byose ntacyo. Mbwira nzakora icyo uzanshaka ho cyose. Hum. Karame! Eee! Namuhera he uwo muntu? Asa ate? Namwe mujya muroha abantu da! Ngo uzajye mu rugo rw'umuntu ntanamuziii, na we ntakuzi! Ubwo se wagenda ukavuga ngo iki ku muntu mutangana? Haba hari ho abantu benshi. Aba ba mbere. Aaa! Ntabwo uzi ukuntu umuntu arasa umwambi umuriro ukaka? Kumwe ukubita umwambi gutya, nawe ni ko bashobora kugukubita imbarara! Hum. Ibuka bya bindi byose nahuye na byo, nta n'uwabimenye! Naracecetse. Ndibaza nti: Ese Nyagasani koko umuntu yaba ho gutya, ntazapfe? Ariko nyine ukemera uti:

Ibi ndabyemeye. Ko Yezu yemeye kudupfira! Nanjye nemeye ibyo azanyifuza ho byose. Nemeye ibyo muzanyifuza ho byose. Byose nzabikora. Hum? Hum. icyo mbasaba gusa ni ukutagira icyo nongera ku cyo mushaka, singire icyo nongera ku cyo mumbwiye. Sinshake ikuzo n'ishema ryo ku isi. Mwabona ibyo byose bimbaye ho, mukabona, mbese, sinzi uko... muzahite munsezera ho, aho kugira ngo nje kurimanganya mbeshya abantu, ngereka no ku byo mwambwiye! Aho kugira ngo ukore ibyo, birutwa n'iyi wanarirwa ukarekera aho, ukazahemberwa ibyo wakoze.

Ndakwinginze niba ubona koko mbikwiye, kandi mbibasabye kenshi, nimubona niyongerera cyangwa nkagabanura, muzahite mwigendera! Hum. Mbese icyambuza kugira ngo nkore ugushaka kwanyu ni iki? Iminsi mwamfashije, ukwihangana mwanongereye... Uzi icyo umuntu adafite ukwihangana? Yaturika? Nuko nyine nyewe ibije byose mbibona kimwe. Ariko ari abantu barakara! Hum. Aha! Sinzi uko byagenda! Karame! Hum? None se kooo, hum! Ndabyemeye, ndabyemeye. Oya. Ndabyemeye. Hum? Hum.

*INDIRIMBO:*

*R. Dutete twifitiye Umubyeyi  
Tuzabyina twishimana na Mariya  
Dutaguzze turi ingabo za Mariya  
Kandi ingoma ye izatsinda*

Karame! Kandi nzi kubyina cyane. Oya ntakimbabaje. Hum.

*R. Dutete...*

*Umubyeyi mwiza, ni Mariya  
Uwankijije umwanzi, ni Mariya*

*R. Ntabwo ndi kureba neza.*

*R. Nari nabyibagiwe.*

*Uwo nzahora ndata, ni Mariya  
Mubikira witonda, ni Mariya*

*R. Arabaza: Hi?*

*R. Wowe ukunda Rozari  
wamikazi wa Rozari*

Karame! Oya, ndishimye.

INDIRIMBO:

R. *Iyizire iyizire, (4x)*  
*Iyizire Ngabire y'Imana yatugabiye.*

*Mariya Mubyeyi wa Yezu n'uwacu*

Hi? None se ko ariko nzi tuyibyina! Bya bindi mwanigishije, narabyibagiwe!  
Ko nabonye ari ibintu byo gushayayaaa! Njye ntabwo nabishobora.

R. *Iyizire, iyizire...*

*Mariya Mubyeyi wa Yezu n'uwacu*  
*Ubwiza bw'ijuru bugutemba ku mutima*

*Biduteye ubwuzu n'umubabaro*  
*Tubitewe n'abatarakumenya*

*Hindura imitima y'abakuru n'abato*  
*Hanagura amarira n'abarira n'abababaye!*

*Hindura imitima y'abagira nabi*  
*Tsemba inzangano, ganza ingeso mbi mu bantu!*

*Biduteye ubwuzu twishyire mu maboko yawe*  
*Twizeye ko udukunda twese uzaduha icyo tugusaba*

R.

Twebwe ni ko tuyibyina. Ese wageee..., njye sinabishobora! Karamel!

*Uzavuga Rozari ashyizze ho umwete*  
*Azatabarwa vuba mu ntambara y'isi*

*Ushaka ingabire y'Imana ntarambirwa*  
*Ahora asenga cyane abikuye ku mutima*

*Uzakunda cyane Yezu na Mariya*  
*Azatabarwa vuba mu ntambara y'isi*

R.

Hum. Nahabyinnye! Ntabwo nyibuka. Ubwo muragira ngo tubyinee, nze kwibagirwa! Oya ntabyo, ni byiza. Nzi agatero kamwe gusa. Ntabwo mbizi. Ni ukubera ko hari ahantu Papa yavuze ngo: «Nzabagoragoza mbagirire gutya na gutya...», ngo: «Ubwo nimunananira, nzabaharira uwo nabahaye».

Nuko rero bamwe barajijinganya ngo mbese uwo yabahaye ni nde? Hum? Ibyo hari ababitekereza. Kuko hari abantu numvise bari kubiganira ho babigize ho impaka. Ngo none se ngo ko Yezu adukunda, akatugoragoza



tukamunanira, ngo uwo azaduha yaduhaye ni nde? Ngo ubu se azemera aduhe shitani? Ntibatekereze ko ikigoryi kiba icya nyina! Aho bakabyirengagiza ngo: «Nimunanira nzabaharira uwo nabahaye».

YEZU: “Uwo rero nabahaye, ntabwo nigeze nshyigikira umwanzi. Nta nubwo nabahaye shitani. Mujye musobanura, ibyo mudasobanukiwe mwicecekerel! Nashakaga kubabwira ko nimbagoragoza mukananira...”

Val.: “Hi? Oya ntacyo bitwaye muradusobanurira, kandi turabyumva na Papa...”

B.M.: “Nashakaga kubabwira ko nzabagoragoza, uwo ni Yezu ubivuga, nzabagoragoza nkabahendahenda, mwananira, nkabasigira uwo nabasigiye ho umurage. Na we agashyira ho ake, nyuma nkazakora ugushaka kwanjye. Kuko Mama tujya inama, iyo ampannye ndamwumvira, namwe bajye babahana mwumvire! Ntabwo rero nigeze mbaha shitani, nta nubwo nabigira. Kereka ubwanyu mwiyo boye. Nizere ko abashidikanyaga, n’abasobanuraga ibitari byo mushoboye kubyumva”.

Ubwo nagira ngo numve uko muhasobanura.

Val. : Karame. Ariko se Mama, njyewe rwose... ko ari mwe nari mbajije, kuki mutambwiye ko na Papa mwazanye? Ubwo se yari ari he? (*Araseka*). Oya. Ko twaganiriyeee... nkakubaza ngira ngo... abandi ngo ungire inama... Oya ntabwo mutinya. Huuu. Murakoze! Ariko se Mama? Iteka iyo uje araguherekeza. Ubwo uzi ukuntu ansubiza? Ngo: Mujye mugenda mujye guteta kuri nyoko! ...Mutinya nk’iki? ... (*Araseka*). Ahaa! Ubwo sinabona... Uzi ko ashubije nkumva umushyitsi uraje! Ahubwo njye nibaza n’impamvu nabivuze. Kuri 20 azanyica noneho. Uzamubwire aze yitonzeeee... ntazanture hasi, mbese tuzaganire! Ariko ntacyo bitwaye murakoze ubwo mudusobanuriye! Hii... Ariko murakundana! Iyo yaje uramuherekeza. Waza akaguherekeza. Ariko se ubwo yari yihishe he? Nk’igihe wari uri kunyereka byose ubwo yari ari kureba? Azanyica rero ngo nagucokoje. Hii. Uzi ukuntu mutinya! Kumuvugisha hari igihe mbura icyo mvuga. Nshaka amagambo kandi ari menshi nkayabura. Ni uko rero namubwira ngo abantu bantumye, ariko sindi kumurega, ni ukukuganiriza... Namubwira, ngo: Ibyo ngibyoo... ngo: Nanjye ndagutumye muzabanze mwuzuze ibyanjye nzaba mbasubiza! Nkaryuma ho nkicecekerera. Hii. Karame!

B.M.: “Bana banjye, mujye mwunga ubumwe n’ababyeyi banyu, mubane munganire, mufashanye, mufatane kandi mugirane inama! Ni byo byiza.

Reka mbacire ya migani:

Ndi umuremure mu mugufi.  
Ndi utwatsi duciye tudahambiriye.

Ndi ucumbitse kandi ncumbikira.  
 Ndi usaba kandi ntanga.  
 Ndi unanirwa kandi mfite ingufu.  
 Ndi uwicara kandi ntaho ndi.  
 Ndi uagenda kandi ntafashije.  
 Utararuha ngo arare butunda, agira ngo nyina yamubyaye atarushye.  
 Utarababara ngo ababazwe, ntagende ngo ananirwe, avunike, ngo  
 asonze agire inyota, agira ngo u Rwanda, intera, igihugu n'amahanga biri  
 hafi ye.  
 Utarabangamirwa na mugenzi we, agira ngo nta bizazane biba ho.  
 Utaracumbika ngo abure icumbi, agira ngo henshi kuri benshi, bugufi  
 kuri barebare, batoya ku bakuru, agira ngo bose barasumbanwa.  
 Utarabura umwakira, agira ngo ntiyigeze amenyana.  
 Uwambaye ubusa akabona benshi, akambikwa akagaburirwa agahaga,  
 uwo yanze kwambika atera utwatsi.  
 Ndi kure y'amaso sindi kure y'umutima.  
 Murumve ba twatsi tutarenga amano!  
 Ubwo kandi ndababwira.  
 Hari igihuru cyarikwa mo n'inyoni, hari n'icyarikwa mo n'ibihunyira,  
 hari n'icyarikwa mo n'inyamaswa, ese igihuru cyiza ni ikihe?  
 Ndi umugezi utemba ukabura abawuvoma.  
 Murumve nkombe z'uruzi!“

Val. : “Murakoze! Ndabyumva nteze amatwi, kandi iryo banga munyifuza ho kubabikira ndaryakira. Muzamfashe kuribika kugeza igihe muzabishakira! Murakoze!”

Ahwi!!! Nteze ibiganza umpe ndakira! Kubasaba ndabishaka, ndabishaka, ndabishimye, ndabyakiriye, icyo muzanyifuza ho cyose nzagikora. Nimuntuma nzabatumikira, nimbabara kandi nzihangana, ntawe nzereka ko mbabaye, nzabika mu nda menywe namwe. Murakoze!”

*INDIRIMBO :*

*Iyi si yacu iraruhije, iri mo byinshi biyiboneye  
 Wabishagara ukarohama, mu bwami bw'ijuru ntugere yo.*

Val. : “Karame!”

B.M. : “Bana banjye, muri kano kanya, murabona ko umunsi uciye ikibu. Nimuce bugufi munsabe icyo mushaka cyose, kuko mbahaye umwanya!”

Val. : “Hiii!”

B.M. : “Buri muntu asabe icyo ashaka kimubabajye akuye ku mutima kuri iyi saha n'iyi minota! Ndi hafi ndabakira.”

Val. : “Murakoze! Hum. Ariko se, ko mbona ari nyinshi? Sinzi ko nzazirangiza ndananiwe. Oya ntabwo ari ubute. Ubwo namwe muramfasha.

Burya umubyeyi mwiza afasha umwana we, agakora akazi, akakira n’abashyitsi. Buriya na ziriya ndabo nidufatanya, zirahita... ako kanya. Oya ntabwo ari ubucakura, ariko na bwo ni bwiza da! Ese wabona nazirangiza nnyenyine, ahubwo mumpe imbaraga, murebe ko ntagira vuba! Mu minota icumi, ndaba ndangije kuzivomerera. Karame! Oya! Hari benshi bagiye bantuma ibihujije, hari n’abantumye ibyabo ku giti cyabo.”

B.M. : „Bana banjye, ntacyo mutuma ntakireba, mba mbabona n’umutima muba musabana ikintu. Ariko mujye mumenya ko usaba atari ko abonera ho. Ahubwo usaba ntarambirwa.”

Val. : None se ndaza kubibabwira ryari? Hum. Murampa igisubizo cyabyo. Kandi ntabikubwiye? Nshaka kubibabwira nyine kugira ngo mumpe ibisubizo hanyuma nzabasubize abo nzashobora kubona. Hari ibyo uransubiza n’ibindi utansubiza? Kubera iki se bose ntibasaba bimwe? Ufite impamvu? Bamwe urabisubiriza ku giti cyabo? Ntacyo bitwaye. Ubwo se naba mpugira gutanga! Nkagendaaa, ngenda mvomerera indabo zanyu zikamererwa neza, hanyuma mukaza kwigendera, nazamenya muzagaruka ryari? Hum. Igihe muzagarukira? Nyine kugira ngo mukimbwire kugira ngo ntaza gutanga amazi ndikuge... Uzi ukuntu indabo zanyu ari nyinshi ariko! Umenya ari ukugenda ahari umuntu asuka mu mizi, usutse ku mitwe izo hejuru zatanga izo hasi. Hari ho n’izizuma kubera izuba ryinshi riri hano. Kereka niba iwanyu ritava nk’iry’iwacu. Hiii! Ufite uko ubigenza uramfasha? Ibyo ndakora byose uraba ubi... Njye nsubira mubyo ukoze? Yeee. Nsubire mu byo uvuze. Yee. Mvomerere uko unyereka? Ndabyumva. Ubwo se ntimuza kwibagirwa ntimumbwire igihe muzagarukira? Hiii. Turi mu kwezi kwa munani. Ubu se ntituri kuri 15 z’ukwa munani muri 1991? Ubu se muzagaruka ryari? Murabimbwira ndangije? Ubwo noneho muraza kumbwira kubera ko turaba turi kumwe, ngaho noneho dutangire! Hum.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha ngiye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana, kwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere yawe n’imbere y’abandi, kumva ko ngomba kwiyegeranya n’abakene, abarwayi, abapfakazi n’indushyi n’abandi bese muri ubwo buryo, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani!“

*INDIRIMBO :*

*Hahirwa abarya umubiri wawe  
Hahirwa abanywa amaraso yawe  
Akabatungira robo uko bukeye*

*(Gutanga umugisha n'imbyino z'abakristu)*

**INDIRIMBO :**

*Biduteye ubwuzu n'umubabaro,*

*Tubitewe n'abatarakumenya*

*Iyizire, iyizire, (2x)*

*Iyizire Ngabire y'Imana yatugabiye*

B.M. : « Dore ndabona umunsi uciye ikibu. Nta n'umwe utareshya na mugenzi we. Nta n'umwe ntegereye. Nta n'uwo tutari kumwe. Muhumure ntakibahungabanya, ndi kumwe namwe!«

Val. : „Yeee.“

**INDIRIMBO :**

*Dutetere Umubyeyi, dutetere Umubyeyi wacu Mariya*

*Uwo Imana yatatse ubwiza, Nyina wa Jambo*

Val. : „Isaha n'umunsi ntibihinduka. Ni iya ryari? Saa kumi n'igice? None se ko wumva hari abo wabwiye ko mutazageza icyo gihe cyose mucyigaragariza abantu? Byaba bigeze he? Ahubwo njyewe umutima wari wadishye nkumva mugiyeye kumwe ho. Nazirikana ko mwambwiye ko nzasigara ku ibere ngasanga ngiye kubura amashereka ntarakura. Ariko icyizere kiraje ko nkiyafite. Papa we azansezera ho mu kwa gatatu. Yooo! Ariko ntacyo. Yambwiye ko ntacyo bitwaye. Buriya ntegereje icyo bazanyifuza ho cyose. Noneho mu kwa gatanu nzabategereza. Ariko nizeye ko muzampa n'uruhusa rwo kujya mu rugo. Wahora ugenda... Uzi ko n'inyoni yirirwa iguruka ariko ikaza kwibuka icyari cyayo? Hum. None se abantu b'i Kibeho ubu ntibankumbuye? Aho si ngombwa? Ahari ngombwa se ni he? None se i Kibeho ko ari ho iwacu, ahantu umuntu yarerewe yahibagirwa? Ngo iki? Utegeka uko ushaka, ukagena uko ushaka, ugatanga uko ushaka? Ubwo ushatse kuvuga ngo iki? Haracyari igihe uzansobanurira? None se hahandi ho bizagenda gute? Ho ntacyo bitwaye? Ariko se aho hantu hose ibintu mwambwiye, nzabikora mbishobore? Nizeye ko muzamfasha mo. Yeee. Murakoze!

Nanjye ndabyemeye icyo muzanyifuza ho cyose nzagikora. Ujye umpa urukundo rukomeye muri bagenzi banjye noye gutura inabi ku nabi, ahubwo inabi nyorose ho urukundo, nirengagize byinshi mbona kandi mpura na byo! Mbese ntere intambwe sinzasubire inyuma, sinkagire ikimbabaza ngo bibonwe na buri wese cyangwa se ngo ndakazwe n'ubusa. Urandinde uburakari kuko n'ubundi ntabwo nshaka! Urandinde kugutetereza mbizi kandi mbishaka! Uramfashe kandi nawe urabibona, urabizi ntacyo nguhisha,

uramfashe, uramfashe! Urankomeze kugira ngo ibyo ushaka n'ibyo nshaka, nshobore gukora ugushaka kwanyu kandi ntakoze ugushaka kwanjye!

Oya. Ubwo se muzabinsubiza ryari ko mwari mwambwiye ko mubinsubiza? Igihe cyose ndi kumwe namwe muzansubiza buhoro buhoro? Ndabyizewe kandi ndabyemeye, ndabishimye kandi ndanabishaka. Murakoze!“

B.M.: „Bana banjye, mwese mbifurije ijoro ryiza. Mbifurije kuba hamwe nanjye igihe cyose. Ntabwo mbifuriza kudohoka ahubwo mbifuriza kujya imbere. Nzabafasha nimunyifashisha, ariko muramenye nimbasaba namwe muzampe! Nimunsange ndabakira! Simbatetereza ndabumva, n'unsabye akabona ntamuhaye ntakarambirwe, kuko usaba atarambirwa!

Imana ntiyanga kugondozwa, ahubwo izirana n'abayibabaza.

Urugendo rwiza mwese!“

Val. : “Karame! Ndabyumva. Hiii. Ubwo natwe uradufasha n'abandi bose babishaka, kugira ngo buri muntu mu mutima we, ajyane ikiri ngombwa, yibagirwe iby'uruhururu n'iby'uruvururu rwinshi, ajyane iby'ingirakamaro, byaba... cyangwa... Uzaturinde kwiheba no kwirubana! Uzaturinde kwihorera kandi tukiri ku isi! Urakoze!“

*INDIRIMBO :*

*Ngwino rumuri rutumurikira mu icuraburindi ryo kuri iyi si  
Dore turi impumyi turarindagira, utuyobore muri uyu mwijima.*

Hiii. Ndabyumva. Hiii. Uko mubyifujye bese n'uko mubantumye ho nzabikora uko mubishaka, uzabyakira azabyakira, utazabyakira na we nzamwihorera. Ariko nzabikora.

Ariko se, ko muzi neza ko hari abashinzwe gukurikirana ibibera i Kibeho, mukaba mwarambujije ko nta muntu nshobora kubibwira kereka umunsi nugera, uwo munsi ni uwuhe, uzagera ryari? Oya, ntabwo ari ukuvuga ko yenda mwaba mugiyeye kugenda! Ni uko gusa nashakaga kubimenya.

Noye kurambirwa uzambwira? Ndategereje.

Ndaguhereza abantu bese bifuzwa kugukunda kugira ngo ubongerere imbaraga. Ubahe urumuri bashishoze bashobore gusenga koko babikuye ku mutima kandi bizera ko bahawe!

Ndaguhereza abafite indwara z'uruho, n'iz'umubiri, izo kuri roho no ku mutima, kugira ngo bese ubagenderere ubihanganishe, kuko ari wowe muganga wa mbere uruta abandi.

Ndaguhereza bariya n'uriya na wa wundi, na bariya bese bayifuzwa, kugira ngo na we umufashe, urabibona kandi urabizi, umufashe ashobore kwihangana

nkuko yihangana kandi nawe ashobore gukora ugushaka kwawe ukurikije uko ubibona, uko umubona n'abo bari kumwe. Urakoze!

Ku izina ry'Imana Data...

Ngwino Roho Mutagatifu...

Hubahwe Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu...

Isengesho ryo gusabira abatwanga

Isengesho ryo gusabira abarwayi

*Byandukwe na Candida Ntaramuka (Nzeli 2010)*

*Imyandikire y'ikinyrwanda yakosowe na Stany Kurazikubone (Nzeli 2010).*



## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**

### **I NAYOROBHI MURI KENYA - TALIKI YA 15/05/1997**

Buri mwaka, tariki 15/5 twizihiza isabukuru y'ibonekerwa rya Valentine Nyiramukiza abonekerwa n'umubyeyi Bikira Mariya. Yamubonekeye bwa mbere tariki 15/5/1982. Hari saa sita z'amanywa, ari mu misa muri kiriziya y'i KIBEHO. Uyu mwaka ni uwa 15 twizihije.

Ibonekerwa ryabereye mu rugo rw'umukristu w'umunyarwanda uri muri Kenya. Hatangiye amasengesho saa sita ibura iminota itanu. Valentine niwe wayoboraga isengesho.

Dore abari bahari: Mathias M.; Monique D. N.; Ancilla K.; abo ni abanyarwanda. Hari kandi n'umugore witwa Jane (kenyane), hari n'utwana duto tw'ibitambambuga dutatu: Fiacre, Jean-Baptiste, Augustin.

#### **Uko ibonekerwa ryagenze:**


Mu isengesho hagati, saa sita zuzuye, nibwo Valentine yabaye nk'uhinduye ijwi ubwo tumenya ko atangiye kubonekerwa n'ubwo nta "rendez-vous" yari afite iyo tariki, umubyeyi ntarasiba na rimwe kumubonekera.

Ibyo twafashe kuri cassette, ni ibyo Valentine yavugaga, ibyo yabwirwaga na Bikira Mariya, niwe wabyanditse.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, nje kwifatanya nawe mu masengesho y'uyu muni, ngaho ririmba iyi ndirimbo kuko harimo inyigisho nyinshi kandi iyo ndirimbo ujye uyizirikana.

Yitwa "FUNGURO DUHAWE RIHORAHO".

**Val.:** Funguro duhawe rihoraho,  
Mpamba y'abasanga Nyagasani,  
Nanjye ndaguhawe ngo uze umvune,  
Mu rugamba ndwana nje nkugana.

 Hari abaguhabwa bikinira  
Bakegera ameza barushanwa  
Kugira ngo abandi bababone  
Bagarure bwangu badatana.

#### **Refr.**

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye ngaho rambura amaboko duhoberane maze dushirane urukumbuzi muri iyi ndirimbo igira iti "*Naje mbasanga*".

**Val.:** Naje mbasanga, naje mbakunze  
Ndi umunyabyaha bana banjye nimugaruke  
Siko nitwa, siko nteye niko mwanjise  
Nimuhumure mbatabare



Nimugaruke mushire impumu.

Mwigira inyota ndabatabara  
Mwigira impumu turagendana.

Bana banjye naje mbakunda  
Njye ndabakunda, njye ndabatashya  
Igihe cyose mbatumaho.  
Nimuhumure nimukomere  
Inzira yanjye ni intamenwa.

Dore ndaje, dore ndababwira nti muhumure  
Kaze, kaze Kibeho yahiriwe,  
Nyise ingoro yanjye simbabeshya,  
Ni ikiriri gisasira abasinzira,  
Ni uburiri butabara abarembye,  
Ni ingobyi impekera abarwayi.

Shuri ryanjye ndaribeguriye,  
Namwe ababyeyi nimumfashe,

Kaze neza Kibeho  
Kuko naje ngusanga uranyakira.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye, uri hano, uranyumva neza?

**Val.**: Ndi hano, ndi igikoresho cyawe unkoresha icyo ushaka cyose.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye.

**Val.**: Karame.

**B.M.**: Ko nsanze witeguye gusenga hamwe n'abandi wari uziko ndi buze?

**Val.**: Ntabwo nari nzi ko uri buze kuko utari wabimbwiye.

**B.M.**: Ngaho vuga aya masengesho akurikira usabire abahakanyi n'abasengana uburyarya, abagira umutima uryarya, ab'urukundo ruregetse, abishimira kuvuga ibiteye isoni byo kubasebya no guca abandi intege, aho kwishimira kwamamaza ijambo ry'Imana. Abahabwa Roho Mutagatifu bakamupfusha ubusa, ntibamukoreshe uko bikwiye. Abahamya abandi ibinyoma n'ibyo batababonyeho. Ni ukuvuga abo nakubwiye bitwa amasandi; ni ukuvuga abasakuriza gusakuza. Ugomba kubasabira rero kuko ari bwo butumwa bwawe naguhaye; kimwe no kubabara. Dore ngaho vuga aya masengesho maze ubanze ubasabire imbabazi.

**Val.**: – Hubahwe Imana Data...  
– Ngwino Roho Mutagatifu...

- Dawe uri mu ijuru...
- Ndakuramutsa Mariya...

**B.M.:** Nje kugusura ntarakumenyesheje kuko nashakaga kugutuma ku bandi.

**Val.:** Murakoze. Ariko se kuki wari uzi ko uzaza ntuze kumbwira?

**B.M.:** Wahunze abantu se? Hanyuma se kuki wavuye aho wari ucumbitse ukaza ino, kandi utameze neza urwaye, ukemera kuvunika ni ukubera iki? Uzi abantu baje kugushaka! Abahuruye, ingwizamurongo, n'abake bazanywe n'ukuri n'abandi babishakaga ntibaze. Nakunze kuvuga ngo ntimuzabe babura mwaje, kandi sinzabe nyamwisiga ngo nisange.

**Val.:** Oya. Ni ukubera nangaga abantu benshi baraza, kandi uzi ibibazo abantu dufite muri iki gihe. Nuko niyizira ino aha rero kubera ko nta rwaserera ihari. Kandi nta n'ubwo nari nzi ko ushobora kuza.

**B.M.:** Ntabwo wari uzi ko se nshobora kugusura? Wahunze abantu se?

**Val.:** Mhuu. Oya ntabwo ari uguhunga abantu, ariko rero nta kundi byari kugenda.

**B.M.:** Ariko se kuki usigaye uzi gusubiza cyane byaje ryari ?

**Val.:** Erega nibyo, iyo umuntu yababaye amenya gusubiza.

**B.M.:** Mwarababaye cyane se ? Ntaho wari wageza, ariko kandi nta n'ubwo wababaye nka nje n'umwana wanjye Yezu Kristu. N'ubu ntabwo nishimye.

**Val.:** Nhiii. Mhuu.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye mbigusubiriremo ntaho wari wageza ubabara, biracyaza.

**Val.:** Karame.

**B.M.:** Ubu ndababaye cyane kubera ibintu bibera ku isi ni byinshi cyane,... nta rukundo abantu bafitanye, baricana cyane, basengana uburyarya, mbese bapfukirana urumuri bahabwa buri gihe no kwirengagiza ukuri.

**Val.:** None se uzababazwa n'ibibera ku isi, ko nta kiba utakizi, kuki utabihosha ukatugira beza twese, kugira ngo natwe twese tukubere abana beza. Aho kugira ngo habeho ababi n'abeza.

**B.M.:** None se urashaka kurengera abatazi kwigorora n'Imana n'abantu ?

**Val.:** Oya. Ariko Ma, uzi ibibazo dufite ? Ubu turahangayitse, ntawe usinzira, nta ki ! Ubwo se waturwanyeho !

**B.M.**: Nababwiye gusenga. Nimusenge cyane musabire abatabishoboye.

**Val.**: Ndabyumva, uratubwira ngo nidusenge, ariko turasenga. Hari umunsi wari wabona se turara tudasenze ?

**B.M.**: Hari icyo mwasabye se mutabonye ? Mwese se murara musenze ? Mwinuba kenshi, abandi bagacika intege igihe kitaragera cyo guhabwa, nuko bahabwa ibyo basabye ntibabimenye.

**Val.**: Oya. Ahubwo umuntu arasenga agasaba ikintu. Wavuga uti Mana mbabarira noneho undinde iki ; cya kindi bakurinze kikaba ari cyo kiza.

**B.M.**: Nababwiye ko gusenga no gusaba bijyana no kwizera uwo usaba ko akumva kandi ari buguhe. Ushaka na none gukurikira Yezu amufasha ku byo ahura nabyo byose. Urumva rero ntimugomba kwinuba na rimwe, kuko na Yezu yaratotejwe, arafungwa, arakubitwa, arashinyagurirwa kandi ari intungane, nka ndetse ab'isi b'abanyabyaha bacumura kenshi. Sibyo se ?

**Val.**: Mhuyu. Mhuyu. Twizera kandi tuzi neza ko watubwiye ko uzakwizera ntacyo azabura. Mhuyu.

**B.M.**: Ibyo se abantu bose barabizi ? Cyangwa se ni wowe ubizi gusa ? Barabizirikana se ? Barabyemera se ? Ni ku magambo gusa nta bikorwa bakora ngo babyemere.

**Val.**: Mhuyu. Abantu bose rero barababaye. Hari n'ababaye abapagani kubera iyo mpamvu. Hari n'abadasenga. Hari n'abasengaga babitaye. Mbese ibintu biri kuri iyi si ni byinshi cyane. Ariko ibiri mu banyarwanda bo birakabije. Nta rukundo, nta... mbese ubona ibintu byose birenze ukwemera. Ingorane z'impande zose ! Simbizi ukuntu bimeze.

**B.M.**: Ubwo se ubona abafite ingorane ari mwe gusa ? Ubona se zikabije cyane ? Ese mumenya ko muzifite izo ngorane ? Ko mudafashanya se ngo mushyire hamwe, ahubwo mugakomeza kugira umwirya ?

**Val.**: Mhuyu. Ariko ni nako n'ibyago bigenda biza byinshi, indwara, ibitotezo, gufungwa, kuzira ubusa, ubwo se urumva koko, waturwanyeho ukatubabarira.

**B.M.**: None se mubona mwese muri intungane kuri roho no ku mubiri ?

**Val.**: Yego twarakosheje.

**B.M.**: Harimo rero abatabona amakosa yabo. Uretse ko harimo abazima n'abapfuye muri mwe mwese.

**Val.**: Mhuyu. Ariko rero harimo abazima n'abapfuye.

**B.M.**: None se wowe urabona abazima ari abahe, abapfuye ari abahe ?

**Val.:** None se ushaka ko twese tuba abapfu?

**B.M.:** Oya. Ntabwo nabise abapfu kuko nakubwiye ko harimo abazima n'abapfuye. Ngaho ririmba iyi ndirimbo urasanga byose bikubiyemo, n'ushishoza azakuramo ubutumwa bwinshi bufite akamaro. Wibuka ko nakubwiye ko no mu ndirimbo habamo inyigisho. Iyo ndirimbo ni iyi : "Iyizire, iyizire".

**Val.:** R/ Iyizire, iyizire. Iyizire, iyizire,  
Iyizire ingabire Imana yatuzaniye.

- 1) Ushaka ingabire y'Imana ntarambirwa  
Ahora asenga cyane abikuye ku mutima.
- 2) Mariya Mubyeyi wa Yezu n'uwacu,  
Ubwiza bw'ijuru bugutemba ku mutima.
- 3) Hindura imitima y'abakuru n'abato  
Hanagura amarira y'abarira n'abababaye.
- 4) Hindura imitima y'abagira nabi  
Tsemba inzangano, ganza ingeso mbi mu bantu.
- 5) Uzasenga cyane ashyizeho umwete  
Azatabarwa vuba mu ntambara y'isi.
- 6) Uzakunda cyane Yezu na Mariya  
Azatabarwa vuba mu ntambara y'isi.

**B.M.:** Hanyuma se wibuka ko nakubwiye ko no mu ndirimbo haba harimo inyigisho nyinshi?

**Val.:** Mhuu. Ndabizi ko wambwiye ko no mu ndirimbo haba harimo inyigisho nyinshi.

**B.M.:** Hanyuma se iyi tariki ikwibutsa iki? Mu byo wabonye byose byagushimishije cyangwa se byakubabaje.

**Val.:** Nibuka ko kuri iyi tariki aribwo bwa mbere wanyigaragarije muri 82. Ndabizirikana mu mutima wanjye wose. Ariko rero hari byinshi cyane biri kuri iyi si by'amayobera. Hari abo mwigaragarije, hari n'abo mutigaragarije.

**B.M.:** Ibyo se ubivuze biturutse ku ki? Ko mbona ubifiteho ibibazo byinshi?

**Val.:** Ariko usanga ubutumwa ari bwinshi kuri iyi si. Hari ubuza buteye ubwoba, hari n'ubuza bushimishije, hari n'ubuza bukura umutima. Ku buryo usanga umuntu abura icyo afata n'icyo yareka.

**B.M.:** Kuki se numva ugize ikibazo kuri ubwo butumwa ni ukubera iki? Ko nawe ufite ubushishozi, ukaba uzi ko atari ubwawe, kuki mbona uhangayitse cyane mwana wanjye?

**Val.:** Mhuu. Hari byinshi cyane bagenda banyitirira ngo ninjye nabuvuze, nasoma ngasanga ntabuzi. Kandi bakemeza ko ari mwebwe mwabumbwiye. Hari n'abandi nimba bari mu Rwanda, nimba bari muri Zaire, nimba bari hehe simbizi. Usanga nabo bavuga ko mubaha ubutumwa. Ariko ugasanga ubutumwa buteye ubwoba, kuki se mudutumaho mudutera ubwoba, kandi n'ubundi dusanzwe tubufite. Ntawe ugifite umutima uri hamwe. Ubu kiriziya gatorika ubona igeragezwa cyane, ku buryo ubona n'abayirimo bayigerageza.

**B.M.:** Mbabazwa cyane n'abavuga ko biyeguriye Imana ariko ugasanga barigiriye mu bindi by'isi, n'aho ibya kiriziya bagasa n'aho babyibagiwe rwose. Amasengesho yavugwaga kera ntakiriho, sinzi yaribagiranye kuri bamwe.

**Val.:** Usanga abihaye Imana batayikorera nk'uko byagombye kumera.

**B.M.:** Hanyuma se uzirikana ko kuva kera nakubwiye ko utagomba kwiheba, ngo ntibemera ko ubonekerwa. Nkakubwira ko utazashishoza wese atazabona ukuri ko ahubwo azagupfukirana ntamenye iyo biva n'iyi bijya. Uzi ko bamwe bavuga ko nagombye kubonekera uwihaye Imana, mubonekera ariko se ko aba yarihaye Imana aba ashaka ibindi by'iki? Nayikorere uko bikwiye.

**Val.:** Ndabizirikana ko mwabimbwiye kenshi tukiri mu Rwanda mumbwira muti: "Ibya mbere bizaba ibya nyuma".

**B.M.:** None se ntabwo mwari mwabona ikimenyetso cy'ibyo nababwiye byose kuri ubwo buryo?

**Val.:** Kuko kenshi wakunze kubivuga kandi na n'ubu tugenda tubisoma mu bitabo bandika impande zose.

**B.M.:** Ubwo rero ndumva umuti w'ibyo ari ugusenga nk'uko nakunze kubivuga kenshi.

**Val.:** Mhuu. Mukatubwira ko gusenga ariho umuntu aronkera imbaraga. Ariho umuntu aronkera ibyiza byinshi. Ariko hakabaho abinubira amasengesho, ndetse n'abaca abandi intege bakababwira ko kuvuga amasengesho menshi atari byiza. Hakabaho n'abandi babwira abandi ko gusiba atari ngombwa, ko umuntu atari ngombwa kwiriza ngo asenge umunsi wose.

**B.M.:** Ibyo gusa se! Hari n'abagira ubute bwo gusenga ngo bavuge ishapure yose bayirangize.

**Val.:** Mhuu. Abandi bagaca abandi intege bababwira ko amashapure... bakababwira amashapure yemewe, n’atemewe, ese mushobora kumbwira nanjye nkayamenya, nkajya nshobora kuvuga ayemewe ?

**B.M.:** Ubwo se urashaka kungerageza ngo wumve nanjye ko nkubuzza kuvuga ishapure ?

**Val.:** Oya. Ntabwo ari ukubagerageza. Njyewe ishapure yose mbonye n’iyo yanditse ndayivuga; mfa kuba nyisomye nkumva ndayimenye gusa; ubundi mpita nyitangira ako kanya nkisengera. icyo nzi ko ni uko mba ndi kubabwira kandi nkaba nizeye ko munyumva.

**B.M.:** Hanyuma se hari amashapure atagera ku Mana cyangwa se amasengesho atagera ku Mana, iyo avuganywe ukwizera uwo ubwira?

**Val.:** Mhuu. Kuko nzi ko hari ishapure abantu bavuga ituma abantu batumvikana; ishapure bita ishapure y’impuhwe. Waba uyizi nawe?

**B.M.:** Njyewe nakira amasengesho avuye ku mutima, azirikanywe.

**Val.:** Weho wakira amasengesho avuye ku mutima, azirikanywe. Avuye ku mutima, azirikanywe, arimo n’icyizere ko uwo babwira abumva.

**B.M.:** Harimo abavuga amasengesho nta cyizere bafite ari ukurangiza umuhango wo gusenga gusa.

**Val.:** Mhuu. None se iyo shapure, niyo ndi kubabwira ntabwo ndi kuvuga amasengesho.

**B.M.:** Nakubwiye ko imbere yanjye nta dini ihari, nta n’ubwoko bw’amasengesho rero bugomba kuhaba. Ndeba umutima abantu baturanye isengesho n’ibikorwa byabo.

**Val.:** Ndabyumva ko imbere yawe nta dini ihari, nta n’ubwoko bw’amasengesho rero bugomba kuhaba. Ni uko usanga hari abavuga ngo ntiyemewe, ntabwo bagomba kuyivuga.

**B.M.:** Ngaho rero tega amatwi nguhe ubutumwa bwo kubabwira, ku babwemera no ku babushaka.

**Val.:** Nzababwire ko isengesho ryose rivuye ku mutima, ririmo urukundo n’ubushishozi, n’icyizere tubafitiye ryose muryakira. None se n’abavuga ko dusenga Bikira Mariya... Dusenga turi ubwoko bw’abashyamba: Hari abasenga Yezu gusa, hari natwe tukwambaza...

**B.M.:** Gusa ugomba kumenya ko buri muntu agira ukwemera kwe. Njyewe icyo nzareba ni imitima yanyu.

**Val.:** Buri muntu agira ukwemera kwe. icyo uzareba ni imitima yacu.

**B.M.:** Ubundi rero abibeshya ko kuvuga amasengesho biyerekana ko basenga baba bibeshya kandi bihemukira. Uwibwira ko asenga kurusha abandi ntacyo aba akora kuko aba yikujije cyane. No guhinyura rero iby'abandi, ukabona ko batazi gusenga, ubaca intege ntacyo uba ukoze. Ayo mashapure rero yose icyangombwa ni uko avuga ikintu kimwe.

**Val.:** Mhuu. Nuko wasanga benshi bafite ibitekerezo byinshi. Ukumva bavuga ko ishapure izwi ari ishapure isanzwe ya rozari n'ishapure y'ububabare.

**B.M.:** Ayo mashapure rero bemera, nayo batayavuze ntabwo yaba yemewe. Kuko yemerwa iyo abantu bayavuga, bakayavugana ubwitonzi, ukwemera no kwizera ko uwo babwira abumva. Ngaho ririmba iyi ndirimbo nayo ikubiyemo ubutumwa bwinshi cyane, harimo n'ibisobanuro bijyanye no kumenya uwo umuntu ahawe kandi yemera.

**Val.:** Mhuu.

R/ Funguro duhawe rihoraho,  
Mpamba y'abasanga Nyagasani,  
Nanbye ndaguhawe ngo uze umvune,  
Mu rugamba ndwana nje nkugana.

✚ Hari abaguhabwa bikinira  
Bakegera ameza barushanwa  
Kugira ngo abandi bababone  
Bagarure bwangu badatana.

**B.M.:** Mwana wanjye rero ntabwo nishimye nk'uko nabikubwiye kuva kare. Ab'iyi si barambabaza cyane ariko cyane cyane Yezu niwe ubabazwa namwe cyane kubera ibyo mukorera ku isi kandi yarabacunguye.

**Val.:** Ariko se mama, kubera iki utishimye?  
Ndabizi ko ku isi hari ibikubabaza byinshi. Ubwo se twebwe ko hari igihe duseka, tugaseka tubabaye.

**B.M.:** Ntabwo wumvise icyo nashatse kuvuga ku byerekeye ibimbabaje; ni uko abantu bafite uburyarya bwinshi.

**Val.:** Ubabazwa n'uko hari abantu benshi bitwaza gusenga ariko bitavuye ku mutima.

**B.M.:** Ubwo se ubona abantu bose basengana ukuri n'ubushake n'urukundo ko mbona ubarengera cyane?

**Val.:** Ibyo ndabizi kandi ndabibona.

**B.M.:** Ngira ngo wumvise rero icyambabaje! Ngaho tega amatwi wumve neza ikimbabaza n'ubutumwa

nguhaye.

**Val.:** Ubabazwa n'uko hari abantu bikingiriza isengesho bakigira inshuti y'umuntu nta rukundo bamufitiye.

**B.M.:** Kuva mu myaka 5 yose yashize hari ijambo rimwe nakunze kukubwira kugira ngo ujye ushobora kubana n'abantu ubazi. Ibyo urabyibuka? Wibuka imyaka nabikubwiyemo? Ubu se ntiwagiye ubibona kenshi muri bino bihe turimo n'ibyashize?

**Val.:** Mhuu. Nibuka ko wigeze kubimbwira muri 89, 88, 87 na 90, 91, wakunze kumbwira ijambo uti "ujye uba mu benshi, ariko bose si abawe, siko bagukunda". Ibyo ndabizirikana kandi nabibonye kenshi nawe urabizi. Ku buryo mu minsi yashize nahuye n'ibigeragezo byinshi, mpita nibuka iryo jambo. Ariko ntibyantera gucika intege.

**B.M.:** None se wasanze ibyo nakubwiye atari byo n'umunsi nakubwiye, n'isaha siko byagenze? Ugomba kumenya ko hari abitwaza gusengana nawe cyangwa se kukubaza utuntu n'utundi, bazanywe n'ibindi. Hari rero n'abandi bazanwa n'ukuri koko bafite inyota yo gusengana nawe, no gusobanukirwa, abo nabo urabazi kuko mbakwereka nkabakubwira.

**Val.:** Na n'ubu. Ndabizirikana kuko abenshi bitwaza byinshi. UBUSHIZE HARI ABAVUZE NGO Bikira Mariya ntabwo yavuga biriya. Ngo ubwo se ngo ashobora kuvuga ngo abantu bava mu madini bakajya mu yandi? Nti mbese atababajwe n'icyo yababazwa n'iki? Ngo bazakuvuga nabi cyangwa neza. Nti "mbese umubyeyi ataburiye umwana yabyaye yaba amumariye iki? Ni uko nkabifata gutyo. Ku buryo rero numvise ejo abantu bose baraza mu rugo nkabona ari abazanywe na byinshi, ni uko mpitamo kwiyizira ahangaha, kuko ntari nzi ko unashobora no kuza.

**B.M.:** Nibyo koko ntabwo wari uziko nshobora kuza. Ikindi kandi ni uko mwashoboraga no kuba benshi ntihagire icyo bimara kuko abari kumva bari kuba bake cyane. Erega ibyinshi nk'ibyo ntibihira.

**Val.:** Mhuu. Ibyinshi ntibihira. None se ko twajyaga I Kibeho turi benshi cyaneee, none se ntitwishimaga?

**B.M.:** Ntabwo wumvise ibyo nashatse kukubwira. Nashatse kuvuga ko harimo benshi bari bafite ibindi byari kubazana. Ariko harimo na bakeya bafite ukuri.

**Val.:** Harimo benshi bafite ibindi? Ariko harimo na bakeya bafite ukuri. Ubwo se wagiriye abo bakeya, maze ugaca inkoni izamba, ukaramburira amaboko yawe ku isi no mu Rwanda, maze tugasubira iwacu, tukakwakira mu rukundo kandi ukagenda ugezayo uwo ubona koko ko agomba kukwakira. Urabona ko nta bakristu bariyo, urabona ko n'abapadiri bahashyira, nimba bagukunda, cyangwa bagukorera, ntabwo bihagije twese tutariyo ngo twongere duhure.



**B.M.:** Yezu arababaye cyane kuko aho hantu yahigereye akahaha umugisha, abantu bakaba batahakorera ibikwiye:

- 1) Misa ntagatifu uko yari isanzwe.
- 2) Gushengerera umubiri n'amaraso bye bitagatifu nk'uko bikwiye. N'ubwo batamubona, arimo, atuye aho yari ari.

**Val.:** Mhuu. Dusabire kuri Yezu, nimba yongera kurema ibizima cyangwa se ibishya, akore ugushaka kwe ariko abagukunda bongere bagusingirize hamwe.

**B.M.:** None se murabona abantu bari ku isi atari benshi cyane? Rero abakora neza ni bake cyane, kandi abafite urukundo nabo ni uko. Ubwo rero mbabazwa n'uko mpora mbatakambira ariko ntimubimenye.

**Val.:** Tuzi ko nta wundi uzaturokora atari wowe.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye. Ko mbona uhindutse ukaba ubabaye cyane ku mutima ni ukubera iki? Ubuze iki se? Ngaho ihangane unsobanurire.

**Val.:** Karame mama. Ndababaye cyane kuko mbona ibintu byinshi byagiye bimbaho, natekereza ko nta kintu nzi, nkumva mbabaye, ariko kandi nkagira n'icyizere kuko turi kumwe. None se ko abantu bose bahunze, abari mu gihugu n'abari impande zose z'isi, twiswe abanyabyaha. Biradukwiriye ntitubyinubira. Ariko niba ubona koko ko twakoze ibyaha turi twese, waduhana bigaragara. Tugakora icyo gihano tukizi icyo tugikoreye, hanyuma ukatubabarira twese. Ariko kandi n'iyi umuntu yakosheje aba afite uwo yakoshereje. Turagutumye udusabire imbabazi kuwo twakoshereje. Natwe turabababariye. Ariko mubyeyi utwumve, udutabare kuko turababaye.

**B.M.:** Ubwo abantu bose bemera ko bakosheje? Bose niko bahura n'izo ngorane wowe ubona?

**Val.:** Mhuu. Urarwara ukabura ukurwaza kuko uba uri wenyine. Ibintu byinshi cyane urabibona ntabwo ari ngombwa mama ko mbikubwira.

**B.M.:** None se uragira ngo nkore iki koko. Nyiramukiza mwana wanjye rero nta kindi mwakora uretse gusenga.

**Val.:** Mhuu. Karame. Dusenge. Turabigerageza ariko harimo abatabishoboye... mhuu.

**B.M.:** Mwihangane rero musenge n'abatabishoboye basabe imbaraga.

**Val.:** Mwihangane. Ni ukuduha imbaraga kuko izacu ntaho zatugeza.

**B.M.:** Ndabona rero ufite ibitekerezo byinshi hamwe n'ibyo wibaza buri gihe, bitewe n'ingorane uhura nazo; cyangwa se yenda kumva ibitekerezo

n'imikorere y'abandi ukaba ushaka gutaha mu Rwanda iwanyu. Sinkubuza unyumve neza nuko ugifite akazi ugomba kunkorera hanze haba ino cyangwa se ahandi uzajya, ba uretse rero haracyari igihe. Bazakugerekeraho bahimba impamvu udataha ariko ugomba kubyakira ariko ukankorera.

**Val.:** None se ko umbwira ngo nimbe ndetse, haracyari igihe. Ino aha si iwacu urabizi.

**B.M.:** Ugomba kumenya ko umwana w'Imana atagira iwabo. Ugomba kumenya ko turi kumwe ndi umubyeyi wawe aho uri hose.


**Val.:** Mhuu. Mhuu. Abantu bose rero bafite ibibazo. Bose ndabaguhereje, ngo muri kano kanya abagukunda bose ubagereho, ubahe icyo bakwifuzaho icyo ari cyo cyose. Ubahe kugukorera. Ubahe kwihangana. Ubakomeze imitima. Ngo hari n'abashaka kumenya uko bagukorera n'uko bagukunda n'uko bagusingiza ; ariko bakabura uburyo.

**B.M.:** Abo bose ndababona. Ufite ubushake n'icyizere nzamufasha, kandi azabona ibyo asaba.

**Val.:** Mhuu. Haqri n'abagukunda ntibamenye uburyo bagukunda. Hari n'abasenga bakabona uburyo basenga batabyumva.


**B.M.:** Ngaho ririmba indirimbo nigeze kukubwira ngo uririmbe ku itariki 15/3/86 ubwo nazaga kugusura. Urayibuka neza uzi iyo ari yo.


**Val.:** R/ Ngwino Mariya, ngwino  
Ukunda abana bawe ngwino  
Tugutake uri umubyeyi ngwino.

 Ngwino mu bitambambuga  
Bimenye kukuririmba  
Bimenye ko uri umubyeyi ngwino.

**B.M.:** Subiramo iyo nteruro ya nyuma.

**Val.:** Mhuu; Bimenye ko uri umubyeyi ngwino.

 Ngwino mu mfungwa zose  
Zirangize ibihano byazo  
Zitibagiwe Yezu ngwino.

 Ngwino mu mfubyi zose  
Uzikure mu bwigunge  
Zimenye ko uri umubyeyi ngwino.

**B.M.:** Iyo ndirimbo ujye uyirimbira abana b'ibitambambuga, nawe uyizirikane uyirimbire icyo kibondo cyawe kuko ndayikunda cyane. Hari ibindi mbona wibagiwe kumbwira abantu bagutumye.

**Val.:** mhuu. Hari n’abaza bakambwira ko ngo njye nkubwira ko ubutumwa utanga ari bwinshi. Ngo hari n’ububatera ubwoba rwose. Ngo none basobanurire icyo bakora.

**B.M.:** Uzababwire ko nabahaye ingabire nyinshi cyane, cyane iy’ubushishozi ni uko batayikoresha, hamwe n’iy’urumuri nayo ni uko batazi kurukoresha.

**Val.:** Wabahaye ingabire y’ubushishozi ni uko batayikoresha. Wabahaye urumuri ni uko batazi kurukoresha.

**B.M.:** Ntabwo rero mushishoza nk’uko bigomba kugenda. Niyo mpamvu rero mugira ubwoba.

**Val.:** Sibyo se ndi kukubwira mama! Turabifite. Ariko kubikoresha ntitubishoboye. Mpsyi (arimyoza). Erega dufite ibibazo. Ujya gushishoza ugahura n’ikindi. Bukaba buragiye !

**B.M.:** None se iyo bugiye ntibugaruka, cyangwa se n’ubundi ntabwo mwari mufite.

**Val.:** Mhuu. Uzabongerere rero ubwo bushishozi. Twongerere dushishoze koko tubone.

**B.M.:** Ubwo noneho nibwo muzashishoza mukabona? Erega ubushishozi murabufite ni uko mwebwe mutabukoresha.

**Val.:** Ndaguhereza impunzi aho ziri hose, z’isi yose. Ndaguhereza u Rwanda rwacu n’abarimo kugira ngo ubagenderere. Ugenderere ibihugu by’isi yose. Ubihe urukundo, ubusabane n’umutima umwe, bwo kugira ngo twese tube abana bawe tugukorere. Twumve ko iby’isi bishira vuba, ariko iby’ijuru bigahoraho.

Ndaguhereza abakuntumyeho bose, ngo ubagenderere muri kano kanya ubatahe ku mutima, ubahe ibyo bakeneye.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ibyo usabye ndabikwemereye. K’unyizera wese wakuntumyeho nakiriye ubutumwa bwe. Ngaho kora ikimenyetso cy’umusaraba ubasabire.

**Val.:** Karame. Urakoze. Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye rero mfite akazi kenshi ntabwo ndatinda, ni uko nari nje kugutuma ku babishaka.

**Val.:** Karame. Ariko mama kubera iki ugiye vuba?

**B.M.:** Uzansohoreze ubutumwa ku babishaka. Uzabibabwire.

**Val.:** Mhuu. Nzabibabwira byose. Inte? Uko nzabishobora. Bande? Ababishaka?

**B.M.:** Ngaho vuga iri sengesho.

**Val.:** Dawe uri mu ijuru...

Ariko se mama, uzi neza ko wampaye ingabire y'ubushishozi, ndayigushimira ko nshobora kuyikoresha. Hakabaho igihe umuntu ambwira ibintu afite ibindi mu mutima, nkabona ibyo ampishe aho kumva ibyo ari kumbwira. Hakabaho igihe nshatse nko kubabara ariko nkagarura ako kantu kaje, nzabigerageza nte?

**B.M.:** None ntubona ko washoboye gukoresha ubushishozi uko bugomba gukoreshwa!

**Val.:** Mhuu. Ndabishima ko wabimpaye uti: Mwana wanjye ujye ushishoza umenye ikibi n'icyiza.

**B.M.:** Mwana wanjye rero ujye wumva utinde kuvuga.

**Val.:** Mhuu. Njye numva ntinde kuvuga. Habaho igihe umuntu ambwiye nkamureba, akarangiza kumbwira ibyo yambwiye nabyibagiwe, ahubwo ndi kubona ibyo ari kumpisha. Yaba ari ugiye kungirira nabi nabwo nkabibona atari yabikora. Ariko nabwo ngasigara mbabaye. Ubwo se nakora iki?

**B.M.:** UJYE UBYAKIRA ubyihanganire kandi uhite ubabarira.

**Val.:** Njye mbyakira, mbyihanganire nk'uko mwabimpaye.

Ndabyemeye murakoze. Ariko mujye mumfasha kuko nanjye ndi umuntu. Mujye mundinda gukorera ijisho ry'abantu. Kuko nta gaciro bifite, nta n'inyungu ibirimo. Ikindi mbasaba, mujye mundinda kubahemukira. Noye kugira ingorane, ngo iyo nkora ikingiki kandi kitanyuze mu murongo w'ibyo mushaka. Nimenye mbere yo kumenya abandi. Ndashaka kuvuga ; menye ibyo nkora mbere yo kumenya ko kanaka yakoze nabi cyangwa neza. Nirinde kuvuga abandi kandi nanjye ntiyizi. Ndagusabye mbikuye ku mutima ngo uzandindire ururimi rwanjye kuko nzi ko ururimi rucumura, ne kuzajya mvuga ibitandeba, cyangwa ibidafite akamaro.

**B.M.:** Nawe rero ujye ubabwira ababishaka ko ururimi rucumura cyane kandi buri kanya. Mujye mushobora kururinda kuvuga ibibonetse byose. Ngaho vuga iri sengesho usabira abantu batita ku rurimi rwabo bahora bacumura bavuga abandi.

**Val.:** Hubahwe Imana Data...

Ndaguhereza abarwayi bose bari muri ibi bitaro. Abana, abakuru n'abatoya. Abato n'abatazi icyo bakora. Abana ni abajijutse ; n'abakuru bazi uburwayi bwabo. Ndaguhereza n'uriya mugaragu wawe. Nzi ko ari wowe ufite umuti ukomeye, kandi iwo watanze, nzi ko ari wowe ukora byose. Ndagushimiye kuko ibyo wanyeretse byose nabibonye.

**B.M.:** Mumusabire cyane kuko arababara cyane; kandi nshimishwa n’uko amfitiye icyizere.

**Val.:** Mhuu. Umukomeze, umuhe imbaraga, umurinde kwinuba, ahubwo aje yakira. Ndaguhereza n’abafunzwe bose. Ngo ubataheho, ibyishimo byo kugusingiza bibe byinshi.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ngaho bavugire iri sengesho bashobore kwakira ibyo bahura nabyo byose kandi bihangane.

**Val.:** Hubahwe Imana Data...

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, hanyuma se urumva uyu muni utishimye kandi bikubitiyeho n’uko uyu muni utari uziko ndaza? Ubwo se wumvise wibutse iki koko?

**Val.:** Karame. Ndibuka ko kuri iyi tariki ya 15 z’ukwezi kwa 5/82 aribwo nababonye bwa mbere. Ndabibashimira kandi nzakomeza kubibashimira. Nk’uko mwambwiye ko ari nje nsigaye, ndabasaba kugira ngo mumpe imbaraga. Urabona mu Rwanda hari abenshi mwigaragarije, n’ubu mucyigarariza, bakagezaho abandi ubutumwa.

**B.M.:** Ba nde twigaragariza bagezaho abandi ubutumwa? Wabibonye he? Wabibwiye na nde?

**Val.:** Nabibonye muri Kinyamateka (ikinyamakuru), niho nabisomye. Ubundi uwo bashinze gukurikirana ukuza kwanyu mu Rwanda, akavuga ko mwarangije kwigaragariza abantu muri 90. None se kuki mugaruka kandi mwaragiye?

**B.M.:** Uwo nta bubasha na buke afite bwo kumenya igihe warangirije kwigaragariza abana bawe kuko ujya kuza ntawe watumyeho. Utazasenga ngo akoreshe ubushishozi yahawe ntacyo azabona, ntacyo azageraho.

**Val.:** Uwo nta bubasha afite bwo kumenya icyo mwifuza n’uwo mwifuza?

**B.M.:** None se uwo naramutumye ngo abitangaze? Yarihuse cyane. Ntuzi se ko nababwiye ngo basenge bashishoze. Nti ibya mbere bizaba ubya nyuma.

**Val.:** MHUU. Ndabizi. Se ko umbwira gutyo, hari n’abo mwigaragarije babihamya ko mwababwiye ko byarangiyeho.

**B.M.:** Navuze ko umuntu amenya icyo mutumye, atagomba kumenya icyo undi yatumwe. Ubwo rero ni ubwikunde, ni ubwibone, no kwigira uko batari, no kunyongerera kubyo ntabatumye; ibyo ni ugushaka ishema ry’isi, bihorere ukore ibyawe utegetswe byose mu rukundo ntacyo wongereyeho, nta n’icyo ugabanuyeho.

**Val.:** Wavuze ko umwe azamenya icyo wamutumye, ntawe umenya icy'undi.

**B.M.:** Nibakomeza gushaka ishema ry'isi no kugira ngo abantu babafate uko batari. Ko nibakomeza gukora uko udashaka, n'ibyo bategetswe, ko ibyari ibya mbere bizaba ibya nyuma.

**Val.:** nhii... mhuu. Kandi ko nibadakomeza gukora uko ushaka n'ibyo bategetswe, ko ibyari ibya mbere bizaba ibya nyuma. Ni ukuvuga iki?

**B.M.:** Byaratangiye.

**Val.:** Byaratangiye?

**B.M.:** Uri kubona ibintu byanditse kuri ririya buye. Niba ubibona neza bisome cyane numve, nibwo butumwa bwabo n'abandi babishaka.

**Val.:** Mhuu. Baririnde gushaka ishema ry'isi. Bazirinde gushaka ababakunda kugira ngo bumve ibyo bategetse.  
Ahubwo nibashikame basenge bankorere. Bumve icyo nshaka bakore icyo mbabwiye. Kuko ndababaye cyane.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, niyo mpamvu ugomba kubabara cyane mu kigwi cy'abo bose kugira ngo ufashe Yezu guhongerera ibyaha by'isi yose. No kugira ngo abanyabyaha bakire, kuko ubutumwa bwawe ari ukubabara kugira ngo ufashe Yezu gukiza isi n'ab'iyi si bose.

**Val.:** Karame. None se ko umbwira ko uzambabaza mu kigwi cy'abandi bose, buri muntu yikorera icyaha cye ku giti cye, yakumva ububabare ate, akareka icyo cyaha ntacyo yahuye nacyo!  
Ahubwo ibyiza ni uko wamubabaza, nanjye nkamufasha, ariko yumviseho gatoya. Nzajya mbabarira abantu bose, abo nzi n'abo ntazi? Oya ntabwo ari ukugira ubwoba cyangwa kubyinubira mama; ni uko iyo umuntu ababaye, undi atumva ububabare bw'undi. Ariko iyo akantu kakubabaje ukumva uko ari kubabara, uravuga uti: "Uwampa nkorohere ejo sinakongera".

**B.M.:** Ugomba kumenya ko umunyabyaha icyaha kitamurya, kuri we rero icyaha ntabwo kiryana.

**Val.:** Ntabwo icyaha kiryana? Nibyo? Ko njye iyo nkosheje akantu gato numva mfite ubwoba!

**B.M.:** Ubwo rero wowe kuko uzi ukuntu bibabaza ni wowe ugomba kubabazwa mu kigwi cy'abo bose. Kandi ukajya ubasengera buri muni ubasabira imbabazi z'ibyaha byabo no kugira ngo bahinduke.

**Val.:** Mhuu. Ndabikora gutyo kandi ndabyemeye nk'uko nabyemeye. Ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi. Ntawe nzasubiza inyuma aje ansanga. Kandi

nzemera n'amagambo bavuga nyakire, kuko ndayakwiriye ndi umunyabyaha.  
Na Yezu yarayihanganiye ari Imana.

**B.M.**: Ibyo ubyemeye kubera urukundo umufitiye. Abandi rero kubera nta rukundo bafite niyo mpamvu bibananira.

**Val.**: Mhuu. Nzabigerageza. Ariko nizeye imbaraga zanyu.

**B.M.**: Ngaho tega amatwi nguterere amasengesho maze nawe usubiremo hanyuma ntahe.

**Val.**: – Hubahwe Imana Data...

– Mariya utasamanywe icyaha... (x3)

– Urajye udusabira twese abaguhungiyeho.

**B.M.**: Ngaho wirirwe neza ndagiye, wihangane ni ah'ubutaha.

**Val.**: Mama wirirwe, urakoze.

***N.B.***: *Ibonekera ryarangiyeye saa 12 h 45', hanyuma dukomeza amasengesho yacu: + Ishapure y'impubwe.*

*Byashyizwe mu nyandiko na Mrs. NIYISHOBORA Monique D.*

*Umwaditsi: Claude Gabizi.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA  
I LOME MURI TOGO – TARIKI YA 15/05/1998.**

Valentine NYIRAMUKIZA ni umwe mu bana Bikira Mariya yabonekeye I Kibeho mu Rwanda kuva mu mwaka w’1982. Valentine yabonekewe bwa mbere kuri 15 gicurasi 1982. Kuri 15 gicurasi 1998 yizihije isabukuru ya 16 y’iryo bonekerwa rya mbere. Twibuka ko buri mwaka kuri icyo tariki Umubyeyi atari yasiba gusura umwana we.

Kuri uwo muni Valentine yifataniye na bamwe mu banyarwanda baba muri Togo ndetse n’abatogore bari baje kwifatanya natwe gusenga no gutaramira Bikira Mariya no gushimira Imana. Amasengesho yayobowe na Valentine, yatangiye saa tanu n’iminota mirongo itatu n’itanu (11h 35). Saa sita isigaye itanu nibwo umubyeyi Bikira Mariya yaje gusura umwana we. Abari aho twabonye uruhanga rwa Valentine ruhindutse, asa n’urangamiye ahantu hamwe areba hejuru gato, mbese ukagira ngo hari ikintu ahanze amaso mu kirere cya hafi. Ubwo twahise tumenya ko ibonekerwa ritangiye.

Ngaho namwe mwikurikiranire ikiganiro umubyeyi Bikira Mariya yagiranye n’umwana we Valentine maze nawe wishime kandi wakire ubutumwa bw’umubyeyi kimwe n’abari bahari. Ibonekerwa ryarangiye saa saba n’iminota 25 (13h 25).

**Bikira Mariya (B.M.):** Mwana wanjye nkunda cyane Nyiramukiza Valentine nje kugusura no kugira ngo ngutume ku bana banjye bari hano n’abari ahandi ku isi yose, abo twahuraga kuri icyo tariki n’abatari bayizi ariko bankunda by’ukuri. Ngaho tera iyi ndirimbo  
*inyange yera de.*

**Valentine (Val.):** Inyange yera de Mungu Patri yatoye ...

**B.M.:** Oya, ongera uyisubiremo kandi uyiririmbe n’ijwi ryawe risanzwe ryiza ryo hejuru, ukosore uko bayiririmba n’uko yanditse kugeza ubu.

**Val.:** Inyange yera de Mana Data yatoye umuhire...

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye ongera uririmbe iyi ndirimbo yitwa Mariya mwiza mubikira mubyeyi wacu urakaramba, nuyirangiza niho nkubwira ikinzanye n’icyo nshaka ko ukora.

**Val.:** Mariya mwiza mubikira...

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, uranyumva neza?

**Val.:** Karame. Karame ndi hano ndi igikoresho cyawe hamwe n’icy’isi yose.



**B.M.**: Urumva mu mubiri wawe umerewe ute kuri uyu munsu?

**Val.**: Ndishimye kubera ko nongeye kumva ijwi ryanyu kuri iyi tariki nk'uko mwari mwabinsezeraniye.

**B.M.**: None se nari nakubwiye ko kuri iyi tariki nzaza?

**Val.**: Yego nzi yuko nta munsu mwari mwampaye, nta n'ubwo nari nizeye ko muri buze, ariko kubera ko kuri uyu munsu nta gihe itariki yari yagera ngo mugende mutavuze ahubwo buri gihe muraza mukatubwira muti: Bana banjye.

**B.M.**: Bana banjye nimusenge kuko uwanjye wese ahura n'ibigeragezo. Sibyo se? Bana banjye nimukundane kivandimwe kandi musenge isengesho rikubiye mu bikorwa, musabire bagenzi banyu, musure abarwayi n'abandi bose batagira kirengera. Ko mbona se uhindutse ibyo nkubwiye sibyo? None se wowe iyo ngusuye nkagutuma ku bandi ntiwishima?

**Val.**: Him, him. Oya. Ni uko ntabikwiye. Maman, mbere yo kukuvugisha kubera ibyaha dukora buri munsu na buri kanya, ubanze umbabarire ibyaha byanjye, ubabarire n'abandi bose, n'abo twari kumwe dusenga n'ubwo narangaye ariko ubanze utubabarire ibyaha byacu kuko dufite ibyaha byinshi ku mitima. Dufite ubwikunde, dufite byinshi biturangaje cyangwa se ibiturangaza igihe cyose, kugira ngo dushobore kumva icyo ushaka, dufite imitima isukuye. Hari abasanzwe bazi urukundo rwawe, hari abasanzwe bazi ko kuri iyi tariki bajyaga kugusanganira, hari n'abandi baje kugira ngo dufatanye gusenga.

**B.M.**: Abo bandi rero uvuga ntabwo bumva ikirimi cyanyu.

**Val.**: Ntabwo bumva ikirimi cyacu? Him.

**B.M.**: N'ubwo batacyumva, nzi neza ko bankunda kandi nta buryarya, ikindi kandi barizera.

**Val.**: Him. Oya. Nzi neza ko bagukunda, usibye ko ntareba yego ibyo umuntu atekereza se, cyangwa se niyo umuntu yabibona, ariko urukundo iyo umuntu atarufite tuzi ko iyo agusabye urumuha.

**B.M.**: Nanjye niyo mpamvu mbasaba ngo musenge, musabe muzahabwa igihe mwizera uwo usaba.

**Val.:** Niyo mpamvu twicishije bugufi tubikuye ku mutima Mubyeyi, kugira ngo utubabarire ibyaha byacu, no kugira ngo nshobore kukubwira icyo mfite ku mutima cyaba kibi cyangwa cyiza kuko nzi yuko byose ubyakira.

**B.M.:** Nguteze amatwi mwana wanjye kandi ndakubabariye kuko umwana iyo asabye umubyeyi we imbabazi ntabwo atindiganya kumubabarira. Ngaho tera amasengesho ngiye kukubwira kugira ngo mushobore neza kwisuzuma no kwakira neza ibyo mbabwiye.

**Val.:** - Isengesho ryo kwicuza ibyaha...  
- Dawe uri mu ijuru...

**B.M.:** Ngaho tera mu gifaransa kuko hari abana banjye batumva ikinyarwanda.

**Val.:** - Notre Père qui es aux cieux...  
- Gloire au Père...

Urakoze Mama, kuri uyu munsu nibuka byinshi cyane. Nibuka ukuntu waje ntazi uwo uri we, nibuka ukuntu wampamagaye nkakwihorera. Iyo mbyibutse niherereye numva binteye isoni ariko nkumva binansekeje.

**B.M.:** Burya se byaguteraga isoni n'ubwoba ku buryo wumvaga ugomba kubona abantu ukihisha cyangwa se ukiruka ?

**Val.:** Him. Oya. Naranabihishaga kugira ngo hatagira n'ubimenya. Ariko ntabwo nzi ukuntu babimenye. Niyo mpamvu iyo uyu munsu ugeze ngira ibyishimo byinshi cyane, kuko ntekereza byinshi, nkibuka na byinshi.

**B.M.:** None se wibuka ijambo wambajije ubwa mbere nza kugusura uri mu misa hamwe n'abandi bana?

**Val.:** Nibuka ko nakubajije uwo uri we. Nti ese ko mbona uri mwiza witwa nde? Ariko nkabona ntakuzi neza.

**B.M.:** Uwo munsu se nagushubije ko ndi inde ko naje gukora iki kuri iyi si?

**Val.:** Nibuka ko ijambo rya mbere wambwiye, wambwiye ko uri "UMUBYEYI WO MU IJURU WAJE KWIYUNGA N'ABANYABYAHA". Njye ngahita nkumbwira ko nta byaha mfite.

**B.M.:** None se uzi neza ko nta byaha ufite koko?

**Val.:** Him. Iyo mbyibutse rero n'ibyaha nkora nsanga naribeshye, niyo mpamvu umuntu wese yihutira gusaba imbabazi igihe akosheje.

**B.M.**: Noneho umaze kuba mukuru noneho umaze kubona ko abantu bose bakosa bakihutira gusaba imbabazi.

**Val.**: Him. Natwe tugusabye imbabazi tubikuye ku mutima, ugende ureba mu mutima wa buri muntu maze umubabarire.

**B.M.**: Bose nababonye, ari abakuru ari n'abatoya baje gusenga bizeye impuhwe zanjye, nta n'umwe nsubiza inyuma bose nibansanjye.

**Val.**: Him. Kandi ndagushimira iyi myaka yose tumaranye tunganira, uza kunyungura inama, uza kumbwira ibyo gukora, igihe nakosheje ukambwira kwikosora, n'igihe nkoze neza ukambwira gukomeza. Ndabigushimiye Mubyeyi.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye ko mbona uhindutse mu maso ubaye iki? Ntabwo wishimiye ko naje kugusura?

**Val.**: Him. Karame. Ndishimye ariko kandi ndanababaye. Ndibuka ukuntu kuri uyu muni umuntu yaheraga mu gitondo abyina, yishimye kugeza nimugoroba agiye kuryama, natekereza ko turi mu buhungiro umuntu atabona umwanya wo kuvuga, cyangwa se agahura n'ibintu byinshi bimuzitira, cyangwa se agahura n'ibintu bimubangamira, ntabone umwanya wo kukubwira icyo afite ku mutima ntabwo ibyo byanshimisha. Mbese umuntu abona ahangayitse, arara aho bwije. Ubwo se koko urabona byagenda bite?

**B.M.**: None se urashaka kuvuga ko abantu babura uko basenga kubera ko barara aho bwije? Akaba ariyo mpamvu abantu badasenga cyangwa ngo bakundane?

**Val.**: Him? Ubu hari benshi babuze ukuntu bashobora gusenga, hari n'abavuga bati ese tuzasubira I Kibeho? Tuzajya iwacu? Ese ubona abantu benshi bafite ibyo bibazo byinshi cyane. Nanjye ndabifite.

**B.M.**: None se nawe urashaka gutaha vuba? Urumva se gutaha ubikeneye cyane muri kino gihe?

**Val.**: Him, him? Njyewe nk'ubu umbwiye ngo "ejo tuzahuriye" nahita ngenda.

**B.M.**: Ubwo se urumva nta bwoba wagira ugezeyo usanzeyo abantu bashyashya gusa udasanzwe uzi kandi uzi n'ukuntu abantu bavuga ko utabona, ubundi kandi ugomba gukora ubutumwa aho ngutumye hose haba mu Rwanda cyangwa se ahandi. Ugomba rero kuntumikira utareba ubwoko n'uturere nk'uko abatuye isi ari byo bakurikira bose.

**Val.:** Him. Ubwoba, abantu benshi ubu nta muntu ukigira ubwoba. Twabaye nk'ibiti niyo mpamvu dukora ibyaha byinshi.  
Naho ubundi umuntu yakoraga ibyaha akikanga, naho ubungubu shwi dal Ntacyo bitubwira.

**B.M.:** Niba se nta bwoba mukigira muzabaho gute mu bwihebe bugejeje aho ngaho nta n'ubwo se mutinya Imana?

**Val.:** Ariko ibyo ni ibyo kwivugira. Icyangombwa ni imitima na roho z'abantu n'imibiri yacu.

**B.M.:** Mwana wanjye tega amatwi ngutume ku bana banjye, ngaho soma biriya byanditse imbere yawe kuko ari byo nshaka kugeza ku bana banjye. Ndagira ngo mbasubiriremo ibyo nababwiye mu bihe byahise igihe mwari mu gihugu cyanyu bamwe bakabisuzugura, abasenze nabo bagasengana uburyarya nta rukundo bafite mu mitima yabo, abandi ari ukurangiza umuhango kuko iyo abantu baza gukurikiza inama nabagiriye nyjewe ubwanjye n'umwana wanjye Yezu Kristu, ntabwo muba mwarahuye n'ibigeragezo bigeze aha na n'ubu bitarashira. Ngaho soma neza witonze byumvikana uko byanditse niko nabikubwiye.

**Val.:** Bana banjye nababwiye kenshi ngo musenge, mbabwira kenshi kwicisha bugufi, kugira urukundo n'ubusabane. Niyo mpamvu nababwiraga nti hazaba byinshi bibababaza, byinshi bizabashimisha se ntimubyumve. Niyo mpamvu rero iyo umuntu akubwiye ikintu utagombye kumusuzugura, ahubwo wagombye guca bugufi ukumva ugasobanuza. Hanyuma ugakora icyo akwifuzaho, ikibi ntugikore ukakimuhakanira, icyiza nacyo ukagikora, ariko ntuceceke, ngo woye gusobanuza, woye kwemera cyangwa se uhakane.

**B.M.:** Niwandika uzakosore aho uvuze ngo ikibi ukagikora ntabwo aribyo, ahubwo ikibi ntugikore ukakimuhakanira icyiza nacyo ukagikora. Ngaho rero komeza usome nagira ngo ngukosore ejo shitani itazabyumva ikishima kandi yibeshya mwana wanjye.  
Mwibuka ko ibyabaye mu Rwanda nabibabwiye mukabisuzugura. Si mwebwe gusa abari hano, n'abari ahandi hose abenshi barabisuzuguye, ari abihaye Imana, ari abantu basanzwe bose nta n'umwe wabyumvise. Ndetse n'ubwo naje ubwa nyuma narababwiye ngo urugendo ruracyakomeza ahubwo murareba muraseka, murishima ariko ntimwamenya ibyo mbabwiye. Kubera ko nabahaye ingabire y'ubushishozi ntimushobore gushishoza. Uribuka uburyo wambajije ku byerekeye guhunga?

**Val.:** Narababajije ngo mbese tuzongera guhunga? Muransubiza muti mwari mwageza he?

**B.M.:** Iryo jambo naribabwiye kugira ngo mwumve ko mugikomeza ntaho murageza.

Ngaho komeza usome kuko byose ni ibyo nshaka kubibutsa abari bahari, ababyumvise ndetse n'abatabizi babimenye  
kuko umwana wanjye wese agomba kumva ijambo ryanjye kandi agasenga cyane. Nibuka ko naberetse ikiraro  
muzambukaho, nkabasobanurira ko bamwe bazagwa, abandi bagakomeza.

Ariko kubera ko mudakoresha ingabire mwahawe ngo musabe imbaraga zo gushishoza, ntabwo mwashoboye  
kubibona kandi biri kuba kandi biracyakomeza. Nibuka ko nababwiye ko hari ikibaya kirimo abantu benshi, bamwe  
bakanyuramo bakarigita, abandi bagakomeza. Bamwe bafite amacumu n'imihoro, abandi bicaye ku ntebe imwe  
bayishaka ari benshi kandi bagomba kuyicaraho. Ibyo ntimwumva icyo bishaka kuvuga. Ibyo byose  
mbibasubiriyemo kugira ngo mwongere musubire inyuma ku byo nababwiye mubone aho muhera musenga musaba,  
mwumva n'uko Imana itabumva. Nta gihe mutumvwa, ahubwo ni uko musaba mutabanje gutekereza.  
Rekera aho. Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, nshimishwa n'uko kugeza ubu ngutuma ukantumikira, icyo  
nkubwiye nacyo ukagerageza kugikora.

**Val.:** Him. Karame. Ariko se mama, ubundi iwanyu mukunda kwandika cyane? Igihe cyose murambwira ngo ninsome ibyanditse noneho mbwira ntasoma. Yego uramvugisha tukavugana ariko hari igihe nsoma ibintu byinshi ubumbye umunwa wicecekeye, kandi mba nshaka ko uvuga.

**B.M.:** Ni uko nari ndi kukwibutsa ibya kera mu gihe twahuraga hari abana banjye benshi.

**Val.:** Ni uko wari uri kunyibutsa ibya kera? Urakoze.

**B.M.:** Bana banjye ndabakunda. Nababwiye ko uzasenga wese abivanye ku mutima, akambwira azi yuko icyo aransaba nkimuha, ko ntazamutererana. Ko igihe cyose nzajya numva amasengesho yanyu. Ndetse mbabwira n'ijambo muzavuga igihe mugeze kure. Abaryibuka ni bake. Nibuka ko nababwiye muri 94 mu kwezi kwa 5 kuri iyi tariki, ngo uzananirwa akabona ageze kure yumva nta mbaraga agifite azajye avuga ati: "**Mana ko twagendanaga, ukaba untereranye, imbaraga zirarangiyeye, urabona ko bigenda bite? Wowe ubwawe iheshe ikuzo wiheshe n'ishema**".

Ibyo ababyibutse ni bake, kandi uwatinyutse kubivuga naramufashije turajyana. Kugeza no kuri uyu muni ntabwo nzabatererana. Ndabasaba ko igihe musenga mujye mubikura ku mutima, musenge mwizeye uwo mubwira, mutarangaye mutabikora ari ukurangiza umuhango cyangwa se kugira ngo babone ko musenga gusa. Bikore mu mutima birimo kuko gusenga Atari iby'inyuma gusa. Mujye mugerageza no gusobanurira abatabyumva.

**Val.:** Ariko se mama, ibyo utubwiye ndabyumva kandi turabigerageza ni uko turi abanyanteye nkeya. Gusa ni uko muri kino gihugu turimo batumva ururimi rwacu kandi bakaba bakenera kumva icyo ushaka kubagezaho. Kereka nutwongerera imbaraga n'ubumenyi bwinshi tugashobora kubikora nk'uko natwe tubyifuza, bakabibona nk'uko natwe tubibona.

**B.M.:** Nabahaye ubwenge ngo mujye mwungura abandi mufashanye, icyo utazi ukibaze nawe usobanurire abatumva nk'icyo wumva.

**Val.:** Ariko ibyo ntabwo..... imbaraga twazishaka ariko si buri wese uzibona.

**B.M.:** Ko mubona umwanya wo gupfusha ubusa?

**Val.:** Yego tubona umwanya wo gupfusha ubusa nk'uko ubivuze ariko burya twe ntabwo tubona ko dupfusha ubusa. Tuba twumva ko turi gukora ibigomba gukorwa. None se ko mu rugo hari abantu benshi baje kudasura, baje ngo dusengane, ariko ntabwo bumva ururimi rwacu.

**B.M.:** Mukore ku buryo bumva mbese ntibatahire ahongaho.

**Val.:** Dukore ku buryo barwumva? Barwumva bate? Ahubwo wowe kora ku buryo barwumva. None se ko ari wowe ufite ubushobozi twe hari icyo twishoboreye?

**B.M.:** Nabyaye abana benshi ngenda mbaha ubushobozi butandukanye, ubwo rero ndavuga ibyo nzi.

**Val.:** Wabyaye abana benshi. Erega warabyaye ndabizi nyine nanjye niyo mpamvu nkubwiye ngo koresha ubushobozi bwawe. Njye ubwanjye ndababwira iki?

**B.M.:** Hanyuma se wabasigiye nde ko ari wowe baje kureba? Wabatinye se?

**Val.:** (Araseka). Oya. None se ko nabasize nkigendera ubwo uzi ko nshobora kugira isoni. Nawe se uriya muntu, ye nta...

Umuntu baza gusura akabasiga? Iwacu baravuga ngo ni ikinyabupfura gikeya.

**B.M.:** Ubwo nubasangayo urababwira ko wari uri he? Urababwira se ko wajyanye na nde? Urihisha he se?

**Val.:** Him. Ndakora ku buryo mva iwanyu batashye bose.

**B.M.:** None se nuhabasanga urihisha?

**Val.:** Oya. Ntabwo nihisha... ubu se. Ariko uzi... Erega nsigaye ndi mukuru ngira isoni ubundi mbere nta kintu byantwaraga.

**B.M.:** None se ko uvuze ko ugira isoni, urashaka ko abana banjye bagenda utabasobanuriye aho wari uri n'uwu mwari kumwe?

**Val.:** Oya ningerayo ndababwira babasobanurire. Barabasobanurira iki?

**B.M.:** Ibyo navuze n'ibyo nagutumye.

**Val.:** Him. Ibyo wavuze? Nushaka n'ubu ugende ubabwire babasobanurire.

**B.M.:** Mfite impamvu mvuze gutyo kandi nabo bumvise. Ngaho subira muri aya magambo ngiye kukubwira kuko arareba abana banjye, abatanyumva neza uzayabasubiriremo uko nayavuze ntacyo wongereye nta n'icyo ugabanuyeho.

**Val.:** Him.

**B.M.:** Bana banjye nimupfukame musenge, musabe muzahabwa, mushakashake muzaronka, ariko musabane umutima wicishije bugufi. Musabane umutima wo kwemera ikosa no gukosorwa. Musabane umutima w'ubusabane, ariko ndabasaba mbikuye ku mutima kandi ndi umubyeyi wanyu. Mugerageze gukundana umwe n'undi kuko abana banjye nifuzako baba bamwe, mugahura mukaganira urukundo rw'Imana, mukaganira ikibafitiye akamaro kuri roho no ku mubiri. Nimukundane, mugirane inama mwicishe bugufi ntimwinube kuko mutazi umunsi n'igihe. Ntabwo muzi uko bimeze, iyo biva n'iyi bijya nimusenge.

**Val.:** Ariko se mama, umbabarire kuko nyewe mba mfite ibibazo byinshi mu mutwe wanjye. Aho kugira ngo rero ntekereze mbure uwo mbaza, iyo mbabonye mbabaza ibyo mbonye byose. Hari ukuntu abantu benshi basenga, ukabona umuntu asenga cyane kurusha abandi, noneho na shitani ikaba ari we ijya gutera. None se kuki shitani iyo

imuteye ishobora kumurwanya ikamushobora kandi afite ingabire zo gusenga koko? Kuki wowe utamuba hafi ngo uyimwirukanemo kuko iba iri kumubuza amahoro?

**B.M.**: None se mwana wanjye icyo wita gusenga ni iki? Ku bwawe se usenga aba ameze gute? Umumenya gute?

**Val.**: Njyewe nzi ko gusenga ari ugupfukama akavuga ishapule n’andi masengesho.

**B.M.**: None se upfukamye wese aba arimo gusenga ni ko ubizi?

**Val.**: Oya. Ntabwo ari uku...

**B.M.**: Ibyo ni ibyo uri kwigira uteta urabizi neza.

**Val.**: Gute se?

**B.M.**: Bana banjye, nababwiye ko gusenga atari ukuvuga amagambo atavuye ku mutima, ni ugusenga utekereza, ni ugusenga wicishije bugufi. Ni ugusenga ufite urukundo wizeye uwo ubwira. Ni ugusenga ubwira mugenzi wawe ibibazo ufite ku mutima, iyo ari umukristu arakumva kandi akagufasha kubisengera akakugira n’inama. Ndashaka kubabwira ko atari ukugira ngo nimba nisunze mugenzi wanjye akangira inama, agende yigamba ko yamfashije. Icyo gihe iyo wigambye biba bipfuye ubusa. Ahubwo mufashe, isengesho ryawe ni igikorwa cyawe. Uzabibonera mu gisubizo cya mugenzi wawe bitewe n’ibyo azagenda yunguka. Muramenye ntimugasenge ngo nibababwira kugisha inama muvuge ko gusenga bihagije. Ntabwo biba bihagije kuko nababwiye ko ugira Imana abona umuhana n’umugira inama.

**B.M.**: None se urumva ibyo nkubwiye atari byo?

**Val.**: Him. Erega mama, nta muhanuzi mu babo. Hari uwo ushobora kubwira akumva ko umubwiye nabi. Hari n’uwo ushobora guhana bikamubabaza cyangwa se gukosora bikamubabaza. Noneho ukaba wahitamo guceceka, nabwo waceceka ntube utunganyije akazi k’Imana. Mbese ubukristu buraruhije cyane.

**B.M.**: Ubwo se wumva utarahindutse?

**Val.**: Him (kwikiriza).

**B.M.**: Ngaho nsubiza ukoresheje uko wumva bigenda muri kino gihe ugezemo.



**Val.:** Oya. Mbere kubera ko ntari nzi ko umuntu avuga abeshya ariko ari ahandi cyangwa akabikora abishaka, mbese mbere nabwizaga umuntu wese ukuri ngahita mubwirira aho ngaho, none ubu narikosoye nsigaye nceceka.

**B.M.:** Kubera iki uceceka kandi uba uri mu kuri?

**Val.:** Kuko nabwiraga umuntu bikamubabaza kandi mubwiye ukuri. Him. Ariko se mama, uzi neza ko wampaye ingabire yo kubona icyo umuntu atekereza, none kugeza kuri uyu munsu rwose nushaka uyinyake kuko biramvuna.

**B.M.:** None se wanze icyo naguhaye uhisemo kunsuzugura?

**Val.:** Oya. Ntabwo nanze icyo wampaye ariko birananiza. Uzi kugira ngo urebe umuntu muganira, umwumve kandi uzi neza ko arimo kukubeshya? Biravuna. Kera nahitaga mvuga ariko ubu narikosoye ndaceceka. Kumva nuko nkaryumaho. Keretse iyo byakomeye. Him. Cyangwa se ukumva umuntu arakubwiyengo nyewe ngiye kugira gutya na gutya kandi atari byo agiye gukora. Ubundi kera nahitaga mubwira nti oya, ugiye aha cyangwa se ugiye gukora gutya, none nsigaye nicecekeram nkikiriza gusa. Niba ari uburwayi mfite ntabwo mbizi, ariko iyo ngabire rwose, muzampe iyindi y'ubushishozi ingabire ni nyinshi iyo murebe undi muyiha. Njye birananiza nkumva merewe nabi, mpora ndwaye umutwe ubundi nkumva nta mbaraga mfite. Reba kubona nk'abantu babiri, batatu, ukabona buri muntu wese ari kukubeshya cyangwa niyo atabeshya ukabona ari kukubwira ikintu, kwimyoza, simbizi uko nabivuga. Ntabwo nkibasha gusenga neza rwose ndabinginze mumpe iyindi, iyo ngiyo rwose oya. Nk'ubungubu birananiza cyane amasengesho nkayavuga naba ndi muri ndakuramutsa Mariya, ngahita mbona wa muntu ari kumbeshya, nkaba ngiye kumusabira ntarayirangiza.

**B.M.:** None se uyobewe ko ari ko kazi kawe ko gusabira abanyabyaha b'isi yose ari bo nise (amasandi)? Uyobewe se ko ugomba gufasha Yezu gukiza isi, mu bubabare no mu bitotezo? Niyo mpamvu rero wahawe ingabire yo kubona ibyo umuntu atekereza no kukubeshya.

**B.M.:** Ntabwo ari ibya buri wese n'abashobora kwihanganira ububabare ni bakeya cyane. Reba ukuntu wagiriye umuntu neza noneho we akabona ko ntacyo wakoze, ibyo byose narabibonaga. Nawe urukundo rwabaye rukeya ni ukumusabira cyane kuko birambabaza cyane rwose.

**Val.:** Ariko se mama, reka nkubaze ariko umbwize ukuri koko. Iyo uri kutureba nk'ubu, ugende witegereze abantu bose nasize mu rugo, urebe ukuntu, bose ubarebe, wowe utubona buri muni ubona ibyaha dukora, none se wowe ntibikuvuna ngo ubabare wumve unaniwe kubera ibyaha byacu kandi wowe ubona isi yose? Yego wowe usanzwe utuzi waratumenyereye, waraturazwe, mwarumiwe. Ewe n'ubundi nari ngereranyije ibitari byo. Ariko rero njyewe shwi.

**B.M.:** None se wanze ibyo twaguhaye kandi umubyeyi iyo akunze umwana amufasha mu byo akora byose? Nawe rero ntabwo ugomba kwinuba ahubwo akira.

**Val.:** Oya. Ntabwo nanze ibyo mwampaye rwose.

**B.M.:** Ntuzi ko abantu bose bahindutse ku mitima yabo n'abavuga ko bahawe ubutumwa nanjye bateshutse, urukundo rwabaye ruke, kwita ku by'isi, amasengesho nayo yabaye make, kandi bashaka ibyubahiro by'ab'isi. Ubwo se wakora ubutumwa ute? Wakurikira Yezu mu nzira y'ububabare ute kandi wikuza kuriya? Naho ubundi mwana wanjye ni urukundo ngukunda rutuma nza kugusura nkakubwira n'ibyo byose.

**Val.:** Him. Ntacyo ndabyakiriye mbyihanganire kandi nzabikomeza. Ariko rero ntabwo byoroshye! None se nzagira ububabare bw'isi yose, ubw'abantu bose, n'uwo muntu umbabaje mpite nikorera umutwaro we, kandi ntamenye ko nywikoreye ubwo se urumva! Ntabwo byoroshye kubabarira umuntu kandi ntamenye ko umubabariye.

**B.M.:** Nanjye niyo mpamvu mbiguha kuko mba nzi neza ko uri bubyakire, kandi uzi no kubyihanganira.

**Val.:** Ariko byose ndabyakiriye nk'uko nababwiye ko ndi igikoresho cy'isi mujye mukoresha icyo mushaka cyose.

**B.M.:** Uranyumva? Nyiramukiza mwana wanjye nkunda rwose ndakwinginze kugira ngo uje usabira abantu bavuga ko bambonye ariko bagaharabika urukundo n'impuhwe zanjye. Ibyo rero bigomba kukunaniza kuko no mu bo ubabarira cyane muri ino minsi barimo kandi biracyakomeza kuko shitani iraguye niyo mpamvu ibyayo byose birihuta cyane mu bantu kugira ngo bayobe.

**Val.:** Him. Karame. Erega hari ibintu byinshi binaniza mama, tuvuge ushobora kumva hari umuntu uza akakubwira ngo

njyewe Bikira Mariya yambwiye gutya ngo arongerera arambwira ngo yisubiyeho. Un! Nkagira nti uwampa nanjye mukaza mukisubiraho nkumva. Ese nkavuga ko mwatubwiye ko mudashobora kwisubiraho, mukatubwira ko icyo umubyeyi ahaye umwana atagisubirana, noneho bikamvuna nabyo. Noneho natekereza ko mutubwira muti bana banjye ndabatumye muntumikire, none se ko abandi mubaha abantu babagendaho, aho bagiye hose bakabakorera ibintu byose, njye narahebye. Umenya njye nsenga nabi.

**B.M.**: Ibyo ntaho bihuriye no gusenga nabi mwana wanjye nkunda. Rwose nakubwiye ko n'iyi umuntu atambona cyangwa se ngo abone umwana wanjye Yezu Kristu aba abona ikindi kintu cyangwa se ashaka ishema ryo ku isi akorera undi muntu atari njye wamutumye cyangwa se umwana wanjye Yezu Kristu. Mvugira ku mugaragaro kandi nkabatuma kuri bose sindobanura rwose mwana wanjye.

**Val.**: Him. None se njyewe ko mutampa umuntu umfasha muri byose nkaba ari njye wirwanaho gusa.

**B.M.**: Urarambiwe se cyangwa urananiwe, nawe se urashaka kumera nkabo bantesha agaciro?

**Val.**: None se ubwo nafata ibintu byose mwambwiye, imyaka imaze kuba 16 niba atari ingahe, umbwire ukuntu byose nabishyira mu mutwe wanjye nta wundi uri kubimfashamo, ntabwo binyoroheye. Abandi mubaha abantu mukavuga muti wowe ibi ndabigushinze (guseka) noneho akishima koko bikagaragara kuko we nta kintu aba arimo gukora.

**B.M.**: Nawe se ugiye kuvuga ko nkoresha ikimenyane mu bana banjye? Kandi mwese mbakunda kimwe?

**Val.**: Him. Oya, njyewe ntabwo mvuga ko mugira ikimenyane, ni abantu bandi babivuga ariko njyewe sinjya mbivuga. Ariko rero barabivuga njye ntabwo nshobora kubivuga kuko nzi ko mukoresha ukuri n'urukundo mudukunda. Ariko icyo kintu kirahari yuko bamwe mubabwira ngo genda kanaka agufashe cyangwa ngo genda umuhamagare ku ngufu. Ubwo se kuki mubwira abandi ngo bagende babahamagare, ubundi ngo (kwimyozza) ni uko nabyibagiwe, ariko murababwira da!

**B.M.**: Ubwo se ibyo ubivuze ubikuye he? Ni ibyo wabwiwe cyangwa se ni uwabigitumye?

**Val.**: Ndabizi. Sinari mpari ? him, him, murababwira.

**B.M.:** Ariko se wumvise neza ibyo navuze uwo munsu? Ese ubundi uzi neza ko ari nje wabivugaga? Ntabwo uzi ko ntakoresha agahato n'amategeko ndetse no gutera ubwoba?

**Val.:** Him. Sinari mpari! Ni uko nabyumvise ibyo muvuga ariko rero abo mwabwiye narabumvise bari kuvuga ngo abikore vuba.

**B.M.:** Inde se ubikora vuba? Ni nje se wavuze ngo babikore vuba? kuki se ntabyikorera cyangwa ngo mbitegeke uwo turi kuvugana aho kubishinga abandi? Ubwo se mbitegetse abandi uwo we yakora iki? Rwose ntabwo nkoresha agahato. Harya ngo yavuze ngo iki?

**Val.:** Him. Ngo babitegereze abikore ngo nimba ari... Ntabwo mbyibuka neza ariko hari uwo mwabihaye ngo azabimukorere.

**B.M.:** Ntawe. Nta nabyo rwose.

**Val.:** Him? Aho ntabwo mbyemeye mumbwize ukuri ahubwo. None se bamwe bagenda bafite ababafasha abandi nta babafasha? Yenda nkandika iki ngiki n'undi akanyandikira iki tukarangiriza rimwe. Usibye ko ntabo nkeneye ntabwo shaka umukozi. Ashwi. Njyewe gusa ndi kwibariza impamvu bamwe mubaha ababafasha nje ngasigara njyenyine.

**B.M.:** Mwana wanjye nkunda Nyiramukiza uranyumva? Nakubwiye ko nkwigaragarije ariko ugasigara uganira nanjye abandi nkabazereho, kandi niko byagenze nawe urabizi. Ntabwo rero nivuguruza. Urabizi ubwo rero nimba harimo abavuga ko nivuguruza baribeshya ntabwo ari njyewe ahubwo basenge cyane basabe ubushishozi. Na Yezu nawe ntiyivuguruza kuko abona ibizaba ndetse n'ibyabaye niyo mpamvu rero icyo avuze cyuzuzwa.

**Val.:** Karame. None se ko mwambwiye ngo muzanyigaragariza abandi mubazereho, mwabimbwiye muri 1993, abandi bose mubazereho ndasigara.

**B.M.:** Hariya uribeshye ntabwo ari 1993 ahubwo ni 1983. ubwo niwandika uzabikosore kandi ujye umenya ko uwa nyuma wese aba ari uwa nyuma kandi nzi impamvu nabikoze gutya. None se kuba uwa nyuma hari icyo bigutwaye?

**Val.:** Him. Burya aba nyuma bahora ari aba nyuma. Ni uko ndategereza reka da! Si umuntu we, utagira nyirasenge yego arisenga ariko se?

**B.M.:** Hanyuma se iyo tuje tubabwira ngo iki? Iyo tubatumye ku bana bacu bo mu isi?

**Val.:** Him. None se ko mutanga ubutumwa mukatubwira ngo tububwire abantu, tukabuvuga abandi mukababwira ngo mube mucecetse ubu se urumva ari kimwe? Ahubwo mwareba ukuntu...

**B.M.:** Ubwo se urumva ibyo bintu byo guhora bakina bakinisha izina ryanjye ngo nabatumye, urumva binshimisha? None se urabona ari twe dutandukanya abanjye ngo uyu si uwanjye?

**Val.:** Oya. Yenda mukabwira umuntu ku giti cye, mukamutumaho ariko rero ubutumwa bundi mukabuha ababukora ku buryo nta kibazo bagira. Him, ariko se mama, mujye mwihangana ntimuturakarire cyangwa se ngo niba mwatubwiye ikintu ngo muvuge ngo mwisubiyeho rwose ndabinginze.

**B.M.:** Bana banjye, mwana wanjye nyumva neza ntabwo njyewe njya nisubiraho na rimwe rwose kuko mvuga ibishoboka ikidashoboka ntacyo mvuga kandi umunsi ni umunsi n'isaha ni isaha, ntabwo rero nshobora kwivuguruza ibyo navuze. Ubwo se ab'isi niko mubizi?

**Val.:** None se ko duhora turi abanyabyaha. None se hari umuntu wanyandikiye kandi simuzi arambwira ngo yaje kukwakira ngo uramubwira ngo ntabwo ari mu mubare w'abana bawe. Ubwo se ibyo bintu wabivugaga? N'ibarwa ye irahari umbwire nyikwereke da! Ntabwo ndi kubeshya. Ngo byaramubabajye cyane kandi ngo yihaye Imana ngo none se yiviremo noneho aje ku isi? Ndavugaga ngo oya, ntuzavemo rwose, ibyo bintu, naramwandikiye, simuzi ariko naranditse.

**B.M.:** Ntabwo nshobora kuvugaga iyo mvugaga kandi none naje ku isi kubera abanyabyaha. Nahera he se nihakana umwana wanjye kandi ari byo byanzanye? Ubwo mu yindi mvugaga yumvikana ni iyi. Ahubwo uwo muntu wakubwiye ko atari mu mubare w'abana be birashoboka ko ari shitani kuko nyine ibona utayikunda hanyuma ikakwihakana mu ruhame kugira ngo ukorwe n'isoni maze uyisange. Naho njyewe ntabwo ntukana, sinkoza isoni, simvugaga amagambo ateye isoni, ibyo byose ni ibikorwa bya shitani kuko iyo wanze kuyemera igukoza isoni.

Ntabwo ari njyewe utegura intambara, ahubwo nazanywe no kubaka imitima y'abantu ngo bakundane. Ntabwo nazanywe no gukura abantu imitima ahubwo nazanywe no kuyikomeza mu rukundo. icyo muzumvamo ibikojeje

isoni, amategeko, ubwirasi, kwikuza, kwita ku by'isi, icyo gihe muzamenye ko atari nje abona ahubwo ko ari undi wikuza nka we. Inzira ya shitani iraguye n'ibikorwa byayo birihuta cyane kandi bitera ubwoba, naho inzira yanjye irafunganye kuko kuyicamo biruhije cyane, inyurwamo n'uwemera kubabara kandi akicisha bugufi muri byose.

**Val.:** Him. None se umuntu we ngo waramubwiye ngo ntabwo ari uwawe.

**B.M.:** Hehe? Ryari? Ahagana he nganira na nde ibyo bintu bikojeje isoni gutyo? Abo ntabwo bazi uwo ndi we. Babonye usa nanjye ariko ugendera mu mwijima. Naho njyewe ngendera mu rumuri mbiba urukundo ntabwo mbiba imbuto mbi gutyo munyumve neza rwose kandi biranambabaje cyane.

**Val.:** Him. Ha handi warabivuze nari mpari, ni uko ntamuzi ariko nari mpari cya gihe tugiye.

**B.M.:** Bana banjye mutege amatwi ni kenshi nakunze kubabwira ko mvuga ijamba nzasubiramo. Iyo mbahaye umunsi ngo nzaza, ntabwo nshobora kurenza uwo munsi ntaje n'isaha kuko mbabwira ikintu nzi ko gishoboka. Iyo kidashoboka nyine ntabwo nkivuga. Ntabwo nkekeranya kuko mba nzi neza ko bishoboka. Niyo mpamvu no muri 1994 nababwiye ko tuzahura. Twarahuye kandi nza ari mu bihe bibi ariko mwese mwaranyakiriye abashoboye kuhagera, nanjye kandi naraje ntabwo nshobora kwisubiraho kandi ntabwo nza kubera hari abeza gusa, nzira n'ababi kugira ngo bikosore. Nziye abeza gusa naba ndi sekibi kuko sekibi ashaka ababi gusa. Naho njyewe nshaka abeza niyo mpamvu naje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose kugira ngo mbakize, namwe mumbere abana mbabere umubyeyi. Ubwo rero uvuga ko navuze ko abana ari babi ko ari abanyabyaha, uwo ntabwo mba namutumye.

**B.M.:** Sinshobora kubarakarira ngo mbibabwire n'iyi narakara ndaceceka nkababwira ko mbabaye gusa, ariko simbabwira ko muri babi. Mbabwira gusa ko mudasenga kugira ngo mwikosore kandi ntawe ntunga urutoki ngo mushime undi nange kumushima. Rwose musubize umutima mu nda, mwikosore, musenge, muhinduke, ndetse n'abataye mugerageze, abateshutse mwese mugerageze kuko ari cyo cyatumye tuza kuri iyi si kugira ngo tubababarire. Ikibi ni uko ubabarirwa gusa, ukabyibagirwa ahubwo ugakomeza. Ariko njyewe ntabwo nsha mu nzira ebyiri, ngo mbabarire cyangwa se nihakane umwana, cyangwa se mbabwire ngo narakaye kuko nasanze mutari beza. Binshimisha iyo mbabaye mbona uko muri babi, nkabona ukuntu mbasukura. Naho iyo munyereka uruhu rwiza nabyo birambabaza.

Nizeye ko uwumva yumvise.

Bana banjye, mushire ubwoba, muri kano kanya mwicishe bugufi murambure ibiganza byanyu mwese, maze mbababarire kandi ntimucike intege. Musobanurire n'abatari kumva bumve icyo mbabwiye kugira ngo mbereke ko ndi umubyeyi w'impuhwe nyinshi. Ndabinginze bana banjye mbaramburiyeho ibiganza bya kibyeyi n'impuhwe zanjye, mbahaye urukundo rwanjye, icyubahiro cya Nyagasani, mukundane kandi mbababariye ibyaha byanyu mwese, ari ibyo mwakoze kera cyangwa ibyo mwakoze mu kanya, ariko mwirinde gusubira inyuma ahubwo nimutangire bundi bushya mube bashya, maze mube abana banjye b'ukuri musenge mubikuye ku mutima. Kandi uti mutinye Imana, ahubwo murangwe n'urukundo rwanjye musabane. Ababyeyi bubahwe n'abana babo n'abana bubahe ababyeyi babo ndetse n'abashakanye bagire urukundo rumwe. Ngaho tera iyi ndirimbo: ***Dore umubyeyi Bikira Mariya*** kuko nayo irimo ubutumwa.

**Val.:** – Duhere abarwayi kwihangana rwose,  
Bajye bamenya Yezu wababaye cyane.

**Ref:** Dore umubyeyi Bikira Mariya  
Nyina wa Jambo umwami wacu.

– Turinde twese umwanzi shitani,  
Yihashye rwose mu kiremwamuntu. Refr.

**B.M.:** Bana banjye mbabariye bose, abo nasize mu rugo, abo nasize impande zose, ndabatumye ngo n'abo musanga mubabwire ko nabababariye. Uzi wese ko asenga kandi anyubaha, ankunda abikuye ku mutima wese, ndamubabariye. Ngaho tera iyi ndirimbo yitwa: Dutete twifitiye umubyeyi.

**Val.:** Dutete twifitiye umubyeyi, tuzabyina...

**B.M.:** Bana banjye nshimishwa n'iyi mbonye mwishimye mubikuye ku mutima, ndabinginze mujye musaba muzahabwa kandi muzirikane ko n'iyi umuntu asabye ntahite ahabwa atagomba kwiheba ahubwo ategereza. Niyo mpamvu rero mbababariye kugira ngo mutangire musenge kuko ibihe ari byinshi, kuko ibyo duhura nabyo ari byinshi, kugira ngo tujye duhora twiteguye kuko tutazi umunsi n'igihe.

**Val.:** Urakoze, nizeye ko nzabizirikana nk'uko nzirikana ibindi byose, kandi ndaguhereza roho z'abana bawe bose

bagukunda. Abaje kugusanganira kuri uyu muni twari turi gusengana, ngo bose ubagenderere mama, ubahumurize.

Hari abakwandikiye bagutura utubazo twabo. Ariko ndizera ko bimwe bishubijwe kuko utubabariye ibyaha byacu.

Ndetse n'ibindi birimo bidashubijwe nibyo uzagenda ubasubiza buri muntu ku giti cye, cyangwa se umusubize none aha.

**B.M.**: Hanyuma se kuki ushaka ko umuntu asubiza vuba abamusabye? Uyobewe ko nanjye mbasaba mukanyima? None urumva mbabeshyeye?

**Val.**: Urabona ko turi impunzi, duhura n'ibibazo byinshi. Turashonje, ngiye kukurondorera ni byinshi cyane, mbese ubona tugenda ariko turashengutse. Ntitugusabye ibyo kurya by'ikirenga, ariko tugusabye ifunguro rya roho n'iry'umubiri kugira ngo dushobore gukora icyo ushaka. Kandi cyane cyane dukundane, tubwizanye ukuri, twubahane. Ndaguhereza abantu bose bari baje kudasura n'abo basize mu rugo, kugira ngo bose ubahe umugisha kandi ubababarire kandi urebe ibibazo byose bafite mu mitima yabo.  
+ Hari abarwayi, hari n'abashonje se,...

**B.M.**: Hanyuma se uri kubona neza ibyo nanditse ku buryo ubisoma neza? Urabisobanukirwa se? Abarwayi se uvuga urumva abo aribo? Cyangwa se uzi kubatandukanya?

**Val.**: Oya. Hari abarwayi barwaye ku mubiri, hari n'abarwaye kuri roho.

**B.M.**: Komezera unsobanurire hasigaye ibindi ku mutima wawe.

**Val.**: Kugira ngo abo bose ubagenderere.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye tega amatwi wumve neza ibyo nshaka kukubwira, uranyumva ?

**Val.**: Karame.

**B.M.**: Nababwiye ko uri uwanjye wese ansabye muha, kandi rero muri ino minsi umusibo ejo n'ejobundi ugiye kugira umurwayi ubabaye cyane kandi uzamurwaze neza, umukunde cyangwa nk'uko nawe muri ubwo burwayi bwe azagukunda kurushaho, uzamusabire ntazihebe, ntazinube kuko azababara cyane.

– Igikomeye ngiye kukubwira ni iki: Ukunde abana bose kimwe ariko cyane cyane abo bazagusigira muri ubwo burwayi.



- Hazabamo ibibazo byinshi ariko uzihangane ubyakire igihe nikigera nzakubwira ubatange uranyumva neza ?
- Azagusezeraho ariko azaba arwajwe n’undi wowe uri kumwe n’abo bana, azava kure ho gatoya ariko amurwaze.
- Hazaboneka n’uburyo bwo kubajyana ariko ntuzahubuke ngo ubatange ntakubwiye ko aho bagiye uhazi neza. Ubwo rero urumva ko nawe ukomerewe cyane kuko babaye batatu kandi nawe ntacyo wimariye ariko humura nzabigufashamo byose. Ibyo byose rero mbikubwiye ngukunze kandi mbikuye ku mutima ngo utazatungurwa amaze gupfa.

**Val.** : Ndaguhereza abarwayi ari abarwayi ku mubiri, ari abarwayi kuri roho, ari n’abafite abarwayi basize mu rugo, kugira ngo nabo basange wabaramburiyeho ibiganza ndetse n’abarwayi tuzi bataje hano kugira ngo nabo uboroherewe.

Him. Ndaguhereza abana bose, ari ibitambambuga, ari n’abakuru, ari abo turi kumwe ndetse n’abadahari, kugira ngo bose ubashyire mu rukundo rwawe, ubahe gukurana urukundo, ubahe kumvira ababyeyi babo no kububaha kandi ubahe no gukurana urukundo rw’Imana.

**B.M.:** Ngaho ririmba iyi ndirimbo kuko nayo ifite ubutumwa kandi bujyanye n’ibyo turi kuganiraho kandi ujye uririmba ibitero nkumbwiye. *Ngwino Mariya.*

**Val.:** Ngwino Mariya, ngwino ukunda abana bawe, ngwino,...  
 Ngwino mu bitambambuga...  
 Ngwino mu mpfubyi zose...  
 Ngwino mu bakuvuga nabi...  
 Ngwino mu mfungwa zose...

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye tega amatwi wumve ibyo ngiye kukubwira usubiremo kuko nkunda abana banjye bose.

**Val.:** Karame.

**B.M.:** Bana banjye, ndabakunda. Mugire ishapure intwari yanyu, musenge kandi mujye muhora muyigendana. Kugira ngo sekibi itazabaca urwaho, kuko ishakisha abayoboke benshi kandi igashaka abakunda umubyeyi wanyu. Mwana wanjye rero nkunda ndabona ufite byinshi ku mutima ngaho bivuge. Nyiramukiza mwana wanjye uranyumva ?

**Val.:** Karame. Mama, ndaguhereza bese, impunzi z’ingeri zose, ari abanyarwanda, ari abandi bese bahunze kugira ngo ubagenderere ubahe imbaraga kandi ubakundishe izina ryawe, unabahe gukundana hagati yabo. Kandi ndakwinginze kugira ngo ubarinde kwinuba, ari ubagiriye nabi birinde kumwitura inabi ahubwo bicishe bugufi. Ndakwinginze ngo

ugenderere n'abari mu Rwanda bose nabo ubababarire ubaramburireho ibiganza byawe ukurikije imbaraga zabo, ukurikije ibyo bakora n'ibyo bavuga, ukurikije n'urukundo bagufitiye, ndetse n'abatakuzi ubahe kukumenya.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye, ngaho tura utwo tubazo ufite two gusabira abantu no kubitangira.

**Val.**: Karame. Ndaguhereza abapfuye bose, ari abapfiriye mu Rwanda, ari abazize ukuri, ari abazize akarengane, ari abapfiriye mu buhungiro turimo kugira ngo abo bose Mubyeyi mwiza ndabatakambiye umbwire icyo nakora kugira ngo abatarakiriwe ubakire ndetse no kugira ngo abasigaye bose ubababarire. Harimo ababyeyi bacu, inshuti, barumuna bacu, abavandimwe, mbese sinshobora kukubwira ngo mbone aho nabihera. Ndetse n'utarapfuye ngo bamuhambe yapfuye ahagaze. Kugeza ubungubu Mubyeyi ndakwinginze mbikuye ku mutima ngo umbwire icyo nabakorera ku giti cyanjye ariko ushobore kubakira no kubababarira.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye wibabara komeza umbwire ibyo ufite ku mutima kuko mbona uhangayitse cyane kubera abantu bapfuye bazize intambara yabaye iwanyu.

**Val.**: Him. Karame. Hari abapfuye ari impinja, hari n'abapfuye ababyeyi babo bakibatwite, hari ndetse n'abandi bose bari gupfa ubu bishwe n'inzara, abaheze mu mashyamba batagira kirengera kugira ngo ubongerere imbaraga kandi ubahe kubabarira. Natwe turakwinginze tubikuye ku mutima kugira ngo mubyeyi uduhe kugira ngo abo twahemukiye batubabarire, natwe tubikuye ku mutima turababariye. Tubabariye abaduhemukiye natwe udusabire imbabazi abo twahemukiye. Ndasabira n'imbabazi abitwaza izina ryawe ntibakubahe uko bikwiye ntibubahe n'umwana wawe uko yagombye kubahwa, kugira ngo abo bose ubahe imbaraga kandi ubahe ubushishozi buhagije.

Him. Birambabaza cyane kubona hari abantu benshi bapfuye batazi gusenga, hari n'abapfuye batabatije, hari n'abapfuye badasezeranye isakramentu bagomba gusezerana, yenda baryiteguraga, kugira ngo abo bose ubagenderere ubababarire ndakwinginze. Natwe tugusabye imbabazi nimba twaraguhemukiye mubyeyi, nimba twaragukojeje isoni, nimba twaragutengushye, nimba hari ibyo watubwiye tutatunganije tugusabye imbabazi tubikuye ku mutima utubabarire, kugira ngo natwe dushobore kugukorera nk'uko ubishaka.

**B.M.**: Bana banjye nabababariye n'ubu ndabababariye.

**Val.:** Urakoze mama. Ndagutumye utubwirire na Yezu ko tumusaba imbabazi kandi umutwingingire adufashe, adukure muri ibi bibazo tugenda duhura nabyo, byaba ari iby'ubuhungiro, bigenda bitwigisha kubeshya, kwaba ugushakisha uburyo bwo kubaho tukabikora mu buryo butari bwo kugira ngo Mubyeyi utubabarire uduhe ibidukwiriye tumenye inzira dushobora kunyuramo.

**B.M.:** Mwana wanjye nkunda ndabona natinze kandi mfite abana benshi bantegereje ngo nabo niyunge n'abandi banyabyaha b'isi yose. Ntuzi se ko wowe ubutumwa bwawe ari ubwo gufasha Yezu gukiza isi ?

**Val.:** Him. Murakoze mama. Ubu se uragenda nonaha kandi nari nkigukeneye ? Ndabizi ko wambwiye ko ngomba kubabara kugira ngo mfashe Yezu gukiza isi, simbyinubira ahubwo mbasaba imbaraga zo gukomeza kubyakira, n'undi wese udashobora kubabara mumpe ububabare bwe ariko mumworohereze. Him. Dufite inyota.

**B.M.:** Mufite inyota yihe? Mu buhe buryo? None se mwese niko mufite inyota koko? Kubera iki?

**Val.:** Him. Dufite inyota, twari...ino harashyushye, natwe ubwacu ntabwo tuguhishe, uko utubona niko turi kandi utubona hose. Haba ari ibitambambuga, hari natwe dushoboye kwivugira twese dufite inyota. Ariko ntabwo ari inyota y'ibintu ni inyota yawe. Dukeneye n'amazi y'umugisha.

**B.M.:** Bana banjye mbahaye ubudacogora mujye muhora mwiteguye. Ndi umubyeyi wanyu wo mu ijuru waje kwiyunga n'abanyabyaha.

**Val.:** Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu bose, kumva ko ndi umunyabyaha, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ahuu, nari mfuye.

**B.M.:** Hanyuma se wari wishwe n'iki koko? Kandi turi kumwe twembi umwana wanjye nkunda cyane.

**Val.:** Him ino harashyushye cyane.

**B.M.:** Ngaho fata ariya mazi hanyuma uvomerere indabo zanjye kuko nzikunda cyane nazo aho ziri harashyushye. Ariko ntiwibagirwe ngo ugire aho usigaza kuko zose zikeneye amazi yo kunywa. Hari uwo usigaje udahaye kandi nawe

afite inyota nka we ni nawe uyakeneye cyane, kandi uje kumureba kuko aryamye.

**Val.:** Him. Yaryamye ntawe uhari. Ariko se mama, ko wavuze ngo nta bantu bahari abo uri kuvuga baryamye ni bande?  
Uragira ngo ningerayo nongere ngire isoni?

**B.M.:** Nakubwiye ko ari abana bawe kandi abana banjye ntibasekana.

**Val.:** None se iwanyu bararyama? Siwambwiye ko mugenda ku isi hose mukagenda, none se mwaryama gute? None se ko wambwiye ko turi twenyine iwanyu, iwanyu ukaba umbwiye ngo hari abana baryamye, iwanyu mufite abana benshi?  
Him. (him ?) Ndabyemeye ariko i Kibeho ntimwambwiraga ngo nta bantu bahari, mwamara kwigendera ngasanga ndi i Kibeho ?

**B.M.:** Ngaho ririmba iyi ndirimbo ikurikira kuko nayo irimo inyigisho nyinshi zabagirira akamaro ku bashoboye gushishoza neza no gusobanukirwa.

**Val.:** Kundwa Mariya.

- Umukene muni nta n'umwe numva...
- Uwakumva mbabajwe n'ubutindi...
- Wowe Yezu yemeye kwita nyina...
- Nzajya mbwira umuntu wese ukumbaza...

**B.M.:** Ngaho rero gira vuba urangize kuvomerera indabo.

**Val.:** Asigaye yose ni ayanjye.

**B.M.:** Ngaho yanywe ndebe ko wayamara.

**Val.:** Urakoze twari dupfuye. Ubu rero ningerayo baravuga ngo nanyoye amazi menshi kandi ntayo nanyoye da ! Ashwi.

**B.M.:** Bana banjye kunyera ku kiganza ntabwo ari agasuzuguro ahubwo ni ikiganza cyanjye munywereyemo, kuko ndi umubyeyi wanyu wo mu ijuru kuko nzi ko mufite inyota, no kugira ngo mbahe imbaraga zo kubakomeza, nk'uko iyo umubyeyi ahaye umwama ikintu giturutse mu kiganza cye aba amuhaye umugisha igihe cyose. Bana banjye ndi hano nk'uko namwe muhari niyo mpamvu ngiye kureba abandi bana nkamwe kuko mfite abana benshi.

**Val.:** Buretse iminota ibiri, uzi ko umaze iminota itatu gusa !

**B.M.:** Kandi maze isaha yose! None ngo maze umwanya muto?

**Val.:** Him? Reka da, uje none aha. Kandi uzi igihe cyose uba umaze utaza kunsura. None se ko uza nasinziriyeye! Iyo mfite ibitotsi ntabwo nganira neza. Him? Ariko mama, him(kwimyoza) wowe ntabwo ubizi ubungubu nshobora kwirirwa hano nkigumira iwanyu ngataha ninjoro.

**B.M.:** Ese ushaka gutaha bwije baryamyeye kandi bagutegereje?

**Val.:** Him? Oya ntabwo nataha baryamyeye ariko nasanga bose bari mu rugo n'abashyitsi batashye. Ubwo se ndababwira ngo nabasize njya hehe? Baravuga ngo uriya muntu, uriya mukobwa ntabwo agira ikinyabupfura.

**B.M.:** Hanyuma ko mbona wishimye cyane ushimishijwe n'iki? Ko mbona uteta cyane! Hari icyo se ushaka kumbwira ngo ngutege amatwi yombi nkumve?

**Val.:** Him? Him. Oya. Ni uko gusa iyo tunganira mba nishimye nimereye nk'igitambambuga kiri guteta kuri nyina. Ariko nibyo da! Ibyo mvuze ntabwo ari iby'ubutesi ndashaka ko twigumanira cyangwa uzanyijyanire burundu twibanire nk'abandi bose. Ariko sinzapfe. Tuzajyana gusa. None se hari ubwo wapfuye?

**B.M.:** Ibyo byose ubibajije ubikuye ku ki koko?

**Val.:** Him? None se hari ukuntu bavuga ngo "Bikira Mariya apfa akajyanwa mu ijuru". None se kandi iyo baririmba baravuga ngo abamarayika bakujyanye mu ijuru. None se warapfuye? Him? Warapfuye urapfa nk'uko natwe dupfa baraguhamba hanyuma urazuka?

**B.M.:** Kuki ubimbajije uyu muni?

**Val.:** Ko mbikubajije uyu muni? Yenda ubundi ikindi gihe nari ntarajijuka nkiri muto. Ubungubu nabaye mukuru nsigaye nzi kubaza noneho.

**B.M.:** Wowe se uretse ibyo wumva cyangwa ibyo abantu bavuga uzi ko byagenze gute? Nawe se wumva ibyo abantu bavuga?

**Val.:** Him? Oya. Njye nzi ko wagiye mu ijuru n'umubiri wawe. None se. Him? Ntabwo mbyumva neza nsobanurira.

**B.M.:** Wowe urifuza kumenya iki muri ibyo? Icyo uzi muri ibyo se wowe ni ikihe kuri njye no kuri Yezu umwana wanjye.

**Val.:** Him? Yezu yarapfuye baramuhamba nk'uko natwe dupfa. Arazuka ajya mu ijuru abamarayika baramubona. Wowe upfuye nta muntu wakubonyeho bahise bakujyana. None se icyemeza ko wapfuye ni ikihe? Kandi Yezu we yerekana ibikomere abantu bamwishe wowe ntacyo ufite kandi ubu umeze nk'uko wari umeze. None se byagenze gute?

**B.M.:** None se ibyo kiriziya yigisha ntabwo bihagije? Urahinyuza se?

**Val.:** Oya. Ntabwo ari ugushaka guhinyuza ibyo kiriziya yigisha, ariko nkabimenya nnyewe. Baratubwira, turavuga ngo Bikira Mariya yimakazwa, dusabe inema yo kumwizera. None se wapfuye gute? Nta hantu bavuga amateka y'ukuntu wapfuye ugahambwa, ukazuka bakakujyana mu ijuru. Kandi bavuga ko wagiye mu ijuru n'umubiri wawe. Iyo bavuze ko umuntu yagiye mu ijuru n'umubiri we, ni uko aba atapfuye.

**B.M.:** Hanyuma se urumva bidahagije koko kumva byonyine tuvugana bidahagije, utamenye amavu n'amavuko yanjye?

**Val.:** Him? Oya mama, ndi kwivugira ibyanjye ariko nsobanurira.

**B.M.:** Ntabwo se wemera ko nagiye mu ijuru?

**Val.:** Him? Wagiye mu ijuru ndabyemera kandi ndabizi. Uri no mu ijuru, siho turi?

**B.M.:** Urabizi neza se ko wageze mu ijuru?

**Val.:** Oya. Yeee. Ibyo tube tubyihoreye ariko warapfuye ujya mu ijuru n'umubiri wawe, na roho yawe uko waremwe kose wagiye mu ijuru. Twebwe iyo dupfuye uragenda bakagukorera ibintu byinshi bakagushyira mu gitaka, abandi bagataha ntibazongere no kukubonaho. Mwebwe kuko muri Imana nawe umubyeyi w'Imana warapfuye, Yezu arazuka ajya mu ijuru ari byo kuri Pasika batubwira ko Yezu yazutse. Kuri Noheri batubwira ko yavutse. Wowe rero ntabwo bavugango yarapfuye baramuhamba arazuka ku munsu wa kabiri, cyangwa se yarapfuye bahita bamujyana ako kanya. Aho ntabwo mpasobanukiwe nimba warapfuye cyangwa se nimba baragufashe bakakuzamura n'umubiri wawe na roho yawe.

**B.M.:** Ariko se mwana wanjye wahindutse ryari? Uzi ko usigaye ubaza cyane kandi mbere utarambazaga gutyo! None byatewe n'iki? Ni inde se wakwigishije kubaza gutyo?

**Val.:** Him? Oya. Ariko uzi ko hari umuntu ejo wabimbwiye, yarambwiye ngo nkiri mutoya ngo njye nabonaga aribyo

byiza kurushaho, ngo kuko ntabwo wari uzi kubaza ngo cyangwa ukuntu usigaye wumva utekereza ngo ubu usigaye ukabije cyane.

**B.M.**: None se ubona udasigaye ubaza cyane kandi ukabaza ibintu bikomeye gusobanurira abana nkawe, ikindi kandi uko ibihe bihita niko ugenda wunguka ibindi bintu byubaka roho n'umubiri ugasobanuzwa? Nahu mbere icyo nakubwiraga cyose waracyumvaga ntusobanuze aho cyaturutse n'impamvu nkikubwiye. Sibyo se?

**Val.**: Him. None se nawe uravuze ngo namenye ubwenge noneho. Iyo umuntu ari umwana baramubonera icyo bakubwiye cyose ukemera. Njyewe ubu ndi mukuru ndibonera niyo mpamvu njye ndi kwibariza. Nta muntu nzabibwira, usibye ko icyo batagihisha da! Oya. Nabivuga! Ntabwo uzi ko bavuga ngo hari ubutumwa ariko ntibazabivuge! Njyewe nzabivuga. Numbwira ukuntu wagiye mu ijuru nzabibwira n'abandi. Ahubwo ningera no mu rugo ndahita mbivuga. None se ikintu cy'Imana nta gihishwa kirimo keretse ibanga kandi n'ibanga bavuga bucece ntabwo bavuga cyane.

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye urashaka kumenya koko nimba naragiye mu ijuru n'umubiri wanjye na roho yanjye kandi ntapfuye ngo mpambwe?

**Val.**: Mais oui. Karame. Erega nibyo ndashaka kumenya ukuntu wagiye mu ijuru.

**B.M.**: Hari undi se ubitekerezaho nkawe cyangwa se ngo abyibazeho nkawe mu bo mwaganiriye bese?

**Val.**: Him? Na Papa abitekerezaho nka njye. Yumva ko utapfuye nanjye numva ko utapfuye. Ariko njye ndaceceka sinjya mbivuga. Ariko kuva kera sinjya nemera ko wapfuye. Numva waragiye mu ijuru nk'uko banjyana gutya nkagenda bakanshyira aho ngaho nkaba nyina wa Yezu. Yezu yapfuye kubera ko yapfiraga ibyaha byacu. Abandi bese bapfa kubera ibyaha bakoze ariko wowe wabyawe kugira ngo,

**B.M.**: Wumva ko byagenze gute? Ni inde wabikubwiye ko ari ko navutse ko njyewe ntabyo nakubwiye?

**Val.**: Him? Oya mama. Rwose mbwira. Ndarakara. Him? Oya. None se reka nkubaze, uzi ko, him? Uziko umuntu apfa kugira ngo akire ibyaha, azuke, ajye mu ijuru cyangwa se ajye mu muriro. Je ne sais pas! Weho rero ntabwo wapfuye kuko nta cyaha wavukanye, ntabwo wavukanye icyaha kuko wari utegerejweho kubyara umwana w'Imana. Twe turapfa kubera icyaha cya Adamu na Eva.

**B.M.:** Muzira icyo cyaha cya Adamu na Eva gusa se? Urumva bihagije se?

**Val.:** Mais, oui. Sibyo se? Wowe wavutse bazi ko uzaba nyina wa Yezu, birandikwa ko uri umutoni w’Imana. Yezu yavutse nk’uko tuvuka, aba umuntu kuko yagombaga kudupfira. Ariko wowe nta cyaha wakoze nta n’icyo wigeze.

**B.M.:** None se nkubaze, Yozefu umushyira mu kihe gihe ?

**Val.:** Yozefu we yarapfuye kubera ko yari umurinzi kandi ntabwo yapfiriye abantu.

**B.M.:** None se we ntabwo yari intungane ? Yakoze iki ku isi?

**Val.:** Oya. Yari intungane ariko yari umurinzi we ntabwo yabyaye Yezu yaramurinze. Him. Weho rero waramubyaye kandi ubyara ku bwa Roho mutagatifu. None se Roho mutagatifu yaza mu muntu ufite ibyaha kugira ngo abyare Imana ?

**B.M.:** Ibyo se nawe urabizi ko bidashoboka ?

**Val.:** Oya. Nsigaye mbizi. Dore nabaye mukuru nyine niyo mpamvu maze kubimenya. Ntabwo mvuga mba nicecekeye ariko byose mba ndimo kugenda mbikurikirana.

**B.M.:** Nzakubwira ubutaha ubu si ngombwa cyane.

**Val.:** Him ? Uzabimbwira ubutaha nuza kunsura ? Ariko mama, usibye ko yego, ariko ubundi nkeneye kubimenya nibyo da ! Burya ukuri guca mu ziko ntigushya kandi iyo uvugishije ukuri nta kintu bigutwara. Ko wibereye mu ijuru se ! Wambwiye uti nagiyeye mu ijuru ndagenda gutyo. None se ko hari indirimbo bavuga ngo : Bikira Mariya amaze gutanga abamarayika baramujyana mu ijuru... None se kuki nta muntu wakubonye ko wapfuye ?

**B.M.:** Ninde se wakubwiye ko nta muntu wambonyeho napfuye ? Hari uwabikwigishije se ?

**Val.:** Him ? Oya mama. Rwose gira impuhwe umbwire. Ubwo uzi iyo ndakaye cyangwa mbabaye abantu bava mu nzira!

**B.M.:** Ntabwo se uziko kurakara cyane ari icyaha?

**Val.:** Him? Ntabwo njya ndakara, ariko iyo narakaye, cyangwa... kubabara ho mbabara buri kanya. Iyo umuntu ambwiye



ikintu numva, ptsee. Iyo umuntu ambwiye ikintu kitari cyo bihita bimbabaza.

**B.M.**: None se iyo uri kuvugana n'umuntu akakubeshya cyangwa ukabona ko akubeshya ko wakomeje kumbaza cyane uko nagiye mu ijuru? Nta ndirimbo se uzi babivugamo?

**Val.**: Him? Oya. Ese iyo ndirimbo ninjye wayishyizeho? Baravuga ngo: abamarayika baramujyana mu ijuru kwimikwayo ngo abane n'umwana we... ntiwumva se. Donc warapfuye bahita bakujyana ako kanya. Him? None se reka nkubaze ndavuga gahoro noneho, nawe umbwire sinsubirambo ndaceceka. Yezu ntabwo yagufashe ngo akujyane mu ijuru ni abamarayika gusa bakujyanye. None se kuki abantu nimba ari abaporoso nimba ari abaki, kuki iyo bari gusenga bavunga ngo Yezu, kandi urebye wowe warapfuye ujya mu ijuru, udapfuye?

**B.M.**: Kuki utemera ibyo wigishwa se?

**Val.**: Njyewe ntabwo nemera ko wapfuye urahambwa ujya mu ijuru.

**B.M.**: Ugomba kubyemera kuko byanditse muri kiriziya.

**Val.**: Ndabyemeye ko wapfuye ujya mu ijuru none se ko wagiye mu ijuru kandi uri nyina wa Yezu, kandi abantu bakaba bakuvuga ngo uri umugore nk'abandi, Yezu bakaba bamusenga bakirirwa Yezu, Yezu, Yezu. None se iyo dusenze tukavuga Bikira Mariya na Yezu tukamuvuga, amasengesho yakirwa vuba ni ayahe? Umbwire udakurikije idini ryacu, ukurikize uko bimeze.

**B.M.**: None se wabonye hari umuntu ukunda umwana akanga umubyeyi we?

**Val.**: Ndabizi ko nta muntu ukunda umwana ngo yange nyina, ariko bo ntabwo bakwambaza. Ntabwo mbizi impamvu batakuvuga simvuze ko bakwanga, ariko ntabwo bakwambaza.

**B.M.**: None se uribuka ijamba Yezu yavuze kuri rubanda ababwira aho ahuriye na se?

**Val.**: Him? Oya. Yezu yaravuze ngo ntawe ugera kuri Data atanyuze kuri njye. Ibyo ndabyemera. None se kuki bakugeraho badaciye kuri... Mama kandi ubundi tuzi ko ku isi iyo dukeneye ikintu tubanza kubwira mama kugira ngo atuvugire kuri papa. Ubwo se none si kimwe? Umwana rero atinya se ntabwo atinya nyina. Abo bose rero ndabaguhereje ujye ubaha bagukunde. icyo gihe nibagukunda isi izaba nziza twongere tube bashya, bamwe bapfe

bashire, abandi bazuke, haze isi nshya, he kuzongera kubaho icyaha. Ariko ntabwo dushaka umunsi w'imperuka none aha turacyafite ibyaha. Ariko ntegereje ko uzambwira uko wagiye mu ijuru, ndabitegereje. Nzajya mpora mbibutsa kandi nubimbwira nzabibwira n'abandi bese.

**Val.:** Hanyuma se ntabwo ugira ibanga?

**Val.:** Him? Aho se hari ibanga ririmo? Nzababwira nti burya ntabwo yagize gutya na gutya, babimenye.

**B.M.:** Ngaho rero vuga aya masengesho akurikira kuko natinze ngiye gutaha none aha. Natinze sibyo se ?

**Val.:** Him. Murakoze.

**Prière :** Ku izina...

- Dawe uri mu ijuru...
- Notre Père...
- Je vous salue Marie...
- Ndakuramutsa Mariya...
- Gloire au Père...
- Hubahwe Imana Data...
- Mariya utasamanywe icyaha (x3)
- Nyagasani Yezu ubu turi mu biganza byawe (x2)
- Byose ni ibyawe (x2)
- Imana nisingizwe mu ijuru...
- Ku izina...

Wirirwe Maman. Urakoze.

*Byafashwe na nyakwigendera Monique Niyishobora hamwe na Salama Nakure.*

**N.B.:** Amagambo ya Bikira Mariya yandukuye na Valentine ubwe.

*Umwanditsi: Claude Gabizi.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA  
KU YA 15 GICURASI 1999 I LOME (TOGO).**

**Ijambo ry'ibanze.**

Hashize imyaka myinshi Valentine NYIRAMUKIZA avuga buri tariki ya 15 Gicurasi, amasengesho yo gushimira Imana n'Umubyeyi BIKIRA MARIYA, yibuka itariki ya 15 Gicurasi 1982 ubwo yabonekewe ubwa mbere n'uwo Mubyeyi I KIBEHO. Uyu mwaka rero, ku itariki ya 15 Gicurasi, yizihije isabukuru y'imyaka 17 ishize abonekewe ubwa mbere.

Kuri uwo muni, abantu benshi bazi Valentine, ari abanyarwanda baba muri Togo, ari n'abanyatogo, baje kwifatanya nawe muri ayo masengesho.

Nk'uko Umubyeyi BIKIRA MARIYA atigeze asiba mu myaka 16 ishize, na none kuri uwo muni yaje gusura umwana we kugira ngo yifatanye nawe muri ibyo byishimo, yongere kumugaragariza urukundo rwa kibyezi, amutere inkunga kandi anamuhe ubutumwa yamugeneye, ndetse anamutume kubandi bana be. Hari n'abantu babonye ubutumwa bwabo bwihariye. Mu ibonekerwa ry'uyu mwaka, ikiganiro cyibanze cyane ku bintu bibera ku misiyoni gatolika ya **TSEVIE**, muri arikidiyosezi ya LOME. Dore hagiye gushira umwaka n'igice umusore w'umunyarwanda n'abakobwa batatu b'inkumi b'abanyatogo bavuga ko babonekerwa n'Umubyeyi Bikira Mariya aho i Tsévié.

Ariko kubera uko ibintu bigenda muri ayo « mabonekerwa », byateye inkeke n'impungenge mu banyarwanda baba muri Togo, ndetse no mu bakristu b'abanyatogo ubwabo, utaretse no mu bihaye Imana. Ibyo bintu rero byatumye abantu benshi bakeka cyangwa bemeza ko ari amabonekerwa y'i **KIBEHO** akomereza aho i Tsévié. Abari kure mu bindi bihugu ndetse bagakomeza ko ari Valentine uhabonekererwa.

Umubyeyi BIKIRA MARIYA rero yakuriye abo bose inzira ku murima. Ati ndababwiza ukuri, ababonekerwa i Tsévié sinjye babona. Ati umwaka ushize nari nababwiriye mu migani ntibumva, ati none nahisemo kuvuga natuye kugira ngo hatagira ubyibeshyaho. Ati reka mbahe, bana banjye, ibimenyetso bindanga.

Ati:

- Aho ndi nta macakubiri ahaba, ahubwo harangwa n'amahoro n'urukundo.
- Sinteranya abana banjye.
- Ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose, ibyo bigatuma ntakundwakaza abana bamwe ngo abandi mbigizemo.
- Sinkoza isoni, nta n'uwo nshira urubanza.
- Sinjya nica rendez-vous natanze cyangwa ngo nyigizemo, kuko nyitanga nzi neza igishoboka n'ikidashoboka. Ati uzababwira ngo sinaje kubera ko ndwaye, cyangwa nagiye mu rugendo, azaba ababeshya kuko mpora ku isi hose.

- Ntawe mpinduzza agahato cyangwa ngo ndarikire abantu kuzaza kunsanganira mbizeza ibitangaza. Abansanga bakururwa n'urukundo mbaftiye nje n'umwana wanjye YEZU KRISTU.
- Sinkura umutima cyangwa ngo nkangaranye, nta n'ubwo ari nje uteza intambara n'amakuba.

Umubyeyi BIKIRA MARIYA yakunze kugaruka inshuro nyinshi ku ijamba ubushishozi, kuko ari ngombwa kugira ngo dushobore gutandukanya ibikorwa by'urumuri n'iby'umwijima. Ati shitani yahagurukiye gusenya Kiriziya Gatorika no kubuza amahwemo abankunda. Ati kandi **nayo irasenga** uretse ko itabikorana umutima, kandi n'izina ryanjye ntirinjire mu mutwe wayo. Ati naho ibitangaza, nayo irabikora, kugira ngo ikurure abantu, ibiyegereze hanyuma ibagote. Bikira Mariya ati, bana banjye, nimushake ubukire bw'umutima, naho abirukanka ku by'isi barayoba.

Abatari mu ibonekerwa ry'uyu mwaka mwese namwe nimwisomere ikiganiro gikurikira, maze murebe ukuntu Umubyeyi wo mu ijuru yadutashye ku mutima ku ya 15 Gicurasi 1999, hanyuma namwe mwishimane natwe.

---

### **Saa sita (12H00)**

**B.M.**: Nyiramukiza mwana wanjye, nje kwifatanya nawe mu masengesho y'uyu muni. Ngaho ririmba iyi ndirimbo, kuko harimo inyigisho nyinshi, kandi iyo ndirimbo uje uyizirikana. Yitwa: **Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.** Uririmbe ibitero bibiri gusa.

### **VAL.** **Inyikirizo**

Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana,  
Bikira Mariya uje uduhakirwa. (2)

1. Kiza abanyabyaha bamenye Imana  
Uturinde ibyaha, duhe ibyiza byose. (2)

2. Bikira Mariya Munyangeso nziza,  
Utsinde ingeso mbi ziba mu mitima. (2)

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, hari aho wibeshye muri iyi ndirimbo.  
Aho wavuze ngo: « kiza abanyabyaha,  
bamenye iby’Imana, uturinde **ibyaha**, duhe ibyiza byose », ntabwo ari uko  
bavuga. Baravuga bati: « Kiza  
abanyabyaha, bamenye iby’Imana, uturinde **ibyago**, duhe ibyiza byose ».  
Nyiramukiza mwana wanjye, uri hano uranyumva neza?

**VAL.:** Ndi hano ndi igikoresho cyawe, unkoresha icyo ushaka. Nteze amatwi,  
kugira ngo nakire ibyo ungezaho byose.  
Umpe kubyakirana umutima uzirikana.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, urumva ukereye kwakira ibyo ndibukugezeho  
byose? Abo muri kumwe se, nabo baje  
biteguye kubyakira, cyangwa harimo abafite ubwoba?

**VAL.:** Karame. Uzi neza ko turi abanyabyaha, turi abanyanteye nkeya, ariko  
urukundo tugukunda ntabwo rudusubiza  
inyuma kubera ibyaha byacu, ahubwo buri gihe uhora udusunika ngo tuze  
imbere yawe utubabarire ibyaha byacu.  
Niyo mpamvu muri kano kanya ngusabye imbabazi z’ibyaha byanjye  
byose, n’iby’abandi bese, ndetse n’iby’isi yose  
ku bashaka gusaba imbabazi, kugira ngo dushobore kuganira mfite  
umutima usukuye, no kugira ngo nshobore  
kumva neza ibyo wifuza ko ngukorera, n’ibyo wifuza ko bikorwa muri  
wowe no ku bantu bese, n’ibyo ugeza ku  
bana bawe ukunda.

**B.M.:** Subiramo muri aya magambo yanditse hariya uyasome, mfite impamvu  
mbikubwiye.

**VAL.:** Ariko wibuke ko hari n’abandi batumva ibyo uvuga kandi nabo bagukunda.  
Twafatanyaga ishapule mu kanya, ariko  
sinzi ukuntu nagiyeye.

**B.M.:** Kuki se abo bana banjye batumva ibyo mvuga, habuze iki?

**VAL.:** Hiin. Kubera ko akenshi dukunda kuvugana mu rurimi rwacu kandi  
abagukunda bavugana mu ndimi nyinshi. Icyo  
gihe rero twaba twikunze twenyine kandi twaje kugusanganira turi benshi.

**B.M.:** Hari benshi bajijutse bashobora kubwira abandi.

**VAL.:** Hari benshi bajijutse bashobora kubwira abandi?

**B.M.:** Ubwo se urabona abana mfite hano bumva neza ururimi turi kuganiramo?  
Urumva se muri abo bana haburamo  
abashobora gusobanurira abandi ibyo batumva ?

**VAL.:** Ntabwo mbizi. Hin ? Hin. Barahari bashobora kubwira abandi, kuko  
ntabwo twese twumva bimwe, keretse iyo  
umuntu bamubwiye agasobanukirwa, nibwo agenda avuga ibyo yumvise.

**B.M.:** Niyo mpamvu nyine hari abatumva neza nuko bakampimbira ibyo  
ntavuze, cyangwa se bakibeshya bakanyitiranya  
n'abashaka amakuzo y'isi.

**VAL.:** Niyo mpamvu nanjye nasabaga kugira ngo bababwire mu rurimi bumva.

**B.M.:** Nahaye abana banjye ubwenge kugira ngo bungure abandi.

**VAL.:** Wahaye abana bawe ubwenge kugira ngo bungure abandi?

**B.M.:** Mwana wanjye nkunda, soma biriya byanditse imbere yawe, kandi ubisome  
uranguruye ijwi, kuko bireba abana  
banjye baje kunsanganira uyu muni.

**VAL.:** Hin, hin. Karame.

**B.M.:** Bana banjye nkunda,

**VAL.:** Hin.

**B.M.:** Soma neza. Bana banjye nkunda...(Muje musobanurira n'abatumva, kugira  
ngo bumve  
nabo ibyo muri kuvuga). «Bana banjye nkunda, muruhutse imitima,  
Umubyeyi wo mu ijuru ntawe  
atererana, ntawe asubiza inyuma, ntawe acira imanza, nta n'uwo akoza isoni  
».  
Mwana wanjye, ko mbona utishimye ni ukubera iki, kandi naje kugusura?  
Ni uko ntaguteguje se? Ese abari hano  
bose bafite umutima umwe?

**VAL.:** Hin? Oya, hariho abafite ubwoba. Ndagira ngo twese ubanze  
uturamburireho ibiganza byawe maze utubabarire  
ibyaha byacu.

**B.M.:** Vuga cyane ntabwo ari ibanga. Il faut parler plus haut, ce n'est pas le secret.  
Nyiramukiza uranyumva neza? Ibyo  
nshaka kukubwira ubisubiremo uko mbivuze, ntacyo ukuyemo, nta n'icyo  
wongereyemo.

**VAL.:** Karame.

**B.M.:** « Bana banjye, buri muntu wese arambure ibiganza mbababarire ibyaha byanyu, kugira ngo dushobore kuganira dufite urukundo. Abarwayi, abafite ibibazo ku mutima, n’abandi bose bababaye ku buryo butandukanye ». Ngaho tera isengesho ryo kwicuza ibyaha.

**VAL.:** Isengesho ryo kwicuza ibyaha... (Kabiri)

**B.M.:** « Bana banjye, nimuruhuke ndabababariye. Ariko kubababarira ntibibuza uwicuza kwicuza igihe yakosheje. Mbababariye kuko ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga n’abanyabyaha b’isi yose ». Mwana wanjye nkunda, hari bamwe bavuga ko nkoresha agahato, ko nkura umutima, uranyumva? Hari n’abavuga ko nkoza isoni, hari n’abavuga ibyo bashaka biyobya abantu, ngo ninjye wabatumye, urabyumva neza?

**VAL.:** Hin, hin. Ndabyumva.

**B.M.:** « Bana banjye, ntabwo nkura umutima, ntabwo ntandukanya abana banjye ». Nyiramukizta mwana wanjye, ongera usubiremo aya magambo mvuze ngira nti:

**VAL.:** Karame.

**B.M.:** «Mutege amatwi, kugira ngo mujye mutandukanya ibikorwa by’urumuri n’ibikorwa by’umwijima ». Nyiramukiza mwana wanjye, ongera usome biriya nanditse, ubisome uranguruye ijwi.

**VAL.:** Karame.

**B.M.:** « Aho ndi nta macakubiri ahaba, nta mwiryane, kuko ngendera mu rumuri. Bana banjye, shitani yarahagurutse kugira ngo ikandamize abankunda, ibigize hirya yanjye, no kugira ngo abana bagende kure y’Umubyeyi wabo ».

**VAL.:** Maman, mwanditse duto cyane ntabwo ndi kudusoma neza.

**B.M.:** «Abasenga ni benshi, ariko abasengana umutima uzirikana ni bake. Ndababwiza ukuri, na shitani **irasenga**, ariko ntizirikane ibyo irimo gukora, n’izina ryanjye ntirinjire mu mutwe wayo. Niyo mpamvu mugomba ubushishozi n’urumuri. Bana banjye, iyo natanze umunsi ndaza, ntabwo nica rendez-vous natanze, kuko nyitanga nzi ikiri imbere n’ikiri inyuma. Mba nzi ibishoboka n’ibidashoboka. Uzababwira ko nibagiwe, nabuze umwanya, ko ndwaye cyangwa se natembereye, azaba abeshya. Mpora ku isi hose, uko ndi hano ni nako ndi ahandi ».

Wumvise neza ibyo navuze n'impamvu mbivuze?

**VAL.:** Hin. Ubwo se kuki umbwiye gutyo?

**B.M.:** « Munyumve neza, abwirwa benshi akumva bene yo. Ufite amatwi y'umutima aragira icyo ajyana n'icyo yumva.  
Bana banjye, ntabwo nazanywe no guca amacakubiri mu basenga, mu bihaye Imana, mu bashakanye, ahubwo ndi .....??

**VAL.:** Ariko se kuki uri kumbaza ibyo bintu? None se ko turi twenyine, ko uvuga bana banjye, wavuze gahoro ntabwo uzi ko abantu bumva cyane.

**B.M.:** «Bana banjye ndababaye, mbabajwe n'uko mutubaha umwana wanjye yarabapfiriye ku musaraba. Sinkoza isoni, ndi umubyeyi ubika ibanga». Nyiramukiza mwana wanjye, hari ubwo wigeze wumva ngukura umutima cyangwa ntegura intambara ?

**VAL.:** Karame.

**B.M.:** «Ntabwo ari njye uteza intambara, nta nubwo mpinduza abantu ingufu, urukundo rwanjye n'urw'Umwana wanjye nirwo rubayobora inzira bakaza bansanga». Nyiramukiza mwana wanjye, uranyumva? Ongera usome ibi byanditse hano.

**VAL.:** Karame.

**B.M.:** «Na shitani ubwayo ikora ibitangaza, kandi ishuka abasenga kugira ngo badashobora kwongera kunyiyegereza. Niyo mpamvu igerageza kugira ngo itandukanye Kiriziya Gatorika».

**VAL.:** None se ko muhari, kuki mureka ibikora ?

**B.M.:** None se ushaka kugira ngo nterane amagambo na shitani? Sinabahaye se intwari yo kuyitsinda: Ishapure, urukundo rwanjye n'urw'Umwana wanjye. Nabahaye ubushishozi, nabahaye ubwenge ariko ntabwo mubikoresha.

**VAL.:** None se ko mushoboye byose, kuki mureka shitani itujiyana kandi muzi ko tubakunda? Kuki hari abantu benshi bagenda bazi ko bagiye gusenga, umuntu akagenda akurikiye amasengesho, atazi ko akurikiye shitani, afite urukundo rwanyu. Yagerayo, shitani ikamurusha ingufu, kubera intege nke za muntu. Ariko uzi kugira ngo umuntu atwarwe na shitani mu kanya gato kandi ubundi yayangaga! Akanayikorera atanabizi ko imurimo!



**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ongera uririmbe iyi ndirimbo kuko harimo ijambo nshaka kukubwira; uririmbe inyikirizo gusa Turakuramutsa Mubyeyi w’Imana».

**VAL.:** Turakuramutsa Mubyeyi w’Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa. (2)

**B.M.:** «Bana banjye, mbabwiye ibyo kubera ko bimbabaza cyane, kandi muri mwebwe harimo abayobotse ibyo, bari baragiye. Hari abagarutse bashoboye gushishoza kubera urukundo rwanjye».

Nyiramukiza mwana wanjye, subiramo ibyo mvuze.

**VAL.:** None se... karame.

**B.M.:** « Hari n’uwo nabwiye mu ijwi ryanjye, ndamubwira nti: ujya kureba iki hariya hantu ko naguhaye byose?  
Kuva yumva iryo jambo ntabwo yasubiyeyo ».

**VAL.:** Ko uri kuvuga ibintu ntazi ?

**B.M.:** «Icyo cyamujyanaga nicyo cyatumaga umwana arwara. Ariko kubera impuhwe zanjye, byose ndabimubwira, kugira ngo ashishoze n’amaso y’umutima, aranyumvira. Bana banjye, ntabwo ari ibyo mpimbye kuko ari muri mwebwe».

**VAL.:** None se kuki utagenda ubwira n’abandi bose kugira ngo bose bumve urukundo rwawe? Ntabwo wagombye kubwira umuntu umwe cyangwa babiri, wagombye kubwira bose.

**B.M.:** None se nawe urashaka kuvuga ko hari abo ndutisha abandi, cyangwa se ko hari abo mpa abandi nkabima?

**VAL.:** Hin? Oya, ibyo ni ibyo nivugira, ariko n’undi wese yabivuga. Ndabizi ko waduhaye ubwenge n’ubushishozi, ariko na none ntabwo ugomba kwibagirwa ko turi abantu. None se ntabwo uziko shitani yashutse Yezu kandi ari Umwana w’Imana!? Naho twebwe aho bigiye tujya aho. None se ko nanjye ntabishishoje, kandi ko nanjye nabigiyemo, bakananshuka nkabyemera? Ntabwo nabishishoje kuko numvaga ko... ariko ndagusaba imbabazi z’ibyo nakoze byose.

**B.M.:** None se ntabwo wabonaga ko hari ibyo bavuga bidahuye n’ibyo nakubwiye, cyangwa se bitabaho?

**VAL.:** Hin? Oya, njye ntabwo nari nzi ko ari ukubeshya. Nabikoze nziko ari mwe mwabivuze, ariko nyuma nza gushishoza

no gusenga mbona ko atari byo. Kuva uwo munsu rero, nibwo nashoboye kubona ko shitani ifite ingufu.

**B.M.:** Kuki se abandi batabishishoza ngo babibone, kandi narabahaye ubushishozi, ubwenge n'urumuri?

**VAL.:** Hin? None se ko wampaye ingabire yo gukiza amashitani, kuki yanshutse? Ni ukuvuga ko mfite imbaraga za muntu, ariko birakomeye.

**B.M.:** « Ariko munyumve neza bana banjye, ntabwo mbakura umutima, kuko unyemera wese abikuye ku mutima, ntabwo nzamutererana; nzamwereka urumuri ku buryo atagenda wese. Hari benshi barwaye kuko bashakaga kuva muri ibyo bintu; hari benshi bazi amabanga, ibyo byose kubyikuramo, bana banjye, bigomba ubushishozi n'imbaraga».

**VAL.:** Ariko se mamam, kuki uri kumbwira ibyo bintu? Ayo magambo se ko... ntabwo ndi gusobanukirwa neza.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, uranyumva neza?

**VAL.:** Karame. Hin.

**B.M.:** «Bana banjye, ntawe nahamagaye ngo ndagukunda uriya ndamwanga, ni nyewe urinda abana banjye nkabereka inzira, nkabashyira mu gishura cyanjye. Abashaka amakuzo y'isi ntabwo ari nje babona. Hari abashaka amakuzo y'isi, hari abashakisha iby'ikirenga. Njye naje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose.

**VAL.:** Ariko se Maman, ahaaa...hari ibintu byinshi ntarimo gusobanukirwa! Nishimiye ko uje kudasura kuri uyu munsu, ariko se kubera iki ari uyu munsu uhisemo kumbwira ayo magambo?

**B.M.:** «Bana banjye, mbivugiye ko hari bamwe bagiyeyo n'abazi amabanga menshi atanturukaho. Ntabwo mvuga amagambo akojeje isoni, sintukana, nta nubwo ntanga urugero rubi. Nta nubwo mpigira abantu ngo buretse uzaba ureba, iryo ntabwo ari ijamba ryanjye».

**VAL.:** Hin? Ko muri kuvuga ibyo ni iby'i Tsévié gusa? Niho bavuze ayo magambo!

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, urashaka kuvuga ko ari nyewe babona i Tsévié, bagatukana?

**VAL.:** Karame. Oya. Nishimiye ko kuri uyu munsu uje kunsura n'ubwo nta rendez-vous nari mfite, ariko numvaga muri

njyewe mfite ibyishimo byinshi.

**B.M.:** None se wowe wumvaga ko ndi buze kandi ntarabiguteguje? Ko mbona abantu baje kwifatanya natwe ari benshi?

**VAL.:** Oya, ni uko nibuka umunsi wa mbere mwaje kunsura, nkibuka ukuntu mwampamagaraga nkanga kwitaba, ku buryo iyo iyi tariki igeze, buri gihe mpita nsubiza amaso inyuma, nkibuka ukuntu nirukankaga ndi kubihisha, kandi ngasanga hose muhari. Ariko niyo mpamvu ngenda nshishoza kuri byinshi kubera ko numva bavuga ngo muri aha, ahandi ntimuhari. Kandi natekereza ko aho nirukankiraga hose nahabasangaga, nkumva simbyumva neza.

**B.M.:** Aho niho hari horoshye kugira ngo bumve ko atari njyewe, ikindi kandi nta bushishozi buhagije bagira. Ubwo se koko urumva nshobora kubwira abantu ngo ndagiye nzagaruka nyuma y'amezi abiri? Naba se ngiye he uko wowe ubyumva, aho ntari se ni hehe? Reka rero nkubwize ukuri hatazagira uwongera kukubeshya ngo simpari.

«Nshobora kwiyerekanira ahantu henshi ku isaha imwe kandi bose bakambona, tukaganira ntawe nicye rendez-vous namuhaye kuri uwo munsi. Nyabuna mwumve neza, ntabwo njya hamwe gusa ngo ahandi basigare bameze nk'imfubyi kandi ndi Umubyeyi w'abantu bose Kristu yameneye amaraso».

**VAL.:** Hin. Oya. Ariko se Maman, reka nkubaze ikintu ariko unshubize, kuko akenshi nkunda kubabaza mukambwira ngo nintegereze. Hari n'ibindi nababajije mu mwaka ushize mutanshubije. Ariko ikintu nifuzaga kumenya : kuki shitani iza nko mu bantu, ukabona ari umuntu uzi, akinjira gutyo kandi... tuzi ko shitani ari ikintu kitaboneka. Ariko ku bayibona babona ari umuntu. Hin? Kuki shitani iza igashuka abantu, cyangwa agafata famille imwe ika... ikabazambaguza, abandi bari aho ntacyo ibatwaye, ni ukubera iki? Ibyo ari byo byose mushoboye byose. Umuntu usenga numva mwagombye guhora mumushyizeho igishura cyanyu, kugira ngo uwo mwanzi amugendere kure.

**B.M.:** Urumva ko se ari ukubatererana? Cyangwa ni ukugira ngo bakoreshe ubwenge nabahaye n'ubushishozi.

**VAL.:** Hin?

**B.M.:** «Bana banjye, unkunda wese ntabwo ahorana ibyishimo. Unkunda, agakunda Umwana wanjye Yezu Kristu, agenda abona utubabaro duke duke, tutangana n'utwa Yezu, ariko akatubona. Ariko uwishimye mu munezero, aba abuze

ikintu kuri nyewe».

**VAL.:** Ese noneho ko hari abantu bababara cyaneee, abandi bakababara gahoro?  
Hari n’abakene kurusha abandi, kandi  
ugasanga abantu bakennye aribo babakunda ! Ku buryo wumva umuntu  
avuga ngo ariko se ngo ngiye gusenga, ngo  
ko kanaka akize kandi adasenga ?

**B.M.:** Ibyo byose rero babivuga kuko batazi agaciro k’uwabapfiriye ku musaraba.  
Kuko batazi urukundo rwanjye  
n’urw’Umwana wanjye Yezu Kristu. Wowe se wumva ubukire bw’isi  
butarimo isengesho bumaze iki ?  
Nyiramukiza mwana wanjye, ubukire butarimo Imana ntabwo ari bwiza,  
ujye uharanira gukira ku mutima.

**VAL.:** Hin. Hin ? Ni iby’isi. Hin ? Karame.

**B.M.:** «Bana banjye, impamvu mbabwiye ibi, ntabwo ari ukubashyira mu bibazo  
byinshi, nta nubwo ari ukubatandukanya  
n’inshuti n’abavandimwe, ni ukugira ngo mushishoze. Kugira ngo  
mutazavuga ko mutabwiwe. Hari benshi bifuje  
kuza ariko babura uburyo. Hari abarwaye, hari abafite ubwoba, ese ni  
byinshi bana banjye. Abo bose, uwari ufite  
urukundo rwo kunsanga wese, ndi kumwe nawe aho ari hose». Urabyumva  
cyangwa se ntabwo ubizi nawe ko  
bishoboka?»

**VAL.:** Ndabizi kandi ndabyemera, kuko mwankoreye ibitangaza byinshi cyane.  
Nibuka igihe cyose namaze ndi paralysée,  
ngendera mu igare...(1993). Ibyo byose iyo mbyibutse, nkareba n’ukuntu  
umuntu ashobora kuvuga ngo BIKIRA  
MARIYA yatukanye, numva bimbabaje cyane. Kereka niba  
mwarahindutse! Se ko nzi ko muri abaziranenge, ko nta  
cyaha mwavukanye! Ariko ngo iyo mugeze iwacu muri Afurika  
muratukana. Est-ce que c’est vrai ? Ibintu  
n’umwana adashobora gusubiramo ! Rwose ha abantu urumuri bashobore  
kubona. Kuko ubona abantu bihaye  
Imana, ukabona bose barahagaze nta n’umwe ushobora kubona, ugasanga  
bose bacitsemo ibice, abashobora kubona  
ukuri, abandi ntibakubone, ugasanga batumvikana kandi bese ari abana  
banyu.

**B.M.:** Ni ibyo gusa, ntabwo wibagiwe ko ari byinshi ?

**VAL.:** Hin. Hari n’abandi baramburirwaho ibiganza, nabo bagatangira bakavuga.  
Est-ce que ubona wa... mbese ni byinshi  
cyane, ku buryo nkubwiye ntabwo narangiza ! Kandi byose urabizi.

**B.M.:** None se ko uvuze ngo ndabizi, wowe ntabwo uzi ? Abantu se bo ntibabona ko atari ukuri ?

**VAL.:** Hin? Hin ? He ! Abantu bose... hariho ababibona ako kanya, se niyo ufite ubushishozi cyangwa usenga cyane, iyo ukoresheje ingabire wahawe, urabibona. Hari n'abandi bakanuraaa ukabona reka da, ari mu gicuku ! Wanamubwira mugatongana (arimoza). Ariko hari n'abandi bibabaje cyane. Hari n'abanyweye amazi yahawe umugisha, abakoresheje amabuzi, hari abo... ibintu byinshi cyane. Ariko se Maman, ko uri kumbaza kandi ubizi ?

**B.M.:** Ubwiwe n'iki se ko mbizi ko ntari nagera aho bibera ? Ubwo se uzi neza ko mbizi ?

**VAL.:** Hin. Urabizi byose.

**B.M.:** Bana babjye, aho niho mutumva.

**VAL.:** Gute? Hin.

**B.M.:** «Iyo hari urwaye, mbibona mbere y'uko abimbwira. Ntabwo ari abantu bambwira ko bazanye umurwayi. Ariko abadafite urumuri nibyo babona. Ngenda ku isi hose, mbona hose. Niyo mpamvu ntabwira ngo mugire gutya na gutya kuko mba mbyishoboreye». Ngaho ongera usome ibyo nanditse hariya. Wumvise ?

**VAL.:** Hin?

**B.M.:** «Bana banjye, hari abaramburiweho ibiganza babaha umugisha, nyuma y'ibyo yakurikiwe n'uburwayi».

**VAL.:** Ha! Ese urashaka kuvuga ko ari shitani? Nzi umuntu urwaye cyane hubwo,...

**B.M.:** Uramuzi mu izina n'uko asa ?

**VAL.:** Hin? Kandi yanyweye amazi, byose nta na kimwe adafite. Rwose genda umuramburireho ibiganza, naho ubundi shwi !

**B.M.:** Uwo muntu niwe uzi gusa ? Nyiramukiza mwana wanjye, itegereze bariya bose barimo kandi mbere barankundaga cyane, na n'ubu rero barankunda, ariko ntabwo bakoresha ubushishozi nabahaye ngo babone. Nababuriye kenshi, mbatumaho, babirengaho ntibabyumva, ahubwo bizera abayobye nkabo. None uzongere ujye kubabwira ibyo

nkubwiye, ubabwize ukuri ko atari nje babona, yaba uwo muto uvuga ko abonekerwa, yaba umukuru, kuko numva bimbabaza cyane iyo mbona badashishoza, kandi mbamurikira kenshi ntibabone.

**VAL.:** Hin. Karame (yitsa umutima)

**B.M.:** «Bana banjye, rwose nazanywe no kubasobanurira, ntabwo nteza ibyago». Urabyumva neza wowe?

**VAL.:** Hin?

**B.M.:** «Nta nubwo ntegura ibizaba, nta nubwo kugira ngo bazaze kunyakira, ngomba kurarika abantu mbizeza ibitangaza. Iryo ni ishema ry'isi, kugira ngo abantu bose baze bizeye ibitangaza».

**VAL.:** Maman, reker aho umbwire ibindi. Ibyo bintu ni byinshi cyane, bishobora gutuma n'umuntu ata umutwe!... Kuko bituma (arimoza) kuko usanga ari twe b'impunzi bireba, kandi atari twese.

**B.M.:** None se birakubabaza cyane ? Ujye ubasabira, ubyakire.

**VAL.:** Hin? Hin. Mbese urabizi ko ibintu byose bikorwa, aho kugira ngo babigumane, baba ari nje babiherezaho !

**B.M.:** Utangiye se kubyinubira no gucika intege? Akira.

**VAL.:** Hin. Ariko uzi ibibazo byose nahuye nabyo muri iyi si! Abantu banyandikira bakantuka, ngo ntangiye guta umutwe, ngo ubwo ntangiye kuvuga ko BIKIRA MARIYA ari umunyabyaha, ko BIKIRA MARIYA yagiye ngo muri za Burayi, ari za.... sinzi aho yagiye, niba ari i Burayi, niba ari hehe! Hee! None se ubwo urabivugaho iki?

**B.M.:** Niyo mpamvu nyine mbabwiye gushishoza.

**VAL.:** Hin? Niyo mpamvu nyine utubwiye ko tugomba gushishoza ? None se bariya bo twabakorera iki? Kuko urabona ko ubwacu ntacyo twishoboreye. Iyo umuntu atari iwabo, ntabwo ashobora kumenya icyo yakora n'icyo yareka. Ariko kandi turabibona. Nawe urabizi. Wagiye ukarambura ibiganza byawe bitagatifu, ugatuma abantu bose babibona, bakishishoreza (arimoza). Murakoze kutubwira no kutugira inama. Ndaguhereza abantu bose barwaye, abashonje, abashaje, ndetse n'abandi bose bifuzaga kugera hano batahageze kugira ngo bakwakire Mubyeyi. Ndaguhereza n'ababyeyi bahangayitse kubera abana babo batari kumwe. Ndaguhereza abashaka ingabire, abashaka urukundo rwa

soeur Faustine, kugira ngo bashobore kwinjira muri «JESUS MISERICODIEUX». Ndaguhereza n’abandi bose bafite ibibazo by’umuryango, by’abana babo, kugira ngo abo bose ubaramburireho ibiganza Mubyeyi, wumve icyo bakwifuzaho.

**B.M.:** Mbabazwa no kubona harimo abihaye Imana badashishoza neza ngo babone ukuri, kuko ibyo bituma haba ubwumvikane buke mu bana banjye nkunda.

**VAL.:** Hin. Ariko se Maman, iyo ubona Kiriziya igeze aho hantu hameze gutyo waraje kudusura, ubwo se wumva... Il faut que urwana ishyaka, kugira ngo Kiriziya itsinde! Kugira ngo shitani itatwishima hejuru. Mbese usanga ayandi madini yose amaze kutugira abantu batagira agaciro, kandi harimo abagukunda cyane.

**B.M.:** Ngaho rero ruhuka ku mutima, maze uririmbe iyi ndirimbo, kuko harimo inyigisho naho. Yitwa: «Ngwino Mariya». Urimbe ibitero bibiri gusa ndibukubwire.

**VAL.:** Inyikirizo : Ngwino Mariya ngwino,  
Ukunda abana bawe, ngwino  
Tugutake uri Umubyeyi, ngwino.

1. Ngwino mu bitambambuga  
Bimenye kukuririmba,  
Bimenye ko uri Umubyeyi, ngwino. Refr.
2. Ngwino mu mfubyi zose,  
Uzikure mu bwigunge,  
Zimenye ko uri Umubyeyi, ngwino. Refr.

**B.M.:** «Bana banjye, mbahaye icyubahiro cya Nyagasani. Musabe muzahabwa. Ndabinginze ngo mujye mwiwunga mbere y’uko umunsi wira kuko mutaba muzi uko ejo buzaba bumeze. Mujye musenga mu gikorwa cy’urukundo. Musabire bagenzi banyu, cyane cyane ababanga n’abo mufitanye ibibazo».

**VAL.:** Ntabwo byoroshye. Ndakwinginze ngo ugenderere abarwayi, ari abari hano, ari abari mu bitaro, ari abari mu rugo, kugira ngo bose uboroherewe, ubashyireho ikiganza cyawe gitagatifu. Ndaguhereza abana bose, ari abato, ari abakuru, urubyiruko, abasore n’inkumi, abashakanye, kugira ngo twese udufashe, tugukunde kandi natwe dukundane, dufashanye mu rukundo, kandi turusheho kukuyoboka no kugukunda. Uhe abana gukurana urukundo, bakure bakundana, basenga, basingiza kandi baririmba. Muri byose barangwe n’ibyishimo bibaturutseho.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, nkumbuye ko umbyinira, hashize igihe kinini. Sibyo se?

**VAL.:** Karame. Ariko Maman, uziko i Kibeho wambwiraga ngo nkubyinire abantu bose bahari, benshi cyane, ukambwira ngo turi iwanyu, kandi ariho ndi... Ngasanga ndahagazee ewe... nkagira isoni! Hin. Ubu rero kubera ko maze kuba mukuru ntabwo bishoboka.

**B.M.:** Ubundi se ko wabikoraga, ukabyina nta kibazo none ubu ngo byagutera isoni!

**VAL.:** Hin? Ubundi mbere nari umwana nta kibazo, ntabwo nagiraga isoni, ariko ubungubu ntabwo nabikora.

**B.M.:** Uribeshya cyane kuko na n'Ubu uracyari umwana imbere yanjye, ntacyahindutse.

**VAL.:** Hin? (Araseka). Uzi ko nshobora kugera mu rugo abana bakabisubiramo nkumva ndamwaye!

**B.M.:** Ariko sinakubwiye ko turi kumwe twenyine hano iwacu! Kandi buri gihe umwana atetera nyina nta kibazo, kandi ninjye Mubyeyi wawe ubikubwiye, ubigusabye agukunze.

**VAL.:** Hin? (Araseka) Hin? Ariko se ubundi ko mumbwira ngo turi kumwe iwanyu, mwamara kugenda ngasanga aho nari nicaye ariho nicaye, bigenda gute?

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ngaho ongera uririmbe iyi ndirimbo ikurikira. Yitwa: «Ibisiza n'imisozi», kuko ndayikunda cyane, mfite n'impamvu nshaka ko uyiririmba. Ujye uririmba ibitero nkubwira.

**VAL.:** Hin? (Aririmba abyina)

Inyikirizo:

Ibisiza n'imisozi,  
Bitatangira kuremwa,  
Imana yari igufite,  
Mu bitekerezo byayo.

**B.M.:** Uyiririmbye nabi, ongera usubiremo mu ijwi ryawe ryiza kandi neza.

**VAL.:** Inyikirizo... (Asubiramo)

1. Mucyo uturutse kwa Yowakimi,  
Kaze rebero ry'abeza,



Gikomangoma cyo kwa Dawudi,  
Uruta abamikazi bose. Inyikirizo.

Ariko nizere ko abantu bari iwacu batambonye. Hin. Nizere ko batambonye bazajya bahora babimbwira buri muni.

**B.M.:** Ngaho komeza uririmbe ibitero bikurikira, kuko naho harimo inyigisho ku bafite ubushishozi.

**VAL.:** Hin?

2. Kuva aho isi igera hose,  
Mu moko menshi y’abantu,  
Baririmba Imakurata,  
Niwe Mariya Umubyeyi. Inyikirizo.
3. Sugi yasamanywe isuku,  
Simbi ry’umuryango wacu,  
Mwamikazi w’Afurika,  
Uruta abamikazi bose. Inyikirizo.

Ahuu..., Ndananiwe.

**B.M.:** «Bana banjye, aho ndi harangwa n’ituze. Niyo mpamvu iyo ndi mu bana banjye binshimisha. Sinshobora kubifuriza nabi». Nyiramukiza mwana wanjye, ngaho ririmba iyi ndirimbo: «Iyizire, iyizire».

**VAL.:** Inyikirizo:

Iyizire, iyizire,  
Iyizire, iyizire,  
Iyizire ngabire y’Imana yatugabiye.

1. Mariya mubyeyi wa Yezu n’uwacu  
Ubwiza bw’ijuru bugutemba ku mutima. Inyikirizo.
2. Uzasenga ashyizeho umwete,  
Azatarwa vuba mu ntambara y’isi. Inyikirizo.
3. Ushaka ingabire y’Imana ntarambirwa,  
Ahora asenga cyane abikuye ku mutima. Inyikirizo.
4. Hindura imitima y’abagira nabi,  
Tsemba inzangano, ganza ingeso mbi mu bantu. Inyikirizo.
5. Hindura imitima y’abakuru n’abato,  
Hanagura amarira y’abarira n’abababaye. Inyikirizo.

Ahuu... erega maze igihe kinini cyane! Ariko Maman, ukunda gukoresha abantu ngo babyine! Iwanyu nta bantu babyina bahaba?

**B.M.:** Nuko iyo abana banjye bambyiniye ndishima.

**VAL.:** Hin? None se ko abandi batabyina! (Yitsa umutima)

**B.M.:** Mwana wanjye nkunda, ndishimye kuko umaze kumbyinira kandi n'abo mwari kumwe baranshimishije, kuko badatinye kunyereka ibyishimo bamfitiye nabo babyina.

**VAL.:** Ahui... Urakoze. Nshimishijwe n'urukundo udukunda, nshimishijwe n'uko waje kwiwunga natwe b'abanyabyaha. Mubyeyi mwiza, turagushimiye tubikuye ku mutima. Kandi uzi neza ko nabo nasize mu rugo nabo babyifuza. Kandi ubababarire, ubahe n'imbaraga, ubagire n'inama yo gukomeza umutima utazabisubira. Nziko neza ko ugira impuhwe, ugira urugwiro rwa kibyeyi.

**B.M.:** None se nawe wari ufite ubwoba nk'abapagani? Nawe se utekereza nk'abavuga ko ntari ino aha?

**VAL.:** Hin? Eka da! Nari nagize ubwoba ahubwo ko utari buze. None se abantu bavuze ngo kubera ko nanze kwemera ngo ibyo bambwiye, ngo ntabwo uzongera kuza!...

**B.M.:** Nawe se urabyemera ibyo bavuga bambeshyera?

**VAL.:** Hin. Oya! Hin? Nuko nziko akenshi iyo ugiye uratubwira uti: bana banjye mwirirwe. Nkaba nziko iyo umuntu akubwiye ngo mwirirwe ni uko muba muzongera kubonana. Ariko hari ukubwira ngo murabeho mutazongera kubonana. Kandi nzi neza ko watubwiye ko utazadusiga nk'imfubyi. Noneho rero nkumva ngo wagiye muri, nimba ari muri Angleterre, nimba ari hehe?! Ngo watanze congé! Hin. None se iyo ugiye ugatanga congé, ni congé yo gusenga, ni congé y'urukundo, njye ntabwo nabisobanukiwe?!

**B.M.:** Ubwo se abantu babakurikira ntabwo babona ko bibeshya, bazi neza ko mpora ku isi hose? Nta congé yo gusenga ibaho, kuko n'urukundo ruhoraho igihe cyose.

**VAL.:** Hin. Aho rero abantu ntabwo bahabona, nta n'ubwo batekereza ngo bumve ko uba hose.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, uranyumva?

**VAL.:** KArame.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, vuga iryo jambo rikuri ku mutima maze woroherwe, kuko naribonye mbere y’uko uritekereza, kandi hari abo rigirira akamaro. Sibyo se?

**VAL.:** Karame. Rwose ndagusabye, kugira ngo uzampe ububabare bwose bubaho, ariko abantu bashobore kubona ubushishozi.

**B.M.:** Urumva wiyemeje kubabara, kugira ngo abantu bahinduke? Ubwo se uzongera ububabare ku bundi, kubera kwitangira abandi ngo bashobore gushishoza no gusenga neza?

**VAL.:** Hin. Yee? Oya. Erega burya gusenga ntabwo... Umuntu arasenga, ariko hariho igihe uba ufite amasengesho ajegajega.

**B.M.:** Uranyumva neza? Gusenga harimo uburyo bwinshi n’inzira nyinshi.

**VAL.:** Hin. Hin. Hakaba n’igihe usenga, ariko... (arimoza) isengesho utari wumva uburyohe bwaryo ngo bucengeremo, wumve bimeze nk’ibintu bikuryoheye buri muni iyo utangiye gusenga, icyo gihe rero gushishoza birakugora.

**B.M.:** Nawe urabizi ukuntu gusenga neza ari uburyohe?

**VAL.:** Hin. Niyo mpamvu mbasabye kugira ngo mbabare mu kigwi cy’abatifuza kubabara, ariko kugira ngo harokoke roho z’abantu benshi, kugira ngo abadashishoza bashobore kubona ubwo bushishozi. Ndabibasabye kandi nzabyemera uko muzabimpa kwose. Mbabare, ariko ububabare bugire imbuto nyinshi. None se ko aribwo butumwa bwanjye, kandi n’ubundi bikaba bimbabaza, byose ni kimwe. Ibyiza ni uko umuntu yababara, ariko akababarira ukuri. Hin? (ariruhutsa) ariko mbasabye imbaraga. Ngerageza kubihisha, ariko hari igihe byanga neza neza (araceceka). Murakoze (araceceka). Oya none se... Njyewe mpura n’ibibazo byinshi cyane. Ariko... (arimoza) byose nkabyirengagiza. None ko mwampaye iyo ngabire kugira ngo nirukane amashitani, arankubita! Agira gute! Ugasanga nabyimbagatanye nta mahoro mfite, ukabona... mbese ukabona nta n’icyo bimaze umuntu atari guhinduka. Ariko ibyinshi ndabigerageza.

**B.M.:** Mwana wanjye, ufashe umugambi mwiza, nkwiifurije kuzabishobora, no gutsinda shitani.

**VAL.:** Hin. Nizeye ko na biriya nzabirangiza, kandi nziko bizagenda neza.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ongera uririmbe iyi ndirimbo kuko harimo inyigisho nyinshi nshaka kubabwira nyivugiyemo. Yitwa: «Nzagutumikira».

**VAL.:** Hin. (araseka)

1. Aya masezerano yanjye nawe Mubyeyi,  
Nyashyize imbere yawe, ngo uyuzuze Mubyeyi  
Ntacyo nishoboreye. Nzagutumikira.

Inyikirizo:

Mariya mwiza (2)  
Mubyeyi wacu (2)  
Ndaje we, ndaje imbere yawe,  
Ngo umpe ubutumwa. Nzagutumikira.

2. Urampe imbaraga n'ubushishozi,  
Umpe n'urumuri n'ukwicisha bugufi,  
Byuzuzwe n'urukundo. Nzagutumikira. Inyikirizo

Ndabyemeye. icyo uzanyifuzaho cyose nzagikora, kandi nkwareye ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Ariko kandi nkagusaba n'imbaraga ko njye ndi umuntu, nkagusaba no kugira ngo ujye unyongerera urukundo, nkunde abantu bose, mème n'unyanga ntawe nshubije inyuma.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye rero, ngiye kuguha akazi. Ntiwambwiye ko uzakora icyo nkwishyirizaho cyose? Igihe rero kirageze ngo uvomerere indabo zanjye, kuko kubera ubushyuhwe zitangiye kuraba, kunanirwa no kugira inyota. Wumvise?

**VAL.:** Karame. Ariko se Maman, ko uvuga ngo ni indabo, kandi nagenda ngasanga abantu bose batoseee, bakambwira ngo nabamennyeho amazi ! Ntabwo nzabisubira nabaye mukuru.

**B.M.:** Ubavomerere niba ari abantu cyangwa ari indabo.

**VAL.:** Hin? Ariko, none se, i Kibeho waravugaga ngo indabo zanjye zumye, ngo izindi zifite inyota, nkavooma nkahagira, ngasanga natose... Najya kureba abantu bose, nkumva umwe ari kumbwira ngo namuteye amazi, kandi ntigeze mwegera.

**B.M.:** None se ushaka kunsuzugura ntuvomerere indabo zanjye ?

**VAL.:** Hin?... Ariko ugushaka kwawe gukorwe muri nyewe. Nakwareye ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

**B.M.**: Ubwo se iyo abantu bakuvuze bagusebya, cyangwa se bakugerekaho ibintu utakoze, ubyakira gute ? Ntabwo ubarakarira ngo utukane cyangwa se uvuge nabi ?

**VAL.**: Hin? Oya ndabyakira. Bamvuga ibiri byo, bambeshyera, byose ndabyakira ntacyo ninubira. Nta n’ubwo bimbabaza.

Kuko njye birankwiye. None se Yezu ko bamutukaguye, bakamugira gute, bazi neza ko ari Imana ! Yarangiza ati ndabyemeye. Ati kandi mubababarire ntibazi icyo bakora. Naho njyewe ndi umunyabyaha ! Bintera imbaraga nyinshi cyane.

**B.M.**: Ubu rero igihe kirageze cyo kuvomerera indabo zanjye, kandi ukabikora uko mbikubwiye. Ngaho terura ayo mazi uri bukoresha uvomerera indabo uyiyegereze hanyuma dutangire akazi. Kandi ugire vuba kuko zose zikeneye kubobezwa, zumaganye.

**VAL.**: (Yiyegereza amazi). Ndi kugira vuba ngo ntasanga ugiye ! Ahuuu ndarangije ! Erega ndangaye nasanga wagiye ! Se nasubira iwacu gute ?!

**B.M.**: Ngaho ujye usubiramo mu magambo ndi buvuge, ukore uko ndi bukore, urwo nkoraho nawe urukoreho.

**VAL.**: (Atera amazi y’umugisha abari aho mu mpande zose).

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwicisha bugufi, ukwiyoroshya, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y’abantu b’isi yose, umpe no kuwutangana ukwicisha bugufi n’icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi, ukwihangana, ubusabane, n’icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana, ukwiyoroshya no kwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y’abantu b’isi yose, kumva ko ndi igikoresho cyawe n’icy’ab’isi yose, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Hui ! Ariko mfite inyota nyinshi... navuuze, hin ? Ariko uzi ko muhinga indabo gusaaa, hin? Naho iwacu... he! Ino aha harashyuha cyane! Nta... hin.

**B.M.**: Ariko se ko mbona uri guseka cyane ushimishijwe n’iki?

**VAL.**: Iyo turi kumwe numva nishimye cyane. Ariko niyo tutari kumwe mba numva ko uhari. Hin? Hin. Ese wajya gukora

akazi utariye, kuko narangiza kuvomerera inzara yanyishe... nituye hasi. Iwacu turarya cyane! (Araseka) Ahuuu.  
Ubu ngiye gukora ibyo wifuza byose. Nizere ko abantu b'iwacu batari kumbona, hari abantu b'abanyamahanga benshi.

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, ururabo ugeraho ukabona ndufasheho, nawe urufateho maze usubiremo amagambo ndi buvuge ndufasheho nawe urufasheho. Wumvise neza?

### **UBUTUMWA BW'ABANTU KU GITI CYABO**

Mme C: Mwana wanjye, ndi kumwe nawe, ibyo wahuye nabyo byose ndabizi. Ninjye wakubaye hafi kandi ndacyari kumwe nawe igihe cyose n'abawe bose. Usenge ubikuye ku mutima, usabe ubushishozi kandi uzahabwa. Ukomereze aho ugeze, ninjye wakweretse.

Mme X: Ibuka ko ahantu hose nari ndi twari kumwe, naho wanyuze naguherekeje. Humura, senga kandi usabe ubushishozi, nk'uko washoboye gushishoza ukava muri biriya. Ibuka ijambo nakubwiye tukiri mu gihugu iwacu.

**B.M.:** «Bana banjye, ntabwo kunywera ku rushyi ari agasuzuguro. Nababwiye ko kuva kera, ari unyweye amazi n'utanyanyweye mwese muba mufite inyota yanjye».

Mr A: Nkuko wavuye kure uje kunsanganira, mwana wanjye, nguhaye icyubahiro cya Nyagasani.

Mr O: Ninjye nakuragiye aho waciye hose. Ibyo wahuye nabyo byose, ninjye wakinze igishura cyange kugira ngo udapfa. Senga, usabe imbaraga, ubushishozi, kandi ujye ubwira Imana icyo wifuza cyose.

Mme C (utari uwo twavuze hejuru):

Mwana wanjye, ninjye wakuburiye, kugira ngo nsove (sauver) roho Yawe n'iy'umwana kubera ko unkunda. Niyo mpamvu naguhamagaye ndakubwira nti : «urajya gushaka iki i Tsévié, ko naguhaye byose». C'est moi qui ai dit.

**B.M.:** Ahongaho ukoze ikosa, bavuga ngo «c'est moi qui te l'ai dit».

Mme X (uwo twavuze hejuru):

Nguhaye ubwa kabiri kubera ko ufite inyota, kugira ngo n'iyonyota ufite uyishyire ku mwana.

Umwana B (umwana wa Mme X):

Mwana wanjye, amazi wanyoye n'ibyo bagukoreyeho bihanagujwe

n'urukundo rwanjye. Ibyo bakubwiye, ntabwo ari njye wabibabwiye.  
Utazategereza ukumva ko Umubyeyi wo  
mu ijuru ari umubeshyi. (Reba ibisobanuro hasi)

**VAL.:** Ahuuu ndananiwe. Zose indabo nazirangije. Ariko se Maman, kuki uri  
kumbwira amagambo, warangiza... none se  
indabo bagomba kuzisukira kugira ngo zikure neza, cyangwa bashyira mu  
mizi kugira ngo zituma ?

**B.M.:** Wowe ibyo ntibikureba rwose, kora ibyo nkubwiye, kuko iwacu ari ko  
tubigenza, ntabwo rero ari nkamwe.

**VAL.:** Nkore ibyo umbwiye.

**Mme B:** Ntubabazwe n'uko wakerewe. Unkunda ntabwo ajya atandukana  
nanjye.

**VAL.:** Ahuuu ndarangije.

**B.M.:** ntabwo urarangiza, hari izo utaravomerera.

**VAL.:** None se nashira njyewe ndanywa iki?

**Mme A:** Mwana wanjye, uko wavuye mu bitaro uje kunsanganira, uko ufite  
inyota yanjye, nguhaye urukundo  
n'icyubahiro cya Nyagasani, n'ubusabane ku Mana. Ntawinubira  
kubabara, ahubwo asaba imbaraga zo  
kubyakira.

**VAL.:** Asigaye ni ayanjye. Ni duke cyane. Ahui.

**B.M.:** «Bana banjye, ntabwo bivuga ko utanyweye amazi adafite inyota yanjye  
cyangwa se atankunda. Ari uwayanyweye  
n'utanyweye, mwese mfite inyota yanjye kandi muri abana banjye.  
Uwemera abikuye ku mutima, unkunda  
nk'uko nanjye mukunda, icyo mbasabye ni ugukundana, gusenga, kwicuza,  
gusabana imbabazi, kwicisha bugufi,  
maze mukansaba ibyo mwifuza byose, kuko mfite byinshi byo gutanga.  
Ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga  
n'abanyabyaha. Ntabwo rero ntera abana banjye ubwoba cyangwa ngo  
mbakure umutima, cyangwa ngo ngire abo  
mpamagara n'abo nsubiza inyuma. Mwese murareshya imbere yanjye».

**VAL.:** Ahaa... Ahui. Ndarangije. Hin. Ubwo se... uziko...nsanze ari abantu se  
ubwo nabigenza gute?! Yewe, nahita  
nirukanka !

**B.M.:** None wowe ukorera amaso y'abantu ko numva ubatinye?

**VAL.:** Hin? Ntabwo uziko bariya bavuga ngo, kubera ko ngo banyagiwe n'imvura nyinshi, ngo warababwiye ngo bakubabarire ?!

**B.M.:** Ryari ? Hehe ? Mbwira nde ?

**VAL.:** Hin? Igihe imvura yaguye nyinshi...abantu baranyagiwe batangiye kwinuba...

**B.M.:** Ubwo se wowe wabonye ari byo koko ?

**VAL.:** Nibyo da! Byarabaye.

**B.M.:** Ko njyewe ntabyo nzi nta n'ibyo nabonye kuko aho nari ndi nta mvura yahaguye, n'ayo magambo ntayo numvise.

**VAL.:** Hin? Ntabwo wabibonye? Twe twarabibonye hose, no ku byuma by'abazungu.

**B.M.:** Uribuka ijambo ryavuzwe uwo muni ?

**VAL.:** Hin. Baravuze ngo (arimoza) : Bana banjye kubera ko nabanyagije mumbabarire. None se ko wari...wari...nari mpari da ! Nari mpari, nanjye naranyagiwe. Ariko ntabwo wansabye imbabazi.

**B.M.:** Mwana wanjye, ibyo uvuga urabikura hehe koko, ko ntawe nabibwiye ngo ambabarire.

**VAL.:** (araseka) hin. Oya. None se ko (araseka cyane) None se ko abantu bose mwabasabye imbabazi !

**B.M.:** Nyiramukiza mwana wanjye, tega amatwi wumve neza, ntabwo ari njyewe wari uhari, nta n'ubwo ari njye babona rwose unyumve neza, kuko birambabaza cyane.

**VAL.:** Hin? Ntabwo ari wowe ? Hen ? Kandi twarabonye n'izuba ryikaraga, bakavuga ngo wabasuye ! Hin ? Ntabwo wowe wabibonye ? Aho rero niho hatumye abantu benshi bemera ko ari mwe muri yo.

**B.M.:** Ni ikihe kimenyetso ? Abantu se bagomba kwemezwa n'ibitangaza cyangwa se bahaza kubera gukurikira ibyo bitangaza byabo bidashira ?! Niba rero mutabizi, ayo ni amakuzo y'isi n'abatazi agaciro kanjye.

**VAL.:** Hin! Kubera ko izuba ryahindutse rirabyina. Hin. Nanjye narabibonye !

**B.M.:** Hari icyo se nawe wabonyemo nk'abandi ?



**VAL.:** Nta kintu nabonyemo, ariko nabonaga izuba riri kubyina bisanzwe.

**B.M.:** Ngaho subira mo muri aya magambo nkubwiye.

**VAL.:** Hin?

**B.M.:** «Ibyo mbimusubirishijemo kugira ngo mubyumve neza. Ntabwo ari nje nari mpari. Kuko nimba imvura ari umugisha, iyo umubyeyi ahaye abana be umugisha, ntabwo asubira inyuma ngo yicuze icyo yakoze. Mbasabye imbabazi, ni nk'aho nababwiye ko ntacyo nabamariye. Bana banjye, umwaka washize navuze mu migani, mbacira amarenga ariko ntibabyumva. Niyo mpamvu mpisemo kuvuga natuye, kugira ngo ufite ubushishozi abukoreshe n'utabufite abushake, n'ubiyirengagiza azajye yibuka ko nabimubwiye».

**VAL.:** (Yongerera gupfundikira amazi). Ndi gusubiza ibintu byanyu kugira ngo mutagira ngo nabitwaye !

**B.M.:** Hanyuma se icyo wakoresheje wagikuye hehe ?

**VAL.:** Hin? Ikingiki nakibonye hasi ! Ahuu.

**B.M.:** «Bana banjye, mutege amatwi, ntabwo mbabwiye ko ngiye mu mahanga. Ariko iyo umushyitsi yagiye gusura abantu abazzeraho. Iyo ari umubyeyi rero, abwira abana be ngo mwirirwe, kuko aba azi ko buri gihe bahorana nawe, kandi ko azagaruka kubasura».

**VAL.:** Ugiye kugenda? Turajyana. Ndajya kuzana abana tugende twese. Hin ? Ndaguherekeza nzagaruka ejo.

**B.M.:** Ubwo se abaje ngo musengane, urabasiga bonyine kandi ko mutarangije n'ishapure ? Baragutegereje bose.

**VAL.:** Hin? Nta kibazo ! Oya. None se uzajya uhora uza iwacu twebwe tutaza iwanyu ? Ewe uzi ko nibagiwe kukubwira !...

**B.M.:** Nta gihe kirarenga ngaho mbwira, nguteze amatwi.

**VAL.:** Oya. Nzakubwira turi twenyine.

**B.M.:** Ngaho ongera usubiremo ibyo nkubwiye kuko ngiye kugenda, mfite akazi kenshi iwacu.

**VAL.:** Hin.

**B.M.:** «Bana banjye, mbahaye ubusabane, icyubahiro cya Nyagasani, ubudacogora, kugira ngo ibyo byose mubikoreshe, maze musenge, mujye mushobora gushishoza, no kugira ngo igihe umwanzi ashaka kukumeneramo ube wamubonye. Mube urumuri rw'abatabona, kandi muzere imbuto nyinshi». Ngaho tera aya masengesho akurikira, mu rurimi rwawe no mu rurimi rw'abari aho ngaho bumva (français), kuko ari abanyamahanga, hamwe n'abandi bose bahari. Ubu ngiye kugenda, nzagaruka ubutaha. Uranyumva ?

**VAL.:** – Dawe uri mu ijuru...  
 – Ndakuramutsa Mariya...  
 – Hubahwe Imana Data...  
 – Yezu wacu...  
 – Notre Père, qui es aux cieux...  
 – Je vous salue, Marie...  
 – Gloire au Père...  
 – O mon Jésus...

Wirirwe Maman. Au revoir.

---

Ibonekerwa ryarangiyeye saa saba na mirongo ine n'itanu (13H45)

Byafashwe kuri cassette na Salama NAKURE  
 Umwanditsi : Claude Gahizi.

## INGERO Z'IBINTU BIMWE BITEYE ISONI N'AGAHINDA MU BIBERA I TSEVIE BYASHAVUJE UMUBYEYI BIKIRA MARIYA

(1) «Bikira Mariya w'i Tsévié» yigeze gutangaza amazina y'abapadiri batatu ngo b'abana be akunda cyane. Hari n'umubikira yavuze ko atari mu bana be. Ubundi ahamagara kuri podium abana be ngo ashaka ko barindwa bikomeye, ati kandi uzabanga niwe uzapfa mbere. Muri abo bana be harimo mushiki w'umwe mu babonekerwa w'umunyarwanda. Ubundi ati : muceceke mwa bicucu mwe (imbéciles) murimo kurogoya.

(2) Akiza ubwa mbere ngo yasanze abaje kumusanganira badafite umutima usukuye nuko abaha igihano cyo kuvuga Rozari yose, bakaza kumutegereza nyuma y'amasaha atatu.

Muri iryo bonekerwa, umusaraba wari urambitse ku meza waje kwitura hasi ntawe uwukozeho. Hari n'umurwayi ubonekerwa yarambuyeho ibiganza, noneho aremba kurushaho. Kuri uwo munsu kandi «Bikira Mariya» yahamagaje umupadiri wo muri misiyoni ya Tsévié ngo aze aho ibonekerwa ryaberaga. Yamuhamagaje inshuro nyinshi, nuko abonye ataje, ati nimumwihorere mu kanya ndamutera. Hari n'umunsi

umukobwa umwe wari wahawe rendez-vous yo kubonekerwa yabuze ngo yarwaye.

- (3) Hashize umwaka ayo mabonekerwa y'i Tsévié atangiye, «Bikira Mariya» wabo wahoraga ahindura iminsi n'amasaha yo kubonekerwa, noneho yatanze konji y'amezi abiri, ngo agiye mu rugendo mu Bwongereza, ngo aho yari afite akazi kenshi.
- (4) Hari n'igihe batanze rendez-vous y'akataraboneka, bavuga ngo utazaza azaba ahombye, kuko ngo kuri uwo muni hagombaga kuba ibitangaza byinshi.
- (5) Ku itariki ya 9 Gicurasi 1998, umunyarwanda yahawe rendez-vous ariko ntiyabonekerwa, ahubwo habonekerwa abakobwa b'abanyatogokazi. Abo bakobwa kandi ngo batowe n'uwo munyarwanda abaramburiyeho ibiganza.

#### **IBISOBANURO KU BUTUMWA BWIHARIYE** (kuri bamwe)

Mr O: Uwo musore yambukanyije Zaïre yose ku maguru, mu kiriri cy'impunzi ibihumbi. Bahuye n'ibibazo bitagira ingano mu nzira. Bakigera no muri Congo Brazzaville, bakubitana n'intambara yaho.

Umwana B:

uwo mwana uri mu kigero cy'imyaka cumi yahoze muri Zambia, ari naho yamenyaniye n'umwe mu babonekerwa b'i Tsévié w'umunyarwanda. Aho muri Zambia ngo uwo musore ubonekerwa yamuhaye «amazi y'umugisha», amuramburiraho ibiganza amubwira ko ngo nawe azabonekerwa na Bikira Mariya.

#### **UBUHAMYA**

Ibonekerwa ryo ku ya 15 Gicurasi 1999 rirangiye, umunyarwandakazi, Mme X, n'umunyatogokazi Mme C, batanze ubuhamyamba ku byo babonye i Tsévié no muri Zambia, abari aho bose barumirwa.

## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**

**I BURUSELI MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2000.**

### **Intangiriro:**

Nkuko bisanzwe bigenda, abantu bamenyereye i by'i Kibeho, bazi ko kuva muri 1995, mu buhungiro, Valentine yakomeje kubonekerwa n'Umubyeyi Bikira Mariya buri mwaka ku itariki ya 15 Gicurasi. Abantu rero bashishikariye kujya babaririza aho Valentine ageze, maze kuri iyo tariki bagateranira aho ari ngo bifatanye mu masengesho, baze no kumva ubutumwa Umubyeyi ari buzane. icyo gihe rero Valentine yari yaraye yimukiye kuri « Rue des Artisans, n° 7, muri 1050 BRUXELLES ». Mu gitondo kare, abantu batangiyeye kuza, maze nkuko buri gihe babikoraga, batangira igitarimo kigizwe n'ishapure n'indirimo zinyuranye bateraniye bamwe muri salon abandi bari hanze kuko bose batari gukwirwa mu nzu. Na Valentine afatanye n'abakristu iryo sengesho.

Saa sita zuzuye, Valentine arapfukama maze aherako agira ati :

**Icyitonderwa:** ahanditse VAL. mujye musoma VALENTINE.

Naho ahanditse B.M. musome BIKIRA MARIYA.

**VAL.:** Karame. Ndi hano, uvuge icyo ushaka, umuja wawe arumva. Ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

Hin (*araceveka*). Turagukunda n'ubwo turi abanyanteye nkeya. Hin?

Uwari kukwereka abantu nasize mu rugo ukuntu bari baje bishimye. Nanjye byanshimishije kuko ari ubwa mbere nabibona. Ariko mbere yo kugira ngo Mubyeyi, tunganire, ungezeho icyo wifuza, ukigeze no kubabishaka ndetse n'ababikunda, ubanze utubabarire ibyaha byacu, ubanze witse imitima yacu ihagaze, iremerewe n'ibibazo cyangwa se ibyishimo, buri muntu agiye atandukana n'undi.

Ndetse ugende ugenderere ba bantu bose nasize mu nzu, bose ubahundagazeho imigisha, ubaramburireho ibiganza byawe, ubahumurize, kuko twese dufite imitima ihagaze. Hi ? Twishimiye ko wongeye kuza nkuko twajyaga tugutaramira i Kibeho. Hii (*yitsa imitima*).

*Atera aya masengesho :*

***Isengesho ryo kwicuza ibyaha***  
***Je confesse à Dieu Tout puissant***

**B.M. :** Bana banjye, ndabakunda, ndabakumbura, niyo mpamvu nanjye nje kubasura. Uje ansanga abikuye ku mutima, anyizera kandi yizera umwana wanjye,

azi uwo akorera n’uwo abwira ko amwumva, iyo asabye arahabwa, n’iyo asabye imbabazi arababarirwa, iyo yicishije bugufi akemera icyaha cye.

Bana banjye, ndabakunda. Mbaramuburiyeho ibiganza bya kibyezi. N’umwana wanjye ndi kumwe na we, na we arabakunda. Musabye ko abaramburiraho ibiganza by’agakiza, abafite imitima ihagaze, abafite ibibazo, mwese muruhuke bana banjye, naje mbasanga kandi sinzabatererana.

**VAL.:** Urakoze Maman, uri Umubyeyi koko turagushimiye. Ningera no mu rugo ndabwira abo nasize na bo bagushimire. Hari benshi bahangayitse, nanjye ndimo. Oya da! Njye ntacyo mbaye! Hin.

**B.M.:** Biranshimishije bana banjye, kuko nibutse ukuntu najyaga nza mukambyinira, nanjye nkabasanganira ndi Umubyeyi, nkaza mbasanga nishimye. Nanjye muri kano kanya, ibiri ku isi ni byinshi, ariko nanjye ndishimye bana banjye. Mubigeze no kubadahari. N’uwabuze ujo aza, ndamuha ibyo namwe nabageneye. Unyizera wese ansabira aho ari kuko mba hose, no mu nzira mba mpari, no mu nzu, kuko Umubyeyi adatandukana n’abana be.

**VAL.:** Urakoze Maman. Erega ntabwo twe tuzi gushimira! Hin. Urebye ukuntu nishimye ... Hin. Karame.

**B.M.:** Bana banjye, nababwiye ko ntazabasiga nk’impfubyi, ko nzabatumaho. Sinigeze mbatererana, kuko buri mwaka mbatumaho.

**VAL.:** Udutumaho? (araceceka). Ariko rero biradushimisha. Ariko kubera ko hari benshi baba bifuzaga kuba bahari, abandi tukifuzaga kuba twasubira i Kibeho ... Njye buri gihe mba mpora ntegereje numva ko wambwira ngo ningende. N’ubu umbwiye nagenda! Tukajya twongera tukagutaramira, tukishima, kuko n’abari mu Rwanda baragukunda, kandi baragushaka, hari n’abafite inyota rwose. Hin. Ariko twizeye ko bizashoboka. Ariko se Maman, ko iwacu izuba ryavuye, iwanyu hakabva hameze neza kandi mbona indabo zanyu ari nyinshi, iwacu shwi! Twari twashyuhiranye! Hin. Oya, baje kunsura ariko ndongera mbasange mu rugo. Hin.

**B.M.:** Bana banjye, nabahaye ubwenge, mbaha ubumenyi ngo mujye mushobora kubwira n’abandi. Nta we urya undi ashonje!

**VAL.:** *Araririmba:*

**R.:** *Dutete, twifitiye Umubyeyi ....  
Umubyeyi mwiza, ni Mariya  
Ukiza abarwayi, ni Mariya  
Umara intimba abayifite, ni Mariya*

Karame !

**B.M.:** Bana banjye, buri gihe mpora mbasubiriramo mbasaba urukundo, mbasaba ubusabane. Byanshimisha uko mwaje kunyakira dusabanye, dukundanye,

tubabariranye, umwe n’undi. Byanshimisha duhereje Uwaducunguye ibituremereye byose kuko ari We ufite uburyo bwo kubitwara. Ntananirwa, nta n’ubwo yinuba. Byanshimisha dusangiye ibere rimwe n’uwatwonkeje kandi akitugaburira.

**VAL.:** Ariko se Maman, icyo kinyrwanda iwanyu kirahaba? Njyewe ahubwo ntabwo ndi kumva icyo ushaka kuvuga.

**B.M.:** Ndashaka kuvuga ko mwese muri abana banjye. Ntabwo ntoranya, kandi mwese narabonkeje n’ubu ndacyabagaburira.

**VAL.:** Aracecekaaaa, maze araririmba:

***Naje mbasanga, naje mbakunze  
Ndi umunyabyaha bana banjye?  
Ni mugaruke, siko nitwa, siko nteye, niko mwanyise. (2x)  
Ni muhumure mbatabare.***

Hin ? Narayibagiwe. (*Asubiramo indirimbo*)

***Ni muhumure mbatabare ....***

*Arongorera ati : ntabwo nkiyibuka*

*Arakomeza ati :*

***Bana banjye naje mbasanga  
Njye ndabakunda, njye ndabatashye  
Ni muhumure mbatabare***

Narayibagiwe (*ariseka*). Erega hashize igihe! Ujye unshyamba buri muni hanyuma unyigishe. Oya, ntabwo ndi kubikora mbishaka! Hin? Noneho ni muririmbe numve ndayikomeza.

*Hashize akanya arongera:*

***Bana banjye naje mbasanga,  
njye ndabakunda, njye ndabatashya, igihe cyose mbatumaho***

***Ni muhumure, ni mugaruke, inzira yanjye ni intamenywa  
Dore ndaje, dore ndababwira nti nimuhumure***

***Kaze, kaze Kibeho yahiriwe***

***Nyise ingoro yanjye simbabeshya, ni ikiriri gisasira abasinzira  
Ni uburiri butabara abarembye.  
Ni ingobyi impekera abarwayi.  
Shuri ryanjye ndaribeguriye, namwe ababyeyi ni mumfashe  
Kaze neza Kibeho, kuko naje ngusanga uranyakira.***

Ariko uzi imyaka ishize ! Ni myinshi cyane. Hin. Hin. Erega nanjye nari nkeneye no kumva ijwi ryawe. Urambwira ngo ndirimbe, ukumva gusa. Hin, hin.

**B.M.:** Bana banjye, ntabwo ari ubwiza bwo kuririmba gusa, nagira ngo mwumve amagambo arimo. Uko banyita siko ndi. Ntabwo ndi umunyabyaha, niko banyise, ndabyemera kandi nkababarira. Namwe mujye mubabarira.

**VAL.:** Erega Maman, kubabarira biraruhije! Hii. Turi abanyantege nke.

Urababarira ariko ukibuka. Cyangwa se wasaba n'imbabazi, hakaba igihe uzihawe.

Ariko ntabwo, ntabwo byoroshye ku muntu. Ariko tuzabigerageza. Ningera mu rugo byose ndabibabwira ngo ... Hin? Bagerageze kubabarira? Cyangwa ubibwirire, ko baje kukureba! No kukumva! Cyangwa bese ubiyereke hanyuma ubabwire. Uzi ko harimo abantu benshi! Umuntu agira isoni. Hin. Harimo abana, abantu bakuru, abakiri bato ... ubwo se wahera he? Ariko kubera ko uri Umubyeyi, twese ubitubwire. Hin. Karame. Araceceka. Hin. Nanjye ngusabye kujya mbabarira n'umutima wanjye wose, kandi mbigusabye mbikuye ku mutima. Hin. Ihin! Ujye umpa kwicisha bugufi, menye kwemera icyaha no gusaba imbabazi. N'umbwiye nabi nsubire inyuma musabe imbabazi. Hin, oya muri iyi minsi byarahindutse. Hiii. Oya nabaye umwana mubi. Oya, ariko rero umenye ko ndi umuntu. Hari igihe wumva wihanganye ukababarira, wagera hirya ukavuga uti ariko se buriya ... ubwo urumva ntaba mbyishe? Kandi sijye njyenyine, abantu bese niko babigenza. Hin? Ariko se Maman, reka nkubwire ikintu (*yitse imitima*) urabona ko igihe gishize ni cyinshi. Urabona ko kuva mwanyigaragariza ku tariki 15 z'ukwa gatanu 82 kugeza kuri uyu muni, urabona ko maze gusaza, ubu nabaye umukecuru, ubu nta kintu kibaho ntazi, cyaba ikibi, cyaba icyiza, none se, hin, mbere nari muzima ariko ubu naramunzwe. Hii. Hin? Kuba mu bantu ntabwo byoroshye, no kubana na bo ntibyoroshye. Nne rero ngiye kugusaba ikintu kimwe gusa, kugira ngo utagenda ntarakikubwira kandi ntugihe nje gusa, ugihe n'undi wese ugishaka, no mu bo nasize mu rugo rwose, ucyifuzza ukimuhe. N'uwo ubona atagitekereza ariko agikeneye na we ukimuhe. Ndagusaba ikintu kimwe gusa, ndagusaba kwimenya, kwicisha bugufi, nkemera ikosa, kuko icyo umuntu atazi ikosa ntashobora no gusaba imbabazi. Ndizera ko mwumva icyo nshaka kubabwira, icyo umwana abwira nyina ... arumva vuba. Hari n'abandi bameze nkanjye. Rwose mbikubwiye mbikuye ku mutima, nimba ubona mbikwiye n'abandi bese babikwiye, uduhe ukwicisha bugufi kugira ngo tujye tugira imbaraga zo gusaba imbabazi.

Ndagerageza, ariko (*arimyoza*) ntabwo bikiri nka kera. Nimba ari kugera i Burayi, ubu abantu bese barahindutse! Nimba ari iki! Byaranyobeye wa Mubyeyi wel None se, hari ukuntu umuntu asaba imbabazi, ariko ntiwibagirwe. Cya kindi wasabiye imbabazi kigakomeza kikagaruka, ibyo nibyo rero nshaka kugusaba, nkagisabira imbabazi sinzongere no kumenya ko gihari. Nkuko umuntu

aryoherwa n'isengesho, ndagusaba kugira ngo natwe tujye turibwa n'icyaha, kugira ngo dushobore kucyikuraho. Kuko ntabwo kitubabaza. Hin? Karame.

**B.M.:** Bana banjye, mutege amatwi mbabwire. Naje kugira ngo mbamare igishyika, kugira ngo mumbwire kuko ndi mwumve, kuko abenshi mwari mufite inyota. Tukiri mu Rwanda - jyewe ndahahora, mba n'ahantu hose, ndavuga mwebwe bana banjye - narababwiye nti: muzazerera hose munshakashaka, kandi naraje ntimwumve ibyo mbabwira. Nta we usiga umugisha mu nzu ngo awusange hanze.

**VAL.:** Maman, uwo mugani nta .... Ni umugani? Ntabwo ndi kumva icyo ari cyo « Nta we usiga umugisha mu nzu ngo awusange hanze ». None se ko twavuye mu rugo tukaza, nta mugisha wari uhari? Hii, hii!

**B.M.:** Ntabwo ari ibyo nshaka kubabwira, bana banjye, ndashaka kubabwira ko iyo umushyitsi agusuye, uramwakira wishimye, ukanamusezerera akishima, ndetse ukamuherekeza. Ariko iyo akomanze agasanga udahari cyangwa ntufungure, hari igihe atagaruka, akumva ko umwirengagije. Njyewe si uko mbivuga, ninkomanga simpabasange, nzagaruka, kuko naje mbasanga, nkaza mbakunze. Niyo mpamvu n'ubu naje mbasanga, kuko nababwiye ko aho muzajya hose tuzaba turi kumwe.

**VAL.:** Urakoze Maman (*yitsa imitima*).

**B.M.:** Mujye mushishoza musabe imbaraga, musabe urumuri kandi benshi nabahaye urumuri ntimuzi kurukoresha, mbaha ubushishozi ntimubukoresha.

**VAL.:** Ariko ntabwo ari amakosa yacu. Twebwe turi abantu b'abanyanteye nkel Turashishoza... hakabaho igihe dushishoje ahubwo ibyapfuye. Tukumva ko ari bwo bushishozi dufite. Rwose wa Mubyeyi we, ntuzadutererane, hano turi tumerewe nabi. N'abatari hano muri iki gihugu, n'abari hose, nyabuna rwose ujye uba .... uduhoze mu gishura cyawe, uwazaga agasanga wese, n'uwaguye, umuzahure. Shitani ujye umenya ko itera kwinshi ikaza yiyegereza abantu, kandi nta we unanira umushuka. Hari na kamere tugira, ntitumenye kuzirwanya.

*Araririmba:*

*Ngwino Rumuri rwa Nyirigira,  
Ngwino Roho w'Imana Ihoraho  
Ngwino Mbaraga za Nyagasani,  
Ngwino Bubasha dukeshya ubuzima  
Ngwino uture mu mitima yacu,  
uduhe urukundo rudashira.*

*Ku bwa Roho w'Imana y'Indahemuka,  
Matriya yatubyariye Umucunguzi  
Ntiduteze kurohama turi kumwe twizeye Ubutatu Butagarifu  
R.*

*Ni wowe rukundo rw'Iyaturemye, ni wowe mukiro w'abakwambaza*



*Uri Imana nzima turagusingiza, twizahirwe no kurata Uhoraho*

**R.**

**B.M.:** Bana banjye ntimugatinye kuvuga uwo mukunda. Ntimugatinye gukosora bagenzi banyu. Uzajya aremererwa ku mutima, mu bibazo no mu bitekerezo, aje yiherera avuge ati: “Nyagasani ko twagendanaga ukaba untereranye, urabona ndabigenza nte?” Aho ngaho ntabwo uzatereranwa kuko iyo umubyeyi yitabaje umwana amwizeye ntamusubiza inyuma, n’iyo umwana yitabaje umubyeyi amwizeye, ntamusubiza inyuma.

**VAL.:** (*Yitsa imitima*). Ariko se Maman, hari n’ibindi ubu ngubu nayobewe... Hin, nzi ko wabitubwiye, ariko buri gihe nkubonye ngomba kukubaza, nkagutetaho uko nshaka kwose. Hin. Urabona hari ibintu byinshi, n’abantu benshi bamamaza ugushaka kwawe, bamamaza ubutumwa bwawe. Twebwe, twebwe muntu, ntabwo tubona nkuko ureba. Uzi n’ibyabaye iwacu mu Rwanda. Wigaragarije benshi, tugenda ducika intege bamwe bamwe, abandi barakomeza, kuko umuntu ari umuntu. None ndakwinginze, Mubyeyi, ugenderere abo wigaragarije bose, basarurire umugozi umwe, ubahozeho ijisho, twe kubera abantu ibigusha, tubere abandi urumuri. Twe kwinubira abadutoteza, twe kwinubira ibutababaza. Ejo nibwo natekereje ku butumwa mwampaye, nari narabwibagiwe, ariko atari ukwibagirwa byo kwibagirwa, nuko mu gihe nahuye n’ibibazo, nibagiwe ko ubutumwa bwanjye ari ukubababara, sinabizirikanao ko ngomba kubabara, ngo mbese ntabwo nabyumvise. Sinibuka ko ngomba gutotezwa kugira ngo mfashe Yezu gukiza isi. Sinibuka ko (*arimyoza*)... narabyibagiwe. Narabi .... yego narabi ... byaraje, ariko ntabwo nibutse ko ari bwo butumwa bwanjye. None rero Mubyeyi, rwose ndabyemeye. Ubu ngubu n’uzajya ambwira nabi nzajya mushimira, n’ungiriye nabi mbimushimire, kuko narababaye nibagirwa no kubigushimira, nibagirwa ko n’ubutumwa bwanjye ari ukubabara kugira ngo mfashe Yezu gukiza isi. Ahubwo nkumva umuntu ampemukiye, ko ari kumbabaza, kandi yenda ari gukora uko bigomba kugenda (*arimyoza, yitse imitima*). Uzi ko nari mfite iyo ngabire, ariko naribagiwe. None se ko wampaye ingabire nyinshi! Hari izo nkoresha nanjye nkaba umuntu, izindi ... Umenya ahari mbura n’igihe cyo kuzikoresha. None se urabona, nka kuriya mwampaye kureba icyo umuntu atekereza. Hari igihe mbona umuntu ambwira ibintu, (*arimyoza*) ngashaka kumubwira ko ambeshya. Hariho igihe ntomboka bamwe nkabibabwira, ubundingaceceka. Ukabona nk’umuntu akubwiye ikintu atari cyo afite mu mutima. Kandi abenshi ntabwo babizi, ariko ndabibona, nkabona ko ambeshye, nkabona ko n’urukundo azanye nta ruhari, cyangwa se nkabona ko ibyo yifuza (*arimyoza*) ... ariko nkabyakira gutyo. None se ko wampaye ingabire yo gusabira amasandi, ni ukuvuga abakiritika (*critiquer*) iby’Imana n’abahinyura iby’Imana, no gusabira abafashwe n’amashitani, nzabikora nte? gihe ki? ryari? hehe? Hano urabizi, ni mu bihugu by’iwanyu, twebwe iwacu urabizi, mbwira nawe aho wahera? Ni byo gusa ibyo nkubwiye, ntaho wahera nta n’uwo ubwira ngo akumve,

ahubwo n’uguhindura umuntu umusazi. N’icyaha gihinduka ukuri. Oya, ntabwo mbyinubira, ntabwo mbyinubira Maman, rimwe na rimwe ndabikora, ariko ntabwo byoroshye bitewe n’igihe gitoya cyangwa n’akazi kenshi.

**B.M.:** Bana banjye, buri muntu wese afite ububasha bwo gukiza mugenzi we, niyo mpamvu bavuga ko isengesho ridakubiye mu gikorwa riba ripfuye. Iyo usengeye mugenzi wawe, uba umukijije. Iyo umwibutse mu isengesho ryawe, uba umukijije, ndetse n’iyo mugiranye inama. Nabaciriye imigani myinshi, mutege amatwi mbasubirire mu mugani nabaciriye: « Umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye ».

**VAL.:** Ngo: « Umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye »! Erega twebwe ntabwo tuzi imigani. Wenda abakera bayimenya, ariko iyo muducira ntabwo ihuye n’iyo twumva abakuru bacu bavuga. Iyanyu irahanitse Mama.

**B.M.:** Wiruka kuri byinshi ....

**VAL.:** Hin?

**B.M.:** Ndashaka kubaha inzira: Wiruka kuri byinshi bitagufitiye akamaro, ugasiga ikigufitiye akamaro, maze bya bindi wirukiye ugasanga byarapfuye.

**VAL.:** Ntabwo byoroshye. N’ubwo ntabwo njye ndi kubyumva.

**B.M.:** Bana banjye, murambure ibiganza byanyu mbahe icyo nabateguriye: Mbahaye icyubahiro cya Nyagasani, ubusabane ku Mana, mbahaye urukundo rwa kibyezi, n’Umwana wanjye arambuye ikiganza cy’iburyo, arabababariye.

**VAL.:** Udushimirire kuko twe ntabyo dushoboye, ariko turagushimiye, kandi ngushimiye no mu mwanya w’abadahari bese.

#### **UBUTUMWA BWIHARIYE AHAYE UMWANA URI AHO WITWA MARIYA :**

**B.M.:** Mwana wanjye, nguhaye urukundo rwanjye. Urababaye, ariko abana banjye bahora bababaye, kandi sinzagutererana.

**VAL.:** Ariko twese turababaye!

*Araririmba:*

*Twese intama z’Imana, tukugane dutakamba  
Turagutabaza Roho Mutagatifu*

*Uwo Umwami Yezu yasezeranije abe  
Duhe ingabire zawe.*

Maman, murakoze. Ariko se, akenshi ko umbwira kuririmba indirimbo, hakabaho igihe nyiciyemo hagati, cyangwa nkaririmba igitero kimwe, cyangwa nkayiririmba

sinyirangize, ni ukubera iki? Yego uba ugira ngo dukuremo inyigisho ariko nakubwiye ko twebwe turi abantu, ujye uduha imbaraga zo gushishoza, kandi turabashimiye.

**B.M.:** Bana banjye, uko mwavuye mu bihugu byinshi, impande zose muje kunyakira, nanjye mbakiranye urukundo, mbakiranye umutima wa kibyezi, ntimuzantenguhe.

**VAL.:** Hin? Tuzabigerageza. Ariko Maman, ubwo ko uba uri kumbwira ukavuga ngo „ba“, kandi ari jye gusa, jya uvuga ngo: „Mwana wanjye“

Hin? Abantu bari iwacu, uzi ko narindi kugira isoni! Bari benshi! Ariko nishimye. Ni ubwa mbere kuva twahunga, ubundi nabaga meze gutya ndi jyenye. Uri Umubyeyi koko! Uduhere inzu twese umugisha. N'abatari hano ugende mu ngo zabo ubahe umugisha. Ubabarire n'abasigaye mu rugo, n'abana badahari, ndetse n'abatakwemera, ubaramburireho ibiganza byawe. Ariko Maman, ko wigeze kumpa amavuta i Kibeho, na none mu gihe cyashize ko nigeze kubabara ayo mavuta akaza, wakongeye ukayaduha. Hin? Uduhaye twagushimira, kandi utanaduhaye, na byo twabyakira uko bimeze. Ariko rero nta cyo twagukinga, turishimye. Uzi ko i Kibeho bamwe bavuze ngo ni amavuta aturutse hehe? Ndetse hariho n'abayahinyuye, ariko abayasizwe bese barakize. Ndetse na n'ubu hari n'abo yagiriye akamaro (*arimyoza*). Maman, turagutuka, turagutoteza, tukugira uwo utari, tukwita shitani, ariko ntugakore uko dukoze. Kandi urabitugaragariza kuko ubikoze ntabwo wadusanga hano. Ndaguhereza abantu bese nasize imuhira, ugende ubagenderere. Mama, ugende ubagabire rwose ibyo bakeneye. Hari abafite ibibazo ku nshuti zabo, yewe, dufite byinshi! Ndaguhereza n'abana banjye. Jyewe ndashaje (*araseka, hanyuma arirubutsa*). Ubagenderere, ubahindure bajye bagendera mu nzira ushaka, ntibakore ibyo nshaka, bakore ibyo ushaka. N'abandi bese bafite abana nka bariya, n'abisumbuyeho, natwe twese kuko tugikeneye kukura, imbere yawe nta mukuru uhari. Maman, turakwinginze ngo ujye utugaburira ibiryo bimwe, turye kimwe, dukure kimwe, kandi tugukunde tureke amatiku, tureke kugenda duhuhwa n'umuyaga kandi waraduhaye. Ibi uduhaye muri kano kanya bitugirire akamaro, (*arimyoza*) bizadufashe.

Nkwemereye ko ngiye kubigerageza, kandi ibyo nzahura nabyo byose, byaba ibimbabaza, byaba ibinshimisha, byose nzabyakira. Nta nubwo nzongera kwirubana, nta nubwo nzongera kugira ... (*arimyoza*) nkwemereye .... Uko unkunda nkuko nanjye ngukunda, nkwemereye kukubera umwana nkuko uri umubyeyi wanjye. N'abandi bese, bese baje kukureba, Maman, ubahe nk'ibyo nifuje niba ubona babikwiye kandi babishaka. Uzi neza ko (*arimyoza*) tugira ibizazane byinshi, hakazamo ibyo kwiga, umuntu adashoboye n'ibyo yiga, ugasanga abana bafite ibibazo mu mashuri, ugasanga buri muntu afite ibintu byose bimuremereye.

Ku buryo atabona n'umwanya wo gusenga se, ugasanga umuntu wese yirubana kandi ananiwe. Ndakwinginze rero ngo uruhure ibyo bitunaniza, ugenderere

urubwiruko, abakundana ubahe kubana mu buryo bagomba kubanamo, abashakanye na bo bakundane kuko bashakanye babisezeranye, abihaye Imana ubagenderere, Kiliziya gatorika, rwose ugende ubavugurura, uyivugurure, abantu bahinduke bamenye uwo bemeye n'icyo bakora. Maman, ni byinshi mfite, nkubwiye, ahubwo n'ibyakuzanye wabyibagirwa. None nteze amatwi umbwire icyo utwifuzaho icyo ari cyo cyose. Nkwemereye kuba igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Hin. Kandi ndagusaba kugira ngo mbone imbaraga n'umwanya wo kwiyegereza bariya bana bifuza kukubyinira. Tujye tubikora mu rukundo, tugire n'umwanya wo kuganira, twibohore ibiri ku mitima yacu, atari ibyo kugenda ngo batubone ko tubyina neza cyangwa se ...tuzetse tukubyinire wowe Bikira Mariya na Yezu Umwana wawe. Tuzetse tuzi ko turi gusenga, kandi ubahe kwiyongera. Ntabwo nkibuka kubyina ariko nzajya mbigerageza. Nawe ujye udufasha. Uzi ko i Kibeho wigeze kuturirimba tukishima ! Hariho benshi bumvise ijwi ryawe, hari n'abana bababonye. Hin ! None se ko Papa yansezeyeho ! Yego ndamutinye ariko ndanamukunda. Ubu narakuze, ntabwo nkigira ubwoba cyane. Hin.

**B.M.** : Musenge mubikuye ku mutima, mwicuze, ku babishaka, muzi icyo muhabwa n'icyo musaba. Kwicuza ni ngombwa, ntimukumve ko hari icyaha kitaboneka, n'uwibagiwe aravuga ngo n'ibyo nibagiwe. Cyane cyane mu rubwiruko - si rwo gusa, ndetse n'abakuze - hari abibagiwe gusaba penetensiya, nyamara ni ifunguro rikomeye. Mujye mwihanganira kuva kw'izima, kuko ari wo muzi w'icyaha gikomeye cyane. Ururimi rwanyu, mbere yo kugira ngo muvuge bagenzi banyu, muvuge ibidafite akamaro, mujye murukaraga incuro karindwi mubone kuvuga icyagirira abandi akamaro, icyo mubona atari ngombwa mukigumane.

**VAL.**: Ese birashoboka? Hin. Twebwe turarwaye. Hin. Ariko nimubidufasha tuzabishobora. Hin. Ushobora no kuvuga bakaguhimbira kandi bikaba byo (*arimyoza*). Kandi bikaguhama ukabyemera. Hin? Ukaba mubi, ukaba igicibwa kandi urengana, nabwo rero ntibyoshye. Aho rero iyo bigenze gutyo, mwese murashwanyagurana, mukarakara, mugatukana (*arimyoza*), rwose dutsindire icyo kintu. Erega ndi kukubwira ngikomeje, niyo mpamvu mbisubiramo! Kuko ndabizi pe! Byambayeho. Hin? Ntabwo byoroshye (*araseka*). Hin. Oya, nta kintu kirimo, harahumura gusa (*abivuze yihumuriza mu kiganza cyo*). Ariko byaba byiza muduhaye. Agato kava ku kanini. Oya, akanini kava ku gato.

## UMUBAVU MU KIGANZA CYA VALENTINE.

*Arapfukamye, arasenga, araririmba :*

***R. : Ab'ijuru ni mwishime, abo mu nsi ni muhimbarwe  
Ni mukurikirane inzira nabahaye,  
kuko namwe naje kubagenderera.***

***Ni mube abakurikiza b'Imana, abana b'inkoramutima***

***Kandi mugendere mu rukundo rwayo  
mureke kugendera mu rukundo rw'iyi si.***

**B.M.** : Bana banjye, ndabakunda. Abarwaye, abaremerewe, abafite ibibazo, ndi Umubyeyi wanyu sinzabatererana. Uko umubavu uhumura, ni nako abarwayi bakira, ni nako abaremerewe baruhuka.

*Ikiganza cya Valentine cy'ibumoso cyabanje gubumura umubavu, hanyuma cyazanye amazi, agenda ameneka. Ntiyari amazi ariko wari umubavu wahumuraga cyane. Yagiye ahumuriza abantu bose bari bahari. Abo akoze mu maso, mu ntoki, mw'ijosi, abo abesha agacupa karimo amazi y'umugisha Ubwo ariko umubavu urushaho gubumura cyane, yageze ku bantu bose bari bahari (barengaga 50).*

*Valentine yasanze n'abana mu byumba abo bari na bo ababa umugisha. Mu gihe Valentine yazengurukaga mu bantu, abakristu baririmbaga indirimbo nyinshi za Bikira Mariya. Uwahawe ubutumwa mu magambo ni umuzungukazi wari wavuye mu Bufaransa. Ubundi abakozeho bese, nta butumwa bwihariye bwatanze.*

**B.M.** : Bana banjye, mwese ndabakunda, mwese muraronka bimwe kuko mwese mufite inyota imwe.

**VAL.** : Maman, hin. Wansabye kuvomerera indabo zawe, none se ko twakwatse amavuta ntuyaduhe, urabona tudafite ... umwera utatwishe ? Iyo iwacu tutisize, tuvuga ko dufite umwera. Hin. Oya, waduhaye, murakoze. Ariko inyota iranyishe. Kuva mu gitondo nta kintu nariye, nta n'icyo nanyoye, ubu se urumva ntashonje ? Kandi mvuye ku kazi iwanyu ! Ni ukubera ko ningera iwacu naniwe... ndirengagiza kugira ngo batamenya ko naje iwanyu, nuko mbe nicaye gatoya (*araceceka, afashe icupa ry'amazi aranyoye*).

Twari dupfuye. Hin ? Abandi se ntibavuye iwabo banyoye ? Hin ! Nta n'ubwo bigeze bakora akazi nk'akanjye. Abantu b'iwanyu... ariko se Maman, ko uvuga ngo indabo, ubundi ngo abantu, kandi nagera mu rugo bakambwira ngo : waduteye amazi, kandi tutigeze tunabonana ! (*Araceceka*)

None se ntimuje none aha ? Nta n'iminota itatu irashira !

**B.M.** : Bana banjye, mfite akazi kenshi.

**VAL.** : Ariko uzagaruka ? Ariko se Maman, ko wihuse, kandi hari abantu benshi bampaye ubutumwa ngo nkubwire. Barababara rwose. Hari ubwo nasize iwanjye ku meza, ugende urebe, hanyuma usome ni wowe bandikiye. Hari n'abanditse bari iyo bari barazohereza. Zose uzisome kandi uzabasubize. Ndetse nimba ari na ngombwa, ubasubize n'uyu muni (*araceceka*). Hin.

*Asabira abantu bose :*

Ndaguhereza abantu bose barwaye, abantu bose bashaje, batagira kirengera, abana b'impfubyi, abapfakazi, ndetse n'ingo zitumvikana.

Ndaguhereza urubwiruko, ndaguhereza abashaka kubana, kugira ngo abo bose, Mubyeyi, ubahundagazeho ingabire zawe, ubahundagazeho urukundo rwawe kandi ubayobore.

Ndaguhereza abo mwigaragariye bose kugira ngo, Mubyeyi, mwongere mubagenderere. N'abo mwasezeyeho, mubahe kwihangana, kwitsinda no kubakorera. Bemere uwo bemeye, kandi bamukorere bamwitangiye.

Ndaguhereza na Musenyeri ufunzwe, kugira ngo muri kano kanya umugenderere, umwereke inzira y'ukuri, umuyobore, kandi ube ari wowe umufata ukuboko kwa kibyezi, umurinde kwinuba, umurinde kwiheba, ahubwo umuhe imbaraga, umuhe no kuyobora ibyo wamushinze.

Ndaguhereza n'abo washinze gukurikirana iby'i Kibeho, nkuko wavuze ko ibya mbere bizaba ibya nyuma, uboherereze Roho Mutagatifu, bashishoze koko, boye guhubuka, babone ukuri nyakuri, kandi ugushaka kwawe gukorwe mu nsi no mu ijuru. Ndetse bakubakire n'inzu ugomba guturamo, kuko Umubyeyi ataba ku gasozi kandi afite abana benshi.

Natwe turifuza kukwubakira, tuzaze tukubakire, ariko ushyiremo ababishinzwe kubyemera no kubishaka. Turifuza kugusura mu nzu yawe, tukajya tugutetsha, Mubyeyi, kandi natwe tugutetaho. Ndaguhereza abafite abana barwaye, abafite abana batumvikana, kugira ngo Mubyeyi ubagenderere.

Ndaguhereza abayobagurika mu kwemera kugira ngo ubuzuze.

Ndaguhereza abantu bose bakurikira bazi ko aho hose bavuze izina ryawe uba uhari, uje ubaha ubushihizi, ejo tutazakurikira ibituyobya kuko wavuze ko hari abazakiza mw'izina ryanyu abantu bagakira, ko bazakora ibitangaza.

*Araririmba :*

***Hazaza ibitangaza, abavura mw'izina ryanjye,  
abahanura ibinyoma  
Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo,  
kuko nzaba narabasabye mukanyina,  
kandi nanjye nkabaha ntimwakire.***

***Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo***

***Kuko nzaba narabasabye mukanyima  
kandi nanjye nabaha ntimwakire, ntimushimire***

**B.M. :** Mugende mubitekerezaho. Ndi Umubyeyi ubakunda, niyo mpamvu nanjye naje kubagenderera. Ndababwiza ukuri bana banjye, ko uyu muni, uko mwaje mwishimye, mufite inyota, ndetse n'uwaje ahuruye, aje kureba, ntabura icyo

ajyana, kandi na we ni umwana wanjye. Ndabamenyesha ko n'Umwana wanjye Yezu Kristu yishimye. Mujiyane umugisha wa kibyezi, mujiyane urukundo rwa kibyezi, abajya kure mugende amahoro.

**VAL.:** *Atera amasengesho:*

***Ndakuramutse Mariya, Niyubahwe Imana Data.***

Karame Maman! Turishimye, ariko indabo zawe zansizemo imvune. Uwampa tukijyanira, nazajya ngukorera utampemba da ! Ngakora ariko nkibera iwanyu. Hin ? (*Arimyoza*). Ariko se, ntabwo nasiga abana banjye, nabazana tukazana twese, n'inshuti zanjye zose n'abo nkunda. Se ubundi watwijanyiye ? Gukomeza ku isi dukomeza kwandavura, kandi turahangayitse. Hin ? Reba bariya nawe uruzi, uzi ibibazo bihari, abantu bose, shwi ! Ubu se noneho tuzabaho tumeze gutya gusa ! Hin ? Ujye udusukira utuzi kuko twarumiranye. Erega hashize igihe! Hin. Hin. Hari abafite ibibazo uzi, ubona, ariko twebwe tutazi. Ngaho se ujye ugenda ubafate ku mutima rwose Mubyeyi, unabasubize niba ubona babikwiye. None se ubu twajya tuvuga, umwe akavuga ngo dore ikibazo cyanjye, undi nuko ... hin, yenda hari abo mubwira bagahita babasubiza, ahubwo nanjye ubu mushatse... tukavuga mukabasubiza. None se ko n'abandi bavuga mukabasubiza? Hin. Ariko se kuki uza wajya kugenda ntumbwire igihe uzagarukira? Hin? Oya, ntabwo, ntabwo ngushaka ngo nkubure, ariko rero mba nkeneye ko umbwira, nkuko kera watubwiraga uti: « nzaza kuri uyu munsu, ku isaha iyi n'iyi ». Umuntu aba afite icyizere, n'iyi umuntu ya... N'uwakwicira ntabwo wapfa, kuko uba uzi yuko aho wavugiyeye, n'isaha, utivuguruza, icyizere kiba cyahindutse (araseka). Hin. Nari ndi kwiganirira. Mba numva utagenda! Ariko se Maman, ubu wari uzi ko meze nk'ikigori? Ibintu byose ndabyibagirwa. Hin? Mbere ntabwo nibagirwaga. Ikindi cya kabiri, indimi zose nzi wambujije kuzivuga. Ese ikinyarwanda cyamara iki? Yego ni ururimi rwanjye...

Hin? Oya, iyo ngeze aho ngomba kuvuga ndavuga, ariko hari n'igihe binanira pe, ukagira ngo nta cyo nzi, n'ikinyarwanda, nkumva ndacecetse. Hin? Igihe uzabishakira. None se ko hano i Burayi... bariga, bagafata mu mutwe, baka ... uzi ibintu tubamo? Hin. Ariko ntabwo ninubye. Hin. Uko wabishatse niko

nzabikurikiza. Nakwemereye ko ndi igikoresho cyawe, ujye unkoresha icyo ushaka, untume aho ushaka no ku wo ushaka. Nubimfashamo rwose, nzabishobora. Urakoze.

*Atera amasengesho:*

***Niyubahwe Imana Data,  
Isengesho ryo gusabira abarwayi,  
Isengesho ryo gusabira abatwanga.***

Ariko Maman, igihe nakubiyiniye nkiri mutoya ... Ubu none nabaye umukecuru, abantu usanga bambwira ngo wabyinnye nyine! Hin?

*Aririmba anabyina:*

***R.: Dore igitego tubateze mu bantu  
Umuziranenge, Umubyeyi w’Imana  
Yaramuduhaye ngo abe n’uwacu (2x)***

***Kundwa Mariya Mubyeyi w’Imana  
Mudahemuka Mubyeyi wa Jambo  
Singizwa n’abayoboke ba Nyagasani (2x)***

***Hin? Si wambwiye ngo nzajye mbyina nk’umukobwa w’umutima?***

***Hin? Ariko ibyo wanyigishije ntabwo nabishobora.  
Urubwiruko wenda. Jyewe byaranze!***

***Yongera kuririmba abyina:***

***R.: Kundwa, kundwa, kundwa Mariya (2x)***

***Umukene mu nsi nta n’umwe ndumva  
Wapfanye agahinda kandi akuvuga***

***Uwakumva mbabajwe n’ubutindi  
Yambaza uwambyaye namubwira iki?***

*Asoreza ku masengesho akurikira:*

***Mana ituma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mitima  
yacu urukundo rudatezuka, kugirango ibi bitekerezo uduhaye  
bidahinduka. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.***

***Imana nisingizwe mw’ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro.***

***Bikira Mariya utasamanywe icyaha, urajye udusabira twese  
abaguhungiyeho.***

***Nyagasani Yezu, ubu turi mu biganza byawe, waturekura twagwa.***

*Valentine abita yitura hasi. Bigeze abo arazanzamuka buhoro buhoro.*

*Ibonekera ryarangiyeye saa cyenda na mirongo ine n’itanu.*

**Byandukuwe na Schola UWIZEYE.**



## BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA

I BURUSELI MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2001

### Intangiriro :

Ibonekerwa ryabereye kwa Valentine mu rugo, kuri n° 7 rue des artisans, 1050 Bruxelles, hari abantu baringaniye. Batangiye kuvuga Rozari mu ma saa tanu, ikurikirwa n'indirimbo zinyuranye za Bikira Mariya. Saa sita zuzuye, Valentine yateye nk'intambwe ebyiri asa n'ubatuwe n'ingufu zidasanzwe maze arapfukama.

**VAL.** : « Ndi hano, ndi umugaragu wawe nkaba n'umunyabyaha, unkoresha ugushaka kwawe. *(Yubura amaso areba hejuru)* Karame ». *(Atera indirimbo)*

***Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x)***

***Turakuramutsa nka Gabriel kera, uduhe amahoro, uturinde twese  
Turakuramutsa Bikira Mariya, utsinde ingeso mbi ziba mu mitima  
Udutere umwete tugenze gikristu, dutsinde shitani twange ibyayo byose.***

Nkuko nakubwiye ko ndi igikoresho cyawe Mubyeyi, unkoresha ugushaka kwawe. *(Araseka, maze yikiriza n'umutwe)*. Tuje imbere yawe, Mubyeyi, akenshi dufite ubwoba. Dufite impumu, turagusabye rero kugira ngo ubanze uduhumurize, ubanze utureme agatima, twumve neza ko utubabariye, maze tukubwire iri turi ku mutima iryo ari ryo ryose. Kubera ko dufite ubwoba bwo kukujya imbere, ariko tuzi ko uri umunyampuphwe kandi uri umunyambabazi, Mubyeyi. Ntubiduhe kuko tubikwatse, ahubwo ubiduhe kuko ubona tubikwiriye ». *(Valentine yemera akoresheje umutwe, abita atera isengesho ryo kwicuzza ibyaha...)*

**B.M.:** « Bana banjye, nje kubasura no kubasuhuzza kuko umubyeyi iyo akumbuye abana, arabasura. Binshimisha namwe iyo munsuhuje kandi mukansura. Mushire impumu mwoye guhumagira, mwoye kugira ubwoba bw'umubiri na roho. Mushire ibinya.

Ndi umubyeyi ugira impuhwe n'imbabazi nyinshi ku babishaka no kubabyemera, babyakira kandi bigirira akamaro.

*(Valentine asa n'uwemera akoresheje umutwe, abita ahaguruka aho yali apfukamye)*. Bana banjye, nazanywe no kubabarira no kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose.

*(Valentine yikiriza n'umutwe)* Ntabwo nanga umunyabyaha, ahubwo nanga icyaha ».

**VAL.:** « Twebwe ubwacu ntitwisobanurira, tuba dufite ibisobanuro byacu ukwacu. Rwose rero Mubyeyi, mujye mudusobanurira, kuko buri muntu atwara ibintu uko abishaka, n'uko yabyumvise. Hakaba igihe tuyoba kandi bitari ngombwa ».

*(Valentine asa n'usobanuzza).*

**B.M.:** « Bana banjye, nje kubasura mbabaye, ariko umubyeyi iyo asanga abana be arishima. Mbabazwa na byinshi biri kuri iyi si, ibiri mu mitima yanyu byihishe, ibigaragara n'ibitagaragara, ariko kuko ndi umubyeyi w'impuhwe nyinshi, ndabakumbuye nza kubasura. Munyumve neza, si mwe muri aha, hari n'abandi : bariya, bano, n'uriya».

**VAL.:** « Ubuse ibyo bishatse kuvuga iki? Bariya? Uriya? Aho ntabwo dushobora kwisobanurira. Akenshi mwagiye muducira imigani myinshi, ntitugire icyo dukuramo, yenda bidufitiye akamaro. None rero, Mubyeyi, rwose nimba mubishaka, ndabona bikwiye kugira ngo mutwumve, mudusobanurire, mutwumvishe icyo mushaka ko... Mutwumvishe icyo mushaka kutubwira. Abenshi imigani ntityuzi, n'abayizi kandi bayisobanura uko itari ».

**B.M.:** « Ndashaka kuvuga buri muntu wese uri hano, uwashatse kuza ntabone uko aza, n'utabishaka, n'ubyumva ntabyiteho kuko igihe kizagera akabazwa icyo yumvise atabonye, icyo yumvise atagize icyo akora ngo abone, n'icyo yabonye atigeze yemera ko yabonye, n'icyo yumvise kitagize icyo kimumarira.

**VAL.:** *(azunguzza umutwe):* « Buri gihe mutubwira amagambo akomeye cyane. Mwibagirwa ko turi abaswa muli byose, turi abanyantege nkeya rwose ».

**B.M.:** « Bana banjye, si ndi umunyabyaha, niko mwanyise. Hari benshi badasobanukirwa indirimbo nigishije uwo nabatumyeho. Hari ahavuga ngo: « Ndi umunyabyaha bana banjye, siko nitwa, siko nteye, niko mwanyise ». Abenshi rero bagenda babyibazaho byinshi, ntibasobanuze bakabitwira uko bari, bakavuga bati: « Ni gute Bikira Mariya ashobora kuvuga ko ari umunyabyaha? » Si ko nitwa, siko nteye, niko mwanyise.

*(Valentine yemera akoresha umutwe. Atega amaboko nk'ubiyina).*

Bana banjye, ndi umubyeyi w'impuhwe nyinshi, nazanywe no kubarokora, nzanwa no kugira ngo niyunge n'abanyabyaha. Muri kano kanya bana banjye, mushyitse umutima mu nda, ubabaye aruhuke, ufite ibimuhangayikishije abibwire uwo agomba kubibwira mu mutima we. Mwese ndabumva nta we nsumbanije. N'uri hano, n'utari hano wabyifuje ntahagere, mba ahantu hose, kandi mwese muri abana banjye. *(Valentine asa n'uwemera akoresheje umutwe).*

Bana banjye, mwese ndabababariye, kandi mujye mwumva neza imbabazi icyo ari cyo. Ndatakamba, ngasaba kugira ngo umwana wanjye abababarire, nanjye ndabababariye namwe mwakire n'umutima wanyu wose kandi ntikumabipfushe ubusa *(Valentine amanura amaboko yifata nk'usenga, abumbye ibiganza mu gituzza. ashimira avuga kandi akoresha umutwe).*

Nshimishijwe nuko mwaje kunyakira. Nabaciriye umugani hashize igihe kirekire cyane ngo: « Sinzabe nyamwisiga ngo nisange, namwe ntumuzabe babura baje. Sinzabe nyamwisiga ngo nisange, namwe mube babura mwaje ». Nashaka kuvuga ngo muramenye ibyo nababwiye ntazasanga bikimeze uko nabibabwiye ntacyahindutse, nta mbuto mweze kandi mudahindutse. Kandi namwe ngo muzinduke, mukubite amaguru y'ubusa, nta cyo mukuyemo nta n'icyo bibamariye ahubwo kubura waje ni ukuzindukira ubusa. Nizere ko n'ubu nywusubiyemo, kandi musobanukiwe icyo nashaka kubabwira. (*Valentine yemera akoresheje umutwe*).

Bana banjye, igihe kirageze cyo kugira ngo buri muntu wese yisuzume, yibaze ati ese koko Nyagasani ndamutunganiye, ese nkora icyo ashaka koko? Ese mugenzi wanjye we, ndamutunganiye, ese mfite amahoro yo ku mutima, kugira ngo nyahe abandi? Igihe muzisuzuma, buri muntu wese akumva ko yumvise ibiri mu mutima we, nibwo azashobora kubishyira abandi. (*Valentine yemera akoresha umutwe*).

**VAL.:** « Ariko Ma, ubwo uzi ko bitoroshye? No kwimenya ntabwo byoroshye, ahubwo buri muntu ashimishwa no kumenya undi, ibyacu turabyibagirwa. Turakwinginze rero kugira ngo uturinde kumenya abandi natwe tutiyizi. Uturinde guca urubanza, uturinde kubiba imbuto mbi, inziza tuyisize inyuma. Uturinde kumva ko nta cyo tudashoboye. Ahubwo uduhe kugira ngo tumenye kwicisha bugufi, Mubyeyi ». (*yemera n'umutwe, maze atega ibiganza nk'usaba umugisha, atera indirimbo ikurikira*).

***Naje mbasanga, naje mbakunze.  
Ndi umunyabyaha bana banjye?  
Nimugaruke.  
Siko nitwa, siko nteye, niko mwanyise.***

***Nimuhumure mbatabare, nimugaruke mushire impumu.***

***Mwigira inyota, ndabatabara, mwigira impumu, turagenda.***

***Bana banjye naje mbasanga, njye ndabakunda,  
Njye ndabatashya igihe cyose mbatumaho.  
Nimuhumure, nimukomere, inzira yanjye ni intamenwa.***

***Dore ndaje, dore ndababwira nti muhumure.  
Kaze, kaze Kibeho yahiriwe.  
Nyise ingoro yanjye simbabeshya  
Ni ikiriri gisasira abasinzira, n'uburiri butabara abarembye  
Ni ingobyi impekera abarwayi.***

***Shuri ryanjye ndaribeguriye, namwe ababyeyi nimumfashe  
Kaze neza Kibeho, kuko naje ngusanga uranyakira.***

**B.M.** : « Bana banjye, mu ndirimbo zose nigisha buri mwana, haba harimo inyigisho.

Hari abenshi bumva ko Kibeho ari inzu, ari ahantu se. Niko hitwa, ariko jye iyo mvuga Kibeho, mba mvuga mu mutima wanyu, kuko ari mwe naje muranyakira, ntabwo Kibeho ari aho mwasize, ni aho mufite mugendana. Kuko naraje muranyakira, ntabwo ari akarere kanyakiriye. Ntabwo ari umusozi, ni abo nahasanze. Kibeho ni mwebwe, uburiri ni mwebwe. Ikiriri ni mwebwe, ni umuntu uwo ari we wese, wumva ijambo ly’Imana, akarisasa mu mutima we, akakira urimuzaniye. Mbibasobanuriye kugira ngo mujye muririmba muzi icyo muvuga, mutaririmba mwumva ko Kibeho ari aho hantu.

**VAL.** : *(aririmba ibango rimwe gusa)* « Kaze neza Kibeho kuko naje ngusanga uranyakira » !

**B.M.** : « Ni mwe mwanyakiriye kandi mukinyakira. Niyo mpamvu nababwiye nti : « Jyewe ndabatashya, ntabwo ntashya umusozi. Igihe cyose mbatumaho. Ari umusozi, byakwitwa nyiramubande.

**VAL.** : « Nyiramubande ? Ntabwo icyo kintu nkizi ».

**B.M.** : « Jye ndabatashya igihe cyose mbatumaho. Ntumyeho akarere n’umusozi hakumvikana nyiramubande. Nta muntu wafata kuko imisozi ntifata, ariko mwe mbatumaho, nkanabasura, tukaganira, mukansaba nkabaha. Icyo kiriri rero kiba muri mwebwe, iyo mubitse ibyo nababwiye kandi mukabikora uko mbishaka, niyo munyakiriye nk’umwana wakira umubyeyi we, nanjye nkabazanira ibyo nabamenyereje. Igihe cyose mbatumaho niyo mpamvu turi kumwe. Ari Kibeho, ntayiri hano, ni wowe uhari. N’uwasigaye aho hantu na we turi kumwe, kuko mba hose kandi umwana wanjye igihe ansabiye ndamuha. *(Valentine yikiriya akoresheje umutwe yerekana ko yikiriya ibyo abwiye).*

**VAL.** : « Ntibyoroshye ! Ariko se urumva ushobora kutwigisha iyo ndirimbo koko umuntu agashobora gusesengura, akumva ko uvuze aho, uvuze umuntu ? Kereka mutubwiye ngo mwebwe ndabatashye, usibye ko atariko mbishaka. Ndashaka kubumvisha ko buri muntu ariko abitekereza. Turabyumvise kandi turabashimiye Mubyeyi. Ningera mu nzu, abo ndi buhasange bose ndababwira ibyo wambwiye. Ubimbajije ariko ! Ubu se navuga nta muntu umbajije ? *(Araseka, ariko ntihagira umenya icyo avuganye n’uwo barimo baganira, ageze aho arakomeza).* Oya, ni uko nzi ko abenshi bazi ko ari i Kibeho. Oya. Ariko se Ma, wajya ubwira umuntu utakubajije ? Ugahagarara hariya uti yemwe ni muze mbabwire ? Oya, ariko iyo bansobanuje, ndabasobanurira. *(Arikiriya).*

Indirimbo na yo umbwiye ngo nyimwigishe rwose ndayimwigisha. *(Arikiriya).* Erega ni nyinshi, ni nyinshi mwanyigishije, aliko nta baza ngo mbigishe. Yenda hari abatabizi. *(Arikiriya).* Aliko kandi nta nubwo zoroshye. Twebwe twifatira amagambo yo hejuru,

mwe mufite ibindi byo kutubwira. Tugahurutura, ntitwumve n'icyo turi kuririmba icyo ari cyo. (*Arikiriza, asobanura icyo abwive*).

Yayinyigishije kera mu gisibo, hari igihe mbivangavanze byose, nkavanamo ikintu kimwe. (*Valentine avuga yongorera*) Erega ndamutinya. (*Arikiriza*.) Ndamukunda cyane ariko ndamutinya. (*Arikiriza, akomeza aganira buhoro n'uwo barimo kuvugana, nuko arakomeza*). Ariko Ma ... (*arasobanura*), oya ... (*Valentine atera indirimbo* :)

***Yezu ni inzira, ni umwami ni n'urukundo  
Ni umuhoza, ni n'umufasha, ni nyirimpuhwe zi igisagirane  
Ni umubyeyi, ni umubyeyi, ni umubyeyi, ni nyirimbabazi  
Yarababajwe arababarira, yarakubiswe aca inkoni izamba  
Yatamirijwe amahwa arababarira  
Nyagasani, Nyagasani, Nyagasani ca inkoni izamba  
Ntibazi icyo bakora  
Nyagasani, Nyagasani, Data uri mu ijuru  
Bababarire ntabazi icyo bakora***

***Nyagasani, Nyagasani, Data uri mu ijuru, babarira, babarira  
Babarira ntabazi icyo bakora  
Narababajwe, narakubiswe, narasuzuguwe hano mu isi  
None Dawe ndababariye, ndababariye.  
Mawe mwiza unkunda, Data Yozefu,***

***Nshize roho yanjye mu biganza by'Imana, pfukama werekeze amaso mu ijuru***

***Uture Imana ibyawe byose.  
Umutima wawe urakiriwe.  
Nyagasani, Mana yanjye, babarira, babarira.***

Ariko Mama, ubundi uyiciyemo kabiri. Aho ndirimba, hari ahandi hasigaye? Wabikoze ubizi? Hari aho wibagiwe. Kuki wagiye umbwira Narayifashe yose. (*Araseka*). Ndayizi yo ntabwo nayibagirwa.

**B.M.:** « Bana banjye, nagira ngo mwumve amagambo yo muri ibyo bitero navuze. Nazo ni inyigisho, ni ubutumwa mba nshaka kubagezaho. Ntabwo ari amajwi meza n'amagambo meza, ahubwo ni ibifite akamaro. (*Valentine arikiriza*).

Bana banjye, nababwiye ko mbabaye, ndababaye koko. Mbabajwe n'ibibera ku isi, mbabajwe n'ibiba mu mitima yanyu, imitima ihanitse, iremereye, idasobanura ... »

**VAL.:** “Imitima ihanitse? Iremerereye? Idasobanura? (yikiriza akoresheje umutwe). Ntabwo twumva icyo bishatse kuvuga”.

**B.M.:**” Ndashaka kuvuga ko ibiri mu mitima y’abantu ari byinshi: ibiremereye n’ibyorohije, ibibavuna n’ibibabangukira. Ariko ndashaka kubabwira ko ibiva mu mutima bibabaza iyo ari bibi?”.

**VAL.:** « None twakora iki »?

**B.M.:** « Naje kwiyunga n’abanyabyaha b’isi yose, murumva icyo bishatse kuvuga »?

**VAL.:** (*asa nk’ushishoza*) « Erega muri kwandika dutoya sintubone neza nkagomba ubushishozi. Ese iwanyu ntabwo mufite ikintu kinini cyo kwandika ibigaragara? (*arikiriza*) Ntabwo ndi kubibona neza ».

**B.M.:** : «Bana banjye, nkuko atabona ibyanditse, ni nkuko ntawe ubona mu mitima yanyu, usibye jyewe gusa. Rero bana banjye, munsabe icyo mushaka, ariko nanjye muze kumpa umwanya mbasabe, kuko nkeneye ko mumpa ».

**VAL.:** « Jyewe unsabe icyo ushaka cyose Ma, ndakiguha. Oya. Jyewe icyo unsaba cyose ndakiguha, niyo wambwira ngo twijyanire naza (*araseka hanyuma arikiriza*). Ariko ntabwo nasiga n’abana banjye twazana. (*Arikiriza*). N’inshuti zanjye zose... n’abanzi twaza turi guherekezanya. (*Araseka*). Maman, turi hano, duteze amatwi, utubwire icyo wifuza cyose ».

**B.M.:** « Mbahaye ubusabane ku Mana, icyubahiro cya Nyagasani, ubudacogora. Mbibaha kenshi ariko mbisubiyemo, kuko umubyeyi atanga atitangiriye itama ».

Bana banjye, nimusenge mubikuye ku mutima, atari ibyo ku rurimi no ku munwa gusa, ahubwo bibe ibiryo n’ibyo kunywa. Musenge, muhare amavi kuko iki gihe ari icyo gusenga cyane. Hari ibintu byinshi biyobya, byinshi binaniza, byinshi bica intege, kandi bigashira vuba. Nyamara ubwumvikane n’ubusabane ntibishira, ahubwo bibiba imbuto nyinshi.

Rubyiruko, mwikwiruka ku by’isi bishira vuba. Mwikwiruka ku bibarangaza, kuko igihe nikigera uzabibura, ugashaka gusubira ibwana ntubibone. Kubera ko uzaba ugeze igihe cyo gutekereza icyo wakoze cyambabaje utakigisubiyeho, utaributse no kugisabira imbabazi ukubabarira. Munyumve neza, simbaca intege, ni inama mbagira. Ubusore burakoshya ntibuguherekeza ».

**VAL.:** (*arasobanuzza, araseka atangaye*). « Ntabwo mbyumvise neza. Ubusore burakoshya ntibuguherekeza? Bishatse kuvuga iki »?

**B.M.:** « Ni uko iyo umuntu akiri muto, yumva kuri we byose bishoboka, ntagire rutangira, ntagirwe inama, ntiyumvire umugiriye inama ahubwo akumva ibyo we afitse mu mutwe ari byo bizima, bikamujyana, ya nama akayibagirwa. Iyo agiye ashobora guhura n’izo ngorane wamububijje, kuko aba ataherekejwe n’inama yagiriwe. Ubuto burakoshya, ntibuguherekeza!

Ariko cyane cyane abantu bose, buri muntu wese, uretse ibitambambuga, ari abakiri bato, ndetse n'abakuze, bibagiwe amategeko y'Imana. (*Valentine arikiriza*)

Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi.

Ntuzasambane, ntuzifuze umugore w'undi.

Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi

Ntuzasambane, ntuzifuze umugore w'undi.

Tugiye tuzirikana amategeko y'Imana, cyane cyane tukumva icyo ashaka ko tugeraho...

Bana banjye, simbaca intege, kandi simbacira urubanza. Muri ayo nshoboye kuvuga, ndumva asa n'aho yibagiranye cyane, kandi ababaza umwana wanjye kurusha byose, kurusha uko mwamucira urubanza ».

**VAL.:** « None se ko uzi ko turi abanyanteye nkeya, wadufasha, tukisubiraho, tukagerageza. Turi abanyanteye nkeya urabizi, turakosa, ariko akenshi hariho igihe umuntu akosa kubera za mbaraga nke za muntu.

**B.M.:** « Nta n'umwe ukosa atazi icyo akora. Ikimbabaza ni uko ntawe usubira inyuma ngo asabe imbabazi, yumva ko ari ibisanzwe, kandi ari ibikorwa na bose. Mwirebera ku wundi. Ni wowe ndeba, n'uriya. Ntabwo ari mwebwe nzafata ngo mbabwire ngo wowe wabonye uriya? Ni wowe nzabaza. Maze igihe umwana wanjye azarambura ibiganza, mukaba mubuze icyo muvuga, ni njyewe nzakorwa n'isoni bana banjye. Nabarazweho umubyeyi, niyo mpamvu igihe cyose mbatumaho, niyo mpamvu igihe cyose mparanira kubashakisha kugira ngo mwisubireho, kugira ngo twunge ubumwe, maze umwami wanyu azasange musukuye, maze nanjye muhereze ibyo kuribwa binoze »!

**VAL. :** (*atera indirimbo*)

**« Abasenga ni mube maso (2x)  
Kuko ibibazo bibareba Birashaka kubananiza »**

**B.M.:** « Tugeze igihe cyo gupfukama tugahara amavi. Mwaciye muri byinshi, ntabwo numva ko mwagombye kwibagirwa gutyo.

Bana banjye, birambabaza iyo ntekereje ukuntu mwababaye n'ubu mukibabara, ari mwe muri hano, ari abari hanze, impande zose, mu gihugu cyanyu, buri muntu ku giti cye afite ibimubabaje, n'umwana, n'umuntu mukuru. Mbese n'uzanavuka wese azavuka ababaye. Birababaje rero kubona mwibagirwa, mukaba mwaratereye agati mu ryinyo, n'uwasangaga akabifasha hasi maze mugatiza shitani umurindi kugira ngo ibone ukuntu yigarurira abantu. Mujye mwumva neza amagambo mvuze. Nta muntu

n’umwe wishimye, nta muntu n’umwe udahangayitse, nta muntu n’umwe utagomba kubabarira. Cyane cyane tukababarira ururimi rwacu, tukababarira umutima wacu, tukirinda kuvoma aho iriba ritari.

**VAL.:** « None se ko mutubwiye imitima, bihuriye he no kuvoma »?

**B.M.:** « Ndashaka kubabwira ko iyo usenga wera imbuto nyinshi, cyane cyane iyo usenga ubikura ku mutima, uzi uwo ubwira, wemera ko ibyo umubwira abyumva, ko ibyo umusaba abiguha kandi ukibuka no kubimushimira. Niyo mpamvu rero iyo weze imbuto nyinshi, uba uvomye umukiro uhoraho, uba umaze inyota abayifite, uba wunze mu kirenge cy’umwana wanjye, umukijije ishavu n’agahinda ». (*Valentine arazenguruka, agenda ahindukira buhoro buhoro yitegereza ibyo yerekw. Agaruka aho yari ari*).

**VAL.:** « Ubwo se kuki umbwiye kuzenguruka uwo murima wanyu w’indabo? Iwacu ntazihaba! Abantu ba hano baragowe. Uzi igihugu gihora gikonje! Iwacu haba hali indabo nyinshi, naho aha nta ndabo zihaba (*aseka*). Iwacu rero wasangaga ari heza, n’ubu umbwiye ngo tugende, wasanga nagutanzeyo (*araseka, arikiriza, arabakana*). None se ntabwo muzi ko mwatubwiye ko amazi ashyuha ntiyibagirwe iwabo wa mbeho? Ntabwo hano tuhanze, ariko n’iwacu harahari (*avuga buhoro yikiriza*).

**B.M.:** «Bana banjye, ntimwibagirwe aho nari ngeze. Nuko iyo umubyeyi aganira n’abana be, anyuzamo akabibagiza ibyo barimo, kugira ngo baruhuke, bongere bumve babikuye ku mutima.

Rubyiruko bana banjye, ndabasabye, ntibyoro shyeye ariko nimugerageze, bibananire mwagerageje. Mwoye guha umubiri w’umunyanteye nkeya icyaho, mwoye guha umwanzu ko abogeraho uburimiro, mwikuza icyaha ahubwo ni mukuze urukundo. Igihe mukosheje, bana banjye, mujye mwihutira gusaba imbabazi. Usabye imbabazi wese arababarirwa, cyane cyane iyo agiye mu ntebe ya penetensiya, kuko aba yicishije bugufi kandi yemera icyaha ».

**VAL.:** «Ariko se Maman, ko hariho n’ababa batabatije, batazi Imana icyo ari cyo, uwo muntu iyo akoze icyaha ajya kwicuza ibyaha hehe? Uwo muntu se ... (*arikiriza*) Jyewe hari ibintu ntajya numva. Twebwe tujya mu ntebe ya Penetensiya, umuntu ntabatije, ntazi n’iby’Imana bavuga ibyo ari byo. None se we iyo akoze icyaha, na we aba ari mu murongo nk’uwacu »? (*Valentine arumva, asa n’usubiramo*).

**B.M.:** « Munyumve neza, n’utabatije aba azi ko akora nabi. Ariko cyane cyane iyo ubatije, warasubiye mu masezerano, bimbabaza kurushaho, ko ari wowe waba ukwiriye kugira inama uwo muntu, ukamwerekana inzira nyayo. Ntabwo mvuga ko akora neza, nifuza ahubwo ko mumwerekana inzira, na we agaca muri icyo nzira. Ntibyoro shyeye, ariko birashoboka ».



**VAL.:** « Buriya noneho tuzajya, u..., muzatubwira icyo tuzajya tubwira umuntu ashobora kuza ati: « jyewe simbatije, nkora ibyo nshaka kuko nta we nkosereza, sinigeze nsigwa ayo maraso, nta n'amazi bansutseho ». (*Arikiriza*).

**B.M.:** « Bana banjye, nimushyire hamwe musenge kuko nkeneye amasengesho y'abakiri bato. Musabire bakuru banyu, barumuna banyu, basaza banyu n'ababyeyi banyu, cyane cyane mwubahe abababyaye. Mwibuke igihe bababyaye, mukiri bato mutarakura, mubunganire, mubafate mu mugongo, aho kubaca umugongo mu nkuru mbi n'ibibahangayikisha.

Babyeyi ndifuza ko munderera abana banjye nabahaye, namwe muri abana banjye, murere, munderere. Mubane mu bwumvikane. N'igihe murakaranyije, musabane imbabazi nk'uko nanjye iyo munsabye mbaha. Mugirire igihango mwagiranye, kubana mu bibi n'ibyiza.

Bana banjye, ku isi hari byinshi, ndetse no kubashakanye. Hari byinshi birangaza bidafite akamaro. Nta muntu wundi uzakugira inama nyayo, utabanje kuyigirwa n'Imana. Buri muntu wese ashimishwa muri kino gihe, n'uko mugenzi we ababara. Ashimishwa n'uko agira ibibazo, n'uko ingo zitandukana ati dore no kwa kanaka byababayeho. Dore n'uriya kandi ahora mu Kiliziya, none na we dore ibyo agezeho.

Bana banjye, ndabasabye mbikuye ku mutima, mbinginze, musubize amaso inyuma mwiyeze kuko nshaka ko mwubaka. Naje kugira ngo imitima yaseserejwe ihumure umubavu, imitima ibabaye iruhuke. Niyo mpamvu nanjye mbasabye kugira ngo muruhure umutima wanjye. Abafite ibibazo n'abo bashakanye bababarirane kandi bubake mu rukundo nta we bagiye kugisha inama ngo abajye mu gutwi kuko abenshi bifuzaga ko abandi batandukana, ndetse ntibubake. Ndetse akifuza ati niba uriya mugabo ntamufite, nawe ntukamugire. Niba umugore na we ari uko, ati nawe ntukamugire. Sinca imanza kandi sinteranya, ndavuga ibiriho, musubize amaso inyuma. icyubahiro cy'umwe ni uwo babana. Iyo batandukanye, bese baravugaga ngo guwo arahise. Murwanyeye icyo kintu, mumpeshe ikuzo bana banjye.

Bana banjye, igihe muzaba nta bwumvikane buri mu rugo, n'abana ntibazumvikana, kandi muba muri kwirahuriraho ibitazashira, parce que ... (*gutyo nyine mu gifaransa*).

**VAL.:** « None se uzi kuvanga igifaransa n'ikinyarwanda? None se ko mwanditse, ndasoma ibyo mwanditse. Eh, ariko se Maman, mwandika no mu kiringi cyanyu? Ntabwo nabishobora. Ese iwacu tuvugaga ikinyarwanda, hano bakavugaga igifaransa, iwanyu icyo muvugaga ntabwo nkizi. Ni iki? Ndagenda mbishyira mu kinyarwanda cyanjye, ninkosa, munkosore ».

**B.M.:** « Bana banjye, iyo mutumvikanye mu rugo, n'abana ntibumvikana. Ntabwo uzaha umwana ikosa, nawe byakunaniye. Ntuzaba warangije amasezerano yawe, kugira ngo

n'ay'umwana uyakurikizeho. Iyo mutongana umwana yumva, mukarebana ijisho ribi umwana areba, mugasuzugurana umwana areba, ni ibyo akurana. Iyo abikoze, nimwe mbishyiraho.

Nyabuna ndabinginze, mwirengagize, mwihangane, hari uwababaye cyane kurusha undi, mwese mwibagirwe. Nkuko nabababaliye, nanjye mumbabalire. Ntimugilire mwebwe, mugilire njyewe. Maze mwiye, ningaruka kera cyangwa se vuba, nzaze mbabwira nti ndishimye. Kuko turi mu rugendo rurerure, turi mu rugendo rwo kurwana, turarwana na shitani ikomeye cyane, yinjije mu mitima y'abantu, ibigisha kwangana, ibigisha gucaa..., ubucakubili. Isesera muri Kiliziya irayirwanya, ishaka kuyihirika. Ni muyiha umurindi, Kiliziya iragwa. Kiliziya ni mwebwe, ntabwo ari inzu. Ntimugace imanza ejo mutazarucirwa. Mujye mukunda buri muntu wese.

Mukundane nk'uko nabakunze. Uyu muni nazanywe no kugira ngo twiyunge, kugira ngo dusubire mu byo twasezeranye, kugira ngo urubyiruko rwubahe amategeko kandi rwubahane, runiyubahe ubwarwo, rwiheshe ikuzo n'ishema. Abashakanye namwe mwubahane kandi namwe mwiye.

Mutege amatwi mbasubirire muri bimwe nababwiye mukiri mu gihugu cyanyu ngerageze no kubasobanurira ibyo mutasobanukiye: Nababwiye ko intambara ikomeye iri mu mitima yanyu. Sinigeze mbabwira ko ndi ku rugamba rw'amasasu, ku rugamba rw'ibindi bintu. Nababwiye ko ndi ku rugamba rwo mu mitima, kugira ngo abana banjye batayoba, abana banjye badateshuka, maze mbagira inama, ndababwira nti: Uzaba ageze kure, azanyiyambaze, avuge isengesho ati: Mubyeyi, ko twagendanaga, ukaba untegeranye ndabigenza nte? Nashaka kuvuga mu mutima w'umuntu, kugira ngo iyo ntambara ivemo, turwane koko, twoye gutezuka ku ijamba ry'Imana, twoye kuba abahakanyi.

Hashize imyaka myinshi nje kubasura, mbatumaho, mbasaba mukampa bana banjye, nabatuma mukantumikira. Ariko mwibagirwa ko igihe cyose naje nabasabaga gusenga mubikuye ku mutima, atari mu magambo. Nabasabaga gukundana, mbabwira ko mugomba gusenga kugira ngo murwanye ibizaba mu gihugu cyanyu. Ahubwo aho gusenga, muterera agati mu lyinyo. Umwe akikorera ibimubangukiye. Niyo mpamvu twagize ibibazo birebire kuko nta masengesho yahabaye y'ukuli, n'uwashakaga yari afite byinshi mu mutima.

Nababwiye ko hari abiyeguriye Imana birengagije ibyo nababwiye maze mu gihugu cyanyu bakiyambura imisaraba ngo badashobora kumenya ko ari uwihaye Imana, bagakora ibindi. Ibyo narabivuze, aho kugira ngo bumve ko nshaka kugira ngo mbarurire hafi, kandi mbagire inama, bamfata nk'umubeshyi maze uwo natumye baramutoteza, bikuriraho no kuvuga ko Bikira Mariya adashobora kuvuga ibintu nk'ibyo, ko adashobora kubonekera utari uwihaye Imana.

Ni kenshi nababwiye ko mukibabara kandi ntaho murageza. Hagowe uzavuga icyo atazasubiramo. Hagowe uzaca urubanza atazi urumutegereje. Hagowe uzitwaza Imana, agakora ibitagomba gukorwa. Mbagire inama, mugese kamwe, musenge mubikuye ku mutima, ibindi bitabafitiye akamaro mubyihorere. Ntawe nigeze ntunga urutoki ngo uriya n’umwana wanjye, uyu nta bwo ari umwana wanjye, mwese muri abanjye, ndetse n’ikimenyi menyi umwana wanjye yapfiriye bose, uwanjye si umucatholique, nta dini ngira, ni uwitwa uwanjye: ikiremwa muntu.

Bana banjye, ibyo nari mfite kubabwira, ndekeye aho. Uwumva ashishoze kandi atekereze, nashobora gukora ibyo mwifujeho, nanjye nzamukorera ibyo anyifuzaho.

Bana banjye, ibiri mu mitima yanyu ni byinshi, mubabaye mu bintu bitandukanye, ariko byose biterwa n’ikintu kimwe. Buri muntu wese afite ingorane. Hari abaje baje gutakamba, hari n’abaje baje gushimira, hari n’abandi batazi icyabazanye yenda baje kureba. Mwese muri bamwe, kandi ndifuza ko mwera imbuto nyinshi.

**VAL.:** « Ariko se Maman, hari abantu benshi bantumye. Hari n’abanditse amabaruwa, niba urayasoma ukayarangiza? Nimba se wayasomye bari kuyandika! Ntabwo mbizi ».

**B.M.:** « Bana banjye, nababwiye ko nimusaba nzabaha, sinzigera mbima. N’ushimira kandi, nanjye ndamushimiye. Ntabwo mbirengagiza kandi ntabwo mbatererana. Hari ubona batamuhereyeho ati umenya baramwibagiwe. Ntabwo nibagirwa, kandi umuntu agenda abona icyo yasabye buhoro buhoro, ntakiziraho, nkuko nanjye iyo mbasabye mumpa buhoro buhoro. Ntimukarambirwe munsaba, ahubwo mwagombye kubabazwa n’uko mbasaba mugatinda kumpa ».

**VAL.:** *atangira amasengesho yo gutanga umugisha, ahindukira kuri buri rubande ariko avuga n’isengesho ati:* « Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana, ukwicisha bugufi. Cyane cyane umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y’abantu b’isi yose, kumva ko ndi igikoresho cyawe. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Valentine ajya no mu bantu batari bashoboye gukwirwa mu nzu, bari hanze, arasenga ati:* « Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana, ukumva ko nta cyo ndi cyo imbere y’abantu b’isi yose. Kumva ko ndi igikoresho cyawe n’icyo ab’isi yose. Umpe no kuwutangana ukwicisha bugufi n’icyubahiro cya Nyagasani ».

*Valentine afata icupa ry’amazi, avuga isengesho ati:* « Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ugushaka kwawe, icyubahiro cya Nyagasani. Ugushaka kwawe ... kuri twebwe no kubagukunda bose ».

*Valentine yibumuriza ku icupa.*

**B.M.:** « Bana banjye, ntihazagire icyo mwongera kubyo nababwiye cyangwa ngo mugabanureho. Ubushize nkiri iwanyu mu Rwanda, nahaye umugaragu wanjye, umwana wanjye amazi, cyane cyane muha amavuta, abayemeye ni bake. Ngeze na hano mu buhungiro nabwo naramuhaye ubwo mperuka aha, hari abatari bahari, none bana banjye mbahaye amazi ahumura uwo mubavu kugirango ejo hatazagira ubatereraho kuryo navuze cyangwa se akaryongera cyangwa se icyo atabonye akakivuga. Niyo mpamvu nkorera mu rumuri, ntakorera mu mwijima ».

*Valentine yerekana amacupa abiri ya Bikira Mariya, rimwe ritangira kubira amavuta maze amazi akagenda yigira hejya, asimburwa n'amavuta ahumura cyane umubavu mwiza. Valentine rero atangira kuzenguruka mu bantu, aha buli wese wali uraho ngo yihumulize uwo mubavu. Abana bato bose bali aho, yarabahumuriye anabasiga ayo mavuta abakoreraho ikimenyetso cy'umugaragu mu ruhanga. Hari rero n'abandi bantu bakuru bagiyeye bakorerwaho ibimenyetso byihariye, bakanahabwa ubutumwa. Valentine azenguruka mu bantu bose.*

**VAL.:** « Ariko se Mama, ko ugiye kugenda vuba kandi nari nkigukumbuye »?

**B.M.:** « Bana banjye, ntabwo nirengagije ko hari abafite ibibazo by'inzitane, byose mbishyize mu mutima wanjye. Hari abafite abana babuze uko bahura na bo, hari impfubye zabuze uko zihura n'abagombaga kuzirengera. Hari ababyeyi babuze uko bahura n'ababo, ibyo byose, bana banjye, ndabifite. Hari n'abandi benshi bafite ibizazane byo kubaho bitewe n'ubuzima barimo. Hari n'abandi bafite mu mutima wabo kwumva ko rwose bifuzaga ko na bo bamera nk'abandi, bakishima nk'abandi muri iki gihugu, bakabona uburenganzira nk'ubwo abandi. Ibyo byose ndabibona, bana banjye simbyirengagije. Musenge kandi mwihangane, mukomere, musabire n'abatazi gusenga, musabire n'abatabishoboye. Kandi ntumugakunde abakunzi gusa, mujye musabira n'abandi banyu. Nta mwanzu ubaho, kuko icyo umutima uwuhaye amahoro, n'umwanzu ntiyinjira.

Bana banjye, ntumubisige aho tubivugiyeye, ahubwo nzasange byareze imbuto nyinshi.

Nshimishijwe n'uko mwitabiyeye kunkorera no gukorera uwo mukunda. Ndabashimye mbikuye ku mutima kubera ubwitange mwagize. Ariko kubashima ntabwo bivugaga ngo murekere aho murarangije. Muracyarwana kuko imbere hari ibikomeye. Kandi ntumuzacike intege, ntumuzumve amagambo ngo atume muteshuka ahubwo azabatereraho ingufu. Muramenye mwubake mwuzuze, mutazarekera mugeze hagati. Mwiyeze, muzashobore, musabe ko uwo mukorera yifuzaga koko ko mumukorera, azabafasha.

Bana banjye, mwese ndi kumwe namwe, uzaza ansanga sinzamutererana. Kandi nshimishwa n'uko harimo abibuka gushimira ibyo babonye. Hari abakizwa, hari aba ...Si ugukizwa ku mubiri gusa, hali no gukizwa kuri roho. Hari n'abasaba bagahabwa maze agasubira inyuma ati: Mubyeyi urakoze, ndagushimiye, kuko byose nzi ko biturutse kuri wowe, atagombye gusakuza. Undi na we ati: Nyagasani, n'ubwo

utampaye, ati ariko nizeye ko ubutaha uzanyibuka, mugahorana icyizere, kandi mwizeye uwo mwizeye uwo ali we, mudahubuka cyangwa se ngo mwumve ko mwatereranywe. Ndabakunda bana banjye, kandi nzakomeza kubakunda.

Umwana wanjye abaramburiyeho ibiganza by'agakiza ngo abababalire, mutahe mwishimye, kandi muruhutse ». *Valentine arambura ibiganza, atangira gutera amasengesho.*

*Isengesho ryo kwicuza ibyaha*  
*Je confesse à Dieu tout puissant*  
*Isengesho ryo gusabira abatwanga*  
*Isengesho ryo gusabira abarwayi*  
*Dawe uli mu Ijuru*  
*Ndakuramutsa Mariya*

**B.M.** : « Mfite akazi kenshi, nizere ko ntazaba nyamwisiga ngo nisange, kandi namwe nizere ko mutazaba babura mwaje. Mbahaye umugisha wa kibyezi.

Imana nisingizwe mu ijuru no munsu abitonda bahorane amahoro.

**VAL.:** *Valentine avuga akora ikimenyetso cy'umusaraba: « Wirirwe Mama »!*

*Valentine agwa igihumura, ibonekerwa rirangira rityo mu masaa saba n'iminota mirongo ine n'itanu. Abantu bose batera indirimbo, bakomeza igitaramo mu byishimo byinshi n'umunezero. Igitaramo gisozwa na Magnificat....*

## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**

### **I BRUXELLES MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2002.**

Nyuma ya Rozari yavuzwe n'abakristu bari bateraniye mu nzu kwa Valentina, hakurikiyeho indirimbo zo gutaramira Bikira Mariya. Ubwo Valentina na we yari mu balirimbaga. Saa sita zuzuye, Valentina akubita amavi hasi, atera indirimbo ya Bikira Mariya.

**VAL :** *atera indirimbo :*

***Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x)  
Turakuramutsa nka Gabrieli kera  
Uduhe amahoro, utulinde twese (2x)***

***Kiza abanyabyaha bamenye iby'Imana  
Utulinde ibyago, duhe ibyiza byose (2x) »***

*Aceceka gato, nyuma atangira agira ati :* « Ndi hano, vuga icyo ushaka umuja wawe arumva ».

**B.M. :** « Bana banjye, nje kubasura mbakunze nkuko nabasezeranyije ko ntazabasiga nk'impfubyi ».

**VAL.:** *Atega amatwi acecetse, nyuma arakomeza ati:* « Murakoze. Aliko, mbere yo kugira ngo tugire icyo tukubwira, ubanze utubabalire ibicumuro byacu, ubanze uturuhulire imitima iremereye, ubanze ushyitse imitima ya benshi mu nda ».

**B.M.:** « Buli muntu atekereze ku mutima we, maze ashytse umutima hamwe, maze avuge ikili ku mutima we. Aliko cyane cyane, asaba, yizera kandi yumva ko icyo asaba gishoboka. Aliko cyane cyane yicisha bugufi kugira ngo ashobore kwakira no kumva icyo agomba kumva, no kwakira icyo ali buhabwe ».

**VAL.:** *Atega amatwi, nyuma ati:* « Ariko nizere ko ntunama ngo nsange ugiye! Oya ndakwizeye. »

*Atera amasengesho akurikira, yakirwa n'abari bahari:*

***- Isengesho lyo kwicuza ibyaha  
- Dawe uri mu ijuru  
- Ndakuramutsa Mariya  
- Niyubahwe Imana Data na Mwana, na Roho Mutagatifu.***

**B.M.:** « Bana banjye, naje kubasura nkuko duherukana mu mwaka ushize kuli iki gihe. Sinababwira ko mbabaye cyangwa nishimye. Sinababwira ko mbagaye kandi ndi umubyeyi.

*Valentina yikiriza buboro ibyo abwirwa.*

Ndababaye kubera ko ibyo twasezeranye ubwo mperuka kubasura mbakunze mutabikoze, ahubwo mugaca intege n'abagombye kuzigira. Umukobwa aba umwe, agatukisha bose. None rero, ndagarutse kuko mbakunda nkuko nababwiye ko mwanjye umunyabyaha aliko atari ko nitwa, atari nako nteye ».

**VAL.:** « Maman, tugusabye imbabazi tubikuye ku mutima. Niwirengagize ibyo twaba twaragukoreye byose, uzilikane ko tuli abantu, uzilikane ko udukunda kandi ko turi abana bawe b'abanyabyaha. Wishime kuko tuba tugutegereje twishimye kandi tugukumbuye, wumve ko tugerageza ariko intege nke za muntu zikanga ».

**B.M.:** « Ntabwo mbakura umutima bana banjye, ndagirango buri muntu aho ari ajye yisuzuma kandi yikosore. Si itegeko, ni ubushake, ni urukundo, bwa buri muntu ».

**VAL.:** *Aralirimba:*

*« Naje mbasanga, naje mbakunze.  
Ndi umunyabyaha bana banjye ?  
Nimugaruke. Siko nitwa, siko nteye, niko mwanjye.  
Nimuhumure mbatabare, nimugaruke mushire impumu.  
Mwigira inyota, ndabatabara, mwigira impumu turagendana.  
Bana banjye naje mbasanga, jye ndabakunda,  
jye ndabatashya, igihe cyose mbatumaho.  
Nimuhumure, nimukomere, inzira yanjye ni intamenwa.  
Dore ndaje, dore ndababwira nti muhumure.  
Kaze, kaze Kibeho yahiriwe.  
Nyise ingoro yanjye simbabeshya, ni ikiliri gisasira abasinzira,  
ni ubuliri butabara abarembye.  
Ni ingobyi impekera abarwayi.  
Shuri ryanjye ndaribeguliye, namwe ababyeyi nimumfashe.  
Kaze neza Kibeho kuko naje ngusanga uranyakira ».*

**B.M.:** « Bana banjye, nakunze kubasobanulira ko Kibeho yanyakiriye atari umusozi, atari n'umurenge, ahubwo Kibeho ni abo nahasanze. Ndumva narabibasobanuriye. Nababwiye ko mbakunda, ko ntazabasiga nk'impfubyi. Niyo mpamvu nanjye uko mwagira kose, ndagaruka kuko mbakunda kandi mbashaka, kuko n'iyi mbakumbuye, mbatumaho ».

**VAL.:** « Maman, natwe turagukunda. N'ubwo haba harimo ucikwa cyangwa akagira intege nkeya, aliko nzi neza ko uko nabonye abantu bose bali iwacu... nali nagize n'isoni zo kubareba.

Ariko nzi neza ko bagukunda, n'uwaje areba, ali butahane ikintu kimwe.

*Yikiriza i byo abwirwa ati: hii, .... hiii*

Abenshi baba baturutse impande zose: hali abatuye hafi, n'abatuye kure, ndetse hali n'abarwayi baba baje bumva ko ari wowe ugira icyo ubabwira kibagera ku mutima wenyine kuko ali wowe utanga byose ».

**B.M.:** « Bana banjye, niyereka abintamenyekana. Niyereka, uwo nshaka n'igihe mbishakiye. Nkamutuma aho nshaka, nkamutuma ahali ngombwa ».

**VAL.:** *asubiza ku byo bamubwiye ati:* « Icyo ushaka cyose ».

**B.M.:** « Ubwo nazaga ubwa mbere kubasura, narababwiye ngo ntawe usiga umugisha iwabo ngo awusange hanze. Kandi ni byo. Ugira Imana abona umugira inama, kandi ugira Imana abona umubwiza ukuli. Mugira amahirwe ko naje kubasura nkabazanira umugaragu wanjye, unanizwa n'ubonetse wese ».

**VAL.:** « Ni ukuvuga iki »?

**B.M.:** « Nibuka ko akili mu gihugu cye, namusezeranyije kandi narabimubwiye ko azatotezwa n'abantu bose, agatotezwa n'abo bagize icyo bahuriyeho, n'abo batagize icyo bapfana, ndetse n'abatamuzi, kugeza igihe azabura n'umuha amazi yo kunywa, bakamuhimbira, kugira ngo ashobore gufasha Yezu gukiza isi. Birantangaza kumva ibyo mubyibagirwa, namwe mugaca muli iyo nzira. Ntihazagire usenga, ukora igikorwa cy'urukundo, yereka abantu kugirango bamushime. Ajye aharanira gushimwa n'uwo atareba n'amaso ye ».

**VAL.:** « Karame... »

**B.M.:** « Nababwiye ko umukristu w'ukuli, ukunda mugenzi we, amwegera akamuhana, akamwereka ko icyo akora atali cyiza. Bana banjye, mumbabalire kuko ibyo ari kubabwira ndi kubibasubiliramo. Ndagirango ejo hatagira ugwa muli uwo mutego cyangwa agateshuka kuko buli muntu yagombye gufungura amaso akamenya icyo agomba gukora cyiza: gusenga, kwicisha bugufi no gukundana cyane cyane no kubabalirana. Ndabamenyeshya ko mugira amahirwe abandi badafite. Hali abifuza kuba bali hano kumwe namwe ntibahagere aliko bikambabaza kubona mwe muhagera mukazinduka halimo banyamwisiga nkisanga na ba babura baje. Mbivuze gutyo kugira ngo mwisuzume, hoye kuba ntawe waje aje azanywe n'ubusa cyangwa se ngo agende ajyanye ubusa.

Bana banjye, mbabwiza ukuli, igihe cyose naje kubasura, si ngombwa ko haba ibitangaza kugira ngo buli muntu yemere ».

Jye naje kubasura mutampamagaye kandi mbakunda. Nubu ndabasura kandi ndabakunda. Ntabwo kuba uwo niyeretse ntawamwemeye cyangwa se ntawe umwemera bivuga ko ntagaruka kumusura cyangwa ntamwiyeretse.



Kuva kera nababwiye ko ibya mbere bizaba ibya nyuma kandi ko ukuli kuratinda ntiguhera.

Iyo « mumukondannye » ni jye muba « mukondana ». Iyo mumwihakana ni jye muba mwihakana kuko ali jyewe waje atampamagaye. Naje kugira ngo mubatumeho. Igihe mumwita shitani, ni jye muba muyise. Igihe mumushinja muba muli kunshinja kuko iyo ntamuhamagara ngo mutume na we aba ameze nkamwe yigenga. Yizilika ku byo namubwiye aliko nta sezerano yangiliye. Ni uko anyubaha akanyumvira ».

**VAL.:** *Avuga asa nk'uwongorera ati:* « Rwose, Maman, sinsobanukiwe ».

*Amaze gutega ugutwi akanya ati:* « Murakoze ».

B.M.: « Bana banjye, igihe cyose, buli muntu atekereza, ntana limwe muzasanga umuntu ukora nabi ahura n'ibigeragezo. Nukora nabi, abantu babona ko akora neza; aliko buli gihe iyo ukora neza biboneka ko ukora nabi. Aliko mwabonye koko umuntu ubura n'umwe umuvugira neza? Ubwo se, iyo mubona abantu bose batoteza umuntu umwe, mwe ntibibababaza ngo mwibaze kubera iki? Mwibuke ko nababwiye ko umukobwa aba umwe agatukisha bose. Iyo mvuze ngo mwese, si ukuvuga ko ali bose, aliko ntabwo ntoranya abana mwese murangana. Abwirwa benshi, akumva bene yo. Ngiye kubacira umugani. Hali myinshi naciye ntimwashobora gusobanukirwa:

- Umunyabukolikoli yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishulira ibyapfuye.

*Arikiriza ati: hii, hii...*

- Inkoni y'umushumba iba ndende iyo ntacyo aragiye aliko iyo aragiye, ikaba ngufiya ».

**VAL.:** « Aliko se uzi ko twebwe tuzi iyo migani? Ujye uyidusobanulira kuko bituma buli muntu yisobanulira uko ashaka ».

B.M. : « Ndabasobanulira byoroheje cyane : iyo ufite uwo utuma bilihuta. Ubwo ya nkoni iba ibaye ngufiya. Aliko iyo umubuze, ukora urugendo. Cyangwa se iyo umushumba aragiye : iyo afite amatungo imbere ye nta we ubona inkoni ye kuko iba ikikijwe n'amatungo aliko iyo nta matungo afite inkoni aba ayicumbye. Nanjye rero, iyo mbatumyeho, inkoni iba ibaye ngufiya kuko mba mfite uwo ntumye nk'umushumba ugomba kuntumikira. Aliko iyo abuze abo abwira n'abo atuma, abo abwiye batamwumva bakamwita umusazi, inkoni iba ikili ndende. Ndumva mushobora kumva icyo nshaka kubabwira.

Ese, ntabwo bibatangaza kubona umwana arera abandi akabakuza kandi ali umwe ? Abamufashije ali bo bamutera inkota mu mugongo ?

Ndabibabwiye kugira ngo mwisuzume kuko byarambabaje. Ni yo mpamvu mbanje kubanyuliramo kubyambabaje kugira ngo noneho nsubire inyuma tunganire buli muntu yisuzuma mu byo namubwiye uruhare yagize.

Munyumve neza mutongera kumpimbira ko navuze ko, umwana avuga ko yabonekewe kandi abeshya kugira ngo abantu bamuhe amafaranga yo gufasha abo bana. Ibyo ni byo mwihimbira nta nibyabayeho nta nibyavuzwe. Kandi nta nubwo ali ngombwa.

Bana banjye, nje kubabwira noneho ibyanzanye kuko nagira ngo mbanyuliremo nk'uko nababwiye ko ugira Imana abona umuhana n'umubwiza ukuli. Buli muntu yicishe bugufi asabe imbabazi z'ibyaha bye byose n'iby'ab'isi yose n'iby'abavandimwe bose. Yicishe bugufi yumve ko ntacyo ali cyo, yicishe bugufi yakire icyo akwiye.

Bana banjye, murambure ibiganza n'imitima yanyu, muruhure ibibababaje byose, muruhure ibibabangamiye, ibibatera ubwoba, maze musabe imbabazi kuko usabye yizeye ahabwa, nimba mwemera ko ndi hano imbere yanyu. Mbahaye ubudacogora, ubusabane ku Mana. Ndabababaliye n'umutima wanjye wose ».

VAL. : « Urakoze Maman. Turagushimiye n'umutima wacu wose kuko twali duhagaritse imitima kubera ibicumuro byacu. Nta ntungane ibaho, buli muntu wese arakosa kandi akarangara. Ikibazo tugira, nuko buli muntu amenya iby'undi ibye yabyibagiye. Turagusaba rero imbaraga zo kwimenya, ukwimenya kurusha abandi. Buli muntu akireba, akareka kureba mugenzi we. Rwose, niba ubona tubikwiye turabigusabye ».

B.M. : « Bana banjye, .... naje mbabaye kubera ko ibyo twasezeranye bimwe bitakozwe cyangwa se mutabikoze aliko mba nanishimye kubabona kuko nzi neza ko igihe cyose muba mwaje kugira ngo tunganire, kugira ngo umubyeyi yegere umwana, n'umwana yegere umubyeyi we. Rwose mbahaye urukundo rwanjye rwa kibyeyi ».

VAL. : « Arasubiza ku byo abwiye ati : Murakoze Maman ».

B.M. : « Ndagira ngo mbasobanulire, bimwe mugenda mwisobanulira uko bitali nuko bitavuzwe. Natangajwe no kumva buli muntu ku giti cye yisobanulira ibye kandi narabahaye uwo mugomba gusobanuza icyo mutumva.

Muramutinya ntimumusobanuza ahubwo mukamuhimbira.

Nibuka ko kuli 15/05/1994, nubwo iwanyu hari intambara ikomeye cyane... »

VAL. : *Arabaza ati* : « Iwanyu se ? None se ko ali jye tuli kuvugana uli kubwira ba nde » ?

B.M. : « Ndashaka kubabwira mu gihugu cy'u Rwanda, nabasuye mbakunze. Nta bwo nigeze nduhuka kubabwira, ko intambara ikomeye ili mu mitima yanyu. Ndongera ndababwira nti aho nsezeraniye n'umwana niho duhulira niyo haba mu

nzitanwa, n'iyoyaha mu ntambara, iyonyavuze ngo ndaza, aho yaba ali hose, ndaza ».

VAL. : « ... Murakoze. None se, ibyonyndabyumva kandi ndabyemera. Kubera iki ubidusubiriyemo » ?

B.M. : « Ndagira ngo mbabwire ko hali bimwe mufata uko bitali. Bikaba byashobora guteza umuntu ingorane kuli roho no ku mubili. icyo gihe muli 1994, hali mu ntambara ikomeye cyane y'amasasu, n'intambara y'imitima, n'intambara y'amoko. Mumbabwire mwumve neza si ndi kuvuga politiki nk'uko mwese mubivugaga. Ndagira ngo mbasobanulire, kuko naje nje kubasobanulira, nta gishya mfite. Nababwire ko intambara ikomeye ili mu mitima yanyu. Mbabwire ko intambara atali iy'amasasu ahubwo intambara ili mu mitima y'abantu ali yo ikomeye. Mbabwire ko abazaba ali abanyije bazarwana bagatsinda, ntabwo nashakaga kuvuga ko nzajya ku rugamba ngo mfate imbunda, ngo mfate amasasu nk'abali bali kurwana bicana. Nashakaga kuvuga ko, umwana wanjye wese uzaba unyizeye, uzaba usenga, azafata ishapule ye, agasenga, akazatsinda shitani, izaba ishaka kumugusha, agatsinda shitani iba mu mitima y'abantu benshi. Niyo ntambara navuze, ntabwo navuze abantu bazajya kurwana bicana cyangwa se bahanganye bateranye imitwe, bateye barebana mu maso. Intambara navuze ni iya roho. Kuko nazanywe n'amahoro n'umutima na roho, ntabwo njyewe naje gutegeka kandi si byo ngamije. Gusa, ni uko bamwe babyisobanuliye ukundi, nabyonyndabibasobanuliramo kuko birakomeye : bamwe bavugaga ko navuze ko abali ku butegetsi ali bo bazatsinda kuko ali bo batsinze. Abali mu buhungiro na bo bati weho washyigikiye bariya, Bikira Mariya yarabivuze twarabyumvise. Aho nararanganye nta bwo nabivuze. Navuze ko intambara ikomeye iri mu mitima - mbibasubiriyemo - kandi ko abazaba barengana nzabarenganura. Ni kuli Roho ! nta bwo navuze kurengana muli gupfa ubusa. Ngerekaho ndababwire nti umwana wanjye uzabona ageze kure, nuko mugenda mureba hejuru ntimushishoze ngo mushire ibintu ku murongo, naravuze ngo uzaba ageze kure kandi ananiwe, azavuye ati : Maman, ko twagendanaga, ukaba untereranye, urabona nsigaye he ?

Nkubwire ntyo wumva ko ali intambara y'isasu ? Cyangwa ali iya roho ? Ibyonymwese ntababyibutse ahubwo mwifatira ibindi buli muntu akareba ibyonyabona agomba kureba.

Navuze ko hali umwana wanjye wavuze ati : Nali ijisho lya benshi none ndagiye, ilisigaye uzalibankanurire. Bamwe mutekereza, buli muntu agatekereza uwe wapfuye, abategetsi b'igihugu bapfuye, abapadiri se cyangwa abasenyezi. Nongere mbasubiriyemo, sinavuze umuntu, nta muntu navuze izina lye.

Navuze ko hali umwana wanjye. Mfite benshi. Sinigeze mbisobanura kandi nubusimbibasobanulira.

Ariko nagira ngo mbabwire ko ibyinshi mwibeshye mukabifata uko bitali. Ali abali mu gihugu bagafata ibintu uko bitali, ali abali hanze bakabifata uko bitali, bigasenya imitima y'abantu ndetse na roho z'abantu. Ndetse no mu mutwe

mufite muli kubaka ubu ngubu, muvuga ko muli inshuti za Bikira Mariya w'i Kibeho. icyo kintu kikaba gihali no muli mwe kikaba kibalimo. Ndashaka kubinginga rwose, mwibagirwe ko icyo kintu uko mugitekereza ko ataliko kili. Ni jyewe jyenine wakivuze, kandi ni jye uzi umwana wambwiye atyo. Nta we navuze, nta nuwo nzababwira. Mwe muvuga ko ali umutegetsu wali ku butegetsu icyo gihe « mugaprecisa » mukavuga ngo Habyarimana.

Nta byo navuze ! Mugashyiraho n'uwali umwungilije. Nta byo navuze. Yemwe n'abasenyeli, ntabyo navuze. Navuze umwana wanjye wagiye gupfa akavuga gutyo kandi arahali. Ndabasabye ngo igihe mutekereza mujye mwilinda guhita muvuga. Nababwiye ko iyo umuntu agiye kuvuga, akaraga urulimi kalindwi. Nababwiye ko gukeka ari ko kubeshya. Ko icyo mutekereza ko imigambi y'abantu atali yo y'Imana. Rwose ndabasabye mureke gusenya imitima yanyu ahubwo muyubake., Mukundane bamwe n'abandi, buli muntu atarebye ukwari, atarebye ubwoko n'uturere, ahubwo mukundane nk'uko mwakunzwe. Mukundane nkuko mwaremwe. Rwose ndabasabye. Ndabinginze rwose ngo mwibagirwe ibyo byose, mwicisha bugufi, mukundane. Kuko byarambabaje ari nabyo bituma mucika amacakubili mu masengesho, ari nabyo bituma buli muntu asenga ahuzagulika. Rwose ndabasabye, ndabinginze kuli uyu muni kugira ngo mukundane, ejo mutazivana amata ku munwa, ejo mutazatana kandi mwagombye kubakana ».

VAL.: « Murakoze Mama. Hi ? Ariko se Maman, buli gihe mumbwira ko ari indabo zo mu murima wanyu, kandi nagerayo bakambwira ngo ni abantu nabatutse. Mushobora kumbwira ko ari n'abantu ntacyo bitwaye.

Hi ? Oya. None se ko mumbwiye ngo nindebe mu murima wanyu ko indabo ari nyinshi. Ni nyinshi cyane ahubwo.

Uwari kukugeza iwacu ngo urebe abantu bahari, baruta ziriya ndabo z'iwanyu kure ».

*Arikiriza ati: hii, hii.*

B.M. : « Bana banjye, igihe musenga, mujye mwicisha bugufi, mwumve ko uwo mubwira abumva, ko abakunda, kandi ko icyo mwamusaba cyose abaha.

Bana banjye, uwanjye wese ahorana ibigeragezo. Ahora ababara. Ahora arwaye. Ahorana ibibazo. Kubera ko nababwiye ko inzira y'Imana iba ifunganye, aliko iya shitani ikaba yaguye, kuko icyo usabye cyose irakiguhya. Ubwo rero kugira ngo ugere kucyo ushaka, urabanza ukuyuha akuya. Kugira ngo dushobore kunyura mu nzira Yezu yanyuzemo ».

VAL.: « Aliku se Maman, kubera iki hali abantu benshi bahorana ibibazo kurusha abandi? Hali abarwayi, hali impfubyi, hali abapfakazi, ugasanga haliho abafite ibibazo abandi nta byo bafite kandi twese dusenga. Cyangwa se ugasanga mu rugo rumwe ariho hali ibibazo byinshi. None se ko abagukunda ari benshi, kuki utabagabanya cyangwa ngo buli muntu afateho yumve ko n'undi wese ashobora kubabara? Nta bwo... kubera ko usanga, ... sinabona uko mbikubwira. Hali

abababara cyane kurusha abandi, hakaba n'abandi basenga ukabona rwose nta kibazo bafite. None rero buli muntu ujye ugenda, ... « au moins » niyo byaba ali iminota itanu, yumve ako kantu, ukamucinyireho yumve, noneho ajye atekerezaho yumve, avuge ati yewe, wa wundi arababara. Kuko hali abantu bumva ko abandi batababara. Nibyo hali abumva ko abandi batababara ».

..Hi... Ubwo se, hali ...

*Atega ugutwi hanyuma arakomeza ati:*

« Oya, None se, haliho nk'umuntu ashobora kuba arwaye indwara z'amoko yose kandi abandi batarwaye n'imwe. Buli muntu yajya asangira n'undi! None se kuki dusangira isengesho ntidusangire n'umubabaro? Arabaza ati ; Hi ? Nyamara ni byo. Kuko hali abavuga ngo nonese umuntu ababara ate? Ngo ese yumva bimeze gute? Ukumva ngo undi na we yashize.

Arikiriza ati: Hii. None se nk'ubu ngubu mumpa ububabare bw'abantu bose. Ibintu byose bibaho nkabibababalira aliko nta n'umwe ubibona. Nkareba ukuntu mbabara nah'abandi bali guseka, nkabona bigize... Ujye ubahaho limwe bumve ukuntu bibabaza.

*Arikiriza ati: hii.*

Gato gusa niyo kaba ali isegonda limwe. Buli muntu azajya asenga kurushaho. Kuko azajya avuga ati, eh eh, burya ba bandi barashize. Ubundi ntabwo babyumva. Nta n'ubwo babyemera ahubwo!

*Valentina arikiriza ati: hii , hii.*

Aliki se Maman, yego ni byiza aliko nubundi biramvuna. Hali igihe ubona ibintu byinshi bikunyuraho, bikakuyobera. None se ? Aliki uzi uburemere bwo kureba icyo umuntu atekereza ? Uzi uburemere bw'umuntu uza akakubwira ikintu kandi ubona ko aguhishe ikindi ? Nabwo ntibyoroshye. None rwose, ntabwo ali ukubasuzugura, iyo ngabire mwampaye muyisubirane, munsigire izindi. SI mwampaye ingabire yo kureba mu mutima w'umuntu. Umuntu akaza akajya haliya akambwira ikintu kandi antekerezaho nabi. Ese yambwira narangiza nkamubwira ngo oya uvuze iki ? Ngo iki kivuge ?

Uzi ko kera nabivugaga bigatuma abantu badashobora kumvugisha bagatinya none ubu ngubu rwose naciye bugufi cyane. Aliki nabwo biramvuna. Ugahura n'umuntu agaseka kandi afite ikindi atekereza, kandi wowe uli kukireba, kandi udashobora kuvuga ngo oya uli kumbeshyera ?

*Arikiriza ati : Hii.*

Noneho n'iyi numvise bikomeye ndabyemera aliko ntabwo byoroshye. Rwose muyijyanye ndumva ntacyo byantwara. Rwose mwaba munduhuliye. Nkaba umuntu nk'abandi simbibone kuko n'ubundi kubibona se ... »

*Valentina asa nkushubije icyo abwiye ati* : « Hii, ndabizi ko mutanga mubishatse n’igihe mubishakiye. Oya ntabwo mbyinubira. Nta cyo bitwaye ndabyemera mubyihorere aliko, mujye mumenya ko binaniza.

*Arikiriza ati* : Hii. Nzakomeza mbyihanganire... Murakoze.

Ariko se Maman, ko ali mwebwe muzi ukuli n’ibitali ukuli, mukamenya ubushishozi kuturusha, hakabaho n’ushishoza akumva ko ikintu ashishoje ali ukuli, kandi ..., yenda atali ukuli, bitewe nuko twebwe dufite intege nke za muntu, muzi ko ababakunda ali benshi rwose, non mu bo nasize muhira halimo abavuye kure cyane, babakunda rwose bivuye ku mutima. Muzi ko mwajye kudusura, tutabitekerezaga. Nta kuntu mushobora kwerekana ukuli kugira ngo buli muntu kumufashe, buli muntu ajye agendera mu rumuli aho kugendera mu mwijima ! Nta bitangaza umuntu asabye, kuko nta gihe mutabitwereka aliko, mukerekana ukuli, kwa roho, atali ukuli kwa muntu. Ntabwo mbasaba kugira ngo banyemere ko mwanigaragarije, nshimishwa nuko bemera ko mwigaragaje. Ibyo birahagije. Aliko kandi n’abantu birabaremerera cyane cyane abana banyu babakunda kuko benshi bahura n’imisaraba myinshi iturutse kuli icyo kibazo ».

B.M. : « Bana banjye, nabahaye amavuta inshuro nyinshi, ngira ngo mbereke ko mpari. Ababyemera ni bake kandi ibyo byabaye kuva kera no mu Rwanda, ntabwo ali ibyabereye aho nabasanze mu muruho udashira, utoroshye kandi ariko ali mwe muwuremereza ».

VAL.: « Hi? Mu muruho udashira? Umuruho udashira ni ukuvuga iki ? Ushaka kuvuga ko tuzahera mu muruho udashira, tugahora tubabaye ? Oya, jyewe niba ali byo, muzambwire nitahire ndananiwe. Ni ukuli rwose ndakubwiza ukuli. Jyewe numva aha ngaha atali iwacu. Menya aliyo mpamvu nta n’amahoro mpagira. Nubu umbwiye uti ejo, wasanga nageze yo. Gusa ni uko mba nkora ugushaka kwawe. Aliko rero, unkuye umutima uvuze ngo mu muruho udashira ... none se tuzahora muli uyu muruho » ?

B.M. : « Mwumve neza : nashaka kubabwira ko uwanjye wese ahorana umuruho ».

VAL.: « Hii? Ujye ugezaho utworohereze turananirwa. Erega tuli abantu. Arikiriza ati : Hii. Aho ndabyumva. Rwose birabashimisha kandi byaranshimishije byonyine kumva bavuga ko mwigaragaliye iwacu mu Rwanda ». Arongera yikiriza ku byo abwiye ati: Hiii.

B.M.: « Bana banjye, mfite agahinda kenshi aliko katali cyane. Kuko natangajwe no kumva bavuga ko naje kubasura iwanyu mu Rwanda maze bakibagirwa ko nta gihe nigeze ntandukana n’Umwana wanjye. Bakibagirwa kumuha uruhare rukomeye muli uwo mwanya kandi atarasibye kubasura. Ndetse bakaba bahanaguraho n’igihe yahaziraga, n’igihe yabasuriye. Birababaje kumva wihakana inshuti yagusuye, ukayakira byagera nyuma ukavuga ko ntayo wabonye. Ntabwo nigeze nza jyenyine. Sinjya ntana n’umwana wanjye.

Musenge, musabe, ukuli kuzaboneka kandi nkuko Yezu yabasuye, ntimugatinye kuvugisha ukuli. Nkuko mudatinye gusebanya, ntimugatinye kuvuga uwo mukunda. Munyumve neza, nabyo mutabitwara ukundi: abenshi b'andi madini atereye ku mpande, ntibatinye kubahiriza idini yabo aliko mwebwe mutinye kubahiliza iyanyu ngo batabaseka cyangwa bakababona. Biteye agahinda kumva mwihakana uwabapfiriye n'ubu akibaruhira. Ariko ndabamenyesha ko akibakunda kandi azakomeza kubakunda.

***Nongere nsubiremo: birababaje kumva bemeza ko Umubyeyi Bikira Mariya - nivuze mu izina - yaje kubasura mu Rwanda ariko Yezu ntahagere. None se mwabonye hari igihe natandukanye n'umwana wanjye? Ndetse n' i Kaana twarajyanye. Ni we mushumba, ntimugatinye kubibwira n'abatabizi kuko yarabasuye. No kuba mukiriho ni uko yaciye inkoni izamba.***

Bana banjye, mbasabye gukundana. Mbasabye gusabana mukagirana inama. Mbasabye rwose kugerageza mukicisha bugufi.

VAL.: *Arikiriza ati:* « Hii, ndabyemeye ».

B.M.: « Bana banjye, ubushize nibanze ku bashakanye no ku rubyiruko. Rwose mbigarutseho. Birambabaza iyo mbonye mwe muvuga ko mwavuye mu gihugu cyanyu mubababaye, mwarageze ino mukamera nk'aho ntacyo mwahuye na cyo. Mukamera nk'aho nta n'icyo mukeneye, mukeneye byinshi. Ndabinginze mwicishe bugufi, ndabinginze musubize amaso inyuma maze musenge, musabire n'abandi bose bangana namwe batagira icyo kulya n'icyo kwambara. Hali benshi bakili mu mashyamba. Hali benshi batazi iyo bali, batazi ko bwira cyangwa bugacya. Hali benshi bafunzwe bazira ubusa cyangwa bazira ukuli. Abo bose na bo bakeneye amasengesho yanyu.

Mwebwe mwalibagiwe kandi mwarasabye muti: Mubyeyi uzadufashe nitugerayo ahubwo tuzasenga kurushaho. Mbiherukira icyo gihe. Mwigiriye mu by'isi bitagize icyo bimara. Mwimirije imbere icyaha gishira vuba aliko kimunze imitima y'abantu.

Bana banjye, ndabinginze, umuntu ni umuntu kandi ubuto burakwoshya ntibuguherekeza. Musubize amaso inyuma mwibuke ko hali intebe ya penetensiya bamwe musuzugura ko nta cyo bimaze, aliko birakimaze. Buli muntu aje yimenya, areke kumenya mugenzi we ».

VAL.: *Arikiriza ati:* « Hii ».

B.M.: « Namwe abashakanye mwuzuze, urukundo mwagiraniye imbere y'umusaraba mutagatifu, mwibuke igihango gikomeye muvuga muti: « haba mu byago no mu makuba ». Mwiyezameza ibyo mutazashobora!

Ntabwo byoroshye, nyabuna nimugerageze, musane imitima yanyu, mwubahirize isezerano lidakuka. Mwubahilize icyo mwanyemereye n'icyo mwemereye Umwana wanjye.

Kuko imbere yanjye ali igihango gikomeye. « Waba muzima cyangwa urwaye, kugeza gupfa ». Mugende mwumva ayo magambo. « Kugeza gupfa ». Ni ukuvuga nyine ko ali igihe cyo gupfa, ko igihe mutarapfa mugomba kunga ubumwe kuli roho mugafashanya mukareka ibituruka impande zose kuko byose biba bisenya bitubaka ».

VAL.: *Arikiriza ati:* « Hii ».

B.M.: « Ndabinginze babyeyi namwe bana, basore namwe nkumi, kugira ngo mugire Rozali yanyu akabando, muyigire intwari ibafasha ku mutima no kuli roho, ku mubili. Mujye mwibuka kubwira Yezu muti: « Turagiye aliko inzira tugiye uturagire kandi utugezeye amahoro ». Igihe ugiye gukosa uvuga uti « mbese ko ngiye gukora kiliya aho kirashimisha Imana? » Mugende mu rumuli no mu nzira nyayo mureke kurahuka no kugendera mu bitali ngombwa. Igihe kandi muguye mu cyaha musabe imbabazi kuko igihe cyose umwana asaba umubyeyi we imbabazi.

Bana banjye, n'ubwo naje kubasura nkababwira ko mbabaye - ndabisubiramo - ndanishimye kuko mbona mwaje, mukavuga muti : « reka tujye kureba aho hantu turebe n'uwo muntu ». Nuwaje akekeranya ndumva ali buhakure ikintu kizima. N'uwaje avuga ati ngiye gupfa kureba, arapfa kureba aliko ntabura na kamwe ajyana.

N'uwavugaga ko ali shitani, arahakura ikintu kizima kuko ali shitani nta kintu kizima kihaba, harangwa n'ibibi gusa. Rwose ndi hano, ndi umubyeyi wanyu, umubyeyi w'impuhwe nyinshi, umubyeyi ubabalira abana be, kandi ubakunda. »

VAL.: *Atera indilimbo:*

Imbere y'Imana niho uhagaze,  
ngo usabire isi ngo igire amahoro.  
Mubyeyi wabyaye Imana urakuzwa.

R.: Nanjye nzajya ndata ubuntu ugira, umbereye ingabo (2x)

*Arikiriza ati:* Hii...

B.M.: « Ndabashimira kuko munyibutsa igihe nazaga iwanyu mukanyakira. Ndashimira n'abanyamahanga baza babakulikiye batumva n'urulimi rwanyu. Nabyumva, ntabwo babura kubashyigikira kuko umugisha uli iwabo kandi uli iwanyu, kandi umwana wese aho asanga umubyeyi we ntahayoberwa. Mwese muli abana banjye, ndabashimiye n'umutima wanjye wose.

Bana banjye, mushyitse umutima mu nda, n'Umwana wanjye arababaliye ».



VAL.: *Atera na none indilimbo:*

« Mariya, Mubyeyi w’Imana n’uwacu, ubwiza bw’ijuru bugutemba ku mutima

R. Iyizire, iyizire (2x), iyizire ngabire y’Imana yatugabiye.

Biduteye ubwuzu n’umubabaro, tubitewe n’abatarakumenya.

Hindura imitima y’abagira nabi, tsemba inzangano, ganza ingeso mbi mu bantu.

Hindura imitima y’abagira nabi, hanagura amalira y’abalira n’ababaye.

Uzasenga cyane ashyizeho umwete, azatabarwa vuba mu ntambara y’isi.

Uzakunda cyane Yezu na Mariya, azatabarwa vuba mu ntambara y’isi ».

B.M.: « Bana banjye, nagira ngo mbabwire ko no mu ndilimbo mbwira umugaragu wanjye, umwana wanjye, uwo mbatumaho, na zo ziba zilimo inyigisho nshaka kubabwira. Nta bwo ali ukulilimba kubera kumenya kulilimba cyangwa se kugira ijwi lyiza, mujye mwumva n’inyigisho ziyilimo ».

VAL. : *Ararimba :*

Naje mbasanga, naje mbakunze.

Ndi umunyabyaha bana banjye nimugaruke.

Siko nitwa, siko nteye, niko mwanjise.

Nimuhumure mbatabare,

nimugaruke mushire impumu ».

B.M. : « Iyo ndilimbo nayimwigishije kugira ngo abenshi bajye bakuramo inyigisho nyinshi kubera ko ndabakunda, nkamukunda, namwe mukankunda. Inyigisho zose n’indilimbo zose tumwigisha, byose bikubirwa no mu ndilimbo tumwigisha. Ntiziba zoroshye aliko mujye musaba ubushishozi ».

VAL. : *Atera indilimbo Yezu yamwiyigishilije ubwe :*

« Yezu ni inzira, ni Umwami ni n’urukundo.

Ni umuhoza ni n’umufasha, ni Nyil’impuhwe z’igisagirane.

Ni Umubyeyi (2) Ni Umubyeyi, ni Nyir’imbabazi.

Yarababajwe arababalira, yarakubiswe aca inkoni izamba, Yatamilijwe amahwa, arababalira.

Nyagasani (2x), Nyagasani ca inkoni izamba ntibazi icyo bakora. Nyagasani(2x), Data uli mu ijuru, bababalire ntibazi icyo bakora ».

*Aceceka akanya, arongera aralilimba ati:*

« Ndababwiye nti: Mugore, dore umwana, mwana dore nyoko.  
Nyagasani (2), Mana yanjye, babalira (2x),  
babalira ntibazi icyo bakora.  
Narababajwe, narakubiswe, narasuzuguwe hano mw' isi,  
None Dawe, ndababaliye (2x).  
Mawe mwiza, ko wambyaye, warankujije, wantuye Imana.  
Mulinzi wanjye unkunda, Data Yozefu,  
nshyize roho yanjye mu biganza by'Imana.  
Pfukama werekeze amaso mu ijuru.  
Uture Imana ibyawe byose, umutima wawe urakiliwe.  
Nyagasani Mana yanjye, babalira, babalira ».

B.m. : « Bana banjye, iyo ni indilimbo namwigishije kera, yayigishijwe n'uwo batemera ko yabigaragariye. Yayigishijwe n'uwabacunguye kugira ngo abumvishe akababaro yagize, n'uko yakubiswe.  
Ndongera kubibutsa kuko mbona musa n'aho mwibagirwa ko Umwana wanjye yabasuraga ku italiki 20 z'ukwa 3 buli mwaka. Ali byo bitigeze byemezwa ko yaje ndetse hali n'abandi baba batabizi. Aliko namwe ndabagaya kuko mutajya muwubahiliza. Musonga mu batabyemera nk'aho namwe mutabyibuka. None se mwagiye kureba iki ? Mwasangaga nde, mwazindukaga mugiyeye gukora iki ? N'ubwo yasezeye, aliko murahorana. Singombwa ko muhaguruka ngo mukore urugendo aliko abibuka uwo munsu bakavuga isengesho ni bake. Mbese bakamusaba nkuko bamusabaga ali i Kibeho ».

VAL.: *atega amatwi hanyuma asubiza uwo bavuganaga:*

« Ntabwo nyibuka neza. Aliko mumubwiye akamfasha nayibuka, n'ubwo mutinya. Nakwihangana ».

Atera indilimbo ikulikira:

« Yozefu mulinzi wa Mariya,  
Umulinzi w'Umwana w'Imana yarababaraga, akavunika.  
Yagize ibibazo igihe bamugaragarizaga ko Isugi y'Imana yasamye inda.  
Yabonekewe n'Umumalayika w'Imana, yamuremye umutima.

Mariya yaratotejwe igihe yali ababaye  
Kenshi, igihe yali afite inda.

Baramutereranye ahunze  
Mu gihe cy'ibarura baramutereranye  
aliko Yozefu murinzi we ntiyamutereranye,  
ahubwo yarababaye.  
Yaravunikaga, yagenzaga amaguru kuko bali abakene.  
Ubukene si ingeso, ubukene si ikinegu,

ubukene ni ubukene ku mutima.  
 Ugakenera Imana, ukirengagiza iby'isi.  
 Navukiye mu gikene ngikuriramo  
 Narabajije, narasenye, naravomye, ndetse nize no kwubaka inzu  
 Kugirango tubone aho tuba jye na Data na Mama.  
 Nagenze igihe kirekire ndi mu misozi,  
 ndeba iyo mva, ndeba iyo njya n'iyongana.  
 Narahagaze ndibaza nti:  
 Data uli mu Ijuru, ko ntakubona?  
 Nagira ngo nsobanuze icyo ngomba gukora sinshidikanye.  
 Kugira ngo ntangire ubutumwa,  
 nabanje gusaba uruhushya ngo nshobore gutunganya.  
 Ababyeyi sinababonaga, nahisemo gukorera ijuru.  
 Icyo gihe, nali kumwe n'Imana  
 nkuko namwe muba kumwe na so na nyoko.  
 Mfite ubwoba, agahinda n'umubabaro  
 ko mwitwaza ko mukennye,  
 kandi mfite amaboko, umutima, amaguru n'ibitekerezo.  
 Ni byo bya mbere bikora.  
 Si ubukire bw'isi mbashakaho, nimukire ku mutima.  
 Dore ndaza ntimunyumve,  
 ndasakuliza gusakuza, ndabasaba mukanyima.  
 Simbasaba itungo, simbasaba amafranga.  
 Ni umutima mwareranywe.  
 Dore ni mukanguke, munkorere,  
 mukorere Data uli mu ijuru kuko yabantumyeho.  
 Ndababwira kandi mbazezeranya  
 ko icyo muzasaba cyose nzakibaha.  
 Aliko, aliko ntimukagire intimba ngo ibaheremo.  
 Dore ngaha ndabazaniye,  
 ni munsabe, ni munsabe, nzabaha  
 kandi nanjye nimbasaba,  
 ntimuzazunze umugongo ngo musubize inyuma.  
 Ninkomanga, muzankingurire kuko ndi umukene,  
 kuko ndi umukene nka mwe,  
 si ndi umukire kuko nta byo ntegereje  
 kandi nta byo nakeneye.  
 Data yavutse mu gikene,  
 Mama yavutse mu gikene,  
 n'ikimenyimenyi yali umubaji.  
 Data wo mu ijuru sinamubonaga ».

*Valentina araceceka, arongera araririmba ati:*

« Data wo mu ijuru sinamubonaga ».

*Araceceka. Aravuga ati:* « Ntabwo nyibuka ».

*Arongera araceceka, hanyuma araririmba ati:*

« Data wo mu ijuru sinamubonaga  
kuko navukiye mu kirugu cy'inka,  
aho inka zanyweraga, zanyweraga umubaya ».

*Akomeza agira ati:* « Hashize igihe kirekire cyane ».

B.M.: « Bana banjye, iyo ndilimbo bayimwigishije kera cyane. Nta bwo ali ukuyibagirwa, ni uko nashakaga, kugira ngo mugende mwumva buli jambo ku lindi. Mwumve ko n'uwabapfiliye yabaye ku isi, azi ibihakorerwa byose kandi ko yababaye ».

VAL.: Arabaza ati: « Hi »? Nyuma arikiriza ati: « Hii. »

**YEZU: Navukiye aho inka zanyweraga umubaya. Ni ukuvuga ko navukiye ahantu ntagiraga umuntu unyakira. Navukiye mu gikene kubera ko Umubyeyi wanjye yali yabuze umuha mazi. Mumbabalire mvuze ilyo jambo kugira mbumvishe ko njye na Data na Mama tuba tuli kumwe iteka. Nta bwo naje kubigaragaliza, nta nubwo naje kubaganiliza, aliko nteye ingabo umugongo wa Mama ».**

VAL.: « None se ko mwavuze ko iyo mwasezeye umuntu mutagaruka, noneho mukaba mugarutse, mukaba mumvugishije, ni ukubera iki »?

B.M.: « Bana banjye, Umwana wanjye nta bwo agarutse kubigaragaliza no kubavugisha, yashagakaga kugira ngo yereke abashidikanya ko ali kumwe nanjye. Nta gihe mbasura tutali kumwe nubwo atabavugisha. Nta nubwo nshobora kugenda musize. Na We ntansiga. None, yagira ngo abasobanulire ukuntu yababaye, ko namwe nubwo mubababara, mwirengagiza ko na We yababaye. Ko ubukene si ingeso. Ubukene si ikinegu. Si ubukire bw'isi abashakaho. Ni ku mutima. Ntabasaba amatungo, ntabasaba amafaranga, arabasaba gukenere Imana. Ni wo mukiro ashaka kuli mwebwe ».

VAL.: « Hii, Murakoze ».

B.M.: « Bana banjye, ndabona nabaganilije cyane kandi mfite akazi kenshi. Nimuzilikana ibyo nababwiye ariko icya ngombwa muli ibyo byose nababwiye ni urukundo. Ukwicisha bugufi no gusabana no gufashanya bamwe n'abandi. Mudakeneye ishimo ly'isi, aliko cyane cyane mukamenya kwiyegeranya mukiyunga, mukamenya kubaka umulimo w'Imana aho kuwusanya. Mukamenya kwimenya, kwitsinda no kumva ko buli muntu aruta undi. Ibyo mwese mufite ni ibyo nabahaye, ni ingabire nabahaye. Mujye muzihaho n'abandi kandi muzikoreshe

uko muzifite. Kuko buli muntu aba afite icyo arushije undi, mwungikanye. Mwoye gusenya umulyango mwishyiriyeho ngo musingize Imana, ahubwo muwutere inkunga. Mwoye kuwutererana ngo muwushyire aho utali. Ntugira ubwoko, ntugira akarere ahubwo ni umulyango wunga abakunda Umubyeyi Bikira Mariya. Si agahato kuwujyamo, ni ubishaka, akoresheje urukundo n’ubusabane. Byarashimishije kumva mutekereza icyo gitekerezo mbere yuko bagira n’icyo bavuga ko naba narakandagiye iwanyu. Bana banjye, murakagira Imana ».

VAL.: « Nizeye rero ko uzafasha abantu kugira ngo bagire imbaraga zo kuwukomeza no kugira ngo badacika intege kuko ibigusha bituruka impande zose. Kandi ugafasha n’abo bacaho kugira ngo babafashe muli Kiliziya no hanze kugira ngo babumvishe ukuli ndetse n’abali mu Rwanda mukabumvisha ko ukuli kudahishwa kandi ko kuvugisha ukuli ali byo byiza ko kuvigisha ukuli k’ubwoba ku mutima, ubwoba buthindwira, ukuli kukaganza, kandi ko ukuli ali Imana igutanga atali umuntu ku giti cye no kugira ngo koko niba waraje iwacu duhamye ukuza kwawe n’Umwana wawe ».

*Atega amatwi akanya gato hanyuma ati:* « Ubuse urabona izi ndabo nazirangiza? Ariko, ibyo ushaka byose ndabikora. Aliku nagira ngo mbanze nkubwire ko hali abantu baje imuhira - hali abaje ejo, ejobundi, bagiye baza kera bakakuntumaho – kugira ngo nimba bishoboka mbatumikire cyangwa se ntuzze kugenda ntakubwiye. Ni benshi cyane abaje uyu muni. Mbese ni byinshi. Ubwo rero ntiwagenda utumvise. Nanjye mfite ibyanjye ».

*Arongerera atega amatwi uwo bavugana, hanyuma ati:* « Hii, byose ndabikora ».

*Ubwo Valentina atangira gutanga umugisha agira ati :*  
« Mubyeyi mwiza, Bikira Mariya, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y’abantu n’isi yose. Kumva ko ndi igikoresho cy’abantu bose kandi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani ».

*Arabindikira areba inyuma, ati :*  
« Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cy’abantu bose kandi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana n’isingizwe mu Ijuru, muni abitonda bahorane amahoro ».

*Ajya hanze hali abantu batashoboye kwinjira mu nzu areba kuli buli buli rubande, maze arakomeza ati :*

« Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n’ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kwumva ko ndi

igikorehso cyawe n'icy'ab'isi yose kandi umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, umpe kwicisha bugufi no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ukwihangana, ukwihanganirana. Kutita ku by'isi. Kwakira buli muntu wese uje unsanga, yaba mubi cyangwa mwiza. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasi. Imana ni isingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani ».

*Valentina yinjira mu nzu, aha umugisha abantu bali bicaye ku ngazi zizamuka mu nzu ye, ati :*

« Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana ».

*Valentina akomeza azamuka agana muli chapelle yateguye hejuru mu nzu ye maze abatanga umugisha agira ati:*

« Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihanganirana. Umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro ».

*Agaruka hanze arambura ibiganza arongera atanga umugisha, agaruka mu nzu, aravuga ati :*

« Aho wanyeretse hose ndaharangije ... Murakoze ».

B.M.: *Valentina arongera arambura amaboko agira ati:*

« Bana banjye, ntimuzemere kubera ibitangaza cyangwa se kubera ibintu biturutse impande zose. Muzemere kuko mugomba kwemera kandi muzi uwo mwemera, musenge n'umutima wanyu wose ».

VAL.: Arikiriza ati: « Hiii. Aliku se Mama, urabona nshobora kuvomerera izi ndabo nkazirangiza? Kandi iwanyu harahereye, ushatse wazihorera ».

B.M. : « Bana banjye, murambure ibiganza, mwicishe bugufi kugira ngo mwakire umugisha wa kibyezi ».

VAL.: *Arunama, maze aterana ijwi libabaye indilimbo ikulikira :*

« Yezu mu gukiza abantu, warababaye cyane.  
Kubera ibyaha twakoze, wagize ishavu linyinshi.  
Kuko wadukunze rwose, ukadupfira twese,  
ibyaha turabigaya, dukunde wowe musa.

***Hanyuma azamura amaboko, ibiganza bibumbye, ahinda umushyitsi mwinshi cyane mu biganza, biboneka ko afite ubwoba budasanze. Nyuma y'akanya gato, Valentina yamanuye amaboko, maze abumbura ibiganza !***

***Abantu bariyamilira, abasobanukiwe bavuzwa impundu, bararira, abandi babura amagambo kuko Valentina yabumbuye ibiganza bakabonamo HOSTIYA !...***

*Valentina yazamuye iyo Hostiya ayereka abali aho bese.*

*Abakristu batera indilimbo zo kuramya Umwami Yezu, mu gihe Valentina yazengurukaga imbaga y'abantu yali ihateraniye abereka ibyiza amaze gubabwira!*

Abakristu bateye indirimbo zikulikira:

- Turamye isakramentu, ...

- Mu Ukaristiya, hali ukiza abantu...

B.M.: « Bana banjye, nta bwo nkoze ibitangaza ngo munyemere. Gusa, nagira ngo mwemere ko Umwana wanjye yaje kubasura kandi akigaragariza uwo mwese mwagize rwamwa, uwo mwese musuzugura.

*Avugana amarira menshi n'agabinda:* Abenshi muvuga, ko ntamwigaragarije, ko batanamwemera mu bemewe i Kibeho. Njye ndamwemera kuko ali umwana wanjye natumye, utotezwa kurusha abandi bese nigaragarije, utotezwa n'abavandimwe n'inshuti, umwana nareresheje abana. Nta yindi nkunga umwana wanjye amuteye usibye kumushyigikira n'abe bese n'abamukunda. Nanjye ndamushyigikiye. N'umwana wanjye amuhaye umubili we mu maso yanyu kugira ngo abereke ko ahali kandi ko atazahabura kandi ko atazamutererana. Kandi arabashimira abamufashije mwese, ko abakunda n'umutima we wose n'abamukunda ndetse n'abatamukunda na bo arabakunda ».

VAL.: *Amalira arushaho kuba menshi.*

« Nanjye mbasabye imbabazi z'ibyaha byanjye byose n'abo nahemukiye bese, n'abo nzi n'abo ntazi. Ibyo munkoreye, bitankwiye, mujye munkoresha icyo mushaka cyose, muntume aho ushaka, n'ushaka muzanyongerere n'ibimbabaza, byose ndabyemeye ».

B.M.: « Bana banjye, nababwiye ko atali ibitangaza bituma umuntu yemera. Ko umuntu yemera kubera umutima-nama.

Ari abihaye Imana bagahakana uwo natumye, ali abashinzwe kubitangaza na bo bagakora ibyo umutima-nama wabo, ntibashishoze kubera urumuli rudahagije cyangwa se batali bagera ku bushishozi ».

**YEZU: « Ko aliko ukuli ni ko kuzagaragara. Nk’uko uyu mubili wanjye uguye mu biganza by’umwana wanjye mu maso yanyu, niko mufata ku mutima igihe cyose ».**

B.M.: « Namwe babyeyi naragije umwana wanjye, namwe bavandimwe, barumunabe, na bakurube na basazabe, namwe babyeyi, ndabinginze mukundane nk’uko nabakunze, nkuko umwana wanjye abakunda ».

VAL.: *Atera indilimbo ati:*

« Abihaye Imana bese, abafurere n’ababikira batagufite bashobore iki? Ni wowe bakesha ubutwali.

R. Dusingize Umubyeyi wacu, watorewe kubyara Jambo Tumushime, tunamurate. Arakabaho, arakarama ».

*Abakristu batera indilimbo bati: Nzashimira Imana, nzayisingiza.*

*Akomeza asobanuzza, agira ati:*

« Ko wampaye umubili, byose nkaba mbibonye, none se uwu mubili ndawukoresha iki

Ntabwo mbikwiye »! *Ararira cyane.*

Asobanuzza kubyo abwiye ati: Hi?

B.M.: « Bana banjye, abihaye Imana ndetse n’abanyamahanga hali mu gihugu cyanyu, musenge mukundane, mukunde ukuli, mufashe abakene ».

VAL. : *Akomeza gusobanuzza arira :*

« None se ndabigenza gute » ?

*Atega amatwi, hanyuma ati :*

« Murakoze n’umutima wanjye wose, ndabashimiye no mu mwanya w’abo nasize mu rugo. Ningerayo nzavuga ko mwankunze kurusha abandi bese. Cyangwa na bo mugende mubibwilire. Mwaratwigaragarije, bamwe batwita abasazi none mwatubwiye ko atali twe basazi, alimwe bita abasazi. Abaje kubareba n’abasenga bese babita abasazi. None turabyemeye koko turi abasazi ba Nyagasani. Sinzi abandi ariko ku giti cyanjye, ndabyemeye.

Uyu mubili mumbwire icyo nywukoresha kuko ntabwo unkwiriye. Najyaga mu Kiliziya ngahazwa, aliko nta bwo nali nzi ko ibi bishoboka. Numvaga ko ndi kulya umubili wa Yezu nk’uko babinyigishije, aliko ntabwo numvaga ko ushobora



kumanukira mu ntoki zanjye, jyewe w’umunyabyaha, jyeweho w’umukene, utagize icyo yimaliye, jyewe utoragura nk’icyana cy’inyoni.

Maman, nta kibndi nkeneye, murakoze. Muzajye mumpa gukora uko mushaka. Nihanganire byose mpura na byo. Ndabyemeye n’umutima wanjye wose. Mbaragije n’abaje bose kubakira ngo na bo mubatahe ku mutima kandi na bo ndumva babyemeye n’umutima wabo wose, kandi barabakunda.

N’abateshutse mubababalire, ntibazongera. Kandi nanjye ndababaliye n’umutima wanjye wose n’abangiliye nabi bose n’abansebeje bose n’abavuga ibitali byo ndabababaliye, nta n’ubwo nzabigarukaho. Nanjye mbasabye imbabazi ».

*Valentina atera isengesho ryo kwicuza ibyaha.*

*Arangije ashya ya Hostiya muli ka mouchoir en papier yafashe mu ipaki yali ili ku kabati imbere ye. Arakomeza arabaza, arira, ati :*

« None se ndabigenza gute » ?

*Atera indilimbo yo gushengerera :*

« Uli Umwami mwiza rwose, Yezu Umwana w’Imana  
Mu bami uli indongozi, nta wima utamwimitse

R. Kristu ni Umwami w’abantu, nyil’ingoma zose z’isi  
Ni yubahwe Mwimanyi.

Nta we muhwanya amaboko, ni wowe ugenga byose  
Ingoma yawe izaramba, mu ijuru n’aha muni ».

B.M. : « Bana banjye, naje kubasura mbabwira ko mbabaye. Nta gihe umubyeyi atababara iyo ali kuganira n’abana be kuko aba ashaka kubereka ko bagomba guhinduka. Nk’uko nabahaye amavuta, Umwana wanjye akaba abahaye umubili we, abashidikanya bazakomeza bashidikanye ni badashishoza. Abo imitima yanangiye na bo ni uko. Aliko nk’uko nabahaye urukundo rwanjye rwa kibyeyi, koko ndabakunda. Kandi ndabashimira ko mwaje kunyakira, none bana banjye, hali benshi bavuye kure, benshi barwaye, benshi batagira icyo balya n’icyo banywa, benshi bambaye ubusa - bali hano n’abatali hano -, abarwaye indwara z’amoko yose, hali abarwara amaso, abarwara mu nda, abafite za « cancers », hali n’abandi bafite ikibazo cy’uko bashakashaka umwana ntibamubone kandi bamukunda, hali n’abandi bafitanye ibibazo n’ingo zabo, hali n’ababyeyi bafite ibibazo by’abana babo, ibyo byose ndabireba bana banjye. Niyo mpamvu umwana wanjye abahaye umubili ngo abakomeze.

Hali abafite abana barwaye indwara badashobora kwisobanulira, hali abafite abana batabavugisha bagiye mu yandi madini, hali abafite ingorane nyinshi z’ingo, hali urubyiruko rwiandalika, hali abashakanye biyandalika kandi batubahana. Rwose bana banjye, nk’uko nanjye nishimiye kuba hagati yanyu, nanjye

ndabasabye ngo mugerageze mumenye ko nta we ugira undi inama mu ibanga lya kubaka. Ni umutima-nama wahawe n’uwo mwashakanye, n’ababyeyi bababyaye, bakabakuzza.

Ndabinginze, ibibazo byanyu byose ndabireba buli muntu mu mutima we. Nta bwo nasubiza buli muntu ku giti cyeye, aliko kubera icyizere muzagira, buli muntu azajya agenda abona igisubizo.

Nutazagira icyo abona vuba cyangwa kera, ntakumve ko tutali kumwe. Ntanga igihe nshakije kandi iby’Imana bigenda gahoro, nta bwo byihuta. None rero, umunsi uciye ikibu bana banjye.

Ndumva nta mugisha urenze umubili w’Umwana wanjye mbahaye. N’ubwo mutariye ngo munywe, aliko abatashye ku mutima. Amazi yanyu aho ari hose afite umugisha, n’uyafite hanze ».

VAL.: *Arabaza ati:* « Hanze he »?

B.M. : « N’uyafite mu ntoki. icyo afite mu ntoki cyose na we ubwe afite umugisha wanjye kuko nabahaye urukundo rwanjye n’Umwana wanjye akabaha urukundo rwe.

Ndabasabye ubutaha nzaze nsanga mwareze imbuto, nsanga mutarahishe ukuli, nsanga kandi mwarubahilije Umwana wanjye kuko yabapfiliye ku musaraba. Uwo natumye mutamuteye inkunga, nta cyo yageraho kandi namwe ndabashimiye ko mwajye kunyakira ».

VAL.: « Aliku Maman, ntabwo wagenda ntaguhereje abana bose bali kubwiruka - abakuru bo bazi ibyo bakora aliko abatoya nta cyo bazi - kugira ngo na bo ujye ubegera, ubafashe kandi ubakomeze. Abana kuko ntabwo bazi Ukuristiya icyo ari cyo. Ubu niho nsobanukiwe nanjye ntabwo nali nzi ibyo ari byo. Ntabwo nakubeshya, nubahaga Yezu n’umutima wanjye wose, aliko ubu none aha niho menye Yezu uwo ari we, ko yampfiriye, akanyitangira, akampa umubili n’amaraso. Ubu ndasobanukiwe kurushaho. None uzasobanulire n’abandi bose nduta, ndetse hali n’abanduta batali babizi, batanabisobanukiwe na n’ubu. N’abana bose bahabwa Ukuristiya batazi icyo ari cyo. Nkaba nguhereza n’abana banjye bazahabwa Ukuristiya kuli 25 ngo uzagende ubature mu mutima, ubahe gukurana uwo umubili kandi bawubahe, n’abandi bose bazaba bali kumwe na bo n’abandi bose bayihawe mbere bakili bato batazi ibyo ari byo. Nta bwo nabona icyo mvuga Mama... Natwe twese ».

*Atera indilimbo ati:*

« Duhere abarwayi kwihangana rwose,  
bajye bamenya Yezu wababaye cyane.

R. Dore Umubyeyi Bikira Mariya,  
Nyina wa Jambo, Umwami wacu ».

*Arangije kulirimba akomeza agira ati :*

« Ndaguhereza abapadiri nimba hali abaje iwacu n’ababikira kugirango na bo urwo rumuli barumulikire abandi n’abali hejuru yabo. Kandi ukuli bumve ko ali ukuli kandi bajye bubaha igihe bafashe umubili wa Yezu, bumve ko ahali koko. Koko ni byo arahali.

Kandi ko bagomba no kubwiza ukuli abo bali kumwe n’abo batali kumwe. Ndetse bakavugisha ukuli ku byo babonye no ku byo babona hose kugira ngo barushaho kwera imbuto nyinshi... ».

*Atega amatwi hanyuma ati:* « Murakoze Maman. Ku izina ry’Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Ndanywaho duke cyane kubera ko mfite inyota ». Hii...

*Valentina afata icupa lili abo, arafungura, anywa amazi.*

B.M.: « Bana banjye, mfite akazi kenshi ubu ndatashye. Mujye mutekereza ko umubili ... ko umwana wanjye mumufite igihe cyose. Kandi ntihagire utahana inyota kuko mwese mwaronse. N’utali bubone agatonyanga k’amazi bagenzi be bamuheho, aliko muramenye mujye mugira ubuntu bamwe ku bandi ».

VAL.: « None se Maman, ko ugiye kugenda kandi mukaba mubona Umubili wa Papa usigaye hano, ndawushyira hehe, ndabigenza gute? Cyangwa ndafunga inzu twigendere. Aliko se, abana banjye ntabwo nabasiga... aliko nta bwo nzi uko ndi bubigenze ».

*Valentina akomeza kuvugana na Bikira Mariya, akajya yikiliza aliko ntawumva icyo amubwira. Ageze abo ati :*

« Ndabyumva kandi ndabyemera ».

*Asa nk’usubira mu byo abwira ati :*

« Nywihorere igihe muzabishaka muzambwira nyihabwe cyangwa nyikoreshe uko mushaka. Murakoze. Ndabyubahiliza rwose ».

*Valentina arapfukama, atera amasengesho akurikira :*

- Dawe uli mu ijuru
- Ndakuramutsa Mariya
- Ndakuramutse Mariya
- Hubawe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu
- Yezu wacu, tubabalire ibyaha byacu.

B.M. : « Bana banjye, mugire urugendo rwiza kandi musange amahoro mugwize ayandi. Sinavuga ko mbazeyeho kuko duhorana buli gihe cyose. Bana banjye, mwirirwe » !

*Ibonekerwa byarangiye saa munani n'igice. Valentina uko yagapfukamye, agwa arengukiye inyuma. Aza kuzanzamuka hashize akanya. Amasengesho n'imbyino byarakomeje bimara nk'indi saba.*

Iyi nyandiko yakozwe na :

Association des Amis de la Vierge Marie Notre Dame de Kibeho (AVMDKI ASBL)

Siège Social : Rue des Artisans, 7 à 1050 Bruxelles

Tél. n° 00 32 479 96 70 62.

## BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINA NYIRAMUKIZA

### I BURUSELI MU BUBILIGI - TARIKI YA 15/05/2003.

Hari kuwa kane tariki ya 15/05/2003. Nk'uko tumenyereye ko kuri iyo tariki Umubyeyi wacu wo mu ijuru atugenderera, iyo nkuru nziza iributswa, maze ababishoboye bose bakaza kumusanganira.

Ibonekerwa ryabereye kwa Valentine mu rugo iwe, kuri n° 7 rue des Artisans, 1050 Bruxelles.

*Saa sita zuzuye, Valentine yavuye abo yasengeranga arapfukama, areba hejuru, maze atangira kuririmba agira ati :*

**VAL.:** « R.: Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x)

Turakuramutsa nka Gabrieli kera,  
Uduhe amahoro, uturinde twese (2x)

R.

Kiza abanyabyaha, bamenye iby'Imana  
Utulinde ibyago, duhe ibyiza byose (2x)

R.

*Valantina aritaba ati: Karame Mama!*

Ndi hano, ndi igikoresho cyawe n'icy'abisi yose, uvuge icyo ushaka umuja wawe arumva.

*Arasubiza ati: Oya.*

Maman, mbere yo kuganira, rwose ubanze utubabalire ibyaha byacu. Ubanze utugilire imbabazi za kibyeyi kuko dufite ubwoba n'igihunga ku mitima yacu. Mubyeyi, tugucumuraho kenshi, buli saha na buli kanya, haba mu bitekerezo, mu bikorwa no mu magambo.

Tuli imbere y'uruhanga rwawe n'urw'umwana wawe, kuko tuzi neza ko mudatandukana. Mubyeyi tubasaba imbabazi tubinginga kugira ngo mutubabalire, tubone kuganira namwe. Nimba mubona tubikwiye, ndabibasabye.

*Valantina atera amasengesho akurikira :*

- Isengesho ryo kwicuza ibyaha
- Dawe uli mu ijuru
- Ndakuramutsa Mariya
- Je confesse à Dieu tout Puissant
- Notre Père
- Je vous salue Marie
- Gloire au Père

*Valantina ati* : Murakoze Maman.

Ariko se ni ukubera iki umbwiye gutera amasengesho mu ndimi ebyili ?

Oya ni uko nabazaga.

**B.M.** : Bana banjye, kwali ukugira ngo buli muntu asabe imbabazi. Kuko iyo umwana asaba imbabazi arababalirwa. Iyo umwana atakambira umubyeyi icyo amusabye aramuha. Nagira ngo ko mfite abana benshi, mwese nganire namwe. Kandi buli muntu asabe imbabazi ku giti cye.

**VAL.** : Hii. None se ko wambwiye kuvuga amasengesho ni cyo bisobanura ibyo munsobanuriye, cyangwa n'ibindi mwifuzaga kumbwira nkaba ntasobanukiwe ?  
Hii. Hii.

**B.M.** : Kwali ukugira ngo buli muntu n'undi yicishe bugufi, atakambe kandi asabe imbabazi z'ibyaha bye, mu byo yumva, abikuye ku mutima.

**VAL.** : Murakoze.

**B.M.** : Bana banjye, ndabasuhuje. Murakagira Imana.

**VAL.** : Ubwo se ko uvuze ngo urabasuhuje kandi ko tuli twenyine, ushuhuje abo utareba cyangwa hali abandi umpishe b'iwanyu ?

Ab'iwacu nabasize kare cyane ! Hii. Hii.

Ariko se ubundi mubigenza gute ? None se ko umuntu... Hi ? Ko umuntu aba ali kumwe n'abantu, kuki mwemera mugatuma aba wenyine kandi aba ali kumwe n'abandi benshi ? Kuki bose mutaba muli kumwe, ngo mufatanye ?

Hii. Hii.

Oya, nibarizaga kugira ngo mbimenye gusa.

**B.M.:** Bana banjye, nk'uko umwaka ushize kuli iyi saha, iki gihe, naje kubasura, none ndagarutse !

Muri Kibeho yanyakiriye nk'uko nabibasobanuriye. Nababwiye ko Kibeho atali umurenge, ko Kibeho ali abawuriho ? Namwe rero, biranshimisha iyo mbonye twongeye guhura, mwigomwe imirimo yanyu aliko nkabasaba kugira ngo mujye mwunguka, ntimugahombe.

Nakunze kubabwira ko kenshi « sinzabe Nyamwisiga ngo nisange kandi namwe ntimuzabe babura mwaje ». Ni byo koko ntabwo nisiga ngo nisange ku gice kimwe cyangwa ngo mube babura mwaje. Ariko birananshimisha kuko muba mufite umutima w'urugwiro. Muba mufite inyota. Ntikabe iy'igihe gito kuko iyo usonzeye iby'ijuru, uhora ufite inyota.

**VAL.:** Hii.

Erega ntabwo byoroshye! Duhura n'ibigeragezo byinshi bili kuli iyi si, byakubitiraho na kamere muntu zacu, umuntu akagira intege nkeya. Kandi yenda umuntu atali byo yateganyije.

**B.M.:** Bana banjye, hali abarwanya kamere, bakarwanya n'imbaraga nke za muntu. Hali n'abumva ko za mbaraga za muntu ali zo zigomba kujya imbere. Inzira y'Imana iba ifunganye, kuyicamo ni ukubabara. Iyo utegereje ibyishimo, hali igihe ibyishimo bikuzanira ibindi bitali byiza.

**VAL.:** Hii.

Ariko ibyo turabizi. Kugirango tubigereho ni cyo kibazo !

**B.M. :** Bana banjye, hali abazanwa n'inyota. Hali abazanwa n'uguhinyuza. Hali n'abaza bakurikiye abandi. Hali n'abagenda batazi aho bagiye bagapfa gukurikira abagiye. Ariko ndababwiza ukuri ko nta n'umwe ubura icyo akuramo. N'iyu ugihakanye, uba ucyirengagije.

Bana banjye, ni iki cyaruta kwitanga ugilira abo ukunda ? Ntimugahinyure icyo mutabonye kuko kenshi iyo uhinyuye icyo utabonye, utaba uhinyuye icyo urwanya, ahubwo uba uhinyuye kamere yawe.

**VAL.:** Hii. Ntabwo dusobanukiwe neza. Ntitugahinyure icyo tutabonye ? Ni icyo twabonye cyangwa icyo tutabonye ? Ntabwo nsobanukiwe neza icyo mushatse kuvuga. Nimba... Ntabwo ndi kubisoma neza. Nimba ...

**B.M.:** Ntimugahinyure icyo mutabonye.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Kuko iyo uhinyuye icyo utabonye, uba urwanya kamere yawe.

**VAL.:** Hii.

None se umuntu afite kamere mbi akayirwanya, ntibyaba byiza ?

Hii.

**B.M.:** Nshaka kuvuga ko guhinyura kamere y'umuntu ntabwo bivuga ko ali uguhinyura kamere nziza cyangwa se guhinyura kamere mbi. Ndashaka kubabwira ko iyo

uhinyuye kamere yawe uba uli gusenya uwakubwiye icyo kintu agikuye ku mutima.

Donc, uba ushenye kabiri. Uba uhinyuye icyo utabonye kandi ukababaza n'ubikubwiye kandi yabihagazeho.

Iyo utemera ikintu uricecekerera kandi ntukomeretse n'uwakubwiye. Bityo kamere zanyu zose, buli muntu akubaka iye.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Bana banjye, ntimugasengane ubulyalya. Ntimukerekane uruhu mudafite kandi ntimugatinye kuvuga icyo ukunda n'uwo ukunda n'uwo wemera kugira ngo ushobore kujya mu bandi barwanya icyo ukunda

**VAL. :** Ubwo se ibyo utubwiye ni ukubera iki ?

**B.M. :** Bana banjye, ndashaka kubabwira ko umwaka ushize narabasuye, turaganira, ngenda nishimye kandi namwe bamwe muli mwe mwarishimye.  
Hali abali « babura baje » kandi bahageze bataha bahakana icyo babonye, bahagazeho. Abandi na bo bemeza icyo babonye kandi bahagazeho.

**VAL. :** Hii.

**B.M. :** Bana banjye, naje kubasura mbakunze kandi mbakumbuye kuko mbatuma mukantumikira kandi naza mukanyakira.  
Ntimuzazunze umugongo ngo munsubize inyuma.

Hari byinshi biyobya. Hali byinshi birangaza. Ariko igihe kirageze cyo kugira ngo buli muntu atekereze, yibaze aho ari, icyo akora, uko yaje, yibaze niba ku giti cye, adafite umufite, hali icyo yakwimarira.

**VAL. :** Hi ? Adafite umufite ? Hii. Hii.

**B.M. :** Buri muntu ajye yisuzuma, yibuke abo yaba yarahemukiye agereranye n'abamuhemukiye. Yibuke ukuntu muhoza... Mwibuke ukuntu muhoza Yezu ku musaraba. Mwibuke ibibababaza n'ibyo mubabaza bagenzi banyu. Noneho buli muntu yicishe bugufi yumve nimba ababara kugeza kuwa mwitangiye kugirango abigereranye n'akababaro yagize noneho ashobore kubabalira.

**VAL. :** Hi ? Hii.

**B.M. :** Umwana wanjye yabahaye umubili we, abatera ingabo mu gitugu, abashyigikira abagwiriza imbaraga kugira ngo musenge nta bulyalya. Muvugishe ukuri icyo mwabonye nta cyo mukuyeho nta n'icyo mwongeyeho. Ariko bamwe mwarabyirengagije ahubwo mukora nk'aho nta cyabaye.



**VAL. :** Hii. Hii.

**B.M. :** Bamwe mwavuze ko Ukaristiya yavuye mu ma Kiriziya. Ntabwo muzi agaciro k'Umubiri w'Umwana wanjye. Nta n'ubwo musobanukirwa n'impamvu yawubahaye. Ese kuki yabahaye umubili we ? Iyo biza kuba atali umwana wanjye wabahaye umubili we, uwo yawuhaye muli mwe ntiyali gutotezwa bigeze hariya. Ariko iyo kiza kuba ikindi kintu kigusha kibi kurushaho cyari kwamamara kandi bakacyogezaga hose. Ariko kuko ali ikinyakuri, mwarengejeho umwenda muricecekeraga.

Ntawe ugerageze uwo bagendana.  
Nta n'uwihakana umutuyemo  
Nta n'uwihakana cyangwa ngo yirukane uwo babana.  
Nta n'uhinyura umugize.

**VAL.:** Erega Maman tuli injiji ntabwo ibyo tubisobanukirwa !

**B.M.:** Mutege amatwi.

Bana banjye, ntumukongere cyangwa ngo mukureho. Uwumva ikintu atacyumva, ajye acyihorera aho kukivuga uko kitali. Uwumva ikintu atacyemera yoye kugusha abandi cyangwa ngo abace intege usibye ko shitani ali cyo ishaka. Aho ijambo ry'Imana riri n'umukristu, na yo iba ihali.

**VAL. :** Ati : Karame !

**B.M. :** Umwana wanjye yabahaye umubili we kuko namusabye kugira ngo abereke ko tuli kumwe. Kuko namusabye kugira ngo yumvishe abavuga ko ntandukana n'Umwana wanjye.

Nta mubyeyi utandukana n'umwana we. N'iyi batagendana mu nzira, baba bali kumwe mu mutima. Mwibagirwa ko aba hose kandi mugendana ?  
Twatandukana dute ?

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Nagira ngo mbereke ko twaje kubasura. Si ukuvuga ko twaje kubasura muli mwenyine, aliko twaje kubasura tuli kumwe iwanyu mu Rwanda. Ntabwo naje nnyenyine. N'iyi yazaga naramuherekezaga nanjye naza akamperekeza. Kandi aho umwana ali n'umubyeyi aba ahali nk'uko aho umubyeyi ali, umwana aba ahali.

**VAL.:** Hii.

Atera indirimbo ati :

Nta we ugera kuli Yezu Kristu  
Atanyuze ku Mubyeyi Mariya  
Ni We nzira y'ukuri n'ubugingo.

Ni We uzatugeza mu Ijuru (2x)

R. Mariya n'Umubyeyi w'Imana

Mariya ni Umugira neza

Mariya ni Inyenyeri iboneshereza abali mu nyanja (2x)

Tega amatwa nkuganyire Mawe

Abantu bataye inzira y'Imana

Ubagarure mu nzira ya Yezu

Ujye ubagira inama

Ujye uduhora hafi

R.

Hii.

**B.M.:** Rwose ndabasabye muntege amatwi kugira ngo mutazivana amata ku munwa. Umubiri mwahawe ni ifunguro rya roho n'umubili. Ni ryo ridutunga ku mukristu wemera Yezu ko amuhabwa.

Ndabasabye ngo mujye mwubaha umubili muhabwa ulimo Yezu Kristu kuko yabapfiriye kubera urukundo . Abaha umubiri n'amaraso.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Ntimugahabwe Ukaristiya nk'abashumba. Ntimukamuhabwe musiganwa kandi mwikinira kuko nta we muba muhawe.

Ntimukarangize umuhango kuko igihe ugenda utazi uwo uhabwa, ntabwo akuzamo.

**VAL. :** Hii.

**B.M. :** Hali abibajije ibibazo bati : Ese kuki Yezu yatanze Ukaristiya mu kiganza ntayimuhe ku rulimi ?

**VAL. :** Hii. Hii.

**B.M. :** Yagirango abereke ukwicisha bugufi kandi abereke ko afite uwo abatumaho, abereke ko ali kumwe nanjye Umubyeyi We, namwe barumunabe, bashikibe. Kugira ngo abagaragarize urukundo abakunda no kugira ngo mujye mwiherera mumubwire muti : Nyagasani uli mu Ukaristiya. Kuko hali abumva ko ali umugati. Iyo utawemera ni umugati. Iyo utazi uwo uhabwa ni umugati. Ariko ku wemera Yezu ali mu Ukaristiya koko ni Umubiri we duhabwa.

Mwe mwabonye Ukaristiya ariko Umwana wanjye awutanga yatanze umubiri ku buryo uwo yawuhaye we yabonaga ali inyama.

**VAL.:** Hi ? Hii. Hii. Hii.

Ni byo koko byanteye ubwoba kuko numvaga bidashoboka. Ahubwo n’ubu ndacyabufite. Hii. Hi ? Hii.

Kuli njyewe nabonye ko ali umusaraba munkoreye aliko kandi numva binanshimishije kumva njyewe w’umunyanteye nkeya, w’umunyabyaha, njyewe utagize icyo maze, Yezu yemera kumanukira mu biganza byanjye. N’ubwo byanteye ubwoba bigatuma numva .... Sinabona n’uko nsobanura ubwoba nali mfite kuko bwari bukabije. Byatumye nshobora no kumenya kwihanganira igiturutse kuli uwo mubiri w’Umwami cyose. Ali abantuka twicaranye muri za metro bakavuga umuntu batanzi, ali n’abantelefona bakambwira ko ibyo bintu atali byo. Ali n’abambwira ama kiriziya nayikuyemo, byose narababwiraga nti « hahirwa uwakiriye uwo atazi kandi akamwubahira kumubona no kumureba ». Nti nanjye nimba wumva bikuyobya, ubyihorere. Ni byinshi cyane. Hali n’abakristu batotejwe kubera Umubiri w’Umwana wawe kandi Umwami wacu. None Mubyeyi, hali n’abatarasobanukiwe. Abandi bakareba ku byuma by’abazungu bati « biliya ni ibintu bafabiritse (fabriquer) babeshye, ntabwo bishoboka ». N’abandi bakabirwanya bari no mu bihugu byo hanze, batali ino aha, batarahageze. Abo bose mujye mubataha ku mutima mubumvishe ko koko mwadusuye. Tureke kwihakana uwo twabonye kandi twakiriye, ahubwo twumve ko muduhora hafi kandi ko mutazadutererana.

Hii. Hii. Oya. Icyo ngombwa ni umutima w’umuntu. Hali abavuze ko nali nyifite mu mufuka, abandi ko nayikuye mu cyumba. Ariko njyewe ku giti cyanjye kuko nali nzi ububasha n’icyubahiro ubemera abaha, numvise ko n’ibyo bigomba kubaho, ko n’abo bantu bagomba kubaho. Kubera ko inzira yanyu irafunganye, ntabwo yaguye. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, hali benshi birengagiza ukuri bakuzi, kubera kugira isoni zo kuvugisha ukuri, bitewe n’aho bali, n’abo bali kumwe. Ntimugashake ishema ry’isi mutarabona ishema ry’ijuru. Kuko ari ho hakomeye. Ntimugashake kwubaka iby’isi mutararangiza ibibategereje mutazi umunsi n’igihe. Mujye mutinya amaso y’ubareba mutamureba.

**VAL. :** Hii, ni byo koko. Ni byo koko hali byinshi biturangaza.

**B.M. :** Hali benshi bavuga ko twabahaye ubutumwa n’Umwana wanjye akabaha ubundi. Bakamamaza ubwo butumwa kw’isi hose. Mujye mureba mushishoze. Ibinturukaho biba bifunganye ku buryo n’ubizi aba adashaka kubivuga. Ariko ibindi biragura, bikagenda ndetse ukabona bigeze kure. Ni nko gutwika ibibabi umuyaga ukajyana ivu. Ni ko ibya shitani bigenda birihuta cyane. Ariko iby’Imana mukabipfukiranya bikagenda buhoro buhoro. Muramenye rero ejo mutaziruka ku bihita kandi mwarahawe ubushishozi n’urumuli.

**VAL. :** Araririmba ati :

Hazaza ibitangaza  
Abavura mu izina ryanjye  
Abahanura ibinyoma  
Ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo  
Kuko nzaba narababwiye ntimunyumve  
Kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.

**B.M. :** Bana banjye, nta na rimwe njya ntuma Umwana ngo « anga mugenzi wawe ».

Nta na rimwe njya mutuma ngo « gira gutya kugira ngo udapfa ».

« Kunda uriya kuko ni we nshaka ».

Mwese muli abana banjye sindobanura. Ntibikabajyane mu nzira mbi.

Ariko ndabasabye ngo mujye mwubaha abagaragu banjye bali mu kigwi cy'umwana wanjye hano kw'isi.

Buli muntu wese ni umuntu ariko ntimugace imanza. Ntimukabayobye, ahubwo mujye mubafasha kuyobora no kuyoboka. Ni yo mpamvu habaho isakramentu rya Penetensiya kugira ngo buli muntu yicishe bugufi, yihane kandi yizeye ko ababarirwa.

Bana banjye, buli muntu nashitse umutima hamwe, mwicishe bugufi, asabe imbabazi. Maze yururitse ibimuboshye ndetse n'ibimuremereye. N'ufite ubwoba, bushire, kuko aho umubyeyi ali nta gihunga kigomba kuhaba. Mwihangayika kuko nta bwo nazanywe no kugira ngo muhangayike ahubwo nazanywe no kugira ngo muruhuke kandi mbafashe nk'uko umwana afatanyaga n'umubyeyi we.

Bana banjye, iyo umuntu asabye imbabazi, agerageza no kwubahiliza icyo yasabye imbabazi, agashaka ingufu n'ukwihangana kutagisubira.

**VAL.:** Twicishije bugufi kubera ko tugukunda kandi udukunda. Kuko uri umubyeyi w'amahoro.

**B.M.:** Bana banjye, ndabababariye n'umutima wanjye wose, mushyitse umutima mu nda.

Mbahaye ingabire y'Ubushishozi, Icyubahiro cya Nyagasani n'Ubudacogora. Ariko muramenye kuko kubabarirwa biroroha ariko kwihana bigakomera.

**VAL.:** Hii.

None se Maman, njyewe mfite ibibazo byinshi mu mutwe wanjye.

Sinzi aho ndi buhere kugira ngo mbibabwire.

Hii.

Ni byiza kandi byaranshimishije kubera ko mwampaye Ukaristiya muli kumwe n'Umwana wanyu mubimusabye. Ariko kandi ku giti cyanjye numva ali umutwaro undemereye cyane. Ntabwo nababeshya. Numva ... Ntabwo numva meze nk'uko nali meze mbere y'uko muyimpa. Nimba ali ikintu mbuze cyangwa se ali ikintu kinnyongeraho, ntabwo mbizi. Ariko numva mfite ikintu kindemereye kandi ngahora numva mfite ubwoba. Hii.

Rero hali igihe numva n'intoki zanjye ... nazireba nkumva ntabikwiriye. Ariko na none nkongera ngatekereza ko Umwana wawe yambwiye ati « Iyi Ukaristiya, uyu

Mubili nguhaye nzakubwira icyo uzawukoresha. Nimba ali ukuwuhabwa cyangwa ikindi kintu ». Kugeza kuli uyu muni, ndumva mwaba mubizi, nta gisubizo ndabona. Abategetsi ba Kiriziya bo bumvaga nayihabwa. Mbabwira ko mwambwiye igihe muzana n’umwana wanyu rwose yansubiriyemo arambwira ati « Jye ni nyje nzaguha uruhushya rw’icyo uzayikoresha. Na n’ubu narategereje, narahebye. Ntabwo nzi rero ikintu nakora. Mbese aho ngaho mpafiteho ibibazo byinshi sinzi ukuntu nabibabwira ariko murabibona. Ubwo mubishatse mwambwira icyo nakora.

Buriya igihe ntikiragera ? Ndacyategereje ! Hii. Njyewe ntabwo njya ndambirwa. Hii. Ariko hali igihe umuntu akubaza ibibazo ugashobora yenda kumusubiza cyangwa se ntumusubize bitewe n’uko utazi nawe igisubizo uri bubahe.

Ariko ubwo mumbwiye ko nzategereza, ubwo nanjye igisubizo ndakibonye. Kereka nimba hali icyo bababwiye mukaba mwambwira ?

Hii. Ariruhutsa. Hii.

**B.M.:** Bana banjye, musenge mushishikaye, musenge mushyizeho umwete mubikuye ku mutima atali ibyo ku munwa gusa.

Musenge mwizeye ko uwo mubwira, uwo musaba abumva. Ntimukarambirwe ngo muvuge muti « none se ko nasabye ikintu nkaba maze igihe kirekire ko ntarakibona ? ».

Ntimukirengagize ko nabasabye mukivuka kugeza kuli iyi saha hari abatarampa.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Mukunde bagenzi banyu kandi mubabarirane umwe n’undi.

**VAL.:** Erega kubyumva biroroshye ariko kubikora birakomeye. Kuko nta bwo bitworohera kubabalira vuba kandi na none umuntu arababalira akongera agakomeretswa. Noneho akibuka n’ibyashize ahubwo mwatugwizamo ingufu zituma tutubuka tukajya twibagirwa. Numva ali byo byaba byiza umuntu akibagirwa gusa. Kuko kugira ngo umuntu yemere kwicisha bugufi asabe imbabazi ntabwo byoroshye. Hii. Biratugora cyane.

Ariko se Maman, ndabyumva twebwe turi abantu. Tugira ingorane hano kuri iyi si nyinshi cyane. Ariko inyinshi ziturutse ku munwa wacu. Turavuga cyane haba ali ibiri byo cyangwa ibitali byo. Tugashimishwa no kumva ko tugomba kubabaza bagenzi bacu. Ariko cyane cyane tuvuga ibitali byo. Ukumva rero kugira ngo umuntu azasubire inyuma avuge ati « bya bindi navuze ntabwo ali byo », ntabwo bidushobokera. Ni yo mpamvu rero gusaba imbabazi bitoroha na gatoya kubera ko nta kwicisha bugufi dufite . Ni ukuturwanaho ahubwo ukaduha ubwicishe bugufi, nk’uko umwana wawe yicishije bugufi akemera kubana natwe.

Hii. Oya.

**B.M. :** Bana banjye, nabasabye kugerageza kwitsinda. Nsaba urubwiruko, nsaba abakiri bato ndetse n’abashakanye kugira ngo buli muntu ajye yumva agaciro ka mugenzi we kandi yibuke n’isezerano yagize nta gahato, ali kubushake. icyo wemeye ku giti cyawe ugomba kugikomeza.

**VAL. :** Hii. Mbese, .... Hii.

**B.M. :** Muramenye ejo mutazajya mugeza igihe cyo kwifuza ibyo mwali mufite. Mukifuza ngo iyo nza kubimenya simba narakoze kiriya kintu.

Bamwe, bana banjye, barataye, barangajwe n’ibyo basanze bibibagiza ibyo bataye, bibibagiza ibyo mwavukanye, mwigishijwe n’abababyaye. Nyamara, mwibagirwa ko « kamere idakurwa na reka » kandi ko « mfasha aha atali yo ndekuye ngenda ».

**VAL. :** Hi ? Mfashe aha si yo ndekura ngenda ? Ni ukuvuga iki ?

**B.M. :** Ndashaka kubabwira ko ibyo wirukira, n’ibyo usiga, n’ibyo ubonesha amaso ataba ali byo bili ku mutima. Nta we ushima, arashimirwa. Nta n’uhabwa, adatanze. Muramenye ntimukiruke mutaramenya aho mwirukira. Cyane cyane ndashaka kubabwira ko iyo wasezeranye, ukabikora ku giti cyawe, ugashyira mu ijwi « mw’izina ry’Imana », uba usezeranye n’Imana. Imana ikakwemerera umufasha wayo. Muramenye ejo mutazicuza kandi mudashoboye gusubira inyuma. Nimuhere aho buli muntu yicisha bugufi, yiyemeze kandi yemere, aheke umusaraba w’uwo bali kumwe kandi bafatanye kuko icyo wasezeranye kiba kitararangira igihe uwo mwasezeranye ahumeka.

Bana banjye, munyumve neza, sinca imanza. Ndababwira ibili ukuri. Kuko ntabwo uzavuga ngo « mu izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Waba muzima, urwaye, kugeza gupfa » kuko undi na we aba agihali. None se, murumva mwe bishoboka ? Nta we ujira (jurer) kabiri !

**VAL.:** Hi ? Ni ukuvuga iki ? Hi ? Ujira kabiri ? Hii. Ihii. Hii. Hii. Hii.

**B.M.:** Rwose ndabasabye mutazifuza mutagisubiyemo inyuma. Mutazirahuriraho umuriro ahubwo muzemere muheke umusaraba, mwoye kuwuhunga. Kuko muvuga ngo « waba muzima cyangwa urwaye » n’ubwo buba ali uburwayi butuma mudashobora kumvikana nk’uko mwabisezeranye. Mugomba kubwihanganira mwembi.

**VAL.:** Hii. Karame

**B.M.:** Rubwiruko nkunda bana banjye, ndabasaba gutsinda umubiri ! Ndabasaba kubahiriza itegeko rya gatandatu kuko ari ryo tegeko ribabaza Umwana wanjye kurusha ayandi. Ntabwo rwose byanshimisha kuko ndabakunda, n’Umwana wanjye arabakunda, ndetse n’abashakanye baratandukira. Ibyo byose ndabibasabye. Nabibasubiriyemo, buli muntu wese yisuzume. Nk’uko yababaliwe yibaze ati « ese ejo nzakora iki ». « Ese icyo nasabye

nzacyubahiriza ? » Kuburyo bana banjye ningaruka nzasange mwarungutse ikintu cyiza cy'ingirakamaro cy'umwana n'umubyeyi. Kuko iyo umwana yungutse ikintu, umubyeyi arishima maze akamushyira mu gituzo akamuhobera. Munyumve neza simbacye intege. Sinavuze ko mutari mu gishura cyanjye bana banjye kuko mbakunda ariko burya ugira Imana abona umuhana.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Bana banjye, ndabakunda kuko ntabakunze ntabwo nagaruka kubasura.

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Mba mbabwira kugira ngo mwikosore ejo ntazabagaya. Kugira ngo bana banjye mutazatungurwa kandi narabasuye nkanabakurikirana aho muhungiye. Ejo mutazifuza ngo iyo dukora gutya ntabwo byali kugenda gutya. Hagira Imana ubona umushyitsi umugenderera hashira igihe akamwibuka. Hagira amahirwe umubyeyi ugenderera abana ntibamwinube. Hariho ababyita ko ali umwuga. Ntabwo kuba ngenderera umwana wanjye kandi mbatumaho akantumikira, byakwitwa ko ali umwuga. Ahubwo biba bishaka kuvuga ko uwo muntu adafite aho gushyira uwo muntu waje agendereye abamukunda. Ntabwo ali umwuga rero ahubwo ni urukundo. Ababyita ko kubonekerwa ali umwuga, ntabwo ali ko bimeze kuko ntabwo ali ubucuruzi. Nta n'inyungu irimo usibye imisaraba no gutotezwa kandi ndumva nta muntu ukiri muto cyangwa ukuze wifuzaga gutotezwa no gutukwa n'uwo atazi no kumva buli muntu ahura na we akamucira mu maso cyangwa akamubwira ibimubabaza.

**VAL.:** Hii. Atera indirimbo :

Ndakuramutsa Mariya wuzuye inema  
Abagore bose wabarushije umugisha  
Uri isugi n'Umubyeyi, Mariya  
Mwamikazi w'Ijuru n'isi, Mariya  
Uri mwiza uzira inenge, Mariya  
Tugukunde urabikwiye, Mariya

Hii. Hi? Asekana urugwiro.

Yongera atera iyo ndirimbo mu ijwi ryo hejuru :

Ndakuramutse Mariya wuzuye inema  
Abagore bose wabarushije umugisha  
Uri isugi n'umubyeyi, Mariya  
Mwamikazi w'Ijuru n'isi, Mariya  
Uri Mwiza, uzira inenge, Mariya  
Tugukunde, urabikwiye, Mariya.

**B.M.:** Bana banjye, ntimukemere kubera ko habaye ikintu runaka kigaragaza ko mugomba kwemera. Ejo mutazaba nka Tomasi.

Buli muntu aje yemera ibiri mu mutima we adategereje igitangaza ngo avuge ati ese ko nta cyo ndabona kugira ngo yumve ko icyamuzanye cyari cyuzuzwa. Ntabwo tugomba kwemera kubera ibitangaza, tugomba kwemera kubera ko tuli abakristu kandi twemera uwadutumye. Ni yo mpamvu muzatotezwa kubera izina ry’Imana.

Niyo mpamvu muzatotezwa muzira ukuri ariko uzaba atavugisha ukuri ntazatotezwa kuko azaba yihakana icyo azi kandi yemera kugira ngo arusheho gutambuka. Muramenye mutazaba mwararushye mugakora byinshi noneho ku munota wa nyuma mukihakana ibyo mwemeye kuko bikomeye kurusha utarigeze wemera akicuza ku munota wa nyuma.

Muramenye ntimuzifuze ibyo mwigeze kugira.

Muramenye ejo mutazagera mu nzira ntimukomeze, ntimugasubire inyuma bana banjye, mujye imbere kugira ngo ubukristu bukure aho kugira ngo ubukristu busubire inyuma.

Ntimugahakane kugira ngo mukunde mukore ibibi. Kubera ko iyo wemera ugira isoni zo gukora ikibi. Ntukajye ahatuma ushobora kubona umwijima kandi uvuye mu rumuli.

Bana banjye, ndabinginze. Ko mwagize amahirwe ! Hali abali iwanyu mwasize bifuza kuba bali kumwe nanjye uyu muni. N’ubwo rwose ndahari. Sinshobora kubatererana aho bali hose n’ahandi hose hatali aha ngaha hose tuli kumwe.

N’abarwayi banyifuzza ndi mu mitima yabo. Rwose ukunda umukunda, ntavunika. Iyo bigeze ku mubyeyi ho biba agahebuzo.

Bana banjye, murajye mukunda ababyeyi banyu, mububahire ko bababyaye, mubumvire kuko babareze, kuko bana kurera umwana ntibyoroheye. Murebe inzira babashyizemo kuko ari yo na bo banyuzemo ikabakuza. Ntimukumve ko kuba umuntu akuze ko nta jambo agifite, cyangwa nta bwenge azi. Kuko ni we uba warabahaye kumenya no kujijuka. Kuko umwana utubaha umubyeyi aba ali ikivume. Ndabibabwira kuko mbizi bana banjye.

Namwe mukuze mufite ababyeyi banyu.

N’abo mwabyaye bagomba kububaha.

Mbigereranya n’igihe nashakashakaga Yezu namubuza ali kwigisha mu ihekaru. Narababaye cyane bikomeye. Nkibaza aho yagiye simpabone. Ariko icyanshimishije ni uko yambwiye ati « uyobewe ko ngomba gukora ugushaka kwa Data ? ».

Nali nsanzwe mbizi ko agomba gukora ugushaka kwa Se ariko sinumvaga ko igihe cyageze ! Ariko ntabwo yamvunye, yambwiye iryo jambo, ajya imbere turataha. Namwe ntimukajye imunanu kuko yabahaye urugero rwo kumukurikiza mwumvira ababyeyi kugira ngo buli mubyeyi n’umwana bubahane kandi bumvikane. Mujye mugira igihe cyo kuganira n’ababyeyi banyu babungure ibitekerezo kuko ibyo mufite ubu ngubu bibayobya. Mwahuye n’ibyo batahuye na byo, birangaza kandi bidafite akamaro. Ibyo mwirukiramo n’umwanzi abibatangiramo maze akabafata, akabumvisha. Munyumve neza bana banjye,



kwishima n'ukwishimisha ni byiza ariko iyo ukabije, ugushaka ahita akubona. Kuko shitani buli gihe ihora ili ku muryango. Mwitiza umwanzi umulindi ngo mumuhe inzira yo gutambuka mu mitima yanyu, ku mibiri yanyu. Ahubwo mujye muhora iteka musukuye kandi mwambaye umubiri wa roho n'uw'umubiri..

Bana banjye, hali abaje hano bahangayitse, bafite abarwayi mu bitaro, bafite abarwayi bali mu rugo, bafite n'abarwayi batali mu gihugu barimo. None bana banjye mushyitse umutima hamwe, ndababasulira. Kandi mujye mwizera, mujye mwumva neza musobanukirwe. Uza yemera, arakira. Ukekeranya agenda uko yaje kuko aba atemera neza uwo asanze. N'urwaye yizera ko afite ugomba kumukiza aramukiza ariko iyo ajijinganya ntabwo akira. Ni kimwe n'uko iyo wemera Imana utotezwa ukemera gutotezwa kugira ngo ukore ubutumwa bwayo. Utayemera wabyihorera ntawagutoteza. Niyo mpamvu mbasaba kujya musenga mubikuye ku mutima muzi uwo mubwira, mumwizeye ko ali bubaha.

Bana banjye, ntabwo kurwara bivuga ko umuntu akira kubera ko yasabye gukira. Hali n'abarwaye kubera umusaraba w'umwana wanjye bagomba kumufasha gukiza isi kuko uw'Imana ahora ababaye. Dukize twarengwa! Hali n'abandi bahongerera ibyaha by'abandi kugira ngo bashobore kurokoka. Niyo mpamvu rero tugomba kwihanganira ibitubabaza byose kuko hari abadashobora kubyakira no kubyemera.

**VAL. :** Hii

None se Maman, ko hali abababara cyane kurusha abandi? Hali umuntu ubona ubabaye, bigatuma abakristu bamwe bacika intege. Akavuga ati uriya ntasenga, ntajya arwara. Uriya ntasenga, nta ngorane agira.

Uriya ni we muntu umeze gutya na gutya ariko akubona ibintu byose byiza. Bigatuma n'undi avuga ati nanjye ngiye kujya muli iriya nzira kugirango yenda ndebe ko nabibona. Ubwo se umuntu yabigenza gute?

**B.M.:** Bana banjye, ntabwo kuba usenga ali cyo gituma utabona ibyo ugomba kubona. Ugomba kwemera ibyo uhuye na byo byose ukabyakira kuko ubwira Nyagasani uti « Nyagasani ndi igikoreshe cyawe, unkoresha icyo ushaka ». Ushobora kwibwira ko uwo yabonye byose ariko aba abuze ikindi kintu wowe ufite iyo ubyemera. Rero, nta we ugira byose, nta n'ubura byose.

**VAL.:** Hii.

Ariko Maman, uzi ukuntu abantu benshi bababara? Ni benshi cyane. Barababara. Abarwaye indwara z'amoko yose. Abazira ubusa, ... Ni byinshi cyane nta muntu wabona aho abihera. Hariho rero n'ubabara akavuga ati « ibi birakabije » akumva yarekera aho. Ku buryo ali nk'ibintu ashoboye gutegeka yabibwira ati « ba uretse mbanze nduhuke ». Hii.

Hali n'umuntu wambwiye ati : « Ubwire Maman ko rwose yampaye ububabare bwinshi, ko none maze kunanirwa rwose anyoroherenze ». Hii.

Hali n'abandi badashobora kubivuga. Hii.

Ariko cyane cyane unkundire nguhereze abantu bose bantumye bababaye koko. Ariko cyane cyane ababyeyi babajwe n'abana babo bahinduye imico, abana biba, abana babeshya. Mbese ku buryo ababyeyi bose usanga bafite ibibazo byinshi. Umubyeyi akabwira umwana ntamwumve. Umubyeyi aka... Ku buryo ababyeyi benshi bafite ibibazo bashobora no kugenda mu muhanda imodoka zikabagonga.

None se ko wabahaye abana, wabafashije bagashobora no kubakurerera ? Hali n'abandi batabafite baba babifuza. Rwose ndakwinginze Mubyeyi ngo abo bantu bose ubamanurireho ibiganza byawe, ubumve. Mbese abantu bose bagiye bafite ibibazo by'ingeri zose. Urabona hano tuli, buli muntu aba akeneye igituma aba hano, aba akeneye kumenya icyo ali cyo, aba akeneye kugenda ngo amenye icyo agomba gukora. Ibyo byose biraremereye imitima y'abantu ku buryo ubona buli muntu wese ahangayitse.

None rero ndakwinginze kugira ngo buli muntu wese umutahe ku mutima. Ali abali mu Rwanda, abali i Kibeho ku murenge waho, ali abali mu bindi bihugu impande zose batashoboye kugera hano. Ali n'abana basigaye mu rugo n'abagiye ku ishuri bifuzaga kuza hano bakabura uko baza, ali ababyeyi barwaye bali mu bitaro bategereje kubagwa, abo bose ni abana bawe ubakire kandi ubagenderere kandi ubafashe. N'ibyo uli buduhe hano, na bo ubibagezeho.

Ntabwo byoroshye. Hii. N'uhigimye aba avuze ! Abo bose ndabaguhereje Maman. N'abatarabyaye bararera kandi bose barahangayitse.  
Hii. Hii.

Ubu se uragenda none aha kandi uje muli kano kanya ? Hashize iminota icumi gusa !

Aliko se Maman, ba uretese kugenda nkubaze ikintu. Kubona uza kunsura ukagenda ntunambwire ngo « nzagaruka ». Uzi ukuntu mba mpangayitse ? Umuntu arambaza ngo mbese azaza ? Nti ntabwo mbizi . Hii.

Kuki mutambwira muti yenda nzagaruka cyangwa ngo umbwire ikindi kintu ? Sinzi. Ibyo n'ibyo nitekerereza mu mutwe wanjye. Mwe mufite uko mubitekereza. Ariko jyewe niko mbitekereza. Ndabitekereza. Abantu benshi barabimbaza. Ese nababwira ngo « uraza » kandi nta rendez-vous wampaye ? Nababwira se ngo ntuza kandi na none utampakaniye ? Mbese mbabwira ko ntabizi . Hii.

Abandi bakambwira bati ese kuki bakunda kumusanga mu rugo kandi ali hatoya ntitubone aho twicara.

Urabona rero... N'iwacu harakonja. Ubu ndasanga bakonje, ariko n'abana beza ntabwo bashobora kumbwira nabi. Ndahita ... nge ... Hi ? Ariko harakonja.

Wagira ngo uku kuntu twaje ino ntituzahapfira ? Hii.

Ahubwo twisubiriye iwacu byaba byiza kurushaho. Hi ? N'ubu umbwiye nahita ngenda . Buli gihe mpora niteguye njyewe. Hi ? Haracyari akazi ?

Ko mwe se mufite akazi kenshi. Jye nta kazi ngira. Hi ? Haboneka n'abandi batotezwa kundusha.

Oya nali ndi kwiganirira.

Ariko ibyo bibazo barabimbaza kandi ni byo. Buli muntu wese aba ashaka kumera nk'uwundi. Aba ashaka kubona icyo n'undi ali kureba. Ibyo bareba ntabwo mbizi ariko abenshi barabitekereza. Hii.

**B.M.:** Bana banjye, tuli kumwe ahantu hose.

**VAL.:** Erega ibyo turabizi. Ariko buli muntu aba yumva avuga ko na we agomba... kandi koko ni byiza. Barabimbaza. None nabiceceka? Bambaza bati mbese kuki, iyi nzu ni ntoya? Kuki ngo uwo Mubyeyi atakubwira ngo ujye ahandi hantu? Nti nta handi yambwiye kubera ko nta na rendez-vous ampa. Hii. None se ukuri siko kwiza? Uvugisha ukuli ukakuzira kandi waba ubeshya ugatambuka. Njye nzavugisha ukuri! Hii. Hii.

## **VALENTINE ATANGA UMUGISHA :**

*Mbere yo gutera abantu amazi, abanza kurambura amaboko kuri buri murwi n'abantu, akavuga isengesho, bamwe akabaha umuhezagiro n'ukuboko, cyangwa agakora ikimenyetso cy'umusaraba.*

### **Dore amasengesho Valentine yavuze:**

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi. Kumva ko ndi igikoresho cyawe imbere yawe n'imbere y'ab'isi yose. Kumva ko ngomba gukora ugushaka kwawe.*

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi. Kumva ko ndi igikoresho cy'ab'isi yose kandi umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.*

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana. Kwicisha bugufi. Kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.*

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana. Kwicisha bugufi, kwiyoroshya no kwakira icyo wifuzaga kuli nje icyo ali cyo cyose n'igikoresho cy'ab'isi yose. Umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana. Kwicisha bugufi. Kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu. Kumva ko ndi igikoresho cy'ab'isi yose no kwakira ibyo unyifuzaho byose.

Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru no munsu abitonda bahorane amahoro.

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya no kwicisha bugufi, ukwihangana no kwihanganirana no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.*

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana. Kwicisha bugufi n'icyubahiro cya Nyagasani kandi hakorwe ugushaha kwawe. Imana ni isingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro.

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi. Kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana umutima mwiza, icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro.*

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana. Kwicisha bugufi kandi no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro.

*- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi. Kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu bese, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Kandi umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru no munsu abitonda bahorane amahoro.*

*Ubwo Valentine agaruka mu nzu gufata icupa rikoze mu ishubo ya Bikira Mariya, Umwamikazi w'i Lourdes irimo amazi mu yo abantu baba bazanyeye gubesha umugisha kugirango atere abantu amazi.*

**VAL.:** Ariko Maman, ubundi nali gukora akazi k'iwanyu maze gushira inyota. Ubu ngubu abandi b'iwacu bali kwinywera ibyayi, amazi. Ariko njewe inyota yanyishe !

*Valentine yabereyeko atangira gutera abantu amazi, ariko atanyoyeho. Atera ku bali mu nzu, no ku gice kimwe cy'abari hanze kuko amazi yali ashize mu icupa. Yagarutse mu nzu gufata irindi cupa rikoze mu ishubo ya Bikira Mariya Umwamikazi w'i Lourdes, asubira hanze gutera amazi agace atali yagezemo. Abantu bali bishimye cyane, batangira kuririmba banabyina izi ndirimbo :*

R. Gumana natwe Nyina wa Jambo,  
Komezwa utubere Umubyeyi mwiza,  
Kuko ali wowe wasuye impunzi.  
Kugeza igihe uzatwitwarira.

Hagira Imana abakwifuza  
Hagir'ibyago abakuvumagiza  
Kuko batazi aho baguherewe  
Kugeza igihe uzatwitwarira

R.  
Waje mu Rwanda turishima  
Waradusuye ntitwinuba  
Twanze kuzasebya izina ryawe  
Kugeza igihe uzatwitwarira

R.  
*Valantine yarangije gutera abantu bose amazi y'umugisha agaruka mu nzu, afata icupa risanze, asuka amazi muri ya shusho yamazemo amazi, maze ayiterekako ku meza inyuma y'ishusho ya Yezu. Ashaka umupfundikizo w'iryo cupa n'uw'iyi shusho arayibura, ati :*

**VAL.:** Ariko ibikoresho byanyu mwabihishe. N'ugushaka ? Iby'iwacu biba biri ku ruhande. Ibikoresho byanyu nabibuze.

Hariya, indabyo zanyu zose nazirangije. Hi ? Indabo nazirangije. Ariko inyota iranyishe ! Hi ? Ariko Maman, uzi ukuntu mufite umurima munini ? Hii. Hi ?

*Valentine atangira gusubiza mu mwanya utunuma twali twaguye tuva kw'ishusho ya Bikira Mariya w'i Fatima yali iri ku meza. Yamaze igihe agerageza kudusubizaho bimunanira ariko agera aho arabishobora. Ati :*

**VAL.:** Ibintu by'iwanyu ntabwo byoroshye ! Hi ?  
Indabo zanyu ziracucitse, akazi ni kenshi kandi inyota iranyishe. Ndabanza nywe hanyuma n'ushaka umbwire ndangize hose. Ubusitani bwose ndaburangiza usibye ko ndasanga ab'iwacu bantegereje ngo tuvuge ishapule ! Hii.

**Hi ? Nta kintu ndi kubona !**

*Mu bantu bali abo ngabo mu nzu, twumvise umuntu ubaza abandi ati : « Nta kintu muli kumva gihumura ? »*

*Valantina ajyana akaboko inyuma y'ishusho ya Yezu yali ili ku meza, maze aterura ya shusho ya Bikira Mariya yali yakoresheje mbere atera abantu amazi yagaruka yashizemo akongeramo make, akayiterekako.*

*Yazamuye iyo shusho, yifata ku munwa, ati : Eeeeeeeeh !*

*Aterura n'indi shusho ya Bikira Mariya irimo amazi asanzwe, azizamura zombi hejuru, azigereranya !*

*Abantu bali aho baba babibonye, batangira gusakuza, batangara, bakoma amashyi, batera impundu, bishimiye igitangaza kibaye :*

***\_RYA CUPA RIKOZE MU ISHUSHO YA BIKIRA MARIYA UMWAMIKAZI W'I LOURDES, RYALI RYUZUYE AMAVUTA Y'UMWERU DEDE, ASA N'AMATA, AHUMURA UMUBAVU UTABAHO AYO MAVUTA YAGENDAGA YUZURA YA SHUSHO ABARI AHO BALI KUREBA.***

**VAL.:** Oya ntabwo ndi Tomasi, ariko ndagira ngo ndebe !

Hi ?

Ahita atera indirimbo ati :

Amagambo yo kukubwira  
Uyamenya tutanayavuze  
Mwamikazi jya uyazirikana

R. Mubyeyi uturutira abandi, Bikira Mariya  
Ujye uduhoza ku mutima

*Valentine yegera umwana w'umukobwa wali umuri irubande, amuhumuriza umubavu w'ayo mavuta (Céline)*

*Abumuriza n'umupadiri w'umubiligi wali umubagaze irubande, (Padiri Andréa Bernard) maze uwo mu Padiri ahita anakoraho yisiga ku itama.*

**Valentine ahita atangira kuzenguruka mu bantu bose abatera ayo mavuta, bamwe akabasiga cyangwa akanabahumuriza uwo mubavu.**

**Habayeho ibitangaza by'abantu bakize ubumuga n'uburwayi kubera ayo mavuta Valantina yabasize.**

**Abo bakize bazitangira ubuhamya.**

**Dore urugero rw'uwakijijwe ubumuga : AHIGOMBEYE OSWALDI**

*Muri icyo gihe, abantu bo bakomeje baririmba n'ibyishimo byinshi bati :*

Mwamikazi aho uba ni heza  
Ariko kuhagera birakomeye  
Mwamikazi, uzahatugeze

R.

***Dore izindi ndirimbo zaririmbwaga :***

- Ko ngufite, mfite byose  
Ko ngufite, mfite amahoro,  
Ko ngufite mfite urukundo, Mariya

- Umva Mariya abatagukunda  
Bazanyura inzira ndende, Kundwa, sangwa !

- Iyizire, iyizire,  
Iyizire Ngabire y’Imana yatugabiye

**VAL. :** Maman, indabo zawe ndazirangije, ariko ikivomesho cyawe, umupfuniko nawubuze. Narangije kuvomerera indabo zose ariko umupfundikizo nawubuze. Hii. Hii.  
Ariko n’inyota iranyishe. Hii.  
Murakoze.

***Valentine apfundura icupa ry’amazi, asomaho, arongera, ati :***

**VAL:** Murakoze ! Hii.

Ubu se muragenda none aha kandi tuta .... Iminota icumi gusa ?  
Hii. Hii. Oya ni uko ....

Ariko se Maman, ushatse kutubwira iki ?

**B.M.:** Bana banjye, naberetse kenshi kandi mbaha kenshi. N’umwana wanjye yabahaye kenshi. Ariko gushimira ntabwo byoroshye, usibye ko mutanagaye.  
Nongeye rero kubaha kuko nabonaga mufite inyota.  
Nkili mu Rwanda, Umwana namuhaye amavuta, kugira ngo igihe cyose azajya ababara, aje amuhoza akababaro aterwa n’ab’isi biturutse kuli Njye wamwigaragarije nta gahato !

**VAL.:** Hii. Ariko zose nali nazirangije ! Hii.

**Valentine yongera gutera rimwe gusa, ya mavuta hafi ye hareba mu idirishya !**

**B.M.:** Bana banjye, nzagaruka ubutaha, kandi sinzabagaye !  
Sinzabe nyamwisiga ngo nisange, ntimuzabe babura mwaje !  
Murakoze, murakagira Imana !

***Valentine atera amasengesho akurikira :***

**VAL.:** - Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu  
- Ni yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu

- Ndakuramutsa Mariya
- Dawe uli mu ijuru
- Ni yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu
- Notre Père qui est aux cieux
- Je vous salue Marie
- Gloire au Père
- Ni yubahwe Imana Data
- Yezu wacu, tubabalire ibyaha byacu
- Bikira Mariya nyil'impuhwe
- Mariya utasamanywe icyaha (3x)
- Nyagasani Yezu ubu tuli mu biganza byawe
- Mana utuma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mitima yacu urukundo rwawe rudatezuka kugira ngo ibitekerezo uduhayeho bidahinduka, kubwa Yezu Kristu Umwami wacu, Amina.

*B.M. : Bana banjye, ndishimye.*

*Nizere ko ubutaha nzasanga mwareze imbuto nyinshi, kandi mubumure, nonebo, mwese muzishima !!!*

*VAL. : Wirirwe Maman !!*

*Yitura basi, mu gibe abantu bose barimo gukoma amashyi, bavuzza impundu, bishimiye iryo jambo ryiza Umubyeyi ababwiye !*

*Indirimbo n'imbyino zirakomeza, maze Manyifikati isoza ibirori by'uwo muni !*

*Byandukwe n'umunyamurwango wa ASSOCIATION DES AMIS DE LA VIERGE  
MARIE NOTRE DAME DE KIBEHO (A.V.M.D.KI) BRUXELLES.*

**N.B.** : Umwanditsi ni uwari uhagaze i ruhande rwa Valentine wabonye, wemeza kandi Uhamya ibyo Valentine yakozwe byose !



## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINA NYIRAMUKIZA**

### **I BURUSELI MU BUBILIGI - TARIKI YA 15/05/2004.**

Uyu mwaka, ibonekerwa rya Valentine ryatandukanye n'andi yose yabereye i Kibeho mu Rwanda n'ahandi yanyuze mu mahanga (Congo, Kenya, Togo).

Dore impamvu : Kuri Pasika, Valentine yasabye umwe mu bakristu gutangaza ko amasengesho yajyaga abera iwe kuri iyo tariki, agiye kuzabera uyu mwaka kuri Chaussée d'Anvers, n° 60. Uwo mukristu yihutiye kumenya aho hantu, asanga ni ku Kiriziya ya Paroisse Saint Roch.

Ubutumwa bwahise bugezwa ku bantu bose uko bishobotse ndetse n'abakristu babimenye bahagurukira gutumanaho ngo bategure uwo muni. Imbaraga zirushaho kwiyongera kubera ko Umubyeyi wo mu Ijuru yari yasezeraniye abari baraje mu ibonekerwa rya 2003 ko muri 2004 azagaruka kandi ko bose bazishima. Uwo muni rero wari utegerejwe mu byishimo. Aho bimenyekaniye ko ibonekerwa rizabera mu Kiriziya ya paroisse Saint Roch, byabaye ngombwa ko hahita hatekerezwa guha uwo muni indi sura. Uko bisanzwe, Rozari ntiyabura, ariko hiyongeraho indi mihango itari isanzwe ibiri :

1. Hateguwe igitaramo kigizwe n'abana guhera ku myaka itanu kugeza kuri 20, bahabwa urubuga rwo gutura Umubyeyi Bikira Mariya, indamutso ibari ku mutima !
2. Hakurikiyeho igitambo cya Misa. Ikintu kidasanzwe cyabaye muri iyo Misa, n'uko Padiri yasabye abantu bose bari aho gupfukama ngo basabe imbabazi z'ibyaha byose byabo n'iby'ab'isi yose. Nyuma asaba buri muntu guhobera mugenzi we umuri iburyo n'umuri ibumoso kugirango ababonemo abantu bose bafitanye ibibazo, maze abasabe imbabazi kandi abifuriza aya magagambo ati : « Gira Amahoro ya Kristu ». Uwo muhango washimishije Bikira Mariya ku buryo mu ibonekerwa yaje kuwugarukaho akatubwira ko n'ubwo tutamubonaga ngo yari ahari, ngo byamushimishije cyane. Adusaba kubisubiramo ariko noneho mu kuramukanya, avuga ko tubwirana tuti : « Turi abana b'Imana ».

Ubwo rero Umubyeyi twamutegerereje imbere mu Kiriziya, kandi ni naho yadusuriye ! Ni ubwa mbere mu mateka y'amabonekerwa yitiriwe Kibeho.

Nyuma ya misa hatangiye indirimbo zitaramira Umubyeyi, zimubwira ko twishimiye kumwakira !

Igihe kigeze, Valentina yavuye aho yabyinanaga n'abana bizihije igitambo cya misa babyina, yigira imbere nk'ubisabwe, apfukama ateye abari aho umugongo. Mu

kanya gato, ahindukira nk'umurabyo, yerekera aho abantu bamureba mu maso, atangira kuririmba ati :

R. Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana. Bikira Mariya, uje uduhakirwa  
Bikira Mariya, uje uduhakirwa.

1. Kiza abanyabyaha, bamenye iby'Imana. Uturinde ibyago, duhe ibyiza byose  
Uturinde ibyago, duhe ibyiza byose.

R. Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana. Bikira Mariya, uje uduhakirwa,  
Bikira Mariya, uje uduhakirwa.

VAL.: Ndi hano, ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Unkoreshe icyo ushaka.

B. M.: Bana banjye, ndabaramukije. Mbahaye indamutso ya Kibyeyi.

*Abakristu bakoma amashyi, bavuzza impundu.*

Bana banjye, kuri uyu muni, nshimishijwe n'urugwiro mwanyakiranye.  
Nanjye ndishimye.

*Abakristu bakoma amashyi, batanga impundu*

Bana banjye, mushyitse umutima hamwe, mwishime kuko ndi Umubyeyi ugira  
impuhwe, kuko ndi Umubyeyi ubabarira abana banjye bose kandi mwese  
nkabashyira mu gishura kimwe. Mwihungabana, mwitinya, ahubwo nimunsange,  
ndabakira.

Bana banjye, nimusabe kuko muzahabwa, nimushakashake muzaronka.

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

Naje mbasanga, naje mbakunze.

Ndi umunyabyaha bana banjye ?

Ni mugaruke, siko nitwa, siko nteye, niko mwanyise

Nimuhumure mbatabare, nimugaruke mushire impumu.

Mwigira inyota, ndabatabara, mwigira impumu, turagendana.

Bana banjye naje mbasanga, nje ndabakunda, nje ndabatashya

Igihe cyose mbatumaho.

Nimuhumure, nimukomere, inzira yanjye ni intamenwa.

Dore ndaje, dore ndababwira nti muhumure.

Kaze, kaze Kibeho yahiriwe.

Nyise ingoro yanjye simbabeshya.

Ni ikiriri gisasira abasinzira, ni uburiri butabara abarembye.

Ni ingobyi impekera abarwayi.

Shuri ryanjye, ndaribeguriye, namwe ababyeyi nimumfashe.

Kaze neza Kibeho, kuko naje ngusanga uranyakira.

*Arabaza ati: Hi ? Araceceka atega amatwi. Nyuma ati: Karame !*

Ndumva nishimye cyane nanjye. Mubyeyi mwiza, mbanje kwicisha bugufi imbere yawe, ngusaba imbabazi z'ibyaha byanjye n'iby'abandi bose. Turakwinginze ngo utubabarire. Niba twaraguhemukije, Mubyeyi uce inkoni izamba. Turi abana bawe kandi turi abanyanteye nkeya. Turakwinginze, ngo ntirebe ibyo dukora, ahubwo ugirire muri aka kanya kuko waje kudasanga kandi uzi ko tukubabaza, maze utubabarire, Mubyeyi.

VAL. : *Araceceka, atega amatwi, nyuma arikiriza.*

B. M.: Bana banjye, nababwiye ko no mu ndirimbo habamo ubutumwa nshaka kubagezaho. Hari abafashe nabi aho bavuga ngo : “Ndi umunyabyaha bana banjye? Siko nitwa siko nteye, niko mwanjye”.

Bana banjye, nongere mbasobanurire: ntabwo ndi umunyabyaha, niko mwanjye. Siko nitwa. Siko nteye. Nagirango mbabwireko Kibeho mbabwira atari umurenge wanyakiriye, ko Kibeho ari mwebwe mwese. Kibeho ni imitima yanyu.

Bana banjye, ntabwo naje mbabwira ibishya, naje mbasobanurira ibisanzweho ahubwo ndushaho kubamurikira kugira ngo musobanukirwe. Ni yo mpamvu uzanwa n'ibitangaza akanura ntabwo. Uzanwa n'ikiri ku mutima udasesuyeho urukundo ataha ntacyo abonye. Ntimuzampimbire bana banjye, mujye muvuga icyo navuze. Sinzabe Nyamwisiga ngo nisange, namwe ntimuzabe babura mwaje. Bana banjye, ndagirango mbabwire ikindi ku mutima. Nyir'amaso yerekwa bike ibindi akirebera. Ni ubwa mbere nabona ibyishimo nk'ibi. Ni ubwa mbere mwanjakira nkuko mwanjakiriye.

*Abakristu bakoma mu mashyi, bavuzza impundu !*

Munyumve neza bana banjye, ntabwo mvuze ko mutanyakiriye igihe nabasangaga mu gihugu cyanyu kandi n'aha ni iwanyu. Ndashaka kubabwira ko urugwiro..., gushorera abana mukabazana, mukabereka inzira y'ukuri, mukabereka ikibari ku mutima, mutijyanye mwenyine, mukabaha nabo urubuga rwabo rwo kuvuga ikibari ku mutima, bana banjye, murakabyara !

*Abakristu barishima cyane, bakoma mu mashyi bavuzza n'impundu !*

Ubwo duherukana, bana banjye, nababwiraga ko muzishima. Bamwe mutegereza ibitangaza kandi tubihorana buri muni. Abandi mwumva ko ari ikimanuka ku ijuru cyangwa se ikiva ahandi ku mpande zose... Nta gitangaza kirenze icyo muri mo. Nta n'igitangaza kirenze kuba mwateraniye hano.

*Hakomwa amashyi menshi.*

VAL. : Karame !

B. M. : Ibyishimo nabasezeraniye ni ibi ngibi kuko nanjye ndishimye kandi mukaba mwese mwishimye kuko ntawe ufite ingingimira, ntawe uhejwe, kandi ntawe utumva cyangwa ngo arebe. Ese hari ibyishimo birenze kwakirirwa mu ngo y'Umwana wanjye ?

*Abakristu bakoma amashyi, bavuzza impundu !*

VAL. : *Atera indirimbo :*

Ndi kumva nishimye cyane, ku buryo ntabona uko ngusobanurira ibyishimo byanjye. Ariko sinabura no kugushimira, Mubyeyi, kubera urukundo udukunda kubera imbabazi zawe zitagira urugero...

Karame! Umbabarire niba nakuririmbiye nabi kubera ko Umwana wawe yayinyigishije kabiri gusa, ntabwo nayifashe. Ariko ndumva ubwo mwabisabye, aho nakosheje muri bunkosore. Murakoze.

B. M. : Bana banjye, iyo Umubyeyi abwiye abana ko abakunda, nuko aba yishimye, nuko aba ashimishijwe n'urubyaro yabyaye kandi rero ngo: « n'ibyaye igihumye, mu binyarwanda byanyu, irakirigata ».

Nongeye kurambura ibiganza, amaboko, bana banjye, ngo mbahobere !

*Abakristu barambura amaboko, ngo baboberane na Bikira Mariya.*

*Nabo Valentine azenguruka impande zose arambuye amaboko nk'ugiyeye gubobera abantu. Ubwo kandi niko amashyi n'impundu bitangwa !*

Bana banjye, kuri uyu muni, mbahaye urukundo rwa kibyeyi.

*Abakristu bashimira bakoma amashyi bavuzza n'impundu !*

Ndabasabye kugira ngo nimbaha, ntimugapfushye ubusa. Nimbaha, ntimukirare ahubwo mujye mukoresha icyo nabahaye kenshi. Bana banjye, buri muntu wese afite icyo avuga ku mutima. Buri muntu wese arishimye cyangwa arababaye. Ariko ntimukirengazize ko Umwana w'Imana, adatana n'umusaraba. Ntukirengazize ko ugomba kunyura mu nzira y'umwana wanjye kugira ngo umufashe gukiza isi. Kuki se mubyiharerana mukumva ko mwabishobora mwenyine ?

VAL. : Araceceka umwanya, hanyuma arasubiza ati : Murakoze.

B. M. : Bana banjye, uko mwaje mwese kunyakira hano, hari n'abandi baje kunyakira.

Ariko ndagira ngo mbamenyeshe ko ufite urukundo r..., ahora iteka akeye kandi yumva ko uwo bari kumwe amuhora hafi, yumva ko uwo akunda amuhora hafi, yumva ko uwo atekereza ahorana na we.

Hari abandi bavandimwe bari mu gihugu cyanyu. Kuri iyi saha na bo ndi kumwe na bo.

*Abakristu bakoma amashyi bavuzza impundu.*

VAL. : Urakoze Mubyeyi. Ko uvuze ko uri kumwe na bo kandi ukaba uri hano, uri kumwe na bo mubuhe buryo ?

*Atega amatwi, maze akomeza agira ati : Oya. Nuko kenshi jyewe nkunda gusobanura kugira ngo ntaza kwibeshya. Hari n'abandi badasobanura, ariko babitekereza, ahubwo bakabisobanura uko bitari. Niyo mpamvu mpisemo kubibaza. Muri kumwe na bo mu buhe buryo ?*

B. M. :Bana banjye, mbabwize ukuri: uwariye agahaga, ntamenya ko hari ushonje!  
Muramenye mutazarengwa, mukazageza aho mutega imbehe ntawe uri bushyiremo.

Muramenye mutazivutsa ibyari bibatunze. Nyabuna ndabasabye ngo mugerageze.

VAL. : Ariko Ma, ntabwo wansubije !

B. M. :Bana banjye, mutege amatwi : nubwo badafite uvuga ngo asubizwe, uwo batuma nonaha ngo abatumikire, jyewe njyayo nkabashimisha. Ubu barishimye. Ubu baranyakira. None se aho mwebwe, ntabwo muba mufite inyota ? None se ko muyifite mufite icyo kunywa, mutekereze rero noneho abafite inyota batari bunywe nonaha. Ariko ndabahaza urukundo rwa kibyezi.

*Abakristu bakoma mu mashyi bashimira !*

Narababwiye ngo ntimukabe « babura mwaje ». Hari abadasobanukirwa neza kubura umuntu yaje icyo ari cyo. Ni ukujyanwa n’ubusa, ukagenda ntacyo ukuyemo, ukagenda ntacyo wumvise ahubwo wongerera ku byavuzwe cyangwa ubigabanuraho, cyangwa se ukagenda wihimbiye, ibyavuzwe utabyumvise kubera umutima unangiye. Abongabo, bana banjye, muri mirongo inani na gatatu, na kabiri, na kane, na gatanu kugeza kuri uyu munsu, nabitaga « amasandi ». Nanjye nkunda kubabwira nti : « sinzabe nyamwisiga ngo nisange ». Kwisiga ukisanga ni ukuvuga ko ushobora gusiga umuntu ku rugo ugasanga aho yari yicaye ari aho yakomeje kwicara, ugasanga ntacyo yakoze, ugasanga yishwe n’inzara kandi hariho ibyo kurya atabishatse.

Nanjye kwisiga nkisanga ni uko nsanga ibyo nababwiye, ibyo nabahaye, mutarabikoresheje. Ibyo nababwiye ntacyo byabamariye. Bana banjye, rwose mukomereze aha. Kandi muhe umwanya munini Imana mu mutima wanyu kuko ni Imana idatenguha.

Bana banjye, hari benshi bashidikanya, hari benshi bahakana n’ibyo batahagazeho. Hari n’abaca imanza. Murajye mwirinda gucira imanza uwo mutazi kuko igihe muzazicibwa muzabura ubarenganura. Murajye mwirinda gushinja, kuvuga ibyo mutahagazeho no gushinja ibyo mutabonye. Bana banjye, mujye mukundana. Bana banjye, sinanga umunyabyaha, ahubwo nanga icyaha. Ukosheje akikosora, agasaba imbabazi, arababarirwa. Birababaje kumva umuntu, kugirango yisobanure, yitwaza mugenzi we kugira ngo amubabaze. Ndabinginze kugira ngo mujye mumenya ikosa mwakoze, muzinduke mujye gusabana imbabazi. Ntimukabirenze iminsi ibiri kuko muba mutazi umunsu n’igihe. Niyo impamvu bababwira ngo mujye muhora mwiteguye.

VAL. : Karame !

B. M. :Bana banjye, mujye musenga nta buryarya. Mujye mwubahana umwe ku wundi. Nababwiye ko isengesho nyaryo ari irikubiye mu bikorwa, ko isengesho nyaryo ari isengesho rivuye mu mutima, atari isengesho tuvuga mu magambo yacu.

VAL. : *aririmba indirimbo ikurikira :*

Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma  
Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo, kuko nzaba narababwiye nti ...

*Asubiramo ati* : Kuko nzaba narababwiye ntimunyumve ...

*Arongera ati* : Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma,  
Ntimuzamenya icy'u... Ntimuzamenya icy'u...

*Ageze aho abwira uwu bavugana ati* : Ntabwo ndi kubisoma neza.

*Arongera araririmba ati* :

Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo, kuko nzaba narabasabye mukanyima,  
kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.  
Bana ba Adamu na Eva, ibyaha byari byahanaguwe igihe nabapfiraga.  
Nimusuzume imitima, nimwisubireho.

*Abagarika kuririmba, akomeza ikiganiro*: Ndabyibuka ko iyo bayinyigishije muri 85,  
igihe umwana wanyu, Umwami wacu Yezu Kristu, yazaga kudasura iwacu mu  
Rwanda.

*Valentine yibanagura mu maso, ati* : ntabwo ndi kubisoma neza.

B. M. :Bana banjye, nta cyiza nko kubona abari ibimuga bagenda, nta cyiza nko kubona  
abarwayi bakira, nta kibabaza nko kubona abarwayi bativuzwa. Munyumve neza :  
kurwara ntabwo ari ukurwara ku mubiri, ku ruhu. Ushobora no kurwara kuri  
roho. Birababaza kandi iyo dutsimbarara ku cyo dufite ku mutima, tukumva ko  
ari cy'ukuri.

Bana banjye, nkuko mu kanya kashize mwansabye imbabazi kandi  
mugahoberana, byanshimishije n'ubwo mutambonaga.

VAL. :None se kuki utaje ? *akomeza agira ati* : Oya, jyewe mbaza ibintu byose.

B. M. :Bana banjye, mwongere muhaguruke.

Ngiye kubaha Urukundo rwa kibyezi n'umwana,

Ngiye kubaha Indamutso y'umubyeyi ugiye gusura abana be, abuzukuru be,

Ngiye kubaha indamutso ivuye ku mutima kugira ngo namwe muzayigeze ku  
bandi,

Ngiye kubaha icyubahiro cya Nyagasani !

VAL. : *Aririmba arambuye amaboko, agira ati* :

Wasamwe nta nenge ufite, wakunzwe n'Imana kare, yo yagutatse nyamuraza.

R. : Dore Umutako mu bakobwa, dore urugero mu bagore,

Dore Inyenyeri iyobora, ni Mariya, Umutoni w'Imana.

B.M.: Mbahaye ingabire y'ubudacogora, ubudacogora, ubusabane n'icyubahiro cya  
Nyagasani.

*Abakristu bakoma mu mashyi, batanga impundu !*

Bana banjye, buri muntu ahobere uwo bari kumwe, amubwire ati : « Turi abana b’Imana »... Nshimishwa no kubona abana bahura bagaseka, nshimishwa no kubona muhura mugahana amahoro ya Kristu ariko aje ava mu mutima. Nkuko nonaha muri kano kanya mubikoze! Bana banjye, mujye mutanga imbabazi nkuko namwe mubabarirwa, ntimugatange igice. Bana banjye, ntimugatinye kuvuga izina ry’uwo mukunda. Iyo ukunze umubyeyi, uvuga ko umukunda, ukamuririmbira, ukamutetsha, akagutetsha. Ngurwo urugwiro rw’umubyeyi n’umwana.

VAL. : Karame !

B. M. :Munyumve neza bana banjye, ntimubitware uko ntavuze. Ntabwo navuze « Kuvuga uwo ukunda mu bundi buryo, rubyiruko ». Ndavuga kuvuga ko ukunda Umubyeyi Bikira Mariya. Ugatinyuka kumuvuga mu izina mu bandi bantu, ntibigutere isoni kuko uri kumwe n’abatamwemera. Ntibigutere isoni kugira ngo umwitabaze, umubwire ikikubabaje. Birambabaza kumva umuntu atinya kuvuga uwo akunda. No gukora ku kimenyetso ngo batabona uwo uri we. Jye se ko bitantera isoni iyo nje imbere yanyu ?

VAL. :Mubyeyi rero ujye udutiza imbaraga kugira ngo dushire ubwoba. Cyane cyane biterwa n’intege nke. Turakwinginze kuko utuzi kurusha uko twiyizi, ujye utugenderera udufashe. Twese turabishaka, ariko intege nke za muntu zikatubuza kukubwira ukuri kwacu.

B. M. :Bana banjye, abenshi barashidikanya, bakavuga bati : « Uwo Mubyeyi Bikira Mariya utaduha ngo dutahe aba aje gukora iki ? Ese uwo Mubyeyi ni Nyabaki ? ». Ntabwo nabarenganya. Iyo utazi icyo ukora, n’uwo uvuga uramusebya. Ariko bana banjye, ibyo nababwiye kare ko, umubi aba uwa nyina na se wamubyaye, nanjye ndabyemera. Bana banjye, ntabwo nkangwa n’ibihita. Ntabwo nkangarana ngo nange abanyanga. Mbakunda kurushaho kuko mba nshaka ko munsanga ngo mbakire. Nagira ngo mbabwire ko icya ngombwa ari roho. Umubiri ni ubusa. None rero, ntabwo nabahisha ko iyo umuntu aciye bugufi akansaba imbabazi, n’iyo yapfa kwivugira ahita, ndamubabarira.

VAL. :*Araceceka, nyuma aritaba ati* : Karame.

B. M. :Birababaza kumva umuntu avuga ko ari umukristu, agasebya uwo atazi, atarabona !

VAL. : Ariko se Maman, ibyo ngibyo ubikurikije ntawasigara ! Ariko rero urabizi ko ari intege nkeya zacu, kandi nta n’igihe bitazabaho kuko dukora ibyaha kenshi tugashaka kubibikisha icyo kintu kugira ngo twoye kugaragaza nyine ko twagukoshereje, ahubwo turi mu kuri. Ndakwinginze ngo wirengagize ibitutsi byose tugutuka, wirengagize akababaro kose, n’abo bakuvuga nabi ubagenderere

muri kano kanya, ubereke ko uri umubyeyi usumba bese, ubereke ko uri umubyeyi usumba abatyubayeye, ubereke ko uri Nyina wa Jambo.

*Atera indirimbo, arabyina ati :*

R. Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa  
Imana yari igufite, mu bitekerezo byayo.

1. Mucyo uturuka kwa Yowakimi, kaze Rebero ry'abeza  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi, uruta abamikazi bese.

R. Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa, ...  
Imana yari igufite mu bitekerezo byayo.

*Valentine arabagarara ati :* Maman, ntabwo nashobora kubyina ibyo byanyu !  
Kubera ko twebwe dufite ingufu nyinshi, ariko mwebwe mubyina gahoroooo....  
Uragirango abantu bazavuge ngo nari ndi kubyina jyeniyine nk'umusazi?  
Umukobwa w'umutima... Ndabona biruhije.

*Arongera araririmba, abyina buhoro, asa nk'uwigana uwo babyinana...*

Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa, Imana yari igufite, mu bitekerezo byayo.

*Aragarara gato aritegereza...*

Mucyo uturuka kwa Yowakimi, kaze rebero ry'abeza,  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi, uruta abamikazi bese

Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa...

Nzagutaka by'ukuri, nzagutaka ibirezi  
Bikwiye Nyina w'imana, Uwo Imana yagize Imanzi.  
Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa...

Ati : Ibyo ngibyo ntabwo tubizi. Hi,??? Ko batabimenya se! Ntabwo bazi kubyina. Niyo ubaririmbiye, ntabwo babyina. Abantu nari nasize ahantu twari turi, uzi ukuntu banganaga ? Umuntu yagiraga isoni. Ariko mbabyiniye ukuntu ubyina aho baseka !

Hi ? Gutya ! Twebwe tubyina gutya : *yereka Bikira Mariya intambwe yibuta.*

Oya, ni ukuberako turi bato kandi dufite ingufu nyinshi... Hi ? Ninzajya niherera jyeniyine, nzajya mbyinira ku mutima. Ariko ubwo uribuka ko mfite abana, wagirango nasaze!!!

B. M. :Bana banjye, nagira ngo mbereke ko uyu muni koko nishimye by'ukuri.

*Abakristu bakoma amashyi, bavuzza impundu !*



VAL. : *Atera indirimbo ariko tiyabyina, aritegereza:*

R. : Inyange za Mariya ntimukababare, kandi amaherezo we tuzamusanga.  
Tuzamubona uko ari tube mu rumuri, tube mu bo yatoye bashize agahinda.

Nimukunde gusenga mushishikaye, mubyinire uwo Mubyeyi ni Nyina wa Jambo.  
Dore ubuntu agira burenze urugero, kandi amaherezo we tuzamusanga.

R: Inyange za Mariya ntimukababare, kandi amaherezo we tuzamusanga  
Tuzamubona uko ari tube mu rumuri, tube mubo yatoye bashize agahinda

*Ageze abo arabagarara arabaza ati* : Ese Maman, kuki uri kuririmba gato gusa ? Hi ?  
Abantu b'iwacu bakumvise bapfa ! Ariko humura sinzabivuga.  
Uzi ko hari abatazi ko uzi kuririmba ? Ntabwo bazi ko ari wowe utwigisha.

*Abantu bari abo bumvise ijwi ririmbana na Valentine.*

B. M. :Bana banjye, umwana wanjye yabahaye umubiri we kugira ngo abereke ko abakunda. Mwabihinduye igitaramo ! Ntimwabifataho ukuri. Ariko hahirwa uwariye agahaga kandi akanywa agashira inyota. Nabahaye amavuta y'umubavu, akiza abarwayi, cyane cyane abarwaye indwara za Roho mbi. icyo mwibagirwa nuko umugaragu wanjye uri imbere yanyu namuhaye ububasha bwo kwirukana amashitani. Kubabishaka barakira no kubabyemera. Hariho n'abahakana ibyo batabonye. Bana banjye, mbere yo gukira urizera kandi ukemera ko ibigukorerwaho ari ukuri. Iyo utizera no gukira ntukira.

VAL. :Ariko se Maman, wagirango biroroshye ? Umuntu ni ukwirirwa agenda, arwana na Roho mbi, umuntu agakubitwa... mbese ntawabishobora. Cyangwa se ukagenda ukabona umuntu uri kukubeshya kandi wowe ushaka kumubwiza ukuri. Kandi ubushize narabasabye ngo musubirane ibintu byanyu, nuko mwanga. Jyewe, ntabwo nshaka kubona ikiri ku mutima w'umuntu kuko birangora. Ibyo gusengera abarwayi byo, byo ndabyemera rwose n'umutima wanjye wose. Ariko ibyo birananiza cyane. Hariho n'ababikora kunkinisha kugira ngo barebe koko, nkabihorera. Hariho..... Mbese ni byinshi cyane kandi uziko twebwe, abanyarwanda n'abandi bose abana bawe bo kw'isi yose, ko tudakoresha ukuri. Dutinya kuvuga ukuri kugira ngo bataduseka ahubwo aho kuvugisha ukuri tukabeshya, tukabeshyerana.. Ni yo mpamvu rero bivuna umuntu.

B. M. :Nababwiye ku byerekeye urubwiruko bamwe babifata nabi, ariko nyamara sinababeshye. Na kare nababwiye ko ntanga umunyabyaha ahubwo nanga icyaha. Iyo wicujije urababarirwa. Ariko biratangaje gukomeza kwokamwa n'icyaha ntukicuze, ahubwo ukacyongeraho ikindi. Ntabwo ari urubwiruko gusa, no mu bashakanye... Kugira ngo buri muntu wese yizerane na mugenzi we, amwubahe nkuko yabimusezeranije amubwira ati : « waba muzima cyangwa urwaye, kugeza gupfa ». Kuki munanirirwa mu nzira, ibyo mwasezeranye mutabirangije ? Kwihangana no kwihanganirana kuki mutabishobora ? Ndabasabye kugira ngo

buri muntu yihanganire mugenzi we. N'urubwiruko rugerageze gukurikira inzira y'Imana kuko iyo umuntu arimo agaciro k'Imana byose arabishobora. Urubwiruko kugira ngo rwitabire gusenga kurusha iby'isi. Mwavuye mu gihugu cyanyu, ariko mwanibagiwe ko ntawe uva mu gihugu cye burundu. Mwazanye n'ababyeyi banyu murabababaza cyane. Nimubafashe mu masengesho, mufatanye muje musengera hamwe mu miryango yanyu. Mwoye kwishinga ibiguruka. Muramenye mutazafata umuco mukarusha abawushyizeho ! Bana banjye, ingendo y'undi iravuna. Nabaciriye umugani kera mukiri mu gihugu mbabwira nti : « umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye ». Muramenye mwijya muri iyo nzira. Nimushakashake Imana kuko Imana niyo itanga amahoro y'umutima. Imana niyo itanga byose. Mwikwinuba kuko muhuye n'akageragezo gatoya ahubwo muvuge muti : « Mana, turabyemeye, tubabarire ». Bana banjye, mwagize amahirwe kandi murayafite. Ntimuzikure amata ku munwa.

VAL. :Bishaka kuvuga iki ? ...

Ariko se maman, usanga buri muntu wese yitekereza ku giti cye. Nanjye nitekereza ku giti cyanjye. Hii. *Atega amatwi akanya gato, maze arakomeza ati :...*

Oya, nuko nabyumvise kandi hakaba n'ababimbajije. Barambwiye ngo kubera iki iyo turi kuvugana ngo mba ndi guhumbya amaso cyangwa se amarira akaza ? Nkababwira ngo ibyo ntabwo mbizi.

B. M. :Njye mbasubiza ko iyo umwana avugana n'umubyeyi we ntabwo umutima uhagarara kuko aba nta bwoba afite, atahemutse kandi baganirana urugwi rw'umubyeyi n'umwana.

VAL. :Ese icyo gisubizo kijyanye n'ikibazo ?

B. M. :Ubwo se mwe iyo muganira n'ababyeyi banyu muhagarika umutima ntimwongere kuvuga no guhumeka ? Ese umubyeyi arawuhagarika ?

VAL. :Murakoze.

B. M. :Bana banjye, buri muntu navuye ikimuri ku mutima yumve ko ari kumwe na nyina. Amubwire ibyo atashoboye kuvuga aranguruye ijwi ! Urwaye yizere gukizwa, ushonje ashire inzara, ufite inyota ayishire maze, bana banjye, mwumve ko ntacyo nabakinze !

VAL. :Maman, hari abantu benshi bakuntumye, abantu b'ingeri zose : hari abarwayi, hari abafite ingorane, hari abafite ibibazo mu ngo zabo n'abana babo, ndetse hari n'abana bafitanye ibibazo n'ababyeyi. Kugira ngo twese, Mubyeyi, wumve isengesho ryacu.

Hari n'abakwandikiye. Abo bese ubagenderere ubasubize.

*Valentine avugana na Bikira Mariya buhoro, nyuma avuga cyane ati :*

Ubwo se urumva wansubiza mu Rwanda muri kano kanya nkareba abari i Kibeho nkagaruka? Nasanga abo nasize iyo tuba batashye... Ariko ntabwo urahita ugenda. Kubera ko umaze iminota ibiri gusa! ... Ndabyemeye!

*Nuko Valentine aberako apfukama, arunama. Yamaze akanya ameze atyo, nyuma yubura amaso, arirubutsa cyane.*

Murakoze Maman!

Binyibukije igihe twamaranye iminsi iwanyu unyereka roho zo mu purgatori n'abantu bo mu muriro ukuntu bashya cyane. Urakoze kuba unyeretse abantu baba baje kubakira bifatanije na hano, hano turi.

VAL. : *Akomereza abo yari agereje, ati :*

Hari abantu benshi bantuma, bakambwira ngo ntabwo bumvise mbavuga. Hari igihe mbuze icyo mbasubiza, cyangwa se nkabasubiza ko mutabimbajije cyangwa se mutampaye umwanya wo kubibabwira.

B. M. : Bana banjye, iyo mumutuma, mba numvise. Ntimukabone ntasubiyemo, nuko mba numvise.

Hari abababaye cyane, ariko buri muntu agenda ababara akurikije uburemere bw'ububabare bwe.

Hari abafite ibigeragezo by'ab'isi, ariko ntimukagire ubwoba kuko Imana niyo nkuru, Imana niyo itanga byose. Imana niyo itsinda shitani kuko nta bubasha ifite.

Hari abababazwa nuko batagira abana bo gutuma. Bana banjye, ibyo ntabwo biba intandaro yo kwiheba, gusenya... ahubwo wubaka roho ukagendana nanjye ku mutima. Igihe kiragera, ariko iyo ugarukiye mu nzira ntabwo byuzura.

VAL. : Ibyo se bishatse kuvuga iki?

B. M. : Ko tugomba kwakira ibyo duhawe byose.

VAL. : Ariko namwe mujye muca inkoni izamba, mumenye ko turi abantu kandi mutwumve mudutabare.

B.M. : Bana banjye, ntawe uhunga aho yahoze atuye ngo ajye gutura ahandi yumva ko ariho azabonera amahoro. Kuko icyo uhunze mugendana.

VAL. : Ibyo se bishatse kuvuga iki? *Atega amatwi, nyuma ati :* Murakoze.

B.M. : Ubutumwa bwose ndabwakira n'ubufite ku mutima we ndabubona. Mujye musenga musabe igisubizo, muzajya mukibona mu mitima yanyu, mu bikorwa byanyu, n'uzajya akibona ku mugaragaro, mujye mwibuka gushimira Imana. Ntimugatinye kuvuga ibyiza mwabonye ngo mwumve ko mushimishwa no kuvuga ikiri busenye.

*GUTANGA UMUGISHA : Valentine yarambuye amaboko avuga amasengesho tumenyereye asanzwe avuga icyo agiye gutanga umugisha.*

*Yabanje kubaha Tabernakuro, nyuma abindukira mu mpande zose uko ari enye, avuga ati :*

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu. Kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu b'isi yose. Kumva ko ndi igikoresho cyanyu. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. *Akora ikimenyetso cy'umusaraba.*
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha mumpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndicyo imbere y'abantu. Kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. *Akora ikimenyetso cy'umusaraba.*
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwiyoroshya, ukwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndi cyo. Kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. *Akora ku kimenyetso cy'umusaraba !*

*Yabereye ko agana abari hateretse amazi abakristu bazanye gubesha umugisha.*

*Yafashe icupa rimwe muri ayo, areba uwo bavuganaga, maze agira ati :*

VAL. : Ndanywa duke cyane kubera ko mfite inyota. Uzi kugera iwanyu umuntu agakora akazi kangana kuriya ? Aba ananiwe kandi ashonje !

*Yakoze ku kimenyetso cy'umusaraba, abona kunywa. Arangije yarongeye aprofundikira iryo cupa, ariko agiye kurisubiza aho yarikuye biramugora kuko ryari ryizingiyeye mu kagozi nyiraryo yari yashatse kugira ikimenyetso maze bifatana n'ishapure ye, bibanza rero kumurushya kubisobanura. Aravuga ati:*

Iby'iwanyu ntabwo biba byoroshye !

*Yafashe irindi cupa, atangira gutera abantu. Yateye urubande rumwe ruto, abita asubiza icupa aho yarikuye. Noneho ya shapure ayambara mw'ijosi, afata akajerikani kanini, atangira gutera abantu amazi n'ingufu nyinshi.*

*Atangiye kugenda yakandagiye abana bari bicaye mu nzira ye, abwira Bikira Mariya ati :*

« Indabyo zanyu ndazishe, mumbabarire ! »

*Valentine yazengurutse mu bari aho bose, atera amazi, bamwe abanywesha, abandi abuhagira abarwaye, abandi abagezaho n'ubutumwa. Ariko icyagaragaye cyane uwo munsu, ni uko **abana bose** bahawe amazi by'umwihariko ndetse na benshi mu rubyiruko ! Mu gutanga umugisha, Valentine ageza ubutumwa ku bantu bamwe by'umwihariko:*

**Ubutumwa bwahawe Hirdegarde :** *yamubaye amazi n'urushyi, amukora ku nda, aramubwira ati : « Mwana wanjye, ntukagire ubwoba, igihe cyose mba ndi kumwe nawe ».*

**Ubutumwa bwahawe Padiri Jean Paptiste :** *« Mwana wanjye, uzavugishe ukuri ibyo uzi, ntacyo wongeyeho nta n'icyo ukuyeho kandi ndi kumwe nawe ».*

*Arangije hose, yagarutse imbere ati :*

VAL. : Indabyo z'iwanyu ndazirangije... Oya... *Arirubutsa.* Umuntu ni ukwirirwa agenda akananirwa vuba. ..Hii. Kubera ko imirima yanyu ari minini cyane... Indabo zanyu mwanyeretse zose nazivomereye, ariko ndananiwe, mfite n'inyota. ...Ntaho.... Hari aho se nasize ntavomereye ?

*Asubira mu bantu, aho ngo yaba atageze. Agarutse, ati : Hi ?*

Indabo zose uko mwabishatse niko nazivomereye. Nkuko mwabinyeretse, ntazo nibagiwe. Indabyo zanyu ni nyinshi cyane muzazigabanye ! *Abantu bariyamirira.* Mukunda indabo kuko zibashimisha ariko nanjye nkunda indabyo ni uko zirimo akazi kenshi. Iwacu dutera akarima gatoya...

Ntabwo nibagiwe... *Valentine yasubiye gutanga umugisha, aba amazi umukecuru witwa Rozariya aba na Christina.*

Agarutse, aravuga ati : Ndarushye ! Ubundi iyo umwana akoze akazi baramuhemba. Iyo batamuhaye ibyo kurya, bamuha icyo kunywa. Hii. Ndanywa duke cyane.

Ati : Murakoze.

*Valentine yafashe icupa, agotomera amazi. Arangije arisubiza aho yari arikeye, ati :*

Ubu mushatse mwantuma aho mushaka. Ariko indabyo zanyu zirakabije. Twebwe indabo zacu ntabwo zingana gutya. Ariko rero hari abantu benshi babantumyeho.

B.M. : Bana banjye, mfite akazi kenshi. Sinzabe Nyamwisiga ngo nisange, namwe ntimuzabe babura mwaje. Nizere ko muzirikana ibyo nababwiye mugakoresha n'ibyo mwari mufite. Musenge nta buryarya, mukundane nkuko mwakunzwe kandi mubabarirane, musabana imbabazi. Hari abatamera ubutumwa no gusenga nuko batari bamenya agaciro kabyo.

VAL. : Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu

Dawe uri mu Ijuru....

B.M. : Bana banjye, ntimwumve ko utanyoye abishaka ari uko ntamuhagije ubuntu bwanjye.

Mwese murareshya.

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

Untahe ku mutima, ntaha ku mutima, Mubyeyi. Mawe Mubyeyi we, ntaha ku mutima.

*Akomeza atera « Ndakuramutsa Mariya » incuro ebyiri.*

B.M. :Bana banjye, uyu muni nishimiye kubona ibibondo, nishimiye kubona ibitambambuga, nishimiye kubona abana n’abuzukuru. Uyu muni ni uw’urubwiruko.

Bana, mwanshimishije kandi muzatere imbere n’ikindi gihe muzumve bibashimishije kujya kwakira Umubyeyi mukunda. Ntimuzantenguhe, bana bange.

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

R. : Ko ngufite, mfite byose. Ko ngufite mfite amahoro.  
Ko ngufite mfite urukundo, Mariya.

Ariko jye ndi umwana muto, umwana wese agira intege nke  
Nyongerera imbaraga ngukorere, Mariya.

R.: ...

Nyina wa Jambo ndakwihaye, ibyanjye byose ni ibyawe,  
mbishyize mu biganza byawe, Mariya.

R.: ...

*Valentine akomeza amasengesho ati :*

Hubahwe Imana Data ...

B.M. : Bana bange, mbifurije kugira urugendo rwiza. N’abari bugire ingorane bihangane, kandi ntazo, ndi kumwe namwe igihe cyose, nimunyiyambaza, nzababa hafi.  
Mwigira ubwoba, ....

VAL.: Hubahwe Imana data, .... (4x)

Mana utuma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mutima wacu urukundo kugira ngo ibi bitekerezo uduhaye bidahinduka, ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu, amina.

Nyagasani Yezu ubu turi mu biganza byawe, waturekura twagwa (3x).

Wirirwe Mama!

*Valentine yitura hasi yubamye. Amaze akanya arazanzamuka, arabaguruka. Igitaramo cy’indirimbo zirata Umubyeyi kirakomeza, ari nako abantu bajya gufata ibintu byabo bari bazanye gubesha umugisha.*

Abandukuye ubutumwa : Immaculée NYIRANSABIMANA na Candide NTARAMUKA

Abasha amajwi : Schola UWIZEYE na Françoise BONDUELLE

Imyandikire y'ikinyarwanda yakosowe na Eugène SHIMAMUNGU.

## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**

**I BURUSELI MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2005.**

### **Intangiriro :**

Uyu mwaka, itariki ya 15 Gicurasi yahuriranye n’umunsi w’icyumweru cya Pentekosti. Uwo munsi wizihijwe ku buryo budasanzwe, maze abanyarwanda bifatanyaga n’abakristu ba paroisse St Roch, batura igitambo cya misa yasomwe mu ndimi nyinshi.

Habanje ishapule yatangiye saa mbiri n’igice za mugitondo.

Hakurikiraho igitarimo cy’abana n’urubyiruko, bagezaga ku Mubyeyi Bikira Mariya, utugambo twiza tubavuye ku mutima, bamwe ndetse bari bashoboye kubiyandikira ku gitambaro bateganije cyo kumutegurira. Amajwi nk’ay’abamarayika bari bamaze iminsi bayagorora, nuko bayahuza bamusubiriramo ibisingizo Marayika Gabriyeli yamuririmbiye igihe yajyaga kumugezaho ubutumwa n’icyifuzo cy’Umusumba byose wamwikundiye, akamuhitamo kuzamubyarira umwana, Yezu Kristu, Rukundo rw’Uwahanze byose.

Saa yine n’igice, Misa inogeye buri muntu wari uzi icyamuzinduye, iratangira.

Igihe cyo guhazwa kigeze, Valentina yagaragarijwe imbere y’abari bateraniye aho bose ko Nyagasani Yezu wamwihitanyemo amukunda by’umwihariko : Yezu ubwe yaramwihagiriye twese tureba.

Abenshi mwagejweho iyo nkuru. Padiri wari ugiye kumuhaza ni we wivugiyeye uko byagenze abigeza ku bashinzwe gutangaza ubu butumwa.

Tubibasubiriremo : Valentina yagiye guhazwa, ageze imbere ya padiri, arapfukama.

Padiri Norman, umupadiri wo miuli Pologne wari uje bwa mbere mw’ibonekerwa amuhereza

Ukaristiya, Valentina ntiyafungura umunwa, noneho ya Hostiya imuhoma ku munwa yigumiraho. Padiri amaze akanya, abonye ko ya Hostiya igihomye ku munwa, agirango Valentine yasanze adakwiye guhazwa maze yanga kwakira umubiri wa Kristu. Nuko afata ya Ukaristiya arayihaza we ubwe, arikomereza guhaza abandi bakristu. Hashize akanya, abona noneho Valentine yubuye umutwe asa nk’ushaka guhazwa, aramwegera, afata ukaristiya ngo amuhaze, amugeze imbere asanga afite indi Hostiya ku rurimi. Nuko Padiri bimuyobeye, yikomereza guhaza abandi bakristu bari ku murongo. Ubwo Valentina ntiyafunga umunwa ngo amire, ahubwo arakomeza arasama, aza guhaguruka, atangira guhindukira ku mpande zose, yereka abantu iyo Hostiya imuri ku rurimi. Kandi twabonaga yatwawe (ari muri extase). Yageze aho



yegera imbere ya Altari nk'uhamagawe, atangira kuja amira kuko iyo Hostiya yagiye imushongera ku rurimi buhoro buhoro. Amaze kumira bwa nyuma, yarapfukamye, aca bugufi, arashimira kugeza igihe abapadiri bose barangije guhaza. Yahereye ko agarura ubwenge, areba hirya no hino, afite isoni, yibaza uko yageze aho ng'aho n'uko byaba byamugendekeye. Aza guhaguruka bwangu, asubira mu mwanya we. Misa yararangiye nkuko bisanzwe, aaryana n'abana babyinnye, bafatanyaga imbyino isoza misa.

Mu ma saa sita arenga ho gato, yaje kuva mu mwanya we, yigira imbere aha hoze hari Altari, arapfukama, asa nusenga bucece. Hashize umwanya ashigukira hejuru ashakisha bwangu umuhamagaye, ahindukira nk'umurabyo, yerekeza amaso ku bantu bari bateraniye mu Kiriziya, bategereje Umubyeyi. Atangira kuririmba:

***R. : Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,  
Bikira Mariya ujye uduhakirwa  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa.***

***Kiza abanyabyaha, bamenye iby'Imana  
Uturinde ibyago, duhe ibyiza byose***

***R.***

**VAL.:** Ndi hano Mubyeyi, ndi igikoresho cyawe, uvuge icyo ushaka umuja wawe arumva.

**B.M.:** Bana banjye, ndabaramukije, umunsi mwiza.

*Abakristu barishima cyane, bakoma mu mashyamba, bavuzaga impundu z'urwunge.*

**B.M.:** Mbashimiye urugwiro mwaje kunyakirana. Niyo mpamvu, bana banjye, muri kano kanya, buri muntu ku giti cye, buri muntu ku ruhande rwe, arebe mugenzi we mu maso, yaba amuzi cyangwa atamuzi, amenye ko mwese muri abana banjye, hanyuma muhoberane, muhane amahoro ya Kristu.

**VAL.:** Murakoze.

**B.M.:** Bana banjye, iyo umuntu afite impumu, ntashobora gushyira umutima mu nda. Rwose mwigira impumu, mushyitse umutima hamwe. Buri muntu wese avuge icyo yumva kiri ku mutima we, yihereranye n'Imana ye n'umutima we. Ndi hano kugira ngo mumbwire icyo mushaka.

Murambure ibiganza n'imitima yanyu, mbababarire kandi mbahe indamutso yanjye.

Murumve neza bana banjye mutabyitiranyaga. Iyo mbahaye imbabazi, ntabwo mba mvuze ngo ntimujye kwicuza. Ni nk'uko umubyeyi ababwirira umwana mu rugo ariko akaba azi uwo agomba kongera gusaba imbabazi.

Bana banjye, ntimukaze mwifuza ibitangaza, kuko mubihorana. Mujye mushimira Imana ko mwaramutse amahoro.

Ntimukagire ubwoba bwo kunsanga kuko ndi Umubyeyi w'impuhwe nyinshi. Ndi Umubyeyi uhora ategereje abana be ngo abakire.

Bana banjye, mujye musenga isengesho ry'ubumwe, rivuye kuri roho, ku mutima no ku rukundo. Mujye mushyira hamwe, musarurire hamwe, kuko uwo mubwira ni umwe, yaba ari jyewe Umubyeyi ubakunda cyane, cyangwa Umwana wanjye, turi bamwe ntabwo dutandukana.

**VAL.:** *Asubiza ku cyo abwiye ati:* Oya, gutyo ntabwo nabishobora. *Arikiriza:* hii. *Avuga aseka ati:* Iryo jwi ntabwo narishobora.

*Arikiriza ati:* hii.

*Atangira kuririmbana agabinda kenshi cyane, yitonze:*

**1. Umugambanyi w'inzira y'urupfu, izina rye ni Yuda Yagambaniye Umwana w'Imana, aramugurisha.**

**R. Habayeho umubabaro mwinshi cyane ku Mwana w'Imana Iyo nuburiye amaso mu ijuru, ndira amarira menshi.**

**2. Bamwicishije urw'agashinyaguro, kandi ari Umwana w'Imana Bamwicishije urw'agashinyaguro bamushinyagurira**

**Bamwicishije urw'agashinyaguro, bamucira mu maso.**

**R.**

**3. Yuda yabonye ibyo amaze gukora, aherako yiyahura**

**R.**

**VAL.:** *Atega amatwi, nyuma arikiriza ati:* Hii.

**B.M.:** Bana banjye, nababwiye ko naje kubasura iwanyu mu Rwanda mu gihugu cyanyu, ndabasobanurira kenshi, noneho ngeza naho mbabwira mu migani, ngeza naho mbabwira ubutumwa, icyo nshaka kubabwira mu ndirimbo.

Bana banjye, muramenye, ntimukagwe ngo mwumve ko mwihebye. Umuntu agira intege nke za muntu ariko akikubita agashyi akavuga ati « hari undengera jye ntareba. » Ntimukagwe mu cyaha ngo mugendereko, mujye musaba imbabazi.

Bana banjye, ntimugasebanye cyangwa ngo mutere abandi urubwa kuko ..

**VAL.:** *Arabaŕa ati:* Hi?  
*Arikiriza ati:* hii, ihii.

**B.M.:** Kubera ko akarenze umunwa karushya ihamagara.

**VAL.:** *Arikiriza ati:* hii.

**B.M.:** Bana banjye, ntimugacibwe intege n’amagambo cyangwa se ikindi kibagwiririye ahubwo bijye bibatera imbaraga kuko muba munyura mu nzira y’Umushumba, Umusumbabyose, Umwana wanjye, Yezu Kristu wabitangiye.

Bana banjye, mujye mwishimira kuvuga icyiza umuntu yakoze kuko kera imbuto naho ikibi kirasenya nticubaka, kandi iyo ugisubiramo uba umeze nk’uwagikoze.

**VAL.:** Ubwo se bishatse kuvuga iki?

*Yikiriza ku cyo asubijwe ati:* hii.

**B.M.:** Ndashaka kubabwira ko buri gihe ikibi kiboneka ariko icyiza tukakirenzaho ntikiboneke kandi ari cyo cyanzanye kugira ngo mbayobore. Kuko nimusiba inzira nta we uzinjira. Nimufunga urugi bagakomanga, ntimuzumva kuko amatwi yanyu azaba atuguruye.

**VAL.:** Nanjye ntabwo mbisobanukiwe neza.

**B.M.:** Ndashaka kubabwira ko ibikorwa bibi biba byinshi igikorwa kimwe cyiza kikabirwanya. Ndabinginze bana banjye, muharanire kurwanya ikibi, mu mitima yanyu mwinjizemo icyiza kuko igihe kirageze cyo kugirango musobanukirwe by’ukuri.

**VAL.:** Karame. *Arirubutsa, atega amatwi, arasubiza ati:* “Ndagerageza ariko ntabwo byoroshye. Kandi ndumva atari njyewe gusa. Hari abantu benshi bahura n’ibizazane, abahura n’ibibazo nk’ibyho umuntu wese ahura na byo, nabwo ntibashobore kubyihanganira kuko intege za muntu zitatoroheye.”

*Atega amatwi, arasubiza ati:* Ndagerageza, ariko ntabwo byoroshye... Ariko se Mama, muntuma ahantu henshi, mukantuma gusengera abarwaye bafashwe n’amashitani, hari abo nsengera bansanga mu rugo cyangwa abo njya kureba iwabo. Ntabwo biba byoroshye rero kugira ngo... Ntabwo nzi ukuntu nabigusobanurira.

*Arirubutsa, ati:* oya ntabwooo, ntabwo mbyinubira ariko bigomba imbaraga nyinshi kuko iza muntu hari aho zigera zikananirwa. Hari ibintu byinshi kuri iyi si... Koko umuntu yigumaniye namwe ntasubireyo, byaba byiza kurushaho.

*Asubiza kubyo abwive ati:* oya. Ariko se Mama, urantuma, eeh..., njye nkora ibyo mumbwiye ariko na none nsengeye umuntu udafite ukwizera cyangwa ngo abe afite ukwemera, ntabwo ashobora gukira. Yaba... we akumva ko igihe cyose musengeye agomba gukira.

Yaba adakize, ati wa muntu rero atetse umutwe, arabeshya. Ejo ugasubirayo kuvura umuntu wumva ko uri kumutekaho umutwe. None se mwagiye munyoherezayo mukurikije umuntu mukamuha ukwemera kugira ngo noneho akire, shitani itsindwe burundu?

Ahaaa, ihii, ntabwo ... (*arimyoza*), ubwo ndi kumva ntazi uko nabibasobanurira kuko njye birandemerera. Hiii.

Ndabikora. Rwose nzi ko mumfasha kandi mbigeraho kandi nzi neza ko mubona ko hari ibyashobotse.

Ariko na none mu mitima yacu, turacyafite inzitizi. Turacyafite ibibazo by'urukundo, turacyafite ibibazo byo gushishoza kuko nta bushishozi dufite.

N'iyo ukoze icyiza bakibonamo kibi. Ubwo rero umuntu akumva bitoroshye. Kandi ntavuze byinshi, ndumva mubizi.

*Asubiza icyo abwira ati:* Oya, ntabwo ariyo mpamvu, nta nubwo ari ukwinuba, aho muzantuma hose nzajyayo ariko nubwo mumbwiye ngo ngende aho mwashaka hose, najyayo. Hano mbona byaranyobeye.

*Arabaza ati:* Hi? *Arakomeza ati:*

Ariko se Maman, ubundi ko waje kudasura iwacu mu Rwanda kandi u Rwanda rukaba rugihari, kuki utambwira nkitahira? Hari abenshi bari mu Rwanda na bo bagukunda kandi nubwo bakigukunda. Ahubwo ugende ubagenderere i Kibeho aho bagiye kugusanganira kandi batakureba. Twe tukagusanganira tukuruzi ariko imitima yacu ifunze, imitima yacu nta rukundo rurimo, irimo gusebanya gusa (*aba, atangira kuvugana ikinyiga*) kandi tuzi neza ko tubeshya. Ariko umuntu wavuye ahantu n'amaguru, aba azi icyo agiye kureba. Twe tugenda n'imodoka.

*Arikiriza ati:* hiii. Ntabwo ariyo mpamvu. Hano ntabwo byoroshye. Twageze i mahanga, ntabwo tukiri i Rwanda. Buri muntu wese yarahindutse, buri muntu wese nuwo wari uzi ntakikumenya. Nuwagombaga kukugira inama, ni we ugusenyuka kandi akakubeshya. Ariko mu Rwanda aho nduherukira kera, twagirwaga inama, tugafashanya.

Haaa... Ntabwo nabona uko mbikubwira kuko njye numva bindemereye. Kuko rwose munabishatse, ndabinginze munsige gutya meze, ibyo mwampaye byo kureba icyo umuntu atekereza cyangwa icyo abeshya, mubijyane. Birandemerera cyane kumva umuntu tunganira ambeshya, tukaganira ambeshyera. Ahubwo ntazi icyo antekerezaho, byamfasha kubaka roho yanjye neza kuko n'ubundi ntabwo nzi ko arimo kumbwira ibitari byo. Kuko n'iyo ngiye gusengerako umuntu arambwira ngo « ndwaye iki » kandi ambeshya. Akambwira ati: « njyewe ndwaye amashitani » kandi araguzako cyangwa se

afite ibindi bintu. Njyewe nkabura ukuntu namusobanurira nti: « Uri kumbeshya ». Nkajya kubigeraho rero bimvunnye. Byaba bitari ngombwa, ugasanga rero mpavanye ibindi bibazo byo kuvuga ngo ningende ndi kumutekaho umutwe kuko mba mubwije ukuri.

*Arikiriza ati: Ihii.*

Erega turwaye indwara nyinshi. Turwaye ku rurimi kuko bituma tubeshya. Rwose uko wadusuye ukadukurikirana ugakomeza kudusura n’aho twahungiyeye, ndakwinginze ubanze utuvure ururimi rwacu. Tujye tumenya ko ikitagushimisha kidashimisha na mugenzi wawe. Kuko kenshi aho kumva ukuri, twumva ikinyoma. Kandi akenshi tukajya mu bantu bihaye Imana tukabereka uruhu rwiza ntarwo dufite. Tukajya mu bana, tukabereka uruhu rwiza ntarwo dufite. No mu bandi no mu bandi. Tukarwara tugatinya kwivuzwa. Rwose ndakwinginze kuri uyu muni ngo ubanze utuvure hanyuma utugezeho ibindi byose ushaka.

*Aritaba ati: Karame. Ariruhutsa. Arikiriza ati: hiii.*

*Asubiza ku cyo abwira ati:*

Oya, ntabwo nabiguhisha. Rwose birambabaza cyane. Ntabwo byoroshye. Hari igihe uba wumva ushaka gukora neza, ariko kubera ibintu uhura na byo, bigatuma ushobora guhura n’umuntu kandi wamubonye ukareba hirya. Ukumva ko na we agiye kukubwira ibyo undi yakubwiye. Ukumva ko ugi..., donc, ukumva mbese umu... ntabwo nabona uko mbigusobanurira kubera ko njye byarandenge. Ubu ngubu ngeze ahantu numva ugomba guca inkoni izamba rwose ukaturamburiraho ibiganza byawe kuri uyu muni wa Roho Mutagatifu. Ni n’ubwa mbere bibaye kuri iyi tariki, ukerekana ukuri kwawe kuko watubwiye ko ukuri kwawe kuzatsinda. Kubera ko ibyabaye mu Rwanda, byarabaye. Abantu bakagutoteza bumva ko uteka umutwe, bitwaje ko na Musenyeri atagushyigikiye. Ariko nzi ko namwe mwahunze. Ariko guhunga ntabwo bituma ko umuntu ataba uwo ari we. icyo kintu rwose Mubyeyi mwiza, ndakikwinginziye wereke rubanda ukuri kwawe, kuko ni wowe waje urampamagara ndakwitaba, urantuma ndagutumikira, njya aho ushaka, ntabwo njya aho nshaka, nkora ibyo ushaka ntabwo nkora ibyo nshaka. Ndakwinginze ngo rero urambure ibiganza byawe bya kibyezi werekane ko uri wowe koko ndeba abandi batabona. (*Aha ngaha avugana agahinda kenshi cyane*). Kuko igihe kirageze cyo kwerekana ukuri, kuko abantu baratongana bakazira njyewe.

Abantu barasenga bagacikamo ukubiri kubera njyewe. Bati... bamwe bati: « Uriya yarabonekewe », abandi bati: « Ni shitani imubonekera ». Erekana iyo shitani rwose uyirukane, nimba kandi ari wowe, werekane ukuri. Maman, ndaremerewe kandi ndababaye!

*Atega amatwi ati:*

Ntabwo mbyinubira ariko ntabwo nishimira kumva abantu batumvikana kandi bose basenga. Nimba umuntu tuvuganye ishapure ngo ni bya bindi byo kwa Valentina. Ntabwo ishapure ari iyanjye, ni iyanyu. Ca inkoni izamba uramburire ibiganza kuri abo bantu boose, ndakwinginze ubababarire, ubashyiremo urukundo, nanjye umpe urukundo kuko hari ahantu mfite igisebe, Mama! (*asa nk'urira*).

Ngeze aho mbona umunyarwanda nkumva nshaka kumwihisha kandi ukanyohereza kubana na bo. Ubwo se urumva byoroshye?

Ndakwinginze rwose, nishyize mu biganza byawe, kugira ngo ngutumikire. Nishyize mu biganza byawe, ngo nkore icyo ushaka (*aratsindagira*). Mpa imbaraga kandi udhindure koko utwereke ukuri kwawe (*atsindagira*). Murakoze.

*Atega amatwi, yitsa imitima, arikiriza ati: ihii.*

*Arimyoza, arasubiza ati: Ndabizi! Ariko ndi umuntu. Hiii.*

**B.M.:** Bana banjye, Umwana wanjye yabahaye Umubiri We, ntimwawubaha uko mugomba kuwubaha. Uwo nagize igikoresho cyanjye muramusuzugura. Ntacyo, arabikwiriye. Ariko hirya y'ejo, nimusuzugurwa, muzamenya uko gusuzugurwa bimeze.

Nyabuna nimwubake, mwisenya. Mwirinde abababwira amagambo yo kubasenya roho ntacyo abamariye.

**VAL.:** *Arirubutsa, arakomeza ati:* Ariko se Maman, muri kumbwira ariko ibyo nababwiye ntabwo mwabinshubije. Ariko muri kumbwira indabyo zanyu. Ni nyinshi cyane. Iwanyu ni heza. Natwe muzaduterere indabo nk'izi. Izumye mujye muzikuramo cyangwa muzivomerere zitaruma.

Nizere ko ni ndeba umurima wanyu ntagira mwigendeye.

*Arakebuka, amamayo akajisho, ahita abindukira kureba niba uwo bavuganaga agihari. Abigira inshyuro ebyiri. nyuma aza kureba impande zose.*

*Ati: Zose nazibonye! Arikiriza, ati: hiii.*

*Arakomeza ati:*

None se ko muvuze ko Umwana wanyu yaduhaye Ukaristiya, ntivyubaha, mwifuzako twayubaha gute? Mwifuzako twakora iki kugira ngo mubone ko twubashye Umubiri w'Umwana wanyu?

*Atega amatwi, arikiriza ati: hiii.*

**B.M.:** Ndifuzako bana banjye ko mwubaka imitima. Ndifuzako mwicisha bugufi mukamenya aho muri n'icyahabagejeje. Mwaribagiwe, nyamara hari abambwiraga ngo

« Mana sinzakwibagirwa kandi sinzaguhemukira ». Hari abatatiye igihango. Nyabuna mwasubiza amaso inyuma ntimuzabe babura mwaje cyangwa ngo mbe nyamwisiga ngo nisange!

**VAL.:** Atega amatwi, arikiriza ati: hii, hii, hii.

**B.M.:** Bana banjye, nababwiye ko ntatana n’Umwana wanjye nkuko namwe mudatandukana n’abana banyu. Bana, namwe ntimutandukana n’ababyeyi banyu. Ntabwo nabibagiwe kuko nzi neza ko igihe cyose muba muri mu gishura cyanjye igihe mumenya uwo mubwira, igihe mubivanye ku mutima kandi mubishaka.

**VAL. :** Ubwo se ni ukuvuga... Hi ?

**B.M. :** Ndi Umubyeyi uhora ateze amaboko ngo yakire abana bose baje bamusanga.

**VAL. :** Arikiriza ati : hii, ihi. Ariruhutsa. Arikiriza ati : hiii.

**B.M. :** Bana banjye mutege amatwi :

Umwana wanjye igihe cyose mba ndi kumwe na We. N’igihe mwahagijwe Umubiri We, nari ndi kumwe na We kandi nanjye nari mpari, na We yari ahari. Niyo mpamvu yaberetse ko Umubiri We awuha abantu bose bafite inyota. Niyo mpamvu yerekanye ukuri ko uwo twagize igikoresho cyacu, yamuhagije ku giti cye.

*Abakristu bakoma amashyi menshi.*

**VAL. :** Arabaza ati : hi ?

**B.M. :** Bana banjye, munyumve neza. Ntabwo Umwana wanjye yasuzuguye abamuhagarariye. Yashatse kubereka ukuri kuko igihe kigeze cyo kugira ngo mujye mumenya ukuri. Muvuge ukuri, n’abo bampagarariye bajye bavugisha ukuri ku cyo babonye nta cyo bongeyeho nta n’icyo bakuyeho.

**VAL. :** *Yikiriya kubyo abwirwa ati : hiii, hiii.*

**B.M. :** Nakunze kubivuga nkiri no mu gihugu cyanyu nubwo ntanahavuye. Nababwiye ko abashinzwe gukurikirana ukuza kwanjye n’Umwana wanjye, nibadasenga ngo bashishoze, batazabona ukuri kandi ko ukuri nzakwiyerekanira. Ukuri ni ibikorwa, ukuri ni imibabaro no kuyemera kandi ukayihanganira.

**VAL. :** *Arikiriya ati : hii, hii.*

**B.M. :** Bana banjye, murambure ibiganza n’imitima yanyu, buri muntu wese asabe icyo ashaka, yumva kimuvuye ku mutima kandi yigorora na mugenzi we kandi yemera gukorera mu kuri, yemera gusarurira umugozi umwe na mugenzi we w’umukristu kuko mwese muri abana banjye.

VAL. : Mubyeyi mwiza, ngusabye imbabazi kuko nshobora kuba ninubye. Ngusabye imbabazi mu kigwi cy'abatari kumwe natwe batanabitekereza. Ngusabye imbaraga n'ubutwari byo kubabarira buri muntu wese no kwakira ububabare umpa bwose (*atsindagira*) no kwakira ibigeragezo byose (*atsindagira*). Ndabikwemereye muzamfashe, muntize imbaraga, icyo ushaka gikorwe kuri nyewe w'igikoresho cyanyu.  
*Arikiriza ati* : hii, hii.

B.M. : Bana banjye, n'uwaje ahangayitse, n'uwaje afite ibibazo, n'uwaje afite ubwoba, ni mushire impumu. Ndi Umubyeyi ugira impuhwe, ndongeye ndabababariye !

*Abakristu bakoma mu mashyi bashimira.*

VAL. : *Arikiriza ati* : Hii, murakoze !

B.M. : Bana banjye, nkuko n'ubushize nabahaye icyubahiro cya Nyagasani, Ubusabane ku Mana n'Ubudacogora, uko nzajya nza, nzajya ndeba ko mwabyakiriye koko. Ndongeye ndabibahaye kugira ngo mureke gucogora, mugire ubusabane. Nyabuna muramenye ntimugahabwe ngo mupfushye ubusa ! Kuko iyo umuntu apfushije ubusa, iyo yongeye gusonza, arakenera kandi ntabone.

VAL. : Murakoze. *Aritaba ati* : Karame

B.M. : Muramenye mutazifuza ibyo mwahoranye nk'abo mwasize babyifuza kandi mukazivana n'amata ku munwa. Ese bana banjye, hari icyaruta kuba duteraniye hano duhujwe n'igitekerezo kimwe, duhujwe no gusingiza Imana ? Ese hari ubona umwanya iwe nk'uyu nguyu ?

VAL. : Hii, murakoze. Hi ?

*Atangira kuririmba ati* :

*R. Ibisiza n'imisozi, bitatangira kuremwa,  
Imana yari igufite, mu bitekerezo byayo.*

*1. Mucyo uturuka kwa Yoakimi, kaze rebero ry'abeza  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi, uruta abamikazi bose*

*R. (Aha ngaha humvikanye ijwi ritari rizwi, kandi atari  
Valentina urimo kuririmba. We yanyugazamo, agahengereza nk'abo atabona  
nezza uwo areba).*

*2. Reka ndate Imakurata, uwutanywe icyaha  
Mwamikazi w'Afurika, Rugori rvera rw'ababyeyi*

R.



3. *Simbi rirusha izuba kwaka, wowe wegurirwe iby'ijuru*  
*Abo munsu bakwambaza bavuga ngo kundwa Mariya*

R.

VAL. : *Arikiriza ati* : Hii. Murakoze.  
*Hiii. Arirubutsa.*

B.M. : Bana banjye, muri kano kanya, mwibuke abanyu bose mutari kumwe, mubavugire nk'aho bahari. Mwibuke uwo mwahoranye atifuje kuza hano, umuvugire icyo ugomba kumuvugira. Muzirikane n'abo mwasize inyuma, muri kano kanya bumva bishimye nta cyo bari kureba.

VAL. : *Arirubutsa, aratangara ati* : hi ! *Arikiriza* : ihii.  
Byanshimisha kuko nareba ukuntu na bo bagutaramiye kandi nkareba ukuntu bakwakiriye. Ubushize narishimye cyane kuko nongeye kuhibuka nari narahibagiwe.

*Arikiriza ati* : hii. *Arabaza ati* : hi ?  
*Arapfukama, arambura amaboko, asa nk'uwigana inyoni itwawe n'umuyaga, yunama agana imbere, inyuma, iburyo, ibumoso... nuko twumva aravuze ngo:*

Aha ngaha niho napfukamaga kera ! (*yishimye*)

*Atera intambwe eshatu apfukamye.*  
*Ako kanya yitura hasi, agwa agaramye, arambuye amaboko n'amaguru. Mu gibe abamureba bo bafite impungenge ko yaba akomeretse, we atangira kuririmba, yishimye cyane, ati :*

R. : *Mariya mwiza, Mubyeyi wacu, Nyina wa Jambo, ndaje we*  
*Ndaje imbere yawe, ngo umpe ubutumwa, Mubyeyi, Nzagutumikira*

1. *Aya masezerano, yanjye nawe Mubyeyi, nyashyize imbere yawe, ngo uyuzuzwe*  
*Mubyeyi, ntacyo nishoboreye, nzagutumikira*

R.

*Areguka yongera gupfukama, ati* : Oooh ! Maman we, ahuu (yiruhutsa)  
Mbega abantu bishimye ! Abantu bari i Burayi baracitswe ! Ahuu,  
ahuu.

*Akomeza kuririmba, yishimye :*

2. *Urampe imbaraga, n'ubushishozi, umpe*  
*n'urumuri, no kwicisha bugufi, byuzuzwe*  
*n'urukundo, Mubyeyi, nzagutumikira.*

R.

VAL. : Hii. *Aseka yishimye cyane ati* : hoyaa. Hi ?

*Abita atera indirimbo ati* :

R. *Nzaririmba Rozari, ye Rozari we,  
Nzenguruke imbere y'Umwamikazi, nzaririmba Rozari.*

1. *Abayizi bayivuge, nzaririmba Rozari  
Bayiture Mariya, nzaririmba Rozari  
Nzaririmba we, (Azamura ishapure ye ayifatishije amaboko yombi).*

VAL. : Maman, urakoze ! N'umutima wanjye wose ndagushimiye pe !

*Abaza icyo atumvise ati* : Hi ?

Nibashaka bazambabaze, ndabyemeye. Hii. Ahuu.

Maman we, abantu bo mu Rwanda bose ubagenderere, ibyo waduhaye na bo ubahe, ubarushirizeho kandi ubafate mu mugongo, ubahe imbaraga zo kwemera ukuri, ubahe imbaraga zo kuvugisha ukuri kuko twe byatunaniye.

Ariko baragukunze pe !

*Arikiriza ati* : hii. *Asekana urugwiro.*

*Avuga yongorera ati* :

Ese ubundi, waretse nkitahira ? Hi ?

Waretse nkitahira ? Hii. Hi ?

Umbwiye n'ejo nagenda. Hi ?

Ndavuga buhoro... babyumvise bampata ibibazo byinshi.

(...ibindi yabivuze yongorera cyane ku buryo bitumvikana neza).

B.M. : Bana banjye, ndishimye pe !

VAL. : *Arikiriza ati* : Hii.

B.M. : Kandi namwe ndabona mwishimye.

*Abakristu bakoma mu mashyi.*

VAL. : *Arikiriza ati* : Hii. ee, murakoze.

B.M. : Bana banjye, mugende mujye muvugisha ukuri. Mutere imbere, mwisubira inyuma. Igihe kirageze ko uwakize akira, urwaye akavurwa, akemera uburwayi bwe n'uwakize agatangaza ko yakize.

VAL. : *Arikiriza ati* : Hii. Murakoze.

Eeh, Maman, tumaranye iminota ibiri ! Ni ibiri gusa ! Hii. Uzi gusubira iwacu ? Numva nakwigumira hano. Najya nkorera indabo zanyu buri muni, ariko

sinsubireyo. Ariko se abana banjye ? Oya ndasubirayo ariko tujyane ungeze mu rugo hanyuma witahire. Abari., abari bategereje, barantegereza bambure !

*Arabaza ati : Hi ? Arikiriza ati :*

hii. *Araseka, ati : oya !*

Buri muntu wese burya arikunda. Hii.

Iwacu mu kinyarwanda baravuga ngo « ujya gutera uburezi arabwibanza ». Uwo se murawuzi ? *Arikiriza ku cyo abwive ati : hii. Araseka, ati : murakoze.*

Nukumfasha kuko indabyo zanyu ni nyinshi cyane. Kugira ngo nzivomerere neza uko mubishaka. *Yikiriza ku cyo abwive ati : hii. Murakoze.*

B.M. : Bana banjye, uko naje mbasanga mukanyakira, muramenye ntumuzazimize na bike, muramenye mujye muvugisha ukuri.

*Val. Arambura amaboko, atangira kuvuga amasengesho abanziriza gutanga umugisha :*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, icyubahiro cya Nyagasani kandi ko ndi igikoresho cyanyu, munkoreshe icyo mushaka.

*Areba ibumoso :*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwiyoroshya no kwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani kandi ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose.

*Areba abapadiri batuye igitambo cya misa :*

B.M. : Bana banjye, uko nabakunze, mwamamaze, mukwize inkuru nziza.

VAL : Uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwicisha bugufi, kwiyoroshya, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani kandi ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose

*Areba iburyo :*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana, kumva ko nta cyo ndi cyo, kumva ko ndi igikoresho cy'ab'isi yose, kumva ko icyo mushaka gikorwa muri jyewe, icyo nshaka kidakorwa muri jyewe. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Ajya gufata amazị aho abaje kuyabesha umugisha bayateretse.*

*Nabo abavugira iri sengesho :*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwihangana, ukwicisha bugufi, kubabarira n'umutima wanjye wose kandi umpe kumva ko nta cyo ndi cyo imbere yanyu n'imbere y'abantu. Umpe no kumva ko ndi igikoresho cyanyu no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Arirubutsa ati : ahuu.*

*Arakomeza ati :*

Ariko Maman, mfite inyota. Indabo zanyu kuzirangiza umuntu atariye ntabwo byoroshye.

Ndanywa duke cyane.

*Aragotomera, arangije ati :*

Intama imwe gusa !

*Aberako atangira gutanga umugisha.*

*Nk'uko asanzwe abigenza buri gihe, iyo arangije amasengesho abanziriza gutanga umugisha, atoranya, nk'aho acyeretswe, kimwe mu byo abantu bazanyemo amazi yo gubesha umugisha, akazenguruka mu bantu abatera ayo mazi. Bamwe akabanyweshya ku rushyi rwe cyangwa ku mashyi yabo cyangwa se ku icyo gikoresho, hakaba n'abo yuhagira ibice bimwe na bimwe by'umubiri. Abandi akabakanda abanyweshya hakaba n'abo akoreraho ikimenyetso cy'umusaraba. Ndetse hari abakorerwa ibyo byose cyangwa se ibyinshi muri byo.*

*Uko ayo mazi agabanutse, agenda asubira ha handi yayavanye, akerekwa ayo afatabo, akongera ku yo yarasigaye, agasubira gutanga umugisha. Bigenda bityo kugeza arangije. Hakaba ubwo yizera ko arangije, ariko Umubonekera akamubwira ko hari ahasigaye, agaherako asubiraye.*

*Abenshi batangazwa n'uburyo ayo mazi atubuka.*

***Ucyitonderwa :*** *Abana bose bari bahari babawe umugisha.*

*Dore bamwe bakoreweho ibimenyetso by'umwihariko :*

1. NKUNDIMANA N'UMUGORE WE : yabanywesheje amazi, afatanyaga ibiganza byabo byombi, arababwira ati :

« Mujye mwihangana mba ndi kumwe namwe. Ndi Umubyeyi ubakunda cyane ».

2. MUKESHIMANA Claudine :

Yamuhaye amazi, amukuramo inkweto amwuhagira amaguru anayakanda, amwuhagira no mu bitugu.

3. BIHORUBUSA Godeliva: Yamusutse amazi ku ruhanga, amushyiraho ikiganza,aramubwira ati :

« Mwana wanjye warageragejwe kandi urababara, none mwana wanjye uzavugishe ukuri kuko ndi iruhande rwawe kandi ujye wihanganira ibyo uhura na byo byose, maze ujye wereka abantu bose ko uwo nagutumyehe yagusengeye koko ».

4. NYIRAMABOYI Verediyana :

Yamwuhagije amazi y'umugisha ku mavi yombi, kandi akoreraho ikimenyetso cy'umusaraba.

5. Padiri Andreya : yamusukiye amazi y'umugisha ku mashyi, aranywa.
6. Padiri Michel : amunyweshya amazi y'umugisha ku icupa.
7. Muzehe GASIMBA : amushyize amazi y'umugisha mu gituzo.
8. DONATILLA n'umwana we, CARINE : yabahaye amazi, abafatanyaga ibiganza byabo byombi, arababwirako ati : « Mwana wanjye, nk'uko ubushize ntakubwiye impamvu, uzihangane nzakuba iruhande, umubyeyi n'umwana ntibatandukana, kandi umubyeyi ahorana umusaraba, humura sinzagutererana ».
9. IRERE MARIE HELENE: abana be b'impanga bato cyane yabahaye amazi y'umugisha baranywa na we aramuha kandi amushyira amazi y'umugisha ku nda.
10. Jessica(akana gato) : Amuhaye amazi y'umugisha kandi amwuhagira amaguru.
11. Abapadiri babiri (umupolonais n'umu Sri Lankais) : abahaye amazi y'umugisha.
12. CHRISTINA : Amwuhagiye amaguru n'amazi y'umugisha
13. PULKERIYA na murumuna we IMAKULATA: abahaye amazi y'umugisha.
14. Abantu benshi cyane bahawe amazi y'umugisha by'umwihariko.

VAL. : *Arirubutsa ati* : Ahuu,  
Akazi k'iwanyu aho kararuhije.  
*Arirubutsa ati* : Ahwiii  
Umuntu aravomera indabyo ntazirangize !  
*Arabaza ku cyo atumvise neza ati* : Hi ?  
Ariko ntaho nta, aho mwanyeretse hose nahageze !

*Val. Asubira gufata amazi ajya aho yaba atari yageze abwive.*  
*Mu gihe Val. Azenguruka mu bantu atanga umugisha, abakristu bo bashyushya igitaramo n'indirimo zinyuranye :*  
*Urutare ni Yezu, urutare, Nzaririmba Rozari, Mariya mwiza nzagutumikira, Yezu wanjye, nzahora nkuririmba, Abemera Yezu Kristu, Niba Uhoraho ari amahoro yawe, Maman Mariya, merci Maman (en lingala), Robo w'Imana ngw'ino, Mu ngori y'Imana duhora duseka Nzaririmba Rozari, Dore Inyange yera de, Ko ngufite, mfite byose, Tuzabyina neza, Isi yose irakurata, Mariya ni Umubyeyi w'abakene, Nzagutumikira.*

VAL. : Eeh, yewe, umuntu abaye iwanyu yakwicwa n'akazi ! Indabyo zanyu ziracucitse. Iwanyu nta zuba rihava ? *Arikiriza ati* : hii.

Ariko icyo ngeze mu rugo, abantu barambwirako ngo nagiye ngo mbakandagira, kandi mwambwiye ngo ni indabo. Ubwo se nkandagira abantu gute kandi mwambwiye ko ari indabyo zanyu.

*Ati* : Hi ? Hi ?

Maman, hari abantu benshi bakuntumyeheho.

. Hari abambwiye ngo baragushimira n'umutima wabo wose.

. Hari n'umwana ugukunda cyane watumye aravugaga ngo : « muzambarize uwo Mubyeyi icyo anyifuzaho, icyo yifuzaga ko nakora kuko mukunda cyane ». Ati : «

N’ubwo ndi kure cyane, nifuza kujya aho wigaragarije hose ». Ndamuguhereje rero ngo ujye umuyobora kandi umufashe koko kubigeraho nk’uko agukunda.

. Hari n’abandi bantumye ngo : « Rwose uce inkoni izamba ubagabanyirize ibibazo bafite ni byinshi ». Ntibinubye ariko ubongerere imbaraga.

*Aritaba ati : Karame*

. Hari n’uwatumye ngo:” Mubyeyi ni wowe wenyine ukiza, yizeye umuti wawe, yizeye urukundo rwawe kuko n’abaganga utabahaye ubushobozi ngo ntacyo bageraho, ngo ariko rwose umworoherenze kuko arananiwe, umugabanyirize”.

*Arikiriza ati : hiii.*

. Hari umwana wambwiye ngo nkubwire ngo:” ari wenyine kandi afite ababyeyi”. Ngo:” niba ubona ababyeyi be barengana, ubarenganure. Niba ubona kandi bazira ukuri, nabwo umuhe ikimenyetso abyakire ngo kuko ari wowe Mubyeyi uruta ababyeyi bose”.

. Hari n’abandi barwaye kandi bari bonyine.

. Hari n’abandi batatanye bifuzaga guhura ariko ntibabigereho. Kugira ngo Mubyeyi uce inkoni izamba, uhuze imiryango maze urukundo abantu bagukunda rurusheho kwiyongera kuko bamwe bagira ibibazo byo kugukunda kandi bahangayitse. Ngo rwose ubamare igishika ubakorere icyo ubona bakwiye.

. Hari n’abandi batumye ngo: “Mubyeyi nkuko waje kubasura, ubahe kugira ngo koko urukundo wabazaniye rutazasubira inyuma, ngo barakwinginze uce inkoni izamba ubongerere imbaraga ubahe ubusabane no kwiyunga”.

*Arikiriza ati : hiii.*

.Hari n’abandi bavuga bati: “Mubyeyi, ugukurikiye akugwa inyuma, ugukunda aratotezwa, ugukunda agira ibibazo, ngo none se ko uzi byose kuki ibyo bintu bibabaho” ? Ngo:” basobanurire impamvu”.

*Aritaba ati : Karame.*

B.M. : Mutege amatwi :

Ushaka kuba uwanjye nahare ibye, yikorere umusaraba we ankurikire. Ndumva icyo gisubije ibyo benshi mwibaza. Uwanjye wese arababara, nta byishimo agira kuko aharanira ukuri, agaharanira gukura no kugira ngo akize kandi akizwe.

VAL. : Hiii.

Atera indirimbo ati :

*Dubere abarwayi kwihangana rwose  
Bajye bamenya Yezu wabaye cyane.*

*R. Dore Umubyeyi, Bikira Mariya .  
Nyina wa Jambo, Ummwami wacu*

*Turinde twese Ummwanzi shitani  
Uyihashye rwose mu kiremwa muntu*

R.

*Zuba rirasiye hano i Kibeho  
Rimurikira U Rwanda rugire amahoro*

R.

B.M. : Bana banjye, ndabakunda.  
Mfite akazi kenshi, kuko mfite abana benshi.

VAL. : Ariko Maman, hari abantu benshi bampata ibibazo, bakambaza ngo mbese ngo ko utaba wambwiye ko uzagaruka ngo mbwirwa n'iki nimba uri buze ?

*Arikiriza ati* : Hii.

Njyewe mbasubiza ko igihe cyose mba ndi kumwe nawe, ko icyo nzi cyo kuri uwo munsu, kuri uyu munsu, ku itariki n'iyi saha nzi neza ko ugushaka kwawe gukorwa munsu no mu ijuru kandi nzi neza ko utigeze unsezeraho nkuko wabimbwiye mu Rwanda, muri 1984, wambwiye ko nzasigara ku ibere. Niyo mpamvu rero ntahangayika kuko numva ko utazantererana. Hii.

*Aritaba ati* : Karame.

B.M. : Bana banjye, nta we umenyera isaha ndi buze. Ntimukagire ikibazo cyo guhangayika ngo isaha yageze, yatinze. Uko mubara siko mbara. Uko mureba siko mbona.

VAL. : *Araririmba ati* :

*Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye,  
abahanura ibinyoma. Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo kuko nzaba  
narabasabye mukanyima kandi nababa ntimwakire, ntimushimire.*

*Bana ba Adamu na Eva, iby'isi byari byahanagurwe igihe nabapfiraga.  
Ni musuzume imitima, ni mwisubireho, maze munsubize muti « Nyagasani  
turabyemeje ».*

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, amina

B.M. : Bana banjye, ntimukagire agahinda kuko hari benshi bifuza abana ntibababone. Hari n'abandi bifuza abo babyaye kureba aho babashyira. icya ngombwa ni umutima.

Bana banjye, ndabasabye ntibikababere ikigusha no kwiheba ahubwo bijye bibabera kwiyuzuzwa n'Imana kuko mutazi umunsu n'igihe. Kuko ntanga uko nshaka.

Ntimukinube rero ngo mwumve ko nabimye, ko ibyanyu biteganyijwe. Mujye mwumva ko igihe cyose ndi kumwe namwe.

Bana mwumvire ababyeyi banyu, mubarinde kwicwa n'intimba.

Babyeyi mufashe abana banyu mubarinde gutatira igihango. Muramenye ejo mutazifuzwa kuba uko mwahoze, bikabananira.



VAL. : Arabaza ati : Hi ?

B.M. : Nyabuna ndabasabye, nyabuna ndabasabye !

VAL. : Dawe uri mu ijuru ....

Ndakuramutsa Mariya

...

Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na Roho

Mutagatifu... Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na

Roho Mutagatifu...

B.M. : Bana banjye, mugire amahoro.

Urugendo rwiza kandi mujye muvugisha ukuri nta cyo mwongeyeho ku cyo  
nivugiye, nta n'icyo mugabanuyeho.

Ntimugakorere ijisho kandi ntitugahurire hano gusa ngo tuzongere kuhahurira  
kuko iyo usezeranye n'umuntu ntumutunganyirize, arakugaya.

VAL. : Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu ...

Ku izina ry'Imana Data na Mwana...

Wirirwe Maman !

*Ubwo yitura basi, ibonekerwa rirangira rityo saa cyenda n'iminota cumi n'itanu. (15  
H 15).*

*Abakristu basozza igitaramo baririmba ngo : Gumana natwe Nyina wa Jambo n'izindi...*

*Abanditsi : Immaculée Nyiransabimana  
Candide Ntaramuka*

*Abafashe amajwi : Schola Unizweye  
Françoise Bonduelle  
Jean Claude Kayihura.*



## **BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**

**I BURUSELI MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2006.**

### **Intangiro.**

Uyu mwaka, itariki ya 15 Gicurasi yabaye ari kuwa mbere. Nubwo hari ku mubyizi, umunsi w'akazi, uwo munsi wizihijwe n'abantu bavuye impande zose z'ububiligi, ndetse no mu bindi bihugu by'iburayi (Ubufaransa, Ubuholandi, Ubudage, ndetse na Espagne).

Abakristu bavuye muri Espagne bo bari baraye bataramiye Umubyeyi mu gitaramo cyabereye Paroisse St Roch cyari cyateguwe na AVMDKI (Association des Amis de la Vierge Marie de Kibeho) ari naho ibonekerwa ryabereye.

Uwo munsi rero, saa mbiri n'igice, habanje ishapule y'abakuru (amibukiro y'ibyishimo), hakurikiraho ishapule y'urubyiruko (amibukiro y'ikuzo). Urubyiruko rweretse Umubyeyi Bikira Mariya ko na rwo rwahagurukiye gutera ababyeyi ingabo mu bitugu : Urubyiruko rwiteguye Umubyeyi rumutura isengesho ariko rumukinira n'agakino kamwereka ko barimo kumwitegura : Abakobwa bategura imisambi, abasore batera intebe batiriye Umubyeyi n'Umwana we badasigana...

Abakristu kandi ari nako bakomeza kuzana indabyo z'ubwoko bwo ngo batake iyo Ngoro y'Umusumbabyose.

Saa yine n'igice, Misa inogeye buri muntu wari uzi icyamuzinduye, iratangira.

Ibonekerwa ryatangiyeye misa irangiye, saa sita n'iminota cumi n'ibiri.

*Valentina ava mu bana yabyinanga na bo indirimbo isoza misa, yigira imbere, arapfukama, asenga bucece. Tubona abindukiye n'ingufu zidasanzwe, mbese nk'umurabyo, apfukama areba abateraniye abo. Yabise atera indirimbo ati :*

***Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (bis)***

***1. Kiza abanyabyaha bamenye iby'Imana  
Uduhe amahoro, uturinde twese (bis)***

***R.***

**VAL.:** Ndi hano, ndi umugaragu wawe, uvuge icyo ushaka umuja wawe arumva. Nicishije bugufi imbere yawe Mubyeyi, kugira ngo ubanze umbabarire ibicumuro byanjye, ubanze umbabarire ububi bwanjye kuko ntakwiye kuza imbere yawe. Ndaguhereza n'abandi bese bameze nkanjye Mubyeyi, kugira ngo twese uturuhure ku mutima kandi utubabarire. Udusabire n'imbabazi Umwana wawe Yezu Kristu.

*Atera indirimbo:*

***Naje mbasanga, naje mbakunze  
Ndi umunyabyaha bana banjye ?  
Ni mugaruke.  
Siko nitwa, siko nteye, niko mwanjise  
Ni muhumure mbatabare, nimugaruke mushire impumu  
Mwigira inyota, ndabatabara, mwigira impumu turagendana.  
Bana banjye naje mbasanga, njye ndabakunda, njye ndabatashya  
Igihe cyose mbatumaho  
Ni muhumure, ni mukomere, inzira yanjye ni intamenywa***

***Dore ndaje, dore ndababwira nti ni muhumure  
Kaze, kaze Kibeho yahiriwe.  
Nyise ingoro yanjye simbabeshya  
Ni ikiriri gisasira abasinzira, n'uburiri butabara abarembye***

***Ni ingobyi impekera abarwayi.***

***Shuri ryanjye, ndaribeguriye, namwe ababyeyi ni mumfashe  
Kaze neza Kibeho, kuko naje ngusanga uranyakira.***

**B.M.** : Bana banjye, ndabaramukije.

*Abakristu bakoma amashyi, bavuzza impundu bishimye.*

**VAL.** : Karame.

**B.M.** : Mushyitse umutima mu nda, mworohere umutima wanyu na roho yanyu, mwiruhutse kuko icyo umwana afite impumu ntabwo yumva neza icyo umubyeyi amubwira.

Bana banjye, iyi ndirimbo tumaze kuririmba nayigishije kera mu gihugu cyanyu, nayigishije kera nshaka kubigisha amagambo y'iyi ndirimbo, bamwe muyafata uko atari, abandi mukajya impaka ntumusabanuze. Narabasobanuriye ngiye kubisubiramo : « Ndi umunyabyaha bana banjye ? Siko nitwa, siko nteye, niko mwanjise ». Ntabwo rero niyise umunyabyaha, ntabwo ariko nitwa, si nako nteye. Mwanjise ko bamwe n'abandi.

Bana banjye, ndi hano, ndi n'ahandi kuko akenshi mwibaza ngo ese..., ese Bikira Mariya aba ahantu hose akazira rimwe hose ? Uko ndi hano ni ko ndi n'ahandi kuko Imana ibana n'abantu bose kandi mwese muri abana banjye.

Bana banjye, naje kubasura mbakunze. Ntawampamagaye, ni njye nizanye. Nahamagaye uwo mbona ngomba guhamagara. Ntimukajye impaka ku kitubaka roho ahubwo kiyangiza.

**VAL.** : Hi ? Murakoze. Hiii.

**B.M.** : Bana banjye, mushishikarire kuba umwe muri Kristu, kuba umwe kuri roho, kubaka inkingi z’imitima yanyu. Mbibabwiye ndi umubyeyi kuko umubyeyi ababazwa n’uko umwana we ahangayitse. Mwihangayikisha imitima yanyu.

Bana banjye, ntabwo naziye abanyarwanda gusa, naziye umwana wanjye uwo ari we wese aho ari hose.

**VAL.** : Hiii.

**B.M.** : Bana banjye, ndishimye kuko mwirengagije imirimo yanyu, mwirengagije ibyanyu bibavuna, mukemera kuza kunyakira. Nanjye mbakiranye umutima wa kibyezi ndetse n’abo mwasize i muhira, ndetse n’abatabitekereje, ndetse, ndetse ...

**VAL.** : Ntabwo ndi kubisoma neza.

**B.M.** : Ndetse n’abatabitekereje, ndetse n’abirengagiza babizi, ndetse n’abarwanya ibitarwanyika.

Bana banjye, uwo mubona si we murwanya, ni njyewe kuko ari njye wamuhamagaye, ni njyewe wamubateje, ni mumbabarire.

**VAL.** : Hiii.

**B.M.** : Bana banjye, mutege amatwi : mujye muvuga icyo mwumvise, utumvise asobanuze kuko ari byo byiza. Ndabatumye mu mitima yanyu ngo mwisukure, muri kano kanya mutekereze buri muntu wese umubangamiye, buri muntu wese batumvikana, buri muntu wese atanazi kandi akamuvuga nabi. Maze mubitekerezeho, munsabe imbabazi, byose mubimpereze maze mushobore kumva icyo nifuza kubagezaho.

**VAL.** : *Atera indirimbo :*

*Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma.  
Ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo kuko nzaba narabasabye  
mukanyima, kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.*

*Bana ba Adamu na Eva, iby’isi byari byahanaguwe igihe nabapfiraga.  
Ni musuzume imitima, ni mwisubireho maze munsubize muti «  
Nyagasani turabyemeye ».*

*Mwese abatekereza kandi mwibaza, mbere yo kuvuga mubanze  
mukarage ururimi*

*Ururimi arukarage najya gusubiza azumva ijambo rije ry’ukuri.  
Ndababwira nti alleluya, alleluya, alleluya, alleluya*

***Bene Adamu ni mugaruke kandi nimbihakana muzababara, muzansaba ntakibaha, muzampa ntabasabye kuko muzaba mukozwe n'isoni.***

B.M. : Bana banjye, muri iyo ndirimbo, harimo byinshi. Nayigishije kera cyane. Mwisuhuza imitima. Mbere yo kuvuga mubanze mukarage ururimi rwanyu, mutegereze igisubizo cy'ukuri.

Bana banjye, ndabasubiriramo ko nta gishya kuko n'ibindi navuze byose bitakurikijwe uko byagombaga gukurikizwa. Mujye mwumva neza iyo mvuze gutyo ni uko umubyeyi adatandukanya abana ngo atunge urutoki. Abana iyo ubahana uhanira hamwe, wabashimisha ukabashimishiriza rimwe kugira ngo bishime, bumve ko bose batahiriza umugozi umwe. Igihe musenga, mujye musaba imbaraga, urumuri, ubushishozi no kwihangana ndetse no kwitsinda. Ni munsaba mubikuye ku mutima nzabibaha.

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, ntimukabibe imbuto mbi gusa zo gusebanya. Mujye mwihanganira ikibi kimwe mwishimire bitatu byiza maze musibanganye icyo kibi kiba cyahaciye.

Nababwiye ko ntatandukana n'Umwana wanjye. Niyo mpamvu mwumvise iyo ndirimbo, bamwe barayizi twahuraga kera, abandi ni ubwa mbere muyumvise. Buri muntu wese akuremo ikintu. « Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanurabinyoma, ntimuzamenya icyo ukuri icyo ari cyo kuko nzaba narabasabye mukanyima, nabaha ntimwakire kandi ntimushimire.

Ndashaka kubabwira ko nimudashishoza mu ngabire nabahaye ntabwo muzasobanukirwa. Mujye mureba, mbere yo kwiruka mujye mureba, mujye mubanza musenge. Hakizwa ku mutima, iyo utikijije wowe ku giti cyawe, ntabwo ukira.

VAL. : Ariko se Maman, ugirango biroroshye ? Buri muntu wese afite umutimanama we, afite ibyo yemera n'ibyo atemera, afite n'ubushishozi. Urumva abantu bose twahuza umutima kugira ngo tugere ku kintu kimwe ? Hiii.

B.M. : Ndabinginze ntimukabike inzika. Kuko inzika ikubuza gushishoza, kuko inzika itubuza kubona ukuri. Nk'uko umwana wanjye yavuze ati « Bababarire ntibazi icyo bakora », namwe bana banjye ndabasaba ngo mujye mwibuka kubabarira no gusaba imbabazi.

VAL. : Ubu se uragirango biroroshye ? Kubera ko turi abantu, kandi tukaba n'abanyanteye nkeya, ibyo byose biranga bikatuganza. N'iyo ugerageje, ugahura n'umuntu akagusubiza inyuma bikakunanira kwigomwa. Tubasabye imbaraga rero kugira ngo tujye dushobora kwihanganirana no kwitsinda mu magambo.

B.M. : Bana banjye, ndababwira ko unkurikiye wese, agakurikira Umwana wanjye, wemera kandi wicuza, ahura n'ibigeragezo byinshi. Ahura n'ibitotezo. Ariko abakurura ntibitangire, amarembo ahora afunguye ntimuzifuze ibyo kuko igihe

bizafungirwa nibyo bibi. Mujye mwishimira kubabarana n'Umwana wanjye, mwishimire guhura n'ibibazo mukabyihanganira, mwishimire no kubitura.

VAL. : Hiii.

Umuntu yibereye hano iwanyu, ntabwo yasubira ku isi. Njyewe buri gihe mba numva nshaka kwijyanira namwe. Ariko rimwe na rimwe nakumva ibyo navuze nkumva nirengagije yenda ububabare mwampaye cyangwa umusaraba. Ariko ntabwo byoroshye. Hiii.

Abantu b'iwacu bameze nk'indabyo z'iwanyu, baba barahwereye. Menya iwanyu mutagira umukozi wo kuzivomerera zose. Hi ? Hiii. Hiii.

N'uko akenshi murambwira ngo turi kumwe ngo ni indabo ndi kureba kandi nagera aho nari ndi ngasanga hari abantu. Hi ? Ni byinshi ntabwo nabona aho mbihera. Mubanze muruhure umutima wanjye kugira ngo bigabanuke. Hiii.

B.M. : Bana banjye, mbabwire icyo mwese mubona kandi muzi : « Nta we urwanya ikitabaho ».

VAL. : Ntabwo numvise icyo mushatse kuvuga.

B.M. : Ndashaka kubabwira ko, hagize abaza batanga amafaranga, abaza batanga akazi, abaza bakora ibitangaza bitandukanye, ko nta n'umwe wasigara kandi ko mwabyemera kurusha uko mwemera ibyo muzi bituma mwirengagiza ibyo mwabonye. Nagira ngo mbabwire ko harwanywa igihari. Iyo nta gihari abantu bata kibona.

Bana banjye, ntawe usiga umugisha iwabo ngo awusange hanze. Ntawifuzaga icyo yahawe akakigaya ngo hagire ukimwongerera. Ahorana inzara n'inyota.

Umunyabukorikori yirutse kubimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye.

VAL. : Maman, uyu munsu mfite ibintu byinshi ariko sinzi aho nabihere. Nta n'ubwo mbona uko nabivugaga. Ariko nshimishijwe n'uko mbabonye. Nshimishijwe n'uko mwibutse twebyemera abanyabyaha. Abantu benshi barantuma ngo bifuzaga kubabona n'amaso yabo. Njyewe nkabasubiza, sinzi nimba ari neza cyangwa ari nabi, ariko ndavugaga nti: "Njyewe uwo nkunda ajye abemera ariko ntakababone".

*Abantu bari aho baraseka.*

Hiii. Ni ukubera ko kubabona ntabwo..., sinabona uko mbivugaga. Ni byiza, ariko kandi nta n'ubwo byoroshye. Ni ukwikorera umusaraba, ni ukwikorera ibitotezo, mbese si..., ntabwo nabona n'aho mbishyira. Ababyishimira ni uko ahari badahura na byo ngo barebe. Ari umwana, ari umuntu mukuru, ari ukuzi, abantu bose usanga..... (arimoza) simbizi, njyewe ndavugaga nti: "Ari uwanjye wese akemera n'umutima we wese, agakubita impanga hasi agasenga, ariko akajya ababona mu mutima we gusa". Hi ? Njyewe biranshimisha ariko ni n'umutwaro. Hiii. Binsaba kwibombarika, binsaba kutagira umuntu mbwira ikintu, binsaba kuba buri gihe numva ngatinda gusubiza. Ibyo ni byiza, ariko ibiri inyuma we ! Ibigeragezo ! Ntabwo mbyinubiye Maman, munyumve neza ! Ariko nta n'ubwo byoroshye. Ni ukubana n'inkota igihe cyose. Njyewe biranshimisha ntabwo

mbyinubiye. Ariko abantu barantumye ngo bashaka kubabona n'amaso yabo. Njyewe nkabasubiza gutyo kugira ngo mbatumikire batazagira ngo narabirengagije. Ariko se Maman, hari byinshi : njyewe nkunda kwibariza kuva kera, nuko hari abadakunda ko mbabaza ngo mvuga byinshi n'ibitari ngombwa ariko kuri njyewe biba ari ngombwa. Ko muza mugahamagara abantu batabatumyeho, batanabishaka, batanabizi, bahura n'ibigeragezo byinshi ntimuze kubafasha ? Hiii. Hi ?

Iyo abantu, tureke abantu, iyo umuntu ahuye n'ibibazo byinshi. Hiii. Iyo uhuye n'ibibazo byinshi, ubundi wegera umubyeyi ubona agukuriye ukamugisha inama cyangwa se ukegera umuntu w'inshuti yawe ukamugisha inama. Naho ibyanyu nta we ugisha inama. Umuntu agomba kwikorera uwo musaraba we wenyine. Abagutuka, ugaceceka. Abakubeshyera, ugaceceka. Abakuvugira ibyo utavuze, utakoze, ugaceceka. Ubu se umuntu ntabwo yagera aho ngo asare ? Hiii.

Ubu se Maman, oya ntabwo ndasara, ariko rero ni byinshi cyane. Urarera ngo wareze nabi. Abantu bakakubeshyera (... ?...), wavuga ngo wavuze nabi, wabwiza umuntu ukuri ngo wamututse. Ibintu byose ugasanga..., hakabaho n'ibyo bavuga, n'abavuga iki kandi ukacyemera utagikoze ariko rero umuntu utarababonye aridefanda (se défendre) akavuga.

### ***Araseka.***

Hi ? Oya ntabwo mvuze kurwana cyangwa gutukana, ariko rimwe na rimwe ukaba wavuga uti nyamara murambeshyera. Ariko kugira ngo abantu borohere, uravuga uti « Ni byo nabikoze ».

Ntabwo nakubeshya, mbese simbizi kandi n'umwaka ushize narabikubwiye, mba numva ari ikintu kiremereye ku mutima wanjye. Sinzi nimba n'abandi mwiyerere bibagendera uko, ariko, cyangwa se ni ugukura nkaba ntekereza ibintu byinshi cyangwa se ni ukuba turi mu mahanga, ariko Maman, abantu turaruhije ! Hiii. Oya.

B.M. : Bana banjye, ntimukumve icyo mbabwiye ngo mugisige aho mwacyumviye. Nuhura n'umuntu utumvise ngo agusobanurire ibitari byo ngo ubyemere. Muririnde impaka kuko impaka zijyana mu cyaha.

VAL. Hiii. Maman, ndagushimira n'umutima wanjye wose ariko n'ubwo ngushimira, ndagushimira mbabaye ariko nishimye na none. Nshimishwa n'uko utankojeje isoni. Nshimishwa n'uko ibyo wavuze byose byuzuzwa. Nta gihe na rimwe uvuga uti « Kw'iyi saha turi buhure kandi duhurire aha » ngo hanyuma ntuzze. Kuko waratubwiye uti « N'iyi haba hari intambara, n'iyi haba hari ikimeze gute, iyo navuze ngo ndaza », uraza. Ni byo koko urabyubahiriza. Ariko se ko ubundi turi mu Rwanda wavugaga uti « Nzaza kuri iyi tariki, ku isaha iyi n'iyi, duhurire aha », ubu kuki udutererana noneho ntutubwire ? Twebwe tuza duhuruye twishimiye kukwakira, twishimiye kukubyinira harimo n'abatabikunda n'ababyinubira, ariko twese turaza. None se kuki utakongera ngo ujye uduha umunsi, uduhe itariki, uduhe n'isaha n'aho tuzahurira kugira ngo uturinde gucumura, uturinde kubiba imbuto mbi kuko kenshi bamwe biha akazi, bakagenda bavuga ko ibyo bintu

bidashoboka, ariko nanjye kuko uba utambwiye hari igihe mpangayika. Hiii. Ariko nkagira icyizere ko utansezeyeho. Hiii. Hiii. Hiii.

B.M. : Bana banjye, uwo ntuma muha ibigeragezo koko. Ariko muha no kubishobora. Nkamuha no kugira ngo abyakire . Ntabwo byoroshye nta n’ubwo mbatumye ngo mubyongere. Ariko nabwo nibiza, azabyakira.

VAL. : Watubwiye ko udatandukana n’Umwana wawe. Utubwira ko tugomba gusenyerera umuguzi umwe, tugomba kuba mu gishyamba cyawe. Hiii.  
Ariko indabo zawe ninzireba ntugende ? Hari ibintu byinshi nshaka kukubwira. Hiii.

Iwanyu haba akazi kenshi. Nta bakozi mugira ? Ni uko indabyo zanyu ziba zicucitse, umuntu yaza kubafasha ngo azivomerere akananirwa cyane. Hiii.  
Ni uko kera muri 1982, mwambwiye ko nzasigara ku ibere. Hiii.  
Urakoze. Koko muri 1982, mwambwiye ko nzasigara ku ibere.  
Indabyo z’iwanyu ni nyinshi. Mujye mutuzanira natwe tubategurire mu Kiriziya.  
Hiii.

B.M. : Bana banjye, naje kubasura mu Rwanda, nkoreshye uwo mbatumaho, mbaha amavuta, cyane cyane yo kumuhoza, cyane cyane yo kumwuhagira, cyane cyane yo kubakiza indwara. Mwangerekeyeho ibyo mushaka, mwivugira uko mubibonye ariko ntibibuza ikiri cyo kuba cyo, ikiri ukuri kuba ukuri n’ikiri ikinyoma kuba cyo.

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, umwana wanjye aciye kuwo abatamaho, yarongeye amuha umubiri we mubireba. Mwabirebye uko mushaka, mubishyira mu bitari byo, ariko ikiri cyo ni uko ukuri kujyana n’ukuri.

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, uwo mbatumaho narongeye, kugira ngo mbereke ko ntamutererana, mbereke ko mbakunda, muha kongera kubona rwa rwibuso rw’amavuta rwo gukiza abarwayi, rwo gukiza abakeneye gukizwa. Ibyo byose mwabihinduye ikinyoma ariko uwemeye yarakize n’uwagize isoni zo kubivuga, azi neza ko yakize.

VAL. : Hiii. Murakoze.

B.M. : Naje kenshi muri mwe, nza n’Umwana wanjye, ngira ngo mbereke ko tuba kumwe koko, mbereke ko aho ndi tudatandukana. Yarongeye amuha umubiri we kugira ngo yereke abantu urukundo adukunda no kugira ngo ahoze amarira uwari ubabaye, kuko uwo abatamaho yari wenyine.

Kuba Umwana wanjye yaramuhagije umubiri we ntabwo ari ugusuzugura abari mu kigwi cye ahubwo ni urumuri, ni urukundo rwo kugira ngo abereke koko ko uwo bafasha ari We ubatuyemo.

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, ku itariki cumi n’eshanu z’ukwezi kwa gatanu muri mirongo cyenda n’umunani, naje gusura umuja wanjye. K’uwo munsu namuhaye ikigeragezo. Mutege amatwi ngiye kubisubiramo uko nabimubwiye icyo gihe n’uko byagenze nyuma kugeza kuri uyu munsu kugira ngo abatazi ukuri, babibwamo ikinyoma, basobanukirwe. Ntabwo naje kuvuga ubuzima ndagira ngo mbasobanurire kuko tugeze mu gihe cyo gusobanukirwa no mu gihe cyo kugendera mu kuri kugira ngo dushobore gukorera icyo tugomba kuba cyo.

Kuri iyo tariki, naramuhamagaye ndamubwira nti « Mwana wanjye Nyiramukiza ». Ati « Karame Maman ». Naramubwiye nti « Ugiye kurwaza umuntu, ni umubyeyi. Numara kumurwaza, nyuma azapfa ». Namubwiye ko namara gupfa, azafata abo bana akabarera kugeza igihe nzamubwira, kugeza igihe nzamuha uburenganzira bwo kubatanga, n’uwo azabaha.

VAL. : Hiii.

B.M. : Icyo gihe ntabwo yari azi ko uwo mvuga ari umuri iruhande, uwo mvuga ari we uzandukura ibyo namubwiraga.

VAL. : Hiii.

B.M. : Igihe...

VAL. : Ntabwo ndi kubisoma neza.

B.M. : Igihe cyarageze, koko uwo mubyeyi ararwara, aramurwaza, uko nabivuze biba ariko bigenda. Koko yitaba Imana. Arangije, asigarana abo bana nk’uko nari namubwiye ariko ntamusobanuriye abo bana abo ari bo, n’uwo muntu uwo ari we.

VAL. : Hiii.

B.M. : Icyo gihe umubyeyi w’abo bana ntiyasobanukiwe ko ari we kuko nyuma yatumye uwo mbatumaho ati « Uzambwirire Bikira Mariya ko ngukunda, ko nifuzza no kuzagufasha kurera abo bana ». Narabyumvise kuko yansabye ariko sinamushubije, kuko nari nzi uwo ari we koko.

VAL. : Karame

B.M. : Na none abo bana, kuri uwo munsu wa cumi na gatanu z’ukwezi kwa gatanu muri mirongo cyenda n’umunani, bari bafite umuvandimwe muri famille. Ntabwo navuga ngo nari kumuragiza abo bana kuko nari mfite impamvu. Abo babyeyi



b'abo bana, uwo nabatumyeho mbatumaho, yafashe abo bana arabarera kandi na we arerwa, acumbikiwe mu miryango y'abandi, arihangana.

Babyeyi mwabyaye, murerera i Burayi n'ahandi hose, munyumve, nanjye ndi

Umubyeyi ! Kuko ibyo mbabwira ni ukuri kuko nari nzi ko bizabyara ikintu gikomeye ariko kigatuma uwo mbatumaho akura kuri roho no ku mutima, aheka umusaraba.

VAL. :Karame.

B.M. : Munyumve neza mutazasobanura uko ntabivuze. Ntabwo abo bana ari uko batashoboraga kurerwa n'imiryango, ni uko ntawabafashe, ni uko nta we bari bafite kandi yari ahari. Ariko icyo gihe na nyuma y'aho, ari uwo mbatumaho, ari abantu, ntawamenye uwo uvugwa uwo ari we.

Ntawavuze ati « Bano bana basigaye bonyine, ngiye kubafata » usibye ko byakozwe uko nabiteguye. Abo bana rero...

VAL. : Ariko se Maman, wabyihoreye ? Hiii.

B.M. : Ndashaka kugira ngo mumenye ukuri, mujye mumenya gushishoza mutagendera mu kinyoma kuko kitubaka, mujye mumenya no gushimira uwabagiriye neza.

Abo bana barezwe n'uwo nabatumyeho kuva icyo gihe, ahura n'ibibazo byinshi muri Africa, murabizi, ahura n'ibibazo byinshi hano, ntawamugobotse, ntawabonetse keretse njyewe wamukoreye umusaraba. Abo bana rero ibyakurikiye ni byinshi. Bamaze gukura, ntawe utarabifuje, bamaze gukura ntawe utarabashatse, ariko nta n'uwabasabye.

Bana banjye, ndashimira ababafashije kugira ngo bakure, kugira ngo bamenye kubana n'abandi.

Ubwo byarakomeje, abo bana, igihe kigeze, mbwira uwo nabashinze ko igihe kigeze kugira ngo noneho atangire gushaka impapuro zo kugira ngo abana bazajye mu muryango wabo. Ntabwo byagenze nk'uko abantu babishakaga cyangwa babitekereza. Abana bari bafite umuryango munini ariko n'umubyeyi wabibyariye icyo yashakaga, aho bagiye niho bagombaga kujya. Nagirango mbasobanurire kuko abenshi muzi ibinyoma, abenshi mugatoteza kandi mutazi ibyo ari byo, kugira ngo roho zanyu muzisukure, mujye mwibuka gusaba imbabazi, mugendera kure umunyakinyoma kandi mumugorora, mukamusabira.

Ubwo, ntabwo iby'Imana byihuta, cyangwa ngo bisubirizweho, ariko ibyo bipapuro nta n'ubwo byabonetse uko byagombaga kuboneka kuko uwo mbatumaho yambwiye ko bidashoboka bitewe n'uko abibona. Njye namusubije ko icyo nshaka gikorwa muni no mw'ijuru. Kugeza igihe abo bana babahaye abanyamahanga bo kubarera bakaba ari bo bazajya babagenzura kandi uwo nabahaye atabananiwe. Ibyo byose nagira ngo abicemo akure kuri roho no ku mubiri no ku mutima. Mubwira ko abo bana bazagenda, mubwira itariki bazagenderaho, mubwira ko impapuro noneho .... Impapuro batanga z'abo bana ko byose ari jye ubikora ko n'ikidashoboka ngishobora.

Icyo gihe nabimubwiye ari i Lourdes yicaye, yihebye, kubera uko yari ababaye afite icyo kibazo ko abana Leta ishobora kubaha undi munyamahanga. Icyo gihe bana banjye, iyo bigenda gutyo, nari kuba nkozwe n'isoni kandi nari kuba uwo avuga ko abona wabamuhaye atari We. Ariko iyo mvuze ngo iki niko kizagenda, niko kigenda. Naramubwiye nti « Taha, nugera mu rugo uterefone nyinawabo uba muri Canada witwa Uwimana Alphonsina, umubwire ko igihe kigeze, umubwire ko ibyo Umubyeyi ashaka byuzuye, ko abana bazaza kubafata ». Abana ni uko byagenze, aza kubafata. Babakorera umunsi mukuru aho barezwe. Uwaje kubafata ashimira abantu bamufashije kuko yabatumyeho. Ariko ibyavuzwe, ibyo ntabirimo. Abana ntabwo bagiye bujura, abana ntabwo bagiye ku ngufu, abana ni nje nabatanze, abana ni nje watanze uruhushya rwo kugenda, ni nje wohereje abana mu muryango. Abari bafashe ko abana babibye, ntabwo ariko byagenze. Abari bafashe ko abana bat... ntabwo ariko byagenze. Ndababwiza ukuri ko uwo nabahaye yabareze uko yagombaga gukora kandi bagakura. Abafata bafite imyaka ine, itatu, ibiri. Bagiye bujije imyaka hafi cumi n'ibiri n'icumi.

VAL. : Hiii.

B.M.: None se babyeyi mwabyaye ko mwemera ikinyoma, kandi murera bikabananira namwe mwarababyaye kuki mudasubiza amaso inyuma ngo aho gusebanya no kuvuga ibitari iby'ukuri ngo ahubwo murwanye ikinyoma, mwubake ? Kurera umwana i Burayi ntibyoroshye ariko ndabashimira igikoresho cyanjye kuko yakoze uko ashoboye. Kuko yagerageje byose. Ukuri ni uko nagirango mbabwire. Ntabwo rero byarangiriye aho, abana bajya kugenda, umwana wanjye yagize agahinda ko kumva atandukanye n'abo yaragijwe ku mutima no kuri roho. Haba misa yo gusezera ku bana barezwe ariko uwareze ajya ku ruhande. Uwareze ntiyagira umwanya muri iyo misa. Niyo mpamvu nazanye n'Umwana wanjye kugira ngo amuhoze intimba. Amuha Ukaristiya ntagatifu mu gihe cyo guhazwa, kugira ngo amuhoze amarira. Ni aho intandaro y'ibibazo byaturutse, ni aho imitima yasenyutse, ni aho abirengagiza ukuri bahagurutse. Nyamara ukuri kuzatinda bana banjye, kuko uragiye imwe ntizimira.

VAL. : Murakoze ndabashimiye n'umutima wanjye wose kandi mbasabye imbabazi nimba hari ibyo ntujye, nimba hari ibyo nirengagije, mubyuzuze. Mbasabye n'imbaraga zo kwihangana ariko na nubw ntabwo byoroshye. Ntabwo byoroshye kuba nzirikana ko i Lourdes mwambwiye ngo ibizaza nyuma ni byo bibi. Ni byo koko ariko byose narabyemeye, nzabyakira. Mujye mumpa umutima wo kwitsinda noye kuzasubiza ikibi mu kindi ahubwo ahari ikibi mpashyire icyiza.

B.M. : Bana banjye, ndabasabye kugira ngo mujye musenga isengesho ritari amasengesho.

Hari ugusenga koko, hakaba isengesho n'amasengesho. Mujye musenga ibivuye ku mutima, mujye musenga ibyubaka roho n'umutima n'umubiri. Mube umwe koko.

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, nongeye kubasaba mukundane, mubabarirane kandi musabe imbabazi umwe n’undi, mugerageze kumenya kwicisha bugufi.

VAL. : Hi ? Hiii.

Ntabwo nagiyeyo kuko akenshi kubera ibibazo byinshi biba muri twebwe ntinya no kujya gusengera ahari amakoraniro y’amasengesho kugira ngo batavuga bati « Uriya atuzanyemo shitani, uriya agiye kudutandukanya mu isengehso ryacu ». Bigatuma nsengera mu rugo. Hagira abaza, tugafatanyaga ariko sinshobore kujya mu bandi benshi bari gusenga ngo twifatanye. Ndagusaba ngo ufungure imitima y’abo bantu n’amayira, bumve ko isengesho ari irya buri muntu wese, twumve kandi ko tutagomba guca imanza kandi ko tutagomba guhora icyaha ikindi cyangwa se umuntu tumuhore uwundi. Hiii.

B.M. : Bana banjye, hari abinuba bakavuga ngo kuki abandi babonekerwa mu bindi bihugu, mu bindi bice, Bikira Mariya amara iminota ibiri, itatu ? Abandi bati: « Akaza ntavuge, bakatubwira ibyo bavuze ». Byose ndagira ngo mbasobanurire ko nkora uko nshaka, ko kandi uko mutekereza atari ko ntekereza.

Abandi bati « Valentina arabeshya kuko atinda yivugira ibintu byose bitari ngombwa ». Nyamara nta kitari ngombwa kuko umwana iyo avugana na nyina amwizeye, avuga n’ibitavugitse, kuko umubyeyi buri gihe ahora ateze amatwi, abanze ibiganza ngo amuhobere kandi amwumve.

VAL. : Murakoze. Hiii.

B.M. : Bana banjye, ndongeye ndabinginze ngo mujye mupfukama musenge isengesho rikubiye mu gikorwa, musabira bagenzi banyu, abatamera n’abataye ukwemera, abo muri kumwe, kandi ngo mugire isengesho ry’umuryango, mujye muhurira ku isengesho nk’uko muhurira ku isahane.

VAL. : Maman, ntabwo ibyo byoroshye. Hano twageze, gusenga ntabwo byoroha kubera ko habaho igihe mu muryango baba batamera bimwe. Abana bakigira mu bindi, n’ababyeyi bakigira mu bindi ntibabone umwanya wo gusengana hamwe.

B.M. : Bana banjye, iyo isengeho ritagiye hamwe nk’uko ibiryo babishyira mu gisorori, umuryango ntiwubakwa. Kuko abana banyu baza baje kurya, mujye mubabwirirako no gushimira aho byavuye. Ndabinginze kuko nababwiye ko bitoroshye ariko nyamara igihe kirageze cy’uko abantu basenga koko isengesho rivuye ku mutima, bagasaba kugira ngo ibibi biri ku isi byose bigabanuke.

Bana ndabasabye ngo muve hano mufashe imigambi, bamwe ntimukaze uyu muni gusa, mujye muza igihe cyose kuko mpora mbategereje, mujye musenga, munsabe icyo mushaka.

VAL. : Hi ?

B.M. : Kuki mutinya kuvuga ibibabangamiye kandi tuba turi twenyine ? Kuki mutinya kunyereka ibyabananiye mu mashuri, ibyabananiye iwanyu mu rugo ? Umwana

asaba umubyeyi iyo amwizeye, aramuha. Ntimugategereze ko ari nje mbabwira ngo munsabe. Ariko mugasabana umutima utaryarya, wizera kandi usukuye.

Babyeyi ni musenge kuko ibihe bitoroshye, kuko kurera bitoroshye ndetse no kurema bitoroshye.

Nongeye kubashimira n'umutima wanjye wose nk'uko mwataramaga mu misa, nk'uko mwaririmbaga mwishimye, ibyo byishimo ntimubisige aho mwabironkeye, mubitahane bibasakaremo, bibakoreshe, bibafashe kubaka roho, bibafashe kwirukana ikibi, kandi mujye mwirinda inteko y'abaneguranyi.

VAL.: *Araririmba ati:*

R. *Ab'ijuru ni mwishime, alleluya  
Abomu nsi ni muhimbarwe, alleluya Ni mukurikirane inzira nabahaye Kuko  
namwe naje kubagenderera.*

1. *Mube abakurikiza b'Imana, abana b'inkoramutima  
Kandi mugendere mu rukundo rwayo, mureke kugendera mu rukundo ry'iyi si.*

R.

2. *Umuntu waboshywe na shitani akumva ko yikoreye ibyago Nafashe  
hasi uwo mutwari we, maze ankurikire nzamuruburira.*

R.

3. *Mube abakurikiza b'Imana, abana b'inkoramutima  
Kandi mugendere mu rukundo rwayo, mureke kugendera mu rukundo rw'iyi si.*

4. *Yezu yazuye Lazaro, Yezu yahumuye impumyi Yezu  
yakijije ibibembe, Yezu yahagurukije ibimuga*

R.

5. *Yezu yatumye abigishwa be ati : « maze munzanire indogobe » Kandi  
bamuzanira umwana wayo ngo abone kwigira i Yeruzalemu.*

R.

Hashize igihe kinini narayibagiwe. Hiii.

B.M. : Bana banjye, mujye muzirikana ko Umwana wanjye yakoze ibitangaza ariko ntibabyemere. Ese icyo umwana w'umuntu yakora ku isi bakacyemera cyaza cyihuse?

VAL. : Hiii.

B.M. : Bana banjye, nimurambure ibiganza, buri muntu ahereze ibye byose kandi asabe icyo ashaka.

VAL. : Urampe kugukunda kurushaho. Urankomeze iteka Mwami Yezu. Imbere y'iyi nteko niyemeje kukwiha nyewe ubwanjye Nyagasani.

B.M. : Bana banjye, mbahaye ingabire y'icyubahiro cya Nyagasani, mbahaye ubutwari, mbahaye ubudacogora n'ubusabane.

VAL. : Murakoze.

B.M. : Bana banjye, hari abafite ibibazo mu miryango yabo, hari abafite kutumvikana barashakanye, hari abafite kutumvikana n’abana babyaye, hari abafite umuryango munini ariko buri muntu wese aba ukwe.

VAL. : Hiii.

B.M. : Hari abafite imiryango yatewe n’amashitani kandi batemera, badasenga, batemera

Imana. Abo bose ubahereze.

Hari abafite ikibazo cyo kutabona abana. Mwirambirwa bana banjye kandi nababwiye ko unkurikira wese n’Umwana wanjye, aheka umusaraba kugira ngo atugwe mu ntege. Hari n’urubyiruko rwifuza gushaka kugira ngo abo bose mujye mutura Imana ibyanyu byose. Ni impano ntabwo buri muntu yigira. Turashaka ariko Imana ikatwuzuriza.

Hari abafite ikibazo cy’uburwayi. Hari uburwayi budakira, hari uburwayi bukira. Ariko ndagira ngo mbabwire ko uburwayi bukomeye ari ubwa roho.

VAL. : *Atera indirimbo :*

*Mwimanyi, wowe Mana y’ukuri, wowe soko y’ubugingo, turabigusabye.*

B.M. : Hari abafite agahinda ku mutima kubera ibibazo bafite, kubera ingorane bafite, kubera kutagira impapuro, kubera ibibazo by’inzitane, kubera kudatsinda mu ishuri, mbese ni byinshi. No kubura akazi.

Bana banjye, ndabinginze kugira ngo mujye mubihereza Nyirabyo, mumubwire ko mutabishoboye.

VAL. : Murakoze.

*Atera indirimbo :*

*R. Ngwino Mariya, ngwino, ukunda abana bawe ngwino,  
Bagusange uri Umubyeyi ngwino*

*1. Ngwino mu bitambambuga, bimenye kukuririmba,  
bimenye ko uri Umubyeyi, ngwino R.*

Karame. I Kibeho (... ?....)

*R. Ngwino Mariya, ngwino, ukunda abana bawe ngwino  
Tugutake uri Umubyeyi ngwino*

*1. Ngwino mubakwuga nabi, ubagororere imitima  
Bamenye ko twagubawe, ngwino*

*2. Ngwino usange abanyeshuri, ubabe no kwiga neza  
Bamenye ko uri umukiza ngwino*

3. *Ngwino mu mfungwa zose, ziranginze ibihano byazo  
Zitibagire Yezu, ngwino*

4. *Ngwino mu mfubyi zose, uzikure mu bwigunge  
Zimenye ko uri Umubyeyi ngwino*

R.

*Arikiriza ku cyo abwira ati: Hiii.*

Iwacu nta muntu ubyina wenyine. Iyo mba ndi i Buruseli bari kuzanseka. Hiii.  
Ni ukuri.

B.M. : Bana banjye, ni mugerageze kwivura, mugerageze kwivuza. Narababwiye nti kugira ngo bakuvure ni uko ubanza kwivura ku giti cyawe. Ukabanza mbese ugasobanukirwa neza n’uburwayi urwaye. icyo gihe, ukuvuye, urakira, n’iyo wemeye kwivuza.

Bana banjye, cyane cyane ndabwira mwebwe abana batoya, kuko ngiyeye kubasaba. Mumbabarire munyemerere, kuko nanjye ni munsaba nzabaha. Ndabasaba kugira ngo buri munsu muzajye muvuga byonyine « Ndakuramutsa Mariya eshanu (5), muzikuye ku mutima, muri gusenga, musabira ababyeyi banyu, mwisabira n’abandi bese batemera. Ndabinginze « Ndakuramutsa Mariya eshanu » zizaba zihagije. Izindi eshanu nanjye nzazishyiraho.

VAL. : Murakoze.

B.M.: Namwe babyeyi, nakunze kuvuga nti « sinzabe Nyamwisiga ngo nisange cyangwa ngo mube babura mwaje ».

Namwe babyeyi, bavandimwe, nshuti, bana banjye, ndabasaba kugira ngo mujye muvuga buri muntu ku giti cye, yiherereye « Ndakuramutsa Mariya icumi » azikuye ku mutima, abitekereje, aho yaba ari hose, asenge abizirikana, azi neza uwo abwira, amwemera kandi amwizeye. Nanjye nzabavugira izindi icumi.

VAL. : Murakoze Maman ! Hiii.

Ubu se izi ndabyo zawe ko ari nyinshi ndazirangiza?

B.M. : Ndabasabye bana banjye, ntimukavuge ko nta gishya kuko ndabibutsa. Ntimugatekereze ibibanduza kuko mbibarinda. Ndabasabye ni mutangire bundi bushya, mube bashya, mukorere igihe kiri imbere muzaba cyo. Mwoye gukorera uko muri, ahubwo mukorere icyo muzaba cyo. Ndabasabye kugira ngo buri muntu yitegure akorere ubutagatifu, yitegure akorere icyo azaba mu minsi iri imbere kuko ibyahise byarahise, abyibagirwe. Noneho atangire ashake ibishya byubaka kandi bifite akamaro.

VAL. : *Arikiriza* : hiii.

B.M. : Bana banjye, muri mu kigwi cy’Umwana wanjye Yezu Kristu, ndabasabye abari hano n’abadahari, ndabinginze ngo mujye muvuga « Ndakuramutsa Mariya icumi na Hubahwe Patri » nanjye nzabavugira icumi na Hubahwe Patri.



VAL. : Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi, kwakira ugushaka kwawe kose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana no kwihanganirana, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'abantu, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana no kwihanganirana, kwakira no gushimira kandi kwubaha, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwiyoroshya, ukwihangana, kubabarira, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

B.M. : Bana banjye, nk'uko mwateraniye hano hari n'abandi bateraniye iyo bigwa, kure y'amaso atari kure y'umutima, na bo turi kumwe. Mwe mugira amahirwe ariko naho mba mpari. Niyo mpamvu ngiye kubaha umugisha wa kibyeyi na bo kugira ngo uwo mugisha ubahe imbaraga, ubahe gukomeza kwizera, kuko bizera, bakizera bari bonyine, mukizera turi kumwe ariko baremera. Ni mugerageze namwe guca bugufi, namwe mwemere, namwe musenge, mwoye kwemera ko naje, ahubwo mwemere ko mbaho.

VAL. : Ariko ubushize ntabwo twatinze.  
Ariko ntuhite usubira iwanyu kuko nasigara hejuru nkabura ahantu ntaha.

***Valantina ajya i Kibeho gutanga umugisha.***

Ariko barishimye! Hiii. Ninsubirayo ndababwira ko abari i Kibeho bishimye kubarusha!

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kwihanganirana, umpe no kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwiyoroshya, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kwakira ndetse no kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho cy'abantu n'icyanyu. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Imana ni isingizwe mu ijuru, munsu abitonda bahorane amahoro.

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu (*akora ikimenyetso cy’umugaraba*).

Murakoze.

Ariko iyo tuba twigumiyeyo! Hiii. Cyangwa nindangiza kuvomerera indabyo zanyu mumperekeze. Hi ? Na we turajyana. Hakorwe ugushaka kwanyu. Hiii. Iwacu inzara n’inyota byarateye. Niyo mpamvu mfite inyota nyinshi cyane. Hiii. Ese wowe wabonye ujya ku kazi atari yarya cyangwa ngo anywe? Ndazivomerera nzirangize. Hiii.

### ***Aha amazi umugisha.***

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza no kwiyoroshya kandi no kugira ngo iri funguro uduhaye ridutere imbaraga zo kugukorera. Uhe abashonji ikibatunga, uduhagirize umubiri na roho ndetse udukize n’ibyaha by’umubiri, utwoze maze ducye? Hiii.

Ariko indabyo zanyu ni nyinshi cyane... Iwacu ntabwo dutera .... Hiii  
None se ko hari igihe abantu bambwira ngo nabakandagiye, ngo naba..., ibyanyu ntabwo byoroshye.

Oya, iwacu iyo umuntu agiye guhinga cyangwa gukora akazi barabanza bakamuha ibiryo n’icyo kunywa kugirango agire ingufu.

Murakoze.

### ***Anywa amazi.***

Oya, ndanywa duke. Ndanywa duke cyane.

### ***Afata amazi aragotomera.***

Murakoze Mama! Ubu noneho ngiye gukora akazi ushaka. Aho untuma hose ndahagera.

Karame. Hiii.

Hari abambaza ngo mbese abantu babona amazi n’abatayabonye bitandukaniye hehe? Kandi uba wambwiye ngo ni indabyo?

Ndababwira ngo nnyewe nakoze aho akoze, nkora ibyo akoze. Hiii.

None se ari ubonye amazi n’utayabonye bitandukaniye he? Maman, bivuga iki? Karame

B.M. : Bana banjye, mwese uko muba muri imbere yanjye, murareshya kandi icyo ntanga mwese muragitahana.

Mwese mfite inyota. Niyo mpamvu mbaha umugisha kugira ngo mwururitse inyota.

Ntimukagendane ingingimira y’uko mutaronse kuko uwageze aho ndi wese icyo umwe atahanye n’undi wese aragitahana.

Bana banjye, iyo umuntu agiye kurya, arakaraba. Niyo mpamvu natwe dukarabye.



Hariho abana bishimira kurisha intoki, n'abandi bakarisha ibyo barisha.

VAL. : Murakoze

*Abakristu batera indirimbo: « Mariya Nyina w'Umwami » mu gihe Valentina we agenda atera amaazi y'umugisha, ariko aba na bamwe ubutumwa bwihariye.*

PADIRI BERTINI : Mwana wanjye, uzavugishe ukuri ku byo wabonye uri mu gihugu cyawe, ku byo wabonye ku ntumwa y'Umwana wanjye Segatashya. Mwana wanjye, yatumwe n'Umwana wanjye, twari kumwe, ibyo wabonye ntuzabizimize, ukuri ni ukuri, ukuri kuzatsinda.

NSENGIMANA CALLIXTE : Mwana wanjye, uri icyambu cy'abantu bose, uri icy'ababi n'abeza, abakurenganya, abagushyiraho imitwaro. Ntukibagirwe ko ukurikira inzira yanjye wese ahura n'ibigeragezo. Ujye uvuga uti : « Ndabyemeye ».

ALVERA : Mwana wanjye, ntukagire ubwoba. Ujye uhora wizeye kandi wumve ko byose bishoboka. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.  
Ujye usenga igihe cyose (... ?...).

AGNES NYIRANGONDO : Mwana wanjye, inzira y'ukuri ni yo nzira ikanga ababisha. Inzira y'ukuri ni yo ituma umwanzi agira ubwoba. Ntuzasubire inyuma kandi ntukababare. Ndi kumwe nawe kandi ukuri kuzatsinda.

CHARLES BARANYANKA : Mwana wanjye, warababaye kandi wagize ibigeragezo byinshi. Komeza ugire ubutwari nk'uko n'ubundi ubufite. Sinzagutererana ndi kumwe nawe. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.

Mushiki wa César: Mwana wanjye, uzavugishe ukuri ko Umubyeyi yagukijije.

GUY RICHARD IBAMBASI : Mwana wanjye, wumve ko Umubyeyi agukunda kubera ko wari wandujwe none ndagukijije. Wahoraga urwaye, ufite intege nkeya, witura hasi, none uje usenga, ushimire Imana.

DAPHROSE : Mwana wanjye, nagukirije umwana wawe n'icyo wari umutwayemo cyanduye ndacyuhagira na we ndamwuhagira. Ntugire ikibazo, nta kibazo.

FRANCOISE NIWEMWANA: Ujye uvugisha ukuri nk'uko uvugisha ukuri. Ntugatinye kubwira umuntu ikosa rye kandi ndi kumwe nawe. Nguhaye umugisha wa kibyezi kandi ubutwari uzabuhorane. N'urugendo utegura n'umwana nzagufasha aho uzajya kugira ngo utazahura n'ibibazo.

ASSUMPTA : Mwana wanjye, ntukagire ubwoba, mba ndi kumwe nawe. Cya gihe wari urwaye wahuye n'ibigeragezo. Igihe wari urembye, utumva, nari kumwe nawe. Sinzagutererana. Ukomeze ibisigaye.

DONATILLA :Mwana wanjye, n’ubwo ubabara, ujye wihangana kandi nzi ko ubishoboye.

Ujye ugerageza wihangane kandi usabe, uzahabwa.

ODETTE : Mwana wanjye, nk’uko uri intwari koko, jya uvugisha ukuri kuko uvugisha ukuri kandi wigishe n’abandi kugira urukundo rwo gukunda Imana ntacyo basize inyuma, ubigishe kubabarira, ubigishe kumva ubumuntu icyo ari cyo. Ndagushimiye, komereza aho.

*Mu gihe Valentina atanga umugisha, abakristu basimburanyaga indirimbo, bishimiye gutaramira Umubyeyi.*

*Dore izaririmbe: ibisiza n’imisozi, nzaririmba Rozari, Inyange za Mariya ntikumkababare, mu ngoro y’Imana haganje ibyiza, gumana natwe Nyina wa Jambo, Iyizire, iyizire, biso senzo, c’est mon corps, prenez, apprend-moi à dire oui.*

VAL. : Abantu b’iwanu nta kazi bagira ngo uzabangaje (engager) bajye bavomerera indabo zanyu ?

Indabyo zanyu ndazirangije. Hi ?

Ubu ndasanga abo twari kumwe bose bagiyeye.

Maman, hari abantu benshi bantumye barambwira ngo mbatumikire kandi bakifuzaga n’ibisubizo.

B.M. : Bana banjye, ibibazo byanyu mwese ndabizi. Abatumye bari hano ni mwivugire ndi bubumve kandi igisubizo muzagenda mukibona buhoro buhoro ni mugira ubushishozi, ni mugira ukwizera. N’abadahari kandi na bo n’uko, ibyo turonse na bo babironse.

Ibyo twahawe, na bo babihawe kuko ndi Umubyeyi udatoranya kandi ndi Umubyeyi ugira impuhwe. Koko imbere yanjye nta dini, ahubwo imbere yanjye ni urukundo.

VAL. : Hiii.

Ndabasaba imbaraga zo kwihangana, kwakira byose, ibibi n’ibyiza, kandi guhora buri gihe imiryango ifunguye, nakira umubi n’umwiza, nta we nsubije inyuma. Ndabasaba kujya imbere aho gusubira inyuma. Ndabasaba kugira ngo mumpe imbaraga zo gukorera icyo nzaba cyo. Ndagusaba kugira ngo abantu bose bari bateraniye muri paroisse Saint Roch, bese ubahe umugisha, ubasukurire imitima kandi ubongerere imbaraga kuko buri muntu wese agiye afite ikibazo ku giti cye, ubahe gutegura ubuzima bw’imbere bwiza, ubahe kurwanira guharanira gukorera ijuru, uduhe kujya imbere aho kugira ngo dusubire inyuma, uturinde abanzi n’abagome, uturinde cyane cyane abatwanduza.

Murakoze. Hiii.

B.M. : Bana banjye, mfite akazi kenshi, ariko umubyeyi ntabwo asezera kubana ahubwo abaha umugisha akababwirira ngo: « Ni aho mu kanya ».

VAL. : Hiii. None se ko umaze iminota itanu gusa, wakwigumiye hano ? Nugenda abantu b'iwacu simbakira.  
Hiii. Murakoze.

B.M. : Bana banjye, ndabakunda, bana banjye ndabakunda, ndabatashya kandi mbatumaho. Muharanire ukuri, muharanire urukundo.  
Sinzabe “Nyamwisiga ngo nisange”, ntimuzabe “babura mwaje”. Ndabibasabye.

VAL. : Ku izina ry’Imana Data .....  
Dawe uri mu ijuru ....  
Ndakuramutsa Mariya

*Atera indirimbo ikurikira :*

*R. Mariya mwiza mubikira, Mubyeyi wacu urakaramba*

- 1. Uri ka gakoni k’abakobwa, kamwe gatakara ntibatahe*
- 2. Uri ka gaseke k’imikindo, kamwe kabika ibanga ry’i bwami*
- 3. Uri cya Kivumu nyamabere, kimwe kibaritse ingoma eshanu*
- 4. Mariya mwiza Mubikira, iya gatandatu ikaba ishakwe*
- 5. Uri ka gakoni k’abakobwa kamwe gatakara ntibatahe*
- 6. Uri ya mazi y’urubogobogo amwe abembura abarembere.*
- 7. Mawe ivanyu si kure cyane, burya uwazindutse arabataba*

*R. Mariya mwiza Mubikira, Mubyeyi wacu urakaramba.*

Wirirwe Maman !!!

*Valentina yitura hasi, ibonekerwa rirangira rityo.*

*Abanditsi : Immaculée Nyiransabimana  
Candide Ntaramuka*

*Abafashe amajwi : Schola Uwizeye na  
Françoise Bonduelle  
Jean Claude Kayihura.*

## BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA

I BURUSELI MU BUBILIGI - TALIKI YA 15/05/2007.

### Intangiliro :

Ibonekerwa ryabereye mu Kiriziya yitiriwe Mutagatifu Roch, iri kuri Chaussée d'Anvers, 60 à 1000 Bruxelles nyuma y'igitambo cya misa cyatangiyeye saa ine za mu gitondo.

**VAL.:** Ndi hano Mubyeyi, ukoreshe ugushaka kwawe. Hii.

*Atera indirimbo:*

*R. Mubyeyi w'Imana Mariya we kandi uri n'uwacu  
Mariya mwiza wuzuye inema uri Umubyeyi wa Kiriziya.*

*1. Benshi batakuze, Mariya we, bibwira yuko utakomeje kuba umubikira  
No kuba Umubyeyi wa kiriziya.  
Ariko baribeshya, Mariya we, wakomeje kuza muri iyi si  
Kugira ngo natwe tukumenye kandi tukumenyeshe n'abandi.*

R.:

**B.M.:** Bana banjye, ndabaramukije. *Abakristu bakoma amashyi bavuzaga n'impundu.*

Bana banjye, nshimishijwe n'uko nabanye namwe mu gitambo cya Misa. Nshimishijwe n'imitima mwazanye yo kunyakira.

Bana banjye, yenda bamwe barebye isaha bumva ko nakererewe iminota makumyabiri, makumyabiri n'itanu. Iwacu nta masaha ahaba. Ariko igihe cyose nari ndi kumwe namwe.

Kuri uyu munsu mwazanye ibyishimo, kuri uyu munsu naje gusura no gutuma igikoresho cyanjye, mukaba mwaje mumuherekeje, ndabashimiye.

**VAL.:** Hi.

**B.M.:** Mutege amatwi mbanyuriremo iminota ibiri gusa ukuntu ubwa mbere naje musanga, ntanyakire. Muranyumve neza, ntabwo mvuga ko yanyirukanye kuko atari azi uwo ndi we. Naje kumureba no kumusura ari umwana muto cyane.

**VAL.:** Hi.

**B.M.:** Akenshi naje kumureba ngasanga asinziriye, nkamubyutsa, nkamutegeka kujya gusengera hanze hateye ubwoba kugira ngo ndebe ko abyemera.

**VAL.:** Hi.

**B.M.:** Akenshi namutegekaga no kurara hasi ku isima ariko rimwe na rimwe akabyita inzozi. Nagira ngo mbabwire ko umunsi wa mbere namwiyeretse ko icyo gihe cyose hamaze igihe kinini cyane atazi ibyo ari byo kugira ngo muteguze kumenyera no gushira ubwoba. Naje kumusura umunsi wa mbere yambonye afite imyaka icyenda.

Icyo gihe mu bindi bihe byahise ntabwo yari azi umuvugisha, ntiyari azi n'umubwira ngo asohoke kuko yabyitaga inzozi, ntatinye no kubivuga abantu bumva.

**VAL.:** Hi. Karame!

**B.M.:** Impamvu mbibasobanuriye ni uko bamwe muri hano n'abadahari bafite ibibazo byo kwibaza bati: « Ese uwo muntu yaje ate? », bati: « Ese uwo muntu agamije iki? Ese yabwiye n'iki ko ari We? ».

**VAL.:** Hii.

**B.M.:** Ku itariki 15/05/1982, yari muri kiriziya, Paruwasi ya Kibeho, ari mu misa n'abandi banyeshuri. Namuhamagaye inshuro eshanu zose atanyitaba. Ku nshuro ya gatandatu yanyitabye nk'umwana witaba mugenzi we bari hanze bakina cyangwa se umushumba uragiye inka. Yaravuze ngo: « Ni iki se? ». Mu kunyitaba, nta n'ubwo numva..., nta n'ubwo yabyakiriye cyangwa ngo anyitabe arebe n'umubwira kuko mu mutima we yari afite ko ababyeyi bamubujije kuvuga mu kiriziya no kureba ku ruhande. Yumvaga ko ari umwana uri ku ruhande rwe uri kumukubaganira cyangwa se ashaka ko basakuzanya mu kiriziya. Narongeye ndamuhamagara ngira nti: « Nyiramukiza mwana wanjye! ». Yanyitabye agira ati: « Mbwira ariko ndumva! ». Kubera ko nari njye nshaka kumutuma, nshaka kumugira igikoresho cyanjye, nshaka kumuha ibyo mwabonye, ibyo mubona n'ibyo mwumva, ntabwo nagiye aramubwiye nti:

« Zamura umutwe urebe hejuru, undebe nkubwire ». Aransubiza ati: « Ndi kukubona vuga ugende ndi mu misa ». Ariko icyo gihe mu by'ukuri nta n'ubwo yandebaga kuko yakomeje kubika umutwe. Kubera ko numvaga uwo munsi ngomba kumutuma, yageze aho arambaza ati: « Urambwira, uri nde? ». Ndongera ndamubwira nti: « Reba hejuru, umpange amaso, urambona kandi nkubwire uko nitwa ». We uko yambonye icyo gihe, namwiyeretse nk'umubyeyi ufite impuhwe nyinshi, nk'umubyeyi utetsha umwana kugira ngo atagira ubwoba akiruka cyangwa ntanyumve. Arongera ati: « Mbese ko mbona uri umugore mwiza, witwa nde? Mbere y'uko musubiza yarambwiye ati: « Numva abantu bavuga ko amashitani atera abantu. Ko amashitani abonekera abantu, nimba nawe uri shitani, Imana ikundinde. Ariko nimba uri umudamu mwiza nka Maman, umbwire uko witwa ». Arongera arambaza ati: « Witwa nde? Urashaka iki? ». Namusubije nishimye, musubiza musekera kuko nasanze afunguye amaso y'umutima, ndamusubiza nti: « Ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga

n'abanyabyaha b'isi yose kugira ngo bakizwe ». Icyo gihe ntabwo twamaranye umwanya munini nashakaga kumwibwira, nshaka kugira ngo mutume nubwo yari muto cyane. Ariko bana banjye, icyaje kuntangaza ni iki? Natangajwe nuko atahubutse. Ariko ikindi cyantangaje muri byose, muri icyo gihe twaganiraga, ntabwo yakurikiye misa. Maze musezeraho musaba kuvuga isengesho ryo kwicuza ibyaha, iryo gusabira abarwayi n'abatwanga. Arambwira ngo nta mwanzi agira, ngo kandi n'ayo masengesho ni menshi ntayazi.

Icyo gihe naramubwiye nti « Ntuzabivuge ». Ariko kuko nabonaga ari umwana kandi afite ubwoba, iryo banga yararibitse. Na none musezeraho ndamubwira nti: « Mwana wanjye, nguhaye umugisha wa kibyezi ».

**VAL.:** Hi

**B.M.:** Ubwo ntabwo byarangiyeye muri ako kanya kuko maze kumusezera, yasanze igihe cyo guhazwa bageze hagati benda kurangiza, agira ikibazo cyo guhazwa kuko yarangaye mu misa. Maze ndagaruka ndamubwira nti « Ntabwo warangaye, genda uhazwe ». Ati: « Oya ntabwo numvise ivanjiri kandi data yambwiye ko utumvise ivanjiri nta misa aba yumvise ». Ubwo yaragiye arahazwa, ariko amaze guhazwa, kubera ubwoba no gutinya abanyeshuri n'abarimu, ahita ataha yiruka ngo batamusanga mu nzira bakamubaza uwo bavuganaga kuko yavugaga cyane.

Bana banjye, umunsi wa mbere ku itariki 15/05/1982, ni uko byagenze. Umugisha namuhaye icyo gihe, ibyo namuhaye icyo gihe, nongeye kubimuha muri kano kanya.

Namwe kandi ndabibahaye bana banjye kuko nifuzaga ko...

*Abakristu bakoma amashyi.*

Namwe ndabibahaye bana banjye kuko nifuzaga ko muntumikira, kuko nifuzaga ko muhinduka, kuko nifuzaga ko muba intumwa z'ukuri.

*Amashyi menshi n'impundu mu byishimo!*

**VAL.:** *Atera indirimbo:*

R. *Mariya mwiza Mubikira, Mubyeyi wacu urakaramba*

1. *Uri ka gakoni k'abakobwa kamwe gatakara ntibatahe*

R.

2. *Uri ka gaseke k'imikindo kamwe kabika ibanga ry'i bwami*

R.

3. *Uri cya kivumu nyamabere kimwe cyibarutse ingoma eshanu*

R.

4. *Uri ya mazi y'urubogobogo amwe abembura abaremba Uri ya  
mazi y'urubogobogo amwe abembura inka zishoka*

R.

5. *Mawe iwanyu si kure cyane, burya uwazindutse arahataba.*

R

Karame

B.M. : Bana banjye, kuri uyu munsu naje kubasura, nkaza mbasanga, ndabashimiye ko mwankunguriye umuryango uri mu mitima yanyu. Ndabashimiye ko n'uwaje ashidikanya ariko umutima we umuretse agatambuka.

*Atera indirimbo itigeze yumwa mu mabonekera :*

*Nazindutse kare cyane*

*Nazindutse kare cyane, ngana Afurika*

*Nabasanze abatoni banjye*

*Narabahamagaye ndabatuma barantumikira, barantumikira*

*Nabasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise*

*Mfura zanjye, bana banjye, ndabakunda.*

*Mutege amatwi mbabwire uko nitwa by'ukuri*

*Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu, Yezu Kristu, Mwana wanjye.*

*Igibe nazindukaga mbasanga, sinamusize;*

*yari hafi yanjye, iburyo n'ibumoso, imbere yanjye n'inyuma yanjye.*

*N'ubu nguyu hano muri kumwe. (Amashyi menshi)*

*Bana banjye ndabakunda nkabakumbura,*

*n'ikimenyimenyi ndabasura nkabatumaho.*

*Mutege amatwi kandi munyumvise ukuri :*

*Ni nde wundi mwabonye waje abasanga,*

*abatetsha, abinginga, abasaba imbaza, ngo mumusabe ababe ?*

*Ndafite bana banjye, mfite byinshi byo kubaha,*

*mbahaye igikoresho cyanjye kuko ni we mbatumaho.*

*Ndamubaragije muramenye sinzabagaye. Ndababwira,*

*nkababwira nkomeje.*

*Igibe kirageze ngo musubize amaso inyuma murebe ukuri,*

*mumenye ubwenge kandi mukure.*

*Ndababwiye, ndababwiye kandi ndabasabye, ndabaragije bana banjye.*

*Ni igihango gikomere kuragizwa kuko ni inyiturano ikomeye.*

*Njyewe ku bwanjye bana banjye mbasabye urukundo gusa .*

*Reka mbabwire ikiruta byose, kiruta byose n'ikiruta ikindi*

*Ni ukubana, ni ugukunda no gukumbura.*

*Nzabwira mbatetsha, nzabwira mbasanga*

*Abari hano, abana banjye.*

*Ubu ndagiye gusura ku ivuko, bana banjye turi kumwe*

*Nabo barantetesha. Genda Kibebo uri igicumbi cy'umutima wacu.  
Abana nabyaye simwe gusa, si bariya, ntabwo ari bo gusa., ni benshi.  
Ntanga uko nshaka, ntanga uko mbizi n'uko mfite.  
Ndababaye inema z'urufaya bana banjye (amashyi menshi cyane)  
Imana yacu, Imana yanyu, ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga  
n'abanyabyaha b'isi yose ngo babinduke.  
Ndi Ikiraro mutambukiraho mugana ijuru iteka.  
Mbaragije Iyabaremye, mbabaye umutima wa kibyezi,  
sinzabatererana nimuhumure. Ni Iyabahanze.*

VAL. : Ubwo se urumva iyo ndirimbo nayifata ?  
Murakoze. Hii.

B.M. : Bana banjye, nababwiye ko kenshi ubutumwa bwanjye mbatumaho no mu ndirimbo buba burimo inyigisho zikomeye kuko nyigisha mfite icyo nshaka kubabwira.

VAL. : Murakoze

B.M. : Bana banjye, bamwe akenshi na kenshi muribaza muti : « Ese uwo muntu asa ate ? Yambaye iki ? Ese iyo umubona yifata ate ? ». Ibyo akenshi mwarabibajije, abandi murabitekereza, ndetse harimo n'abari hano mubitekereza na n'ubu.

VAL. : Hii. Hii. Ihi.

B.M. : Kugira ngo umwana ashobore kubasobanurira uko nsa, abasobanurire uko nambaye ! Imyambaro yo biroroshye ariko gusobanurira utabona ikintu ntabwo byoroshye. Naho umwenda umuntu amenya amabara yawo.

VAL. : Hi. Hi. Karame

B.M. : Reka...

VAL. : Hi ?

B.M. : Abasobanurire we uko ambona numve ko ariko ambona koko.

VAL. : Hi ? Ariko se Maman, urabona... uzi abantu bari bahari ? Buriya ejo bazaba bari kuvuga ibintu byose navuze !

Hii.... Karame.... Mbona uri mwiza cyane,

Kubera iki se uri kumbwira ngo ni mvuge uko nkubona kandi ndi kukureba ?

Hi... Mbona uri mwiza cyane, utari umwirabura utari n'umuzungu.

Hii, hii. Ariko uri mwiza cyane. Iwacu mu kinyarwanda baravuga ngo ni ibisusirane ! Hi, imvange ! (*Araseka*).

Ariko nanjye iyo mbareba nsanga koko ibyo ndi kubabwira ari byo kuko mbona muta... sinzi nimba ari ugutukura cyangwa se ari ukuba umuhondo, ariko mbona muri beza cyane, kandi ngashimishwa no kubabona muri mu rumuri rwaka cyane, mbona muri beza ntacyo nabagereranya !



Uri mwiza Mawe !

(*Amashyi menshi*)

Hii, hiii.

Eeh, nkubona wambaye, hi ? Ikanzu nziza cyane y'umweru, ihii, hii, ikanzu nziza cyane y'umweru n'umukandara w'ubururu, nkakubona wambaye igitambaro cyo mu mutwe cyera cyane nk'icy'ababikira b'iwacu bitaga abenebikira, usibye ko icyabo cyageraga hano (*yerekana munsu y'ibitugu*) ariko icyanyu kikaba kimanuka kugera hasi kandi mukandagiye... mbona muri mu ndabo nyinshi. Hi ? Hi ? Hii. Oya nuko biterwa... ntabwo mbizi ariko, ihii, amaboko abumbiye mu gituzza « byose byibumbiye muri Wowe » nk'uko wabinsobanuriye. Hi ? Ni uko nguko mbabona kandi ni ko nababonye ni nako umbajije mbimubwira. Ariko abenshi barambwira ngo ibiganza byanyu bimeze gutya (*ibiganza bibumbiye mu gituzza ariko intoki zireba imbere*). Nkababwira ko atariko bimeze ko biterwa ahari nuko hari abandi mwiyeretse bo bimeze gutyo. Ariko uko jye nababonye, nababonye bimeze gutya (*ibiganza bibumbiye mu gituzza n'intoki zireba akananwa*).

Hi ? Hii.

None se ibyo mbabwiye, abo mbibwira ndababeshya ? Ubwo muransobanurira kuko benshi mbabwira nkuko mbibona, nkuko mbabona, nuko mbazi.

B.M. : Bana banjye, yaragerageje. Kuko kumenya gutandukanya uko umuntu asa ntacyo umugereranya nacyo, ntabwo byoroshye. Ariko arabigerageza. Nanjye mbasobanuriye ni ko nababwira.

VAL. : Ahubwo muzanyigishe gushushanya, mbashushanye ! Hii. Ndabizi.

Muri beza cyane niyo nabashushanya sinabigeraho ariko ndabasaba kugira ngo muzampe, kugirango mumppe mbashushanye cyangwa se mbone nshushanyije ibijya kwegera n'ubwo byaba atari byo ariko nkabona bijya gusa. Byanshimisha, nta muntu nabibwira.

Hii, murakoze.

B.M. : Bana banjye, abari bafite ibibazo nizere ko mwabisobanuriweho neza kandi utazasobanukirwa, azabaze.

Bana banjye, ndabakunda niyo mpamvu nza kubasura. Ariko cyane cyane ndabasaba kugira ngo mujye musubira inyuma ku byo mwabwiye igihe cyahise, mwongere mubisubiremo kuko nzi neza ko mutabuze uburyo bwo kubisubiramo. Mwongere mubizirikane kuko nta gishya kirimo, kuko murumva bamwe mukabita aho mwabyumviye.

VAL. : Karame

B.M. : Bana banjye, igihe cyarageze cyo kuvugisha ukuri, ntimutinye kuvuga ibyo mwabonye byagirira abandi akamaro. ntimutinye kuvuga ibyababayeho byiza. Ndetse n'ibibi umuntu arabivuga mugenzi we akamufasha kubishakira umuti. Nyabuna ndabasabye mwiba babiri kandi muri umwe. Narabahaye, ndacyabaha.

Igihe musenga mujye musaba urumuri n'imbaraga, musabe kugirango mushishoze ibyo nababwiye mubisobanukirwe. Ni byinshi. Ariko mu magambo make ni bikeya kuko byose bijyana ku rukundo, kuko byose bijyana ku kwicisha bugufi, kuko byose bijyana ku mbabazi.

Bana banjye, muri kano kanya, uwumva aremerewe, uwumva afite ikibazo, uwumva umutima we umushinja ikibazo runaka adashaka kuvuga cyane, mbahaye akanya kugira ngo buri muntu wese ambwire icyo ashaka mu mutima we, ambwire icyo yumva, agisabire imbabazi kandi agikuye ku mutima kandi ajye yegera na mugenzi we bafite icyo bapfa, basabane imbabazi.

Bana banjye, mugire umutima ubabarira kandi woroshya, mujye mumenya kubika mu nda, ntimugasebanye kuko nshaka ko murangwa n'urukundo.

Imyaka ibaye myinshi....

Murakoze. Bana banjye, ni muruhuke.

VAL.: Urakoze Maman. Mama,

- Ndaguhereza abantu bose bifuzaga kuza hano batashoboye kuza.
- Ndaguhereza ndetse n'ababuza abandi kugera hano ngo bose ubababarire kandi n'abo ubahe umugisha.
- Ndaguhereza abanyanteye nkeya,
- Ndaguhereza imfungwa aho ziva zikagera ngo abazira ubusa ubarenganure, abazira ukuri na bo ubafashe kurangiza ibihano byabo,
- Ndaguhereza ibihugu by'isi yose,
- Ndaguhereza u Rwanda, u Burundi, Congo,
- Ndaguhereza iki gihugu turimo cy'u Bubiligi,
- Ndaguhereza icy'ubufransa n'ibindi byose bihegereye,
- Ndaguhereza abaturutse impande zose z'isi kuko ni benshi. Ngo noneho ubaramburireho ibiganza byawe, ubahe umugisha wa kibyeyi Mubyeyi, ndabigusabye. Kuko baje bakurangamiye kandi bishimye. Ndetse bakambwira bati udusuhurize Maman. Uri Umubyeyi koko. Hii.
- Ndaguhereza cyane cyane n'iki gihugu turimo cy'u Bubiligi ngo ugifashe kandi ugikomeze n'ibindi bihugu byose bituranye n'abandi b'impande zose kuko tuzi neza ko hose ubakunda kandi uba uhari kugira ngo ukomeze wiheshe ikuzo n'icyubahiro  
Mubyeyi,
- **Mubyeyi mwiza, ndaguhereza abantu bose bakuntumyeho :**
- Hari abagukunda, hari n'abatavuze kuko bavuze ko byose ubizi kandi ubibona kandi bagushimira kandi ko bagukunda.
- Hari abantumye barwaye ngo ubakoreho n'ikiganza cyawe cy'agakiza,
- Hari abafite abana barwaye indwara zaburiwe umuti,
- Hari ababyeyi barwaye baburiye umuti,

- Hari abantu benshi barwaye muri kino gihe, bakajya muri koma (comma) bakabura umwuka kuko tuzi ko uri umuganga ukomeye Wowe n'Umwana wawe ntakibananira, mubagenderere,
- Hari abarwaye indwara zitavurwa n'abaganga, zivurwa n'urukundo udukunda ngo abo bose na bo mubagenderere, mubafashe kandi mubakize kuko ari mwebwe muti,
- Hari abafite ababyeyi bafunzwe ngo nabo aho bari hose mubatahe ku mutima kandi mubafashe kwerekana ikiri ukuri,
- Turabahereza n'abandi bana b'imfubyi baba bonyine batagira kirengera ngo na bo mubafashe kandi mukomeze mubabere umubyeyi munabagorore mubashyire mu nzira nziza maze mubafashe gukura no gushimira ababarera,
- Turabahereza n'abandi batagira ababarera baba mu mpande zose ngo mubabere ababyeyi kandi mubafashe mubagenderere kuko abenshi biheba,
- Turabahereza cyane cyane, Mubyeyi, mbikuye ku mutima, Wowe n'Umwana wawe Yezu Kristu, ingo z'abashakanye kugira ngo muzigenderere, kugira ngo muzifashe, muzihe ubumwe, muzihe urukundo,
- Ndabasabye nanjye mbikuye ku mutima, mbinginga, ngasaba no kugira ngo mufashe abifuzaga gusezerana bese bafite umugambi wo kuza kubabwira ngo « ndabyemeye » mubanze mubatahe ku mutima bumve ko kwemera ikintu bitoroshye, mubafashe kugira ngo bagaruke muri icyo nzira bajye imbere yanyu maze bakorere mu kuri,
- Turabahereza n'abana bakiri batoya ngo na bo mubafashe gukura mu kwemera, mubafashe gukura mu bitekerezo kandi mubahe kunogera ababyeyi babo cyane cyane mukubumvira kugira ngo babaganishe mu nzira ya gikristu cyane cyane kugira ngo abana bateshutse, banywa ibiyobya bwenge, abandi bishwe n'inzoga, kugira ngo abo bese mubagenderere maze igihe bakoze kuri icyo kintu mubereke ikimenyetso kugira ngo na bo bagaruke mu nzira nziza,
- Ndaguhereza n'abafite ikibazo ku kazi, ari abafitanye ibibazo n'abo bakorana, ari abatotezwa n'abo bakorana, ari abagira ibibazo bibaturutseho, ngo ugenderere buri muntu wese mu kibazo cyose afitwe nkuko watubwiye ko ugusabye wese umwumva kandi ukamuha,
- Turaguhereza ndetse n'abafite ako kazi ngo ubahe ukwihangana kandi ubafashe ukurikije imibereho yabo, ubafashe kuronka kandi byose bijye bikorwa mu gushaka kwawe kuko akenshi icyo tumaze kukabona, twibagirwa aho kavuye,
- Cyane cyane ndaguhereza abana b'abanyeshuri, abari mu mashuri mato n'ayisumbuye ndetse n'ayayakurikiyeho bakora ibizami, bafite ubwoba ndetse n'ababikoze uyu munsu n'abazabikora ejo ndetse n'abirengagije bakaza kukwakira Mubyeyi ngo ugende ubafashe maze ejo uzabereke inzira n'abatashoboye kuza babirimo na bo muri kano kanya ubafashe ubahe koko, bumve ko uri Umubyeyi w'impuhwe, uri Umubyeyi w'abantu bese kandi ujye utwumvisha kugira ngo igihe koko bitubayeho tumenye kuza kukubwira ngo urakoze,

- Turakwereka abatagira impapuro kugira ngo nabo ubafashe, na bo ubakomeze ariko kandi urebe icyifuzo cyabo kuko ntibyoro shyeye,
- Abadafite aho baba n'icyo kurya na bo ubagenderere. Ndabagutuye bose Mubyeyi,
- Ndagutura abantu bose bari bari mu Kiriziya cya Saint Roch kugira ngo na bo ubagenderere bose uko bahari, ubashyiremo urukundo rwawe, ubahe impuhwe zawe, ubahe icyo ubona kibari ku mutima bifuzza kugusaba Mubyeyi kuko ni byinshi, ubumve baragutakambira, ubumve baragusaba, kandi baje bafite iyo mitwaro,
- Turaguhereza n'ababyeyi batotezwa kandi bazira ubusa. Kugira ngo urebe kuko bimaze kuba byinshi umuntu ntashobore kwihangana, ntashobore kubona inzira y'iyaho yaca n'icyo yakora kugira ngo abe ari wowe ushaka iyo nzira kandi werekane ukuri. Ibyo byose turabigusaba mu rukundo Mubyeyi, mu ntege nkeya zacu, mu bubu bwacu, ariko kuko tuzi neza ko utwumva, kuko tuzi neza ko ufite byinshi byo kuduha, ndabiguhereje kandi turagushimiye,
- Ndaguhereza n'abataje bose babuze uko baza ngo icyo turi bubone hano na bo ukibahe. Abasize abarwayi mu bitaro, ubagenderere, ubakoreho, ubakirishe ikiganza cyawe cy'agakiza, wowe n'Umwana wawe Yezu Kristu,
- Ndaguhereza abari i Kibeho mu Rwanda ngo muri kano kanya tuvugana nawe na bo ubavugishye, na bo ubagenderere, na bo ubabwire, kuko bababaye,
- Ndaguhereza n'umwana wawe wakundaga kujyana abantu benshi i Kibeho, akagenda ashakisha inzira baca, ubu uri mu bitaro, kugira ngo na we umugenderere, maze umufashe, umuhe kwihangana, umuhe kwakira, umuhe no kubabarira, umuhe no kubabarirwa. Kugira ngo akomeze abane nawe muri kano kanya kandi umuhe icyo ubona akwiye. Murakoze Mubyeyi.

Hii. Hiii. Hi. Urakoze. Hii. Karame. Ihii. Karame

- Ndaguhereza abihaye Imana b'ingeri zose, abapadiri, ababikira, abafurere n'abarayiki kugira ngo abo bose bemeye, biyemeje, bashaka kugukorera, ubashyire mu gishura cyanyu kibakomeze, kibavugurura, kandi mubahe kubatunganyiriza koko,
- Ndabahereza Kiriziya z'isi yose n'abayobozi bayo, bazo, ndabahereza n'umu Papa wacu kugira ngo mukomeze mwiyo borere Kiriziya, mukomeze mudufashe, mugwize abaseminariste bajya kwiha Imana, mugwize abanovisiya bajya kwiha Imana kugira ngo dukomeze tubakorere kandi tubatunganyirize.

Hii.

*Atera indirimbo :*

*R. Dusingize Umubyeyi wacu Mariya  
Watorewe kubyara Jambo*

*Tumushime tunamurate, arakabaho, arakarama*

1. *Ni Wowe wibyaraye Jambo  
Wamubyaraye i Beterehemu Nibyo  
waje kutwigishiriza i Kibeho mu  
ishuri ryawe*

R.

2. *Abibaye Imana bese  
Abafurere n'ababikira  
Batagufite bashobora iki  
Ni Wowe bakesha ubutwari*

R.

Hii.  
Murakoze.

Indabo zanyu ni nyinshi cyane. Iwacu dutera kamwe kamweee.

Hii. Ariko zose ni nziza, mushatse mwazihorera kuko iwanyu se hari izuba rihagera ? Hi ? Hii. Murakoze.

B.M. : Bana banjye, uyu munsu, ndabasabye : ngo iyi myaka yose ntizadupfira ubusa. Ngo iyi myaka yose sinzabe « Nyamwisiga ngo nisange ». Mbibasubiriramo kenshi kuko hari benshi bazaga tugataramana, bahinduye, bahindutse, baba mu bindi bintu, kugira ngo mutazibagirwa igihango.

Mbasabye gusenga mubikuye ku  
mutima, mbasabye kubabarira,  
mbasabye gusaba imbabazi,  
mbasabye n'ubwicishe  
bugufi.

Mbasabye kugenda mukicara mugatekereza, mukibuka ibyo twaganiriye n'ibyo twavuganye, mukibuka ibyo nabahaye n'ibyo mwampaye maze ukuri mukagushyira imbere, maze kugatsinda ubwikuze, kugatsinda ubwibone, ahubwo tugashyira imbere icy'ukuri kuko ukuri guca mu ziko ntigushya...*(asubiramo kuko unwasemuraga yari yibagize gusemura iyo nteruro)* « Ukuri guca mu ziko ntigushya ».

VAL. : Hii. Oya.

Bayiririmbye bari kujya i Lourdes. Nuko nayumvise gusa ariko ntabwo nyizi neza.

Hii. Oya.

Atera indirimbo

R. Turarinzwe bana b'Imana, turarinzwe ntimugire ubwoba

Na Mariya azadutabara we , turarinzwe.

## 1. Umubyeyi yaratubwiye

Ntabwo nyizi, ntabwo nyizi mu mutwe.

Oya barayihimbye nuko turayibyina, ntabwo nyizi.

R. *Turarinzwe bana b'Imana*  
*Turarinzwe ntimugire ubwoba*  
*Na Mariya azadutabara we, turarinzwe*  
  
*Buruseli ntimugire ubwoba*

Niko bayirimbaga ariko ntabwo nzi ibitero mu mutwe. Hi?  
Bayihimbye turi kujya i Lourdes, ntabwo nzi uwayihimbye.

2. *Nje mbasanga kandi mbakumbuye*  
*Njye mbatumaho iminsi yose*  
*Bana banjye munyubahirize, turarinzwe*

R.

3. *Nje mbasanga kandi mbakumbuye*  
*Njye mbatumaho iminsi yose*  
*Bana banjye munyubahirize, turarinzwe*

R. *Turarinzwe bana b'Imana, turarinzwe ntimugire ubwoba*  
*Na Mariya azatuba hafi we turarinzwe*

Karame  
Ntabwo nyizi mu mutwe  
Iyo ndi kubisoma ndabimenya  
Hi ?

*Agana aho Callixte yari abagaze maze aravuga ati : « uwayihimbye ni uyu nguyu....*

B.M. : Mwana wanjye, mwana wanjye, ndirimbira.

*(Ubwo Val. yegeraye Callixte NSENGIMANA, aramubagurutsa maze abakristu bakoma amashyi, nabo Callixte yegera imbere, afata micro, atangira gutera iyo ndirimbo, abayizi bose baramufasha).*

Callixte: R. : *Turarinzwe bana b'Imana, turarinzwe ntimugire ubwoba*  
*Na Mariya azadutabara we, turarinzwe*

1. *Umubyeyi yaratubwiye, AVE icumi ni muzivuge*  
*Icumi zindi nza zibavugira, turarinzwe*

2. Njye mbasanga kandi mbakumbuye ; njye mbatumaho iminsi yose  
Bana banjye munyubahirize, turarinzwe
3. (U)munyabyaha mwe niko mwanjye, siko bimeze, sinabyigeze  
Bana banjye mwe nimugaruke, turarinzwe
4. Nyise ingoro yanjye iyo Kibeho, mwe musinzira dore abashashe  
Abarembye babonye uburiri, turarinzwe
5. Mu gusenga ntimugire ubwoba, mu Kirizya niho heza Na  
Mariya azatuba hafi we, turarinzwe
6. Mushire ubwoba ndabatabara, shira impumu kuko tugendana  
Nibizaza njye nzabibakiza, turarinzwe
7. Ishuri ryanjye ndaribagije, mwe babyeyi rwose ndabasabye Genda  
Kibeho warahirwe, turarinzwe
8. I Kibeho ntimugire ubwoba, i Buruseri ni mumwamamaze  
Umubyeyi azabaha imbaraga, turarinzwe
9. Abari aba ntimugire ubwoba, abari iyo ni mushishoze Na Mariya  
azabamurikira, turarinzwe
10. Ngabo zanjye ntimukinube, ku rugamba nzabatabara Indi minsi  
nzabatonesha we, turarinzwe
11. Ni mwibuke ukuntu adukunda, yatubariye Umutabazi Ni We  
Imana ku bantu bose we, turarinzwe
12. No mu byago ni we utuba hafi, mu byishimo sinakubwira  
Nkugirente ngabo ya Mariya, turarinzwe
13. Ukuri ntabwo gubishirwa, na Mariya yarabitubwiye Ukuri  
nzakwiyerekanira, turarinzwe
14. Nimusenge kandi mushishoze, musengane umutima ukunda Bana  
banjye mubabarirane, turarinzwe
15. Ugukunda ntabwo agutoteza, uwo ukunda uramwitangira No mu  
byago mukabifatanya, turarinzwe

*Valentine aririmba inyikirizo n'ijwi riri hejuru cyane !*

VAL. : Hi. Hi.

*Turarinzwe bana b'Imana, turarinzwe ntimugire ubwoba  
Na Mariya azadutabara we, turarinzwe.*



Hi. Njyewe ntabwo nyizi neza. Ikijwi cyanjye ni kinini. Hi. Hii.  
Murakoze.

B.M. : Bana banjye, ndabashimiye. Impamvu mbibasabye nuko irimo byinshi nababwiye.

Nuko kandi nashimishijwe n'icyo gitekerezo. N'uwakigize muhaye umugisha.

Ndagushimiye kuko ngusabye, mwana wanjye, ukampa. (*ibi bibwive Callixte NSENGIMANA umaze kuririmba Bikira Mariya abimusabye, kandi akaba ari na we wabimbye iyi ndirimbo bagye muri pèlerinage i Lourdes muri 2006*).

VAL. : Hii.

*Atera indirimbo :*

R. *Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa  
Imana yari igufite mu bitekerezo byayo*

*Sugi yasamanywe isuku, simbi ry'umuryango wacu  
Mwamikazi wa Afurika, uradu .... (mu ijwi nta magambo)*

*Humvikana irindi jwi ridasanze rizwi*

1. *Kuva aho isi igera hose, mu moko menshi y'abantu,  
baririmba Imakulata, Nive Mariya Umubyeyi*

R. *Humvikana ijwi rindi na none ritari rizwi*

2. *Mucyo uturuka kwa Yowakimi, kaze rebero ry'abeza  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi, uruta abamikazi bose*

R. *Hagaruka ijwi risanzwe rizwi*

Murakoze.

B.M. : Bana banjye, ni kenshi nkunda kuvuga nti : « Nimuvugishe ukuri ». Ni uko kuri nshaka, kuko igihe cyageze kandi nifuza ko muri uko kuri hazaboneka ukuri koko kuko nta we uhisha ukuri.

Bana banjye, harimwo bamwe bakeka kandi barambiwe ko nabasuye igihe kirekire ngo kubera ko muri icyo gihe kirekire, iyo bitinze aba atari Bikira Mariya. Hashobora kuza n'undi muntu.

Mwibuke neza igihe nari i Kibeho mu Rwanda iwacu, narababwiye nti : « Hagowe uzatera ibuye aho najishe igisabo ». Ndongera ndababwira nti : « Uyu nguyu ni bucura bwanjye ». Aho mwarahibagiwe. Igihe nagennye ntikiragera.

Bana banjye, munyumve neza : si ukuvuga ko igihe cyose mwiyeretse cyangwa se igihe cyose nshaka kumutuma ko nza ari uko muhari gusa. Nshobora no kumutuma ikindi gihe cyose nshakiye, nshobora no kumutuma n'ahandi,



nshobora no kumujyana n'ahandi ariko icyo nzi cyo ni uko nta muntu n'umwe uzi umunsi nagennye, nta nuzi isaha. Hashobora kuba ejo cyangwa ejo bundi ariko ntimuzampimbire nta munsi nashyizeho. Ni ukuvuga ko kumva ko byamaze gihe kinini ni uko icyo nshaka ntarakibona.

VAL. : Murakoze. Hii.

Ndaguhereza urubyiruko rwose ruri  
hano Ndaguhereza abangavu  
Ndaguhereza abasore n'inkumi  
Ndaguhereza abakuze, ababyeyi bacu  
Ndaguhereza na barumuna bacu, basaza  
bacu

Ndaguhereza n'abana bato bose, urubyiruko rwose ruri impande zose z'isi bagukikiza, bakubyinira Mubyeyi, bakuririmbira se cyangwa baza imbere ya Altari y'Umwana wawe.

Nkaguhereza abagiye i Kibeho n'amaguru.

Nkaguhereza by'umwihariko abaje kukwakira kuri Saint Roch kugira ngo ubatahe ku mutima maze ejo nibagera mu ishuri uzabahe gusobanukirwa, ubahe kumva ndetse ubereke ko bari kumwe nawe koko maze ibyishimo bajye bahora buri gihe bagutegereje, bahore buri gihe bafite inyota, inyota yo kugusanga kandi ubafashe kugira ngo ubavugurure kuri roho no ku mubiri, bajye bashobora buri munsi, buri cyumweru, biruka baza kuramya Umwana wawe Yezu Kristu, baza kubataramira nkuko baje uyu munsi. Ibyo byose ndabiguhereje. Hii.

Ndaguhereza abantu bose baje muri Saint Roch barwaye, ari abarwaye indwara z'umubiri, ari abarwaye iza roho, ari abarwaye indwara z'ubundi bwoko twe tutazi, cyangwa abaganga batabona cyangwa twe tutazi uko turwaye kugira ngo wongere ubatahe ku mutima maze ukore aharwaye, uboroherenze, ubakize kandi n'udakize umuhe kwihangana. Hii.

Ndaguhereza n'abari i Kibeho, n'abari i Lourdes, n'abari ahandi hose wigaragarije ndetse n'aho utigaragarije ngo ubakirishe urukundo rwawe, ubuhagize urukundo rwawe kandi ubafashe bose nta we usubije inyuma kuko tuzi neza ko twese turi abana bawe Mubyeyi.

B.M. : Bana banjye, mbasabye guhaguruka, buri muntu akabwira umwegereye ko bose ari abana b'Imana : « Twese turi abana b'Imana ». (*Abakristu barahaguruka, bahana amboro bavuga bati : turi abana b'Imana*)  
Murakoze. Murakoze.

VAL. : Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, ukwiyoroshya no kwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kubabara no kubabarirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere yawe n'imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, kumva ko ngomba kubabara kugira ngo mfashe Yezu gukiza isi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana ni isingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana urukundo, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, umpe kuwutangana ubusabane, umpe kuwutangana ukumvira, umpe kuwutanga nkubwira ngo ndabyemeye, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Nyagasani ubu turi mu biganza byawe, uturekuye, twagwa.  
Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, Amina.

Ariko Maman, akazi k'iwanyu kararushya. Hi ?

Oya ntabwo ari ukwinuba, ariko indabo z'iwanyu ziba zicucitsee kandi zisa na neza. Naho iz'iwacu rero tuzivomera kubera ko ziba zarumye. Hii. Ariko iyo umuntu agiye gukora aho indabo ziri, arabanza akarya, akanywa agahaga, kugira ngo akore akazi neza. , Hii.

Ndanywa duke cyane. *Anywa amazi.*

Hii. Murakoze kunyibutsa. (akora ikimenyetso cy'umusaraba).

Kugira ngo bazajye bagira ngo ndi igisambo ? Murakoze. Hii. Tugende.

Arongera aranywa

Gira vuba kugira ngo abo twasize tudasanga bagiye. Hi ? Bagira amahane nasanga bansize. Hi. Bashobora kugeraho bagafunga ngasigara nnyenyine !

B.M. : Bana banjye, nongeye kubasobanurira ko kunywera ku kiganza ari ikimenyetso cy'ubwicishe bugufi nk'uko na Yezu yicishije bugufi bakamwuhira ibisharira. Ariko mwebwe ntibisharira kuko ikiganza cyanjye ari agakiza kandi ikiganza cy'Umubyeyi gihora gihereza umwana kiba ari cyiza.

## **UBUTUMWA BW'UMWIHARIKO**

*Umugabo wari wazanye umubyeyi we wari urwage cyane (paralysé) :*

« Mwana wanjye, uzakomeze urwane ubutwari bw'umubyeyi wawe kuko ntibyoroshye ariko uramenye ntuzamutererane ».

*Théodosie uba mu Busuwisi : amaze kumukanda mu bitugu no mu gituzza, amunywesha amazi kw'icupa yavanagamo amazi y'umugisha, arongera amukanda amavi n'ibirenge, arongera amuha amazi ku rushyi amwoza mu maso, maze aramubwira ati :*

« Mwana wanjye, warababaye. Ariko cya gihe utahagurukaga, cya gihe wababaraga

wari kumwe nanjye. Nkuko waje unsanga mwana wanjye, ndakwakiriye. Nta na rimwe nzagutererana ».

*Léoncie Kantamagè, umwe mu bagiyè bwa mbere mu mabonekera y' i Kibeho :*

« Mwana wanjye ujye uvugisha ukuri ...kandi ibyo wabonye, ibyo wabwiwe, ibyo wiboneye n'amaso yawe kandi nzakuba hafi igihe cyose. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro ».

*Mgr Oscar Bimwenyi (de Lwebo).*

Mwana wanjye, nguhaye umugisha wa kibyezi. Uzakomeze unkorere kandi ukomeze ukore umurimo wiyemeje wo gutumikira umwana wanjye kandi sinzagutererana.

*Padiri ... wo muri Burkina Faso :*

Mwana wanjye, inzira wahisemo yo kurera umwana wanjye ndagusaba kugira ngo muri kano kanya usabe icyo ushaka kandi nzakongerera imbaraga kuko ndi umubyezi.

*Padiri Agustin wari uyoboye abakristu bavuye i Barcelone muri Espagne : amaze kumuha amazi ku kiganza inshuro eshatu, yamubonye mu mutwe, amukandiyari agahere afite ku rubanga, maze aramubwira ati :*

« Mwana wanjye, nguhaye umugisha wa kibyezi. Ukomeze utere imbere nzagushyigikira, nzakongerera imbaraga kandi ujye usaba uzahabwa. N'ibyo uzahura na byo ujye wihangana ».

Message à X...

« Mwana wanjye, ndagukunda nk'uko unkunda. Uzakomeze urwane ubutwari bw'urukundo kandi ufashye abakene kandi uzansabe uzahabwa ».

Message à X...

« Mwana wanjye uburwayi bwawe ndabuzi ».

*Kayihura, Jean Claude :*

« Mwana wanjye ndagushimiye ».

Message à X ...

« Mwana wanjye ndagushimira ubwitange wagize bwo kunkorera. Mwana wanjye ndagushimira ubwitange, urukundo utahwemye kungaragariza wamamaza ubutumwa, wamamaza ububabare bwanjye butagatifu, wamamaza ugushaka kwanjye, nzakuba hafi igihe cyose ».

Padiri Kisita umwe mu bapadiri basomye misa.

« Mwana wanjye, nkuko wahisemo inzira yo kunkorera, uzansabe imbaraga nzaziguha kandi uzakomere ukorere Umwana wanjye uko wabisezeranye ».

VAL. : Indabo zose ndazirangije ariko umurima wanyu ni munini cyane. Nahagiye, inyota yanyishe n'inzara yanyishe. Hii.

B.M. : Bana banjye, mbahaye urukundo rwanjye nkuko narubahaye kera none muri kano kanya mfite akazi kenshi, mfite n'abana benshi. Ubu rero ngiye kugira ngo mfashye abo mfasha, abamfasha n'abamfashisha. Mbahaye umugisha wa kibyezi.

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,

Babyeyi ndabasaba kugira ngo mufashe abana, mujye musengera hamwe mu rugo, kuko ari byo bihuza abana n’ababyeyi kandi bikubaka umuryango. Ndabibasabye nk’uko namwe mwansaba, nkuko namwe muzansaba nkabaha.

Ndasaba urubwiruko kujya bumva ko umwana wanjye Yezu Kristu abategereza buri cyumweru, rimwe gusa, kuza kumusingiza, kuza kumushimira, kuko yishima ataramanye n’urubwiruko.

VAL. : Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,  
Amina. Dawe uri mu ijuru ...  
Turakuramutsa Mariya  
.... Ndakuramutsa  
Mariya ....

B.M. : Bana banjye, mbifurije urugendo rwiza. Mugere mu rugo amahoro, musange amahoro kandi mujyane ayandi.

VAL. : Niyubahwe Imana Data  
..... N yubahwe Imana  
Data ....  
Bikira Mariya utasamanywe icyaha  
.... Bikira Mariya utasamanywe  
icyaha .... Bikira Mariya  
utasamanywe icyaha....  
Wirirwe Maman !  
Ku izina ry’Imana Dana, na Mwana, na Roho Mutagatifu, amina.

*Valentina yitura basi, ibonekera rirangira rityo.*

*Abanditsi :Immaculée Nyiransabimana  
Candide Ntaramuka*

*Abafashe amajwi : Schola Uwizeye na  
Françoise Bonduelle  
Jean Claude Kayibura.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**  
**KU ITARIKI YA 15/O5/2008 MURI KIRIZIYA YA « SAINT ROCH »**  
**CHAUSSÉE D'ANVERS N° 60 – 1000 BRUXELLES.**

**Intangiriro :**

Uko bisanzwe bigenda kuri iyo tariki mu Bubiligi, kuva ubwo twateteshejwe twemererwa gusurwa n'Umubyeyi muri Kiriziya ya Saint Roch, iteka mu gitondo kare kare, isaha mbiri n'igice, abakristu baturutse hirya no hino, babukereye gusanganira Uturutira abacu, Umubyeyi utubyara, batangira kuvuga ishapure iterwa mu ndimi nyinshi (hakurikijwe abari aho bashobora gutera mu rurimi rwabo). Saa tatu n'igice urubyiruko rwanyujijeho akarwo, dore ko basabwe kuzahora bagaragara ngo ntibazabure na rimwe kuri uwo munsu.

Batetera Umubyeyi, baramuririmbirira, bamushikiriza amaturo bamuzaniye.

Saa yine n'iminota cumi n'itanu, igitambo cya misa giturwa n'abasaserdoti bane, bizihwe, bakeye.

Nuko misa irangiye, indirimbo zirakomeza, kugeza ubwo Valentine avuye mu mwanya, akajya gupfukama imbere, asenga muri bucece. Abakristu bose bari aho, bifatanyaga na we, bose barapfukama, bategereza Umubyeyi bicishije bugufi, nta wukoma, kugeza ubwo Valentine ahindukiye nk'umurabyo yerekeza amaso ku bakristu, bigaragara ko ahanze amaso umuhamagaye, ati:

VAL.: Ndi hano Mubyeyi, unkoresha ugushaka kwawe.

*Atera indirimbo :*

R. Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x)

Karame

Ndi hano, unkoresha ugushaka kwawe

*Arabaguruka, maze n'abakristu babona gubaguruka, baricara, batega amatwi*

*Atera indi ndirimbo :*

R. : Mariya mwiza Mubikira, Mubyeyi wacu urakaramba

1. Uri ka gakoni k'abakobwa, kamwe gatakara ntibatahe. R.

2. Uri ka gaseke k'imikindo, kamwe kabika ibanga ry'i bwami. R.
3. Uri cya Kivumu nyamabere, kimwe cyibarutse ingoma eshanu Mariya mwiza Mubikira, iya gatandatu ikaba ishakwe. R.
4. Uri ya mazi y'urubogobogo, amwe ahembura abarembere. R.
5. Uri inyenyeri y'inyogaruzi, imwe yogezaga inka zishoka. R.
6. Mawe iwanyu si kure cyane, burya uwazindutse arahataha. R.

**VAL. :** Mubyeyi mwiza, mbanje kugusaba imbabazi z'ibicumuro byanjye, imbabazi z'ibicumuro by'ab'isi yose, kubera ko tudakwiye kukwakira n'ibyo tukubabazamo, ariko kuko udukunda, turagusaba ngo Mubyeyi urambure ibiganza byawe, utugirire imbabazi n'ubuntu bwinshi. Hii. Murakoze.

Mubyeyi mwiza wowe udukunda kurusha uko twikunda, wowe unatuzi kurusha uko twiyizi, turagushimira ko wirengagiza ububi bwacu, ukemera kudusanga. Hii.

Ndaguhereza n'abo twari kumwe mu misa, kugirango na bo ubagenderere muri kano kanya, ubababarire ibyaha byabo, ubababarire ibyo bakubabazamo byose kandi ntiwite ku bubu bwabo cyangwa se ku magorwa yabo, ahubwo wite ku rukundo no kuba bazindutse, Mubyeyi, ngo baze kukwakira kuko bari bishimye kandi ari benshi cyane.

**B.M. :** Bana banjye, iyo umwana asanga umubyeyi, arabanza agashira impumu, iyo umwana asanga umubyeyi, arabanza akamubwira ati « Mawe ndaje ». Ni muhaguruke bana banjye, mumbwire ngo « Ndaje Mawe ».

**VAL. :** Ariko se Maman, n'abantu b'iwanyu baza kubakira nk'uko ab'iwacu baza ? Hii. Hii. Hii. Twaragerageje, biratunanira. Hii.

Nanjye ntabwo ndayifata neza.

**B.M. :** Murakoze bana banjye, nanjye naje kubasura.

**VAL.:** Hi ? Ntabwo nayifashe, irakomeye. Ni iy'abantu bazi kuririmba n'amanota y'abazungu. Hii.

Atera indirimbo yumviswe bwa mbere mu ibonekerwa ry'umwaka ushize (2007) ubwo Valentine yizihizaga isabukuru y'imyaka makumyabiri n'itanu amaze abonekerwa.

Nazindutse kare cyane. Nazindutse kare cyane,  
Nazindutse kare cyane, ngana Afurika.

Nahasanze abatoni banjye

Narabahamagaye, ndabatuma, barantumikira, barantumikira

Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye

Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise

Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda.

Mutege amatwi, mbabwire uko nitwa by'ukuri  
Ndi Nyina w'Umucunguzi, n'Umukiza wanyu Yezu Kristu, Umwana  
wanjye.

**B.M. :** Bana banjye, nishima iyo mwazindutse mugasiga imirimo yanyu mukaza  
kunyakira. Binshimisha iyo nje mbasanga.

**VAL. :** Hii.

**B.M. :** Bana banjye, turirimbane.

**VAL. :** Ngaho vuga twumve.

**B.M. :** *Bikira Mariya yigisha abakristu bari abo kuririmba, agenda abasubirishamo :*  
Nazindutse kare cyane.  
Nazindutse kare cyane ngana Afurika  
Na... nazindutse kare cyane  
Nazindutse kare cyane, cyane, cyane, ngana Afurika

**VAL. :** Ariko bakwishima bumvise ijwi ryawe ukuntu uririmba neza.  
Oya. Kubera ko ijwi ryanjye ryagiye, ntabwo riri kuvuga nk'iryanyu. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, ntabwo nanze, ahubwo n'uko dufatanyaga kandi uwo nabahaye,  
nabatumye agomba gutumika. Ariko ndi kumwe namwe.

**VAL. :** Na... na... nazi ... nabyibagiwe.

Nazindutse kare cyane  
Nazindutse kare cya ... Na... nazindutse kare, cya... cyane, ngana  
Afurika

Ha, ntabwo byoroshye. Hi ?

Nazindutse kare cyane  
Nazindutse kare cyane ngana Afurika  
Nahasanze abatoni banjye  
Nahasanze abatoni banjye

**B.M. :** Murakoze bana banjye.

**VAL. :** Karame.  
Nazindutse kare cyane,  
Nazindutse kare cyane, ngana Afurika  
Nahasanze abatoni banjye. Narabahamagaye, ndabatuma  
Barantumikira, barantumikira

Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise.  
Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda.  
Mutege amatwi, mbabwire uko nitwa by'ukuri  
Ndi Nyina w'Umucunguzi, n'Umukiza wanyu Yezu Kristu, Umwana  
wanjye.  
Igihe nazindukaga mbasanga, sinamusize. Yari hafi yanjye : iburyo  
n'ibumoso, imbere yanjye n'inyuma yanjye. N'ubu nguyu hano turi kumwe.

*Abakristu bakoma mu mashyi bishimye cyane, bavuzza n'impundu.*

Bana banjye, ndabakunda, nkabakumbura, n'ikimenyimenyi ndabasura,  
nkabatumaho. Mutege amatwi kandi munyumvishe ukuri : Ni nde wundi  
mwabonye, waje abasanga, abatetesha, abinginga, abasaba imbabazi ? Ngo  
mumusabe abahe ?

Ndafite bana banjye, mfite byinshi byo kubaha : mbahaye igikoresho  
cyanjye kuko ni we mbatumaho. Ndamubaragije, muramenye,  
sinzabagaye.

Ahandi ntabwo mpibuka.

**B.M. :** Bana banjye, binshimisha kubabwira muri iyi ndirimbo nigishije umwana wanjye,  
harimo amagambo menshi. Nutarayifata azayisome, ayisesengure yumve  
amagambo arimo : ni urukundo gusa !

**VAL :** Hii. Murakoze.

*Atera indirimbo :*

R. Imbere y'imana niho uhagaze, usabira isi ngo igire amahoro  
Mubyeyi wabyaye Imana urakuzwa,  
Nanjye nzajya ndata ubuntu ugira, umbereye ingabo (2x)

Mariya Mubyeyi utigeze uhinyuka

Hindura imiti...

Mariya Mubyeyi utigeze uhinyuka, hindura imitima y'urubyiruko

Rwizihire Imana mu byo rukora

Muhire watowe na Rurema, umbereye ingabo (2x)

R. (*Val. Yagendaga anyuzamo agaceceka, ntaririmbe*).

Nagirango numve ijwi ryanyu. Hashize nk'imyaka icumi iyo ndirimbo  
ntayumva. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, muri iki cyumweru cya Pentekosti, ni mworoshye imitima  
yanyu kugirango Roho Mutagatifu yinjire, Roho Mutagatifu abakoreshe,  
Roho Mutagatifu abayobore, Roho Mutagatifu akande aharwaye, Roho  
Mutagatifu amare inyota abayifite kandi ahoze abababaye.

**VAL. :** Hiii. Hii..



B.M. : Bana banjye, nza kenshi kubasura. Ntimuzandambirwe kuko ikinzanye n'icyanzanye ntarakigeraho. Kuko nshaka ko muba bashya, kuko nshaka ko mutazasigara nk'impfubyi, ahubwo ko nshaka ko igihe nikigera nzagenda mbasize nk'umubyeyi usize abana bakuze kandi bazamuzanira imbuto zirumbutse.

VAL. : Hii. Karame

B.M. : Bana banjye, namye mbabwira nti « Sinzabe Nyamwisiga ngo nisange, namwe ntimuzabe baburamwaje ».

Muramenye ntimukazindurwe n'ubusa. Muramenye ntimukazinduke kugirango nimugera aho mugera munyongerere.

Uzajya ananirwa gusubira mu cyo navuze, ajye yicecekerera, yegere uwumvise bungurane ibitekerezo. Kuko nzagaruka nkagusobanuzi. Murarambirwa ariko njye simbarambirwa kuko umubyeyi ntarambirwa abana. Ahubwo bituma agira inyota yo kubasanga. Ndabakunda, ndabakunda.

*Abakristu bakoma amashyi bishimye cyane.*

VAL. : Karame

B.M. : Muranyumve neza bana banjye, simbacyurira, simbakomeretsa ahubwo ugira Imana abona umuhana kandi ugira Imana abona umugira inama.

Igihe kirageze kugirango buri muntu wese ajye yisuganya avomerere roho ye ifite inyota, agaburire roho ye ifite inzara. Mujye muhora mwiteguye.

VAL. : Karame

B.M. : Muzibaza ko kenshi ntagishya mbabwira, nuko n'igishaje ntarabona cyera imbuto koko nshaka. Kandi nta gishya muzabona kitanditse mu gitabo gitagatifu. Mba mbasubiriramo kugirango nabatagisoma icyo gitabo bafate mu mutwe, bashyire kuri roho aho kugirango roho yicwe n'isari.

VAL. : Isari ni igiki ?

B.M. : Ni inzara.

Bana banjye, mukanya kashize, intumwa y'Imana yababwiye ngo : « buri muntu navuge mu rurimi rwe, asingize Imana, ayisabe ».

Natwe muri kano kanya, buri muntu wese nasabe, asabire abe bapfuye, asabire inshuti ze, asabire ababyeyi, abana be, barumuna be, basaza be, asabire umuryango w'imbaga y'Imana, ariko cyane cyane ntikumukibagirwe roho zo mu i Purgatori.

**VAL. :** *Atera indirimbo*

Muryango wanjye, nagutwaye iki ? icyo se nakugomeyeho ni iki ?

Ngaho nsubiza.

**B.M. :** Bana banjye, buri muntu namubwiye ngo avuge mu rurimi ashaka, nashaka asakuze cyangwa arire, ariko abwire uwo abwira. Ntimukagire agahinda mufite uwo muganyira. Ariko kandi mwibuka roho zo mu i Purgatori.

**VAL. :** Mubyeyi, turabinginze, tubategeye amashyi n'amatwi y'umutima kugirango, Mubyeyi, musanganize impundu, musanganize urugwiro, musanganize urukundo abacu bose baje babasanga, abacu bose bababaye, abacu bose tutazi nimba barapfuye cyangwa bakiriho.

Mubyeyi turaguhereza abanyarwanda, abarundi n'abazayirwa.

Turaguhereza abantu bose ku isi yose, bose babuze ababo.

Turakwereka abantu bose batagira iyo baba, batagira n'icyo kurya.

Mubyeyi, turaguhereza abana b'impfubyi bari impande zose z'isi. Turaguhereza abapfakazi b'ingeri zose, Mana. Mubyeyi, ngo ugende ubafate ku mutima, woherewe umwana wawe Yezu Kristu ababere umuhoza, abasukire utuzi ku mitima yabo yakirana kubera agahinda kabo.

Turaguhereza n'abana babura ababyeyi babo kandi bakibafite. Ababyeyi birengagiza umurimo wabo kuko na bo bababaye.

Turaguhereza ingo z'abashakanye zigenda zihura n'ibibazo binyuranye kugirango Mana iyo migozi uyiziture kuko ni wowe wenyine ushobora byose. Turaguhereza abapagani b'isi yose kugirango na bo ubagenderere kuko baragukeneye.

Turaguhereza, Mana, abahuye n'ibibazo ariko bakagukondana (condamner) ko ntacyo wabamariye. Mubyeyi ni akababaro bagize si uko batagukunda. Ahubwo ni ububabare bwarenze imbaraga zabo.

Turaguhereza abari impande zose z'isi bari gusenga baguhamagara, Mubyeyi, ugende ubagenderere, ugenderere ibihugu byabo.

Abari hano bose uzabasubize iwabo amahoro, ubahe ngo bajyane amahoro ntibagende ubusa, Mubyeyi.

Cyane cyane, Mubyeyi Bikira Mariya, turaguhereza igihugu cyacu. Turaguhereza ibihugu byose, ariko Mubyeyi cyane cyane turaguhereza abateraniye i Kibeho muri kano kanya. Mubyeyi twebwe twagize amahirwe yo kuba ukitureba ariko turakwiringagiza. Abari i Kibeho bagenda batakureba ariko bakajyana icyizere, Mubyeyi. Genda ubahumurize ingorane zose n'ibitotezo byose bahura na byo mu nzira bakugana. Mubyeyi ubasure, ubereke ko uri kumwe na bo kuko ni Wowe gitangaza, kuko ni wowe rumuri. Nubabaye umuhoze.

Urebe Kiriziya ku isi yose, uhe abo Umwana wawe yemeye ko bahindura umugati na divayi bakorere mu kuri, barebe ukuri nta nyungu, batarebye ubwoko, batarebye isano, ahubwo bumve ko amaraso ya Yezu Kristu yamenewe twese Mubyeyi.

Ndaguhereza abo nasize kuri Saint Roch ngo na bo Mubyeyi ugende muri kano kanya urebe ibibazo byabo : hari ababuze uko bakubwira, hari abakwandikiye bategereje ibisubizo, hari abana bababaye, hari ababyeyi bababaye, hari abarwaye, ugende ubakande. Mubyeyi abo bose ndabaguhereje, mbashyize mu biganza byawe wowe Mubyeyi ugira impuhwe, wowe Mubyeyi ugira inama nziza, wowe buruhukiro bw'abarembye, wowe muhoza w'abasamba, wowe wenyine udukunda kurusha uko twikunda.

Turaguhereza Père André wadufashije kandi nubu akidufasha, wahamagaye kubera ubushake bwawe kugirango umushyire iruhande rw'Umwana wawe. Niba kandi hari icyo atarangije, turagusabye muri kano kanya, Mubyeyi, ngo amasengesho tuvuga uyu muni amukugeze mu maboko yawe.

N'abandi bose : hari abana b'aba jeunes bapfuyeye Mubyeyi. Hari Alain na Patrick, abana bakundaga kugendana n'abandi. Hari n'abandi bana bagiye bakora za accidents, Mubyeyi, abenshi bakagira accident batazi Imana cyangwa se bakayigira bibagiwe kukubwira. Ugenderere ababyeyi babo kuko bakunda gukorera Imana, ntugirire ibyaha by'abana, ugirire ko uri Umubyeyi, ugirire ko udufatiye iry'iburyo. Mubyeyi urerere ababyeyi bahangayitse kubera abana babo. Arimyoza.

Mubyeyi, urakagira Imana.

**B.M. :** Bana banjye, murakagira ubabyara !

*Abakristu bakoma mu mashyi bashyimirira.*

**VAL. :** Urakoze Mubyeyi.

*Atera indirimbo anayibyina :*

Vugwa Mwamikazi w'ijuru, wowe Imana Nyirigira yiremeye,  
Izi ko uzaba Nyina w'Umukiza

Vu ...

Vugwa Mwamikazi w'ijuru, wowe Imana Nyirigira yiremeye  
Izi ko uzaba Nyina w'Umukiza. Vugwa

Vugwa, ni wowe Marayika yavuze ko Umucunguzi ari wowe uzamusama  
Wowe wi ...

Ariko Maman, uzi ko nakuze. Abantu baranegura. Hi ? Hii.  
Ariko murambwira ngo turi iwanyu nataha ngasanga abantu bambonye.

Vugwa Mwamikazi w'ijuru, wowe Imana Nyirigira yiremeye  
Izi ko uzaba Nyina w'Umukiza

Nibwo Marayika yavuze ko Umucunguzi ari wowe uzamusama, wowe wiyitaga  
intamenyekana. Vugwa

Vugwa Mwamikazi w'ijuru, wowe Imana Nyirigira yiremeye  
Izi ko uzaba Nyina w'Umukiza, vugwa

Vugwa Mwamikazi w'ijuru, wowe Imana Nyirigira yiremeye  
Izi ko uzaba Nyina w'Umukiza.

Karame. Hari hashize igihe. Hii. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, iyo nje mba mbakumbuye, iyo nje mba mbashaka, iyo nje muba munkeneye . Niyo mpamvu mbasaba kugirango mujye musaba muzahabwa, mujye mushakashaka kugirango muronke kuko ntawicara ngo ibyo kurya bimwizanire atagiye kubishaka.  
Bana banjye, ndabasaba kugirango ibyo muhabwa ntibigapfe ubusa, za noveni mukora ntizikabapfire ubusa. Mujye musubira inyuma muti : « ese ibyo twasabye aho twarabibonye ? ». Mubaze umutimanama, mubaze rya sengesho rivuye ku mutima.

**VAL. :** Karame

**B.M. :** Bana banjye, ni mwongere munsubiriremo « Turaje »

*Abakristu bavugira rimwe nk'uko babisabwe bati « Turaje Maman ! »*

Iyo umuntu aje, aza afite urukundo, iyo umuntu aje, aza asanganirwa afite n'umusanga. Iyo umuntu aje, aza afite umusanganira. Niyo mpamvu kuvuga ngo « naje » ese koko turaje ? Ese koko

turagenda ? Nimba tubitekereza se, tugenda dusanga nde ? Ese koko uwo dusanga, turamureba tukamwumva mu mitima yacu ? Ese turamwemerera agatahamo ?

Bana banjye, ndashaka kubabwira ko iyo ubwiye mugenzi wawe ngo ndaje, ni ukumuteguza. Nimba muje, ni musukure imitima, mujye musanganira ababasanze kandi urukundo rube ari rwinshi.

**VAL. :** *Atera indirimbo :*

Turaje Mariya, kugutaramira, Mubyeyi wa Jambo uduhora hafi.

Karame

**B.M. :** Bana banjye, uwo wagize atyo yumvaga mu mutima we koko ko arimo kuza. Igihe muririmba namwe mujye mushyiraho koko ko muje. Atari ugufata mu mutwe, ahubwo murabishyira ku mutima w'uwo uje usanga, w'uwitwa inshuti.

**VAL. :** *Araririmba :*

R. Funguro duhawe rihoraho, mpamba y'abasanga Nyagasani  
Nanje nje ngusanga ngo uze umvune  
Mu rugamba ndwana nje nkugana

Hari abaguhabwa bikinira, bakegera ameza basiganwa  
Kugirango abandi bababone, bagarure bwangu badatana.

R.

Hii.

**B.M. :** Bana banjye, mujye musenga n'umutima ukunda  
Bana banjye, mujye muhora igihe cyose murangamiye Uwitaka  
Bana banjye, mujye mwumvisha umutima, amatwi yumva byinshi

*Aha, hari umuntu wasakuzaga cyane, asoboka yongera yinjira mu Kiriziya.*

**VAL. :** Hii.

**B.M. :** Bana banjye, mbahaye Roho Mutagatifu Umuhuza  
Roho Mutagatifu umurikira imitima yacu  
Roho w'ubuhanga  
Roho w'ubujyanama

*Abakristu bakoma amashyi bashimira.*

**VAL. :** Hi.

**B.M. :** Ubudacogora, ariko cyane cyane mu bushishozi.

**VAL. :** Karame

*Araririmba :*

Murumve twana twanjye nabaraze urukundo  
Murarugira intego mwese aho mujya hose  
Rubabere umutako mwiza uhora ubaranga  
Ari amanywa ari na n'ijoro. Ntihagire ikibakanga we !

Murizihirane cyane mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe  
Murizihi ... Hi ? Murizihi... Hi ? Narayibagiwe

Murumve twana twanje nabaraze urukundo

**B.M. :** Bana banjye, mujye mwumva amagambo.

**VAL. :** Murarugira intego mwese aho mujya hose,  
Rubabere umutako mwiza uhora ubaranga ari amanywa  
Ari na n'ijoro. Ntihagire ikibakanga we.

Murizihirane cyane mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe  
Murizihirane cyane ntabwo nzabaha...

Hii. Hiii.

Murizihirane cyane mumenye ...  
Mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe

.... ? ngaho ... ntabwo ....

Murizihirane ntabwo nzabahana, nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya  
Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha  
Nzamukubita ijanja mwimure mureba  
Muhumure naratsinze nimika urukundo nti hagire ikibakanga we.

Ariko mwanditse duto ntabwo ndi kudasoma neza.

Murizihirane cyane mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe

Ntabwo ijwi ndizi.

*Avuga ataririmba :* murizihirane cyane

*Araririmba* : ntihagire ikibakanga we  
Murizihirane cyane mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe  
Ujye ukomeza ....

Byananiye.  
Ndabisoma ariko ntabwo nzi kubishyira mu ijwi ryanje. Hii.  
Ubundi njya nyiririmba ariko uyu muni yananiye.

Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe

Ijwi ryananiye, ni munyibutse.  
Karame. Oya  
Kandi abari kuri Saint Roch barayizi.  
Njewe rero babimenye banseka noneho.

Murizihirane cyane mumenye ko undi ari umwana wanjye  
Niba aguhinda kandi umusanga ntukabikangwe  
Ujye umpamagara nanjye nze tujye tujyana  
Nihashira iminsi azigorora umureba  
Niba kandi usanga ari wowe ujye umuhunga  
Ujye unyambaza nkuvure nawe uri umurwayi  
Muhumure naratsinze nimika urukundo

Ariko, ....  
Ntihagire ikibakanga we

Kubisoma nibyo byari byananiye. Hii.

**B.M.** : Bana banjye, icya ngombwa ni amagambo yubaka kuko shitani zitera ubwoba ariko Imana ikadutera imbaraga. Ntihakagire ikidukanga rero mu nzira yo kuyisanga. Ntihakagire ikidutera ubwoba tuyirangamiye.

Bana banjye, ntimukinube.

Bana banjye, mujye mushakisha mu mitima yanyu ahari urwango habe urukundo, ahari ikibi haze icyiza, ahari inzangano haze urukundo.

Bana banjye, iyo abana bava inda imwe, birinda guca amacakubiri ahubwo batahiriza umugozi umwe.

Ndabasabye, ndabasabye ngo uko duhura hamwe kuri uyu muni, mujye mukomeza mwuzuzanye.

Bana banjye, ni musenge nta buryarya, ni mukundane nkuko mukundwa, ni mutange nkuko muhabwa.

Bana banjye, Imana uko idukunda, ni tuyikunde, uko idukoresha, ni tuyikorere, uko dushakashaka, ni tuyisange. Ariko cyane cyane dukorere mu gushaka kwayo.

**VAL. :** Karame

**B.M. :** Bana banjye, ndabakunda. Ni muce bugufi, mushime Imana, ni muce bugufi musenge, mushishoze, mugendere mu kuri, mutange icyo mufite kivuye ku mutima mudategereza ko kizabagarukira.

Bana banjye, musubize amaso inyuma, imyaka ishize, aho mwari muri mbere yuko turi hano, maze mubwire Imana muti « Mana shimirwa ».

Bana banjye, ibyo muhabwa, ibyo mwumva, ibyo mubwirwa, mujye mubishakashakira mu mitima yanyu kuko kenshi biba birimo. Icyo mushaka ni urukundo, mwimike urukundo, mwimike gutabarana, mwimike gusabana, ndetse no gusangira udukeya mufite. Urukundo ntirujya ruba rukeya.

Bana banjye, hari abatotezwa kubera ukuri, hari abatotezwa kubera ijambo ry’Imana, hari abatotezwa n’ibindi byo kumpande, ibyo byose nibitubuza kuja mu nzira nyayo kuko Imana ari urukundo, kuko Imana yaduhitishijemo, bana banjye, iti ushaka kunkurikira, nafate umusaraba we. Aho ntubananira ?

Bana banjye, mwahawe ubwenge kugira ngo mumenye, mwahawe imbaraga kugirango mukore. Muri izo mbaraga zo gukora ibyiza binyura Imana, muri ubwo bwenge bwo kumenya ibyiza, iyo ubwenge bugiye kumenya igitandukaniye n’uwaguhaye kugira ngo umenye, ushishoze, ni ingorane.

**VAL. :** Ntabwo byoroshye. Kuko akenshi umuntu aba ashakisha gukora icyiza ariko ikibi kigatambama mbere y’igihe. Washaka kumva icyiza kiganza icyo kibi n’ikindi kikagira ingufu kuburyo usanga umuntu yataye umutwe.

**B.M. :** Bana banjye, kuri uyu muni, nanjye ndabasabye : ngo mugendere mu kuri, muvugishe ukuri kuko kubeshya ari umuzi w’icyaha, kuko kubeshya ari cyo cyaha gikomere ahubwo duharanire kuvugisha ukuri, dushakishye icyubaka roho aho gushakisha ikiyisenya.

Bana banjye, ndabwira mwe bakiri bato, kugirango mujye mugerageza kubwira ababyeyi banyu ukuri, mukurire mu kuri, mugendere mu kuri, mutegure imitima irimo ukuri n’urukundo.

**VAL. :** *Arirubutsa.*

Nuko nzi ko akenshi na kenshi, duhura n’ibibazo by’impande zose. Akenshi na kenshi duhura n’ibigeragezo binyuranye, cyane cyane umuntu akageragezwa n’umuvandimwe, n’inshuti ye. Ibyo byose bigaca abantu intege. Cyane cyane umuntu agahura n’ibibazo



by'ingeri zose ariko rimwe na rimwe umuntu akagenda amira byinshi mu mutima. Numva ko ari byo bituma umuntu aremererwa. Ndabizi ko akenshi mutubwira kwihangana, akenshi mutubwira kwihana no kubabarira. Hari igihe kubabarira biza ubundi bikongera bikagenda bitewe n'ibyo umuntu aba afite mu mutima we, bitewe n'akababaro aba afite. None rero Mubyeyi, ndakwinginze kugirango ugenderere buri muntu wese, umwereke inzira, ufite icyo kibazo wese umugenderere umuhe kuruhuka ku mutima kuko ni benshi bababaye. Hari n'igihe umuntu akubwira ikintu, ukumva agukomerekeje ariko kugirango ukomeze ugire inshuti, bigatuma uceceka, ukabibika mu mutima, wanga kumubabaza cyangwa se wanga gukurura ikindi kintu cyatuma utandukana na we cyangwa se, ntabwo mbizi, ariko akenshi abantu benshi bibabaho. Ibyo byose bigatuma bisanga umuntu umutima we ufunze cyangwa se umutima we uremereye cyangwa se ukumva udashobora kugira icyizere ku bantu bose. Mubyeyi rero turagusaba kugirango ugenderere abo bantu bose kuko twese tubikeneye, udufungure imitima kugirango imitima yacu yorohe, kugirango imitima yacu yoroherwe kuko iremerewe. Kuko waduhaye byinshi, tugomba kubona aho tubishyira.

Murakoze.

Mubyeyi, ni koko uratuzi kurusha uko twiyizi, nzi neza ko utubona hirya yaho natwe tureba. Ndagusabye by'umwihariko kugirango uje umurikira igihe cyose, simpubuke, sinibeshye kandi nshishoze koko. Kugirango nshishoze, mbone icyo ngomba gukora.

Mpura na byinshi ariko hari ibyo nanjye ntashobora kwisubiriza cyangwa se hariho nibyo numva sinsubize hari nibyo namwe mbabaza ntimunsubize, ariko icyo nzi cyo nuko igisubizo nyacyo kiva kuri mwebwe. Hii. Hii.

Hari n'abandi bose bafite ikibazo nkicyo ariko ndabasaba kugirango koko mujye munyereka inzira ngomba kunyuramo. Munyibwirire muti iki ni cyiza, kino ni kibi. Ngerageze gukora ugushaka kwanyu, kuko iyo bibaye byinshi nyoberwa icyo nkora n'icyo ndeka, nkayoberwa icyo numvira nicyo ndeka.

Ndumva ntavuze byinshi mwebwe musobanukirwa kundusha, (mais) biba biremereye nanjye ntagisubizo nshobora kuvuga cyangwa se gutanga ahubwo nkikiriza gusa, kubera ko nzi ko ukuri guturuka iwanyu, kubera ko nzi ko icyo mushaka ari cyo gikorwa, ngategereza igisubizo cyanyu kandi namwe mwaza, ntumugire icyo mumbwira. None se ubwo nakora iki? Nakumvira nde? Ikibazo ntagisubizo. Njye ni ibyo nibaza.

Njewe, nta we!

Gusenga ni byiza no kwubaha ni byiza. Ariko hari ibintu byinshi umuntu ahura na byo mu buzima. Biramvuna cyane. Hii.

Na none kugira ngo yenda umuntu ambwire ikintu kandi njye ndi kubona ikindi cyangwa ndi kubona ikindi kintu nkabura uko

mubwira nti yenda si iki se cyangwa ni iki, ahubwo byose ngaceceka. Hii. Hii.

Nuko ibyo bintu bimaze igihe kandi murabizi si ngombwa ko mbisubiramo ariko biramvuna cyane nkabitekerezaho cyane « pas » kubitekereza kumva ko yenda...ariko ndatekereza nkavuga nti ese kuki mwebwe nta kintu mumbwira, ese mu gisibo ko Yezu aza kumbwira gusiba, ko atambwira ati : « Mwana iki n'iki ». Namwe mumfiteho uburenganzira bwose : nkora ugushaka kwanyu, bikamvuna kugirango umuntu numve arambwiye ngo bakuntumyehe, akambwira ibyo bamuntumyehe, akambwira ati : « iki n'iki » nkacyumva, undi akambwira iki n'iki nkacyumva, intumwa zikaba eshatu, enye, ntabwo nzi nimba muntinya kuburyo mutabinyibwirira kereka nimba ndi ikinanira Mana noneho nkaba n'ikinanirabantu, kuburyo mutansobanurira ibyo ntasobanukirwa cyangwa se ngo mumbwire ibyo bambwira. Hii.

Ni byo da ntabwo, ntabwo nababeshya bimaze igihe kinini kandi bimvuna cyane, nkabika mu mutima ariko nkavuga nti ese kuki biriya bintu bihora buri gihe bimbuza amahoro, kuki bihora..., nkumva mbese... Ntabwo nanjye nabibasobanurira kuko mwe mureba mu mutima wanjye nimwe mubona uko bimeze. Ariko ubwo ndasobanukiwe.

*Araririmba :*

Amagambo yo kukubwira, uyamenya tutanayavuze,  
Mwamikazi jya uyazirikana

R. Mubyeyi uturutira abandi Bikira Mariya  
Ujye uduhoza ku mutima

Amajwi meza y'indirimo, n'amagambo atuvuye ibwonko  
Ni bigutahe ku mutima.

Nyamara hirya y'ubu buhemu bwo kugomera umwana wawe  
Uratugwiriza imbabazi.

R.

Murakoze.

*Arirubutsa, yitsa umutima.*

Hii.

**VAL. :** Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ubwichishe bugufi no kwiyoroshya, kwakira buri muntu wese ujye ansanga uko yaba ari kose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Valentine aya gufata amazizi mu yo abakristu bazanyeye yabo guhesha umugisha Arabanza akora ikimenyetso cy'umusaraba, hanyuma anywa amazizi.*

Murakoze.

*Uko bisanzwe, atangira gutera abantu amazizi, nta gace asize. Hakaba ubwo anywesheje umuntu cyangwa se akumusukaho, hakaba abo yuhagira ibice by'umubiri bitandukanye, abandi akanabaha ubutumwa bwihariye, etc... Icyo gihe abakristu baba bahanitse baririmbira Umubyeyi, bamutaramiye, bamwereka ko bamwishimiye..*

### **UBUTUMWA BW'UMWIHARIKO**

1. Umugabo X : Mwana wanjye, igihe twajyaga duhurira i Kibeho, twongeye guhurira mu mahanga. Nubwo waje urwaye, igihe wari mu bitaro twari kumwe. Inshuro nyinshi ibyakubabaje byose ukihangana.
2. Godeliva : Mwana wanjye, ntabwo nagutereranye. Wagize ibigeragezo ariko ujye umenya ko ndi kumwe nawe. Urugero : ujye ureba ko nagukijije.

*Hakurikiyeho gusengera umugabo wari waturutse muri Espagne.*

*Mu gihe Valentine yateraga abantu amazizi y'umugisha, uwo mugabo ayo mazi yamugiyeho, ahita agwa hasi, atangira kuboroga, yikumbagaza hasi ....*

*Valentina ariko ntibyamubuza kubanza kurangiza guha abantu umugisha maze arangije, aramusanga, aramusengera, bimara igihe kirekire.*

*Umva muri make (kuko yabisubiragamo inshyuro nyinshi kandi bivanze) amasengesho ya Valentina :*

**VAL. :** Genda shitani,  
Genda shitani n'ibyawe byose,  
Haguruka ugenda waratsinzwe,  
Genda shitani n'ibyawe byose wowe waratsinzwe,  
Genda shitani va mu mwana w'Imana,

Genda shitani, genda,  
 Genda shitani, sezera ugende,  
 Genda shitani mu izina rya Yezu Kristu,  
 Genda shitani, je suis la Vierge Marie du ciel,  
 Genda shitani ndagutsinze,  
 Genda shitani mu izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu,  
 Nk’uko bisanzwe iteka ryose,  
 Genda shitani wowe watsinzwe. Seigneur,  
 Va mu mwana w’Imana,  
 La Vierge Marie, Sainte Mère de Dieu,  
 Seigneur Jésus, mu izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu,  
 Ni wubahwe n’ubu n’iteka ryose,  
 Va mu mwana w’Imana wowe watsinzwe, wowe wakubiswe inshuro,  
 Genda, genda shitani,  
 Umubyeyi Bikira Mariya, Umubyeyi w’impuhwe nyinshi,  
     Yezu Kristu Mwami w’impuhwe nyinshi,  
 Tsindwa shitani !  
 Genda shitani n’umutima wawe wose,  
 Genda shitani n’amayeri menshi, genda,  
 Jésus, Marie, je vous aime, sauvez les âmes,  
 Jésus, Marie, Joseph, je vous aime, sauvez les âmes  
 Ndakwirukanye mu izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu,  
 Mariya Nyina wa Jambo, udusabire,  
 Mariya Nyina wa Jambo, ujye udusabira,

*Valentine aririmba indirimbo tutumva neza amagambo ayirangiriza kuri :*  
*Mariya Nyina wa Jambo*

Jésus, Marie, Joseph  
 Genda shitani (*abisubiramo kenshi*)

*Arongera araririmba :*  
 Mutima udukunda cyane  
 Turasezerana nawe, kukwubaha iminsi yose  
     Turakwiyaha udukize

Genda shitani au nom de Jésus Christ, au nom de la Vierge Marie, Sainte Mère  
     de Dieu. Jésus est vivant. Dawe wa twese uri mu ijuru (*ayivuga yose*)  
 Jésus, Marie, Joseph.... Genda shitani n’ibyawe byose, waratsinzwe, genda  
     shitani  
 Ndakwirukanye mu izina rya Yezu Kristu,  
 Jésus, Marie, je vous aime, sauvez les âmes !  
 Jesus, I love you Jesus, I love you Jesus  
 Sainte Marie Mère de Dieu.  
 Asanti Mama Maria  
 Asanti Jésus

Genda shitani  
Je vous salue Marie (*ayivuga yose*)

*Ubwo Valentine yari afite amazi, asenga ayamusukabo, ayamunywesha, ayamukandisha, ayamwuhagiza...*

*Tubona umugabo arabagurutse, abonye abantu bari abo uburyo bamurebaga n'uburyo imyenda yamutoheyebo, agira isoni asoboka yiruka agana muri chapelle ya Kiriziya.*

*Abakristu bakoma amashyi, batanga impundu, bashimira Bikira Mariya na Yezu bati : «Jésus est victorieux, Jésus est vivant !»*

*Baririmbira Bikira Mariya indirimbo yo mu rurimi rw'i Lingala « Mama Mariya, merci Mama».*

*Mu gihe rero Valentine yasengeraga uwo murwayi, abakristu na bo ntibabereye abo . Abubwo bateye ishapure, bararirimba, maze batwerera Valentine amasengesho avuganywe ingufu nyinshi muri icyo gikorwa gikomeye yari arimo.*

**B.M. :** Bana banjye, iyo umubyeyi agiye gusura abana, ageraho akabazera kugirango aje kureba n'abo yasize inyuma.

**VAL. :** Ndaguhereza abantumye bose. Ubagenderere, buri muntu wese umuhe igisubizo ku byo yagutumyeho. Abakwandikiye bose Mubyeyi ubwo na bo uzabasubize. Ujye ubagenderera buri muntu wese ku giti cye umubwire icyo ashaka ko umubwira.

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu,

Dawe uri mu ijuru ....

Ndakuramutse Mariya...

Notre Père qui es aux cieux ...

Je vous salue Marie....

Gloire au Père, ....

Oh, mon Jésus, pardonnez-nous nos péchés, préservez-nous du feu de l'enfer, conduisez au ciel toutes les âmes, spécialement celles qui ont le plus besoin de votre miséricorde.

Yezu wacu, tubabarire ibyaha byacu kandi uturinde umuriro w'iteka, igarurire roho z'abantu bose maze uziyobore inzira y'ijuru, cyane cyane wite ku bakeneye impuhwe zawe, maze ubabarire roho ziri mu ipurgatori n'abanyabyaha b'isi yose

Mariya utasamanywe icyaha, urajya udusabira twese abaguhungiyeho (4x)

Ku izina ry'Imana Data .....

Muramuke Maman !

*Valentina yitura basi, ibonekerwa rirangira rityo.*

*Abanditsi : Immaculée Nyiransabimana na  
Candide Ntaramuka*

*Abafashe amajwi : Schola Uwizeye na  
Françoise Bonduelle na  
Jean Claude Kayihura*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**  
**KU ITARIKI YA 15/O5/2009 MURI KIRIZIYA YA « SAINT ROCH »**  
**CHAUSSÉE D'ANVERS N° 60 – 1000 BRUXELLES.**

**Intangiriro.**

Uwo munsu, hizihizwaga inshuro ya 27 Umubyeyi wo mu ijuru n'Umwana We, Yezu Kristu, dore ko batajya batandukana, bagenderera Valentine ku mugaragaro. Kuva rero aho duterewe umunezero n'ab'ijuru, bakadutetesha baduha kujya duhurira na Bo muri Kiriziya ya « Saint Roch », ishapure, igitaramo cy'urubyiruko na misa ihuriwemo n'abakristu n'abasaserdoti b'ingeri zose ni byo bibimbura uwo munsu. Iyo misa irangiye, indirimbo zinyuranye zikomeza igitaramo.

Valentine rero yageze aho ava mu mwanya, aho yafatanyaga n'abandi gutaramira Umubyeyi, yigira imbere, arapfukama, asenga bucece. Ubwo byari bibaye saa sita n'igice z'amanya.

Bigeze aho, aza guhindukira nk'uwitabye umuhamagaye, maze aherako araririmba ati :  
“Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana”.

VAL :           R.: *Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,*  
                  *Bikira Mariya ujye uduhakirwa (2 x)*

*Turakuramutsa, nka Gabriyeri kera,*  
*Uduhe amahoro, uturinde twese (2 x)*

R.

Ndi hano uvuge icyo ushaka, umuja wawe arumva.

B.M. : Bana banjye nkunda, ndabaramukije. (*Amashyi menshi n'impundu z'abari aho.*)  
Bana banjye, ni mubanze mushire igishyika kugira ngo mushobore kumva neza icyo nifuzwa kubabwira n'icyanzanye.  
Bana banjye, buri muntu wese ni yisuzume ku giti cye, asubire mu mutima we, yiyumve neza niba koko yaba yaratunganiye, yaba yarakunze mugenzi we, yaba yarigoroye na mugenzi we, yaba yaraciye bugufi.

VAL. : Mubyeyi mwiza, by'umwihariko mbanje kugusaba imbabazi z'ibicumuro byanjye, ariko nkaba nzi neza ko kubw'urukundo unkunda bituma nshobora kuza imbere yawe.  
Mubyeyi mwiza, tubabarire kuko turi abanyanteye nkeya. Babarira isi yose kuko akenshi duhura n'ibigeragezo.

Mubyeyi, dutakambire kuri uyu munsu kugira ngo buri muntu n'undi, ari uwaje hano n'uwabyifuje utabishoboye, ari abo twasize mu rugo, ari abanyanteye nkeya,

ari ab'ukwemera gukeya, kugira ngo twese uturambureho ibiganza byawe, Mubyeyi, utubabarire.

*Atera indirimbo :*

R.: *Nyir'ibambe ndaje unyakire,  
kuko naboze kure yawe,  
none Mana yanjye ndaje.*

*Aceceka umwanyana, nuko akomeza kuririmba agira ati :*

*Nkiza ibyago undinde n'amakuba igihe cyose nkiri muri iyi si.*

R.

B.M. : Bana banjye, nabashimiye ko nabigishije indirimbo mukaba mwarayifashe. Ndabashimira ko mwagerageje. (*Amashyi y'ibyishimo.*)

Bana banjye, munyumve neza: ntabwo nshimira abaririmbye gusa kuko buri muntu wese aba ari umwe n'undi. Kuko mwese, n'utaririmbaga, n'utayizi, yasomaga. Nababwiye ko ubutumwa bwanjye rimwe na rimwe no mu ndirimbo buba burimo.

Bana banjye, mwese, ndabashimiye. (*Amashyi.*)

Bana banjye, mwebwe bitambambuga, mwebwe abisumbuye, mwebwe abangavu, mwese bana banjye, ndabashimiye. (*Amashyi.*)

Babyeyi ndabasabye, ngo mujye mufasha abana banyu bakiri batoya, mubatoze inzira boye gusubira inyuma.

Bana banjye, rwa rurabo na za ndabo na bya bikorwa byose mwampereje nabyakiriye. Bana banjye, murakagira abababyara. (*Amashyi.*)

Ariko ndabasaba kutazasubira inyuma. Ndabasaba kujya murwana. N'iyi mwagira imbaraga nkeya, mukabyuka, mujye muvuga muti « Mubyeyi twacitswe, tubabarire ».

Bana banjye, mwazindutse muza guhagararira, kuvugira, kwereka, kwakira, mubereka ibyanyu, muhereza abanyu, mwisabira namwe ubwanyu, cyane cyane abana batoya bigomwe ibitotsi byabo, mbahaye umutima wanjye wa kibyeyi. (*Amashyi.*)

Bana banjye, nabasuye kera, mbasura kenshi, mbabwira byinshi. Ariko kenshi na kenshi, nta bishya bihari.

VAL. : *Arikiriza: Hii.*

*Atera indirimbo :*

*Wasamwe nta nenge ufite, wakunzwe n'Imana kare,  
Yo yagutatswe Nyamuraza.*

R. *Dore Umutako mu bakobwa, dore urugero mu bagore  
Dore inyenyeri iyobora, ni Mariya, Umutoni w'Imana.*



*Wasamwe nta nenge ufite, wakunzwe n'Imana kare,  
Yo yagutatse Nyamuraza.*

R.

B.M. : Bana banjye, kenshi na kenshi nabasabye urukundo buri muntu n'undi. Kenshi na kenshi, nabasabye kubabarirana buri muntu n'undi.

Bana banjye, nabasabye ukwitsinda, mbasaba ubwicishe bugufi. Ese mwabigezeho?

*(Bose baraceceka).* Ese mwashoboye gutsinda ururimi rwanyu rusebya bagenzi banyu? Ese mwashoboye kumva ko icyo gikomere kikubabaza udakwiye kukibabaza mugenzi wawe? Ngurwo urukundo nyarwo. Icyo utifuza ko bagukorera, ntukagikorere abandi.

VAL.: *Arikiriza ku byo abwirwa muri bucece.*

B.M. : Nabaciriye umugani kera cyane muri mirongo inani na kane ko « Akarenze umunwa karushya ihamagara ».

VAL. : *Atera indirimbo :*

R.: *Murumve twana twanjye nabaraze urukundo  
Murarugire intego mwese aho mujya bese  
Rubabere umutako mwiza ubora ubaranga  
Ari amanywa, ari na n'ijoro.  
Ntibagire ikibakanga we.*

*Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo  
Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu  
Murakomeze murwane (sic) ntabwo nzabahana,  
Nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya,  
Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha  
Nz'amukubita ijanja mwimure mureba.  
Mubumure naratsinze nimika urukundo.  
Ntibagire ikibakanga we.*

B.M. : Bana banjye, iyo muririmba, mujye mwumva amagambo kuko kugorora ijwi, ntabwo bihagije. Ariko iyo urigoroye ukumva n'icyo uvuga n'uwo ubwira, biba byiza kurushaho. « Murumve twana twanjye nabaraze urukundo ».

VAL.: Abahimbyi n'abaririmbyi, hari ibyo bavuga n'ibyo bakora ugasanga koko wagira ngo wabibonye. Kuko akenshi na kenshi, haba harimo inyigisho, harimo n'ibikorwa byiza.

VAL. : *Arikiriza:* Hii, hii.

B.M. : Bana banjye, bavuga ngo “Umutima wuzuye amaganya ntusobanura amagana”.

VAL. : *Arabaza*: Hi?

B.M. : Umutima wuzuye amaganya ntusobanura amagambo. None mbahaye umwanya, buri muntu ansabe icyo ashaka kiri ku mutima we kimubabaje. N’ikimushimishije na cyo akimbwire.

VAL. : Tuba dufite byinshi, hari n’igihe tubura aho duhera.

*Arongorera*: Nanjye nshobora kubasaba?

Mubyeyi mwiza, ndaguhereza isi yacu, natwe tuyituye.

Ndaguhereza abacu bose ariko cyane abakwirengagiza.

Ndaguhereza abatoteza abandi cyane cyane buri muni bazinduka baza imbere yawe bagasenga.

Ndaguhereza abasebya bagenzi babo bakabaca intege, bakababuza gutera intambwe. Ndabahereza urubyiruko kugira ngo mujye muba hafi, murutere inkunga kandi murufate akaboko.

Ariko cyane cyane nkabahereza abafite ibibazo by’ubuzima: hari abarwaye, hari abanyanteye nkeya, hari abaterwa uburwayi n’imiryango yabo.

Mubyeyi mwiza, ndaguhereza n’ibiri ku mutima wanjye byose, kuko ntabwo nabivuga ngo mbirangize. Umutima w’umuntu uba urimo byinshi. Nzi ko ubibona kurusha uko jyewe mbibona. Nzi ko umbona kurusha uko nibona kandi ukaba unzi. Ndabiguhereje byose kandi ngusaba kugira ngo ujye umpa kubyakira no kubabarira.

*Arikiriza*: Hii.

Ndaguhereza ibigeragezo biri kuri iyi si, ndaguhereza ab’iyi si cyane cyane abo tubana mu buzima bwa hano kw’isi, baba abatoya, abakuru n’ababyeyi, kugira ngo bose ujye ubagenderera buri muni, kugira ngo bose ubahe umutima wa kibyeyi kuko buri mwana wese aba angana n’uwe, kugira ngo umubyeyi urambura ukuboko ku mwana w’undi aje yumva ko atakurambura ku mwana we yabyaye, agusubize mu rwubati. Ndaguhereza twebwe banyabyaha b’isi baca imanza ndetse tugaca imanza kuri mwebwe tutazi, tutanabona, akenshi tukakurambirwa, akenshi tukakuvugira ibyo utavuze. Mubyeyi, na byo ndabiguhereje kandi mbisabiye imbabazi.

B.M. : Bana banjye, urukundo koko rurihangana, rwitangira abandi, nta cyo rukora kitari cyiza, ntirugira ishyari, ntirurakara. (Ibyo byari byasomwe mu misa yabanjirije ibonekerwa.) Ubushize nababwiye ko icyanzanye ntarakigeraho. Bana banjye, inzira iracyari ndende. Ubwo ubuhakanyi buzaza mu kwemera, ubuhakanyi bukaza mu mwijima kandi mutazaba koko musenga mubivanye ku mutima, muzahakana ibyo mwemeye kandi mwabonye.

VAL.: Arimoza.

None se mama, ngiye kukubaza ikintu kubera ko nabitekereje kandi mbitekerezaho buri muni kandi kubera ko n’amagambo y’abantu aba aca impande zose. Nubwo

nayirengagiza, ariko ndayumva: Wowe Mubyeyi Bikira Mariya n'Umwana wawe Yezu Kristu, mwatubwiye kuva kera ko ukuri muzakwiyerekanira. Ariko kubera ibigeragezo, kubera ibitotezo, kubera ibyo mubona namwe kandi muzi, umuntu agera aho agatekereza byinshi. Nagirango mbibarize: est-ce que (aya magambo ayavuga mu gifaransa) kwa kuri koko kwarabonetse, kwararangiyeye? Est-ce que (aya magambo ayavuga mu gifaransa) kwa kuri tuzagutegereza? Kubera ko muzi neza ko mwajye bwa mbere muri mirongo inani na kabiri, ndi umwana mutoya. None ubu ngubu nkaba maze kuba mukuru ariko nzi neza ko ntawe uba mukuru imbere yanyu... Ntabwo ninuba, ariko ntabwo nabahisha ko mbitekerezaho nubwo mubibona. Kubera ko mwadusuye iwacu mu Rwanda tutarahunga ngo tujye mu mahanga, bamwe tujye n'aho tutazi, ntabwo rero nabura kubitekerezaho kuko usanga no mu bakristu basenga, n'abo dusengana, n'abo tubana na bo, haba harimo ubitekereza ariko akakwereka uruhu rwiza aguhishe icyo kindi atekereje. Abandi bagacibwa intege n'abandi kuko nzi neza ko watubwiye ko tugomba kubaha Kiriziya. None se ko iyo Kiriziya ari iyawe, abakozi bakaba ari abawe, kuki noneho urwo rumuri rutamuritse n'uko kuri utakubagaragarije uko wagombye kukubagaragariza, hakaba harimo abakomereka badashobora kubona umuti w'igisebe?

Araceceka.

Oya. Ndabitekereza ijoro n'amanywa kandi n'abantu babimbwira kenshi, kandi mbisoma henshi. Hanyuma nasubiza amaso inyuma, nkibuka ko mwambwiye ko ari jyewe nzasigara ku ibere, ari jyewe tuzasigarana.

Ariko nareba ko nahabye, nkaba naragiye imahanga, mukankurikirana aho ngiye hose, ni yo mpamvu mbabajije niba ukuri koko kwararangiyeye. None se niba kwararangiyeye muri Kiriziya, kuri Mwebwe, ntabwo ndi kubona ukuntu nabibabwira. Hi? ... Ni ukubera ko bavuga ko mwebwe mwarangije kubonekera abana mwigaragarije i Kibeho. None se ko mwarangije, muza gukora iki? None se ko uko kuri mutakugaragaje uko kugomba kuba, tuzubaha Kiriziya? Tuzayisuzugura? Mbese njye, nzajya mu kihe gice?

Impamvu mbabajije kandi n'uko bimbabaza. Muri kino gihe niho nabitekerejeho cyane. Ntabwo nzi niba... Burya kwemera no guhakana koko biza vuba cyane. Ariko ngira imbaraga nkavuga nti byose muramfasha. Ariko murabizi ko ngira n'intege nke, ko ndi umuntu. Ariko nkibaza nti ese, kuko ndeba mu bantu tubana na bo, ndeba mu bantu duhura, mu bantu tunganira, mu bantu dusengana, mu bantu turirimbana, mu makoraniro y'amasengesho, mu makorari (chorales), mu babyeyi, mu basore n'inkumi, mu kigero cyanjye, nkumva ntinyana no kujya mu bandi cyangwa se nkumva... kubera ko bese baba bavuga ngo ibonekerwa ryararangiyeye, Kiriziya yarangije gutangaza ababonekewe. Ese ababitangaje mwarabiyeretse kugira ngo babe barashyizeho itegeko hame ridakuka cyangwa se ni umuntu n'umutima we nk'uko n'undi wese aba afite ubushishozi ku giti cyane, nk'uko nanjye mbabona ku giti cyanjye ntiyahagire n'undi ubabona. Akenshi abahakanyi n'abapagani baravugaga ngo dukeneye ibitangaza kugira ngo twemere. Nanjye narabitekereje. Naravuze nti: « Ese kuki utakora ikintu cyerekana kwa kuri wavuze? ». Kuko niba Kiriziya y'u Rwanda inshyize ku ruhande, Kiriziya y'amahanga ikanshyira ku ruhande, abo twahunganye, twasangiyeye ibibi byose bagatangira kunjomba ibikwasi, noneho ndavugaga nti: « Mwambwiye ko

nzababara kugeza igihe nzabura n'umpa amazi yo kunywa ». Est-ce que (aya magambo ayavuga mu gifaransa) byaba bigiye kugeraho? Noneho bigatuma numva ibintu byose ntabishaka, nkumva nanjye ubwanjye ntishaka. Noneho nkavuga nti: « Nkeneye igisubizo ». Ariko nzi ko mutanga igihe mubishakiye nkongera nkigarura. Ariko Mubyeyi, imyaka ibaye myinshi cyane. Ndabashimira ko mumpa ukwihangana ariko sinanabahisha ko ndi umuntu. Ni yo mpamvu mbasabye kugira ngo ku bushake byanyu, ku mbaraga zanyu, kwa kuri kwanyu mutubwira buri muni, rwa rukundo rwanyu mwaduhaye koko, mugende mubiramburire ku badashishoza by'ukuri kuko i Kibeho mwavuze ko n'abashinzwe gukurikirana ibyabereye i Kibeho, ko nibadasenga ngo bashishoze, batazigera bamenya ukuri kose. Sinzi rero niba ari ibyo bihe turimo. Sinzi niba hari ibindi bizaza, byose nkaba mbitegereje nk'umwana w'impfubiyi, ni we utegereza ibyo kurya, yabibona akarya, atabibona akaryama.

*Atera indirimbo :*

*Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo*

*Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu*

*Muzakomeze mutwaze ntabwo nzababana*

*Nzaborana namwe ntsimbura ibibarwanya*

*Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha*

*Nzamukubita ijanja, mwimure mureba.*

*Mubumure naratsinze nimika urukundo.*

*Ntihagire ikibakanga we.*

Ndabizi kandi ndabyemera kandi narabyemeye. Nemereye Yezu ko nzamufasha gukiza isi. Ariko mugomba kumenya ko ndi umuntu. Nimba mbana n'abantu, ngomba kuba nka bo. Ntabwo mbyinubira ariko sinabahisha ko mbitekereza.

Mbere numvaga atari cyane ariko ubungubu numva mbitekereza cyane kandi nanjye koko nshaka kumenya igice cy'aho mwebwe munshyira kuko ab'isi bo barangije kubona aho banshyira. Hi? Oya, ni uko gusa...

Mama, nshaka igisubizo. Hii. (Aceceka umwanya). Ndabitekereza cyane, ubundi nkumva.... Wabonye umuntu unanuka atarwaye? Wabonye umuntu urara adasinziye? Kuko ngira ubwoba nkavuga nti: « Ese rimwe, nazabitekerezaho cyane bigatuma ncumura cyangwa se umuntu yazambwira nk'ikintu, imbaraga zikaba nkeya nkaba namusubiza ». Ariko burya iyo umuntu aza akakubwira ku mugaragaro, adatumye, aba agukomerekeje. Kandi udashobora no kumusubiza. Mbese ibyo ku muntu ntabwo yabishobora. Twebwe iyo umuntu agukubise urushyi, umuha urundi. Ariko kuko aho ngaho nta jambo naba mfite, ndaceceka. Arikiriza: Hiii...

Ndabizi ko naho wahagendereye, ariko batahemeye. Ariko abantu bajyayo kenshi ntabwo ari kimwe n'iwacu kuko iwacu barahemeye hanyuma baratandukanyaga.

Donc, (mu gifaransa) n'ibintu bibiri bitameze kimwe. Noneho ugasanga Valentine ari umunyabyaha, Valentine ari umwirasi, Valentine ari umusambanyi, Valentine ari ibibi byose. Noneho nti: « Ese abantu... »

Asa nk'uhagaritse icyo yavugaga, aza gukomeza agira ati:

Cyangwa hari undi. Ntabwo mbibona, ntabwo mbibona. Noneho nkibaza na Kiriziya yo, ese nakoze iki cyatuma Kiriziya indwanya kuriya? Nareba ibyo mwantumye ngasanga narabitumitse. Nareba ibyo mwifuzako nkora, ngasanga byose mbigerageza kuko ntabwo ndi intungane, sinabikora ijana ku ijana. Noneho nagera aho, nasubira inyuma nanjye koko nkavugaga nti: « (U)menya ndi mubi reka ndebe ». Rimwe na rimwe nkajya no gusaba imbabazi uwo ntahemukiye, kubera kwishinje ibintu byinshi numva ntazi ibyo ari byo, nkitwa umubeshyi mu bintu byose, mu bifatika n'ibidafatika. Mama, ndananiwe. (Avugana agahinda kenshi). Ntabwo mvuze ko kugutumikira binananiye, ariko nanijwe n'abo untumaho, nanizwa... cyangwa se ntabwo mbizi. (Afite agahinda.)

*Atera indirimbo :*

*Umugambanyi w'inzira n'urupfu, izina rye ni Yuda  
Yagambaniye Umwana w'Imana aramugurisha*

R. *Habayeho umubabaro mwinshi cyane, ku Mwana w'Imana  
Iyo nuburiye amaso mu ijuru, ndira amarira menshi (2x)*

*Bamwicishije urwo agashinyaguro, kandi ari Umwana w'Imana  
Bamwicishije urwo agashinyaguro, bamushinyagurira  
Bamwicishije urwo agashinyaguro, bamutera amabuye  
Bamwicishije urwo agashinyaguro, bamucira mu maso*

R.

*Yuda yabonye ibyo amaze gukora, aberako yiyabura*

R.

B.M. : Avugana agahinda kenshi cyane

Bana banjye, uwo mbatumaho ni igikoresho cyanjye.

Mwana wanjye, ubutumwa bwawe ni ukubabara kugira ngo ufashe Yezu gukiza isi.

Mwana wanjye...

VAL.: Uwo ni nde? Nsubiremo?

B.M. : Mwana wanjye, naguhaye ingabire yo gusengera amasandi ari byo bita gukiritika (critiquer) iby'Imana. Naguhaye gusengera abahanzweho na sekibi. Ibyo byose ni umusaraba. Naguhaye kubona ibyo undi atareba. Ibyo byose ni umusaraba. Mwana wanjye, igisubizo cyanjye ni kimwe: icyanzanye sindakigeraho, kandi buri muntu wese utegeka, uvuga bakamwumva, ahindura itegeko agashyiraho irindi. Ahindura izina bakita irindi. Ariko mu byanjye, nta tegeko rihinduka, nta n'izina rihinduka. Ukuri ni ukuri kandi jye naje ngusanga, Mwana wanjye, ndaguhamagara uritaba. Nzanagaruka. Rero, witsindwa kuko ntaho urageza.

VAL. : *Arirubutsa.*

Ntabwo nsobanukiwe n'igisubizo. Cyangwa se yenda nakibajije nabi. Mama, irigukunze rigusubira mu nda, nanjye ndishubijeyo.

*Asubiramo:* Irigukunze rigusubira mu nda, nanjye ndishubijeyo.

*Arimyoza, hanyuma aritaba:* Karame, ubwo nzajya ntega umusaya bakubite, nongere ntege undi bakubite.

*Arabaza:* Hi?

Oya. Ntabwo ninubye.

B.M. : Bana banjye, hari abandambiwe batarantumiye.

Bana banjye, hari abancira urubanza ntarabakoshereje. Hari abashimishwa n'uko nza kubasura. Ndetse nkiza, nabanje gushimira ibitambambuga. Aho ntimwaba mushaka kubiba imbuto mbi? Ese aho ntimwaba mugiyeye kuba ba Petero? Ariko yarigaruye. Mwebwe abari aha mwese, nubwo mutambona, njye ndabareba ; nubwo mutanzi, njye ndabazi. N'utanyemera, ndamwemera kuko ari umwana wanjye. Ndi Umubyeyi uca inkoni izamba, ndi n'Umubyeyi ubabarira cyane.

VAL. :Urakoze. Hi?

*Atera indirimbo:*

*Hazaza ibitangaaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma.*

*Hazaza ibitangaaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma*

*Ntimuzamenya ukuri uko ari ko*

*Kuko nzaba narabasabye mukanyima*

*Kandi nababa ntimwakire, ntimushimire*

*Bana ba Adamu na Eva*

*Iyaha byari byahanaguye, igihe nabapfiraga*

*Ni musuzume imitima, ni mwisubireho*

*Maze munsubize muti « Nyagasani, turabyemeye ».*

B.M. : Bana banjye, ni musenge, ni musenge, musengane umutima ukunda, musengane umutima utagira aho uhisha, umutima utabika inzika, musengane ubusabane.

Bana banjye, ntabwo nababwira ko nishimye cyangwa mbabaye. Ndi hagati.

Ntabwo mbagaye, ariko ndabasaba:

- Ndabasaba kudacira imanza uwo mutaburanishije.
- Ndabasaba kudashinja uwo mutabonyeho icyaha.
- Ndabasaba nkomeje gutsinda ururimi rubabaza bagenzi banyu.

Muramenye mutaziha inzira ndende kandi ari ngufiya.

VAL.: Hi?

B.M.: Muramenye mutaziha inzira ndende kandi ari ngufiya.

Ndashaka kubabwira ko akenshi twikorera imitwaro tutabashije, iyacu yatunaniye.

Bana banjye, nababwiye ko iyo ntanze isaha n'umunsi n'aho nyitangiye, iyo saha ntayica. Munyumve neza: kera narabasuraga mukiri iwanyu, nkabaha isaha, nkabaha umunsi ntarengwa, nkanababwira ko n'iyaha habaye ibikomeye, ndahagera kandi uwo nahaye rendez-vous (*mu gifaransa*) nkayubahiriza. Ntayo

nishe. N’uwo nabatumyeho, ntiyayishe. N’igihe cyari gikomeye, yaraje. Mwamvugiye mwese ibyo ntavuze. Buri muntu wese agakurura yishyira ku ruhande rwe, n’undi yishyira ku ruhande rwe. Ndashaka kuvuga...

VAL.: Ntabwo ndi kubisoma neza.

B.M. : Ndashaka kuvuga ku itariki 15/05/94. Buri muntu wese yishyize aheza n’undi yishyira aheza, maze muncira urubanza, murucira n’uwo natumye kugeza kuri uyu muni, ku mpande zose, ku bantu bose. Jye navuze, kandi nzavuga, kandi nzababwira **ku bijyanye** (*atsindagira*) na roho, kuko nazanywe na roho, ntabwo nazanywe n’iby’isi.

VAL.: Karame. *Arabigima*.

B.M.: Nanababwiye ko icyo gihe, uzaba agize intege nkeya, nzazimwongerera. Ko nabona koko ananiwe, azavuga ati: « Mubyeyi ko twagendanaga ukaba untereranye? »

Ariko ndi Umubyeyi udakunda imvururu, ndi Umubyeyi udakunda inzangano. Murumva nazibiba? Buri muntu wese abitekereze. Uca imanza wese, asubize inkota mu rwubati kuko jyewe naziye mwese: umunyabyaha, intungane... Kandi, ntabwo nanga umunyabyaha, bana banjye, nanga ibyaha. (*Abisubiramo, dore ko n’uvasemuraga mu gifransa yari yibagawe kubivuga*).

Ntabwo nanga umunyabyaha, ahubwo nanga icyaha

Bana banjye, ndabakunda, kuko ntabakunze, sinabasanga. Kandi mbafiteho umugambi. (*Amashyi menshi cyane*.)

Bana banjye, bana banjye, ndabakunda. (*Amashyi*).

Kuko ntabakunze, sinabasanga. Mbafiteho umugambi.

VAL.: Hi? Mbese bishatse kuvuga iki? Umugambi? Ni ibikorwa? Mbafiteho umugambi? Sinari nzi icyo bivuga.

B.M.: Umugambi ni « projet » (*mu gifaransa*).

VAL. :Ubwose bishatse kuvuga iki?

B.M.: Ndashaka kubabwira ko umubyeyi n’abana bahana umugambi wo kubaka, bahana umugambi wo gukora ibikorwa byiza, bahana umugambi wo guherekezanya. Namwe ndabashakaho umugambi wo gufatanya mu bikorwa, wo guherekezanya n’umugambi wo kuganira.

VAL.: Ibintu byanyu birakomeye? Ni kubera ko... Ni mwe mubizi kuturusha.

Nanjye abantu nasize kuri St Roch... Wowe nuko utababonye. Bari bambaye neza, bari baje bishimye cyangwa se bari baje bafite... Simbizi naba mbatekerereje. Ariko njyewe ku bwanjye ndabyemeye. Niba umfiteho umugambi, ndifuza ko rwose dufatanye à condition que (yabivuze gutyo nyine) uwo mugambi ubonesha ikitaboneka.

B.M.: Bana banjye, muransaba nkabaha, murampamagara nkabitaba, mwambwira nkabumva. Nanjye mbasabe?

VAL. :Ubwo se wasaba abantu? Bafite iki cyo kuguha? Twebwe twarahwereye nta kintu kizima dufite. Hi?

B.M.: Bana banjye, **mbasabye** (*atsindagira*) kudatatira igihango. **Mbasabye** kutanyongerera cyangwa ngo mungabanyirize ku cyo navuze kandi **mbasabye** kudakomerekezanya.

VAL.: Kudakomere... Ikinyarwanda cyanyu ntabwo kimeze nk'icy'iwacu. Kudakomerekezanya?

B.M. : Ndashaka kubabwira ko mbasabye kudakomeretsa bagenzi banyu. Kudakomerekezanya. Mbasabye kudakomerekezanya. Kudakomerekezanya.

VAL.: Hii. Nibwo nabyumva.

B.M.: Bana banjye, narababwiye ngo muramenye mutazivana amata ku munwa. Kandi ngiye mwababara. Bana banjye, muramenye abavamahanga, batazabatwara umugisha. Ndetse bakawubarusha. Ndetse...

VA. :Hi?

B.M.: Batazabatwara umugisha, ndetse bakawubarusha. Muramenye batazabarusha kwamamaza ibyo mwabonye, mwumva kubarusha mu rurimi rwanyu. Sinzabagaye.

VAL. :*Atera indirimbo kandi ayiririmba agenda buhoro cyane:*

*Nazindutse kare cyane, nazindutse kare cyane, ngana Afurika.  
Nahasanze abatoni banjye. Narabahamagaye, ndabatuma, barantumikira, barantumikira.  
Nahasanze abatoni, narabahagaye mbatunguye, baranyumvise. Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda. Mutege amatwi, mbabwire uko nitwa by'ukuri: Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu Yezu Kristu, Umwana wanjye. Igihe nazindukaga mbasanga, sinamusize, yari hafi yanjye: iburyo n'ibumoso, imbere yanjye n'inyuma yanjye, n'ubu nguyu hano muri kumwe (Amashyi menshi n'impundu).  
Bana banjye ndabakunda, nkabakumbura, n'ikimenyimenyi ndabasura, nkabatumaho.*

B.M. : Bana banjye, n'ikimenyimenyi ndabasura, nkabatumaho. Nababwiye ko kenshi, ntatandukana n'Umwana wanjye, nk'uko namwe mudatandukana n'ibibondo byanyu. Kubera ko ambamo, nkamubamo. Ni We, si Jyewe. Bana banjye, ni amaraso yanjye. None se hari umubyeyi utandukana n'umwana we? Niyo agiye mu ishuri, amuba mu mutima. Aramusigarana, bakagendana. Ucira injiji amarenga, amara ibinonko.



VAL.: Hii.

B.M. : Bana banjye, mwaturutse imihanda yose, abaturutse kure, ndabashima, murakoze.  
(*Amashyi menshi.*)

VAL.: Hii.

B.M. : Bana banjye, mwebwe mugira amahirwe yo kuba ku gicumbi, mukaba mudacumbikira igicumbi, nyabuna.

VAL.: Ese bishatse kuvuga iki?

B.M.: Bana banjye, bana banjye, mwe mwagize amahirwe yo kuba ku gicumbi.

VAL.: Ku gicumbi? Igicumbi n'iki?

B.M. : Bana banjye, mwe mwagize amahirwe yo kuba ku gicumbi, ntimucumbikire igicumbi, munyumve neza.

Bana banjye, mwagize amahirwe yo kuba ku gicumbi, ntimucumbikire igicumbi, muramenye. Abacumbikira igicumbi cyanjye, abacumbikira aho gituruka, abakiriye ababasanze, bana banjye, ndabashimiye. (*Amashyi*).

Mutege amatwi, mbasobanurire: Igicumbi ni iwanyu. Mwe mwagize amahirwe yo kuba ku gicumbi. None se igicumbi n'iki? Abaje bose babasanga hano, nta rugendo mukora. Igicumbi ni iki, igicumbi ni Kibeho, igicumbi ni aho uzajya hose ukahasanga ukwakira, ugutegereje. Nyamara ugacumbikira igicumbi, ukakira uje agusanga, aje ku gicumbi cyawe.

Nongere mbasubiriremo: naje kubasura ku itariki 28 z'ukwezi kwa cumi na kumwe [1981. NDLR]. Ariko, mwebwe mwagize amahirwe yo kubona igicumbi, abaza ni bake. None se, munyumve neza. None se niba narabasuye, mukaba muvuga ko musenga Kibeho yemewe, ku iyo tariki naje bwa mbere simbabone, aho icyo gicumbi muragicumbikira? Mwanyumvise? Ndashaka kubabwira ko... kuko mvuze ibintu bibiri: mvuze igicumbi iki turimo, hari n'igicumbi cy'aho naje bwa mbere. Ko naje mbasanga, mukanyakira, bamwe mukitwaza ko banabyemeye, kuki iyo tariki ntababona ngo muze kunyakira mwese, mwe banyarwanda? None se, niba koko muvuga ko musenga, iyo wubaka inzu, urasiza, ugashyiraho fondation (*mu gifaransa*), ugashyiraho ibintu byose, ariko inzu iyo utayiteye ngo uyikorere ibiti byo kuyifata, ntabwo uyisakara ngo bifate kuko ntabwo wasakara utazamuye ibiti biyifata: inkingi. Mwebwe rero banyarwanda, mberurire: nta nkingi mufite. Kubera ko naje kubasura, mwitwaza ko Kibeho yemewe, ariko n'iyi tariki simbabona. None se murwanya iyo tariki? Murwanya uwaje uwo muni? Murwanya aho uwo muni bawukorera? Murwanya abawuteguye? Murwanya abasoma misa? Cyangwa murirwanya? Mwiambika ubusa kuko umunyamahanga arabagaya. Ni musarurire umugozi umwe, mujye mwakira abaje babasanga baturutse impande zose kuko ni mwebwe gicumbi. Ntimuzanyongerere kandi mbabwije ukuri.

Ntimuzambwire ko musenga, ntimuzambwire ko musingiza, ntimuzambwire..., icyo mwakora cyose, nza nkababura. Ni mushyire hamwe mu isengesho, ni musarurire umugozi umwe, kuko nta Roho yinjira mu nzangano, nta Roho yinjira mu mwirya, nta Roho yinjira mu ishyari, nta Roho yinjira mu rwikekwe. Mwese muri bamwe kandi buri muntu aje asaba imbabazi ku wo yahemukiye n’uwo yahemukiye ntagononwe kumubabarira. Ndabashimiye.

VAL.: *Atera indirimbo :*

*Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma*

*Ntimuzamenya icy’ukuri icyo ari cyo.*

*Kuko nzaba narabasabye mukanyima, kandi nababa ntimwakire, ntimushimire.*

*Bana ba Adamu na Eva, ibyaha byari byahanagumwe igihe nabapfiraga.*

*Ni musuzume imitima, ni mwisubireho, maze munsubize muti: « Nyagasani, turabyemeye ».*

*Uzaba atekereza kandi yibaza, azasubuzza umutima we, maze awusubuze insburo eshatu.*

*Ururimi arukarage, najya gusubiza azumva ijamba rije ry’ukuri.*

Hii. Ntabwo nayibukaga.

B.M. : Bana banjye, yaba ari jyewe, cyangwa Umwana wanjye, ntabwo dutera ubwoba. Ntabwo duhungabanya imitima, ahubwo turayisanasana. Ntabwo dutega iminsi. None rero bana banjye, mujye musenga koko, mushishoze, kuko ubushishozi mwarabuhawe. Ni mushakashake mubukoreshe. Mwitsindwa n’umwanzi. Yibatega ngo mugwe, ahubwo ni muhagarare. Bana banjye, iyo ngiye gutuma uwo ntuma, mutuma mu rukundo. Ntabwo mutuma guhangayikisha imitima y’abandi, ahubwo mutuma kugira ngo imitima yoroherwe, yoye guhangayika. N’uwo ntumye ni uwo nyine, ntabwo mutuma mu wundi.

VAL.: Ni ukuvuga iki? Uwo ntumye ni uwo nyine ntabwo mutuma mu wundi?

B.M. : Ndashaka kubabwira ko niba njyewe ngutumye wowe mwana wanjye, ni wowe. Ntabwo nkubwiye ngo nawe tuma. Kuko iyo ugiye gutuma, biba bihinduye isura. **Iyo ugiye gutuma biba bihinduye isura** (*atsindagira*). Ngutuma kuko mba nizeye ko untumikira.

VAL.: None se ubwo mushatse kumbwira iki? Nari mbabajije. Hii. Nibyo ubushize narababajije nti: « Ese kuki muntumaho abantu, ntimunyibwirire? » Nti: « Ese murantinye? »

Oya, ni uko gusa bambwiye ko nasuzuguye. Abo mwantumyeho. Ariko ndababwira nti...

Hi? (*Araceceka.*)

Oya, ni uko nabonye ubutumwa bwinsi butandukanye. Ariko nkabura icyo mfata n’icyo ndeka kuko bwambwiraga ibidahujye n’ibyo mwe mumbwira. Ko nzi neza ko mwambwiye ko, n’ubushize nigeze kubabaza nti: « Jyewe nshaka kwisubirira iwacu i..., hano ndahahaze ». Murambwira ngo igihe ntikiragera. Hanyuma murangije muntumaho mumbwira ko ngomba kuva hano nkajya

ahandi. None se mwisubiraho? Kuki mutanyibwiriye? (*Aca amarenga asa nk'uwerekana igitambaro yatega mu mutwe*).

Hi? Hi? Narasuzuguye. Hi? None se ko nababajije. Hii. Ni byo nyine kuko bambwiye ko jyewe ndi umunyabyaha, ko abantu bagomba kuncikaho kubera ko nasuzuguye. Hii. Mwambwiye ko buri muntu wese afite icyo ashobora, undi na we akagira..., ko buri muntu aba afite.... Hi? Ihi. Hii. Oya. Mwantumyeho muvuga ko ngomba kujya kuba umubikira muri Kanada (Canada). Kandi mwebwe mumbwira ko nzava hano ari uko mwe mumbwiye. None se muri babiri? Kereka niba umwe ari Yezu, undi ari Mwebwe. Nabwo kandi numva Yezu atambwira ngo mbasuzugure.

Mama, ndananiwe. N'ibyo by'ababikira, sinashobora. Hi? None se nata ikibondo n'ibibondo, nabishyira he? Nabashyira he? Hi? Kandi mwambwiye ko vocation (*mu gifaransa*) y'umuntu, ari we wenyine uyimenya noneho mwebwe mukuzuzura vocation (*mu gifaransa*) ye. Kuki iyanjye mwayivuze? Hanyuma bakanambwira, bakanantumaho ko nasuzuguye. Niko mwantumyeho. Hii. Hii. Nzakora icyo mwebwe mumbwiye n'icyo Yezu azambwira. None se simwe mubituma? Abwirwa benshi akumva beneyo. Abandi barambwiye ngo mwaravuze ngo nzafate ngo imyenda ya Yezu na Bikira Mariya nambara, mbitange. Ngo ntabwo mushaka ko mbyambara. Ngo n'amashusho yose nyatange. Ubwo se nzasigara mu nzu itagira ikintu? Noneho rero narasuzuguye ni byo kuko ntabwo nareka kubambara no kugira ngo mpe n'abandi babambare. Amashusho na yo, sinabishobora. Kuko sinyasenga, ariko atuma mbibuka, nkabubahiriza...

*Aceceka umwanya ageze aho arikiriza ati:* Hii. Urakoze. Ndabyumvise.

B.M. : Bana banjye, mujye musenga, musabe imbaraga kandi musabire abavandimwe n'inshuti, musabire byinshi mwumva cyangwa mubona. Nawe ubwirwa, ujye usenga, ushishoze, wumve aho biva, wumve n'ubivuga. Hanyuma urebe imbuto byera. Est-ce que (*mu gifaransa*) byera urukundo? Cyangwa byera inzangano? Umbona ntasenya, umbona ntasenyerera mugenzi we, umbona ntacira urubanza ngo yandarike uwo bari kumwe, ahubwo amugirira ibanga nkuko nanjye ndibagirira. Uwo mbwira, agendera mu kuri kwambaye ubusa, nibyo. Bana banjye, ntawe mbwira ko ari shitani, nta nubwo ntuma ko..., shitani ni ikintu kibi. Nta mwana wanjye uri shitani kuko mwese ndabakunda. Navuze ko nanga icyaha, ntabwo nanga umunyabyaha. Mwese mbakunda kimwe. Uzabaca intege, muziyangire. Uzababwira ko namutumye ko mbaciye intege azaba abeshya kuko nsana ahasenyutse. Hasenya umwanzi, umukunzi akakubakira. None se naba ndi Umubyeyi ki noneho ngiye muri iyo nzira? Musubize amaso inyuma. Ntabwo mbiba inzangano, mbiba urukundo.

VAL.: Karame. Nzabikora uko mubinsabye.

Hi? (...?...). Ni ukumpa imbaraga hanyuma tukazajyana kuko nababwiye ko icyo muzashaka cyose nzagikora. Ariko ntazakora icyo nshaka cyose. Hii.

B.M.: Bana banjye, ubu turi kumwe hano, mufite amahirwe. Ariko nagira ngo mbabwire ko hari abana bari ku gicumbi cy'i Kibeho, bahageze kare cyane, ariko bafite ukwemera n'ukwizera. Nta n'icyo bumva ariko ndabareba. Icyo mbaha, namwe

ndabaha. N'icyo namwe mbaha, ndi bubahe. Noneho mwumve namwe. Muti : « Ese twe tubuze ayo mahirwe, twamera nka bo? » Bana banjye mwazindutse mujya kwibuka aho nabasanze, ndahari, ndabashima kandi mbahaye umugisha wa kibyeyi. Ndi kumwe namwe kandi ibyo muhura na byo byose ndabibona, ni mwihangane.

Bana banjye, mutotezwa kubera iyi tariki y'uyu muni itazwi, yigeze kandi izwi, iboneka. Si itariki, ni umuntu, ni abantu. Mbahaye ukwihangana n'ubutabazi. Ndi ikiriri gisasira abasinzira, ndi n'uburiri butabara abarembye. Bana banjye, ndabakunda.

VAL.: Bakumvise? Ukajya i Kibeho? Ntabwo mbyumva. Hii. Ariko wahabasanze hamwe nababwiye? Nabavuye mu mahanga kure cyane. Hii... Hari natwe ariko tugukunda twazindutse kugira ngo tubakire. Ubanza misa yarangiye bahita bataha kuko twari tumaze kubyina. Hii.

Ariko rero kubera iki akenshi na kenshi mubimpisha, mukambwira ngo nta bantu bahari, maze nagenda ngasanga bazi ibintu byinshi? Tuzajya turaca amarenga. Si byo? Hii. Hii.

B.M.: Bana banjye, mwaniteguye uyu muni kandi mwanakiriye, kandi munyakira igihe cyose mbasanze, murakagira abo musanga n'ababakira. Bana banjye, ndabakunda. (*Amashyi*).

VAL.: Hii. Uri kubona akazi. Akazi se? Iwacu twe tugira akazi kenshi. Tukagira na shuguri nyinshi. Mwe iwanyu mukora iki? Hi? icyakora cyo mufite akazi kenshi ko kuzenguruka isi yose. Abantu bose mugenda mubona ibintu byose dukora. Murakoze.

Ariko ntimugende ntababwiye ibyo abantu bose bantumye. Nsubiyeyo bambwira bati : « Ntabwo wadutumikiye ». Kandi baba bafite ukuri na bo. Hi? Umukuru azira gutukwa ntazira gutumwa.

Hari abantumye ngo barabakunda n'ubwo ari abanyanteye nkeya.

Hari abambwiye ngo baraguhereza abana babo barwaye, abana babo bazahabwa amasakramentu kugira ngo bose uje ubaramburiraho ibiganza byawe, buri mwana aje amenya buri sakramentu ahawe icyo ari cyo.

Abarwaye na bo tuzi ko ari mwe baganga bakomeye. Mujye mufadikanya n'abaganga batuvura kuri iyi si maze babaheshe icyubahiro.

Hari n'abantumye ngo... ngo rwose ukize abantu barwaye ibicuri. Abafite aba fiancés (*mu gifaransa*) baheze mu mahanga badashobora kubonana na bo, abadashobora kugera aho bari ngo na bo ubafashe, bazi ko uri Umubyeyi ugira impuhwe, ngo barabigusabye. Kandi n'abo barwaye kugira ngo ubakize bashobore gukura uburwayi. Hii.

Hari, hari n'abantumye ngo nkubwire ko bagukunda rwose. Ngo mbese uracyabakunda?

Hari n'abandi bambwiye ngo mbasabire kubera ko barwaye indwara y'umutima, abarwaye kanseri (cancer), abarwaye indwara zitaboneka.

Ndaguhereza n'umwana urwaye indwara zose batabonera umuti kandi ari umwana muto. Hii. Hii. Kugira ngo umufashe, bitazatuma agira imbaraga nkeya akinuba cyangwa se akumva ko ari wenyine kandi ufashe n'ababyeyi be n'abavandimwe be, ufashe n'abandi bose barwaye nk'ibye. Hii.

Hari n'umukeye wambwiye ngo nkubwire ngo umukize ama..., amavi, amavi cyangwa ama..., amavi. Ntabwo nibuka nimba ari amavi cyangwa ari amaguru. Ariko byose urabibona. Ariko ni amavi.

Ndaguhereza n'abandi babyeyi bose bakuze, bafite ikibazo nk'icye, barwaye amavi, imigongo, n'izindi ndwara abaganga batabona kugira ngo Mubyeyi ujye ubegera ubakandire ahabababaza kandi ubabe hafi igihe cyose.

Ndaguhereza n'abana batoya batazi icyatsi n'ururo, batanamenya ko barwaye ariko ababyeyi babo bakababara mu kigwi cyabo, abana bakababara ku mubiri, ababyeyi bakababara ku mutima kugira ngo abo bose ubagenderere na bo uboroherereze, buri muntu ku giti cye. Hiii.

Hari n'abandi bose bafite ibibazo mu mitima yabo n'abatashoboye kumbwira, bariya nawe ureba na bo bafite ingorane z'uburwayi batavuga: ari ababyeyi barwaye mu nda bafitemo ibibyimba, ari ababyeyi bifuza abana batarababona, ari ababyeyi bafite abana babananiye, ari n'abana bafite ababyeyi batabafasha. Ibyo bintu byose Mubyeyi, utugenderere, twese udufashe buri muntu n'undi kuko twese turahangayitse n'abarwaye ibibyimba mu nda kugira ngo ibyo bibyimba ubikize. Hii.

Hari abandi bantumye ko bafite abavandimwe babo bafite ibibazo by'amashitani muri famille (*mu gifaransa*) bashaka kubitera abandi kubera ishyari, kubera kutemera, kubera ko bose batemera bimwe, cyangwa se kubera ko batabaho kimwe kugira ngo uproteje (*protéger*) iyo famille (*mu gifaransa*) bashaka kugirira nabi kuko ni abavandimwe babo ni famille (*mu gifaransa*) mu yindi kugira ngo na bo ubagenderere maze iyo migambi mibi uyisenye. Kugira ngo ayo mashitani bashaka kubaterereza, uyabatsindire.

Mubyeyi mwiza, ndaguhereza abihaye Imana cyane cyane abapadiri, kugira ngo bose ubasure, ubagenderere, ubahe imbaraga, ubahe kunga ubumwe namwe, ubahe kumenya icyo bashaka, n'uwo bashaka, n'uwo bakorera. Ubahe kugendera mu nzira ushaka. Ubafashe kandi ubatsindire ibibashuka, ubatsindire byose kuko tuzi ko uri Umubyeyi w'impuhwe nyinshi. Ugwirize Kiriziya abapadiri kuko nta bana bakijya mu bupadiri kuko ndetse n'abarimo baragwa. None turagutumye Mubyeyi ngo ugende ubabyutse. N'abajegajegaga ugende rwose uce inkoni izamba, uzamure intama zawe.

Ndaguhereza n'abihaye Imana b'ababikira, abarayiki (*laïcs*) n'abandi bose bihaye Imana ku buryo bwabo ngo n'abo babikira ubagenderere, ubafashe, ubarinde, ubakomeze kuko hariho ibintu byinshi biturangaza, ibintu byinshi bitadufitiye akamaro kugira ngo izo ntama zawe, izo ntama zanyu, umugambi, igihango mwahanye boye kugitatira.

Ndaguhereza n'ingo z'abashakanye kugira ngo na zo uzigenderere, uzubake, uzikomeze. Nta ntungane zibaho ku isi ariko Mubyeyi ujye ukubita akanyafu buri muntu n'undi, yoroherane n'undi.

Ndaguhereza impfubyi zose kugira ngo ujye uziba hafi, uzishyire mu gishura cyawe gitagatifu, uzibumbatire kuko zibura byinshi.

Ndaguhereza abantu bafite ababo bafunzwe mu mpande zose, mu bihugu byose ngo na bo ubagenderere, ubafashe, ubakomeze kandi n’abo bafunzwe ubagenderere, abazira ukuri ubahe kumva uburemere bw’icyo bakoze. Uzira akarengane na we umugenderere kuko ni mwebwe banyakuri b’ukuri koko, ni mwebwe muzi icyo twe tutabona. Kwa kuri kuzagaragare, kwa gushaka kwanyu noneho Mubyeyi, ababakunda, babatakambira maze mubakire, mubafashe. Mufashe n’abana bafite ababyeyi babo bafunzwe, ubakomereze imitima kugira ngo batagira igitekerezo cyo kwihorera, batagira igitekerezo cyo kugira nabi, ahubwo bakurangamire kuko ushobora byose. N’ababyeyi babo kandi batari kumwe n’ababo ujye kubafasha.

Ndabahereza abana bose bazahabwa amasakramentu muri St Roch, mu ma kiriziya yose ya hano tuba n’ayo ku isi hose ngo muje mubamurikira muri ibyo bikorwa. Usabe Umucunguzi Yezu Kristu abamanukiremo, bahabwe isakramentu ribubaka kandi ryubake n’ababyeyi babo.

Ndabahereza n’abandi bose, natwe twese abanyabyaha kugira ngo tuve mu muyobe w’icyaha ahubwo turangamire inzira y’ukuri iboneye kugira ngo muduhe izo mbaraga n’uburyo bwo kubigeraho.

Ndabahereza abari mu Rwanda ngo bose mubagenderere, mubaramburireho ibiganza byanyu (...?...) ahantu hose hari ibibazo kandi ugasanga ari bimwe, tutabihujije. None rero Mubyeyi ugenderere igihugu cy’u Rwanda n’Uburundi, ugenderere abasomari n’ababeninwa (béninois) ugenderere ibihugu by’isi maze ubihe gukorera mu kuri, ubihe kumvikana, n’abaturage baho twese uduhe kunga ubumwe muri Kristu. Ndaguhereza n’abakristu bose muri St Roch, abo nasize mu rugo, abo ndi busangemo, abo turi kumwe, kugira ngo na bo ubaramburireho ibiganza byawe, ubahe umugisha wa kibyeyi. Ugende, ugenderere bariya baguhakana, bariya bagusebya.

Ndaguhereza amashyirahamwe, urugaga rw’abasenga, urugaga rw’abaririmba. Ndaguhereza abantu bose tuvuga ko tugukunda, kuduha gutera intambwe muri urwo rukundo kugira ngo koko twese tugaragaze ko turi kuza iwawe.

*Atera indirimbo:*

*R. Turaje Mariya, kugutaramira, Mubyeyi wa Jambo udubora hafi.*

*I Kibeho mu Rwanda waradusuye, watubwiye yuko uri Nyina wa Jambo.  
Watwibukije Jambo wigize umuntu, n’urukundo rukomeye mudukunda.*

R.

Ndaguhereza abantu bo mu Rwanda babyutse bakugana ngo bakubwire ko bagukunda kandi ko biyemeje kugukorera no kugusanga kugeza igihe bazapfira. Ngo n’iyo babatoteza bazemera bakaba abamaritiri kugira ngo na bo ubagenderere muri uko kugukorera bazagukorere nta gusuzugura, bazagukorere badashyiraho ingufu za muntu, ahubwo bazakoreshwe n’ingufu zawe.

Nanjye ndagusaba Mubyeyi kugira ngo ujye umfasha nubahe Kiriziya uko ubishaka kandi nkaguhereza n'uriya wampaye wo kunyobora kugira ngo ajye anyobora nanjye kandi mu kunyobora, mubwize icyo numva mbona, kugira ngo amfashe, nanjye mufashe, kuko akenshi na kenshi umuntu ahura na byinshi, kugira ngo uko ushaka kujye gukorwa muni nk'uko gukorwa mu ijuru. Ntibizabe jyewe uko mbishaka bijye biba mwebwe uko mubishaka. Murakoze.

Ndaguhereza abapadiri badusomeye misa uyu muni, ngo ubongerere Roho Mutagatifu, ubongerere imbaraga, ubahe kunguka ingabire zo kugukorera, uhe n'abakristu bari baje kukwakira na bo imbaraga, ubashyiremo icyizere cyo kugukunda no kugukorera. Rwa rukundo waduhaye, wabahaye...

Mwe mugira indabo nyinshi cyane, muzitegura he?

Uzi ko...?

Hakorwe ugushaka kwawe ntihakorwe ugushaka kwanjye.

### ***Isengesho rya mbere yo gutanga umugisha w'amazi:***

*Nk'uko bisanzwe bigenda, Valentine arambura amaboko, maze akajya yerekeza ku ruhande agiye gusengera, agasenga, akarangiriza ku kimenyetso cy'umusaraba. Yagize ati:*

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi, kumva ko ntagomba kwinubira ibyo mpuye na byo byose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, kubabarira no kubabarirwa, no kuwutangana ubwicisha bugufi. Umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Umpe kumva ko ngomba gufasha Yezu gukiza isi. Umpe kwemera ugushaka kwanyu. Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, ubwicisha bugufi, ubusabane n'icyubahiro cya Nyagasani no kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, no kuwutangana ugushaka kwawe, atari ugushaka kwanjye, ugushaka kwawe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani kandi aya mazi ngiye kuvomerera indabo zawe azihaze.

Hii. Iyo umuntu agiye guhinga cyangwa kubagara, arabanza akanywa, akarya, cyangwa se... Hii.

Ndazivomerera nzirangize. Naho ubundi [a]shwi. Ntaho nazirangiza. Murakoze.

*Ashaka kunywa amazi mbere yo gukora ikimenyetso cy'umusaraba.*

Nari nibagiwe mumbabarire.

*Noneho akora icyo kimenyetso, abona kunywa. Nyuma ajya guba abandi umugisha.*

### ***Valentine atangira gutanga umugisha w'amazi***

*Nkuko bisanzwe bigenda icyo atanga umugisha w'amazi, agenda azenguruka mu bantu bose, abatera amazi. Hakaba abonyesheje by'umwihariko ku gikoresho, cyangwa ku kiganza cye. Abandi akabasukira mu biganza byabo, cyangwa akayabasukaho. Abandi akabubagira cyangwa akabakandira abo barwaye bazi abandi batari banazi ko baharwaye. Hakaba abakorewe icyo mihango yose cyangwa se imwe n'imwe. Habaho rero n'abababwira ubutumwa bw'umwihariko. Mu gihe Valentine atanga umugisha, abakristu bakomeza indirimbo zinyuranye zigenda zisimburana n'amasengesho cyane cyane ishapure.*

### ***Dore bamwe muri abo :***

Goretti: Mwana wanjye, akababaro wagize, ndakazi, ukihangana. Ujye umenya ko ngukunda kandi ujye wihangana umbe hafi. Ntuzacibwe intege n'abantu, utazasubira inyuma. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro. Mwana wanjye, ndagukunda. Mwana wanjye, nzagufasha.

Said NJIKAM: Mwana wanjye, ndagushimye wowe waje hano kandi atari idini yawe. Ariko numva ko igihe kizagera.

Béatrice SEBATWARE: Mwana wanjye, igitekerezo wagize cyo gushinga umuryango « Intumwa za Bikira Mariya w'i Kibeho » ntabwo cyakujemo gusa. None ndakwibutsa, haguruka ukore, ufashe abo watoje uwo murimo kandi ndagushimira kuko wabitekereje. Urakoze.

Umurwayi wa mbere: Valentine yamugezeho amubaye amazi, atangira kurwana na we, ashaka kwitura hasi. Valentine aramukomeza, bigera abo aryama hasi. Valentine yamukoraho agataka nk'ubuye, asakuzza, arira.

*Abakristu bahise batera ishapure, iba intwererano yabo yo gufasha Valentine wasengeraga uwu murwayi.*

*Valentine we afite amasengesho avuga, cyane, bucece, yongorerera se ndetse akananyuzamo akaririmba. Yakoresheje amazi y'umugisha n'umusaraba w'ishapure yari yambaye.*

*Dore zimwe mu ndirimbo yaririmbye icyo gihe :*

1. Umugambanyi w'inzira n'urupfu, izina rye ni Yuda  
Yagambaniye Umwana w'Imana, aramugurisha



*Habayeho, umubabaro mwinsbi cyane ku Mwana w'Imana  
Iyo nuburiye amaso mu ijuru, ndira amarira menshi.*

*2. Kristu yatsinze shitani, atsinda icyago n'urupfu, alleluya.*

*Abakristu na bo batera izi ndirimbo zikurikira :*

- Reka mbaratire
- Nzagusingiza Yezu
- Inyange za Mariya ntimukababare
- Ibisiza n'imisozi

*Umurwayi arashyira arabaguruka maze abari aho bakoma amashyi, ababyeyi bavuzza impundu bashimira Bikira Mariya umukijije.*

*Valentine yabise akomeza gutanga umugisha mu bantu no guha bamwe ubutumwa bw'umwihariko.*

**KIKOKA:** Mwana wanjye, nubwo wifuje kujya i Fatima ntubone uko ugerayo, n'aha ni Fatima. Mwana wanjye, bana banjye, muhumure, ndabarinze kandi isengesho ryanyu naryumvise kandi n'ibibazo byose ndabireba. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro. (*Valentina yiyambuye ishapure imwe muze yari yambaye, ayiha uwo mugabo.*) Mwana wanjye wavuye kure n'abo waje usanga, ndabashimiye.

**VAL.:** *Atera indirimbo:*

*Ushaka ingabire y'Imana ntarambirwa, ahora asenga cyane abikuye ku mutima*

*R. Iyizire, iyizire, (2x)*

*Iyizire Ngabire y'Imana yatugabiye.*

**Umurwayi wa kabiri:** *Umugabo warwaye maze kuri 15.05.2008 Valentine akamusengera, yahawe amazi y'umugisha ahita asimbuka, arabaguruka, arataka cyane. Umupadiri wari umuri irubande atangira kujya amukozaho umusaraba, amusengera. Bigeze aho aya mu mwanya we, agenda agana imbere asanga umusaraba. Yabaye nk'uhagaritswe, arabindukira, n'uko yitura hasi, aragaragurika, arataka cyane, ata akaguru n'akaboko n'ibindi byinshi. Abana bararira, abakuru bashya ubwoba. Ubwo Valentine yageze igihe abagarika gutanga umugisha, aza kumusengera. Yabonye abana barira cyane, abanza kubahoza, bamwe abashyira ababyeyi babo, abona gukomeza gusengera uwo murwayi. Avuga amasengesho, akanyuzamo akaririmba, ubundi akagenda amukozaho Umusaraba we udasanze, akoresha iyo asengera abarwaye amashitani, akamuba amazi y'umugisha, akanayasuka ku bice bimwe na bimwe by'umubiri.*

*Igishyashya twabonye ni uko Valentine yajyaga anyuzamo akajya gutera amazi mu bice no ku bantu begereye aho uwo murwayi ari.*

*Ikindi ni uko yageze aho agakandagira ku maguru y'uwo murwayi nk'uko tubona ku mashusho atwereka Bikira Mariya akandagiye shitani.*

*Abari aho bo barongerera bafasha Valentine mu kuvuga ishapure banaririmba.*

*Dore indirimbo Valentine yaririmbye mu gibe yasengeraga uwo murwayi:*

**Indirimbo ya 1:**

R. *Yezu wemeye gupfa umeze nk'intabwa, urwo twari dukwiye ni wowe rwahamye  
Abo babisha bawe ntibagusoneye, tweho turagukunda, tugushimagiza.*

*Ni mundebera umutwe ushakaje amahwa, amaraso amutemba umubiri wose  
Mumenyereho rero ko ari ryo turo, mwajyaga mumwitura n'igibe abapfira.*

R.

*Yezu wagize ibyago n'agashinyaguro, kandi ari wowe Imana nyir'isi n'ijuru  
Ibyo ni ibyaha byacu byicishije Yezu, ni mucyo tubireke, tumukunde cyane.*

R.

**Indirimbo ya 2:**

R. *Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x)*

*Kiza abanyabyaha, bamenye iby'Imana,  
Uturinde ibyago, duhe ibyiza byose (2x)*

R.

*Turakurakwiringiye, tuyane mu ijuru,  
Tubane yo nawe, tunezerwe hamwe (2x)*

R.

VAL.: *Atera aya masengesho, ayafatanya n'abari abo bose:*

- Dawe uri mu ijuru
- Turakuramutsa Mawe wuzuye inema
- Notre Père, qui es aux cieux
- Je vous salue Marie
- Gloire au Père, au Fils et au Saint Esprit
- Oh Mon Jésus, pardonne-nous nos péchés (2 x)
- Yezu wacu, tubabarire ibyaha byacu
- Mana ituma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mitima yacu urukundo rwawe rudatezuka, kugira ngo ibi bitekerezo uduhaye bidahinduka, ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

- Mana ubaho ugahanga byose, ni wowe ukiza iteka abakwemera, turatakambira abawe barwaye tugira ngo ubagirire impuhwe maze nibamara gukira, bazaze kugushimira muri Kiriziya yawe, kubwa Yezu Kristu Umwami wacu, amina.
- Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bese ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje, kubwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.
- Mariya utasamanywe icyaha (2x).

B.M. : Bana banjye, ndabakunda. Ariko mfite akazi kenshi. Abavuye kure basubirayo, mbifurije urugendo rwiza, n'abari busigare kandi namwe, musigare amahoro. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro.

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amina.

VAL.: *Akandagira ku maguru y'uwo murwayi maze atera indirimbo zikurikira:*

**Indirimbo ya 1:**

R. *Nyir'imbabazi, tubabarire twese, ibyaha byacu utabidubora.*

*Gira imbabazi, twakugomeye kenshi, impuhwe zawe ni zo nyinshi cyane.*

R.

*Gira imbabazi, umva amaganya yacu, ntwanga abawe, bakuganyira.*

R.

*Gira imbabazi, twakugomeye kenshi, impuhwe zawe, ni zo nyinshi cyane.*

R.

*Amashitani aratwanga, na rubanda baratwoshya, nta n'amagara tugira, duhagarareho Mana.*

**Indirimbo ya 2:**

R. *Robo w'Imana Muremyi, uze ukize abantu bawe, izo robo wiremeye, zigwirize inema zawe.*

*Icyaha kiruta icyago, ugikora yanga Imana, ni umuriro yishakira, uturinde kugikora.*

R.

*Icyo Imana yategetse, kibeshaho umuntu wese, kikamugeza mu ijuru,  
Mana Robo tubwirize.*

R.

*Nuko umurwayi arabaguruka, arambura amaboko, abagarara imbere ya  
Valentine, maze abari aho bakoma amashyi yo gushimira Yezu na  
Bikira Mariya, ababyeyi bavuzza impundu.*

VAL. : *Akomeza indirimbo :*

*Uratabare Kiriziya, abanzi bayo bayanga, Papa wacu umurinde, Mana  
turakwiringiye.*

R.

*Valentine amanura amaboko y'uwo murwayi, amuha umugisha. Nuko umurwayi atangira  
gukebaguzza areba hirya no hino ubona ko atazi ibyabaye n'impamvu ari aho imbere ya  
rubanda, n'uko asubira mu mwanya we yihuta.*

*Abakristu bakoma amashyi menshi bashimira Yezu, ni uko batera kabiri iyi ndirimbo:*

R.: *Ni wowe Mugenga, wanjye Yezu, wandindiye ubuzima, nzagusingiza.*

*Mfasha gukunda abandi, nk'uko wankunze, bose bakumenye ko ari  
wowe Mugenga.*

R.

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

R. *Mariya mwiza Mubikira, Mubyeyi wacu urakaramba.*

*Uri ka gaseke k'imikindo, kamwe kabika ibanga ry'ibwami  
Mawe iwanyu si kure cyane, burya uwazindutse arahataba.*

R.

*VALENTINE YITURA HASI. UBWO ABARI AHO BAMENYA KO AB'IJURU  
BASEZEYE, BATASHYE.*

*Igitaramo gikomezwa n'indirimbo zinyuranye abari aho baririmbana ibyishimo batewe n'uwo muni  
wose.*

*Bagiraga bati:*

Ni wowe Mugenga, wanjye Yezu ...  
Tuzabyina neza birenze ibi ...  
Nzaririmba Rozari ...

*Nuko abari bazinduwe no gusanganira Umubyeyi Bikira Mariya n'Umwana We, Yezu Kristu,  
basezeranaho, barataba, bishimye. Hari saa kumi n'imwe.*

|                       |  |
|-----------------------|--|
| Umwanditsi:           | Candide NTARAMUKA                            |
| Abafashe amajwi:      | Jean Claude KAYIHURA                         |
| Gusoma inyandiko:     | Immaculée NYIRANSABIMANA<br>Côme RWABUZISONI |
| Gukosora imyandikire: | Stany KURAZIKUBONE                           |

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**  
**KU ITARIKI YA 15/O5/2010 MURI KIRIZIYA YA « SAINT ROCH »**  
**CHAUSSÉE D'ANVERS N° 60 – 1000 BRUXELLES.**

**Intangiriro:**

Uwo muni, hizihizwaga imyaka 28 Umubyeyi wo mw'ijuru n'Umwana We, Yezu Kristu, dore ko batajya batandukana, bamaze bagenderera Valentine ku mugaragaro. Kuva rero aho duterewe umunezero n'ab'ijuru, bakadutetsha baduha kujya duhurira na Bo muri Kiriziya yitiriwe Mutagatifu Roch, ishapure, ubuhamya, isengesho ry'abavuye mu bihugu bya Espagne, Ubufransa, gushengerera Isakramentu Ritagatifu, igitaramo cy'urubyiruko (abasore n'inkumi, urucanda rw'imyaka itatu kugeza kw'icyenda) na misa iyobowe n'Umusenyeri akikijwe n'abasaserdoti n'abakristu b'ingeri zose ni byo byabimburiye uwo muni. Misa irangiye, haririmbwe nk'uko bisanzwe bigenda, indirimbo yo gusoza. Bigeze aho Valentine ava aho yari ari afatanyaga n'abandi kuririmba, yigira imbere, arapfukama, asenga muri bucece. Nuko hashize akanya, aza guhindukira nk'uwitabye umuhamagaye, avuga ati :

VAL: “Vuga icyo ushaka, umuja wawe arumva.”

*Ahita atera indirimbo:*

*Turakuramutsa nka Gabriyeli kera,  
Udube amahoro, uturinde twese (2 x)*

*R. : Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,  
Bikira Mariya ujye udubakirwa (2 x)”*

*Ahagarika indirimbo abwira uwo yarebaga agira ati:*

“Mubyeyi, ndi igikoresho cyawe, unkoresha uko ushaka”.

B.M.: “Bana banjye, ndabaramukije. (*Amashyi menshi n'impundu z'abari aho*)

VAL.: Mubyeyi, natwe turakuramukije: Uraho Maman! (*Amashyi n'impundu*)  
*Arikiriza ku cyo abwira ati: Hii.*

B.M.: Bana banjye, nshimishijwe nuko mwajye kunyakira. Nshimishijwe nuko buri muntu wese yigomwe ibye, akaza kwifatanyaga nanjye. Bana banjye, murakagira abababyara! (*amashyi n'impundu*). Ndishimye. (*Amashyi n'impundu*).

Niyo mpamvu, bana banjye, mbasabye kugirango buri muntu wese aruhutse umutima. Ufite impagarara, ufite ubwoba, ufite impumu azishire.

Ufite igishyika na we agishire. Maze buri muntu wese ambwire ikiri ku mutima we. Maze buri muntu wese avugire uwe utashoboye kuza, avugire uwe atazi iyo ari, avugire uwe atabona, atigeze amenya kandi ahari, avugire abatagira kivugira, avugire abatagira ababibuka, cyane cyane roho ziri mu Purgatori.

Bana banjye, ndabasabye kugirango buri muntu wese ansabe ibyo afite mu mutima we, buri muntu ku giti cye maze aruhuke. Mbateze amatwi :  
*Muri ako kanya, umuntu wari urwaye abita atera indirimbo agira iti : Nguteze amatwi Nyagasani...Mu gihe uwo muntu arimo kwirimbira, asa n'urungajye abantu, Bikira Mariya na We abita yibutsa ibyo yari amaze kuvuga agira ati :*

Mumbwire ndabumva, mwikumva ibyo ntavuze. Mumbwire mbateze amatwi.

*Wa wundi we arakomeza aririmbira ati : Nguteze amatwi, Nyagasani...*

Val. : Mubyeyi mwiza, ndakwereka abantu bose twari kumwe muri Eglise. Baturutse imihanda yose, baje kumva ijambo ryawe, baje kukwereka ibyabo byose. Ari abaturutse mu bihugu bitandukanye kandi bakahagera bibaruhije, na bo ngo ubagenderere, ubatahe ku mutima, maze Roho Mutagatifu bamutahane, bamugeze no ku bandi.

Ndaguhereza urubyiruko, ndaguhereza abana batoya, ndaguhereza ababyeyi b'ingeri zose, ndaguhereza na ba bandi bose birengagiza ibyari ibyanyu, ba bandi babahakana, ba bandi bashidikanya, ba bandi bashaka ibitangaza kandi bagendana na byo. Ndaguhereza abasenya imitima y'abandi, ndaguhereza abatagira urukundo mu mitima yabo. Ndaguhereza ba bandi badashobora kugera mu mfuruka y'umutima wabo ngo bakuremo ikibi bahashyire icyiza, ngo uyu muni uhabagerere maze ukuremo ikibi wimike icyiza.

*(Undi murwayi atangira gusakuza). Valentine yikiriza ibyo abwirwa ati : Hii, hii.*

B.M. : Bana banjye, imitima yanyu nimuyereke Umusumbabyose. Bana banjye musenge. Bana banjye ntumukagire ubwoba (*atsindagira*) kuko nta kibazo kihari. Ahari

Roho Mutagatifu, ahari ukuri kw'Imana nababwiye ko ukuri kuzagenda kugaragara buhoro buhoro. Aho umwanzi ari ntavuga, ariko aho nageze n'Umwana wanjye, bahinda umushyitsi.

VAL. : Ndaguhereza ba bandi b'akazuyazi, ndaguhereza ba bandi barwaye indwara zitandukanye. Ndaguhereza n'abarwaye indwara za roho kuko kenshi na kenshi ari zo zimunga buri muntu wese.

*Araririmba ati :*

*Mariya mwiza Nyina wa Jambo, Mariya mwiza Nyina wa twese*

*R. Ganzza, ganzza, ganzza, ganzza, ni Wowe mwiza utagira inenge*

*Uri ubutunzi butagereranywa, uri uruhimbi rwa Nyirigira*

*R. Ganzza, ganzza, ganzza, ganzza  
Nyaruka bwangu uze ukize abantu.*

*Arikiriza ku cyo abwiwe ati : hii.  
Urakoze kutwumva, Maman !*

B.M. : Bana banjye, nimusenge kuko mutazi umunsi n’igihe.  
Bana banjye, nsubiramo kenshi mbasaba kubabarira no kubabarirana.  
Bana banjye, nababwiye ko icyanzanye ntarakigeraho. Ndashaka imitima yanyu isukuye, ndashaka imitima yanyu ibabarira buri muntu n’undi, mutarebye isura y’umuntu, ahubwo murebye isura y’Ubumana bumutuyemo. Buri muntu arebe mugenzi we amubwire ati : “Twese turi abana b’Imana”. *Abari abo bese babikora uko babisabwe!*

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

*R. Dutete twifitiye Umubyeyi, tuzabyina twishimana na Mariya, dutaguze tube ingabo za Mariya, kandi ingoma ye izatsinda, kandi ingoma ye ni ukuri izatsinda*

*Umubyeyi mwiza, ni Mariya  
Ukiza abarwayi ni Mariya,  
Mwamikazi wa Rozari ni Mariya  
R.  
Umubyeyi mwiza, ni Mariya,  
Uwo nzabona ndata ni Mariya  
Uwankijije umwanzi ni Mariya  
R.*

B.M. : Bana banjye, ndabasaba kuvuga isengesho rivuye mu rukundo atari amasengesho gusa ahubwo muvuge isengesho rivuye ku mutima, isengesho ririmo urukundo, isengesho ririmo gufashanya, isengesho ririmo gutabarana no kugirana inama.

Bana banjye mushake ubucuti bwuzuzanya, ntimugashake ubucuti busenyana. Bana banjye buri muntu wese ni intumwa yanjye kuko ari cyo cyazanye n’Umwana wanjye kw’isi. Kuko ari cyo cyanzanye. Ni yo mpamvu nababwiye ko naje kwiyunga n’abanyabyaha b’isi yose kugirango bakizwe. Ni yo mpamvu

Umwana wanjye nababwiye ko tudatandukana kuko anturamo, nkamuturamo, kuko aho ngiye hose n’aho agiye tuba turi kumwe. Namwe mba ndi kumwe namwe kuko muri ibibondo byanjye. *(Amashyi menshi n’impundu).*

Narabaragijwe kandi narabyemeye. Narababyaye kandi nzabarera ! *(Amashyi n’impundu byuzuye ibyishimo byinshi)*



Bana banjye, ntimugace imanza. Ntimukagire abo mutunga urutoki kuko izisigaye namwe ziba zibareba. Ndabasabye nimupfukame musenge, muhare amavi, mutakambire Kiriziya yacu ntagatifu n’urusange rw’abatagatifu, musenge isengesho rivuye ku mutima.

Bana banjye, i Kibeho muri 85-86, nasubiyemo mbabwira nti : « Kugeza kuri uyu muni ko intambara ikomeye ari iri mu mitima yanyu ». Nimuyirwanye kugirango mutsinde.

Iyo ntambara ni inzangano, iyo ntambara ni amashyari, iyo ntambara ni ugusebanya, iyo ntambara ni ukudakunda mugenzi wawe, iyo ntambara ni ukwanga uwo wakunze, iyo ntambara ni yayindi yo kwanga urubyaro wabyaye, iyo ntambara ni ya yindi yo kumva ko wowe uzi abandi nta cyo bazi, yo kumva ko usenga kurusha abandi, yo kumva ko byose ubishoboye. Nyamara byose ni ugufashanya, niyo mpamvu naje kubagenderera kugirango nanjye mumfashe, dufatanye, dufashanye, twunge urunana, maze twubake rwa rukiramende.

Bana banjye, burya nta mubyeyi uzindukira ubusa. Nta n’umubyeyi ubyara abana bose ngo babe gito. Muramenye rero mutazaba muri ba bandi bazindukira ubusa, ngo mube no muri ba bana batumwa ntibatumike. Ndabasabye.

Uyu muni ndabona mwaje muri benshi. Siko mwese mwemera. Harimo abari gushidikanya, harimo abaje kunyomoza, harimo abaje bifuza ibitangaza, harimo abazinduwe n’ukuri baje gushimira, baje gusaba, baje gutura, ariko mwese kuko ndi Umubyeyi, ndambuye amaboko ya kibyeyi kugirango mbashyire mu gishura cyanjye. (*amashyi n’impundu*).

VAL.: *yikiriza ku cyo abwira ati: Murakoze. Hiii.*

B.M.: Wowe utemera, wowe w’umuhakanyi, wibiba imbuto yawe mbi ahubwo bigumane mu mutima wawe. Wowe wemeye se ukabihisha byo bikumariye iki ? Ntimugatinye kuvuga uwo mukunda, ntimugatinye no kwemera icyo muri cyo.

Mbasabye urukundo bana banjye.

VAL.: Ni ukudufasha kuko turi abanyanteye nkeya kandi kuko twikoreye uruhu muntu kugirango tujye dushobora gukora ugushaka kwanyu.

*Atera indirimbo:*

Ingeso mbi z’abantu zari zakoranye, ibyo byose ni Yezu wabiturihiye

*Wa murwayi wa mbere ahita akomeza kuririmba, kandi Bikira Mariya we arimo kwuga.*

B.M. : Bana banjye, nimuhaguruke, buri muntu wese aririmbe indirimbo Umwana wanjye yaririmbye, ayumva amagambo, yumva icyo bishaka kuvuga maze turirimbane, ndababwira impamvu nimuyirangiza :

*Valentine atera indirimbo abari abo bose barayiririmba:  
Aho mwabonye Yezu wemeye urwo rupfu  
Bamushinyagurira, bamwambika amabwa  
Ibyo ni ibyaha byacu byicishije Yezu  
Ni mucyo tubireke, tumukunde cyane*

*R. Yezu wemeye gupfa umeze nk'intabwa,  
Urwo twari dukwiye ni Wowe rwahamye  
Abo babisha bawe ntibagusoneye,  
Tweho turagukunda tugushimagiza*

*Ibyo n'ibyaha byacu byicishije Yezu,  
Ni mucyo tubireke tumukunde cyane*

R.

Bana banjye, murakoze, ndabashimiye (*amashyi*). Nagirango mbumvishe ukuntu twaje kw'isi kugirango tubereke ko tubakunda. Hari ikirenze gupfira umuntu kugirango umwereke ko umukunda ? Umwana wanjye na We yaje mw'isi kubera urukundo. Ari hano kubera urukundo. Ni mucyo tumuramye, tumukunde cyane.

*Aba umwana muto atangira kurira no gusakuza, byumvikana ko ari umurwayi.*

Ni mucyo tumubwire tuti : Yezu, uri Umwami, Yezu uri Imana, Yezu uri Imana yigize umuntu, Yezu uri Umwana w'Imana. (*Abari abo basubiragamo ibyo Bikira Mariya avuze*).

*Valentine arikiriza ku byo abwirwa ati : Hii, hii. Murakoze.*

VAL. : Karame ! Hiii.

B.M. : Bana banjye ntabwo ibitangaza ari byo bituma umuntu yemera kuko no kuba twabyutse ni igitangaza !

*Valentine yubura umutwe, arasama, yerekana Ukarisitiya imuri ku rurimi ! Abantu bose baratangara, bakoma amashyi menshi, bavuze impundu, bishimye cyane! Valentine atangira kugerageza kumira, ubona ko bitamvorohye. Arongera arasama yerekana ko ya Ukarisitiya ikimuri ku rurimi. Abantu barongera bakoma amashyi, baratangara cyane !*

*Wa mwana muto akomeza kurira no gusakuza cyane !*

B.M. : Bana banjye, mwahawe Ukaristiya ntagatifu irimo Umubiri n'Amaraso by'Umwana wanjye. None Igikoresho cyanjye, Umwana wanjye agihaye Umubiri, **Inyama** !

*Valentine yongera kwasama, yerekana koko ko yananirwe kumira, akirimo kugerageza. Bigeze abo birakunda, aramira !*

*Uko twabibonye, ntabwo yari Ihostiya tumenyereye kubona, ngo ibe uruziga ruringaniye ku mpande. Nuko rero twasobanurirwe ko yari « Inyama ! ».*

VAL. : Murakoze ! Papa, nubwo utamvugishije kandi simbe nkubona, ariko Ifunguro ryawe rirampagije !

*Abantu bakoma amashyi bafatanyaga na Valentine gushimira, bavuzaga impundu bumvise ko Yezu ari We umaze gubaza Valentine.*

B.M. : Bana banjye, nagirango mbereke ko aho ndi Umwana wanjye aba ahari. Nagirango mbereke ko njya kuza ntatumyehe, ahubwo narahamagaye baranyitaba. Noneho ndatuma. Ninjya no kugenda, nzahamagara, nsezere. Ariko sinzamenyesha. Ndashaka kuvuga ko nta we namenyeshesheje ko nzaza, nta n'uwo namenyeshesheje ko nagiyeye. Nasezeye buri muntu ku giti cyeye bitewe n'ubutumwa bwe namuragije. Ariko nta gihe na rimwe ijamba ry'Umwana wanjye nanjye rizaba ari irya nyuma kuko rirangiye. Kuko riratangira, rigakomeza. Ntabwo ari burundu! Kandi nababwiye ko icyanzanye ntarakigeraho. Icyanzanye ni **ukuri**.

**Icyanzanye** nuko abantu bagendera mu kinyoma. Abantu bitwaza uko bari n'aho bari kugirango icyo bavuze cyemerwe ! Ijambo ryanjye siko rigenda ! (*amashyi menshi*). Nazanywe no kugirango buri muntu wese akundane na mugenzi we .

Nababwiye ko Kiriziya zizasenywa n'abagombye kuzubaka. Aho twebwe twicaye tubeshya ko dusenga ntitwaba natwe tubifitemo uruhare ? Nidupfukame bana banjye ndabasabye, kugirango icyanzanye kigerweho. Iwanjye nta dini rihaba. Umwana wanjye nta dini agira kuko yapfiriye buri muntu wese. Nemera kumutanga kandi ari Imfura yanjye. Mwebwe se kuki mutampa bana banjye ko namwe muri imfura zanjye ? Ngo mumpu uwo mutima w'urukundo ? Aho wowe utababarira, ntuzahera muri icyo kintu cy'ikibunda ? Mbese wowe ubabarira ukabyigamba, aho ntuzahera mu kwikuza ? Ndabasabye nimugire ibanga ry'umutima wanyu. Mubike muri ya mfuruka itagwamo imvura n'izuba. Ariko muhabike ifunguro ryuzuye, ridacagase.

VAL. : *Atangira kuririmba :*

*Nazindutse kare cyane, nazindutse kare cyane ngana Afurika  
Nabasanze abatoni banjye.*

*Narabahamagaye ndabatuma, barantumikira, barantumikira  
Nabasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise.*

*Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda.*

*Mutege amatwi, mbabwire uko nitwa by'ukuri.*

*Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu Yezu Kristu... (ageze aba araceceka  
kuko wa murwayi wa mbere na we yararimo kuririmba. Abita aceceka)*

*Ndi Nyina w'Umu...*

*Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu Yezu Kristu*

*Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu, Yezu Kristu, Ummwana wanjye  
Igibe nazindukaga mbasanga, sinamusize, yari bafi yanjye : iburyo, n'ibumoso,  
imbere yanjye, n'inyuma yanjye, n'ubu nguyu hano muri kumwe ! (Abantu bakoma  
amashyi, avuza impundu bishimye).*

*Bana banjye, ndabakunda, nkabakumbura,  
n'ikimenyimenyi ndabasura, nkabatumaho.*

*Mutege amatwi kandi munyumvishe ukuri :*

*Ni nde wundi mvabonye waje abasanga,  
abatetesha, abinginga, abasaba imbabazi, ngo mumusabe abahe?*

*Ndafite bana banjye, mfite byinshi byo kubaha.*

*Mbahaye igikoresho cyanjye, kuko ni we mbatumaho.*

*Ndamubaragije, muramenye, sinzabagaye!*

B.M.: Bana banjye, iyi ndirimbo nayigishije igikoresho cyanjye kugirango mwumve amagambo ayirimo kuko nababwiye ko no mu ndirimbo habamo ubutumwa n'inyigisho.

VAL.: Urakoze.

*Atera indi ndirimbo:*

*Yezu n'inziira, n'Ummwami ni n'urukundo, n'Umubozza ni n'Umufasha*

*Ni Nyir'impubwe zigisagirane. Ni Umubyeyi, ni Umubyeyi, ni Umubyeyi ni Nyir'imbabazi.*

*Yarababajwe arababarira, yarakubiswe aca inkoni izamba, yatamirijwe amahwa arababarira. Nyagasani, Nyagasani, Nyagasani ca inkoni izamba ntibazi icyo bakora. Nyagasani, Nyagasani, Data uri mw'ijuru, bababarire ntibazi icyo bakora.*

B.M. : Bana banjye, mbasabye guhorana ubumuntu. Mbasabye guhora buri gihe mutekereza ko urukundo rw'Imana ntacyo twarugereranya.

Bana banjye, nta gishya kuko nsubira mu byo nababwiye kubera ko mbona mutabikurikiza. Nta gishya tuzaba dutegereje kitari mu Gitabo gitagatifu, mu Ivanjiri ntatifu. Musomesha amaso ahumye, ntabwo musomesha amaso y'umutima. Bana banjye ntabwo nzabatumaho ibikomangoma, ntabwo nzabatumaho abakomeye mutabonye, nzabatumaho intamenyekana. Nzabatumaho wa wundi uhurira na we mu nzira ukamukubita urushyi ntacyo agutwaye, wa wundi ubeshyera, wa wundi wicisha inzara. Kuko buri muntu wese ni intumwa yanjye.

Bana banjye amahirwe tugira ni menshi. Mbese aho dusubira inyuma tukareba koko ko hari ababa bafashe inzira baje gushaka ibyo twinemfaguza ?

VAL. : Ubwo se bishatse kuvuga iki ?

B.M. : Ndabasabye ntumuzabe « Byange mbyitwarire ». Munyumve neza : icyo umuntu adashaka ntabwo undi we ari uko aba atagishaka. Ni ukuba atakibona cyangwa atagifite. Nimwereke abaje kuvoma ko mwavomye, hanyuma mubagabanyirizeho, mubasukireho. Muramenye mutazabasaba barasanze mwujije. Nimuvomere ahabakiriye habe amahoro yuzuye. Muvomere

ibihugu byanyu mwavuyemo bibemo amahoro yuzuye. Muramenye ntimukavomere mu bitobotse. Nimubibe urukundo n'amahoro. Ndabibasabye, ndabibasabye!

Nimusabire ibihugu byanyu, ibihugu byababyaye buri muntu n'undi, buri muntu ku giti cyeye. Ni musabire abanyu bose babavuyemo mutazi aho bari kugeza muri kano kanya. Waba waributse kumusabira kugirango ababarirwe ibyaha atashoboye gusabira imbabazi? Ese ntabwo waba waramutereranye akaba buri gihe ahora ateze amashyi? Bana banjye, roho ziri mu Purgatori zihora zisabiriza. Zikeneye inkunga yanyu. Roho ziri mu Purgatori, zihora zisabiriza zikeneye inkunga yanyu, izo muzi n'izo mutazi. Nimukorere Purgatori kuri iyi si, muharanire kuzajya mw'ijuru, muharanire kuzaba abatoni ku Mana! Aho wibuka gusabira umurwayi utagira umurwaje, utagira n'uburyo bwo kurwara? Uburyo bwo kurwara nshaka kuvuga ni kwa kundi urwara ntihagire umenya ko urwaye. Ni cya gihe urwara ntujye kwa muganga ugahera aho kuko ntawe wabonye ukugeraho, nta n'uwo wabonye ukuvugira. Hari n'urwara akabona abamuvuza n'abamusura.

VAL. : *Atera indirimbo :*

*Duhere abarwayi kwihangana rwose, bajye bamenya Yezu wababaye cyane*

*R. Dore Umubyeyi, Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Umwami wacu.*

B.M. : Bana banjye, mwavuye mu bihugu bya kure, mwaje mufite inyota. Mwaje gushakisha, bamwe mushakisha n'ibyo mutari mwumva. Niyo mpamvu bana banjye, nkurikije umunaniro mufite, nkurikije ugushaka ukuri, nkurikije inyota, ndetse n'abo mwasanze hano bakabakira, murambure ibiganza mbasabire umugisha Umwana wanjye :

VAL. : *Atera indirimbo ati :*

*Akira Yezu Mwami mwiza, akira imitima y'abawe. Alleluya (5x)*

*Akira n'imibiri yabo, ibyabo byose ubyijyanire. Alleluya (5x)*

*Arakomeza ati:*

Mubyeyi turagusaba kugira ngo ujye udufasha twoye kuzajya tuba banyagushimira mu iriro ahubwo tujye dushimira ko bitugirira akamaro.

B.M. : Bibondo byanjye ndabashimira ko mwandirimbiye, ndabashimira ko mwambwiye ko munkunda. Nanjye ndabakunda! (abantu bakoma amashyi y'ibyishimo.

Bana banjye, n'utabonye umwanya wo kuza ngo abimbwire bose babyumva, n'uwambwiriye mu mutima nakiriye! Nutashoboye kuza ariko yabishakaga, na we nakiriye. Bana banjye, murakagira abababyara! (*Amashyi n'impundu*)

Bana banjye iyo mbabwiye gutyo mba nshaka kubabwira ko mutari impfubiyi, mba nshaka kubabwira ko mwese muri abana banjye. Niyo mwaba muri

impfubyi ku babyeyi b'umubiri, ariko muri abana banjye. Ndi kumwe namwe !

Bana banjye, ngiye kubatuma : buri muntu wese agende yibaze mu mutima we, arebe wa mugenzi we atashoboye kubabarira, arebe wa mugenzi we yahoraga uko asa, yumve ko ari umuvandimwe, arebe wa wundi yarebaga ikijisho, yumve ko ari umuvandimwe we kubera ko utuwemo n'Imana atabona aho abika inzika. Mugende, mwigishe urukundo, mwigishe kubana, mwigishe no kubabarirana, mwimure ushaka kubaturamo abayobya, mwimike urukundo. Ntihagire ikibakanga !

VAL. *Atera indirimbo :*

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo,  
Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu. Murakomeze (murwane)  
ntabwo nzabahana, nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya, wa mwanzi  
w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha, nzamukubita ijanja, mwimure mureba.  
Muhumure naratsinze nimika urukundo, ntihaire ikibakanga we

VAL. : Gusa icyo nje nabasaba nuko mwadufasha mu buzima bwo muri iyi si cyane cyane mugafasha impfubyi z'isi yose, mugafasha abapfakazi, mugafasha uruburako, mugafasha abana babura ababyeyi kandi babafite bombi, ariko bakamera nk'impfubyi, mugafasha ingo zitandukana kandi nta mpamvu. Mugafasha abantu bese bakiri bato bifuzaga gushinga ingo ariko bakabibuzwa n'ibibazo by'imiryango yabo, ariko bakagira ibibazo bahura na byo mu buzima kugirango mugenderere uruburako, murukubite agashyi, murwigarurire, rwivugurure mu gusenga, rwivugurure mu bikorwa, rwivugurure mu kubana n'ababyeyi barwo, no kubaha ishimwe ry'ububyeyi. Nkabahereza kandi n'ababyeyi kugirango na bo bafashe abana babo boye kubajugunya bakiri bato, babagire inama, baganire, ntihaire umubyeyi utinya umwana cyangwa ngo umwana atinye umubyeyi. Ndabahereza n'abatabafite kugirango na bo muje mukora ugushaka kwanyu, ariko mwibuke ko na bo bifuzaga kubona uwo mwana. Ndabingize.

Ndabereka abarwayi bamwe barwaye za kanseri (cancer) zidakira bari kondane

(condamnés), ndabereka abarwayi ba sida n'ubwo bari kondane (condamnés) kuko nzi neza ko umuti ari wowe uwutanga kandi ukwizera arakira.

Akenshi dusaba ibitangaza, akenshi tugasaba gukora ku ngufu ariko twibagirwa ko uburwayi bukomeye ari ubwa roho.

B.M. : Bana banjye, ndabasaba kugirango muje murinda abana banyu ubuyobe. Muje mufasha ibibondo byanyu mubirinde ko sekibi yabyinjiramo. Mubabatize bagobodoke ku ngoyi y'icyaha, babe babonye ingabo yo gukingira umwanzi shitani kuko aho inzira yaguye, shitani iragenda, ariko ahafunze ntihaca. Ndabasabye babyeyi! Batisimu ni imwe, itunganye, gatorika kandi ikomoka ku ntumwa. Muje mukora umurimo wa kibyezi kuko iyo utawujye uba

ucagashije igikorwa cyawe. Uwo mwana agomba kuzuzza ibyo wujurijwe ukivuka.

Ntimugatume abana bagira umururumba wo kwiba Umubiri wa Kristu kandi bafite uburenganzira bwo kuwubona, bakawubuzwa n’uko mutababaturishije ngo bakurikirane amasakramentu. Iyo bibaye, bijya ku mubyeyi. Mwikwiyongerera rero kuko ibyo muba mufite bihagije.

Bana banjye mwebwe mwemera, mwebwe muzinduka, ndabasabye mwubahe Ukaristiya Ntagatifu. Ndabasabye mwebwe abihaye Imana, mwebwe abakristu, kuko mu Karistiya Yezu aturamo wese. **Ntabwo ari Umugati.** Aba umugati k’utamwemera. Ndabasabye ni munyubahire Umwana.

VAL. : *Atera indirimbo :*

*Hari abagubabwa bikinira, bakegera ameza basiganwa  
Kugirango abandi bababone, bagarure bwangu badatana*

*R. : Funguro duhawe riboraho, Mpamba y’abasanga Nyagasani,  
Nanjye ndaguhawe ngo uze umvune mu rugamba ndwana njye nkugana*

*Atera indi ndirimbo, ariko mbere yo kuyitera avuga buhoro agira ati : «  
Bagirango ndi umusazi. »*

*R. : Dutete twifitiye Umubyeyi, tuzabyina twishimana na Mariya  
Dutaguzze tube ingabo za Mariya, kandi ingoma ye izatsinda  
Kandi ingoma ye n’ukuri izatsinda*

*Umubyeyi mwiza ni Mariya  
Ukunda Rozari ni Mariya  
Mwamikazi wa Rozari, ni Mariya*

R.

*Umubyeyi mwiza, ni Mariya  
Uwankijije umwanzi, ni Mariya  
Uhashya sbitani, ni Mariya*

R.

B.M. : Bana banjye, ngiye kubasubiriramo uyu muni ibintu bikeya cyane. Ni mushaka mubarire ku ntoki :

Ndifuzza urukundo  
Ndifuzza ubwitange  
Ndifuzza ubwicishe  
bugufi Ndifuzza  
ukubabarirana Ndifuzza  
kwubakana Ndifuzza  
kugirana inama

Bana banjye, mbasabye urukundo.

Urukundo buri muntu n'undi. Urukundo kuko iyo wanze mugenzi wawe uba wanze Imana imutuyemo kuko mwese muremye mw'ishusho ry'Imana

VAL. : Uzadufashe uduhe n'imbaraga zo kubishobora kuko ku bwacu nta cyo twishoboreye. Turi abanyantege nkeya. Akenshi turabishaka ariko intege za muntu zikatuganza. Simbeshya.

B.M. : Bana banjye, sinsenya, ndubaka. Bana banjye, nta nzika ngira kuko nyirwanya. Bana banjye, sindakara, ahubwo ndababara. Namwe mugerageze. Mwindambirwa kuko ntabwo muzi igihe nzasubirirayo haba hano, haba n'ahandi. Haba uyu munsu, cyangwa ejo.

VAL. : *Yikiriza ku cyo abwime ati* : Hii.  
*Hanyuma atera indirimbo* :

*Haraza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye, abahanura ibinyoma  
Ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo  
Kuko nzaba narabasabye mukanyima  
Nanjye nabaha ntimwakire, ntimushimire  
Bana ba Adamu na Eva  
Ibyaha byari byahanaguye, igihe nabapfiraga  
Ni musuzume imitima, ni mwisubireho  
Maze munsubize muti « Nyagasani, turabyemeye”  
Uzaba atekereza kandi yibaza, azasubuzza umutima we, maze awusubuze  
inshuro eshatu, ururimi arukarage, najya gusubiza azumva ijamba riye  
ry'ukuri.*

B.M. : Bana banjye, mfite akazi kenshi.

VAL. : Uyu munsu ni konji. Hi ? None se mu ijuru nta konji mugira ?  
Hii. Hari abantu benshi cyane babantumyeho.

Isengesho rya mbere yo gutanga umugisha: Valentine arambura amaboko, maze akajya yerekeza ku ruhanda agiye guha umugisha, agasenga, akarangiriza ku kimenyetso cy'umusaraba.

Yagize ati :

*-Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza,  
ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe kuwutangana icyubahiro cya  
Nyagasani kandi umpe no kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose.*

*-Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi,  
ukwihangana n'ukwihanganirana, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu, kumva ko  
ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.  
Imana isingizwe mu ijuru, munsu abitonda baborane amahoro.*



-Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ubwiyoroshye, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cy'abantu, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda baborane amahoro.

-Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani kandi numve ko ndi igikoresho cy'ab'isi yose. Imana nisingizwe mu ijuru no munsu abitonda baborane amahoro.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko ntacyo ndi cyo, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kubabarira no kumva icyo ushaka icyo ari cyo cyose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda baborane amahoro.

### ***(Valentina atangira gutanga umugisha w' amazi.***

Uko bisanzwe, iyo atanga umugisha w'amazi, agenda azenguruka mu bantu bose, abatera amazi, hakaba abo anyweshye by'umwihariko kw'icupa cyangwa akajerikani aba afite, cyangwa ku kiganza cye, abandi akabasukira mu biganza byabo, cyangwa akabasukaho, abandi akabuhagira cyangwa akabakandira abo barwaye (bahazi cyangwa batahazi) hakaba abakorewe iyo mihango yose cyangwa se imwe n'imwe. Habaho rero n'abababw ubutumwa bw'umwihariko.

Valentine mbere yo gutangira kuzenguruka mu bantu atanga umugisha, arabanza agaha umugisha amazi abantu bazanye ari naho avanamo ayo akoresha maze akisabira n'uwe. Yagize ati) :

Ariko akazi k'iwanyu ntabwo kajya koroha !

Usanga indabo z'iwanyu zicucitse naho iz'iwacu dutera hake kuko nta sambu nini tugira kandi tugashyiramo n'abakozi benshi. Oya ntabwo ari ukwinuba ariko uramfasha. Ubundi iwacu iyo umuntu agiye guhinga arabanza akarya cyangwa akanywa. Oya nta nubwo tujya dukunda kurya. Murakoze. Oya !

Atera indirimbo :

*Ni wowe rukundo rw'Iyaturemye, ni wowe mukiro w'abakwambaza  
Uri Imana nzima, turagusingiza , twizihwe no kurata Uhoraho*

*R. Ngwino Rumuri rwa Nyirigira, ngwino Robo w'Imana Uhoraho  
Ngwino Mbaraga za Nyagasani, ngwino Bubasha dukesha ubuzima  
Ngwino uture mu mitima yacu, udube urukundo rudashira.*

Akora ku kimenyetso cy'umusaraba, aranywa, hanyuma atangira kuzenguruka mu bari aho bose abaha umugisha.

### **Ubutumwa bwihariye:**

*Muzabusa muri DVD y'iri bonekerwa kuko mu byuma byafashe amajwi ntibyumvikanye neza. Mutubabarire.*

*Mu gihe Valentine yazengurukaga mu bantu atanga umugisha, abari aho basusurukije igitaramo babyina, baririmba indirimbo mu ndimi zinyuranye. Arangije, aragaruka, agira ati:*

Maman, akazi k'iwanyu kararushya! Indabo z'iwanyu ni nyinshi cyane. Umuntu aravomerera ntarangize.

Mubyeyi mwiza, ndaguhereza abantu bose bakuntumyeho :

- Hari abagushimira, hari n'abagusaba.
- Hari n'ababaza niba ababo baragiye mu ijuru kandi ngo niba bakiri muri Purgatori, ubabwire icyo bakora kugirango babasabire no kugirango bashobore kuzarigeramo.
- Hari n'abandi bafite intege nkeya mu gusenga ko wazibongerera kugirango bashobore gusenga by'ukuri.
- Hari n'abantumye ko ubuzima bwo kuri iyi si bubagora, ko bifuzako wabafasha cyane cyane abadafite amashuri, batize, kandi bafite abana bagomba kurera kandi na bo bakeneye kubaho. Mubyeyi ujye ubahora hafi, ubahe uburyo bwo kubaho n'ubwo gufasha abakene, baragusaba kugirango kandi ugenderere imitima yabo.  
Hari n'umwana muto cyane wambwiye ngo nkubwire ko ashaka kukubona. Ngo ahora asenga kugirango akubone. Ngo nkubwire ko ashaka kukubona.  
Hari n'umupadiri wambwiye ngo uzamwiyereke kugirango akomeze ashobore gukomeza umurimo wo kugutumikira no kumwongerera imbaraga.  
Hari n'abantumye b'impande zose, cyane cyane bafite ibibazo kuri roho zabo, bafite ibibazo byo kubabarira ababagiriye nabi, bibagirwe. Kuko kenshi turababarira ariko igikomere kigasigara.  
Hari n'abantumye ngo bifuzako gusenga ariko ntabwo bazi impamvu bagera aho bagacika intege. Abandi bakifuzako wagenderera ingo zabo ukazihana umugisha, ukazirinda sekibi, ukazirinda ikibi cyose cyatuma bahungabana. Hii.
- Hari n'ababyeyi bantumye ko bagutuye abana babo, cyane cyane bakaguturira abana b'isi yose cyane cyane urubyiruko.

- Hari n’abana bambwiye ko batigeze bamenya ababyeyi babo. N’ubwo bazi ko uri Umubyeyi ariko ko bifuza kumenya niba ababyeyi babo bari mu ijuru cyangwa batararigeramo kugirango babasabire.
- Hari n’abantumye bavuga ko abana wigaragarije bapfuye batashoboye kubona aho bahambwe kugirango uzahakorere ibitangaza bashobore kubona igitangaza kivuye aho bakeka ko baba barahambwe, kugirango bazabe abatagatifu.
- Hari n’abambwiye ngo mbabwire ko bashaka ko mwerekana ukuri maze abanshimanira inzara n’abambuza amahoro ngo bakabona ukuri na bo bakagaruka.
- Hari n’uwambwiye ko ashaka kugukunda akabyumva ko agukunda kuko ntabwo abyumva kandi arabishaka. Ngo noneho arashaka ko yumva ko agukunda, kandi ukabimwumvisha akumva ko bimumimo akajya abyumva koko k’urukundo ruri kwizana.
- Hari n’abantumye bavuga ko bifuza gusabira abatagira ababatekereza n’abatajya babyibuka. N’abasabira Kiriziya ntagatifu kugirango Roho Mutagatifu ayimurikire kandi ayirinde abayiryanira inzara ahubwo ayihe abayoboke benshi.
- Hari n’abasaba kugirango ugwize abasaserdoti, wongere utore intore zawe zitumikira Yezu Kristu kubera ko Abapadiri bagenda baba bakeya. Atari ku mubiri gusa, atari kwambara umwambaro, ahubwo abapadiri kuri roho zabo, bazi icyo bakora n’uwo bakorera. Hii.
- Hari n’abagushimira ku byiza byose uhora ubagirira. Bakagushimira imirimo ubaha no kugirango aho uzajya ubatuma kuyikorera bazajye bagenda batinubye.

B.M. : Bana banjye, nutashoboye gutuma, uyu n’umwanya nanyibwirire.  
Bana banjye murakoze, mbashimiye icyo cyizere.

VAL. : - Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu

-Ngwino Roho Mutagatifu

-Dawe wa twese uri mu ijuru

-Turakuramutsa Mariya

-Ndakuramutsa Mariya

-Turakuramutsa Mariya

-Niyubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu

-Yezu wacu tubabarire ibyaha byacu kandi uturinde umuriro w’iteka, igarurire roho z’abantu bose maze uziyobore inzira y’ijuru cyane cyane wite ku bakeneye impuhwe zawe, maze ubabarire roho ziri mu purgatori, n’abanyabyaha b’isi yose.

- Ku bw'ububabare bwe bukabije, tugirire impuhwe, kandi uzigirire n'isi yose. (3x).
- Dawe Mana ihoraho, ngutuye Umubiri n'Amaraso, Roho n'Ubumana by'Umwana wawe ukunda cyane, Umwami wacu Yezu Kristu, ngirango bihongerere ibyaha byacu byose n'iby'isi yose. (2x)
- Isengesho ryo gusabira abarwayi : Mana ihoraho igahanga byose, ni Wowe ukiza iteka abakwemera, turatakambira abawe barwaye tugirango ubagirire impuhwe maze nibamara gukira, bazaze kugushimira muri kiriziya yawe ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.
- Isengesho ryo gusabira abatwanga : Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bese ubakize ibyaha byabo byose ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje, kubwa Yezu Kristu Umwami wacu.
- Mana ituma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mitima yacu urukundo rwawe rudatezuka kugirango ibi bitekerezo uduhayeho bidahinduka, kubwa Yezu Kristu Umwami wacu.
- Mariya utasamanywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiyeho (2x)
- Nyagasani Yezu ubu turi mu biganza byawe, waturekura twagwa (3x)
- Imana nisingizwe mu ijuru, no munsu abitonda bahorane amahoro
- Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu

Wirirwe Mama!

*VALENTINA YITURA HASI.*

*UBWO ABARI AHO BAMENYA KO AB'IJURU BASEZEYE,  
BATASHYE. Igitaramo gikomezwa n'indirimo zinyuranye abari abo baririmbana  
ibyishimo batewe n'uwo munsu wose.*

*Maze Magnificat iba umusozo, ariko ababishoboye bajya gukomeza ubusabane basangira  
amafunguro yateguwe n'abakunda Yezu na Bikira Mariya.*

*Ibonekera ryarangiyeye mu ma saa kumi n'imwe*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**  
**KU ITARIKI YA 15/O5/2011 MURI KIRIZIYA YA « SAINT ROCH »**  
**CHAUSSÉE D'ANVERS N° 60 – 1000 BRUXELLES.**

**Ingangiriro.**

Uwo muni hari ku cyumweru. Amasengesho rero yari yahuje abakristu basanzwe bumvira misa muri icyo kiriziya hiyongereyeho n'abaturutse imihanda yose, ndetse no mu bihugu bikikije u Bubiligi hamwe n'ibya kure. Twavugaga nka Hispaniya, u Bufaransa, u Budage, u Buholandi, Otorishiya, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, n'ibihugu binyuranye by'Afrika.

Kiriziya yaruzuye irasagura. Igishimishije ni uko wari umuni uteguye, ku buryo nta waje wacikanywe.

Nk'uko rero bisanzwe bigenda ku muni nk'uko, abakunda Umubyeyi Bikira Mariya n'Umwana we Yezu bari babukereye. Saa moya, Kiriziya iba irakinguwe. Ishapure ibimburira amasengesho, hakurikiraho gushengerera Isakramentu Ritagatifu. Birangiye Misa iratangira. Abantu bifuzaga guseruka basimburana mu ndimi zitandukanye. Abandi babukereye ku buryo bushimishije ni urubwiruko n'abana b'ibitambambuga Bikira Mariya yasabye kutazigera bahabura.

Abasaserdoti benshi bayobowe n'Umwepiskopi batuye igitambo cya misa kidashobora kuzibagirana mu mateka y'uwo muni.

Bahanitse indirimbo zisukuye abaririmbyi b'ingeri zose ndetse n'aba «jeunes» baherekejwe n'ababyeyi babo.

Misa ihumuje, indirimbo zakomeje igitaramo. Bigera aho Valentine avuye mu mwana we, yigira imbere aritarura, apfukama asenga. Nuko aza guhindukira ubona yitabye umuhamagaye. Abanza kureba hirya hino ubona ko amushakisha, noneho aravugaga ati:

**VAL.:** Mubyeyi ndi hano uvuye icyo ushaka umuja wawe arumva!

*Ahera ko atera indirimbo, ati :*

**R. Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana**  
**Bikira Mariya, uje uduhakirwa (2X)**

Turakuramutsa nka Gabriyeli kera,  
Uduhe amahoro, uturinde twese (2X).

R./  
Bikira Mariya, Munyangeso nziza,  
Utsinde ingeso mbi ziba mu mitima (2X).

R./

*Arongera ati* : Ndi hano Ma, nguteze amatwi.

**B.M.** : Bana banjye, ndabaramukije.

*Abakristu bakoma amashyi bishimye, bavuzza impundu na bo basubuzza Umubyeyi.*  
Bana banjye, ndabakunda.

*Abakristu bongera gukoma amashyi bashimira.*

**VAL.** : *Aberako aririmba ati* :

Nazindutse kare cyane.  
Nazindutse kare cyane, ngana Afurika  
Nahasanze abatoni banjye.  
Narabahamagaye, ndabatuma  
Barantumumikira, barantumukira.  
Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye  
Baranyumvise.  
Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda.

**B.M..** : Bana banjye, nshimishijwe n’uko uyu muni ntabaye "Nyamwisiga ngo nisange".

*Abakristu bakoma amashyi.*

**VAL.** : Karame

**B.M.** : Bana banjye, igihe mwaturaga igitambo cya misa, nari nezerewe.

*Abakristu bakoma amashyi.*

**VAL.:** None se wari uri he ko ntakubonye?

Hii.

**B.M.** : Bana banjye, mushyitse umutima mu nda, abari bahangayitse! Nababwiye ko umunsi ari umunsi, isaha ari isaha. Ntabwo rero nitwa “Nyamwicumugambi”.

Bana banjye, nababwiye ko ntawe urwanya ikidahari, nta nutoteza uwo atabona.  
Bana banjye, nababwiye ko inzira y’Imana ifunganye ariko iya sekibi ikaba yaguye.  
Niyo mpamvu mubanza guhangayika, kugeza ubwo mutsinze, kugira ngo mwuzuze ugushaka kw’Imana.

**VAL.** : *Atera indirimbo* :

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo  
Murabe maso hatagira umwanzu ubacamo icyanzu.

Murakomeze mutwaze ntabwo nzabahana, nzahorana namwe nsimbura  
ibibarwanya  
Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha, nzamukubita ijanja mwimure  
mureba.  
Muhumure naratsinze nimika urukundo.  
Ntihagire ikibakanga we.

**R. Murumve twana twanjye nabaraze urukundo  
Murarugire intego mwese aho mujya hose, rubabere umutako mwiza  
uhora ubaranga ari amanywa, ari na n'ijoro. Ntihagire ikibakanga we.**

**B.M.** :Murakoze bana banjye murakagira abababyara!

*Ubwo abakristu bose bari bafashije Valentine kuririmba.  
Bakoma amashyi bashimira ubashimye.*

**VAL.** : Ariko se Mama, ko ari jye turi kumwe, uri kubwira ba nde? Hii.  
Abantu b'iwanyu barumviriza cyane !  
Hii.

**B.M.** :Bana banjye, mujye mukundana nk'uko mbakunda! Mujye mubana  
nk'abavandimwe!  
Mujye muba umwe, nk'abana bahuriye ku mubyeyi umwe! Nkuko muri hano  
mwahuriye ku meza matagatifu, mujye muhahirira musingiza kandi mwungurana  
ibitekerezo! Mutarebye uko musa, mutarebye aho muturuka, mutarebye abo muri  
bo, ahubwo mwubake rwa rukiramende rushyira hamwe maze ingoma y'Imana  
yogere hose! Ntawe usiga umugisha iwabo ngo awusange ahandi.  
Ntawe usiga umugisha iwabo ngo awusange ahandi. Ntimuzabe rero abazindurwa  
n'ubusa, ntimuzumve ababajya mu gutwi! Ahubwo wowe uzampamagare ungishe  
inama, umbwire uti "Mubyeyi nyereka inzira nyayo, Mubyeyi murikira, Mubyeyi  
nsobanurira!" Kuko utazi neza niba uwo wakubwiye, ibyo yakubwiye na we abizi.  
Wowe uhunga aho ndi, usanga aho ntaje, ni njye mpari, ni nanjye wasize.  
Wowe uca imanza kandi utari umucamanza, banza wisukure urebe niba wowe  
utunganye, ntacyo bakunengaho!  
Wowe uhamagara Roho Mutagatifu, banza urebe neza, wumve neza, wumve ko  
nanjye Umubyeyi wa Yezu Kristu mbumbiye muri Roho Mutagatifu! Kubera ko  
narambagijwe na Roho Mutagatifu, mbyara ku bwa Roho Mutagatifu, ambamo  
nkamubamo, ntidutandukana.  
Bana banjye, muri "ibisingizo byanjye" !  
*Abakristu bakoma amashyi bishimye cyane.*

**VAL.** : Karame!

**B.M.** :Muri ibisingizo kuko natuwemo n'Igisingizo kandi muri uko guturwamo  
n'Igisingizo, ngitura Imana yakimpaye kandi mbaragwaho Umubyeyi. Muri

bakuru, muri barumuna, muri basaza, muri batoya. Mwese bana banjye, muri ibisingizo byanjye !

*Abakristu barishima, bakoma amashyi.*

Bana banjye, ntimugace imanza kuko guca urubanza urucirwa kabiri! Ahubwo ujye wiceceker ubanze usabe Imana kugira ngo igusobanurire! Ndasubiramo : «Ntimugace imanza!» Bana banjye, ndabasaba kuba umwe nk'urunana rumwe. Nkuko tuvuga ndakuramutsa Mariya tujye tumuramutsa koko! Kuko iyo mundamutsa muhangayitse, mukandamutsa murebaguzwa, birambabaza. Mujye mundamutsa koko nk'umwana uramutsa umubyeyi, nk'umubyeyi uramutsa abana, nkuko muramutsa imfura zanyu, mujye muvuga muti: «Turakuramutsa Mariya ». Ntimukagire isoni zo kuvuga uwo mukunda! Ndashaka kuvuga ko akenshi na kenshi, iyo muhuye n'abatemera, batavuga izina ryanjye, mubahisha ko munkunda. Birambabaza cyane. Ariko njyewe hose ngaragaza ko mbakunda kuko mbakingira ibibi byose.

Bana banjye, mwebwe abarwayi, mwebwe abashavuye, mwebwe abafite ibibazo, nimubinture byose, ndi hano kugira ngo mbyakire! Ni mumbwire ndabumva ntimukagire ngo mba nica amatwi!

**VAL.** : Karame! Hi? Ariko uyu munsu uri mwiza cyane ! Hii. Murakoze! Karame!

**B.M.** :Bana banjye, namwe mwese muri beza !

*Abakristu bakoma amashyi menshi cyane.*

**VAL.** : Uwakugeza muri *Eglise* [Kiriziya] ya Saint Roch ngo urebe! Bambaye neza! Ariko na bo ni beza. Ntabwo ari ab'iwanyu gusa. N'abana batoya n'abapadiri, abantu bose bari baberewe, ari beza cyane.

**B.M.** : N'abari ku isi yose kuri uyu munsu bifatanije namwe, natwe, n'abari i Kibeho n'ahandi hose na bo ni beza uyu munsu. Mbahaye umugisha wa kibyeyi.

*Abakristu barishima, bakoma amashyi.*

**VAL.** : *Aririmba indirimbo itari izwi :*

Nzahora ndirimba Mariya, ubwiza bwawe  
Nzakurangamira Ntore ya Nyagasani  
Nzakuvuga uko uteye sinzagerekaho

*Abagarika kuririmba akanya gato :* Ma, yarayinyigishije ariko ntabwo nyizi neza.  
Kandi Yezu yayinyigishije kera cyane.

*Arakomeza aririmba ati :*

Nzakuririmba Mawe, ubuntu, nzakurata Mawe wambyaye  
Nzagushimagiza mu bakwanga  
Nzagukunda mu batakuzi n'abakwirengagiza



Mawe, Mawe, uri Mama nkunda  
Ababyeyi n'inshuti, abavandimwe, barumuna na bashiki banjye,  
Turakuramutsa Mwamikazi, Saro ry'Imana.  
Wowe utuwe na Roho Mutagatifu, ndagushima Mama,  
Kuko wambyaye, ndakurata Mama kuko umpumuriza,  
Ndakuvuga ibigwi Mariya, Mama kuko wambyayeho Umukiza  
Reka nkuririmbe nkubahirize mu mwanya w'abagusebya n'abagutuka,  
Ndagukunda nzakubaha.

*Aririmba mu ijwi rinini cyane ry'umugabo ati :*

Mwami ndi Rutinywa wawe, ndi Rutinywa, ndi icyivugo cyawe  
Reka nkuririmbe, nkuvuge ibigwi, reka nkurate ukwiriye kuratwa  
Nshongore, Nshongore, urakabyara, uragaheka, ukomeze ubafatire iry'iburyo  
Shimwa Mwamikazi, shimwa Rurabo rwanjye  
Ndakurahiye, nzakubaha!

**VAL. :** Ibyo ni byo nibuka niba nabiririmbye uko yabinyigishije simbizi. Hi ?  
Afite ijwi rinini. Urakoze nawe!  
Nagerageje. Hii.  
Afite ijwi rinini cyane ntiwarishobora. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, ndabasabye. Muramenye ntimugatuke uwo mutareba, ahubwo mujye mwicecekerana, kuko akarenze umunwa karushya ihamagara! Ndashaka kuvuga ko abenshi barantuka, bakansebya, kandi barangiza bakansanga, bakanansaba, nkabaha. Muramenye mutazajya mukora icyaha mutazashobora kwicuza! Kuko kubabarira no kubabarirwa, iyo usabye imbabazi... Ariko hari n'ababyibagirwa ndetse n'abatinya kubivuga. Ntimugatuke ngo musebye Roho Mutagatifu kuko abatuyemo! Muba mwigabanyiriza urukundo rw'Imana. icyo utazi, ntukibone, ntushobora kugisobanura ariko kandi ntushobora no kugisebya. Ndabasabye kuko ntawe uhatirwa kwemera ahubwo ahatirwa gukunda kuko aba ashaka gukundwa. Ntimuzongere kuvuga ko uwo babona ari shitani! Birambabaza cyane. Ahubwo mujye muriheza mu kanwa kanyu! Uzacibwe urubanza wenyine utagushije imbaga yanjye! Ese wowe mwana wanjye, ntabwo unkeneye? Cya gihe wari ufite ibibazo, ko wanyitabaje? Uribagiwe? Ndabasabye rero, bana banjye, ntimukibagirwe vuba kuko turacyafite urugendo rurerure!  
Bana banjye, ntimugacire imanza abasaserdoti, ahubwo mujye mubasengera na bo babasengere, na bo mwubakane! Kuko ari bo bahagarariye Umwana wanjye kuri iyi si.  
Mwebwe bashakanye ni mwubahane, murere abana banyu mu rukundo, mubatoze imigenzo myiza, mubatoze gukundana umwe n'undi!  
Wowe wifuzaga guhabwa Umwana wanjye, bikorere, umwegere, umugirire inzara n'inyota, umuhamagare, maze wuzuze ibyo agushakaho, kugira ngo umuhazwe! Muramenye ntimuzabe ba bandi bavugaga ngo hari abaguhabwaga bikinira cyangwa basiganwaga. Ndabasabye (*atsindagira*).

Kuri uyu munsu, bana banjye, impande zose z'isi, kuri uyu munsu, n'abataje hano, hari abazi yuko naje kubagenda. Hari abafite ibyo bashoboraga kuvuga batabivuze nkuko mwabivuze, ariko nshimishijwe n'uko bafite icyizere, bafite urukundo, bafite inyota n'ubushake.

Mujye mugira inyota y'Imana kuko iby'isi biboneka hafi!

Bana banjye, ni musenge, musenge, mufungure imitima yanyu, musenge rya sengesho rivuye ku mutima, musenge rya sengesho ririmo urukundo! Musenge rya sengesho rikubiye mu bikorwa, maze mwubakane, mwubahane, kandi mukundane, cyane cyane mubabarirane umwe n'undi! Kuko nutababarira, ntabwo isengesho rizagenda nkuko ubishaka. Nudasaba imbabazi, ntabwo nabwo uzashobora kwegera ameza matagatifu. Uko wifuza ko bakugirira, nawe ujye ubigirira abandi! Niba utifuza kubabara, ntukababaze mugenzi wawe! Niba utifuza ko bakwanga, ntukange mugenzi wawe! Niba udashaka ko bakuvuga, ngo bagusebye, ntugasebye mugenzi wawe! Kuko icyo utifuza ko bagukorera ntabwo ugikorera abandi.

**VAL.** : Hiii.

**B.M.** :Bana banjye, nabahaye igikoresho. Nabahaye uwo niyeretse kugira ngo mujye mumutuma, abatumikire, ajye ababa hafi igihe mumwiyambaje.

**VAL.** : Hii.

**B.M.** :*Amara umwanya munini atavuga.*  
Simvuze byinshi ni mugerageze (*ababaye cyane*).

**VAL.** : Oya ntacyo, narabyemeye !

**B.M.** :Ntasenya, ahubwo arubaka, aragerageza ahubwo imitima yanyu ikanangira. Ibibarimo ntimukabimushyireho kuko buri wese azabazwa icyo yakoze, abazwe icyo yavuze.

Wowe...

**VAL.** : Hi?

**B.M.** :Wowe utinya kuvugisha ukuri, kugira ngo abandi batagushyira ku ruhande, ukemera kujomba inkota, ukemera gutera imisumari, ukemera kuvuga n'ibyo udatekereza, mbyumva vuba kurusha wawundi waribanye kuko wowe uba uvuze ndetse ushaka kwigira kugira ngo batabona aho uherereye. Ntimuzabe ba Yuda!

**VAL.** : Ubwo se bishatse kuvuga iki? Hi? Ihii.

**B.M.** :Murahirwa, mwebwe mufite ubababarira mu kigwi cyanyu kuko akenshi n'iyi akantu gato kabagezeho murasakuza, mugapfa, mugapfuka. Abandi musigara hehe? Mwishyire muri wa mwanya w'ubabara atakosheje atazi n'icyo ababariye. Bamwe muti ni ibyo yigira, mwahura na byo muti "Nyagasani unyorohereze!"

Igihe Umwana wanjye Yezu Kristu yari ku musaraba yaravuze ati : “Dawe bababarire ntibazi icyo bakora!”. Uyu muni n’abandi bose ntibazi icyo bakora, n’icyo bakoze, barababariwe.

*Abakristu bakoma amashyi bashimira.*

Narababwiye ngo “Muramenye mutazikura amata ku munwa!” Nyabuna!  
Ariko simbakura umutima, muhumure!

**VAL.** : Ubwo se ni ugukura umutima kwikura amata ku munwa?

**B.M.** :Mutege amatwi mbasobanurire! Kwikura amata ku munwa, ni ukwibuza icyo wari ufite cyangwa se ukigizayo icyari kikwegereye. Iyo cyigiyeyo ubona kiri kure. Iyo wari ugiye kurya umuntu akigizayo isahane umureba igitsure kubera ko wari witeguye kurya ibiryo biri kuri iyo sahanu. Namwe rero muramenye isahane yanyu itazajya kure yanyu cyangwa se ikigiraye gato! Bizuzuzwa kuko bishakwa. Ariko kuko bisangirwa, muramenye ntimukabipfusha ubusa!

**VAL.** : Kuzuzwa kuko bisangirwa? Icyo kinyarwanda ntabwo nkizi.

**B.M.** :Ni ukuvuga ko iyo ikintu cyuzuye gisangirwa na benshi, ariko iyo cyuzuye kigasangirwa na bake bamwe bararengwa.

**VAL.** : Iyo cyuzuye? Oya. Nuko, uzi iyo ngeze i Buruseli ukuntu bampata ibibazo!  
Abakecuru. Hii. Abakecuru.

*Atera indirimbo :*

Aya masezerano yanjye nawe Mubyeyi, nyashyize imbere yawe  
Ngo uyuzuze Mubyeyi, ntacyo nishoboreye, Mubyeyi nzagutumikira

**R. Mariya mwiza, Mubyeyi wacu, Nyina wa Jambo ndaje we,  
Ndaje imbere yawe, ngo umpe ubutumwa, nzagutumikira**

*Avuga ababaye cyane yihanagura n’amarira ati :*

Nzakora ugushaka kwawe, nkore n’icyo unshakaho icyo ari cyo cyose.  
Nuko gusa bitari bindimo ariko ndabyemeye. Kandi nzakora ugushaka kwawe  
ariko nizeye imbaraga zawe muri byose. Hii.

*Araririmba ati :*

Urampe imbaraga n’ubushishozi, umpe n’urumuri no kwicisha bugufi  
Byuzuzwe n’urukundo, Mubyeyi nzagutumikira

**R. Mariya mwiza, Mubyeyi wacu,  
Nyina wa Jambo ndaje we  
Ndaje imbere yawe, ngo umpe ubutumwa,  
Mubyeyi nzagutumikira**

**B.M.:** Bana banjye, ndifuza kubabona nk'indabo zanjye. Ndifuzza kubabonamo umuhumuro w'izo ndabo. Ndashaka ko mukurikiza urukundo nabahaye, urukundo mbaha buri muni kugira ngo mudasubira inyuma.

Bana banjye, ndabasaba kugira ngo rwose mukorere ijuru. Ntihazagire ubasubizanyuma kuko umwanya wanyu uteguye. Ntihazagire ubaca intege kandi mufite uzibongerera. Mujye musaba, igihe munaniwe muhamagare, igihe mushonje musabe icyo kurya! Igihe mufite inyota musabe icyo kunywa! Musabe muzahabwa, ni mushakashake muzaronka kuko musubira inyuma mukiringira mwene muntu kandi na we ategereje guhabwa! Bana banjye mukiri batoya, ndabasabye. Iby'isi birashira ariko iby'ijuru bihoraho. Ni musubize amaso inyuma mwisubireho kubera ko mumaze kurenza umubare w'aho mwagombye kugeza! Iby'isi ni byiza ariko birohama vuba. Uko wishima widagadura, ishime unansanga! Uko wumvira uwo mwahuye, egera nyoko na so bakubyaye! Bana banjye, ndabasabye. Ingeso ni nyinshi, ni mugerageze!

**VAL. :** Hii. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, ndabakunda, ni yo mpamvu nshaka ko munyura mu nzira nziza. Muhumure ndabakunda, muhumure ndabababarira igihe cyose iyo mwibutse kunsaba imbabazi! Ikibabaje ni uko mubona ko ntacyo bitwaye. Ariko nyabuna ndabasabye ni musubize amaso inyuma mwibuke abababyaye, mububahe, mubumvire!

Namwe babyeyi ni mwubahe, mwumvire abana banyu mufatanye kandi mufashanye! Ndabibasabye.

**VAL. :** Hii. Hii.

**B.M. :** Bana banjye, mufite intimba n'agahinda, musenge, musabe imbaraga, musenge musabe urumuri mushobore kumurikirwa n'impamvu! Ese aho ntabwo mwaba mwaracitswe mukanyibagirwa? Ese ntaho mwaba mwaradamaraye mukibagirwa ibyo nabahaye?

**VAL. :** Hii.

**B.M. :** Abenshi muvuga ko nta mwanya mufite wo gusenga, ariko ubyutse ukavuga uti «Nyagasani nishyize mu biganza byawe», uba wujuje byinshi. Ikibazo ni uko n'ako mutakibuka. N'iyi mutashye ntabwo muvuga muti «Murakoze kuba mungejeje mu rugo amahoro!»

**VAL. :** Hii. Tuzabigerageza. Ariko se Mama, bariya bantu unyereka bababaye ni ukubera iki?

**B.M. :** Bana banjye, mwishime mwebwe mugifite ababyeyi banyu! Mujye mubegera, mubashimisha! Kuko hari abana bababaye batagira ababyeyi babashimisha, batagira n'uwo babona hanze, uza kubashimisha. Hari impfubyi zitagira n'umwe uzireba. Muramenye mutazajya mukunda abagore banyu ari uko mutakiri kumwe,

mugakunda abagabo banyu ari uko mutakiri kumwe! Ahubwo urwo rukundo ni murubereke!

**VAL.** : Ibindi ntabwo mbisoma neza.

**B.M.** : Ahubwo ni murubereke, kuko batarwibagirwa! Ariko iyo umukunze atakihari ni nk'aho ntacyo uba ukoze kubera ko bituma mubatinza kujya mu ijuru kubera ko urwo rukundo baba bakeneye kurubona koko.

**VAL.** : Hii.

**B.M.** : Ni musabire Roho ziri muri Purgatori zitagira abazisabira!

**VAL.** : *Azengurutsa amaso yitegereza ibyo yerekwira, kandi ahindukira. Aravuga ati* : Ubusitani bw'iwanyu ni bunini cyane. N'indabo z'iwanyu ziracucitse. Iwanyu wagira ngo, wagira ngo nta zuba ryahageze!

**B.M.** : Bana banjye, harimo impfubyi. Ntabwo muri impfubyi kuko mumfiteho Umubyeyi. Ntabwo muri mwenyine ahubwo mujye muvuga muti «Mama, duherekeze!» Nzajya mbana namwe. Ntimukihebe kuko uwumva ijambo ry'Imana arishima!  
Namwe bapfakazi ntabwo muba mwenyine, mujye muhamagara tuzabumva!  
Namwe abashakanye mukibana n'abanyu, n'abana mugifite ababyeyi, ni mufate igishura mwibumbiremo hagati n'abana banyu kugira ngo umwanzi shitani azabure aho amenera! Ndabibemereye.

**VAL.** : Hii.

**B.M.** : Ni mwicuze, musenge, kuko mutazi umunsi n'igihe!

Ni mwambare muberwe ku mubiri no kuri roho zanyu! Ntimukazindurwe n'ubusa, bana banjye kandi mujye muguma mu runana rw'isengesho ry'urukundo, mu runana rw'abavandimwe, mu runana rwo kubakana, mu runana rwo gufashanya no kugirana inama! Mwebwe abasenga, abaririmba, imiryango, nyabuna ndabasabye ni mukore urunana rumwe kuko musenga umwe! Uzitandukanya n'undi azaba abeshye kuko azaba aca ku ruhande. Ni mwubake ikintu kimwe kuko mushyira hamwe! Musabire Kiriziya ntagatifu n'urunana rw'abatagatifu! Ni muyisabire kuba mwunze ubumwe mu rukundo rwayo muyifashe kugira ngo itsinde abanzi bayugarije!

**VAL.** : Hii. Hii.

**B.M.** : Bana banjye, uyu munsi ntabwo usanzwe. Kandi uyu munsi...

**VAL.** : Hii.

**B.M. :** Uyu muni ntabwo ntinda kuko mfite akazi kenshi.

**VAL. :** Hii. Kandi umaze iminota ibiri gusa ? Hii.

**B.M. :** Mutege amatwi nongere mbasubiriremo icyanzanye uyu muni!  
Ndashaka... Ndifuza ko mukundana nkuko natwe tubakunda.  
Ko musenga isengesho rivuye ku mutima.

Ko muba indabo zanjye. Mugakomeza kuba igisingizo cyanjye kuko muri ibisingizo byanjye. Bana banjye, ni mukenyere mukomeze, umwanzi abure aho amenera!

Intwari yanyu nibe ishapure, ndabasabye.

Mutsinde shitani ibugarije! Shitani, nituvuga Rozari, tukiyambaza uwo twiyambaza, tugahamagara Umucunguzi, shitani izatsindwa yigireyo. Nimwicuze kandi mwemere!

Ni mubabarire kandi mubabarirwe kandi munasabe imbabazi buri muntu n'undi!

Bana banjye, mbahaye umugisha wa kibyezi n'Umwana wanjye arambuye ikiganza cye gitagatifu. Ni murambure ibiganza byanyu, mwakire umugisha mutagatifu!

### **Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu.**

*Abakristu bati : Amina.*

**Val.:** *Agenda asanga abantu mu myanya yabo akora icyo kimenyetso cy'umusaraba.  
Yabikoze insburu indwi (7x).*

**B.M.:** Bana banjye, mwese uko muteraniye hano n'abatari hano, n'abari impande zose z'isi, buri muntu wese, abantu bese, mbahaye umugisha. Umwana wanjye abafatiye ikiganza abaha umugisha mu bihugu byanyu, buri muntu mu gihugu cye kugira ngo mwese mwubake, mube bamwe kuko imbere y'Imana muri abana banjye mwese ntarobanuye. Umugisha ku isi yose, umugisha ahantu hose, umugisha ku bantu bese!

**VAL.:** Ariko Mama, hari abantu benshi cyane babantumyeho, ntugende ntatumitse, batazagira ngo ndi umubeshyi!

**B.M. :** Bana banjye, ni muhumure byose ndabizi!

**VAL. :** Hari abatumye bashimira. Hari abatumye bavuga ngo "Mubyeyi warakoze!"

Hari abasaba umugisha mu ngo zabo.

Hari abasaba umugisha bashaka kubaka.

Hari abasabira umugisha abana babo n'abagabo babo n'*abadamu* [**abagore**] babo ndetse n'ababyeyi babo.

Hari ababasaba kugira ngo imishinga yabo itungane.

Hari ababasaba kugira ngo bazabone ibyangombwa.  
 Hari ababasaba kugira ngo bazabone akazi.  
 Hari ababasaba kugira ngo bazabone inzu zo kubamo batagira aho baba.  
 Hari ababasaba kugira ngo bazabone urukundo batabona mu bantu.  
 Hari n’abana basaba kugira ngo mujye mufasha ababyeyi babo bumvikane.  
 Hari n’abantumye ko ibiri kuri iyi si bibaca intege ko mwabafasha mukabatiza imbaraga kugira ngo bashobore kubyakira. Ko hari ibiba mu bihugu byabo n’ahantu henshi hatandukanye. Ngo na bo ibihugu byabo ubihe amahoro kugira ngo na bo ubafashe bazashobore gusubira mu gihugu cyabo kandi ubahe n’umugisha n’ibihugu byose ubihe umugisha. N’abategetsu bese ubahe umugisha na Kiriziya yose uyihe umugisha! Bambwiye ngo kandi baragushimira ngo kuko wumvise isengesho ryabo.  
 Hari n’abana bantumye ngo ubafashe bazatsinde ibizami kandi barangize imyaka yabo. Ndetse no kugira ngo ufashe abana badashobora kubona ababafasha mu mashuri, wowe ujye ubiyigishiriza. Hii.  
 Hari n’abantumye ko babuze imbaraga zo kubabarira kugira ngo uyu muni bave hano bashoboye kubabarira ngo barabigusabye.  
 Hii. Murakoze. Hii.

**B.M.** :Bana banjye, ubushize nababwiye ko ntari umwirabura, ngo mbe n’umuzungu, mbabwira ko ndi “Igisusirane”.  
 Ntabwo nababwiye ubwoko bwanjye. Ndi Nyina wa Yezu nkaba Mama wanyu.  
 Kuvuga uko ndi n’uko nsa ntabwo mubizi. Ariko ntihazagire umvugira ko namubwiye! Nta bwoko ngira.

**VAL.** : Hii.

**B.M.** : **Ndi urukundo gusa.**

**VAL.** : Hii. Ibyo se ubivugiye iki? Hii.  
 Nababwiye ko wambaye ikanzu y’umweru na *voile* [igitambaro cyo mu mutwe] y’umweru iva hano ikagera ku ijosi. Inyuma ikagera hasi n’ishapure ku kaboko kandi wifashe gutya (*yerekana ibiganza bibumbiye mu gituzza intoki zireba hejuru*). Ntabwo nigeze mvuga gutya (*yerekana ibiganza bibumbye ariko intoki zireba imbere*). Navuze gutya (*Uburyo bwa mbere aho intoki zireba hejuru*) bishaka kuvuga ngo « Byose byibumbiye muri Jye ». Ariko se Mama, ubundi wazatweretse uko usa tukagufotora! Noneho ukaza uri mwiza! Cyangwa se uzanyigishe ukuntu bashushanya ngushushanye! Hii.

**B.M.** :Bana banjye, ndongeye mbasubiriremo. Jye n’Umwana wanjye ntidutandukana. Ambamo, nkamubamo. Murakoze, murakagira abababyara!

**VAL.** : Hii. Ubu se izi ndabyo z’iwanyu ndazirangiza? Twari kugira nkazazivomerera ejo.

**Atangira ya masengesho tumenyereye, avuga iyo agiye gutanga umugisha w’amazi. Areba imbere, inyuma, iburyo n’ibumoso avuga ati :**

- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani!
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kandi umpe kuwutangana urukundo rwawe, kuba igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose!
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi uko ubishaka, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani! Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.
- Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwicisha bugufi, ukwiyoroshya, ukwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani!

Ahita alya gufata amazi mu yo abakristu baba bazanye yabo yo guhesha umugisha, agira ati :

Iyo iwacu umuntu agiye gukora arabanza akarya, akanywa.  
Murakoze!

Anywa kuri ayo mazi, nyuma ahera ko azenguruka hose, agenda atera abantu ayo mazi, hakaba abo ahaye by'umwihariko, abandi akanabagezaho ubutumwa bwihariye.

**Ubutumwa bwihariye bwahawe Padiri Samuel :**

Ihangane, kuko ndi kumwe nawe! Uburwayi bwawe ndabuzi, kandi ujye ukomeza ukore umurimo wanjye! Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.

*Arangije yagarutse imbere agira ati :*

**VAL.** :Indabo zanyu ndazirangije.

**B.M.** :Bana banjye, abari hano n'ab'iriya, namwe mwese, mbifurije gusigara amahoro no kugira urugendo rwiza mwese. Kandi muhaguruke mabasabire Umwana wanjye umugisha! Nkuko nasabye igitangaza mu bukwe bw'i Kana, muri kano kanya, ndifuzza kumusaba kugira ngo amfashe kubaha umugisha wa kibyezi.

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, amina.

- Dawe wa twese uri mu ijuru (yose)



- Ndakuramutsa Mariya (yose)
- Ni yubahwe Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka, ni bubahwe n'ubu n'iteka ryose, amina (3x)
- Ku izina ry'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu, amina (6x)

Bana banjye, ndabakunda, mbashyize mu gishura cyanjye gitagatifu ntimugahungabane! Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro. (3x)

**VAL.** : Urugendo rwiza Mama...

*YITURA HASI UBWO TUMENYA KO AB'IJURU BATASHYE.*

*Abafashe amajwi* : KAYIHURA J. Claude  
KANTAMAGE Léoncie  
HITIMANA Thérèse  
BONDUELLE Françoise

*Abandukuye* : NYIRANSABIMANA Immaculée  
NTARAMUKA Candide

*ICYTTONDERWA:*

Abafashe amajwi n'abandukuye, bemeza ko nta cyo bahinduye ku byavuzwe, ko kandi bari bahibereye. Iyaba bitarumvikanye neza ni ku mpamvu z'ibyuma no kubera ubwinshi bw'abakristu butuma abafata amajwi badashobora guherekeza hose ubonekerwa cyane cyane mu gihe cyo gutanga umugisha w'amazi.

Imyandikire y'ikinyirwanda yakosowe na Stany Kurazikubone (Nyakanga 2011).

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA**  
**KU ITARIKI YA 15/O5/2012 MURI KIRIZIYA YA « SAINT ROCH »**  
**CHAUSSÉE D'ANVERS N° 60 – 1000 BRUXELLES.**

**Intangiriro.**

Uwo muni wateguwe na Association AVMDKI (Amis de la Vierge Marie Notre Dame de Kibeho), ufatanije n'abapadiri bakurikira :

- Padiri Claude Castiau, umukuru wa Cathédrale Saint Michel na Gudule, akaba kandi ayobora amaparuwasi 5 yo muri Bruxelles rwagati.
- Padiri Jan Lessen, aumonier ushinze « pastorale » mu banyafrika baba mu Bubiligi.

Dore uko gahunda y'uwo muni yagenze:

- Saa mbiri: kwitoza indirimbo, penetensiya, ubuhamya ku mabonekerwa yabereye i Kibeho.
- Saa yine: Misa iyobowe na Padiri Mukuru Claude Castiau (Bxl), afashijwe na Padiri Jan Lessen (Bxl), Padiri Hugo Van Angeels (Bxl), Padiri J-Pierre Badidike (Congo), Padiri Agusti Miarnau (Barcelone), Padiri ... (USA), Padiri Paul Bertrand (Namur) na Padiri Samuel Abeza (Bxl).
- Saa sita: Misa irangiye, hatangiwe ishapiro (amibukiro y'ikuzo) yatewe mu ndimi 5: ikinyarwanda, igifransa, Lingala, espagnol, n'icyongereza, dore ko hari hakoraniye imbaga z'abantu baturutse muri Amerika, Espagne, France, Autriche, Canada, Lituanie, Angleterre, Afrika n'impande zose z'Ububiligi. Iyo shapiro ikirangira (saa sita n'iminota mirongo itatu n'itanu), Bikira Mariya yahise abonekera Valentine Nyiramukiza.
- Saa munani: hakomeje gahunda nkuko yateganijwe maze Padiri mukuru ategura isakramentu, abakristu barashengerera biratinda: indirimbo, gusenga bucece, ibisingizo birasimburana mu gihe cy'isaha yose.
- Saa cyenda n'igice: Padiri yashoje imihango y'uwo muni
- Saa kumi n'ebiri: Abagize AVMDKI barisuganije maze bakira abaje kwifatanya na bo mu birori by'uwo muni udasanze kandi washimishije bese. Bahuriye muri salle Edelweis bariyakira, barasabana.

Dore uko ibonekerwa ryagenze:

Nyuma y'amibukiro 5 y'ikuzo, Valentine yateye indirimbo, ariko atavuye mu mwanya yari arimo mu gihe cy'igitambo cya Misa. (Niko Padiri yariyababwirye ngo ntabwo impamvu agomba kujya imbere y'Altari ...).

Ahanditse “Val.” haraba ari amagambo Valentine yabwiraga Bikira Mariya, ahanditse “B.M.”

Ni amagambo Bikira Mariya yavugaga akoresheje ariko umunwa wa Valentine.

Ishapule ikirangira, twumvise ateye indirimbo ikurikira, ubwo tumenya ko ibonekerwa ritangiye. Abantu bose baribwiriza, baraceceka, bamuhanga amaso, bamutega n’amatwi ariko nta wuvuye aho yicaye.

Val. :

R. *“Turakuramutsa, Mubyeyi w’Imana,  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa” (2x).*

1-Turakuramutsa, nka Gabriyeli kera  
Udube amahoro, uturinde twese (2x). R. 2-

Kiz̄a abanyabyaha bamenye iby’Imana  
Uturinde ibyago, dube ibyiza byose (2x).

3-Bikira Mariya, Munyangeso nz̄iza  
Utsinde ingeso mbi z̄iba mu mitima (2x).

R. *“Turakuramutsa, Mubyeyi w’Imana,  
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa” (1x)*

VAL. : Ndi hano Mubyeyi uncoreshe ugushaka kwawe. Uvuge icyo ushaka, umuja wawe arumva.

B.M. : Bana banjye, ndabaramukije. (*Abakristu bakoma mu mashyi*)  
Bana banjye, nshimishijwe n’umutima mwazanye mwitabiriye uyu munsu muri iki gitambo cya misa turangije kandi kigikomeza.

VAL. : Hii.

B.M. : Ndashimira Abasaserdoti bayoboye iyo misa kuko bashushanyije Ameza Matagatifu y’igihe Umwana wanjye Yezu Kristu yari ari kumwe n’Intumwa ze n’abo bari bari hamwe ku Meza Matagatifu. Mbega ngo biraba byiza ! (*abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL : *Araririmba : Mbega ngo biraba byiza, bikananyura umutima  
Twibumbiye hamwe, turi abavandimwe.*

B.M. : Bana banjye, ndabasaba kuba bamwe, mu rukundo rw’Imana. Mukaba umwe n’undi, kuko twese turi ab’Umubyeyi umwe. Ndabasaba muri kano kanya guca bugufi, buri muntu akibuka umuvandimwe yababaje, wamubabaje, yibagiwe se, kugira ngo byose yumve mu mutima we, agarure rwa rukundo yari afite, agarure za mbaraga yari afite maze abwire mugenzi we ko yamubabariye, ko amusabye imbabazi. Mukundane nkuko mwakunzwe, nkuko mukundwa. Mukunde abavandimwe banyu, ndetse n’ababagirira nabi. Ntimukabike inzika kubera ko abana b’Umubyeyi bahorana urukundo n’imbabazi. Mujye mwiga kwicisha bugufi, kuko Natwe turabikora. Bana banjye, kuri uyu munsu ndishimye. Mbega

inyigisho nziza ! Bana banjye, murakagira abababyara ! (*amashyi menshi*). Bana banjye, musenge isengesho rivuye ku mutima, mujye mwumva ko iyo umuntu asenga azirikana, azi uwo abwira, yumva ko amwumva, yumva yishimye kuko aba asenga koko umutima urangamiye Imana. Ntimugasenge kubera ko mwitegura ko kuri cumi na gatanu nza kubasura. Mujye muhozaho, musenge igihe cyose. Naba ntaje, naba najye, bibe kimwe. Murumve neza : ntimuzanyongerere cyangwa se ngo mungabanurire. Ntabwo mvuze ko ntazagaruka, simvuze umunsi, simvuga umunsi, simvuga isaha kuko isaha zanyu atari zo zacu. Mfite abana benshi, mfite intumwa nyinshi, ariko buri muntu wese mutuma aho nshaka, k' uwo nshaka, kandi nkamuyobora igihe cyose agakurikiza icyo mubwiye, nkakimufashamo. Bana banjye ntimugacike intege, mujye musenga, musabe urumuri, musabe imbaraga, musabe ubushishozi, musabe urukundo rw'umutima rutari urukundo rw'uburyarya. Musabirane bamwe n'abandi, mubabarirane bamwe n'abandi. Ndabasabye mujye mukunda bagenzi banyu.

VAL. : Hii.

B.M. : Bana banjye, Imana Umusumbabyose ishaka ko umukuru, umuto, bose bareshya.

Niyo mpamvu mvuga ngo : “bana banjye”, kuko mwese imbere yanjye muri abana. Nababwiye kuva kera ko aho ndi n'Umwana wanjye aba ahari. Mu gitambo cy'Ukaristiya mwafatanyaga, twese twari kumwe.

VAL. : Hii, hii.

*Araririmba :*

*Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo*

*Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu*

*Murakomeze mutwaze ntabwo ntababana*

*Nzaborana namwe ntsimbura ibibarwanya*

*Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha*

*Nz'amukubita ijanja, mwimure mureba*

*Ntihagi...(ntiyakomeza. Arikiriza icyo abwiye : Hii).*

*Ntihagire ikibakanga we*

*Ntihagire ikibakanga we!*

B.M. : Bana banjye, ntabwo ari amajwi meza y'indirimo cyangwa ..

VAL. : Hii.

B.M. : Nagira ngo mbabwire ko mutagomba gucika intege kuko inzira y'Imana irafunganye, ariko ntihagire ikibakanga, turi kumwe. Ntihagire ikibatera ubwoba kuko uwo murangamiye, uwo musanga, abagira inama. Ntawugera ku Mana atarushye !

VAL. : Hii. Karame !

B.M. : Bana banjye, muririnde gusebanya, muririnde guca imanza, muririnde gutunga urutoki, muririnde no kuvuga ibyo mutahagazeho, igihe mukekeranya, mujye musobanuza. Bana banjye, ndabakunda.

VAL. : Hii.

B.M. : Nabohereje igikoresho cyanjye ngo mujye mumutuma kubyo mudashoboye kwivugira. Ariko akenshi na kenshi, munyura ku ruhande, akenshi na kenshi, muribagirwa. Ibyo navuze mukangerekeraho. Mujye musubiramo ibyo navuze. Ibyo mutibuka n’ibyo mutumvise mubyihorere. Bana banjye, imyaka ibaye myinshi narasuye Urwanda. Si Urwanda gusa, si abanyarwanda gusa kuko ibyo mbabwira n’ibyo Umwana wanjye ababwira, n’ibyo yababwiye, yabibwiye n’abandi ku isi yose. Mbibwira abandi ku isi yose. Na n’ubu ndacyakomeza. Ndabatuma kugira ngo isi irusheho kuba nziza, kugira ngo buri muntu arusheho gufasha mugenzi we, kugira ngo mwunge ubumwe bw’abana b’Umubyeyi umwe, kuko muri umuryango umwe. Bana banjye, ndabashimye ko mwirengagije imirimo yanyu ivunanye, ndabashimiye ko mwirengagije ibibazo by’ingo zanyu n’imiryango zanyu, ndabashimiye ko kuri uyu muni mutawibagirwa. Ari abaje uyu muni, ari abasanzwe, abari hano n’abari i Kibeho mu Rwanda, abari ku isi yose, icyo mbaha ndabaha kuko bese bateze ibiganza kandi ari abana banjye. Abari i Kibeho kuri iyi saha n’abari ku mpande zose z’isi, bese ndabashuhuje : “Bana banjye, murakagira abababyara”. (*Abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL. : Karame. Hii, hii.

B.M. : Ndashimira abaturutse impande zose mu bihugu bitandukanye, bakigomwa kubabara no kuvunika, abadafite aho barara haboneka, mwibuke ko nanjye nababaye, ariko mu bubabare, niho umuntu akura. Namwe ni mukure, ni mwizere kandi musenge n’umutima usenga koko wemera. Ndashimira namwe mutuye muri iki gihugu, namwe mwavukiye hano, namwe bene igihugu, kugira ngo umugisha w’Umwana wanjye Yezu Kristu, w’Imana Data, w’Imana Mwana na Roho Mutagatifu bibasakareho. Ndabasaba kugira ngo mwubake Kiriziya Gatorika ntatifu koko ku rutare. Bana banjye, ni musengere Kiriziya Gatorika, musenge kugira ngo twiyubake, twunge ubumwe, dufashe abakozi ba Yezu, b’Imana, kutuyobora tutabaruhije. Ndavuga tutaruhije abapadiri bacu, banyu, tutabaha..., tutaba...,

VAL. : Karame.

B.M. : Tutababereye amananza, tutababereye imisaraba, tutababereye ibigusha, tutabaciriye imanza. Kuko kenshi dukunda gutunga urutoki tukibagirwa ko izindi zitureba. Bana banjye, Umwana wanjye Yezu Kristu yababwiye ko abapadiri be abakunda. Mujye mubasengera, babasengere kandi mubafashe kurangiza ibyo biyemeje. Murakagira abababyara ! (*Abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL. : Hii. *Arabaguruka.* Hii.

Ntabwo ari cyane.

B.M.: Bana banjye, imyaka ibaye mirongo itatu mbabwira gukundana, mbabwira kuvuga isengesho rivuye ku mutima, atari amasengesho yo kuvugisha umunwa. Ndabasaba kugira ngo rwose mwongere mwisubireho, mwunge ubumwe n’Imana Data, mujye musenga koko muzi icyo mukora, muzi uwo mubwira, mwumva ko abumva kandi abashaka. Niyo ducitse intege..,

VAL. :Hii.

Niyo mucu... n’iyo mucitse intege, mba mbibona. Ndahuzuzwa, nkabihereza.

VAL. :Hii.

B.M. : Niyo munaniwe mukampamagara, mba mbareba. Mujye muvuga muti : “Mama ko twananiwe, ngwino udufashe”. Iyo mufite ibibazo ntikumabyihereza ngo bibananiye umutwe n’umutima, mujye mubihereza Imana kugira ngo muruhuke. Bana banjye, nshimishijwe ko mwateranye mudasa, mudahuje, ariko ikibahuza ni kimwe kuko muri isura imwe imbere yanjye.

VAL. :Hii. Murakoze. Hii.

None se Maman, iyo nsoma hari ibyo numva, ibindi simbyumve, kubera ko ikinyarwanda cyanyu kirahanitse. Hii. Hii.

B.M. : Bana banjye, kumvira ni byiza. Niyo mpamvu na mbere y’intambara yo mu Rwanda narabivuze. Mvuga ko amaraso azameneka hagapfa abantu benshi. Bana banjye, bamwe mwarabyumvise, abandi murabyirengagiza. Nyabuna ni musenge, musenge, musenge, mubabarirane !  
Nababwiye ko isaha ari isaha, umunsi ari umunsi, iyo nsezeranye n’umuntu, ntabwo nica umugambi.

VAL. :Hii.

*Atera indirimbo :*

*Mariya ni Inyenyeri nziza  
Ifite urumuri rubengerana  
Niyo tabaza Imana yaduhaye  
Ni We uzatugeza mu ijuru (2x)*

Ahiii., hii, hii,  
Ndabishimye. Hii.

B.M. : Mwana wanjye, kenyeru ukomeze, kuko ntaho uragera! Uzahura n’ibigeragezo, ibitotezo, uhure n’abakunaniza, ariko ujye wumva ko ari yo nzira yo gukira, ari yo nzira yo gutsinda. Nzaba ndi kumwe nawe, sinzagutererana. Uri bucura bwanjye !

VAL. :Urakoze Ma!

B.M. : Bana banjye, igihe muhabwa, mujye mwakiriza amaboko yombi kandi mushimire, mumenye ubahaye, mumenye ubabwira.  
Umubyeyi wanyu ni Kiriziya, muyubahe, muyikorere kandi muyumve.

VAL. :Hii, hii.

B.M. : Nabahaye ingabire y'ubushishozi, ingabire y'ubusabane, ingabire y'icyubahiro cya Nyagasani. Nimuzikoreshe, mujye mushobora gushishoza, mumenye ukuri, mumenye ikitari ukuri, mumenye icyo muvuga n'icyo mukora.

Nabahaye ingabire y'ugusabana kugira ngo musabane n'abaje babasanga, mufashe abaje bifuzako mubafasha kandi babikeneye.

Bana banjye, ndabashimiye ko mumaze gutera imbere : nimukomereze aho !

Bana banjye, bibondo byanjye bito, mwubahe ababyeyi banyu, mwubahe bakuru banyu, mwubahe namwe bakuru barumuna banyu, mubatoze inzira nyayo.

Namwe rubyiruko, nimucishe make musenge, mwumvire ababyeyi banyu, kuko inzira ya shitani iraguye ariko iy'Imana ni ngufiya. Mwishukwa n'ibihita bishira vuba, ahubwo nimuce bugufi musenge kugira ngo hirya y'ejo muzashobore kugira icyo mwimarira, mumarira n'abo muzabyara.

Babyeyi, nimwite ku bana banyu, mubahe urukundo rwa kibyeyi, mubahe inyigisho za kibyeyi, mubigishe kubaha abakuru, mubigishe kwiyubaha, mubigishe gukunda bagenzi babo, kandi namwe mukundane nk'uko nabakunze, nk'uko mwakunzwe.

Namwe abashakanye, mwubahe abagabo banyu, mwubahe abagore banyu, mwubahe ababari impande bose, kugira ngo mwubahe isakramentu mwahawe, mwuzuze Umuryango Mutagatifu.

Namwe mugira ubwoba bwo kubaka ingo zanyu, musenge kugira ngo Nyagasani ahumure amaso y'umutima, avane ibizitiye mu nzira, mwoye kubiyhererana kuko umugisha ni uw'Imana Data itanga kugira ngo urugo rwubakwe rukomere.

Namwe mwagize intege nkeya bitakibashobokeye, ndabasabye mwicika intege. Nimusenge, mwishyire mu Mana kuko Imana irabakunda. Ariko mubabarirane. Namwe bapfakazi, mujye mwibuka ko hejuru hari umugabo udakoza isoni, w'indakemwa. Mujye mwibuka ko mufite ubashyigikiye. Tuba turi kumwe namwe.

VAL. :Hii.

B.M. : Bana banjye, ndashimira kandi mumfashe gushimira iyi Kiriziya yanyakiriye, ikabakira.



Ni Njye nabisabye kuko numvaga ko kubahiriza Yezu Kristu ari byo bya mbere. Mbega ngo biraba byiza gusangirira ku Meza Matagatifu ! (*amashyi*).

VAL. :Karame. Hii.

B.M.: Bana banjye, mugende mwigishe, muvuge ukuri, mureke kwihimbira. Mwigishe ijambo ry’Imana, murebe muri Bibiliya Ntagatifu, murebe mu Gitabo Gitagatifu, mwumve Ivanjiri, mwumve Misa, muhabwe Yezu Kristu, kuko ari Ifunguro rya Roho rya buri muni.

VAL. :Hii.

B.M. : Bana banjye uwo natumye, ntuma, nzatuma, namutuma aha ngaha uyu muni, ejo nkamutuma ahandi, ndamubwira nti “haguruka ugende”, agahaguruka. “Jya muri iki gihugu” akagenda, kandi ntabwo amenyesha. Ariko ikinshimisha ni uko aho musanze hose mpasanga abana banjye. Aho ngiye hose, nkabona turi kumwe. Uzi kuba Nyamwisiga ukisanga ! Uzi no kuba babura baje !

VAL. :Ma, murakoze.

B.M.: Bana banjye, uwo mbatumaho afite byinshi ku mutima : ibimushimisha n’ibimubabaza. Ariko cyane cyane ikimubabaza ni kimwe : ni ukumva mwese mumugana, ariko we mukamubwira ibibari ku mutima mukururuka. Akabasengera, akabagira inama, ntaruhuke kubera ibyo byose mumuhaye ngo abafashe. Akenshi muramwibagirwa na we kumusabira, mukibagirwa ko ari umuntu, ko na we ari umunyantege nkeya.

VAL. :Hii

B.M. : Mwibagirwa ko namubwiye ko agomba kubaba hafi. Umwana Wanjye yamuhaye ubutumwa bwo kubabara, ubutumwa bwo gutotezwa, ubutumwa bwo gusabira amasandi ari byo kuvuga aba kiritika (*critiquer*) iby’Imana. Muramenye ntimuzabe muri ayo masandi. Ntimuzabe no muri abo bakiritika (*critiquer*) iby’Imana.

VAL. :Hii

B.M. : Bana banjye, abenshi bitwaza ko atemewe. Kutemerwa ntibivuga ko ntashobora kumubonekera, kumutuma. Kuko nababwiye ko icyanzanye, umugambi wanzanye ntarawugeraho. Rero, nta herezo murabona kuko ntarasezera. Ikibabwira ko icyo gihe nikigera mutazifuzaga gusubiza amagambo yasohotse mutakibishoboye kuko akarenze umunwa karushya ihamagara kandi nababwiye ko ibya mbere bizaba ibya nyuma.

VAL. :Hii.

B.M. : Ntugacike intege mwana wanjye !



VAL. :Urakoze. Hii.

*Aririmba mu ijwi ryiza, ryorohejee :*

*Nazindutse kare cyane. Nazindutse kare cyane ngana Afurika.*

*Nabasanze abatoni banjye. Narabahamagaye, ndabatuma*

*Barantumikira, barantumikira. Nabasanze abatoni*

*Narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise.*

*Mfura zanjye, bana banjye ndabakunda.*

*Mutege amatwi kandi munyumvise ukuri : Ni nde wundi mwabonye*

*Waje abasanga, abatetsha, abinginga, abasaba imbabazi*

*Ngo mumusabe ababe ?*

Hii. Ariko se Maman, iyo mumbwiye kubaririmbira, ndirimba neza n'ijwi ryiza.

Ariko naba ndi kuririmba bikananira. Hii. Ni ukuzajya munyigisha kugira ngo nanjye nigishe abandi neza, kuko akenshi mwambwiye ko indirimbo zanyu harimo ubutumwa muba mushaka kutugezaho.

Hii, hii, hii . Karame

B.M. : Bana banjye, nongere mbibutse: uwo mbatumaho, iyo tutari kumwe, ntatanga umugisha. Ariko afite ingabire yo gusengera abarwayi, cyane cyane abarwaye amashitani. Kuko hariho benshi bamuzanira ibintu ngo abihe umugisha, yababwira ko adatanga umugisha, atari padiri, mukababara.

Nagira ngo mbabwire ko iyo tutari kumwe, ubwo bubasha ntabwo agira kuko atari akazi ke. Ariko iyo asengera abarwayi, aba afite imbaraga ze zose, imbaraga zacu kuko ari twebwe tumufasha kugira ngo abo barwayi bakire.

Namwe bakize, mujye mwibuka gushimira, mwibuke gusenga mubikuye ku mutima. Namwe mukirwaye, ni mwivuze.

Namuhaye ingabire, abenshi murayizi kuko akenshi ababwira, abo babana kenshi bahura na we, kuva kera ko ari jye n'Umwana wanjye tumufasha muri byinshi, tukaba twaramuhaye ingabire yo kureba mu mitima icyo umuntu atekereza iyo ashatse kumubeshya. Ntabwo byoroshye kuko biramuvuna. Niyo mpamvu umwaka washize yasabye ko twabireka, mubwira ko ari byo bimufasha, kugira ngo ashobore kutagwa mu mutego, ashobore no kubona ikintu kibi kigiye kumubaho, acyirinde mbere y'igihe.

Abantu bazanwa na byinshi, ariko Ikiganza cy'Imana kimuhora hafi. Iyo ndi kumwe na we tunganira, ndi kumwe n'Umwana Wanjye Yezu Kristu, iyo arambuye ikiganza, kiba ari Icyanjye, nkamukoreramo, akamukoreramo. Iyo tumusezeyeho, asigara ari cya gikoresho cyanjye gisigaye ku isi. Bwa bubasha ntabwo. Iyo mbahaye amazi ku rushyi, ni ikiganza cyanjye, bana banjye.

Iyo duhaye amazi umugisha, ntabwo aba ari we uhaye umugisha, ni twebwe tumuhamagara akitaba, nk'uko namwe mumuhamagara mugize ikibazo akaza yiruka, namwe nabahamagara, mujye mumwitaba. Mwana wanjye, komereza aho, uzajye utabara igihe cyose.

Uri MUKANTWARI !

VAL. :Hii, Hii

Ariko Maman, hari abantu benshi cyane bakuntumye! Hii. Hari abavuga ibirimi by'ibyangereza ntumva neza, iki espagnol ntumva neza, ibi néerlandais ntumva neza, n'igifaransa n'ikinyarwanda. Bose abenshi bambwiye ngo nkubwire ko bagukunda cyane. Bose kandi uko bahari, uko nabasize kuri St Roch tutarajyana, bambwiraga ko bagukunda ngo mbe ari cyo nkubwira. Ngo Wowe n'Umwana Wawe Yezu Kristu barabakunda. Kandi nanjye ndabakunda. Hii.

B.M. : Bana banjye, ndabakunda. Bana bacu, turabakunda. (*Abakristu bakoma mu mashyi*)

VAL. : Hi ? Hii.

B.M. : Bamwe batekereza byinshi kuko n'ubwo muri hano, buri muntu wese ntabwo atekereza nka mugenzi we.

Hari abaza baje kureba, abaza baje kumva, abaza baje gusenga, abaje baje guhinyuza. Ariko kuri uyu muni, ntawugenda adafite imbaraga, kuko mwese mbaramburiyeho Ibiganza Byanjye bya Kibyeyi. (*Abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL. :Hii.

B.M. : Mbega amajwi meza y'abaririmba! Mbega ngo murabyina bana banjye ! Murakagira abababyara ! (*Abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL. :Hii.

Hari abantumye bafite ibibazo bitandukanye : hari abababaye n'abishimye, hari ababyeyi, abashakanye bifuzaba abana, ndetse hari n'abafite abana batumva, hari abarwaye indwara zitandukanye, indwara zidakira. Ariko ni mwebwe baganga bakuru, kuri uyu muni, tubishyize mu biganza byanyu, tubashyize mu maboko anyu kuko nimwe muvura.

B.M. Hari n'abaje bavuye ku bitaro, basaba uruhushya kugira ngo baze kunyakira. Bana banjye, murakagira ubabyara. (*Abakristu bakoma mu mashyi*).

VAL. :Hii.

B.M. : Bana banjye, namwe murwaye indwara zidakira, mujye mwibuka guhereza, ntumugahore muganya cyangwa se ngo muvuge ko bidashoboka. Ikidashobokera abantu gishobokera Imana. (*Abakristu bakoma mu mashyi*)

VAL. :Hii, Hii.

B.M.: Ntimukinube ko muhuye n'ibigeragezo, kuko tugomba gukorera ijuru tukiri kuri iyi si kubera ko isi iriho byinshi, ibibi n'ibyiza.

VAL. :Hii, hii. Karame

B.M. : Bana banjye, bamwe mutekereza ko iyo nje, mpagarara hamwe cyangwa nkavuga bimwe, cyangwa nkavugira hamwe.

VAL. :Hii

B.M. : Nta gihinduka kuko kumvira ni byiza cyane. Turerwa na Kiriziya, kuko Kiriziya ni yo nashyize imbere, niyo Rutare, niyo Umwana wanjye yubatseho. Ndabasabye mujye mwumvira. Ndongeye kubibasubiriramo.

VAL. :Hii, hii. Urakoze. Hii, hii, Hii, hii

B.M. : Bana banjye, dufite gahunda ndende, nyinshi, kandi tugomba kurangiza. Ndagumana namwe tubikore nk’uko twayitangiranye, kandi ndabashimiye, kandi ndabasabye, kandi bana banjye, ntimugatsitare, ntimukagire ubwoba, kuko mufite ababyeyi b’indahemuka.

VAL. :Hii.

## UMUGISHA.

*Atangira ya masengesho tumenyereko avuga igihe agiye kujya gutanga umugisha w’amazi.  
Agera imbere ya buri tsinda, akarambura amaboko, akavuga ati:*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, umpe kuwutangana n’icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry’Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu.

1. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro.
2. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana, kwiyoroshya, umpe no kuwutangana icyubahiro cya nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.
3. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicisha bugufi, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, ukwihangana, ukwakira no kubabarira. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.
4. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwicisha bugufi, ukwiyoroshya, urukundo, kubabarira no kutita ku by’isi. Kandi cyane cyane nje mbona m’uwumbabaza, untoteza, urukundo rwawe.

*Aritaba ati : Karame.*

5. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi, ukwihangana no kwihanganirana. Kandi umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
6. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana icyubahiro, ugushaka kwawe, urukundo rwawe n'imbaraga zanyu, mumpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
7. Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi ushaka, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
8. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, umpe kuwutangana icyubahiro, ugushaka kwanyu, cyane cyane kubumvira no kububaha, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
9. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana icyubahiro, ukwihangana, ubwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.
10. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi, ugukora ugushaka kwanyu, kandi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani mugushaka kwawe Mubyeyi.
11. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kubabarira, ukubabarirwa no gusaba imbabazi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda, bahorane amahoro.
13. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
14. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwihangane, kutikuza, kubabarira, kumva buri muntu wese uje ansanga, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru, no muni abitonda bahorane amahoro.

VAL. : Ndi hano.

*AZENGURUKA ATERA ABANTU AMAZI Y'UMUGISHA, ARIKO  
BAMWE AKABAHA UBUTUMWA BWIHARIYE. HABA ABO  
ANYWESHA, ABANDI AKABAKANDIRA AHABABARA, ABANDI  
AKABAKORERA IKIMENYETSO CY'UMUSARABA. HABAHO  
N'ABAKORERWAHO IBYO BYOSE. MURI ICYO GIHE, ABAKRISTU BO  
BASIMBURANA KURIRIMBA MU NDIMI ZITANDUKANYE.*

## UBUTUMWA BWIHARIYE:

NGABO Jacques (wari wavuye mu Buholandi)

Mwana wanjye, uburwayi bwawe ndabuzi. Jya usenga, wihangane, kandi ukomere ndi kumwe nawe.

KIKOKA Honoré (wari wavuye muri Congo - RDC):

Mwana wanjye, urukundo waje unsanganiza uje kunsanganira, ukaza urwaye, wagera ku bitaro ukababwira ko baguha uruhushya rwo kuza kunsanga, biranshimishije.

VAL. : Hii.

CHEN (wavuye muri Amerika) Ahawe amazi yo kunywa

SIDONIA : Na we ahawe amazi yo kunywa

*ABANA BATO BOSE BATERUWE : Bahawe amazi*

VAL. : Indabo zanyu ni nyinshi. Hii. Indabo zanyu uko mwabinsabye, zose nazivomereye. Hii. Oya ! Ariko mfite inyota ntabwo mwigeze mumpa utuzi two kunywa. Hii. Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, amina. (*Anywa amazi arongera asubira kujya gutanga umugisha*).

BONESHA (w’i Buruseli) Mwana wanjye, uburwayi bwawe nk’uko bwaje wari muzima ukumva bukwituyeho, humura igikomeye narakikurinze, kandi sinzagutererana, uri kumwe nanjye. *Aramwuhagira abababara, amuha n’amazi yo kunywa, amukoreraho n’ikimenyetso cy’umusaraba.*

VAL. : Urakoze. Indabo zanyu ni nyinshi cyane. Ariko aho mwanjyanye hose nahavomereye. Ariko ubutaha muzajye mushaka abakozi benshi.

B.M. : Bana banjye, ntabwo mbabwira ngo murabeho, kuberako turacyari kumwe, kubera ko koko uyu muni, ari umuni w’agatangaza. Ndumva....

VAL. : Hii.

B.M. : Uwawuteguye ko ugomba kugenza gutya afite impamvu. Rwose ndasigarana namwe, ndabana namwe, nzakomezanye namwe.

VAL. : Hii.

B.M. : Bana banjye, mugire amasengesho meza, mugire umuni mwiza, mugire n’umugoroba mwiza kandi mukomeze muryoherwe.

VAL. : Hii. *Atera amasengesho akurikira :*

Dawe uri mu Ijuru, izina ryawe ryubahwe... Hii.

Ndakuramutsa Mariya, wuzuye inema uhorana n’Imana....

Nihubahwe Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu ....

Mana ituma byose bigirira akamaro abagukunda, shyira mu mitima yacu urukundo rwawe rudatezuka, kugirango ibi bitekerezo uduhaye bidahinduka ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Nyagasani Yezu ubu turi mu biganza byawe, waturekura twagwa. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro

Urakoze Mama! Umunsi mwiza! Wirirwe.

*Valentine yitura hasi, ibonekerwa rye arirangiye atyo ku isaba ya saa munani.  
Abari aho bakoma amashyi, bavuzaga impundu, bashimira Ab’ijuru,  
banabasezeraho  
baririmba mu gibe bagitegereje gutangira “adoration”.*

*Abafashe amajwi na camera bagakora na sonorisation: MUGISHA Yves.*

*Abafashe amajwi hanyuma bakandukura: Léoncie Kantamage na Thérèse Hitimana.*

*Umwanditsi kuri ordinateur : Candide Ntaramuka.*

*Abakosoye ibyanditswe : Immaculée Nyiransabimana, Françoise Bonduelle na Rwabuzisoni Côme.*

*Turashimira abadufashije kwandukura iyi nyandiko :*

*Pétronilla wafashe amajwi agaha abandi za cd na dvd.*

*Pascasie Uwimana wigomwe cd na dvd ze ngo twifashishe mu kwandukura neza iri bonekerwa.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA NYIRAMUKIZA VALENTINA KU  
ITARIKI YA 15/05/2013 MURI SALLE YA KILIZIYA YITIRIWE  
MUTAGATIFU YOZEFU IRI KU NUMERO 57, PETITE RUE DES  
LOUPS, 1070 BRUXELLES.**

**Intangiriro.**

Ibonekerwa ryatangiyeye 13h15' nyuma y'Igitambo cya Misa yasomwe na Padiri Hugo Vangeel akaba ari Padiri Mukuru wa Paroisse Saint Roch, hamwe na Padiri Agusti Miarnau ukomoka mu gihugu cya Espagne wari waherekeje abakristu bavuye muri icyo gihugu cya Espagne bari baje mu ibonekerwa. Ubwo umukristukazi witwa Hitimana Tereza yateraga ishapule y'urumuri, amaze kuvuga iyibukiro rya mbere « Yezu Kristu abatirizwa muri Yordani », yakurikijeho Dawe uri mu ijuru mu gifaransa. Agitera Ndakuramutsa Mariya nibwo Nyiramukiza Valentina yavuye mubo baririmbanaga apfukama imbere y'abantu bose akomeza gusengana n'abandi.

Nyuma ya Ndakuramutsa Mariya eshanu niho twatangiyeye kumva ijwi rye ryumvikana cyane. Tereza arakomeza atera Ndakuramutsa Mariya kugeza igihe zibaye icumi. Agiye gutera Hubahwe Imana Data, Nyiramukiza atera Ndakuramutsa Mariya. Nibwo Tereza yahagaze.

Valentine Nyiramukiza atera Dawe uri mu Ijuru mu gifaransa (3X) yongeraho Hubahwe Imana Data (6x) mu gifaransa, nyuma yongeraho Bikira Mariya Nyirimpuhwe mu Kinyarwanda, asoza n'ikimenyetso cy'Umusaraba. Aya masengesho Nyiramukiza Valentina yateye aratwibutsa amasengesho Nyagasani Yezu Kristu yari yaradusabye kuvuga kuri 19/03/2013, dutegura amasengesho yo kuri 15/05/2013.

Icyo Yari yadusabye gusengera ni :

- gusabira abasengana uburyarya.
- gusabira abakuru ba Kiliziya,
- gusabira abanyarwanda bafite inzangano mu mutima,
- gusabira n'ibindi bihugu by'Afrika n'iby'Iburayi bidafite urukundo,
- gusabira abatita, « abanegligea » ubutumwa yaduhaye.

Yarangije atera Ikimenyetso cy'Umusaraba mu gifaransa: Au nom du Père, du Fils et du Saint Esprit.

Hashize umwanya muto acecetse, ahindukira gato atega amaboko arangamiye Bikira Mariya atera indirimbo :

R. Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana  
Bikira Mariya ujye uduhakirwa (2x)

Kiza abanyabyaha bamenye iby'Imana  
Batsinde ingeso mbi ziba mu mitima (2X)

**VAL.:** Ndi hano muvuge icyo mushaka. Murakoze.

Ndi hano mumbwire icyo ushaka Mubyeyi.

Iwacu batwigishije ko umuntu mukuru bavuga "Mu". Murakoze.

**B. M.:** Bana banjye ndabaramukije.  
*Abakristu bakoma mu mashyi, bavuzza impundu.*

**VAL.:** Karame.

**B. M.:** Murakagira abababyara.

**VAL.:** Huum, hum.

**B. M.:** Bana banjye, muribuka ko Umwana wanjye yababwiye ati: « Ibintu birakomeye. Nimusenge kuko mugiyeye guhura n'ibigeragezo mutegura uyu muni, uyu muni turi kumwe ku itariki 15 y'ukwa gatanu mu w'ibihumbi bibiri na cumi na gatatu ». Yari azi impamvu. Yabasabye gusabira Kiliziya, abasaba kwisabira namwe ubwanyu, yabasabye gusenga mubikuye ku mutima ababwira uko muzasenga, abaha amasengesho muzavuga, kugeza k'uyu muni. Bamwe mwari mwabyibagiwe. Umunsi rero ni uyu. Nababwiye ko ntazabatererana, nababwiye ko ntabasiga nk'impfubyi, kandi ko icyanzanye ntari nakigeraho. Abandambirwa muracyafite umwanya.  
Haba aha, haba ahandi, aho nshaka hose, nzaza kubareba umunsi nzashaka.

**VAL.:** Hum, hum.

**B. M.:** Nababwiye ko niyo haba hakomeye ntica umugambi. Rero abarushye, abahangayitse, abagize ibibazo nimuruhuke.

*Abakristu bakoma mu mashyi.*

**B. M.:** Bana banjye, ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose ngo bakizwe. Muri kano kanya ndabasabye kugirango buri muntu wese yisubire inyuma aje mu mutima we, maze yibuke uwo afitanye na we ikibazo, nubwo atamubona, amubabarire.

**VAL.** *araceceka gato.*

**B. M.:** Ndabakunda nkabakundira intege nke zanyu, ndabasabye mwikwigunga kandi naraje kubavana mu bwigunge. Mwirwaza imitima yanyu kandi naraje kuyiruhura. Mwebwe baturutse kure, mwebwe mwahuye n'ibigeragezo bitandukanye muri kano kanya bana banjye, mwese nimuruhuke mutege ibiganza, mutege amatwi y'umutima maze Umwana wanjye Yezu Kristu, Umwami wanyu abahe umugisha.

*Nuko Valentina, aho yari apfukamyeye, arambura amaboko yerekeza ibiganza imbere nkutanga umugisha. Noneho avuga akora n'Ikimenyetso cy'Umusaraba ati : Ku Izina ry'Imana Data, na Mwana, na Robo Mutagatifu.*

**VAL.:** *atera indirimbo :*



Niyeguriye Nyagasani nitabye ijwi rye  
Ubutumwa ampa nzabusohoza  
Iteka mwemerere amfate ukuboko (2x)

Huum, hum, hum.

*Atera indirimbo :*

Niyeguriye Nyagasani nitabye ijwi rye  
Ubutumwa umpa nzabusohoza  
Iteka nkwemerere umfate akaboko  
Iteka nkwemerere umfate ukuboko.

**B. M.:** Mwana wanjye nkunda, igihe nzagutuma, nzagufata ukuboko. Ntuzasubire inyuma, ntuzacike intege, ntuzabike inzika, ujye ubabarira buri mwanya, buri segonda kuko uzababazwa, kuko uzatotezwa ariko nzaba ndi kumwe nawe. Bana banjye, mutege amatwi, mwumve ibyo mbabwiye ntacyo muzakuraho cyangwa mwongereho. Muzi neza ko inzira y’Imana ifunganye. Muzatotezwa, muzababazwa, bazabaca intege ariko mumenye ko tuzaba turi kumwe ntazabatererana. Ndabasabye ntimukagwe mu mutego w’umwanzi. Bana banjye bahawe ubutumwa kera nkiza kubasura i Kibeho, mwongere musubize amaso inyuma kuko mwabwibagiwe kandi nibyo nababwiye bamwe bahuye nabyo. Abana nabaragije mwaterereye iyo. Nyabuna musubize amaso inyuma. Nimumpamagara nzababa hafi. Bana banjye, mwe murwaye, nimwivuze kuko akenshi indwara y’uruhu iraboneka ikagira abaganga ariko iy’umutima ivurwa n’Ijambo ry’Imana n’ukwemera. Nimunsanga, nimudusanga, tuzabakira.

**VAL.:** Hum, hum, hum, hum.

**B. M.:** Bana banjye, namwise Mukantwali. Aha mwicaye mubona...

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Namubikije ibanga araribika abigeraho byose, none mwese yabahaye umwanya, yababwiye ati « Nimuze ».

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Ndabashimiye bana banjye ko mwaje kunyakira.

*Abakristu bakoma mu mashyi, bavuzza impundu.*

**B.M.:** Hari abafite ibibazo. Hari abibaza ko nazaga mu Kiliziya, ko ariko uyu muni ntahaje. Aho yaba ari hose nahamusanga kuko naho yaba aryanye musanga aho aryanye. Kiliziya ni mwebwe kuko Kiliziya yubatswe mu mitima y’abantu. Ubu

muri kano kanya ndishimye ko mwarushye mukagera kucyo mwateguye. Bana banjye, mwese mbashimiye ubwitange mwagize kuri uyu muni. Namwe mutashoboye kubimenyera igihe, aho muri hose, bana banjye, turi kumwe.

**VAL.:** Hum, hum. Murakoze!

*Valentina atera indirimbo:*

Nazindutse kare cyane,  
Nazindutse kare cyane, ngana Afurika.  
Nahasanze abatoni banjye.  
Narabahamagaye ndabatuma, barantumikira, barantumikira  
Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye baranyumvise.  
Mfura zanjye, bana banjye, ndabakunda.

*Kuva Valentina yatangira kuvugana na Bikira Mariya, yari apfukamye. Noneho amaze kuririmba nibwo yabagurutse, abumbira ibiganza mu gituzza bimeze nka ya mashusho ya Bikira Mariya abumbatiye ibiganza bifatanye mu gituzza bisobanura ngo : « Byose bibumbiye muri Njye ».*

Hum, hum.

*Araririmba ati :*

Narababajwe, ndababarira  
Narakubiswe nca inkoni izamba  
Natamirijwe amahwa ndababarira.

**YEZU:** Bana banjye, narababajwe, narakubiswe, natamirijwe amahwa, ariko narababariye. Namwe ndabasabye nimubabarire, nimubohore imitima yanyu kuko iyo umuntu adafite amahoro n'isengesho rye ntirigenda neza. Iyo adafite amahoro yumva ibyo atagombaga kumva.

**VAL.:** None se Papa, ko mumbwira .... Ndikubumva ntari kukubona ? Ko mumbwira ntari kukubona ? Nabwirwa n'iki se ko ari mwebwe mubimbwiye ?

**YEZU:** Nagusezeyeho kumugaragaro, nagiraga ngo gusa kuko ndi kumwe na Mama, mbabarire abana banjye bese bari hano, abasigaye mu rugo, abari ku kazi, abari mu bihugu byose bitandukanye, kubera uyu muni, mbahe umugisha wanjye, kandi na bo mbabarire.

**VAL.:** Karame. Hum.

**B. M.:** Impamvu y'uko kubabarira no kubabarirwa nuko kubera uyu muni, wakoresheje abantu ibyaha byinshi : abatekereje nabi, abaciye imanza.

**VAL.:** Hum, hum, hum.

*Valentina araririmba:*

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo  
Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu  
Murakome....

Hum

**B. M.:** Bana banjye, muhaguruke muririmbe “murumve twana twanjye”.

*Abakristu bose barahaguruka, bafatanya na Valentina kuririmba.*

Murumve twana twanjye nabaraze urukundo  
Murarugire intego mwese aho mujya hose  
Rubabere umutako mwiza uhora ubaranga  
Ari amanywa, ari na nijoro. Ntihagire ikibakanga we

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo  
Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu  
Murakomeze mutwaze ntabwo nzabahana  
Nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya  
Wa mwanzi w’icyatwa ujya ubakurura mu cyaha  
Nzamukubita ijanja mwimure mureba.  
Muhumure naratsinze nimika urukundo, nti hagire ikibakanga we.

*Iyi ndirimbo Valentina yayiririmbye arambuye ibiganza bireba imbere nkutanga umugisha akora uruziga (360 degres) arangije asubira kubibumbira mu gituzo cye.*

Murakoze.

**VAL.:** Ariko se Mama, ko iyo turi kumwe umbwira ko ari indabo, abo bana baturutse hehe? Uzi abantu twari kumwe muri ya salle? Twari ... Twari .... Hum.  
Karame.

*Nuko Valentina amara umwanya acecetse, yikiriye icyo abwira ati: Hum, hum.*

**VAL.:** Uko mubishaka, ndi hano, ndi igikoresho cyanyu n’icy’ab’isi yose.

Hum. Aho muzantuma hose nzahajya, mu bo uzantumaho bese, nza..., uwo uzantumaho wese nzamubwira, icyo muzambwira cyose nzagisubiramo. Aho muzansanga hose nzabakira. Mujye mukoresha icyo mushaka.

**B. M.:** Bana banjye, mukundane by’urukundo ruturutse ku mutima, urukundo rw’Imana atari urukundo rwa muntu. Mwikunde kugirango mwumve uko mwikunda mumenye uko mukunda abandi.

**VAL.:** *ararimba:*

Mbega ngo biraba byiza, bikananyura umutima  
Twibumbiye hamwe turi abavandimwe.

*Arikiriza:* Hum

**B. M.** *arakomeza ati:*

Babyeyi, murere nkuko nanjye mbarera, mufashe abana banyu, mubegere mubabaze ikibari ku mutima.

Bana murerwa, ndabasabye mugire ababyeyi banyu ho incuti zanyu kuko inshuti y'umwana ni umubyeyi. Ikubikira ibanga kuko uwo hanze ararimena.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Ndabasabye kugirango mutsinde ibibashuka, mutsinde ababashuka ahubwo mwumve umutima-nama ababyeyi banyu babagira.

Bana mwakomerekejwe n'ibibazo mubona iwanyu hagati y'ababyeyi banyu, hagati y'abavandimwe banyu, mwebwe mufite ingufu zo gusenga mujye muvuga muti: "Dawe nkugizeho inshuti, ngira inama". Ujye usabira umuryango wawe.

Babyeyi mubabazwa n'abana banyu, mukicwa n'agahinda, nimupfukame muhare amavi, mubasengere, nkuko umubyeyi Monika yasengeye Augustini, umwana we, akarokoka, ntimwihebe ahubwo ntimubakureho amaboko, ahubwo mujye murushaho kubegera, murushaho kubumva.

Bana ntimukavuge nabi kugirango ababyeyi banyu babareke mugende. Ahubwo mujye mugirwa inama. Murebe icy'ukuri cyubaka roho kuko umubiri wihuta gukora ibyaha ukangiza roho zanyu.

Namwe abihaye Imana b'ingeri zose, nimuharanire kuzuzwa icyo mwasezeranye kubushake bwanyu, nta ngufu, nta gahato. Nimuharanire kuzuzwa icyabavanye iwanyu. Mwubake umuryango murimo mukumva ko ari umuryango wanyu. Munyubakeho kuko ndi Umubyeyi ugira inama nziza. Mureke inzangano mu mutima, mushyire izo nzangano hasi, mbagwirize urukundo rw'Imana, urukundo rwa mugenzi wawe.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Udafite nyina, ntagire se, aricara akavuga ati: "Njyewe ndi impfubyi ku mpande zose". Bana banjye, ndababwira ko uyu munsu mutari impfubyi kuko mukigwi cy'ababyeyi banyu turahari. Mujye mutubwira, mutugishe inama, mudusange tubakire. Turambuye amaboko y'urukundo, amaboko yombi kugirango tubashyire mu biganza byacu.

Namwe bapfakazi mwikwiheba, mwibabara kuko mufite uwo mubwira akabumva, mwuzuze imitima yanyu urukundo kuko urukundo rutahavuye ahubwo mujye muhora murwuhira iteka.

**VAL.:** Hum. Murakoze.

**B. M.:** Bana mwe mwabuze ababyeyi banyu mukibakeneye, muhumure ntabwo muri impfubyi, turi kumwe. Mujye mubasengera, abageze mu ijuru mubasabe kugirango namwe babasengere.

Abafite ababyeyi babo barwaye, mbahaye umwanya kugirango mumbwire icyo barwaye, mujye mubintura, mubasengere kubera ko kwiheba bituma ahubwo bibongerera ububabare. Mujye mushyiraho isengesho gusa.

Namwe mwese mufite abanyu bitabye Imana, abanyu barwaye, abanyu barimo gusamba muri kano kanya, nimubihereze Imana, mubasengere muture ibyabo kuko mufite umwanya wo kubivuga bo batawufite. Musabire roho ziri mu Purugatori.

Mwebwe bana mwabuze ababyeyi kandi mubafite, namwe mwikwiheba.

Namwe bagabo mwabuze abagore kandi mubafite, n’abagore mwabuze abagabo mubafite, namwe nimupfukame mubihereze Imana kuko isezerano rya mbere ridakuka kuko riracyahari. Nyabuna mujye mwibukiranya mwese. Buri muntu yibuke igihe yamaranye na mugenzi we, amuhe iminota itanu yo kumusabira kugirango amwereke Imana.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Bana banjye, mwebwe murwaye indwara zidakira, mwikwiheba, mwikwigunga. Hari abarwaye indwara bikururiye, hari n’abo zaje batabishaka. Mwese ndabasabye ngo mujye munsanga mumbwire, iyo wizera murakira.

Mwebwe mufite ibibazo mu mashuri, mujye musenga mbere yo kugenda ngo mwiragize Imana, musabe kugirango ibafungure mu mutwe no mu mutima. Imana iba hose kandi Imana ikora byose kandi Imana yumva byose.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Mwebwe muri hirya no hino batari hano mwashatse gutuma mukabura uko mutuma, nimuhumure.

Mwebwe muri i Kibeho n’ahandi hose ku isi, mwigira ikibazo, ibibazo byanyu ndabizi, n’ubutumwa bwanyu nabubonye.

Bana banjye, ndabakunda.

**VAL.:** *arikiriza:* Hum, hum, hum.

**B. M.:** Mwebwe mutotezwa muzira amabonekerwa y’uwo ntuma, ibyo muhura nabyo biroroshye, nimwihangane kuko buri muntu wese afite aho azakura igihembo. Ntimugasubire inyuma, muramenye ntimuzabe “babura mwaje” cyangwa nanjye nzabe “Nyamwisiga ngo nisange”.

Mwebwe mwibagiwe ubutumwa nabahaye, umuntu ku giti cye n’abana be, muzajye mungana, mwongere mwiambutse kuko haryoha ibisubiwemo.

**VAL.:** Mushatse kuvuga iki?

**B. M.:** Nshatse kubabwira ko batagomba gucikwa ngo bibagirwe ibyo byose ahubwo bagombye kuva uyu muni guhaguruka, ibyahise byarahise twongere dutangire bundi bushya.

**VAL.** *arikiriya*: Hum, hum, hum.

**B. M.:** Bana banjye, uyu mubona imbere yanyu, mutuma akiri mutoya, atotezwa akiri mutoya kugeza uyu muni, ariko ntabwo yigeze acika intege. Rimwe na rimwe akora nk’aho atumvise.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Igihe yahawe ingabire yo kubona mu mitima yanyu, namusabaga kugirango ndere umwana wanjye, ajye ahita ababarira, mutaramusaba n’imbabazi.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Navuze ko nzamutuma hose ku isi kugirango ashobore gufasha n’abandi.

**VAL.:** Hum. Nibyo. Hum.

**B. M.:** Ibyo yavuze nibyo kuko “ukuri guca muziko ntigushya”, niko mwebwe mujya mubyivugira. Namukuye muri famille y’abakene, mu karere k’abakene kugirango mutume, mutume kuri bariya bafite uburyo kuko gukira ku mutima no gukira kuri roho, no gukira ku mubiri hari icyuzuzza ikindi. Ntabwo mutuma kugirango asabirize, mutuma kugirango antumikire, niyo mpamvu byose bimukurikirana. Nimwibuke Umwana wanjye indirimbo yamwigishije avuga ati: “Navukiye mu gikene, ngikuriramo, narabaje, naravomye, ndetse nize no kubaka inzu kugirango ngo tubone aho tuba, njye na Data na Mama”.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Namusimbukishije impfu nyinshi, kuko nashakaga ko kuri uyu muni n’igihe kizaza ababera intambwe, abafasha gukura mu kwemera. Mugira amahirwe mwe mwashoboye kumubona mukimumenya kuko hari abamwifuza kugeza na nuyu muni bataramubona. Niyo mpamvu, niyo mpamvu mumutera amacumu.

**VAL.:** Karame

**B. M.:** Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera. Aho namwe mwazinduka muzindukiye abandi ?

**VAL.:** Hum ?

*Abaza nk'utumwise*

**B. M.:** Aho namwe mwazinduka muzindukiye abandi? Nashaka kubabwira nti ese ntari hano nkajya kure y'aha mwahansanga?

Mwibuke ko nababwiye ko muzivana amata ku munwa kandi ko abanyamahanga bazabarusha kwamamaza ijambo ry'Imana. Rero nimukomereze aho mugeze bana banjye simbagaya kuko muragwa mukabyuka nkuko n'abandi bagwa bakabyuka. Ntibahera hasi namwe ntimuhere hasi ahubwo nimwubake rwa rukiramende.

Bana banjye bavuye impande zose z'isi, mbahaye mwese urukundo rwanjye n'umutima wa kibyezi. Namwe mwabakiriye murakagira namwe ababakira. Mukomereze aho ntimucike intege, kandi ntimukagire igihe mwumva ko ntacyo mwakoze kuko igihe cyose muba mwakoze.

**VAL.:** Huuum.

*Valentina araririmba :*

R. Nzashimira Imana nzayisingiza, mbwire bese ibyiza yankoreye  
Nzayibyinira nteze amaboko, nsohoze ubutumwa yampaye.

Yankunze ntarayimenya na busa, aho nyimenyeye irandagira,  
Inyereka intwari bibiliya, kuko ariyo ikandagira umwanzi.

R. Nzashimira Imana nzayisingiza, mbwire bese ibyiza yankoreye  
Nzayibyinira nteze amaboko, nsohoze ubutumwa yampaye

Hum.

Mubyeyi mfite ibintu byinshi byo kukubwira abantu benshi bantumye ngo mbatumikire.

- Abarwayi basaba kugirango ubakize cyangwa ubagabanyirize imiti.
- Abana barwaye mu mutima kubera itandukana ry'ababyeyi babo cyangwa ababyeyi batumvikana.
- Ababyeyi bababajwe n'abana babo, abababajwe n'imiryango y'abana babo, n'imiryango bashatsemo.
- Abantu bese bababajwe n'ibibazo bitandukanye bafite, bantumye kugirango Mubyeyi mbatumikire.

- N'ababyeyi bakuze baba bonyine ujye ubahora hafi. N'abafite abana bakuze ntukabatererane, ujye ubana na bo ubagire inama kandi ubafashe kuko nawe uri umubyeyi wabo.

Hum, Karame, Hum.

- Abana bifuza gushinga ingo ariko badashobora kumenya guhitamo ikigutunganiye.
- Abashaka kwiha Imana nabo bashaka kugenda inzira nyayo.  
Abana bari mu ishuri biga ntibafate cyangwa se bafite ibibazo byo kugirango bashobore kurangiza amashuri yabo.
- Ababyeyi bafite ibibazo byo kubyara, abana bafite ibibazo bumva nta rukundo na ruke bafitiye ababyeyi babo bitewe n'ububabare bahuye nabwo.
- Ibyo byose ndabiguhereje, na bo ndabaguhereje, Mubyeyi, kugirango ibyo bantumye mbishyire mu biganza byanyu buri muntu wese mujye mumuha igisubizo mukurikije ibyo yababwiye.
- Abanditse nabo, muzi gusoma kuturusha, nabo mugende mureba ibyo babandikiye kuko ari benshi. Niryo turo babazaniye.
- Abatumwe na bo n'abandi na bo ubagenderere.
- Nanjye ndabasaba ko, nzi ko mutanga igihe mushakiye, kugirango abana mwari mwarandagije mbabahereze kandi muzongere mumpe guhura na bo nzongere mbabone nkuko nababonaga. Ikintu kiri hagati bumva ko naba narabahemukiye mukimbwire mbasabe imbabazi, kandi nimba ntagihari wowe ubagenderere ubabere se na nyina kuko nta nyina bafite, ntana se bafite. Ndabigusabye Mubyeyi kuko ari cyo kintu kindi ku mutima. Augustin na Fiacre. Bafite imiryango ariko numva ndi umuryango wabo kubera ko ari njye wabatojeje kukumenya no kukuvuga n'ijambo rya mbere barivuze ari njye turi kumwe. Numva ari cyo gihango gikomeye kuko nzirikana ko Yozefu yareze Yezu amukunze akamubera Se. Kandi ndibuka ko ariyo nshingano mwampaye yo kubabera umubyeyi igihe ababyeyi babo nari maze kubaherekeza. Ndabibasabye. Nimba bishimye ndabigushimiye. Nimba bafite agahinda uzakabakize. Mbaye ngushimiye. Ndaguhereza ibyanjye byose n'abanjye bese n'umubyeyi wanjye witabye Imana kandi nimba hari aho atakoze neza muzambwire nkimukorere ariko mumwakire. N'undi wese wakundaga umubyeyi we mujye mutubwira tumusengere kuko mwatubwiye ko akabura ntikaboneke ari nyina w'umuntu na se w'umuntu. Turabafite wowe Mubyeyi mujye mutugira inama.

Hum. Urakoze, Hum.

Ndabahereza n'abana mwiyeretse i Kibeho bese abitabye Imana tutazi aho bahambwe. Muzatwereke ikimenyetso cyaho bahambwe. Abapfuye tutazi aho bapfiriye muzatwereke ikimenyetso gitagatifu. Abakiriho mubahe imbaraga zo gukora ugushaka kwanyu kugirango tutazatsindwa n'umwanzi tugaca ku ruhande.



Hum, hum.

Ndakwereka n'abana bakiri batoya batazi icyo bakora, batazi icyo bavuga kugirango ufashe ababyeyi babo gukurana urukundo, ufashe ababyeyi babo gukura bakumenya, n'ababyeyi babo ubahe imbaraga zo kubakumenyesha. Ndaguhereza abantu bose barwaye cyane cyane indwara baterwa n'abandi, ndashaka kuvuga indwara ziterwa n'imyuka mibi ya shitani, zituruka mu mashyari, zituruka mu nzangano kugirango abagukunda ujye ubaramburiraho ibiganza byawe, ntuzabatererane.

Hum.

**B. M.:** Nabasabye isengesho rivuye ku mutima. Nimusenge pe, nimushikame mwake imbaraga kuko narazibahaye muzikoreshe. Ubushishozi narabubahaye. Mujye musubira inyuma mubyo nababwiye mwongere mwibukiranye.

**VAL.:** Hum, hum, hum, hum.

*Valentina yikiriza ibyo abwive igihe kirekire*

**B. M.:** Bana banjye, kuri uyu muni ndishimye pe ! Mwambaye neza, mwaje muhuzagurika. Icyo nicyo kinshimishije kuko mwaje mushakisha, kuko ushakashaka araronka. Byanyeretse ko muri abana b'urukundo kuko nanjye iyo mbashakisha ndaruha, aho mbashakisha impande zose zitandukanye. Namwe mwaje muturutse impande zose zitandukanye mushakisha aho turi buhurire. Mbega byiza !

**VAL.:** Ariko se, Mama, ko mwavuze ko ukuri muzakwiyekekanira, buri gihe usanga abantu bose bavuga ngo mwaratinze, ngo nimubereke ikimenyetso cyerekana ko ari Mwe mbona koko ku buryo usanga n'abo umuntu ari kumwe na bo bari muri izo nzira. Hasigaye igihe kingana iki kugirango muzerekane uko kuri ?

**VAL.:** Hum. Njyewe ndabyemera.

**B. M.:** Bana banjye, ibitangaza biba buri muni. N'iki ni igitangaza. Ntakirenze kuba uyu muni mwese mwabonye aho muteranira mukabimenya guhera ku isaha ya ni mugoroba. Buri muntu wese atari azi aho azajya.

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Ubwo se, igitangaza mushaka ni ikihe ? Hari igitangaza kirenze gusinzira ukabyuka ?

**VAL.:** Hum.

**B. M.:** Ntimuzemezwe n'ibitangaza kuko ibitangaza bibabamo buri muni. Abakira bagatinya kuvuga ko mwakize, abasubizwa mwarasabye bagatinya kuvuga ko mwasubijwe. Nimwe muheza ukuri mu gihirahiro. Nabasabye kudatinya kuvuga uwo mukunda. Abakira ntibamenye gushimira. Abakirizwa mu nzira, mu ngo zabo no mu kiliziya bakibagirwa bigasubira uko byari bimeze. Iyo uvuye umurwayi ntanywe umuti indwara yabonetse iyo umuti awuretse araremba. Namwe mubika wa muti baba baguhaye, mubika rwa rukundo, mubika kwa kuri mwebwe bigatuma mutinya kuvuga ukuri.

**VAL.:** Karame

Ndaguhereza n'abategetsi b'ingeri zose, abategetsi ba Kiliziya batuyobora, ababyeyi basenga bashaka gufasha imiryango, « peoples » zabo, bakabura uburyo kugirango, Nyagasani nawe Mubyeyi, ubahe uburyo bwose kuko nimwe mutanga byose, kuko ushaka gufashwa n'ushaka gufasha biratandukanye. Iyo umuntu ashaka gukora igikorwa cy'urukundo abafite igikorwa cya shitani bamugendaho kugirango kidatungana. Abo bese rero ndabakuragije kugirango utsinde iyo mitego bashobore gufasha uturere twabo, familles zabo n'incuti zabo. Nkaguhereza abantu bese bashakisha akazi bakabuze atari uko babuze ubushobozi bwo kugakora kugirango ubohore imigozi yose iziritse, kuko tuzi ko byose ari wowe ubitanga.

**VAL.:** Hum. Murakoze. Ndabasabye kugirango mugenderere n'abo twari kumwe muli ya salle.  
Hano iwanyu sinahava nahigumira usibye ko na bo bari beza.  
Ariko iyo nsubiyeyo barambwira ngo navuze ibigambo byinshi. Mwebwe mukanyereka ko ndi kumwe namwe gusa. Niyo mpamvu nsigaye mvuga makeya.

Huum.

Ndaguhereza, Mubyeyi, amakoraniro y'abasenga bese, kugirango asarurire umugozi umwe, kugirango bumve ko uwo basenga n'uwo babwira ari umwe, kugirango bumve ko Roho Mutagatifu adatandukanye, ari umwe gusa.  
Nkaguhereza n'amakoraniro n'« amachorales » aririmba kugirango nayo ashyire hamwe kuko uririmbye neza aba asenga kabiri, bumve ko bese ko uwo barilimba koko babikuye ku mutima ari umwe.  
Ndaguhereza, wowe Mubyeyi, iyo mitima yose uyigenderere bajye bagira ubwitange koko bwo kuririmba urwo rukundo.  
Ndabigusabye kuko hari igihe njya nk'ahantu nkabona ahubwo hankoresha ibyaha kurusha ntagiyeo kandi nkumva nshaka kubana na bo.

Hum. Hum? Urabizi, Ma, ko nyikunda, hum. Bose abaririmba baririmbira Imana ndabaguhereje, abigishwa kuririmba na bo ubafashe kumenya kugirango bese bagukorere.  
Ndaguhereza n'abana baba bashaka kumenya kugirango na bo ubagenderere batere imbere na bo ujye ubatiza umwanya, ubatize uburyo n'ubushake, bakeneye inkunga yanyu.

Ndabaguhereje bose ngo ubagenderere, urubwiruko rw'isi yose ruba rutera intambwe zo kubasanga kugirango na bo bajye muri ayo makoraniro, mujye mubashyira mu mutima ibyo bababwira by'ukuri atari ibyo bumvise hanze.

**B. M.:** Bana banjye, mfite akazi kenshi.

**VAL.:** Akazi se, iwanyu murakora? Twebwe twabuze aho batubwira ngo dukore. Indabyo mbona z'iwanyu udutumyeho twarara turangije kugukorerera akazi.

**B. M.:** Bana banjye, mba ndi hano namwe, mba ndi kumwe n'abandi. Nimuhumure ntabwo mbasezeraho. Buri gihe ndababwira ngo nimwirirwe kuko ngumana namwe nkuko nabanye namwe mu Misa, Misa kuva itangiye kugeza muyirangije. Byari byiza cyane. Bapadiri bana banjye mwiyeje gufasha abana banjye, mbahaye umugisha. Namwe nsinzabatererana kandi mbashimiye ubwitange bwanyu. Murakagira abababyara.

*Abakristu bakoma mu mashyi, bavuzza impundu.*

*Valentina arambura amaboko, noneho agenda abagarara imbere y'itsinda ry'abari baje muri iryo bonekerwa. Noneho atangira avuga ati:*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ly'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyawe, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kubabalira, umpe kuwutangana ubwiyoroshye, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana n'icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro. Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amen.

*Valentina yerekeza inyuma muri salle, aho amazizi yari ateretse, ateruramo icupa ry'amazizi ararifungura.*

**VAL.:** Ariko se Mama, ubundi iwacu iyo tugiye gukora akazi, turabanza tukarya, tukanywa. Ubu se izi ndabyo zanyu umuntu yazivomerera icyaka n'inzara ntibimwice?

*Valentina akora ikimenyetso cy'Umusaraba noneho anywa amazi arongorerera avuga ati:*

Nasomyeho dukeya.

*Noneho atangira gutera abantu amazi y'umugisha bamwe abaha ubutumwa bwihariye.*

**Epimaque KAREKEZI:**

*Yamubaye umugisha hanyuma amushyira amazi ku kuguru kw'iburyo kugeza ku ivi; amubwira ati: Mwana wanjye, urababara ndabizi. Ihangane, kuko duhuriye hano n'i Kibeho twarahahiriraga.*

*Epimaque aravuga ati: Murakoze, Murakoze.*

**Habyalimana Innocent :**

*Yamushyize amazi menshi ku mutwe no ku kiganza hanyuma amunywesha n'mazi ku rushyi*

**Padiri Inyasi KANYEGANA:**

*Yarambitse ikiganza ku rutugu rwe hanyuma aramubwira ati: Mwana wanjye ndagushimiye. Uzakomeze icyo wasezeranye nunsaba nzaguha. Urakagira abakubyara.*

**Padiri Agusti MIARNAU :** *Yamubejeshye agacupa amazi y'umugisha aranywa.*

**Thierry RUKUNDO:** *yamubaye amazi y'umugisha ku rushyi aranywa.*

**Léandre NSHUTI:** *yamushyize amazi mu mutwe hanyuma amunywesha amazi y'umugisha ku rushyi.*

**Immaculée IRIBAGIZA (waje aturutse muri Leta zunze ubumwe z'Amerika):**

*Yamubaye amazi y'umugisha aramubwira ati: Mwana wanjye ndagushimira ubwitange, ibitotezo uhura na byo, abagucira imanza, abakuvuga uko utari, ibyo ukora ujye ukomeza ubikorane urukundo. Ujye ukomeza wamamaze urukundo rw'Imana. Uvuge ubutumwa bwatuzanye i Kibeho. Wowe n'abo mwazanye mbahaye umugisha wa kibyeyi, n'abo mwajyaga muzana, n'abana bawe. Mwana wanjye ndagukunda nushaka ugufasha ujye umbwira. Imana nisingizwe mu ijuru, muni abitonda bahorane amahoro.*

**Didier MBUBIKA wo muri chorale Elikya:**

*Mwana wanjye nzi neza ko usenga. Komeza usenge n'umutima wawe wose usabire abo wasize inyuma. Humura turi kumwe sinzabatererana kandi nawe sinzagutererana. Jya uvuga isengesho nyaryo usabira n'abandi.*

Gerardine na Betina : *yababaye amazi y'umugisha*

Leoncia KANTAMAGE: *yamubaye amazi y'umugisha ku rushyi.*

Bénite Busoro :

*Yamubaye amazi y'umugisha aramubwira ati* : Mwana wanjye igihe uzuzuzwa l'« Esprit Saint », Roho Mutagatifu, uzavuge uti : « Notre Père qui es aux cieux, que Ton Nom soit sanctifié, que Ton règne vienne, que Ta volonté soit faite sur la terre comme au ciel. Donne-nous aujourd'hui notre pain de ce jour. Pardonne-nous nos offenses comme nous pardonnons aussi. »

**B. M.:** Mwana wanjye, vuga. Dis, dis « Notre Père ».

Bénite et la Sainte Vierge Marie *par la voix de Valentine* :

Notre Père qui es aux cieux  
Que Ton Nom soit sanctifié, que Ton règne vienne  
Que Ta volonté soit faite sur la terre, comme au ciel  
Donne-nous aujourd'hui notre pain de ce jour  
Pardonne-nous nos offenses comme nous pardonnons aussi à ceux qui nous ont offensés et ne nous soumetts pas à la tentation, mais délivre-nous du mal. Car c'est à toi qu'appartiennent le Règne, la Puissance et la Gloire, pour les siècles des siècles, amen.

Mwana wanjye ndagukunda, n'uwo ababyeyi baguhitiyemo aragukunda.

Cécile Marie Assumpta :

*Yamubaye amazi y'umugisha aramubwira ati* : Mwana wanjye ufite ibibazo byinshi. Ihangane ujye ubitura Imana. Abana banjye ni abawe. Humura ntugacike intege.

Madame NGOGA : *yamubaye amazi y'umugisha.*

Rosine MUNYANGANIZI : *yamubaye amazi y'umugisha.*

Blaise KARAMAGE:

Mwana wanjye ndagukunda kubera ko kenshi uhora uza unsanga, wagwa hasi ukabyuka ukansanga. Ujye umenya ko ndi kumwe nawe. Nguhaye urukundo rwa Kibyeyi.

*Blaise aravuga ati* : Mana yanjye ndagushimiye, amen  
Mana yanjye ndagushimiye, amen.

*Valentine yuhagiye poussette n'amazi y'umugisha maze abwira abari aho bose ati* :

**B. M.:** Bana banjye, igihe muhetse abana, ibyo mubahekamo bya kizungu mujye mubanza mubitere amazi y’umugisha kuko akenshi byanduza abana banyu ntimubimenye.

*Valentina yasubiye imbere aho yali yatangiliye kubonekererwa ati :*

**VAL.:** Indabo zanyu ndazirangije. Hum  
Hose nahageze.

*Nuko Valentina yongera gusubira mu gutambagira atera abantu amazi y’umugisha Ageze kuri **Callixte Nsengimana** amuhesha urushyi amazi, aramubwira ati:*

Mwana wanjye nakubwiye ko uri icyambu cyambukirwaho n’ababi n’abeza. Ntugacike intege, humura turi kumwe.

*Amaze guha Callixte Nsengimana yahaye Françoise Bonduelle na we amazi ku rushyi. Abakristu bakoma mu mashyi.*

Maria Rosa CAMPRODON (waje aturutse Barcelone):

Mwana wanjye, umufasha wawe uhora usengera buri munsu, humura, ntabwo nzamutererana, kandi naramwakiriye.

*Noneho bamubajije izina aravuga ati: C’est vrai ....*  
Angélique NKUNDIYAREMYE: *yamuhaye amazi y’umugisha.*

Umudamu w’Umunyamerika wafataga amafoto: *yamuhaye amazi y’umugisha.*

Verediana: *yamuhaye amazi y’umugisha hanyuma ashya andi ku mashapule yari apfumbatiye mu kiganza.*

Adolphe: *yamuhaye amazi y’umugisha.*

Scholastique UWIZEYE: *yamuhaye amazi y’umugisha hanyuma akora no ku matwi ye.*

Marie Xaverine ABIMANA: *Yamukannze intugu hanyuma amushyira umusaraba ku kiganza no ku kuboko; amaha n’amazi y’umugisha.*

Anna (waje aturutse Barcelone):

Mwana wanjye, uburwayi bwawe ndabuzi ariko ntibuguce intege ngo bukubuze kunyegera. Urukundo wabuze ku babyeyi bawe ujye, ujye usenga nzaruguha.

*Abakristu bakoma mu mashyi.*

Betty MC Miran (waje aturutse muri Leta zunze ubumwe z’Amerika):

Mwana wanjye, wowe ubabara ukihangana, wowe utaguza unsanga n’uburwayi ufite n’umufasha wawe wasize aho iwanyu muri Amerika mu gitanda atabyuka

kubera bamubaze, na we ndamubona, uzamubwire ko namuhaye umugisha wa kibyezi.

*Abakristu bakoma mu mashyi. Valentina asubira imbere aho yari yatangiye kubonekererwa yitaba ku cyo abwira ati:*

**VAL.:** Hum. Indabo zanyu nazirangije ariko mufite indabo! Hum. Hum. Indabo zanyu, nzazi....

*Nuko asubira kugenda yerekeza aho **Papa Kikoka** yari yicaye aramubwira ati:*

**B.M.:** Mwana wanjye, ibyo watumye n'ibyo ufite mu mutima byose ndabireba, nzagusubiza.

Marie:

Mwana wanjye, urakagira abakubyara.

**VAL.:** Karame,

*Abongaho hari ikintu Bikira Mariya yaba yarabwiye Valentina bucece ariko tutumvise, icyo twumvise n'uko Valentine we yaranguruye ati:*

Indabo zanyu zagitwaye (agafuniko k'agacupa k'amazi yaheshaga umugisha yari yabuze), ni kuzashaka iwanyu.  
Zose ndazirangije aho mwanyeretse hose nahabonye.

**B. M.:** Bana banjye, nizere ko mutibagiwe n'ababatumye.

**VAL.:** Hum, hum.

**B. M.:** Mfite akazi kenshi ndihuse ariko ntimugire ngo ndagiye, turakomeza tubane namwe kuko mba ndi kumwe namwe igihe cyose.

*Valentina atera ikimenyetso cy'Umusaraba:*

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu

*Atera amasengesho akurikira:*

Dawe uri mu ijuru

Je vous salue Marie

Hubahwe Imana Data

Hubahwe Imana Data

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu

Wirirwe Maman!

*Nuko Valentina yitura aho yari apfukamyeye.*

***Byandukuwe na** : Thérèse Hitimana, Léoncie Kantamage, Françoise Bonduelle,  
Immaculée Nyiransabimana na Soeur Terezita.*

***Abasomyi** : Candide Ntaramuka, Côme Rwabuzisoni na Jean-Baptiste Hategekimana.*



**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA KU  
ITARIKI YA 15/05/2014, MURI SALLE PRENSES, IRI 7 BOULEVARD  
INTERNATIONAL, 1070 BRUXELLES.**

**Intangiriro.**

Kuri uyu muni abakristu baturutse mu bihugu byinshi by'iburayi, muri Amerika, Canada no muri Afrika. Hari abaje ku giti cyabo, hari abaje mu ma groupe : groupe y'i Barcelone muri Espagne iyobowe na padiri Agusti Miarnau, groupe yo muri Amerika iyobowe na Immaculée Ilibagiza.

Nubwo wari umuni w'akazi, abakristu benshi n'abihaye Imana bo mu Bubiligi baje ari benshi. Nk'uko bisanzwe bigenda abahageze ku itariki ya 14/05/2014 bahuriye mu gitaramo cyabimburiwe na Misa no gutaramira Umubyeyi Bikira Mariya muri kiliziya ya Saint Roch.

Mu masengesho y'uwo muni habanje ishapule y'urumuri hamwe n'ishapule y'Impuhwe z'Imana bivugwa mu ndimi zose z'abateraniye aho. Hakurikiyeho ubuhamya bw'umukristu witwa BASSINGA Noëlie. Muri make yashimiraga Imana imyaka 10 amaze aza mu mabonekerwa n'icyo yungutse mu bukristu bwe. (Ubu buhamya buri kuri site ya association des Amis de la Vierge Marie Notre Dame de Kibeho : [www.avmdki.org](http://www.avmdki.org) - rubrique : Témoignages).

Nyuma y'ubu buhamya, hakurikiyeho Misa yayobowe na Musenyeri Jean ABOUD, prélat Ecclésiastique Catholique de l'Archidiocèse de Tripoli et Nord du Liban afatanyije na Père Hugo Vangel de la paroisse Saint Roch, Père Paul Bertrand missionnaire des Pères Blancs, Abbé Brice waturutse du Congo Brazaville, Père Agusti Miarnau wo muri Espagne. Père Célestin Mbuyi ukomoka muri RDC.

Misa yaririmbwe na chorale y'Inshuti za Bikira Mariya na chorale Elykia na chorale y'Urubyiruko.

Hasomwe amasomo akurikira: isomo rya mbere Ap21,1-5a, isomo rya kabiri Ac2,14a.36-40a.41-42. Ivanjili ya Yohani 12, 44-50.

Inyigisho yatanze na Musesenyeri Jean ABOUD iri kuri site: [www.avmdki.org](http://www.avmdki.org) - rubriques: Actualités.

Itarahumuza, Valentine NYIRAMUKIZA yapfukamye aho yari ari kuririmbira hamwe n'abandi bo muri korari inshuti za Bikira Mariya wa Kibeho. Misa ihumuje, atangira kuririmba agira ati:

*Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana, Bikira Mariya ujye uduhakirwa,  
Bikira Mariya ujye uduhakirwa.  
Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana, Bikira Mariya ujye uduhakirwa,  
Bikira Mariya ujye uduhakirwa.*

Nyuma, Valentine yaje guhaguruka aho yari apfukamye, agenda yerekeza imbere apfukama imbere ya meza ya altari.

**VAL:** Karame.

Ndi hano nteze amatwi, kugira ngo nkore ugushaka kwanyu.

**B.M. :** Bana banjye, ndabaramukije.

*Abakristu bishimiye indamutso ya Bikira Mariya bakoma mu mashyi.*

Bana banjye, nshimishijwe n’urugwiro mwaje kunyakirana. Murakagira abababyara.

*Abakristu bakoma mu mashyi.*

**VAL:** Hum...

**B.M:** Bana banjye nkunda, nshimishijwe n’Igitambo cya Misa mwatuye musingiza Umwana Wanjye. Murakagira abababyara.

*Abakristu bakoma mu mashyi.*

**VAL:** Hum...

**B.M:** Naje kare, ariko numvaga ari byiza ku buryo Nanjye nifatanyije namwe. Nifuje ko murangiza ibyo mwari mwateguye.

**VAL:** Hum...hum...

**B.M.:** Bana banjye, nshimishijwe nuko mutacitse intege. Nshimishijwe nuko mwaretse byinshi bibananiza, byinshi bibategereje, ariko mukampa umwanya. Murakagira abababyara. Amashyi.

Byari byiza, kuko Umugisha muhawe, n’Umwana Wanjye yawubahaye, kuko yarari ku Meza Matagatifu.

**VAL. :** Ariko ntabwo twamubonye hamwe n’abandi!

Karame.

**B.M.:** Bana banjye, ndifuza ko mwakongera mwese mukambyinira.

*Valentine Nyiramukiza yateye indirimbo yitwa: Reka ndate Imana Data atangira kubyina.*

**R/.** Reka ndate Imana Data, reka mvuge ibigwi Byayo, kandi nshimire ingabire y’Ubuhanga n’Ubwenge, muntu usumba ibyo yaremye uri mw’ishusho Ryayo.

1. Nzajya niyambaza Uhoraho mu gitondo uko mbyutse, nti Dawe Nyirubuntu ngushimiye kuramuka, Malayika murinzi nkwiragije uyu muni.

Mwebwe se ntabwo muzi kubyina?

Ntabwo bivuga yuko muzi kubyina cyangwa mutabizi, ndashaka kubona amaboko yanyu arambuye. Mwese nimuhaguruke.

*Valentine yakomeje kuririmba no kubyina n'abakristu bose bahagurukira icyarimwe barabyina.*

1. Nzajya niyambaza Uhoraho mu gitondo uko mbyutse, nti Dawe Nyirubuntu ngushimiye kuramuka, Malayika murinzi nkwiragije uyu muni.

**R/.** Reka ndate Imana Data, reka mvuge ibigwi Byayo kandi nshimire ingabire y'Ubuhanga n'Ubwenge, muntu usumba ibyo yaremye uri mw'ishusho Ryayo.

Bana banjye, Umwana Wanjye arashaka kubaha Umugisha mwese, mwese.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banjye, Umwana Wanjye, abahaye Umugisha wa Kibyeyi.

Murakoze.

*Abakristu bakomye mu mashyi.*

**VAL.:** Urakoze Maman! Maman ndabashimiye cyane.

**B.M. :** Bana banjye, kuri uyu muni ndishimye, nshimishijwe namwe.

Niyo mpamvu uyu muni mbahaye ingabire y'Ubudacogora, y'Ubudahemuka, n'Ubusabaniramana.

Bana banjye, ntimugacogore.

Bana banjye, mukundane nkuko mbakunda.

Kunda mugenzi wawe utarebye uko asa, utarebye aho avuka, utarebye n'ururimi avuga. Mukunde kuko aremwe mw'ishusho ry'Imana.

**Bana banjye, igihe musenga, mujye musabira cyane ababatoteza, kandi mubababarire ako kanya ntimugategereze igihe kirekire, kuko cya gihe umubabariye niho abona agakiza, niho ahinduka.**

Musabire ba bandi mwicaranaga ku ntebe, bataye, bamwe bagize intege nke za muntu, kuko bakeneye isengesho n'inkunga yanyu. Umubiri wacu ugira intege nke cyane ukananirwa vuba. Niyo mpamvu uwo mubiri unanirwa, tuwutera inkunga, kugira ngo mugire imbaraga.

Bana banjye, narababwiye nti niwumva unaniwe, ukumva ufite ibibazo uzagire uti : “Mama, ko twagendanaga ukaba untereranye mbaye uwande ?” Nzahita ngutabara, ariko ababyibuka nibakeya. Bana banjye, ntimukagire ibibazo bibareba ngo mubyiharerane, mba ndihafi yanyu, ndi kumwe namwe kugira ngo mumbwire. Mwebwe abaremerewe, mwebwe abafite ibibazo, mwebwe abananiwe muri kano kanya nimuruhuke.

Injira mu mfuruka y'umutima wawe, aho udashoboye kugera ubimpereze mpakugerere ntihagire na kimwe utahana, kuko Naje kugira ngo byose mubimpereze.

Bana banjye, intambara ziba mu mitima yanyu ni nyinshi cyane, izukuri ni z'ibinyoma. Niyo mpamvu mbasabye kugira ngo byose mubishyire mu Biganza byanjye, mubimpereze kuko Ndi Umubyeyi ugira impuhwe, ari cyo cyanzanye ngo mbaruhure.

Val:

Hum...hum.

*Valentine yaririmbye indirimbo nshyashya ikurikira:*

**Nzaririmba Impuhwe n'Ubutabera bw'Imana, nzakoma mu mashyi nshimire Imana, nzatera hejuru ndirimbe, nsingize Imana yabampaye.**

**Nzashimira Uhoraho unturukaho, untuyemo kuko yanteguriye imbaga.**

**Bana banjye, ndabakunda, mbakunda buri muni mu bibazo no mu bitotezo, mu burushyi, no mu bubabare.**

**Nje mbasanga, nje mbakunze ngo mbakire, murakabyara, murakabyarwa, murakagira abababyara, murakagira abo mubyara.**

**Mfura zanjye, ndabarahiye sinzabatererana, ndabarahiye.**

**VAL.:** Ntabwo nayifashe neza. Hum...hum.

**B.M.:** Bana banjye, nifuza ko musenga nta buryarya, mugasenga isengesho rivuye ku mutima, atari amasengesho acucitse ari menshi, atagira imbuto zera.

Nifuza ko mufata Rozari nk'akabando kanyu, kuko nyikunda cyane.

Igihe mukoseranyije, mujye musabana imbabazi ritararenga, ntukaryamane ikikubangamiye, kuko ariho umwanzi agufatira.

**VAL.:** Hum...hum.

**B.M.:** Mwicuze, mwihane, mubabarire, musabire cyane, cyane, abanyu bapfuye mutaramenya iyo bari, kuko bakeneye amasengesho yanyu, mutubwire muvuge cyane.

Ntimukikunde, mujye mukunda bagenzi banyu nkuko namwe mushaka ko babakunda.

Nshaka kubasobanurira gukunda mugenzi wawe nkuko wikunda.

Ugomba kubanza ukikunda, kuko iyo wikunze, umuntu akakubabaza, urababara cyane, nawe cya gihe ubabaje mugenzi wawe, uba uzi ububabare bwako kababaro umuteye.

Ariko iyo utikunda ntabwo ushobora kumukunda, kuko utibuka kumva ikikubabaje ngo umenye kukigereranya nicyo umubabajemo. icyo utifuza ko bagukorerera ntukagikorere abandi.

Bana banjye, mwaturutse impande zose, mu bihugu bitandukanye, hari abaje bibagoye, ariko icyo bifuje, n’umugambi bifuje bawugezeho. Ndabashyimiye. Buri muntu narebe mugenzi we umuri iruhande, amubwire ati: “Gira amahoro ya Kristu.”

*Abakristu bose babikoze uko babisabwe na Bikira Mariya bahana amahoro ya Kristu.*

**B.M.:** Murakoze.

*Valentine yateye indirimbo aranabyina agira ati:*

**R/.** Yezu wanjye, nzahoro nkuririmbira, mpanike amajwi ncinye n’akadiho, nsimbuke nce umugara, abagabo bivuge, ababyeyi baguhe impundi, ni Wowe buzima bwanjye, ni Wowe mahoro yanjye.

1. Tabara abababaye n’abari mu kaga ndagusabye rwose ubahaze amahoro yawe.

**R/.** Yezu wanjye, nzahora nkuririmbira, mpanike amajwi ncinye n’akadiho, nsimbuke nce umugara, abagabo bivuge, ababyeyi baguhe impundu, ni Wowe buzima bwanjye, ni Wowe mahoro yanjye.

**VAL.:** Hum...hum...hum.

**B.M.:** Bana banjye, munyumve neza, buri muntu wese wisukuye, buri muntu wese witeguye, nampereze muri kano kanya mbihereze Umwana Wanjye.

Kugira ngo abarwayi, aho ubabara, ahakuvuna, bya bibazo byakurenze, bimwe uterwa nuwo muri kumwe, n’abo mubana, n’abo uhurira nabo mu nzira, abana wabyaye, umugore washatse, umugabo washatse, abo muvukana, incuti zanyu, kugira ngo mwese muri kano kanya mumpereze ubwo burwayi bwanyu kugira ngo muruhuke.

Ndabibasabye bana banjye.

Ba bandi bahangayikishijwe n’intambara, bahangayikishijwe n’abana bababarizwa ubusa kugira ngo byose bijye mu Biganza byacu.

Ntihagire na kimwe mwibagirwa cyangwa ngo mugitahane, Naje kubumva, Naje kubakira.

**VAL.:** Hum...

**B.M.:** Bana banjye, ndabasaba kugira ngo, ibyo muvanye hano n’ibyo mwumvise ntimukabisige aho mwabyumviye, ahubwo bijye byera imbuto.

Kandi ndabasaba kuvugisha ukuri, ntacyo muvanyeho nta nicyo mwongereyeho.

Ndabasaba kutajya impaka mu badisikita, mu bavuga cyane, cyane, bakageza naho barakaranya, ntimugasakurize gusakuza nka y’amasandi akiritika iby’Imana, ndabasabye.

Buri muntu wese, aje yubahira mugenzi we icyo yemera n’icyo akunda.

**Ujye uyobora mugenzi wawe mu nzira nziza, ntukamuyobore mu nzira y’ishyari, mu nzira y’ikinyoma, mu nzira y’ibitotezo.**

Ntimukicare mu nteko y'abaneguranyi, ntimugatinye kuvuga ukuri no kuvuga Uwo mwemera n'Uwo mukunda, kuko igihe cyarageze cyo kuvugisha ukuri. Musengane umutima utaryarya kuko mutazi umunsi n'igihe.

**VAL.:** Hum...hum.

**B.M.:** Sinzabe Nyamwisiga ngo nisange, namwe ntimuzabe babura baje !  
Ntimukazindukire ubusa, muje muhaha muronke.  
Bana banjye, ntimukumve ko naziye abanyarwanda, kubera ko Naje mu Rwanda, ibyo mvuga ni iby'abantu bose, ni iby'isi yose, ni ibya buri muntu wese, kuko mwese muri mu Gishura Cyanjye, mwese narabaragijwe.

**VAL.:** Hum...hum.

**B.M.:** Bana banjye, simbiba inzangano, ahubwo mbiba urukundo. Ntimukibagirwe ko aho Ndi na shitani iba ihari kugira ngo ibace intege, ibashyiremo ugushidikanya, muje murwana mutsinde.

*Valentine atera indirimbo ikurikira:*

**R/.** Mariya ni Umubyeyi w'Imana, Mariya ni Umugira neza, Mariya ni Inyenyeri iboneshereza abari mu Nyanja, abari mu Nyanja.

1. Tega amatwi nkuganyire Mawe, abantu bataye inzira y'Imana, ubagarure mu nzira ya Yezu, uje ubagira inama, uje ubagira inama.

R. Mariya ni Umubyeyi w'Imana, Mariya ni Umugira neza, Mariya ni Inyenyeri iboneshereza abari mu Nyanja, abari mu Nyanja.

**B.M.:** Bana, kuri icyi harajajara ibintu byinshi, ibibi n'ibyiza cyane, cyane, ba bandi bashaka guca intege abemera, ba bandi,

**VAL.:** Hiii...

**B.M.:** Ba bandi, basenya ibyo twubatse.

Ndashaka kuvuga, ba bandi begera abemera, begera abasobanukiwe n'ibintu, abasobanukiwe kuva kera, maze bakabereka uruhande rubi. Wa mwanzu utwumvisha ko tugomba guhakana icyo twabonye, icyo twumvise, icyo twabwiwe aho twaherewe icyo kurya, wa mwanzu ushaka kwibagiza rya Jambo nabwiye umwana Wanjye, akarihakana cyangwa akaryibagirwa.

Bana banjye, ndabasabye mugaruke ku mbehe mwaririyeho.

Umwanzu ntakwanga ahubwo arakora, arakoshya, iyo akoheje akabishobora arakoreka. Mugaruke mu nzira nyayo, mweguca mu mwijima.

Mwebwe nabwiye Ijambo rimvuye ku mutima, mwebwe nanyujije ahakomeye, mwebwe nafashije, mwebwe nayoboze, igihe kirageze cyo gushyira ubwenge ku

gihe mugatekereza, mukibaza, mugashakisha ukuri, mugashakisha ibiri mu mutima wanyu atari ibyo bababwiye n'amagambo y'umunwa wanduye. Mwebwe mumvuga uko Ntari, kandi Ndi Umubyeyi, Umuziranenge !

**VAL.:** HUUU...HUUU.

**B.M.:** Mwigira ubwoba, nimunsange, muze nzabaruhura. Mwebwe abanyanteye nkeya mwaguye, mwigira ubwoba kuko nibwo mbakunda kugira ngo mwongere musabe imbaraga, muzamuke. Mwebwe mwaragijwe mukagira intege nke, mwebwe muri kwivana amata ku munwa, bana Banjye ndabasabye ngo musubize amaso inyuma, musubire kuri ya mbehe twasangiragaho ya mbehe y'urukundo, ya mbehe y'ubusabane, ha handi buri muntu wese yishimanaga n'undi.

**VAL.:** Hiii...

**B.M.:** Iki n'igihe cyo gusenga cyane tubikuye ku mutima, mugasenga mushikamyeye, kuko ntabwo muzi ibiri imbere bibategereje. Ntabwo muzi umunsi n'igihe.

**VAL.:** Hiii...

*Valentine atera indirimbo agira ati:*

Hazaza ibitangaza, abavura mw'Izina Ryanjye, abahanura ibinyoma ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo, kuko nzaba narabasabye mukanyima, kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.  
Bana ba Adamu na Eva, ibyaha byari byahanaguwe, igihe nabapfiraga, nimusuzume imitima, nimwisubireho.

**B.M.:** Bana banjye, nzabana namwe igihe cyose, uzaba ananiwe, aje ampamagara ariko ntimugacogore ngo mucike intege, mugwe hasi ntimubyuke.

**VAL.:** HUUU...

**B.M.:** Mwagize amahirwe, kuko mu mpande zose z'isi, aho naciye hose, nagiye mpasiga ibikoresho byanjye bibasengera buri gihe, bibabara buri gihe, bitotezwa buri gihe, ndetse bigatotezwa naho bitagombye gutotezwa, bakababara naho batagombye kubabara.  
Ariko cyane cyane binshimisha kuko bafasha Umwana Wanjye gukiza isi.

**VAL.:** Hiii...

**B.M.:** Nabahaye igikoresho cyanjye kugira ngo kijye kibafasha gusenga, kibafashe mu burwayi, kibafashe mugusabana no kwiwunga.  
Abenshi muvuga ibitari byo mukavuga ko asenya, kandi ashakisha buri muntu mwese kugira ngo yumvikane na mugenzi we, ntimukumve ikitubaka,

ntimukanagisubiremo, kuko gisenya imitima y'abantu, kigasenya na buri muntu, maze wa mwanzi akishima.  
Ntimugahe ikinyoma intebe.

Bana banjye, muri kano kanya ndabasabye, ari uwahuriye na mugenzi we hano bataziranye, ari abaziranye, mwongere muhane ikiganza muvuge muti:”Wakoze kuza.”

**VAL.:** Namwe mwakoze kuza, Maman! Hiii...

**B.M.:** Uwaba afite ikibazo na mugenzi we, amurebe amubwire ati:”Muvandimwe turi kumwe.”

**VAL.:** Murakagira abababyara, Maman!

Mfite byinshi biri ku mutima wanjye ntashobora kumenya ahantu mpera naho ngarukira, kuko ni byinshi, ariko Wowe uzi byinshi kundusha, hari n’igihe numva ko ari ibibazo kandi ntabihari.

Ariko muri kano kanya nagira ngo nanjye mbasabe, mbabwire ngo mwakoze kuza !

Murakoze, Maman!

Hii...hii.

Oya, buriya ningera i Buruseli, bese bazaba barikumbwira ngo mwambwiye ngo iki ?

Ngo byagenze gute ?

None se ko mumbwira ngo simbivuge kandi bakabibona, keretse uwabahuma amaso!

Hiii...!

Akenshi bambazaga ngo mbese ngo naba narabahobeye !

Nkababwira nti ntabwo mbikwiriye.

Hiii...!

Ariko muri beza !

Hiii...hiii...hiii... !

Nabasabaga ngo twese uko turi hano, abaje bwa mbere cyangwa basanzwe, oya ndabizi ko banyumva, hiii....hiii... abantu biriya iwacu barumviriza cyane !

Rero nagira ngo Maman mbasabe, bese mubaramburireho i Biganza, mubashyire mu Gishura Cyanyu, maze bajye bahora bagendana Namwe.

Abafite ibibazo mubafashe, abafite ingorane bese, ibyo badashobora kwishoborera, ibyo badashobora kwirangiriza Maman, Igishura Cyanyu kibasakareho!

Bariya bababazwa ari bato, bariya batotezwa, hari benshi bababaye, ndetse na ha handi twahoze muri ya salle, bari benshi cyane nabarebaga nkabona barababaye noneho nkumva nanjye birambabaje.

Nirindaga kugira ngo ntareba kure, nkareba byinshi nibitandeba, ariko hari ibyo nabonye. Hiii...hiii...hiii!



Ariko nizere ko ntareba indabo Zanyu ngo mwigendere! Iyo mumaze kugenda barambwira ngo kuki nabise indabo ngo kandi ari abantu ! Kandi Mwe mukanyereka indabo !  
Ubwo rero ninzajya ngira urwo mputaza, mujye mumbabarira.  
Hiii... Murakoze.

*Valentine yazengurutse agenda areba indabo ariko atavuye abo yari ahagaze.*

Ndaguhereza abantu bose, bose batari hano kandi bashakaga kuza, babuze uburyo bwo kuza.

Ndaguhereza ibihugu byose birimo intambara, birimo umwiryane, ndaguhereza n'ibi bihugu turimo kugira ngo hose uhatambagize amaso Mawe.

Ujye ugenderera ibyo bihugu byose, maze abayobozi babyo bayoborane abana bawe urukundo n'ubutabera.

Ndaguhereza abakuru b'ibihugu byabo, kugira ngo ubahe imbaraga, ubushake n'ugufashanya, ubahe urukundo nkurwo Yezu ategukana kuri iyi si, akadukunda turi abanyabyaha n'abanyanteye nke. Agenderere abo bantu bose, Ikiganza Cye kibe ari cyo kijya kibayobora, bakoreshe ukuri n'ubutabera.

Ndaguhereza n'abayobozi ba Kiliziya, kugira ngo Ujye ubaha ingabire y'ubushishozi buhagije, bukomeye, bashobore gushishoza bobane icy'ukuri cyubaka Kiliziya.

Kuko akenshi amagambo asenya Kiliziya n'abakristu, agasenya abayobozi ba Kiliziya, noneho tukubaka ku mucanga, imvura yaza ikawujyana kandi twagombye kubakira ku Rutare, kuko Yezu adahungabana !

Abo bose ndabaguhereje, nkaguhereza abihaye Imana bose kugira ngo bagendere mu kuri kwawe, bagendere mu kuri kwa Yezu Kristu bakoreshe Namwe.

Ndaguhereza natwe abakristu kugira ngo tujye dufasha Kiliziya tutayinaniza, tugendere mu kuri, kuko tudatahiriza umugozi umwe, tugendera mu kubeshya, ahubwo dusaba kugira ngo uko kubeshya, uko kudatahiriza umugozi umwe, bizatsindwe n'Izina rya Yezu Kristu, bitsindwe n'urukundo Rwanyu maze, tube bamwe, tube nk'abana b'ibitambambuga birukira umuntu wese kandi bitamuzi. Ndaguhereza Kiliziya z'isi yose, turabahereza abantu bose bavuga Izina Ryanyu, kugira ngo mujye mwihesha icyubahiro n'ikuzo muri bose.

Turabahereza ababyeyi bafite ibibazo, bafite ibibazo by'abana babo bahangayitse. Turabahereza abana nabo bababajwe n'ababyeyi babo, kugira ngo ibyo bibazo byose, Mubyeyi ubyakire kuri uyu munsu mubihe umugisha buri muntu wese ahinduke ki giti cye.

Turaguhereza abashakanye bingeri zose, kugira ngo ugende ubatahe ku mutima. Turaguhereza abarwayi bingeri zose, abarwaye indwara zidakira, abarwaye indwara baterwa n'abandi, abarwaye indwara z'umwuka mubi, kugira ngo Shitani itsindwe kuko indwara zose tuzizanirwa na sekibi, kugira ngo mwiheshe icyubahiro n'ikuzo.

Mubyeyi ndagutura amaturo yose, nkagutura bwa butumwa abantu bose bantumye, bya bindi bakwandikiye mu rwiherero, ngo muri kano kanya ugende ucishemo ijisho, nzi ko igihe babyandikaga mwabisomaga, ariko Mubyeyi mwongere musubiremo maze buri muntu wese, mumuhe, mumusure, icyo yabifujeho mumuhe igisubizo.

Ndaguhereza nabataje batashoboye kwandika, ariko banditse ku Mutima Wawe kugira ngo nabo uzabahe igisubizo.

Ndaguhereza impfungwa, cyane cyane ba bandi bafunzwe ku mutima, ba bandi sekibi yigabije kugira ngo ubabohore.

Ba bandi bafunzwe ku by'umubiri nabo ubagenderere, abakoze amakosa ubafashe barangize ibihano byabo, abarengana nabo ubahe ukwihangana, ubumvishe ko na Yezu Umwana Wawe yafunzwe, ariko ko igihe kizagera mukabatabara.

Turabahereza ba bandi bagize ibyago, ba bandi babuze ababo uyu muni, abababuze ejo, n'ejo hashize no mu gihe cyose cyashize, ndetse no mukanya, n'ejo n'ejobundi, ngo muzabakire mu Bwami bw'Ijuru.  
Hiii...hiii...hiii...

Ndaguhereza Umubyeyi mwampitiyemo kugira ngo anyobore mu nzira yo kubagana, kugira ngo amfashe kumva icyo mushaka, kugira ngo anyobore mubwire ikindi ku mutima, nawe mujye mumufasha kandi ndabashimira ko nabibasabye nkabisaba na Mutagatifu Jean Paul II akabimpa.

Nawe ndamubahereje kuko, hiii... (*Valentine ararize*).

Oya, ndishimye, kandi ndumva nawe aho ari, yishimye kuko ugushaka kwanyu ariko gukorwa kandi nawe yarabibasabye.

Mbashimiye ako gapfunyika mwampfunyikiye, mbashimiye urwo rukundo mwanyeretse ko munyumva koko.

Murakoze, Mama!

Munshimirire na Papa muti: "Murakoze."

Kandi nawe mumuherekeze, mujye mumufasha kuko afite akazi kenshi, aho yaturutse murahazi, ibyo yacyiyemo murabizi, mujye mumufasha nkuko nawe adufasha.

Hiii ? Hiii...!

Oya, buriya bazambaza ngo ni nde ?

Niyo mpamvu ndikuvuga buke ngo batabyumva !

Barabaza cyane !

Hiii...hiii ?

Oya, wadukoreye byinshi byiza, ariko jye nagahebuzo !

Sinabona nicyo mbashimira.

Murakoze !

Hiii...(oui).

*Valentine araramya Umusaraba w' ishapule afite mu ntoki.*

Kubera iki se mumbwiye kuramya Umusaraba ? Kubera ko mpura n'ibimbabaza byinshi, n'ibitotezo byinshi, ariko, ko Umusaraba Yezu Kristu yabambweho, Urukundo Rwawo runsakarahho.  
Murakoze !

*Valentine yateye indirimbo agira ati:*

Hari abahinyura ibyo uvuga bakirengagiza ibyo ukora, tubime amatwi tubihorere maze ducinye akadiho tuti Mana idukunda kuri iyi si turi Abawe.

**R/.** Reka ndate Imana Data, reka mvuge ibigwi Byayo kandi nshimire ingabire y'Ubuhanga n'Ubwenge muntu usumba ibyo yaremeye uri mwishusho Ryayo.

**B.M.:** Hari abafite ubwoba kubera imyuka mibi ituruka impande zose, ishaka kubabuza amahoro, ishaka kubabuza gutera imbere mu byo bifuzaga kugeraho, muhumure bana Banjye shitani izatsindwa.  
Mujye mumpamagara kenshi, mwegere abapadiri babahe amazi y'umugisha, babahe amavuta y'umugisha, kugira ngo igihe muhuye n'umwuka mubi, muzajye mushobora kuwutsinda.

Mujye mufata ishapule yanyu ho intwari yanyu kuko ifite Igitinyiro ikagira n'Ingabo, ndabasabye bana Banjye.  
Mujye musenga mwizera ko Uwo mubwira, ko abumva, ko Uwo musaba abumva kandi ko abaha.

**VAL.:** Murakoze.

**B.M.:** Muhumure bana banjye, ukuri kuzatsinda, kandi nababwiye ko igihe nikigera ukuri nzakwiyerekanira, ko ukuri bazakumenya kandi bakakuvuga.

**VAL.:** Hum...hum...

**B.M.:** Ntimugatinye rero kuvugisha ukuri, ntimugatinye kubwira abantu ukuri, ahubwo ngo mugire isoni n'ubwoba kuko ukugusha ntagira isoni zo kukubwira.

**VAL.:** Hiii...hiii...hiii... (oui)

**B.M.:** Bana banjye, mwaturutse impande zose z'isi, abaturutse mu bihugu bitandukanye, mbahaye Umugisha Wanjye wa Kibyeyi, muzagende amahoro nkuko mwajye amahoro.  
Nabagize ingorane, mwihangane, nzabafasha.  
Namwe musanzwe hano, bana banjye, mbashimiye urugwiro no kwakira abaje babasanga, mbahaye Umugisha.  
Murakagira abababyara mwese!

Nawe mwana wanjye wabuze umubyeyi, wabuze uwaguteye ingabo mu mugongo ntugire agahinda, byose ubimpereze kandi umusengere, byose nabibonye.

**VAL.:** Hiii...hiii... (oui)

*Gutanga umugisha : Valentine Nyiramukiza yahereye imbere y'abakristu bose ari gutanga umugisha anyura mu kirongozi kinini kugeza aho agereye aho amazi ateretse agikomeza gutanga umugisha.*

1. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mw'ijuru, maze muni abitonda bahorane amahoro.
2. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe kumva ko ndi igikoresho Cyawe n'icya bisi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mw'ijuru, maze muni abitonda bahorane amahoro.
3. Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubagiro cya Nyagasani, kumva ko ndi igikoresho Cyawe n'icy'abisi yose.
4. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwihangana, ukwihanganirana, ukwitonda, umpe no kuwutangana ubutikuze, umpe no kumva ko ndi igikoresho cy'ab'isi yose, kandi umpe ukwemera n'ugushaka Kwanyu ngo bikorwe muri jyewe, umpe no kuwutangana n'icyubahiro cya Nyagasani.
5. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
6. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutim mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahira cya Nyagasani. Imana nisingizwe mw'ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.
7. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, mu ubwicishe bugufi no kwiyoroshya kandi mu gukora ugushaka Kwawe.
8. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho Cyawe, umpe no kuwutangana

icyubahiro cya Nyagasani. Imana nisingizwe mw'ijuru no munsu abitonda bahorane amahoro.

9. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye guanga, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, ukwiyoroshya, kumva ko nta cyo ndi cyo, kumva ko ndi igikoresho Cyawe ni cy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
10. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndushije abandi, kumva ko ndi igikoresho cy'ab'isi, kumva ko ndi igikoresho Cyawe ni cy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
11. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko ndi igikoresho Cyawe ni cy'ab'isi yose, kwemera, gushaka, kumva no kogeza icyo munshakaho, mvuga mu munwa wanjye, kandi no kugira inyota n'ubushake bwo gufasha Yezu gukiza isi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. (Uyu mugisha uhawe amazi abakristu bazanye)

*Valentine Nyiramukiza yasubiye imbere atwaye akajerekani karimo amazi. Ayo niyo yatangishije umugisha agenda atera abantu amazi, abandi akabaha ku rushyi amazi y'umugisha bakanywa, abandi akabasukira mu macupa cyangwa utujerekani bazanye, ndetse bakaba nabo akoreyebo ikimenyetso cy'Umusaraba ku gahanga.*

**VAL.:** Nizere ko izi ndabo Zanyu, mumfasha kuzivomerera neza kuko barambwira ngo ni abantu nagiye nkandagira ngo abandi nkabatera amazi menshi. Uyu munsu indabo Zanyu ndagenda neza nta nimwe mputaza ndashyiraho n'utuzi duke, ariko mumfashe kugira ngo ndangize vuba.  
Mfite byinshi cyane. Hiii...hiii...hiii...(oui)

**B.M.:** Bana banjye, umugisha ngiye kubaha, ni ukongera kuvuka bundi bushya, ni ukongera kubaho bundi bushya. Ntabwo ari ukuvuga ko utabonye ku mazi, aba atabonye umugisha. Uwageze aho Ndi wese, uwanyifuje wese, kuri iyi saha, uri kunsaba wese ndamuha nk'ibyho ndibubahe.  
Ndashimira bana Banjye, ababakiriye muri iyi nzu, bafite umutima mwiza pe!  
Namwe mubashimire.

*Abakristu bakoma mu mashyi*

**VAL.:** Ubwo se ko turi iwanyu, abo bantu bashimira ko mbona ari indabo, abo bantu bavuye he?

## **UBUTUMWA BWAHawe BAMWE KU GITI CYABO.**

1. **Noah** : Umwana witwa Noah, amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

2. **Rita** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
3. **Bakunde Marthe** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
4. **Uwajeneza Hilaria** : Amukandiye ijosi n’amazi y’umugisha.
5. **Blaise Karamage**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
6. **Umwana muto** (tutarabsha kubona izina): Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi, amukoreraho ikimenyetso cy’Umusaraba ku ruhanga rwe.
7. **Audric Igeno Bavukiye**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
8. **Mervain**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
9. **Eric** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
10. **Alphonse** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
11. **Claudine Kagorora** : Amwuhagije amazi y’umugisha ku nda.  
Mwana wanjye, ndagukijije, kuko bari bakwanduje ukimara kubyara.
12. **Gaël** : Umwana muto amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
13. **David** : Umwana muto amuhaye amaso y’umugisha ku rushyi, amukoreraho ikimenyetso cy’Umusaraba.
14. **Capriela** : Umwana muto amuhaye amazi y’umugisha ku rushya, amukoreraho ikimenyetso cy’Umusaraba ku kugahanga.
15. **Irène** : Aratwite none amwuhagije amazi y’umugisha ku nda ye.
16. **Nathalie Kikoka**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi, amwuhagiza andi mu gituzi.
17. **Ana waturutse muri Espagne**: Amukoze ku rutugu.
18. **Marceline** (Elykia): Ashyize amazi y’umugisha mu gacupa ke, hanyuma amufata ku gituzi, amukoreraho ikimenyetso cy’Umusaraba.
19. **Ana Ndongosi** ( Elikya ) : Amunywesheje ku kajerekani amazi y’umugisha.
20. **Martine** : Ashyize amazi y’umugisha mu gacupa ke.

21. **Padiri Brice** : bamunyesheje amazi mu kiganza cya VALENTINE anamuha umugisha amarambika ikiganza ku mpanga.
22. **Padiri Agustini waturutse muri Espagne** : Mwana wanjye, naguhaye ingabire yo gusengera abarwayi.
23. **Nyakubahwa Musenyeri Jean Abboud** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi aranywa, hanyuma noneho arongera asuka andi mazi mu kiganza cya Nyakubahwa Musenyeri Jean Abboud, nawe ahita ayanyweshya Valentine. Mwana wanyeye, nakuragije igikoresho Cyanjye, kugira ngo ukurikirane, uzavuge ukuri bya bindi byihishe, abandi batinye kuvuga, kwa kuri babundikiye, wowe uzakubone uvugishe ukuri, nta cyo wongeyeho nta ni cyo ukuyeho. Wakoze kuza mwana Wanjye. Nyakubahwa Musenyeri Jean Abboud na Valentine bahanye ikiganza cy’iburyo nkabaramukanya.
24. **Padri Célestin**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
25. **Padiri Mbombo Charles**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
26. **Xaverina Abimana** ( wo muri Centre Saint Raphael): Amurambitse ikiganza ku rutugu. Mwana wanjye, wabonye byinshi, werekwa byinshi, uzi byinshi, ujye uvugisha ukuri muri byose kandi nzabana nawe. Ujye unsaba nzaguha, ububabare bwawe ndabuzi, n’uburwayi bwawe, kugera mu Bwami bw’ijuru uhera hasi mu bubabare, ariko ntukagire na rimwe ucika intege, kuko Ndi kumwe nawe. Amukoreyeho ikimenyetso cy’Umusaraba ku gituzi. Amwuhagije amazi mu gituzi amuha n’andi ku rushyi aranywa.

**VAL.:** Maman, indabo zawe zose ndazirangije, aho mwambwiye kugera hose nahageze, ntaho nashigaje.  
 Ariko nanjye inyota iranyishe.  
 Sindarangiza!  
 Hose nahageze!  
 Ahubwo ni nyinshi koko!  
 Nimuzajya mucaho izo gutegura, muzajye mutwoherereza.  
 Hiii...(oui)  
 Murazikunda cyane k’uburyo mutazicyamo kabiri !  
 Noneho muzajye muduhaho natwe duhinge !  
 Hari abamama benshi bakunda gutegura.

27. **Martine Ntumba** (chorale Elykia) : Amukoreyeho ikiganza cy’Umusaraba ku gahanga, asutse amazi y’umugisha mu gacupa ke. Aramubwira ati: Mwana wanjye, ntabwo uri impfubyi kuko Ndi Umubyeyi wawe, komeza utere imbere usenge nzaba ndi kumwe nawe.

28. **Umugabo n’umugore** (tutarabsha kubona amazina): Ashyize amazi mu macupa yabo.
29. **Pedro Gonzalez**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi, amutera n’andi mu maso.  
Mwana wanjye, ingabire naguhaye, ujye uzikoresha, kandi ujye umpamagara nzaba Ndi kumwe nawe. Ukomeze ufashe abagusanga, abakristu ubashyire mu nzira, kuko igihe tugezemo, ni icyo gusenga cyane no gufasha abatabishoboye.
30. **Ilibagiza Immaculée waturutse muri Amerika**: Valentine ahigitse gahoro ishapule Immaculée yari afite mu kiganza, noneho asukamo amazi y’umugisha, Immaculée arayanywa. Aramubwira ati: Ukomeze unkorere, mwana wanjye. Ntuzagire na rimwe wumva ibyo abantu bakubwira, ntuzacike intege, kuko Ninjye wabishatse kugira ngo ube ari wowe usigara mu nzira jye ngutuma, untumikire, uvuge ibyo abandi badashoboye kuvuga. Uzane abanyamahanga batari gushobora kuhagera.  
Nzi ko ubabara cyane, ariko muri ubwo bubabare ujye ubumpereza nibyo bizagutambutsa mu nzira abandi badashobora gucamo.  
Ukuri, urukundo n’ubutabera.  
Kandi nakubwiye ko nzaguha ugufasha.  
Mwana wanjye, ndagukunda. Nguhaye n’umugisha w’abo wabyaye kugira ngo nugerayo ubahe uwo mugisha, abo mubana kugira ngo ujye ushobora gutunganya kuko nzi ko uba waciye mu bikomeye. Urakagira abakubyara. Yamunywesheje incuro eshatu amazi y’umugisha.
31. **Côme Rwabuzisoni** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi. Aramubwira ati: Mwana wanjye, nguhaye umugisha wa Kibyeyi kugira ngo nkongerere imbaraga, noneho ukore koko umurimo Wanjye, ukuri, inzira n’ubugingo, nta cyo mwongeyehe nta ni cyo mukuyeho. Ndashaka kubatuma. Murakagira abababyara.
32. **Jean Claude Kayihura** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi. Aramubwira ati:  
Mwana wanjye, ibyo ukora ni byinshi, ibyo wigomwa ni byinshi kandi ibi byose ubikorana urukundo. Urakagira abakubyara. Ndagushimiye.
33. **Alphonse Gisagara**: Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.
34. **Jean Marie Mparirwa**: Mwana wanjye, humura Ndi kumwe nawe, ingorane wagize nazimenye.  
Valentine amukoze ku rutugu, noneho Jean Marie ahita ko ashimira Umubyeyi avuga ati: “Murakoze kunshyigikira.”
35. **Madame Carlos Marthe** : Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.



Marthe asuka amarira y'ibyishimo byamusagutse !

36. **Jean Baptiste Hategekimana** : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.  
Amukuyemo indorerwamo ze, amwuhagira mu maso, hanyuma amurambika ikiganza ku rutugu rwe, aramubwira ati:” Merci !”

*Valentine yagarutse imbere y'altari aho yari abagaze mbere agitangira ibonekerwa.*

**VAL.:** Maman!

Ndazirangije!

Ariko inyota iranyishe!

Iwacu iyo umuntu atariye, ntabwo bamuha akazi.

Bararya, barangiza, bakabona gukora !

Hiii...!

*Valentine yafashe agacupa k'amazi y'umugisha k'umukristu witwa Cécile Marie Assumpta*

Valentine asutse ku gapfundikizo kiryo cupa amazi y'umugisha, nuko arayanywa.

Ariko se Mama!

Iyi ni intica ntikize !

Nta nubwo bigeze mukanwa !

Yongeye gusuka amazi y'umugisha ku gapfundikizo kiryo cupa na none incuro eshatu, ariko agenda ayanywa.

Murakoze !

Hiii... hiii...

Ahwiiii...!

Hose ndaharangije !

Hiii...

*Ateye amazi y'umugisha amashusho ya Yezu na Bikira Maria, hamwe na za casques bagurishaga. Arangije arasoboka ajya hanze agenda atera amazi y'umugisha.*

37. **Joseph** : Amuteye amazi y'umugisha aho yarahagaze hanze imbere ya salle.

*Valentine yagarutse muri salle agenda atanga umugisha.*

38. **Josiane**: Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

39. **Janine Macquez**: Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

*Valentine yasubiye imbere y'altari aho yari abagaze mbere. Apfukama hasi.*

**B.M.:** Bana banjye, mfite akazi kenshi.

**VAL.:** Ariko se Maman, indabo zanyu ndazirangije.

Ubwo mbakoreye akazi, mwari kugumana natwe umwanya.

Iwacu niho haba akazi kenshi cyane!

*Valentine arimukureba ishapule itukura afite mu kuboko kwe kw'iburyo. Murakoze. Ni umuntu wayimpaye twagiye i Roma kwa Mutagatifu Jean Paul II.*

Oya, nta kibazo, uwo mwambwira nayimuha. Oya, ntacyo, nzabanza nyikore neza.

Hiii... Uwo nzayiha izamurinda amashitani, n'ibindi byose bamwoherereza! Nzayimuha.

Ni nde? Ntabwo mbisubiramo. Hiii... Nimuntume nzabatumikira. Hiii...

Nzamubwira ko yageze i Kibeho, ko agomba kwamamaza Bikira Maria, ari We, Nyina wa Jambo w'i Kibeho mu bakristu. Nawe nzamubwira. Hiii.... Urakoze.

*Valentine atera amasengesho akurikira:*

Dawe uri mu Ijuru...

Ndakuramutsa Maria...

Niyubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu... (3X)

**B.M.:** Bana banjye, mbahaye umugisha wa Kibyeyi mugende amahoro kandi musange amahoro, kandi muzagire amahirwe mu buzima bwanyu bwose, kandi muzajye muvugisha ukuri mukunde bagenzi banyu nkuko namwe mwikunda. Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka nibubahwe n'ubu n'iteka ryose Amen.

*Valentine aregukiye inyuma aragwa, Jusp'in Rugenyeka na Callixte Nsengimana baramuramira.*

*Ibonekerwa ryarangiyeye 14h45.*

**Camera, sonorisation :** KAYIHURA Jean Claude.

**Enregistrement :** Bonduelle Bagirishya Françoise  
NYIRANSABIMANA Immaculée  
KANTAMAGE Léoncie

**Transcription :** Bonduelle Bagirishya Françoise, 20-5-2014.

**Lecture :** NYIRANSABIMANA Immaculée na KANTAMAGE Leoncia

**Relecture :** NTARAMUKA Candide na HATEGEKIMANA Jean-Baptiste.

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA NYIRAMUKIZA VALENTINE**

**KU WA GATANU KU ITARIKI YA 15-5-2015, 13H30,  
MURI SALLE PRENSES IRI KURI BOULEVARD INTERNATIONAL, Nr 7  
1070 BRUXELLES.**

**VAL.** : *aturuka abo yari abagaze hamwe n'abaririmbyi ba Chorale ya AVMDKI, agenda aririmba indirimbo ikurikira agana imbere y'abakristu bari barangije igitambo cya Misa : Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana, Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2x).*

*Ageze imbere ayisubiramo bwa kabiri. Hanyuma akomeza agira ati: Karame Maman ! Ndi hano uvuge icyo ushaka umuja wawe arumva!*

**B.M.** : Bana banjye, ndabaramukije. *Abakristu bakomye amashyi menshi.*

**VAL.** : *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.** : Murakagira abababyara, murakagira abo mubyara. *Abakristu bakomye amashyi menshi.*

**VAL.** : Ariko Maman, uzi ko iryo jambo ryatunaniye kurisobanukirwa ?

**B.M.** : Murakagira abababyara : ntawe ubaho atarabyawe. Murakagira abo mubyara : ntawe utifuza kubyara, nta n'uwo bidashimisha. *Hashira akanya gato, hanyuma arakomeza.*

Bana banjye, muranshimishije uyu muni. *Abakristu bakomye amashyi menshi.*

**VAL.** : Nanjye ndishimye.

**B.M.** : Muhaguruke mwese Umwana Wanjye abahe Umugisha.

Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. *(Akora ikimenyetso cy'umugaruka hamwe n'abari abo bose). Mugire amahoro ya Kristu, bana banjye. (Abakristu bakomye amashyi menshi).*

**VAL.** : Murakoze !

**B.M.** : Bana banjye, nababwiye ko ntatandukana n'Umwana Wanjye. Umugisha abahaye, muwushyire n'abo mwasize mu rugo. *(Abakristu bakomye amashyi menshi).*

Muwushyire ababatumye, muwushyire na ba bandi batemera, ba bandi cyane cyane barwaye. *(Aceceka umwanyu, amarira atangira kumubunga mu maso)*

Musenge n'umutima wanyu wose, musenge musabira isi kuko yugarijwe. Yugarijwe n'ibibazo binyuranye : inzangano, ishyari, uburyarya, kwikuza no gukurikira ibitabafitiye akamaro, guca imanza no kutababarira.

Musenge cyane kuko intambara ikomeye iri mu mitima yanyu.

Musengere cyane cyane ba bandi bahakana ibyo babonye, bemeye, bakijijwe ndetse narabahaye n’ubushobozi bwo kumbona cyangwa kubona Umwana Wanjye, igihe nabiyerekaga i Kibeho.

*Valentine arikiriza hanyuma Bikira Mariya akomeza agira ati* : Ntimuzacibwe intege n’ibiguruka, ahubwo mujye murushaho kugira ingufu, ubushishozi. Hazaza abitwaza Izina ryanjye n’iry’Umwana Wanjye.

Hazaza ibitangaza, abahanura ibinyoma.

Nimusenge kugira ngo muzashobore kumenya icy’ukuri icyo ari cyo.

Musengere ba bandi batoteza bagenzi babo kuko bakurikira ibyo bemera kandi bashaka.

Musengere ba bandi bananiwe kwicisha bugufi kugira ngo bagaruke, bansange.

*Valentine yibanagura amarira. Bikira Mariya akomeza agira ati* : Ko bose mbategeye ibiganza nk’Umubyeyi, ntibagatinye kunyegera.

**VAL.** : None se Maman, abo bantu bose uri kunyereka ntabwo bagisenga cyangwa ngo bakwegere ?

**B.M.** : Ba bandi twahuriraga ku Meza dusangira, bakaba bashimishwa no guhura basenya, basebya, kubera ko bagize intege nkeya.

**VAL.** : N’uriya se ? Yikiriza icyo abwiwe. Ahanaguye amarira mu maso...

**B.M.** : Bana banjye, ndabakunda. Mbakunda iyo muteraniye hamwe.

Mbakunda iyo musengera hamwe n’iyo muririmba.

Mujye muba na bamwe ku mutima, mu rukundo.

Ntihagire ikibakanga, kuko nabahaye Urukundo Rwanjye n’urw’Umwana Wanjye.

**VAL.** : *Yikirije icyo abwiwe.* Karame.

**B.M.:** Bana banjye mwaturutse impande zose, hirya no hino, mwaje kugira ngo twongere tunganire, ndabashimiye.

Mbashimiye ubwitange, kwigomwa imirimo yanyu, umunaniro n’ibindi byinshi, bana banjye.

Ariko uyu muni byose mubimpereze, cyane cyane ibya roho, uburwayi bubababaza bwaba ubw’umubiri n’ubwa roho, byose uyu muni mubinsigire ntihagire ubitahana.

Mwebwe mubabazwa n’abandi, abavandimwe banyu, ababyeyi banyu, abana banyu, inshuti zanyu, abagore banyu n’abagabo banyu, ndabasabye ngo byose mubimpereze, mwongere mube bashya, mwongere mube umwe, mwongere Rwarukiremende rube

ruzima, hatazagira urwurira akagwa, kandi mwarateyeho inkingi nyinshi ! Uyu muni byose mubimpe ndi bubyakire.

**VAL.:** Urakoze. *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.:** Namwe bana batoya, ndabashimiye ko mwaje, mutashoboye kuryama neza no kurya neza mugakurikira ababyeyi banyu.

Mbasabye kumvira ababyeyi banyu, kubaha abantu bakuru no gukurikira inzira nziza.

No kwiga neza mugashimisha ababyeyi. Murakagira abababyara, bana banjye. Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.

Namwe mufite impungenge n’abo mubana, n’abo mukorana ku kazi, ntibikababuze gusingiza Imana, ntibikababuze kunyegera.

Ahubwo mujye mugira ingufu zo kubasengera n’imbaraga nyinshi, kuko baba bakeneye isengesho ryanyu.

Na ba bandi bari impande zose z’isi batashoboye kuza kandi babishaka, na bo ndabaramukije kandi mbahaye Umugisha wa Kibyeyi.

Na ba bandi baguye, bacitse intege, bakagira isoni, bakabura n’imbaraga zo kugaruka kandi babishaka, nabo mbahaye Umugisha.

**VAL. :** *Yibanagura amarira.* Urakoze Maman.

**B.M. :** Bana banjye, nabahaye igikoresho cyanjye, kibabara mu kigwi cyanyu. Ababajwe no kubona umurongo uri imbere yanjye, ndi kumwerekera, w’abantu bose batatiye igihango!

Ba bandi bamwegeraga, ba bandi bamubwiraga ko bamukunda, ba bandi b’ababyeyi.

Musabye kubababarira agakora nk’aho ntacyabaye.

Uzasange buri muntu wese, uzakwigiza inyuma, mwana wanjye, uzasubireyo. Uzakwakira kandi uzinjire.

**VAL. :** None se Maman, ubwo najya ahantu umuntu atanshaka ?

**B.M.:** Ndagutumye, ntabwo tuburana.

**VAL. :** Mumbabarire, ni uko nashakaga gusobanukirwa. Nzakora ugushaka kwanyu. *Yikirije icyo abwive.*

**B.M. :** Bana banjye, namwe muririmba muba musenga kabiri. Ndabasabye kugira ngo ayo majwi yanyu ntakabapfire ubusa ! Ndabasabye kugira ngo ntimukinube, ntimugacike n’intege.

Ndifuzza kuzajya mporana namwe gutya, nta numwe mbuzemo.

Byaba byiza duhuriye ku Mbehe dusangira, tugahurira ku Mbehe y'isi n'iy'Ijuru !

Bana banjye, mbahaye Umugisha.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Nzasubirayo. Ariko ni ukujya mumpa kubyihanganira. Nzi neza ko mubimpa, ariko ndi umuntu! Umuntu aracikwa cyangwa se akagira intege nkeya.

**B.M.:** Bana banjye, bazengurutse aho nigaragariye hose, aho nakandagiye, nzi neza ko munaniwe ariko ndishimye.

Mwebwe mwakoze urugendo rurerure muvuye mu mahanga, namwe mwakoze urugendo rurerure muvuye mu ngo zanyu, mwese mbahaye Umugisha wa Kibyeyi.

*Abakristu bakomye amashyi menshi.*

*Valentine yikirije n'umutwe hanyuma atera indirimbo:*

Nazindutse kare cyane,

Nazindutse kare cyane, ngana Afurika.

Nahasanze abatoni banjye.

Narabahamagaye ndabatuma barantumikira, barantumikira.

Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise.

Mfura zanjye, bana banjye, ndabakunda.

**VAL. :** *Yikirije icyo abwive.* None se Maman, ko unyeretse abo bantu bose nkumva birambabaje, jyewe ku giti cyanjye nabakorera iki ?

Ubabazwa nuko bataza, kandi bagashakisha hirya no hino uwaje wese kubaza uko byagenze. *Yikirije icyo abwive.* Jye se nakora iki?

Unsabye gufasha abo dusengana kurushaho, gufasha abo turirimbana kurushaho, kurushaho kwegera Imana.

**B.M.:** Muri uko kuririmba, abantu bakaba bamwe nta buryarya, abantu bakaba bamwe mu rukundo. Nicyo nifuza kuri mwese !

Namwe bana banjye bari i Kibeho, sinyobewe ko muhura n'ibigeragezo byinshi, muhumure turi kumwe namwe sinzabatererana.

Abanyiteguye uyu muni ku isi hose turi kumwe, mba aha ndi n'ahandi.

Bana banjye, uyu muni, numvise ari byiza, kuko igihe nahagereye, nanze kubarangaza, nanze no kugira ngo Igitambo cya Misa kube nko mu isoko, kuko ndabazi narababyaye !

*Abakristu barasetse!*

**B.M.:** Mwari kwihuta muhaguruka ngo: « Yaje »! Mukibagirwa ko Ameza Matagatifu akubiye muri Jye no mu Butatu Butagatifu.

Naje kare! Nanjye Misa nayumvise! Naje kare kuko umwana wanjye, igikoresho cyanjye, intumwa yacu, naje kumusura saa sita.

Nari mpari. Ndabashimira ko mwitonze kandi mugakurikira.

Ndashimira n'abasaserdoti babafashije kuyobora isengesho na Misa, maze Imana igahabwa icyubahiro n'ikuzo. Nabo mbahaye umugisha wa Kibyeyi, kandi mbasabiye n'Umwana Wanjye Umugisha.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive hanyuma atera indirimbo ikurikira:*

Niba Uhoraho ari amahoro yawe,

Niba Uhoraho ari ibyishimo byawe,

Komeza inzira watangiye wicika intege,

Wahisemo neza, Nyagasani muri kumwe.

*Amarira ashotse mu maso, hanyuma arayibanagura. Nyuma apfukama ateze amaboko afashe ishapule mu kiganza cy'iburyo, hanyuma akomeza indirimbo.*

Mu buzima bwanjye bwose nziringira Imana,

Nimbona ngiye gutsindwa nzambaza Imana,

Niyo Nyir'ubuvunyi ni Yo itanga imbaraga,

Ubwo namenye ko inkunda, nzajya nyihungiraho, ni Yo mukiro.

Ari iby'ubu n'ibizaza ntakizadutanya,

Kuko Imana yadukunze bitagira urugero,

Yageze aho itanga Yezu Kristu ngo adukize,

Ubwo namenye ko inkunda, nzajya nyihungiraho, ni Yo mukiro.

**B.M.:** Bana banjye, ndishimye!

**VAL.:** Urakoze Maman! Nanjye ndishimye! *Yikiriza icyo abwive.* Na bo nzajya mbasabira kugira ngo izo mbaraga nkeya bafite, (*abanagura amarira*) izo soni bafite, bashobore kwicisha bugufi.

Babuze ubwicishe bugufi n'ubwiyoroshye, kugira ngo bongere gusubira mu nzira.

**B.M.:** Hagowe uzaca urubanza ku cyo atazi. Kuko nimba utarambone, ntushobora kubwira abantu ko undi atambonye.

Nimba ntaraje kuguteguza ko ntasezeyeye, ntabwo ushobora kuvuga ko uwo muntu yasezeyeye, cyangwa se atarasezera, cyangwa se atambona.

Bana banjye, birambabaza kuko muca urubanza duhuriye ku Meza Matagatifu, kandi mukavuga ko musenga! Musenga iyihe Mana itarimo urukundo!

Musubize amaso inyuma, Imana ntabwo ikorera mu buryarya, Imana ntabwo ikorera mu ishyari, ntishobora gukorera mu bwikuziye, ikorera mu kwicisha bugufi.

Muramenye mutazabazwa abo mwagushije, bikazaba ari byo bibacira urubanza.

Niba udasobanukiwe, senga cyane ubone urumuri, ureke n'undi na we asenge abone urumuri. Nugera ku cyiza...

**VAL.:** Ntabwo ndi gusoma neza Mama!

**B.M.:** Nugera ku cyiza uzagisangire na mugenzi wawe. Ariko nubona ikindi ari kibi, ntuzifuze ko cyamugeraho.

Icyo utifuzako bagukorera, ntukagikorere umuvandimwe. Ndabibasabye.

**VAL.:** Ahanaguye amarira hanyuma yikiriza icyo abwiwe.

**B.M. :** Abarwaye ni mwivuze. Abakize ni mubibwire abandi.

Ntimuzabe abajundika ntibacire: ngo mumenye ukuri, mureke kuvugisha ukuri, bibaheremo!

Bana banjye, musabire Kiliziya y'isi yose, kugira ngo abapadiri n'abihaye Imana b'ingeri zose bashobore kwiyongera.

Musabire ibihugu birimo intambara, kuko nyinshi ziterwa n'abantu. Kubera ko intambara ikomeye iba iri mu mutima w'umuntu.

Ni kenshi nababwiye yuko, Jyewe nazanywe na roho, ntazanywe n'iby'isi, ntazanywe no gutanya, ahubwo nazanywe no kubaka, ntazanywe no guca imanza, ahubwo nazanywe no kunga abantu.

Intambara mba mvuga, ni iyo mu mutima, iya roho zanyu, muyitandukanye n'intambara z'isi. Uburwayi bukomeye ni ubwo ngubwo.

**VAL.:** Urakoze. Mama! *Abumbye ibiganza, yikiriza icyo abwiwe maze arahaguruka.*

**B.M.:** Musabire abantu bose barwaye indwara zidakira, bamwe batabona ababasura, bamwe baba bonyine. Musabire abana bategera ababyeyi babo kubera uburwayi bafite.



**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Ndabona iwanyu hameze neza!

Uyu muni indabo z'iwanyu, wagira ngo abakozi babaye benshi, zose ndabona zihereye! *Yikirije icyo abwive.*

Uwakugeza ha handi rero twari turi ngo urebe uko abantu bishimye, babyinaga, bakaririmba n'abana bose. Ntabwo wabonye na ba bana babazaniye indabo?

Ariko ntimuhite mugenda. Mfite byinshi byo kubabwira. *Yikirije n'umutwe.*

*Azengurukije amaso hose hanyuma akomeza agira ati: "Umurima wanyu urahereye"!*

**B.M.:** Bana banjye, mufateho intwari ishapule yanyu. *Afata ishapule ayirambuye mu biganza byombi.*

Ntimukagende mu nzira mutayifite mu ntoki, kuko ishapule ni yo ikurinda ibibi byose, ni yo ikurinda ibyaguhungabanya mu nzira, kandi igihe muyivuga mujye mumpamagara muti: ngwino udufashe.

*Afata ishapule noneho abumbye ibiganza.*

Ndabasabye, n'abatayizi mugerageze kuyivuga kuko itera ingufu kandi igatera ibyishimo.

Ndabasaba kugerageza kujya muhabwa Ukaristiya, na Yo irafasha.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Indabo zanyu... *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.:** Bana banjye, nongeye kubibutsa kuko hari abibagiwe: nabasabye kujya muvuga „Ndakuramutsa Mariya“. Abana mbaha izabo, abakuru, abapadiri, ese aho murabyibuka mwese?

Ese ntabwira intege nke bakaryama batazivuze?

Ndongeye ndabibutsa, mwongere mufate intwari yanyu y'ishapule, muyivuge.

Mujye muvuga Rozali, ariko mu ma Rozali yose muvuga, mushyireho Ndakuramutsa Mariya 10 z'umwihariko. Muzivuge muzikuye ku mutima, izisigaye nzajya nzibavugira.

Munyumve neza, ntabwo navuze ngo Rozali muyihagarike, ni ikintu uzaba ufite wowe utura, kugira ngo wihererane Nanjye ubikuye ku mutima.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.:** Bana banjye, Umwana Wanjye yifuje ko mwajya mukora imyiherezo myinshi kenshi, kuko bifasha benshi, kuko bituma mwegerana mukaba bamwe, kandi mukarushaho gusangira buri muntu n'undi icyo yungutse n'icyo atibuka.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Murakoze. *Yikirije icyo abwive.*

Aho bazajya bansaba hose, nzajya mbafasha. Ndabyemeye.

Ariko namwe mujye mumfasha kugira ngo mbishobore. *Yikirije icyo abwive*. Urakoze.

**B.M.:** Bana banjye, ntimukabe, aburamwaje “! Nanjye sinzabe „Nyamwisiga ngo nisange “! Ntimukaze ngo mujyane ubusa, kandi mwazindutse! Nanjye kandi sinkagaruke ngo nsange ibyo nababwiye mwarabisize aho nabibabwiriye!

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive*.

**B.M.:** Mugende, muvugishe ukuri, mwigishe. Muhamagarire abantu gusenga mu rukundo, bisabira, basabira n’abandi.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive*. Ntabwo nongera. (Valentine *yariraga* !) Nuko ndi kubona abo bantu bose mbazi ! *Yikirije n’umutwe*.

**B.M. :** Bana banjye, mbashimiye ubwitange n’inkunga mwakoze kugira ngo uyu muni mbe ndi kumwe namwe hano. Mbahaye umwanya, abatabonye uko mumbwira ibyanyu, mbateze amatwi.

Mwebwe murwaye, mwebwe mubabaye, mwese mbateze amatwi, mumbwire imitima yanyu yose ndayireba.

**VAL.:** *Aceceka umwanya, azengurutse amaso ibumoso n’iburyo, atavuye aho ari. Yikirije icyo abwive*.

**B.M.:** Mwebwe mubabajwe n’ibihugu byanyu birimo intambara, mwebwe mubabajwe n’abana banyu, n’abavandimwe banyu, n’abana babo, n’inshuti zanyu ziriyo, byose mubimpereze, Ndi Umubyeyi ugira impuhwe kandi Ndi Umubyeyi wanyu.

Mwebwe mufite agahinda ku mutima, kubera abana banyu, benshi bafite abana babaye abasinzi, abishwe n’urumogi n’itabi, ba bandi boretswe m’ubusambanyi, ba bandi b’ingeri zose, mbahaye umwanya ni muvuge ndi kubumva.

Namwe mwari muri kumwe n’umuvandimwe akaba yagiye, na we ubu ndi kumwe na we.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive*.

**B.M. :** Abananiwe, ni muruhuke.

Abashonje, mushire inzara.

Abafite inyota, muyishire.

Abarwayi, mwivuze.

Abatotezwa, mugire imbaraga.

Abatoteza, mucishe make.

Abaguye mu kwemera ni babyuke.

Abashidikanya basabe ubushishozi.

Abadasobanukirwa, abafite byinshi ku mutima, byose mubimpereze.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.:** Byose uyu munsu niyemeje kubaruhura bana banjye. *Abakristu bakomye amashyi menshi.*

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.*

**B.M.:** Namwe mwasize abarwayi mu rugo, mukigomwa, na bo ndi kumwe na bo mubashyire Umugisha wa Kibyeyi.

Namwe mufite abari mu bitaro, batashoboye kuza, na bo mubashyire Umugisha wa Kibyeyi.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive...* Ntabwo nkiyibuka.

*Indirimbo :*

Mbega ngo biraba byiza bikananyura umutima,  
Twibumbiye, hamwe turi abavandimwe.

Ni zo, zose murazizi ! Yikirije icyo abwiwe.

**B.M. :** Musenge, mwihane, mwuzuzanye, mukundane.

Nta kintu cyiza kibaho nk'Urukundo, bana banjye.

**VAL. :** *Yikirije icyo abwive.* Ese izi ndabo zawe ndazirangiza zingana gutya ?

Ko iwanyu se nta zuba rihari nk'iwacu !

Oya, abazungu bashyiraho ikintu cyo gutwikira kugira ngo ziticwa n'izuba.

*Yikirije icyo abwive.* Umurima wanyu ni munini cyane ! Umuntu aravomaaaa... !

Akavoma afite n'inzara n'inyota, n'umunaniro. *Yikirije icyo abwive.*

**B.M. :** Bana banjye, hari abatumye, hari abanditse, hari n'abanyibwiriye. (*Valentine arabindukira, arambura amaboko ku biseke byari biteretse imbere y'altari birimo amabaruma abakristu bandikiye Bikira Mariya*)

Bino byose, bana banjye, abafite ibibazo binyuranye, mujye musenga musaba ubushishozi kuko muzajya mugenda mubona ibisubizo. (*Arongera abindukira areba imbere noneho*). Namwe mutanditse, mubivuge.

Ndabasabye kugira ngo ntihakagire n'umwe uzimira, kuko twese tugomba kubaka urukiramende hamwe, tukaba bamwe, tukagendera mu nzira imwe, mu rukundo kuko tugeze mu igihe gikomeye, igihe cyo gusenga koko tubikuye ku mutima.

Ntabwo tuzi umunsi n'igihe nk'uko Umwana wanjye akunda kubibabwira. Nta muntu uzi umunsi.

Ndabasabye bana banjye, mutazananirwa, mwarakoze byinshi, mukananirwa n'agatoya! Mbasabye mwese kugira ngo muzazamuke ngo muze mw'ihirwe ry'iwacu, nk'uko mwese mungana!

**VAL.:** *Atega amatwi hanyuma yikiriza icyo abwive.* Ndagushimiye, Mubyeyi, kuko ukunda kutuba hafi, ko utwumva, ko iyo tugeze ahakomeye udutera imbaraga.

Ni byo, tutabafite, ntacyo twakwimarira. *Atega amatwi umwanya.*

**B.M.:** Ndashimira n'umwana wanjye. Ibyo yansabye, n'ibyo yambwiye nabyumvise. Nawe nzamufasha kugera kuri byinshi, kandi nzabana nawe.

Hazatsinde ukuri, ikinyoma gisubire inyuma, kandi nababwiye ko Ukuri ari ukuri, kutajya gusubira inyuma.

**VAL.:** Murakoze. *Asobanuje nk'utumvise neza.*

**B.M.:** Ntimugatinye kuvuga Ukuri, kuko mukunda kuvuga ngo « ukuri guca mu ziko ntigushya »! Namwe muvugishije ukuri nta cyo mwaba.

Iziko bavuga ni umunwa wanyu n'ururimi rwanyu.

Kuko muvugishije ukuri nta cyo umunwa wanyu uba n'ururimi ; nta n'ubwo bishya, murakomeza mukaba bashya. Niyo mubeshye ni kimwe.

Rero ukuri guca mu ziko ntigushya! Mujye muvugisha ukuri !

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Murakoze.

## GUTANGA UMUGISHA WA BIKIRA MARIYA :

1. *Arareba imbere ye :* Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu b'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

2. *Abindukiye ibumoso bwe :* Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwihangana, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu b'isi yose, kumva ko ndi igikoresho cyawe, kandi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

3. *Abindukiye iburyo bwe*: Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, ukwihangana n'ukwihanganirana, ubwitange, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icyo ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Akoze Ikimenyetso cy'Umusaraba.*

4. *Agiye inyuma abo amazi ateretse*: Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu n'imbere y'isi yose, kumva ko ndi igikoresho cyawe, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Imana nisingizwe mu ijuru no munsu abitonda bahorane amahoro.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

*Uyu mugisha ubawe amazi, amashusho, amashapule n'ibindi bintu byose bihateretse...*

**VAL.:** *Afashe icupa ry'amazi, akora ikimenyetso cy'Umusaraba, hanyuma anywa amazi arangije aravuga ati: Murakoze.*

#### UBUTUMWA BW'UMUNTU KU GITI CYE :

1. Umugabo witwa Patrick waje avuye muri U.S.A. : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
2. Ahaye amazi y'umugisha umwana nyina ahetse mu mugongo.
3. Akoze ikimenyetso cy'umusaraba ku gahanga k'umwana bafashe mu ntoki.
4. Ahaye umwana muto amazi.
5. Ahaye n'undi ufite nk'imyaka itanu amazi ku rushyi.
6. Ahaye umwana amazi y'umugisha.
7. Ahaye uruhinja amazi ku rushyi.
8. Ahaye Pedro Gonzalez ukomoka muri Espagne amazi y'umugisha ku rushyi.
9. Ahaye umwana amazi y'umugisha.
10. Ahaye umwana amazi y'umugisha.
11. Ahaye umwana uri muri poussette amazi y'umugisha.
12. Ahaye umwana w'imyaka ine amazi y'umugisha.
13. Ahaye umukobwa w'inkumi amazi y'umugisha ku rushyi.  
Hari icyo amwongoreye tutumvise.
14. Ahaye Madame Roza waturutse muri U.S.A. amazi y'umugisha, amukoreraho ikimenyetso cy'Umusaraba ku gahanga, amusoma ku itama.  
Bikira Mariya aramubwira ati: Mubyeyi mwiza, urakagira uwo wabyaye.  
Nguhaye Umugisha wa Kibyeyi, nguhaye na bisou y'Umubyeyi, wigira ubwoba.
15. Ahaye umwana muto amazi y'umugisha abanza kuyanga.
16. Ahaye amazi y'umugisha umugabo waje aturutse muri U.S.A. Umugabo ararira cyane ashaka no kugwa hasi umudamu bari bicaranye aramufata.  
Bikira Mariya aramubwira ati: humura mwana waje turi kumwe, ntugire ubwoba. Urakoze, warakoze.

17. Ahaye umugisha Madame Betty waje aturutse muri U.S.A. wari wicaranye n'uyu mugabo tuvuze haruguru.  
Bikira Mariya amuhaye amazi y'umugisha. Hanyuma aramubwira ati :  
Mwana wanjye, nzi ko wasize umurwayi mu rugo babaze incuro zirenze icumi, wabimbwiye nabyumvise, wicishije bugufi kugira ngo uze unsanga umusize mu rugo, mbahaye mwembi umugisha wa Kibyeyi. Betty na we ararize.
18. Yujurije abadamu babiri amazi y'umugisha uducupa twabo duto.
19. Liliana akana gato akuhagije amazi y'umugisha mu mutwe no mu mugongo.
20. Ahaye akana kuruhinja amazi hanyuma kamufata intoki.
21. Ahaye abana bato babiri amazi y'umugisha, umwe yitwa Victor undi yitwa Samueli.
22. Ahaye umukobwa amazi y'umugisha, amukora ku rutugu, amwuhagira mu maso no mu gituzo.
23. Ateye amazi y'umugisha Côme Rwabuzisoni.
24. Ateye amazi y'umugisha Ilibagiza Immaculée waje aturutse muri U.S.A.) hanyuma asuka ahandi mazi mu kiganza kirimo ishapule yera aranyanywa.
25. Ateye Pedro Gonzalez (twavuze haruguru) amazi y'umugisha.
26. Linda: Amuhaye amazi y'umugisha.
27. Angélique: Amuhaye incuro ebyiri amazi y'umugisha, amufashe mu mugongo, amukanze intugu zombi, amukanze akaboko k'iburyo kavunitse agenda agakanda hose.  
*Amazi arashize, none Valentine asubiye inyuma aho amazi ateretse yafata ahandi. Afashe akajerikani karimo amazi, asuka muri rya cupa yatangishaga umugisha, ariko akomeza kureba umu bavuganaga. None rya cupa araripfundikiye ariteretse ku meza. Apfundikiye n'aka kajerikani agasubiza mu mwanya wako. Afashe akandi kajerikani, akomeje kujya gutanga umugisha.*
28. Ateye abantu bo muri AVMDKI amazi y'umugisha.
29. Madame Ginette Dubos (waje aturukte I Paris) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.  
Bikira Mariya aramubwira ati : mwana wanjye, nzi neza ko ubabara cyane, udashobora kwicara nk'abandi. Ahantu hose uhora uhagaze, kubera uburwayi ufite, n'incuro bakubaze. Ndi kumwe nawe igihe cyose sinzagutererana. Kandi wakoze kubabara uza kunsanga.
30. Ateye amazi y'umugisha amashusho n'amashapule n'ibindi bintu byose byari ku meza Hilariya yari yateye ngo agurishe amashapule n'amashusho matagatifu n'ibyari munsu ya meza byose.
31. Léa : Amuteye amazi y'umugisha.

**VAL.:** Indabo zose nazirangije!

32. Padiri Caetano (waje aturutse Mexique) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
33. Padiri Agusti (waje aturutse muri Espagne) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

34. Monseigneur Abboud Jean de Marie (waje aturutse muri Liban) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
35. Padiri Adalbert (Umunyarwanda uba mu Bubiligi) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

**B.M.** : *abwira abapadiri bose amaze guba umugisha.* Bana banjye, mwakoze kuza kwizihiza uyu muni.

Mukomeze umurimo mwasezeranye, kandi mwatorewe, musenga no kugira ngo mubone n'abandi babagwa mu ntege.

Murakagira abababyara! Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.

*Abakristu bakomye amashyi menshi.*

N'abadahari babyifuzaga, n'abaje bakaba bagiye.

**VAL.:** Narangije.

*Abagaritse ibyo yavugaga ajya kongera gutanga umugisha.*

36. Ahaye umwana muto amazi y'umugisha.
37. Ahaye n'undi mwana muto amazi y'umugisha.
38. Ahaye abana bose bari bicaye imbere amazi y'umugisha.
39. Serge umwana wa assumpta : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
40. Safia umwana wa Jean baptiste: Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
41. Louis : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
42. Jean Claude Kayihura : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.
43. Jean-Baptiste Hategekimana : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.  
Hanyuma Bikira Mariya aramubwira ati : Isabukuru nziza !  
Jean Baptiste ati : Merci. Maman !
44. Jean Marie (traiteur) : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.  
Hanyuma Bikira Mariya aramubwira ati : Ihangane turi kumwe nawe.
45. Abboubakar : Amuhaye amazi y'umugisha.
46. Ahaye umugisha indabyo n'ibiseke byagiyemo amaturo biri imbere y'Alitari.

**VAL.:** Zose ndazirangije! *Anyoye amazi y'umugisha ku icupa.*

47. Béatrice Panda: Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi gatatu, hanyuma Bikira Mariya aramubwira ati : Mwana wanjye, ibanga urarizi, nurikenera, uzasange igikoresho cyanjye azagusobanurira.
48. Lionel Panda, umugabo wa Béatrice tuvuze haruguru : Amuhaye amazi y'umugisha.
49. Pascasie Uwimana : Amuhaye amazi y'umugisha ku rushyi.

*Valentine afunguye irindi cupa, yuzuriza kuryo yarafite, yongera gufata iryo yarafite mbere arisubiza mu mwanya waryo. N'irindi arisubiza aho ryari riri.*

**VAL.:** Murakoze.

Maman, indabo zanyu zari nyinshi cyane !

*Yikirije icyo abwive. Buriya hariya mubakora buri munsu ?*

Aho mwagiye hose nabakurikiye, ibyo mwakoze nanjye nabisubiyemo.

*Yikirije icyo abwive.*

**B.M. :** Bana banjye, ntihagire utahana akabazo ku mutima, atishimye kuko ndishimye, kuko abenshi bagenda bavuga ko ntabahaye amazi.

Mbafite mu mutima wanjye, ntimukagire inyota. Ari uwo nahaye, ari uwo ntahaye mwese murangana.

**VAL. :** *Yikirije icyo abwive hanyuma atera indirimbo ikurikira.*

1. Aya masezerano yanjye Nawe Mubyeyi, nyashyize imbere yawe ngo uyuzuze Mubyeyi nta cyo nishoboreye, Mubyeyi nzagutumikira.

R. Mariya mwiza, Mubyeyi wacu, Nyina wa Jambo, ndaje we, ndaje imbere yawe ngo umpe ubutumwa, nzagutumikira.

*Aha arasetse. Hashize akanya gato abita abyina, ariko akomeza guseka.*

2. Aya masezerano yanjye Nawe Mubyeyi, nyashyize imbere yawe ngo uyuzuze Mubyeyi nta cyo nishoboreye, nzagutumikira.

R. Mariya mwiza, Mubyeyi wacu, Nyina wa Jambo, ndaje we, ndaje imbere yawe ngo umpe ubutumwa nzagutumikira.

**VAL.:** *Yikirije icyo abwive.* Ariko iyo ngezeyo barambwira ngo nabyinnye imbere y'abana. *Yikirije icyo abwive.* Murakoze. Mama!

Mbashimiye ibyiza byose mwaduhaye. Mbashimiye n'amatsiko nari mfite, n'indoto nari narose, nkabibwira abantu dusengana ngo bamfashe gusenga mbone ubushishozi, none nasobanukiwe n'icyo washakaga kumbwira. *Yikirije icyo abwive. Murakoze.*

**B.M.:** Bana banjye, mfite akazi kenshi...

**VAL. :** Kandi nkarangije ! *Yikirije icyo abwive.*

None se Maman, ko mfite akazi kenshi, kandi mumaze iminota ibiri gusa !

Iwacu iyo tugiye gusura abantu, turabasura, tukagumayo, bagateka tukarya, tukaganira noneho tukaza kubaherekeza nimugoroba. Mwe se ubwo mugiyeye muriye ?

Kandi nanjye nakoze ntabwo mwangaburiye ! Ubundi iwacu iyo umuntu yakoze baramugaburira. *Yikirije icyo abwive.*



**B.M. :** Bana banjye, mwese ndabashimiye, mwakoze kuza.

Mbifurije kugira urugendo rwiza abagenda uyu muni. Abazagenda ejo n’ejobundi, mbifurije kujyana amahoro mugasanga n’ayandi, no kuzagaruka n’ayandi n’abanyu. Mbifurije kugira ngo abo mufite barwaye, mwasabiye, nabo musange borohewe.

Ariko, cyane cyane ndabasaba, ngo ntimukibagirwe gusabira roho z’abanyu bapfuye n’iz’abandi bose bapfuye, ba bandi batagira ababasabira, aribo bita Roho zo muri Purgatori.

Mujye mubyibuka nkuko mwibuka abana muri kumwe. Baba bakeneye inkunga yanyu. Murakagira abababyara!

**VAL.:** *Arapfukamyeye.* Murakoze Ma!

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

*Valentine yakurikijeho amasengesho akurikira:*

1. Dawe uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe,  
Ingoma yawe yogere hose,  
Icyo ushaka gikorwe mu nsi nk’uko gikorwa mu ijuru,  
Ifunguro ridutunga uriduhe none,  
Utubabarire ibicumuro byacu,  
Nk’uko natwe tubabarira abaducumuyeho,  
Ntudutererane mu bitwoshya,  
Ahubwo udukize icyago. Amina.

2. Ndakuramutsa Mariya,  
Wuzuye inema,  
Uhorana n’Imana,  
Wahebuje ababyeyi bose umugisha,  
Na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa,  
Mariya Mtagatifu Mubyeyi w’Imana,  
Urajye udusabira turi abanyabyaha,  
Kuri ubu n’igihe tuzapfira. Amina. 2x

Niyubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu,  
Nkuko bisanzwe iteka nibubahwe n’ubu n’iteka ryose. Amina. 3x

*Ibonekera rirarangiyeye, Valentine yituye hasi, hanyuma abakristu bakomeza baririmba indirimbo zinyuranyeye.*

*Abafashe amajwi : Françoise Bonduelle na Léoncie Kantamage.*

*Abandukuye : Françoise Bonduelle na Léoncie Kantamage.*

*Abakosoye inyandiko : Valentine Nyiramukiza, Candide Ntaramuka na Côme  
Rwabuzisoni.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA NYIRAMUKIZA VALENTINE KU  
CYUMWERU KU ITARIKI YA 15-05-2016, SAA SITA MURI SALLE  
PRENSES IRI KURI BOULEVARD INTERNATIONAL N° 7, 1070  
BRUXELLES.**

Ku cyumeru, tariki ya 15/05/2016 hari kuri Pentekosti, umunsi mukuru ukomeye wa Kiliziya Gatorika Ntagatifu. Abakristu baturutse imihanda yose baje kuwizihiza, baturutse mu Burayi, muri Amerika no muri Afurika. Ku itariki ya 14/05/2016, hakoze igitaramo cya Pentekosti. Muri icyo gitaramo hasomwe Misa Ntagatifu iyobowe na padiri Adalbert, yateguraga abakristu kwakira Roho Mutagatifu hamwe n'Umubyeyi Bikira Mariya ku itariki ya 15/05/2016.

Amasomo yasomwe ni aya :

- Ibyakozwe n'Intumwa umutwe wa 1, 15-17, 20-27

- Ivangili Ntagatifu yanditswe ya Yohani umutwe wa 15, 9-17

Inyigisho Padiri Adalbert yatugejejeho ni iyi ikurikira :

« Roho Mutagatifu, Imana Data azamubohereza mu Izina ryanjye, azabigisha byose kandi azabaha kwibuka ibyo nabigishije byose.

Uyu munsi twizihiza icyumeru cya Pentekosti, mu byakozwe n'Intumwa, Luka aratubwira ko uwo Roho w'Imana umuntu adashabura kumubonesha amaso, ariko agaragazwa n'ibimenyetso bikomeye : inkubi y'umuyaga, umuriro, indimi z'umuriro zimanuka zigashyushya abari akazuyazi zitera imbaraga abadandabiranaga. Ibimenyetso Luka atubwira mu byavuzwe n'intumwa, ni ibimenyetso dusanga kuri wa musozi wa Sinai igihe Imana yigaragarizaga umuryango wayo.

Urwo Rukundo, kuvuga Roho Mutagatifu, tuvuga ingabire, tuvuga ingabire y'ubushishozi, ingabire y'ubwenge n'izindi ngabire ntibihagije.

Ni byo ariko ntibihagije, ni ingabire mbere na mbere y'Urukundo. Ni urwo rukundo rwatumye intumwa zisohoka, ziva aho zari zifungiranye kugira ngo zamamaze ibyo Kristu yabagiriye, ubuntu yatugiriye twese, apfa, akazuka, kugira ngo tubeho.

Ku cyumeru cyashize, Yezu asezerera intumwa ze mu Invangili ya Yohani, umutwe wa 17, umurongo wa 21 yagize ati « Mube umwe, bazamenya ko muri abanjye »

Niba isi itemera, ntabwo ari ikosa ry'isi. Niba isi itimera, ni ikosa ryacu kubera ko tudakundana uko bikwiye kugira ngo babone ko Kristu yadupfiriye kandi akaducungura. Niba dushaka ko isi yemera ko turi ab'Imana Roho Mutagatifu, Roho w'Urukundo, kandi turyana, tuba tubeshya. Ntabwo ari byo, ntabwo ari byo. Byaba bibabaje ko wenda wasanga n'abambaye nk'ibi nambaye baza imbere yanyu kandi baryana. Uwo ntabwo ari

Roho w’Imana. Roho twahawe ni Roho w’ubumwe. Uwo ni We Roho dusingiza uyu muni.

Yari ameze nk’umwana uri mu nda. Ntabwo mwese mukeneye kuba bamwe kugira ngo twumvikane. Buri muntu aguma aho ari, uwo ari we, ariko tukavuga ururimi rumwe. Njya mbwira abantu ngo: ntabwo umushinwa akeneye kuvuga igifaransa kugira ngo menye ko ankunda. Iyo umuntu agukunda, uhora ubona ko agukunda. Yavuga ikidage, yavuga ikinyarwanda, urabibona, urabyumva. Izo ni zo mbaraga za Roho Mutagatifu w’Imana, w’imbaraga z’urukundo zigomba kuduha tukaba umwe. Ntibubuza umuntu kuba uwo ari we. Ntibubuza umuntu kuba yasengera aho ashaka. Ariko iyo mwahawe Roho w’Imana, niba twarahawe Roho w’Imana, ntawe ushobora kuryana. Ariko iyo Roho w’Imana atarimo mushobora kubana mu nzu imwe, mukaryama mu buriri bumwe, ariko mutavugaga ururimi rumwe. Umwe avugaga « A » undi akumva « B ». Uwo Roho w’Imana azaduha kuba bamwe. Ushobora kuba umu «flamand » undi akaba umu «wallon » ariko mugakorera hamwe, tukavugaga ururimi rumwe, Roho w’Imana akaba umwe. Amen.

Yezu igihe yasengaga, ni uko yari azi ko bikomeye. Mu bagalati, umutwe wa 5, umurongo wa 22 batubwira imbuto za Roho Mutagatifu. Niba ufite Roho Mutagatifu, Roho w’Imana, tugomba no kwera imbuto za Roho Mutagatifu. Imbuto ni: Urukundo, Ibyishimo, Amahoro, Kwihangana, Ubugwaneza, Ubuntu, Ubudahemuka, Kumenya kwifata, Imico myiza ».

### **Kubera abatumva ikinyarwanda Padiri yabigishije mu gifaransa.**

*Nous célébrons le dimanche de Pentecôte 50 jours après Pâques. Après Pâques, Noël, Pentecôte est la fête la plus solennelle du calendrier chrétien. Elle fait mémoire du don de l’Esprit Saint aux disciples. Les premiers chrétiens ne célébraient pas la fête de la Pentecôte comme un jour unique. Ils célébraient Pâques pendant 50 jours et ces 50 jours formaient un unique jour de fête. Les lectures de ce dimanche font deux récits de Pentecôte : le récit des Actes des apôtres et le récit de St Jean.*

*Dans les Actes des apôtres, Luc nous parle des événements vus de l’extérieur. L’Esprit qu’on ne voit pas avec l’esprit de la chair mais dont les effets sont visibles et époustouflants. Les langues de feu, les violents de coup de vent.*

*Quant à Jean l’évangéliste, il décrit l’intérieur des cœurs, la transformation stupéfiante de ceux qui ont reçu l’Esprit Saint. St Jean insiste sur l’amour. En effet, en parlant de l’Esprit, nous avons tendance à parler de l’Esprit comme l’intelligence, le discernement, la connaissance, l’inspiration des idées. C’est juste quelque part mais incomplet. L’Esprit de Dieu c’est l’Esprit de l’amour qui donne les autres dons. C’est l’amour qui a poussé les disciples hors du cénacle.*

*Dans le chapitre 17 de St Jean verset 21, quand Jésus faisait ses adieux à ses disciples, Il leur a dit : « Que vous soyez un. Le monde reconnaîtra que vous êtes les miens par la façon dont vous vous aimez ».*

*Qui es-tu Esprit que j'ai reçu ? Il faut discerner les esprits.*

*Ils connaîtront que vous êtes mes disciples par la façon dont vous vous aimez*

*La Pentecôte est l'évènement fondateur de l'Eglise. L'effusion de l'Esprit fait sortir l'Eglise du cénacle. L'Eglise était là en germe, seulement elle était emmurée dans la peur.*

*Ce n'était pas les portes seules qui étaient fermées, les cœurs de tous étaient également verrouillés par la peur, par l'angoisse, la honte, la trahison, l'incertitude du lendemain, la vulnérabilité.*

*Et tout d'un coup, les voilà transformés, ils n'ont plus peur, ils ne doutent plus, ils sont si joyeux qu'on peut penser qu'ils ont bu. C'est ça l'effet de l'effusion de l'Esprit Saint. On a dit que les apôtres ont parlé d'une seule langue, langue de l'amour. Dans le texte on dit bien : « Comment se fait-il que chacun les entende dans sa langue maternelle. Tous nous les entendons proclamer dans nos langues les merveilles de Dieu ». Voilà l'antidote de la tour de Babel. La diversité n'est pas gommée mais elle n'empêche plus la Parole de circuler.*

*Vous pouvez être dans la même maison, dormir dans le même lit, mais sans parler la même langue. Pourquoi nous avons des divisions dans nos familles ?*

*Parce que nous ne parlons pas la même langue et parce que nous ne sommes pas ouverts à l'Esprit de Dieu, l'Esprit d'amour, l'Esprit de l'unité.*

*Prions pour que le Seigneur nous envoie son Esprit d'amour et ouvrons nos cœurs pour recevoir l'Esprit de Dieu.*

*Pour que nous soyons des témoins fidèles, des prédicateurs enthousiastes, des ambassadeurs de son Amour. Viens Esprit d'Amour, de Sainteté, viens Esprit de Lumière, viens Esprit de Paix, viens Esprit de Joie, viens Esprit d'Unité, viens Esprit de Vie, viens Esprit de Jésus, viens Esprit de Dieu, Viens, Amen.*

*Ku itariki ya 15-05-2016, kuri uwo muni utagira uko usa, abakristu bari babukereye, bazindutse kare cyane kugira ngo babanze bavuge ishapure. Nyuma hakurikireho Misa Ntagatifu yayobowe na padiri Jean Major wa paroisse ya St Roch. Misa yabanjirijwe n'umutambagiro w'abakristu.*

*Amasomo yasomwe ni aya :*

*Ibyakozwe n'Intumwa umutwe wa : 2,1-11*

*Zaburi : 103(104), 1ab.24ac, 29bc-30, 31.34*

*Abaromani : 8, 8-17*

Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Yohani umutwe wa 14, 15-16.23 b-26

Inyigisho ya padiri yatanzwe mu gifaransa. Mu magambo make twigishijwe ibi bikurikira:

Frères et sœurs dans le Christ, Shalom !

Frères et sœurs dans le Christ, Shalom !

C'est la fête de l'Esprit Saint même si on est malade et même si on a des soucis, si on a des problèmes, le fait d'être ici on est automatiquement soulagé parce que l'Esprit qui descend est un Esprit Consolateur.

Le latin dit ceci "Veni Vidi Vici" ce qui veut dire : "Je suis venu, J'ai vu et J'ai vaincu". C'est une triade composée de trois marches. Tous nous naissons et venons dans le monde. Tous nous voyons les œuvres de Dieu. Comme nous avons entendu dans les lectures d'aujourd'hui, nous sommes appelés à vaincre le monde comme Jésus a vaincu le monde. S'il n'avait pas vaincu le monde, il ne saurait pas nous envoyer l'Esprit Saint. Il nous envoie l'Esprit pour commencer l'Eglise et c'est nous l'Eglise. Il y a un proverbe qui dit ceci :

« L'oiseau ne se pose jamais sur un arbre inconnu ». Nous, pour vaincre le monde, nous avons besoin de Dieu. Il nous envoie l'Esprit Saint qui va nous donner la force et la vigueur.

La fête de Pentecôte vient 50 jours après Pâques. Elle tombe neuf jours après l'Ascension. Je vais expliquer ce que cela signifie 50 théologiquement. Les juifs célébraient cette fête de Pentecôte quand ils célébraient la fête de Pâque. Quand vous lisez dans la Bible, vous lisez « Pâque » sans "s" c'est la fête juive. « Pâques » avec "s" c'est la fête chrétienne, notre fête.

Dans l'Ancien Testament, le prophète Elie était assisté par 50 frères.

Moïse reçoit les commandements de Dieu 50 jours après la sortie d'Egypte. C'est 50 jours après que Moïse donne la loi au peuple d'Israël.

Le chiffre « 50 » symbolise l'homme en entier, la totalité de l'homme, le rassemblement des hommes. C'est pourquoi la fête de Pâques rassemble toutes les personnes, que vous soyez grec, belge, espagnol, anglais, elle vous rassemble.

9 jours après l'Ascension, le chiffre neuf signifie la souffrance, le chagrin. Je pense que certains d'entre vous ont passé neuf jours à prier. Les apôtres et la Vierge Marie ont passé neuf jours à prier pour se préparer à recevoir l'Esprit Saint.

Si vous avez suivi, on parle de « Paraclet », c'est à dire Celui qui vient comme Avocat, Défenseur ou Intercesseur. Il prend parti pour nous protéger.

Nous allons réciter dans le Credo en disant ceci : l'Esprit Saint est Dieu, Il reçoit même adoration et même gloire.

Je vais vous donner les grandes missions du Saint Esprit. Aujourd'hui, c'est la fête de l'Esprit qui est descendu sur les apôtres et sur la Vierge Marie dont nous faisons mémoire ici avec les apparitions de la Vierge Marie qui ont eu lieu au Rwanda. Le Saint-Esprit est membre de la Divinité comme je vous l'ai dit. Il reçoit même adoration et même gloire. Il est Un avec Dieu. Le Saint-Esprit témoigne du Père Céleste et de Jésus Christ. L'Esprit ne viendra pas témoigner autre chose que de Dieu et de Jésus Christ. C'est pourquoi dans l'Évangile, Jésus dit : « Moi, Je vais vers le Père et Je vous enverrai l'Esprit Saint. Il vous enseignera tout ce que Moi Je vous ai dit ».

L'Esprit est la source de témoignage personnel et révélation. Vous ne pouvez pas témoigner de votre vie sans l'Esprit Saint parce qu'il faut que l'Esprit Saint vous habite. C'est l'Esprit Saint que nous avons reçu dans le Baptême et dans la Confirmation. L'Esprit nous guide dans nos décisions.

Aujourd'hui, c'est la fête de Pentecôte. Invoquez l'Esprit-Saint si vous voulez prendre une bonne décision. Dans le cas contraire, vous allez prendre la mauvaise décision. L'Esprit-Saint nous protège des dangers physiques et spirituels. Les dangers physiques sont par exemple que Dieu nous a protégés pendant le jour des attentats dans les métros à Bruxelles. Les dangers spirituels, c'est le diable par exemple pendant que nous sommes ici en train de prier, quelqu'un est en train de penser à l'argent qu'il va voler. On appelle l'Esprit-Saint Consolateur car il apaise nos craintes et Il nous pousse souvent à agir et nous aide à dépasser nos craintes. L'Esprit-Saint nous donne l'espoir. L'Esprit qui nous sanctifie - nous vous avons aspergés de l'eau pendant le Kyrie -.

Dieu vous a lavés de vos péchés. L'Esprit sanctifie celui qui se confesse bien. L'Esprit-Saint nous rend bon. L'Esprit-Saint ne peut pas sanctifier celui qui ne se confesse pas bien, parce que la sanctification vous conduit à la vie éternelle. L'Esprit-Saint nous fait respecter nos alliances, nos engagements. Souvent nous les hommes, soit par oubli, soit par négligence, nous ne sommes pas fidèles à nos paroles. Nous pouvons l'avoir promis sans l'avoir accompli. C'est l'Esprit-Saint qui nous donne cette force de pouvoir gérer ces alliances (ex : alliance du mariage, ...). Je sais, l'erreur est humaine. C'est l'Esprit-Saint qui nous donne la force de respecter nos engagements. Si dans la vie on sait qu'un tel ou tel ne respecte pas ses engagements on sera plus méfiant.

Comme c'est aujourd'hui la naissance de l'Église. St Paul nous invite à nous conduire selon l'Esprit-Saint et nous invite à éviter les fruits qui conduisent à la mort. C'est la fête de l'Esprit-Saint. St Paul aux galates chap.5, versets 22-23 dit ceci : «Frères, en vous

laissant conduire par l'Esprit, vous n'êtes plus sujet de la loi. On sait bien à quelles actions mène la chair : débauche, impureté, idolâtrie, sorcellerie, haine, querelle, jalousie, colère, envie, division, sectarisme, rivalité, beuverie, gloutonnerie et fraude ». Comme c'est la fête de l'Eglise, la naissance de l'Eglise, tous ces fruits qui mènent à la perdition nous devons les combattre pour que nous puissions porter le feu de l'amour. C'est pourquoi aujourd'hui nous avons porté le rouge qui symbolise le Saint-Esprit, le feu. Le feu détruit tout ce qui est mauvais. Quand vous avez quelque chose de mauvais, vous le mettez au feu. Pendant que le feu détruit, il engendre une nouvelle naissance. Les cendres que nous recueillons du feu sont déjà une source jaillissante pour notre vie. Nous allons demander l'intercession de la Très Sainte Vierge Marie parce que la Vierge Marie était au cénacle en train de prier avec les apôtres. Pour qu'Elle puisse intercéder pour nous, afin que la mission que Dieu a commencé dans le monde et surtout les apparitions qui ont eu lieu au Rwanda puissent être perpétrées. Quand la Vierge Marie vient, Elle donne toujours un message d'espoir. Elle ne parle jamais en son Nom, toujours au Nom de son Fils. Mon Fils dit ceci, Mon Fils dit cela. Le pouvoir que le Christ nous a donné, nous les prêtres à travers cette Eucharistie avec votre prière et que la Vierge Marie par son intercession puisse porter du fruit et que Dieu vous bénisse.

Amen.

Misa ihumuje, abakristu bakomeje igitaramo bategereje kwakira Umubyeyi Bikira Mariya. Nyuma yaho reka tubabwire uko byagenze :

Hari saa tanu na mirongo itanu, Misa imaze akanya ihumuje, Valentine aturuka aho yari ari mu baririmbyi, apfukama ibumoso bw' Alitali, imbere y' ishusho ya Bikira Mariya, afashe ishapule mu ntoki, akora ikimenyetso cy' Umusaraba, akomeza gupfukama asenga. Hashize umwanya urenga nk'iminota itanu, Valentine asa n'uwishishe mu kanya katangana n'isegonda, nuko akomeza isengesho rye bucece. Saa sita, yabayeye nk'uwishishe ariko noneho bijyanye no kubumbura ibiganza kandi areba hejuru, nkuko abigenza iyo Bikiya Mariya amubonekeye. Ahindukira i bumoso bwe ariko apfukamye kandi ahanze amaso uwo aruzi. Atangira kwigira imbere ariko apfukamye, ageze aho atagitaye umugongo abari aho, ntiyongera kwigira imbere, aririmba indirimbo ikurikira:

Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana, Bikira Mariya ...

**VAL.:** *Avuye aho yari abagaze mu baririmbyi. Araza apfukama imbere y'Altari aho Ishusho ya Yezu n'ya Bikira Mariya ziteguwe. Hashize akanya akora ikimenyetso cy'Umusaraba. Nyuma yaho aribinda asa nuvikanze insburu ebyiri. Araririmbye.*

R. Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana,



Bikira Mariya, ujye uduhakirwa,

Bikira Mariya ujye uduhakirwa. 2x

Karame Maman! Ndi hano ngo nkore ugushaka kwawe.

**B.M.:** Bana banjye, ndabaramukije. *Amashyi menshi*. Umunsi mwiza. *Amashyi menshi*.

**VAL.:** Umunsi mwiza, Maman. None se ko ubibwiye ab'iwanyu gusa !

Uwakujujyana iwacu ngo urebe abantu bari baje kukwakira, na bo ngo ubabwire, bari kwishima cyane. Murakoze, Mama.

**B.M.:** Namwe bari hirya no hino kuri uyu munsi, namwe murwaye mwabuze uko muza, namwe mwabishakaga mukabura uburyo, namwe mfungwa zibyifuzza zikabura uburyo. Mwese mbahaye umugisha. *Abakristu bakomye mu mashyi*.

**VAL.:** *Araririmbye*.

R. Niba Uhoraho ari amahoro yawe,  
Niba Uhoraho ari ibyishimo byawe,  
Komeza inzira watangiye wicika intege,  
Wahisemo neza Nyagasani muri kumwe.

1. Mu buzima bwanjye bwose nziringira Imana,  
Nimbona ngiye gutsindwa nzambaza Imana,  
Ni Yo Nyirubuvunyi ni Yo intanga imbaraga,  
Ubwo namenye ko inkunda,  
Nzajya nyihungiraho ni Yo mukiro.  
R.

**B.M.:** Bana banjye, mwakoze kuza. *Amashyi menshi*.

Mbashimiye ubwitange, ubwitonzi, ukwemera n'ubushake.

Namwe kandi mushidikanya, muhumure Ndi kumwe namwe.

Mbashimiye Igitambo cya Misa twafatanyije. Cyari cyiza.

**VAL:** Hi ...hi...

**B.M.:** Bana banjye, nubwo atari benshi bashakaga kuza, (*Valentine asubiyemo asa n'ukosora*), Hari benshi bashakaga kuza batabishoboye, Ndi kumwe na bo.

Ariko ntabwo nareka kubabwira ko nishimye, kubera ko munshimishije.

Murakagira abababyara. *Amashyi menshi*.

**VAL.:** Murakoze, Mama.

### **Bikira Mariya :**

Namwe mubabaye, muruhure imitima, muyishyitse mu gitereko, mwumve ko turi kumwe.

Nababwiye ko ntigera ntandukana n'Umwana Wanjye.

Biranshimisha namwe iyo muzanye n'abana banyu.

Namwe mutabafite mwabasize mu rugo,

Abatabafite hano badashobora no kubabona,

Muhumure, umugisha ugera hose, kandi mba Ndi kumwe na bo,

Icyo mumbwiye ndacyumva.

Nabatabafite kandi, musabire abavandimwe n'incuti n'ababatumye.

Niyo mpamvu muri kano kanya, Umwana wanjye agiye guha umugisha abana bose, bari hano, abo mwasize mu rugo, abo mudashobora kubona bari impande zose z'isi, abari mu bihugu bitandukanye, kuri iyi saha barikunyakira ndetse n;abari ku isoko, ku gicumbi i KIBEHO.

### **Yezu Kristu:**

*Atanze umugisha.*

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka, Ni Yubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina. 3X

Bana banjye, mbahaye umugisha: kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

### **Valentine:**

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

Murakoze Papa.

Iyo umunyereka gatoya, atari ukumva ijwi gusa.

Hi...

### **Bikira Mariya:**

Bana banjye, uyu muni, nazinduwe no kuza kongera gutaramana namwe.

Ariko mbasaba, mbatuma.

Ndabasaba kugira ngo musenge cyane kuko ibihe turimo bikomeye.

Mumyumve neza simbatera ubwoba.

Ariko nagira ngo musenge cyane, kuko ibihe bigenda bihindagurika.

Abantu bahinduka abandi.

Musenge cyane, kugira ngo urukundo rwiyongere mu bantu.

Musenge kuko kenshi twumva ko dusenga cyane, ariko ndabasaba:

Isengesho rivuye ku mutima.

Isengesho rikubiye mu bikorwa.

Isengesho rikunda mugenzi wawe.

Isengesho ridaca imanza.

Isengesho rikunda nta nyungu.

Ndabasaba gufata ishapule yanyu Rozari ho intwari yanyu ikomeye.

Kuko iyo muyivuze mubikuye ku mutima, mba Ndi kumwe namwe.

**Valentine:** Hi...

**Bikira Mariya :**

Muramenye ntimuzacike intege mucuwe intege n'abatazifite.  
Ahubwo mujye mumpamagara muvuge muti: „Mubyeyi, twongerere imbaraga“.  
Ndabasaba gufashanya mugasarurira umugozi umwe.  
Ndabasaba gusabira kiliziya n'abayobozi bayo.  
Kera, i KIBEHO, muri mirongo inane na gatandatu (1986) no muri mirongo cyenda na kane, (1994) nagiye mbisubiramo mbabwira nti:”Kiliziya izasenywa n'abagombye kuyubaka“.  
N'Umwana wanjye yabivuze incuro nyinshi ati:”Ariko nubwo yasenyuka nzakomeza nyituremo“. Azakomeza ayituremo.  
Mwubake imitima ibe Ingoro y'Imana. Muyubake, muyigire Ingoro y'urukundo.  
Musabire abihaye Imana kwiyongera, ariko biyongera mugukora umurimo bahamagarirwa, atari ukuba ingwizamurongo.  
Musabire abihaye Imana b'ingeri zose kugira ngo bahagurukire kwigisha, kuyobora no kuvugurura no kugira ngo barushaho kwegeranya abakristu, ntagucikamo ibice.  
Babibe urukundo Rw'Umwana wanjye, kuko Umwana wanjye yababwiye ko mutazi umunsi n'igihe.  
Bana banjye, nababwiye ko intambara ikomeye iri mu mitima yanyu.  
Ntihagire ikibakanga.  
Muvugishe ukuri, mugendere mu kuri.  
Muzatotezwa kandi byaratangiye, ariko ntimuzacike intege, turi kumwe.  
Ndabasabye, bana banjye, kuri uyu munsi, ntimuzabe mpemuke, ndamuke.  
Mbibabwiriye yuko hari abatinya kuvuga ukuri, ngo batamenya ko ari umukristu asenga, abandi bantu bakamwanga.  
Ese mwazagira ingorane mugasanga uwo muhinda, ari we w'ukuri, uwo muhinda ari we wagombaga kubakiza no kubatabara.  
Ntimugasenge ibice.  
Mujye musenga ibyuzuye, byujujwe n'urukundo.  
Uwo muzahura asebya mugenzi we, hanyuma mugahurira ku Meza Matagatifu, muzamwibutse kwigorora kuko sinkorera mu nzangano.  
Bana banjye, ndabashakamo bake beza.  
Bamwe tuzajya tugirana inama nk'Umubyeyi n'abana.  
Bana banjye, mwihangayika.  
Ahubwo musenge, musabe, muvuge ikiri ku mutima wanyu. Mukibwire incuti itabavamo, aho kukibwira ababakoza isoni.

**Valentine:** Hi...Karame. Hi...

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, babyeyi, abafite abana batabatije, ndabasabye ngo ntimukabuze abana kubatizwa kuko iyo umwana abatijwe, nta kibi gishobora kumugeraho.

Shitani ntishobora kumugiraho ingufu, kuko aba yujujwe Roho Mutagatifu, yasizwe amavuta.

Hanze hari imyuka mibi, hanze hari byinshi byanduza. Umwana wawe ntukamwime urwo rukundo niba koko umukunda, murinde ikibi.

Ariko atari kw'izina, bikore bivuye ku mutima.

**Valentine:** Hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Namwe bakuru mutabatije, mushakashake, kugira ngo mubohoke.

Namwe mwabatijwe, musubire mu masakramentu yanyu, muyakoreshe uko agomba gukoreshwa, mu rukundo, kugira ngo mushobore gutsinda umwanzi sekibi. Shitani yigabije imbaga y'abantu akoresheje abantu.

**Valentine:** *Araririmbye:*

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo,

Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu,

Murakomeze mutwaze ntabwo nzabahana,

Nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya,

Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha,

Nzamukubita ijanja mwimure mureba,

Muhumure naratsinze nimika urukundo,

Ntihagire ikibakanga we!

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, mwese muri hano, namwe mutari hano ariko muri kumwe Nanjye muri aka kanya, harimo abarwayi benshi, abarwaye indwara z'umubiri, abarwaye indwara za roho, abarwaye indwara zidakira. Nta ndwara idakira iyo usabye gukira wizeye kandi ukigomwa.

Mujye mushaka Penetensiya kenshi mwigorore, mubabarirwe.

Ntimukagwe uyu muni ngo mucike intege, mwumve yuko mutababariwe.

Gusubirayo Roho Mutagatifu azagera aho agukoreho burundu ntuzongere kugwa.

Ni yo mpamvu kuri uyu muni, bana banjye, mwese muteraniye hano, namwe muri mu bihugu byose bitandukanye, namwe mutashoboye kuza, mufunzwe, murwaye, muri mu bitaro, mutabonye uburyo, namwe barwayi mwarwariye mu mayira, inzira y'Imana mujye mumenya ko ifunganye, ariko ugushaka kw'Imana kugahebuza byose.

Muri aka kanya murambure ibiganza byanyu mwese, mbasabire Umwana Wanjye kubakiza, kubavura.

Mwebwe mwandujwe n'abantu kubera amashyari, bakabatera uburwayi bwa roho mbi, mwebwe mwarozwe, mwebwe murwaye indwara zinyuranye kubera amashyari ndetse n'uburwayi butabaturutseho, buturutse ku bandi, ndetse namwe mwavukanye ubwo burwayi, namwe mufite uburwayi bwo kutabyara, mugashaka abana ntimubabone cyangwa se mwababona bakabaca mu myanya y'intoki,

namwe mwatwise inda zikavamo mutabishaka, mukagira icyo gisebe, namwe mwabyaye abana ntibashobore kubaho, mwese muri kano kanya, murambure ibiganza Umwana Wanjye abavure, abahe umugisha.

Namwe mwumva ko muri abanyabyaha ko mutababarirwa, muhumure Umwana Wanjye arabaha umugisha abababarire, ariko ntibizababuze kujya no mu ntebe ya Penetensiya.

**Valentine:** Hi. *Atera amasengesho akurikira:*

Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

**Yezu Kristu:**

Bana banjye, mbavuje Ikiganza cyanjye Gitagatifu, Ikiganza cyatikuwe, Ikiganza cyashimangiye Umusumari, Ikiganza Cy'agakiza, kugira ngo uyu muni mubabarirwe, mukizwe nkuko Mama abinsabye.

*Abakristu bakoma amashyi menshi.*

**Bikira Mariya:**

Namwe mwatumye, namwe batumye, aho muri hose, mbahaye umugisha.

Nawe mwana wanjye, aho uri hose, nguhaye umugisha.

Nawe, n'uriya na bariya, mwese mbahaye umugisha.

Mw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

**Valentine :** Murakoze Maman, nanjye ndishimye!

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, nta na rimwe nzabatererana nimunyiyambaza. Igihe cyose muzaba mufite ibibazo, igihe cyose muzaba munaniwe, mujye mumpamagara nzajya nza mbaruhure.

Mujye mubikora mubivanye ku mutima kandi mwizeye.

Ni yo mpamvu kuri cumi n'icyenda, (19-3-2016) Umwana Wanjye, hari benshi yarinze impanuka. Hari benshi yabwiye, arabereka. Ndabashimira ko uyu muni mwagarutse.

Ni muzajya mwumva mufite ikibazo, mujye mumpamagara nzajya nitaba, ariko mubikore bivuye ku mutima.

Musabire ibihugu bibacumbikiye. Musabe kugira ngo bikoreshe ukuri mu butabera, kuyobora imbaga nyamwinshi z'abantu kuko bitoroshye.

Musabe kugira ngo ukuri nyako kutari igice, kuzagaragare.

Musabe kugira ngo aho Naje i KIBEHO, hazakorwe igikorwa nifuje, atari igice, cyangwa se icyo abantu bifuje ku giti cyabo.

Musabire n'ababashinzwe kugira ngo bayoborwe na Roho w'Imana, n'urukundo, kandi bigishe urukundo, no kugira ngo tuzahurire mwese uko muri hano n'abatari hano, aho Naje ubwa mbere, maze twongere tunganire.

*Abakristu bakoma amashyi menshi.*

Munyumve neza, nta mwaka mvuze, nta kwezi, nta gihe.  
Ndababwiye nti :”Musenge. Isengesho rikora byose, rivanaho ibibi byose,  
isengesho rurubaka kandi rikayobora ».  
Musabe kugira ngo abantu bacibwamo ibice, baca abandi mo ibice kandi bose  
bavuga ko basenga, kugira ngo uyu muni Roho Mutagatifu abamanukireho, tujye  
duhura twese dusarurire umugozi umwe, kugira ngo nitujya no kwakira  
Umubyeyi, tuzasarurire umugozi umwe.

**Valentine :** Hi...hi...

*Aririmbye.*

Nazindutse kare cyane,  
Nazindutse kare cyane ngana Afurika,  
Nahasanze abatoni banjye.  
Narabahamaye ndabatuma,  
Barantumikira, barantumikira.  
Nahasanze abatoni,  
Narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise. ??? barantumikira  
Mfura zanjye, bana banjye, ndabakunda.

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, nshimishijwe nuko nazindutse nje mbasanga, namwe mujye  
muzinduka mugire ababakira.

**Valentine :** Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, ndabasaba kujya mushengerera Umwana wanjye kenshi, uko  
mubonye umwanya, n’abatabona kiliziya zifunguye, bajye bamushengerera mu  
mutima wabo.  
Ndabasaba guhazwa kenshi kuko iyo uhagijwe uba wuzuye.  
Nta nubwo umwanzi abona aho aguca, niyo yaza nta cyo yagutwara.

**Valentine :** Hi...

**Bikira Mariya :**

Ndabasaba kujya muhesha agaciro Umwana wanjye.  
Bana banjye, akenshi iyo mufite abana banyu, cyangwa namwe iyo muvuye  
hanze, mugiyeye kurya cyangwa mu kanywa, mubanza kureba intoki zanyu, ikiganza  
cyanyu.  
Ariko icyo mwihutira cya mbere ni ugukaraba, bitewe n’abo mwasuhije n’iby  
mwakoze, kugira ngo mutandura mukanduza n’abana banyu.  
Nagira ngo mbabwire ko icyo kintu, kirambabaza kuko mwanga kwanduza abana  
banyu, mukanduza Umwana wanjye.

Ese, hari umubyeyi wakwishimira ko umwana we bamwanduza mu kiganza cyanduye?  
Cyangwa se bamuha mu kiganza gisukuye!  
Nyabuna ndabasabye mujye muhazwa mwisukuye.  
Uko udashobora kugaburira umwana wawe n'intoki zidakarabye, n'Uwanjye ujye umwubaha, ndabasabye.

**Valentine:**

None se Mama twabigenza gute?

Hi...

Nuko kenshi, urabizi, akenshi nanjye bimbaho, n'abandi bibabaho, n'undi wese bimubaho. Hari ubwo ushobora kujya guhazwa, utatega ikiganza ntibaguhaze kandi uba wavuye mu rugo usonzeye guhazwa.

**Bikira mariya :**

Niba bitakurimo ujye ubwira Yezu ngo: "Mpaza mu mutima."

Ntukabikore kubera gutinya amaso ya rubanda no kugira ngo bataguseka.

Niba ushaka kubaha, jya wubaha, utazitwaza ngo ni ukubera abandi, kandi nawe ubwawe ntaruhare wabigizemo. Munyumve neza.

**Valentine: Hi...**

*Aririmbye:*

Nzashimira Imana nzayisingiza,

Mbwire bese ibyiza yankoreye,

Nzayibyinira (sinzi niba ariko yaririmbye kuko ubundi bavuga nzayibyinira nteze amaboko nsohoze ubutumwa yampaye) neza nsohoze ubutumwa yampaye.

**Bikira Mariya:**

Ndabasabye kuvuga Ijambo ry'Imana, mukamamaza Ijambo ry'Imana, mugasoma Igitabo Gitagatifu, mugakuraho (cg mugakuramo) uko wubaha Imana.

Ndabasaba gusubira mu butumwa nabahaye kw'isi yose, muzajya mukuramo byinshi mwibagiwe, byinshi bitujujwe.

**Valentine: Hi...**

**Bikira Mariya:**

Uyu muni koko nabwo nazanywe no kugira ngo mbasabe kuvugisha ukuri:

Ku byo mwabonye,

Ku byo mwumvise,

Ku byo mweretswe,

n'ibyongwe mwabonye n'amaso yanyu.

Ku burwayi mwakijijwe, ariko mukagira isoni zo kuvuga aho mwakirijwe.

Ereka abandi agakiza kawe. Umwereke aho ukura ifunguro rya buri muni, ko ari mw'ishapule no mw'isengesho utura Imana.

Nunananirwa, nyabuna ndagusabye, ujye uvuga ijamba rimwe gusa, nzajya mbona ko unaniwe, maze nze ngufashe.

Mwigishe abana banyu gusenga, mwigishe abana banyu gukundana, ntimukababazwe mwese ngo muvuge ngo: « ntako ntagize! ».

Ntimugacika intege.

Jya ukomeza, kuko hariho igihe ushobora gucika intege, ugacika intege, ahubwo ibyo wasabye byari bigiye kugera, noneho ukaba ubiciyemo kabiri.

**Valentine:** Hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Muhumure namwe mubabajwe n'abana banyu. Ndikubabona, ni mubature, mubasengere mubagireho igitambo, mubereke Imana, mubasabire Misa kugira ngo bakire uburwayi.

Namwe mwambwiye ko munkunda, namwe mwambwiye ko munsuhuza, namwe mwanandiye mumbwira ibibazo byanyu, mubisubiremo Ndi hano, ndabumva.

Namwe mubabajwe n'ingo zanyu, nimubihereze kandi mubyakire.

Kuri uyu muni Naje nshaka kugira ngo mbasabe, ejo mutaziruka kubibaroha.

Nababwiye ko hazaza ibitangaza, abavura mw'Izina ryanjye, n'abahanura binyoma.

Nimutazasenga ngo musabe ubushishozi, ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo. Bizayoyoka kandi mutakigarutse mu mwanya mwari mugezemo.

Nyabuna!

**Valentine:** Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya:**

Namwe bavuye kure, namwe mwaturutse hafi, ntihagire icyo mutahana kibababaje ku mutima.

Namwe bana mubabajwe n'amashuri yanyu, abayabuze, abarangije, abashaka kurangiza, abafite ibibazo binyuranye, ntihagire ubitahana kuko uyu muni Naje kubaruhura.

Namwe mufite ibibazo by'akazi, mufite ibibazo ku kazi, mujye musaba mwizeye, kuko iyo umuntu atizeye nta cyo abona kuko aba atasabye yizeye koko.

Nongeye kubasubiriramo, bana banjye, imyihereho ni ingenzi kandi irafasha. Iyo ugiye gusenga, ukihererana n'Imana wasize ibyawe inyuma, nta kigutega, urasenga, ukumva uraruhutse. Urivuzaga ugakira. Uwo muti koko ukumva ko uwunyoye.

Nongeye kubabwira ko imyihereho mugomba kuyikora kenshi.

Musenge igihe mugifite uwo nabahaye wo kubafasha, kuko hari ababyifuza bakabibura,

mutazatwarwa umugisha n'ab'ahandi.



**Valentine:** Hi...hi...

**Bikira Mariya:** Iwanyu muravuga ngo: « Akabuze ubuguzi barakisubiza ».

**Valentine:** Ni ukuvuga iki?

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, ndabashimira kuko hari abibuka gushimira. Iyo ushimiye nuko uba ushima icyo wabonye, jya ukivuga.  
Iyo usaba kandi nabwo, n'uko uba ubuze ikintu ugikeneye. Jya ugisabana umutima waguye, witeguye, urahabwa.

**Valentine :** Hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Mbahaye ubudacogora, ntimugacogore mw'isengesho.  
Ntimugacogore mu murimo w'Imana.  
Mbahaye ubutabera kugira ngo mujye mukoresha ukuri, muvugishe ukuri.

**Bikira Mariya :** Hi...

**Bikira Mariya :** Mbahaye n'ubusabane ku Mana.

**Valentine :** Hi...

**Bikira Mariya :** Bana banjye, ndabasaba kugira ngo mwe muba mwazindutse ntimukazindutse n'ubusa, n'abo muhuye bajye babasomamo ukuri, babasomemo ibyo bo badafite.  
Kuko nta bwo wajya gufasha mugenzi wawe hirya, nawe ubwawe, utifashije.  
Nibazabaca n'intege mujye mukomeza. Iyo uzi ko uri mu kuri, igihe uzi ko uwo ubwira akumva, ntugacike intege.

**Valentine :** Hi...

**Bikira Mariya :**

Ndabasabye igihe muhuriye hamwe, mujye muvuga kimwe, mucumvikaneho, ntihakagire utaha ngo atandukane n'undi ababaye.  
Ntimugaterane amagambo kandi uwo mukorera ari umwe.

**Valentine:** Hi...hi...hi... Ndabyemeye.

**Bikira Mariya:**

Muri iki gihe habayemo byinshi bibabajye ku bantu bose, abasenga n'abadasenga.  
Ariko mwe mugira amahirwe kuko mwabonye ubababarira mu kigwi.  
Muri kino gihe cyose amaze aryanye atabyuka ni ukubera mwebwe, bariya, uriya na bariya. Yahongereraga abandi bababara, abandi bababazwa, bazira akarengane.



Muhumure muragera mu rugo amahoro kandi musange amahoro, kandi musange amahoro.

**Valentine :** Hi...hi...hi...

*Amashyi menshi.*

Ugiye kunyumvisha ububabare uriya afite? Inde?

Hi...hi...

Ndabyemeye.

Hi...

Ndabyemeye.

**Bikira Mariya :**

Ubushize neretse igikoresho umurongo w'abantu benshi bamubabaza, bazamubabaza, azahura na bo, ariko kubera ububabare yagize muri kino gihe, umurongo wagiye ugabanuka.

Namwe nimupfukame, kugira ngo be kwiyongera.

**Valentine:** Hi...

*Atera amasengesho akurikira:*

Ndakuramutsa Mariya, wuzuye inema, uhorana n'Imana, wahebuje ababyeyi bose umugisha, na Yezu, Umwana wabyaye arasingizwa, Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha, kuri ubu n'iteka ryose. Amina. 2x cg yavuze kuri ubu n'igihe tuzapfira?

Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka, ni Yubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina. 2X

**Bikira Mariya:**

Murakoze bana banjye.

Bana banjye, muri kano kanya mupfukamye havuyeho batatu.

**Valentine :** Hi...

*Amashyi menshi.*

Hi...

Ma, niba hari icyo nakora icyo ari cyo cyose kugira ngo na bariya, n'uriya, bahinduke,

ndabyemeye.

Hi...

Murakoze.

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, mukomeze guhagurukira za Ndakuramutsa Mariya nabasabye ariko, ntizisimbura Rozari.

Ni izo uvuga uzirikana, unsaba wowe icyo ushaka kikuri ku mutima.

Ukazivuga ubikuye ku mutima, udahuzagurika.

Ndabasaba kandi ngo mwe musenga, mujye mwigisha abandi ko nta muni, nta tariki itera umwaku kuko yose ni meza.

Kuko abenshi bagira ubwoba ndetse bakishyiramo itariki ya cumi na gatatu.

Mbibabwiye kubera ko harimo benshi n'abana hano babibwirwa n'abandi, cyangwa bakabyumva n'abakuru bakabivuga. Iyo bihuye no kuwa gatanu ngo n'ibindi bindi!

Nagira ngo mbahishurire ibanga:

Itariki cumi n'eshatu ni umunsi nahisemo nkunda.

Ku muni wa gatanu wa buri muni, wa buri gihe, wa buri cyumweru imyaka yose, ni Umunsi Umwana wanjye yababayeho. Waba mubi ute!

Ahubwo ku batabizi niho ibyiza byose biba bihuriranye.

Iyo usabye ikintu ndaguha kuko uba usabye ugikuye ku mutima.

Mujye musobanurira abana banyu, kuko namwe mugira ikibazo cyo kubasobanurira.

Ibyo ni ibintu abantu bishyiramo cyane cyane ba bandi batemera.

Kuko uwo muni nahisemo kuza i Fatima.

Ni umunsi nahisemo, ni umunsi nkunda.

Hahirwa uwo muni uwibuka agapfukama, iyo ansabye ndamuha.

Ndabasabye rero mujye mubibwira abana banyu ko ibyo bintu ko ari iby'abantu batemera Imana.

**Valentine :** Hi...hi...

Murakoze.

Hi...

**Bikira Mariya :**

Bana banjye, mbashimiye inkunga yanyu mwateye abana banjye, umwana wanjye, Nanjye ubwanjye.

Kuko iyo mubikoreye abanjye, Ni Jye muba mubikoreye, mukabatera inkunga, twese tukaba dufite aho twicara, tukaba dufite aho tuvugira. Murakagira abababyara, kandi muzongererwe.

*Amashyi menshi.*

**Valentine :**

Hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Ntihazagire umpimbira kuko ni byo koko. Ni Jye wahahisemo, mpazana igikoresho cyanjye, na we arabazana.

Igihe nabwo nzamubwira ikindi, nta wundi nzacaho, ni we.  
Undi uzababwira atari Jye wamutumye, muzabanze musobanuze.

**Valentine :**

Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Muhumure nzabafasha, nta na rimwe nzabaterera.

*Amashyi menshi.*

**Valentine :**

Hi...

Urakoze, Maman.

Mudushimirire Papa, nubwo tutamubonye.

Kandi ndabashimira ko mwampaye imbaraga.

Hi...hi...

**Bikira Mariya :**

Mbahaye akanya, ngo bya bindi mwanditse, n'ibyo mwibagiwe mutanditse, muri kano kanya mubimbwire, mbateze amatwi, mumbwire icyo mushaka, munsabe.

Hari abanditse ko bankunda, hari abanditse ko banshimira, hari abanditse bansuhuza, hari abanditse ko barwaye, byinshi binyuranye.

Nanjye, ndabakunda kandi ndabasuhuza.

Ni yo mpamvu nabasabiye kuvurwa kugira ngo mudataha uko mwaje, n'uwibagiwe, yandike.

**Valentine:**

*Aririmbye.*

Aya masezerano yanjye nawe Mubyeyi  
Nyashize imbere Yawe,  
Ngo uyuzuze Mubyeyi,  
Ntacyo nishoboreye Mubyeyi nzagutumikira.

R. Mariya mwiza, Mubyeyi wacu, Mubyeyi wacu,  
Nyina wa Jambo, Nyina wa Jambo,  
Ndaje we, ndaje imbere yawe,  
Ngo umpe ubutumwa,  
Mubyeyi nzagutumikira.

*Aririmbye indi:*

R. Ibisiza n'imisozi, bitaratangira kuremwa,  
Imana yari igufite mu bitekerezo byayo.

Mucyo uturuka kwa Yowakimu,  
Kaze rebero ry'abeza,  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi,  
Uruta abamikazi bose.

R.

Nzagutaka by'ukuri, nzagutaka ibirezi,  
Bikwiye Nyina w'Imana,  
Rugori rwiza rw'ababyeyi. R.

**Valentine:**

Ariko Maman uzi kubyina neza.

Simbi rirushya izuba kwaka,  
Wowe weguriwe iby'ijuru,  
Abo muni bakwambaza,  
Bavuga ngo: Kundwa Mariya. R.

Mucyo uturuka kwa Yowakimu,  
Kaze rebero ry'abeza,  
Gikomangoma cyo kwa Dawudi,  
Uruta abamikazi bose. R.

Reka ndate Imakulata, Utasamanywe icyaha,  
Mwamikazi w'Afurika,  
Rugori rwera rw'ababyeyi. R.

Simbi rirusha izuba kwaka,  
Wowe weguriwe iby'ijuru,  
Abo muni bakwambaza,  
Bavuga ngo: Kundwa Mariya. R.

**Valentine:**

Urakoze, Maman.  
Uzi kubyina neza!  
Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya:**

Murakoze bana banjye.

**Valentine:**

Hi...  
Ese, Maman wazagize rimwe ukabiyereka gatoya.  
Mbega ukuntu bakwishima!

Hi...hi...

Hari ababimbwira ariko hi...hi... hari n'abana bantuma ngo nkubwire ngo baragukunda. Ngo baragusuhuza, ngo ariko uzabiyereke gatoya.

Ngashaka kubabwira ko bitoroshye.

Hi...

Oya, ntacyo mvuga!

Hi...

Nzababwira yuko no mu mutima muba muri kumwe. Hahirwa ukwifuza.

No mu mutima muba muri kumwe. Hahirwa ukwifuza.

Abana babimbaza nzababwira n'abakuru.

Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, byabisabisho mwavuze mu Misa, muri cya Gitambo cy'Ukaristiya, Umwana wanjye yari ahari, byose yabyakiriye kandi yabyumvise.

**Valentine:**

Hi...

**Bikira Mariya:**

Naje ari saha sita, n'ubundi mba mpari, nkabana namwe, tugafatanya kugira ngo ntabicira umugambi, kandi mutishe Uwanjye.

**Valentine:**

Hi...

Murakoze.

Hi...hi...

Murakoze.

Hi...hi...

**GUTANGA UMUGISHA.**

**Valentine:**

1. Areba imbere ye.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana, ukwihanganirana, ukwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, no kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu bose.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

2. Ahindukiye ibumoso bwe.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi no kwakira abaje

bansanga no guhongerera ibyaha by'abisi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kandi kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu bose.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

3. Ahindukiye iburyo bwe.

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, gufasha abandi, kumva ko ngomba kumva buri muntu wese, kumva ko ngomba kwicisha bugufi, kwakira ibyo mpuye na byo byose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

Hi...hi...hi...

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, nta gishya, ariko urebye usubiye inyuma, buri gihe bihora ari bishya, kuko iyo usubiye mu kintu, ni bwo ucyumva, ni naho ugisobanukirwa. Abavuga ko nta gishya baribeshya, kuko Igitabo Gitagatifu ntigihinduka, Nanjye simpinduka.

**Valentine:**

Hi...hi...

4. Umugisha umpaye gutanga, wo guha abahuriye hamwe, mu bindi bihugu bitandukanye bakishyira hamwe, abari mu Rwanda, mu mpande zose z'isi, mu bihugu byose, impunzi aho ziri hose, imfungwa aho ziri hose, abarwaye aho bari hose, na ba bandi bafunzwe kuri roho batava ku izima, na ba bandi bagize intege nkeya kubera amagambo y'abandi, namwe mbahaye umugisha. Umugisha kuri uyu munsu mukuru kugira ngo Roho Mutagatifu, Roho wa Ntama w'Imana abamanukiremo, maze abahanagureho ibyaha, abahanaguremo uburwayi, maze Roho Mutagatifu abavugurure.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*

Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Hi...

5. Mpaye umugisha, umugisha w'imfubyi n'abapfakazi, umugisha w'abatagira kirengera, umugisha w'ababa bonyine, kugira ngo Roho wa Nyagasani abamanukireho, abuzuze imbaraga kandi abane namwe.

*Akoze ikimenyetso cy'Umusaraba.*



6. Umugisha w'umusaseridoti wadufashije gusoma Misa, akadufasha kwiyambaza Roho Mutagatifu, abamukuriye n'abamwungirije, abakuru ba Kiliziya, aho bari hose Roho Mutagatifu abamanukiremo, maze bakoreshwe na Roho We, mukuvugurura intama zabo zazimiye.

Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

*Abaye umugisha amazi aho abayazanye kuyabesha umugisha bayateretse inyuma, , amashusho n'amashapule biri mu mavalisi.*

Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, kandi umugisha wawe uze utuvugurure, utumare inzara, utumare inyota, ubane natwe, kandi ujye uduha byose bibe ibiguhesha n'icyubahiro n'ikuzo, umpe kuwutangana n'icyubahiro cya Nyagasani. Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

### **Bikira Mariya:**

Mpaye umugisha ibyo mwambaye byose.

Amashapule, imisaraba n'imidari, iri kuri buri muntu wese, ihawe umugisha.

Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

### **Valentine:**

*Afashe akajerikani asuka amazi kabiri mu ntoki, arakaraba.*

*Ateye amazi y'umugisha amashapule, amashusho kimwe n'ibiri mu mavalisi yose.*

## **UMUGISHA N'UBUTUMWA BWIHARIYE.**

*Valentine agiye inyuma aho abakristu bateretse ibyo bazanye gubesha umugisha, afashe icupa rya litiro n'igice ririmo amazi, akarabye intoki kabiri, ateye amazi y'umugisha ibiri aho, utujerikani n'amacupa y'amazi, amashapule, imidari, amashusho, ibitabo, amasakoshi n'amavalisi arimo ibi byose tuvuzze.*

*Ateye amazi y'umugisha abamukurikiye bose: abafata amajwi n'abafotora.*

*Akomeje agana aho abasemura mu zindi ndimi bari.*

### **Côme Rwabuzisoni:**

Amuteye amazi y'umugisha kabiri.

Amwongereye amazi y'umugisha mu gacupa ke.

**Immaculée Ilibagiza** waje aturutse muri Amerika:

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi incuro ebyiri.

Aca bugufi arapfukama amufata mu kiganza cyarimo ishapule aragikomeza hanyuma aravuga ati:

Mwana wanjye, cya gihe ububabare wahuye na bwo, kwari ukugira ngo ufashe umwana wanjye. Warababaye kandi uri kunababara, kandi ngushimiye ubutwari kuba wazanye imbaga nyamwinshi, uvuye mu bitaro uza unsanga. Ndi Umubyeyi, humura mwana wanjye.

Yongeye kumunyweshya ku rushyi amazi y'umugisha bwa kabiri incuro ebyiri na none, amukoreraho ikimenyetso cy'Umusaraba ku ruhanga.

Amwongereye amazi y'umugisha mu gacupa ke.

**Abana bato** babiri:

Abanywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Oswald Nsengiyumva:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi, amurambitse ikiganza ku rutugu rw'iburyo.

**Umwana muto:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Umukobwa w'inkumi:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi

**Musaza we:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi, amukoreraho n'ikimenyetso cy'umusaraba ku ruhanga.

**Abana bato benshi** bari iruhande rw'uyu mukobwa.

Abateye amazi y'umugisha.

**Alexandre:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Elisha Wilfred:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Umwana muto:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Antoine Ibambasi:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

*Valentine agiye iburyo bw'Altari :*

**Abana ba Angèle** bose:

Abahaye amazi y'umugisha ku rushyi.

**Assumpta Mujiyawamariya:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Noëla Rutsinda:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

Umukobwa witwa **Yanka:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Pontien (umugabo wa Odette):**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Odette** (Saint Guidon):

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Françoise Lebihanic:**

Amwongereye amazi y'umugisha mu gacupa ke.

**Juspin Rugenyeka:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi incuro ebyiri.

**Milisa:**

Amukuye Chewingum mu kanwa ayita muri bac à fleurs yari hafi aho, hanyuma amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Nina** (Gabon):

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi, kandi amwuhagira aho arwaye.

**Odette:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Agnès Mukabagenzi :**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

Amwuhagiye amaboko ye yombi afite ibipfuko.

**Umugabo wa Thérèse:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Immaculée Mukayakare:**

Amwongereye amazi y'umugisha mu gacupa ke.

**Safi** muramukazi wa Immaculée:

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Umudamu wo muri Amerika:**

Amwongereye amazi y’umugisha mu gacupa ke, ariko kuko yari acigatiye ibintu byinshi byose yabanje kubifata abirambika irunde, arongerera na none afata akandi gacupa ka kabiri akamwongeremo amazi y’umugisha.

**Abanyamerika benshi:**

Valentine yabahaye amazi y’umugisha abanyamerika abigenza atya : yafataga amacupa y’amazi yabo, noneho agafungura buri cupa akamwongeremo amazi y’umugisha hanyuma akamunywesha, rya cupa akaripfundikira vuba kandi neza akarisubiza nyiraryo.

Hari benshi yagiye agaruka akabongeza amazi y’umugisha incuro ya kabiri ndetse n’iya gatatu.

**Bibiane Ntengayire:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Purchérie Nyinawase:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Déogratias Mbarushimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Richard Foltin:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi, hanyuma amurambika ikiganza mu gituza aramubwira ati: “Mwana wanjye humura uburwayi bwawe ndabuzi, wigira ubwoba ndi kumwe nawe.

**Umwana muto** ucigatiwe na nyina afite tétine mu kanwa ayimukuye mu kanwa yitonze, asutse amazi ku gafuniko k’icupa hanyuma aramunywesha.

**Françoise Lebihanic:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Roseline Munyanganizi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Zitoni Gaëtan:**

Amumwesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Philomène Mukanyarwaya:**

Amusukiye amazi y’umugisha ku rushyi rwe aranyanywa.

**Thérèse Hitimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi kabiri.

**Hilariya Uwajeneza:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

Amurambitse intoki akanya ku maso ye.

**Godeliève:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Mukankuranga:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Ginette Debos, Paris:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.  
Amurambika ikiganza kw’itako rye ry’ibumoso.

**Cathérine Hategikimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Colette Mukangwije:**

Amusutse amazi y’umugisha mu biganza bye byombi arayanywa.

**Consesa Kamaliza:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Godeliève Kankindi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku icupa.

**Adria Mukangwije:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

*Valentine asubiye inyuma gufata andi mazi.*

**Jean Claude Karambizi :**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Nadia Buhake:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Dativa Mukaneza:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Umudamu w’umuporosokazi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Jean Baptiste Hategekimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi, arongera amusuka andi mazi ku kiganza cy’ibumoso arayanwa.

**Umudamu waturutse i Londres:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Roseline Munyanganizi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Martini:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Noah Bonduelle:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku icupa.

**Elijah Bonduelle:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku icupa.

**Serge Rutsinda:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku icupa.

**Olivier Bonduelle:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Mireille Welber:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Cécile Dagadou:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Immaculée Nyiransabimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Rozaliya:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Rebeca:**

Amukoreye ikimenyetso cyo gutega ibiganza byombi, abisutsemo amazi y’umugisha, arabyitegereje nkutazi icyo agomba gukoresha ayo mazi, abari iruhande rwe baramubwira ngo nayanywe.

**Constance Akiremye:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Safia Hafashimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Jean Baptiste Hafashimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Léandre Nshuti:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi, amufashe ku rutugu, Léandre arunamyeye, ararize.

**Huguette Uwajeneza:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Charles Auguste:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Aline Ingabire:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Léa-Flora Umuhoza:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Innocent Habyarimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi, amusutse andi mazi y’umugisha mu mutwe.

**Agnès Kampundu:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Pascalie Uwimana:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi

**Cléophas Kanyarwanda:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Umukobwa wa Kanyarwanda:**

Amunywesheje amazi y’umugisha.

**Bingiwiki Augustin:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

*Valentine yongeye guba amazi y’umugisha abanyamerika.*

**Antoine Ibambasi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Xaverina:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi, hanyuma amurambika ikiganza mu gituzo.

**Marc SEGERS:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Jean Marie Mparirwa:**

Amunywesheje amazi y'umugisha.

**Jean Claude Gahizi:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Innocnet:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi, hanyuma amurambika ikiganza ku rutugu rw'iburyo.

*Valentine agarutse imbere aravuga ati :*

Indabo zanyu ndazirangije.

Ariko muhinga buri munsu!

Aho mwanyeretse hose naharangije.

*Valentine asubiye inyuma gushaka andi mazi.*

*Afashe icupa ararifunguye, akora ikimenyetso cy'umusaraba, aranyoye.*

*Hanyuma yereka Bikira Mariya ko anyoye duke akoresheje intoki ebyiri.*

*Yikirije n'umutwe arongeye aranyoye.*

Françoise Bonduelle :

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Pacifique Uwimana :**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

*Valentine yongeye guba abanyamerika amazi y'umugisha.*

**Gérardine Ayirwanda:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

**Pierra Ayirwanda:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.

*Valentine agarutse mu bice by'imbere.*

**Loïc Bonduelle :**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku icupa.

Françoise Lebihanic :

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi icuro ebyiri.

**René Parfait Munyanganizi:**

Amunywesheje amazi y'umugisha ku rushyi.



**Marlène Ibambasi:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

*Valentine abaye umugisha amashapule n’amashusho Hilaria agurisha.*

**Responsable wa salle:**

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi.

**Roseline Munyanganizi:**

Amunywesheje bwa kabiri amazi y’umugisha ku rushyi.

*Valentine ateye amazi y’umugisha intebe no munsu y’intebe, n’ibintu byose byari muri iyo stock yaq salle , arangije asubira imbere.*

**Valentine:**

Zose nazirangije.

Ariko ni nyinshi wee!

Iwacu aba ari kamwe kamwe.

Naho iwanyu aba ari nyinshi kandi nziza!

Iwacu ziba zarumye. (arasetse)

Ese ntimwagenda mugasukira izisigaye?

Abakozi banyu rero ni abanabwwe ntabwo bazi gukora indabo zanyu.

Ni uko abanyafurika dufite ingufu!

*Valentine asubiye inyuma gufata irindi cupa ry’amazi y’umugisha.*

Umukobwa wa Immaculée Ilibagiza :

Amwongereye amazi mu gacupa ke hanyuma arayamusubiza ngo anywe.

Callixte Nsengimana :

Amunywesheje amazi y’umugisha ku rushyi kabiri.

**Valentine:**

Akazi kanyu karakomeye, abantu baza kubasura mukabakoresha hose!

Murakoze.

Jean Claude Kayihura: x

Amuhaye amazi y’umugisha ku rushyi.

*Valentine anywesheje abasore bose bari abo amazi y’umugisha.*

**Valentine:**

*Agarutse imbere abo yaboze abagaze abonekerwa na Bikira Mariya nuko aravuga ati:*

Akazi kanyu ndakarangije.

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, abatumye mwese nabonye ubutumwa bwanyu.  
N’ibyo mwambwiye nabyumvise.  
N’abari impande zose, bese ibyo bavuze nabyakiriye.  
None rero mfite akazi kenshi, mfite n’abana benshi.

**Valentine:**

Hi...hi...

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, mbifuriye urugendo rwiza.  
Mugere mu rugo amahoro kandi musange amahoro.  
Muzagende amahoro kandi muzasange amahoro.  
Kandi n’iyo umuntu ahuye n’ingorane ntakinube, ahubwo byose aje abitura  
Imana, ayisingize kuko aba afashije Yezu gukiza isi.  
Ntimukinube muri mu rugendo rutagatifu, ahubwo mujye mwishimira  
ibyababayeho kuko niho urugendo rwanyu ruba rwuzuye.  
Bana banjye, murakagira abababyara.

*Amashyi menshi.*

Ndabashimye kandi ndabashimiye.  
Ariko, “Sinzabe baburamwaje ngo namwe mube...., ”Ntimuzabe baburamwaje,  
ngo Nanjye mbe Nyamwisiga ngo nisange”.  
Ibyo mbabwiye ntimukabisige aho nabibabwiriye, n’ibyo mbahaye ntimukabisige  
aho mwabihereye.  
Mujye mubibwira n’abandi, kandi mujye mwiga kwihangana, mwakire igikoresho  
cyanjye.

*Valentine arapfumye noneho atera aya masengesho akurikira asoza ibonekerwa:*

Kw’Izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk’uko bisanzwe iteka  
ni Yubahwe n’ubu n’iteka ryose. Amina.

Dawe uri mu ijuru, Izina ryarwe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose, icyo ushaka  
kijye gikorwa muni nkuko gikorwa mu ijuru, ifunguro ridutunga uriduhe none,  
ntuzaduhore ibyaha byacu, nkuko natwe tutabihora ababitugirira, ntuzaduhare ngo  
dutsindwe n’amoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuzuye inema, uhorana n’Imana, wahebuje ababyeyi bese  
umugisha, na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa, Mariya Mutagatifu Mubyeyi  
w’Imana, uraje udusabira twe abanyabyaha, kuri ubu n’iteka ryose. Amina. X  
bavuga kuri ubu n’igihe tuzapfira, amina.

Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk’uko bisanzwe iteka, ni Yuhahwe n’ubu n’iteka ryose. Amina. 2x

Karame.  
Nzabikora.  
Nzajyayo.  
Mujye muntiza imbaraga.  
Ndabyemeye.

*Valentine akomeje amasengesho.*

Ni Yubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk’uko bisanzwe iteka, ni Yubahwe n’ubu n’iteka ryose. Amina. 3x

Mariya utasamanywe icyaha, uraje udusabira twese abaguhungiyeho.

Yozefu Mutagatifu, udusabire.

Batagatifu bose bo mw’ijuru, mudusabire.

Bamalayika barinzi bacu, mudusabire.

**Bikira Mariya:**

Bana banjye, muryoherwe.

**Valentine:**

Ku’Izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.  
Mwirirwe, Maman.

*Valentine aregukiye inyuma, aragwa.*

**N.B.:**

Abantu benshi banyoye amazi y’umugisha ku rushyi, abandi ku gacupa. Abo tuzi amazina n’abo tutazi amazina n’abandi arayabatera.

**ABAFASHE AMAJWI:**

Kayihura Jean Claude  
Sebisaho Stefan  
Igihozo François  
Nyiransabimana Immaculée

Kantamage Léoncie  
Uwimana Pacifique  
Mukaneza Dativa  
Bonduelle Françoise  
Ilibagiza Immaculée

**ABANDUKUYE UBUTUMWA MU KINYARWANDA:**

Nyiransabimana Immaculée  
Kantamage Léoncie  
Bonduelle Françoise

Bikozwe tariki ya 14-06-2016

**ABAKOSOYE IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA:**

Rwabuzisoni Côme  
Hategekimana Jean-Baptiste.